

ISHAKIRO

1

1	IBYIZA BYO GUSOMA QOR'AN	2
2	QORAN NTAGATIFU (ikicumi cya nyuma)	4
3	IMYIZERERE: Ibibazo bya ngombwa kubuyislam no kwemera n'ibice bya Tauhidi, n'ibice by'uburyarya n'ibangikanya no gukorera ijisho n'ubuhakanyi...	69
4	IBIKORWA BY'UMUTIMA	88
5	IKIGANIRO GITUJE hagati ya Abdullah na Abdunnabiy	99
6	UBUHAMYA BUBIRI (Sharti zabwo)	114
7	UKWISUKURA NO GUSARI: Ukwisherera, uburyo isuku ikorwa; koga, tayammum, sharti z'iswala...	118
8	AMATEGEKO AGENGA UMUGORE	122
9	UMUGORE MURI ISLAM	125
10	ISENGESHO. (Iswala)	129
11	AMATURO (Zakaa): Amoko yayo, na sharti zayo	136
12	IGISIBO: Gutangira kwacyo, ibicyonona, igisibo cy'umugereka...	139
13	UMUTAMBAGIRO: Sharti zawo, uburyo ukorwa, n'inkingi zawo na Umrat.	142
14	IYI NI INSHAMAKE Y'IBIKORWA BYA HIJAT UKO BIKURIKIRANA	146
15	INYUNGU ZITANDUKANYE	147
16	RUQIYAT: Kugeragezwa ni ikimenyetso cya Imani. Ukwirinda uburozi n'ikijisho.	152
17	GUSABA: Umumaro wabyo n'ibice byabyo.	159
18	UBU NIBWO BUSABE BW'INGENZI UMUNTU AGOMBA GUFATA MU MUTWE NO GUSABA UBUKORESHEJE:	161
19	ADH'KAR: umumaro wayo n'inyungu yayo.	167
20	UBUSABE BWAKOMOTSE KU INTUMWA MUHAMAD BWA BURI MUNSI, MU GITONDO NA NIMUGORоба.	168
21	IBITEGETSWE: (82) mu byiza by'imvugo n'ibikorwa na gihamya.	172
22	IBIBUJIJWE: (66) mu mvugo n'ibikorwa na gihamya yabyo.	178
23	URUGENDO RW'UBUZIRA HERESO	182
24	UBURYO BWO KWISUKURA: Ingabire zabyo, n'uburyo bikorwa.	
25	UBURYO BWO GUSARI: Ingabire yo gusari n'uburyo bikorwa mu mashusho.	
26	UBUMENYI KUGENDANA NI N'IBIKORWA	

IBYZA BYO GUSOMA QOR'AN

Ishimwe n'iryi Mana (**Allah**) n'Amahoro n'Umugisha bisakare k'Umugaba wacu Intumwa y'Imana, no kubiwe, n'Abasangirangendo be.

Nyuma yibyo : **Qor'an** : *ni Amagambo y'Imana n'uburyo isumba andi magambo yose ni nkuko Imana isumba Ibiremwa byayo.*

No kuyisoma ni mubyiza Ururimi ruba rukoze.

KWIGA QOR'AN NO KUYIGISHA NO KUYISOMA HARIMO IBYZA BYINSHI MURIBYO.

IBIHEMBO BYO KWIGISHA QO'R'AN.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) ati : **Hadith** : *“Ufite akamaro muri mwe ni uziga Qor'an hanyuma Akayigisha”* Yakiriwe na Bukhariy.

IBIHEMBO BYO KUYISOMA.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) ati : **Hadith** : *“Uzaramuka asomye Inyuguti imwe mu Gitabo cy'Imana azandikirwa icyiza kandi icyiza gihemberwa icumi nkacyo”* Yakiriwe na Tir'midhiy.

IBYZA BYO KWIGA QOR'AN NO KUYIFATA MU MUTWE NO KUYISOMA NEZA.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) ati : **Hadith** : *“Urugero rw'Umuntu usoma Qor'an kandi yarayifashe mu mutwe uwo aba ari kumwe n'Abamalayika b'Intumwa batagatifu, n'Urugero rw'usoma Qor'an imukomereye uwo afite ibihembo bibiri gusa”* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) ati : **Hadith** : *“Umusomyi wa Qor'an azabwirwa ati: Soma uzamuke urwego usome neza nkuko wasomaga ku Isi kuko Urwego rwawe rugarukira ku Murungo wa nyuma wa Qor'an uri busome”* Yakiriwe na Tir'midhiy.

Al Khatwabi yaravuze ati: (Byaje mu Nkuru ko Umubare w'Imirongo ya Qor'an unganana n'Inzego zo mu Ijuru, Umusomyi wa Qor'an akazabwirwa ati: Zamuka urwego kugeza aho wajyaga usoma mu mirongo ya Qor'an, Uwasomye Qor'an yose akazurira kugera kumpera y'Inzego z'Ijuru kumperuka, Naho uwasomye igice cyimwe muriyo Urwego rwe ruzaba rungana naho yasomye, hanyuma Ibihembo bihebuje bikaba iby'Igisomo gihebuje.)

IBIHEMBO BY'UFITE UMWANA WIZE QOR'AN.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) ati : **Hadith** : *“Uzasoma Qor'an akayiga akayikoresha Ababyeyi be ku Munsu w'Imperuka bazambikwa Ikambary'Ururimi, Umucyo waryo usa n'Umucyo w'Izuba, bakanambikwa Imitako ibiri itaraboneka ku Isi bakavuga bati : Ni kuki twambitswe ibi? Babwirwe bati: Nuko Umwana wanyu yize Qor'an”* Yakiriwe na Hakim.

UKO QOR'AN IZAVUGANIRA NYIRAYO KUMPERUKA.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) ati : **Hadith** : *“Mujye musoma Qo'an kuko izaza ku munsu w'Imperuka ivuganira bene yo”* Yakiriwe na Muslim.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) ati : **Hadith** : *“Igisibo na Qor'an bizavuganira Umuntu ku munsu w'Imperuka”* Yakiriwe na Ahmad na Al Hakim.

IBIHEMBO BY'UGIYE HAMWE N'ABANDI KUGIRANGO BASOME QOR'AN KANDI BANAYIGE.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) ati : **Hadith** : *“Ntabwo abantu bazaterana mu nzu imwe mu manzu y'Imana basoma Igitabo cyayo banakigishanya uretse ko bazamanurirwa ituze bakanatwikirwa n'Impuhwe bakakirwa n'Abamalayika, Imana ikabavugaga mu biremwa biri kumwe nayo”* Yakiriwe na Abu Dauda.

IMIGENZO YO GUSOMA QO'RAN.

IBUN KAKHIR yaravuze ati: Imwe mumigenzo yo gusoma Qor'an ariyo : (Nta ugomba gufata Qor'an cyangwa kuyisoma adafite Isuku,Agomba koza mu Kanwa mbere yo kuyisoma,Agomba kwambara Imyambaro myiza,Agomba kwerekera Kiblat,Agomba guhagarika gusoma Igihe yayuye,Ntagomba guca Igisomo mo Kabiri kubera Ibiganiro,Uretse igihe byaba ngombwa,Agomba kuba ayishyizeho Umutima n'Ubwenge,Agomba guhagarara gato ku Murongo wa Qor'an wizeza Ibyiza akabisaba, Naho ku Murongo wa Qor'an uburira akicyinga ku Mana,Ntagomba gusiga Umusafu ufunguye,Ntanagomba kugira icyo awugereka hejuru,Ntagomba kugaragaza Abasomyi bamwe hejuru y'abandi mu Gusoma,Ntagomba gusomera mu masoko cyangwa ahantu hari Imyanda)

QOR'AN ISOMWA ITE? : ANAS (Imana.I) yabajijwe uburyo Intumwa MUHAMAD yasomaga aravuga ati: Yajyaga azamura ijwi cyane asoma **BIS'MILAH** **RAH'MAN** **RAHIMI** akazamura ijwi kuri **BIS'MILAH** akanarizamura kuri **ARAH'MAN** no kuri **A RAHIMI**) Yakiriwe na **Bukhariy**.

KONGERWA KW'IBIHEMBO BYO GUSOMA QOR'AN :
Buri wese Usoma Qor'an kubera Imana gusa ahabwa Ibihembo,ariko ibihembo by'Inyongera bikaba byinshi iyo uyisoma ayishyizeho Umutima anayitekerezaho anayisobanukirwa,Ibihembo by'Inyuguti imwe bikaba ari ibyiza Icumu kugeza kunshuro Maganarindwi(700).

QOR'AN UMUNTU AGOMBA GUSOMA KU MANWA NA NI JORO : Abasongirangendo b'Intumwa MUHAMAD bajyaga bigenera Igeno muri Qor'an buri muni Ntabwo umwe muribo yayisozaga mu muni iri muni y'Irindwi, Ndetse hari n'Imvugo ibuzwa Umuntu kuyisoma akayirangiza mu muni itagera kuri itatu (3).

Muvandimwe rero shyiraho Umwete mukurangiza Igihe cyawe mu gusoma Qor'an wishyirireho buri muni ikigero ntarengwa ugomba gusoma uko byagenda kose.

Kandi umenye ko bikeya bihoraho ari byiza kuruta ibyinshi bizahagarara,Nuramuka wibagiwe cyangwa waryamye ntusome uwo muni ushobora kwishyura ejo.

Intumwa MUHAMAD (^{Allah amuhe}amahoro ^{n'imigisha}) ati: **Hadith** : *“Uzaryama atarangije gusoma Igihe muri Qor'an akagisoma hagati y'Isengesho rya Al Fajir na Adhuhur,azandikirwa nk'uwashyuye ni joro”* Yakiriwe na **Muslim**.

Uramenye rero ntazabe mu bimutse Qor'an bakayibagirwa, kuburyo ubwo aribwo bwose, Nko kwimuka Igisomo cyayo,cyangwa kuyitekerezaho,cyangwa kuyikoresha,cyangwa kuyigira Umuvugizi.

KUNOZA IGISOMO (TAJ'WID) KUBURYO BWOROSHYE: 1.SOBANURA TAJ'WIDI ICYO ARICYO MU RURIMI RW'ICYARABU NO M'UBUMENYI BW'IDINI?

* **TAJ'WID MU RURIMI RW'ICYARABU** : ni Ukonoza no Gutunganya.

* **MU BUMENYI BW'IDINI TAJ'WID** : Ni uguha buri nyuguti ibyo igomba, no Kuzitondeka uko bigomba, no Kuzishyira mu Nzego zazo,no Gushyira buri nyuguti aho igomba gusohokera igihe Usoma, no kuyikura ku nkomoko yayo,no Kuyijyanisha niyo bihwanye kandi biasa, no Kuyiha ijwi rikwiye, no Koroshya uburyo ivugwa ukurikije uburyo ivugwa nuko iteye,wirinda kugabanya cyangwa guhimba.


Surat Al Fatihat: Urufunguzo. Yamanukiye Makka. Ifite Ayat: 7.

Iyi Surat yiswe Urufunguzo rw'igitabo, kuko iyo Surat ariyo ibanziriza Qor'an, kuko kandi ariyo ushaka kwandika Qor'an aheraho mu musafu, ikaba ari nayo usoma Qor'an aheraho asoma mu gitabo cy'Imana, ariko iyo Surat siyo ya mbere yamanutse muri Qor'an, bavugako iyi Surat yamanukiye Makka, abandi bakavuga ko yamanukiye Madina, yitwa urufunguzo rw'igitabo, ikitwa Nyina w'igitabo, Ayat zirindwi, Surat y'ishimwe, Surat y'Isuala, Urukingo, mu byiza byavuzwe kuri iyi Surat hari Hadith nyinshi muri zo: Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: "Al hamdulilahi rabil alamina ni Ayat zirindwi ikaba na Qor'an ikomeye nahawe" **Yakiriwe na Bukhariy na Ahmad.**

1 **Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe Nyirimbabazi.** Ntabwo Bismilahi ari Ayat ku ntangiriro ya buri Surat za Qor'an, ahubwo ni Ayat itandukanya buri Surat ebyiri, ni byiza kuyisoma uretse kuri Surat Taubat ho si byiza. **(ALLAH)** Izina bwite ridashobora kwitwa undi utari Imana, inkomoko yaryo ni ILAHU ariko mbere yuko havanwaho zimwe mu nyuguti iryo zina ryitwaga buri kintu cyose gisengwa cyaba Imana y'ukuri cyangwa itari ukuri, ariko iryo zina riza guhama ku Mana y'ukuri. **(ARAHMAN RAHIMI)** ni amazina abiri akomoka ku ijamba impuhwe ariko RAHMANU rikaba ari izina ryumvikana mo impuhwe kuruta **ARAHIMU** kandi **ARAHMAN** ntabwo ryigeze rikoreshwa ku kitari Imana Nyagasani.

2 **AL HAMDU LILAH:** N'i ugusingiza k'ururimi k'ubushake bwose kandi gusingiza bikorwa n'ururimi gusa, naho gushimira byo bikorwa n'ururimi ndetse n'umutima n'ibihimba, kandi gushimira bibaho iyo hari icyiza wakorewe, naho gusingiza bikabaho kubera ubutagatifu bw'usingizwa nubwo nta cyiza waba wakorewe Imana Nyagasani rero ikaba igomba gusingizwa no gushimirwa, **RABUL ALAMINA:** Rabu ni izina mu mazina y'Imana Nyagasani ridakoreshwa k'uwundi wese ritanzwe kurindi nko kuba wavuga uti: Umugabo ni Shebuja w'urugo, Shebuja kandi buvuga umutunzi, akaba utunganya akanayobora akaba kandi usengwa naho ibiremwa byose ni ibiriho byose bitari Imana kandi ab'isi biba bishaka kuvuga ibiremwa bifite ubwenge gusa

سُورَةُ الْفَاتِحَةِ



Abamalayika n'Amashitani.

3 Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi, Imana imaze gusingizwa ko ari Shebuja w'ibiriho byose byateye ubwoba maze bikurikirana na Nyirimpuhwe Nyirimbabazi kuko ayo mazina yombi akubiyemo gukundisha kugirango Imana ikubire mu bisingizo byayo gutinyisha no gukundisha bityo bigafasha kumvira.

4 Umwami w'umunsi w'ibihembo, kubera ibikorwa bye n'icyubahiro cye, umunsi wanyuma ni umunsi w'ibihembo bya Nyagasani ku biremwa bye, Qatadat yaravuze ati: (Umunsi w'ibihembo ni umunsi Imana izahembaho abagaragu bayo kubera ibikorwa byabo.

5 Ni Wowe gusa tugaragira ni na We gusa twiyambaza, Kugaragira niyo ntambwe ya nyuma yo kubaha no kwicisha bugufi, mu Idini iryo jambo risobanuye igikorwa gikusanyije urukundo ruhebuje no kwicisha bugufi no gutinya, kugaragira rero byaje mbere yo kwiyambaza kuko kugaragira bikugeza ku kwiyambaza, invugo yaturutse kuri Ibun Abasi ku ijamba ry'Imana rigira riti: (Ni wowe gusa tugaragira ni na we gusa twiyambaza) ni wowe dusenga wenyine tukanagutinya Nyagasani waci nta wundi utari wowe kandi ni wowe twiyambaza mu kukugandukira ndetse no mubyacu byose.

6 Tuyobore inzira igororotse, umuyoboro urimo ibice bibiri: Umuyoboro w'inkunga y'Imana (Tawufiqi): Uyu muyoboro ni umwihariko w'Imana gusa, ariho haturuka ijamba ry'Imana rigira riti: "Mukuri wowe ntiwabasha kuyobora uwo ushaka ariko Imana iyobora uwo ishatse" umuyoboro wa kabiri: Umuyoboro wo kwerekana inzira : Uwo muyoboro ni uwi ntumwa n'abahanuzi n'ababakurikiye mu bamenyi n'ababwiriza butumwa, ariho haturuka ijamba ry'Imana

Surat Al Mujadilat:

Umugore ujya impaka.

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat: 22.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

① Rwose Imana yumvise amagambo y'umugore ukugisha impaka k'umugabo we, anaregera Imana . imvugo yaturutse kuri AISHAT yaravuze ati: “Nyagasani aratagatifutse we wumva buri kintu, kuko nyewe numva amagambo ya KHAWULAT mwene THAALABAT amwe simbashe kuyumva, arimo kuregera Intumwa Muhamad umugabo we avuga ati: (Yewe ntumwa y'Imana yariye ubusore bwanjye inda yanjye iramubyarira kugeza ubwo ngeze muza bukuru, urubyaro rumaze gushira, maze arahira ko atazongera kunyegera, Mana nyewe ndamukuregera, Aishat aravuga ati: Ntuhaciye ho umwanya uretse ko Jibril yamanukanye izi ayat (Rwose Imana yumvise amagambo y'umugore ukugisha impaka k'umugabo we) ariwe AWUSI mwene SWAMIT umwe muri Ansariy (Abasangwa ba Madina) Imana yumva ukuganira kwanyu. Kandi Imana irumva ikanabona cyane.

② Babandi barahirira abagore babo ko batazongera kuryamana nabo babaye ikizira kuribo nkaba nyina kandi bo atari ba nyina ari ikinyoma bivugira, iyi mvugo iracyaha cyane abakora icyo gikorwa. Ba nyina ni abababyaye gusa. Mu by'ukuri bo baravugaga amagambo mabi y'ikinyoma. Idini yanga yo kugereranya umugore aryamana nawe na nyina muri iyo mvugo harimo agasuzuguro gakabije kuri nyina, Mu by'ukuri Imana ibabarira cyane kandi ibabarira ibyaha cyane kuba yarabashyiriyeho uburyo bwo kuva .

③ Abarahirira kutazongera kuryamana na bagore babo hanyuma bakisubiraho ku byo bavuze; icyiru cyabo bagomba kurekura umucakara mbere yuko bakora imibonano n'abagore babo iryo ni itegeko mutegetswe. Imana ni Umumenyi w' ibyihishe mu byo mukora.

④ Utamubonye, agomba gusiba amezi abiri akurikiranye atishe umunsi n'umwe mbere y'uko akorana nawe imibonano, iyo agize umunsi yicamo nta mpamvu yongera gutangira bundi bushya. Utadashoboye gusiba amazi abiri akurikirana , agomba kugaburira abakene mirongo itandatu, buri wese agahabwa cya Swai cy'umuceri ingano itende n'ibindi, kandi ashobora no kubaha ibiryo bitunganyijwe cyangwa akabaha ibyabahaza. Ibyo ni ukugira ngo mwemere ko Imana yabitegetse kandi kugirango mwe kurengera imbibi z'amategeko yayo ntimukongere gukora igikorwa cyo

سُورَةُ الْمُجَادِلَاتِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

قَدْ سَمِعَ اللَّهُ قَوْلَ الَّتِي تُجَادِلُكَ فِي زَوْجِهَا وَتَشْتَكِي إِلَى اللَّهِ وَاللَّهُ يَسْمَعُ تَحَاوُرَكُمَا إِنَّ اللَّهَ سَمِيعٌ بَصِيرٌ ①
الَّذِينَ يُظَاهِرُونَ مِنْكُمْ مَنْ نَسَأَ بِهِمْ مَا تُهْتَمُّ بِهَا هُنَّ أُمَّهَاتُهُمْ إِنْ أُمَّهَاتُهُمْ إِلَّا الَّتِي وَلَدْنَهُمْ وَإِنَّهُمْ لَيَقُولُونَ مُنْكَرًا مِنَ الْقَوْلِ وَزُورًا وَإِنَّ اللَّهَ لَعَفُوفٌ غَفُورٌ ②
وَالَّذِينَ يُظَاهِرُونَ مِنْ نِسَائِهِمْ ثُمَّ يَعُودُونَ لِمَا قَالُوا فَتَحْرِيرُ رَقَبَةٍ مِنْ قَبْلِ أَنْ يَتَمَاسَا ذَلِكَ تَوْعَظُونَ بِهِ ③ وَاللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ خَبِيرٌ ④
فَمَنْ لَمْ يَجِدْ فَصِيَامَ شَهْرَيْنِ مُتَتَابِعَيْنِ مِنْ قَبْلِ أَنْ يَتَمَاسَا فَمَنْ لَمْ يَسْتَطِعْ فَاطْعَامَ سِتِّينَ مِسْكِيْنًا ذَلِكَ لِمَنْ تَوَضَّعُوا لِلَّهِ وَرَسُولِهِ ⑤ وَذَلِكَ حُدُودُ اللَّهِ وَلِلْكَافِرِينَ عَذَابٌ أَلِيمٌ ⑥
إِنَّ الَّذِينَ يُحَادِّثُونَ اللَّهَ وَرَسُولَهُ لَعَنُوا كَمَا كُتِبَ لِلَّذِينَ مِنْ قَبْلِهِمْ وَقَدْ أَنْزَلْنَا آيَاتٍ بَيِّنَاتٍ وَلِلْكَافِرِينَ عَذَابٌ مُهِينٌ ⑦
يَوْمَ يَبْعَثُهُمُ اللَّهُ جَمِيعًا فَيُنَبِّئُهُمْ بِمَا عَمِلُوا أَحْصَاهُ اللَّهُ وَسُوهُ وَاللَّهُ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ شَهِيدٌ ⑧

igororotse” iyi ayat iragaragaza imiyoboro ibiri kuko Imana ariyo iyobora umuntu ku bikorwa byiza ikaba ari nayo yohereje intumwa ngo zibitwereke, Inzira igororotse: Mururimi rw'icyarabu bisobanuye inzira itarimo inzitizi nimwe, ariyo inzira ya Islam.

⑦ Inzira y'abo wahundagajeho inema, itari iy abarakariwe cyangwa abayobye, aribo bavuzwe mu ijambo ry'Imana rigira riti: “Uzumvira Imana n'Intumwa uwo azaba kumwe nabo Imana yahundagaje ho inema zayo mu bahanuzi n'abanyakuri n'abaguye k'urugamba n'abantu beza, kandi abo nibo nshuti nziza, abarakariwe : Ni abayahudi kuko bamenye ukuri barakureka baguca k'uruhande kandi bakuzi bityo biba ngombwa ko Imana ibarakarira, Imvugo yaturutse kuri Ahmad na Ibun Majah bayikomoye ku Intumwa Muhamad yaravuze ati: “Nta kintu abayahudi babagirira ho ishyari nk'iryo babagirira kuri Salamu na Amina”, Naho abayobye: Ni abakristu kuko baciye ukubiri n'ukuri kubera ubujiji, bityo bahama mu mwijima ukomeye, kubyerekeye Yesu, Amina bikaba bisobanuye: Mana twakirire ubusabe bwacu.

kurahira ko utazongera kuryamana n'umugore wawe abaye ikizira nka nyoko akaba ari amagambo mabi kandi y'icyinyoma. Ibyo byose byavuzwe ni imbibi z'Imana yabashyiriyeho ibagaragariza ko kurahirira umugore wawe ko abaye nka nyoko ari ikizira, kandi icyiru cyabwo gituma habaho imbabazi no guhanagurirwa ibyaha. Kandi abahakanyi bafite ibihano bibabaza by'umuriro.

5 Mu by'ukuri abaca ukubiri n'Imana ndetse n'Intumwa yayo, barasuzugujwe nk'uko abariho mbere yabo basuzugujwe. Rwose twamanuye amagambo asobanutse. Kandi abahakanyi bafite ibihano bisuzugura.

6 Umunsi Imana ibazura abantu bose hamwe bari mu buryo bumwe, ikababwira ibikorwa bibi bakoze ku Isi mu rwego rwo kuzuza ibimenyetso, Imana yarabibaruye nta nakimwe kimwisobye bo barabyibagiwe maze bakabisanga uko byakabaye byanditse mu bitabo byabo. Kandi Imana ni Umuhamba kuri buri kintu.

7 Ese ntubona ko Imana izi ibiri mu birere n'isi kandi ntakimwisoba muri byo? Nta bantu batatu bongorerana uretseko Imana iba ari iya kane yabo nta na batanu bongorerana uretse ko Imana iba ari iya gatandatu yabo, cyangwa muni yabo nk'umwe cyangwa babiri ntanabarenze abo nka batandatu cyangwa barindwi uretseko Imana iba iri kumwe na bo aho bari hose. Hanyuma Imana ikazababwira k'umunsi w'imperuka ibyo bakoraga kugirango bamenye ko ibyo bongoreranaga nta na kimwe cyabaye ibanga ibyo bikaba ari no kugaragariza abongorerana ibibi kubacyaha. Mu by'ukuri Imana ni Umumenyi cyane kuri buri kintu.

8 Ese ntubona ababujijwe kongorerana nyuma bagasubira ku byo babujijwe, Abayahudi iyo hagiraga umwemera ubanyuraho barongoreranaga kugeza ubwo umwemera akeka ko hari ikibi gihari, nuko Imana irabibabuza banga kubireka hamanuka amagambo agira ati: Bakongorerana bavuga abemera banababuza amahoro nko kubavugaho ibinyoma no kubavugaho amahugu ndetse no kubagirira urwango no kwigomeka ku Intumwa? Iyo baje bagusanga, bagusuhuza mu ndamutso Imana itagusuhujemo, Abayahudi iyo bageraga ku Intumwa y'Imana baravugaga bati: A SAAM ALAYIKA bagamije kumvisha ko bamusuhuje mu ndamutso ya Salamu ariko bagamije kumwifuriza urupfu mu mitima yabo, Intumwa Muhamad nawe akavuga ati: Namwe bibabeho, bakavuga mu mitima yabo ubwabo bati: Iyo Muhamad aza kuba ari Intumwa Imana yari kuba yaraduhanye kubera kumusuzugura,

أَلَمْ تَرَ أَنَّ اللَّهَ يَعْلَمُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ مَا يَكْتُوْنَ مِنْ نَجْوَى ثَلَاثَةٍ إِلَّا هُوَ سَادُّهُمْ وَلَا أَدْنَى مِنْ ذَلِكَ وَلَا أَكْثَرَ إِلَّا هُوَ مَعَهُمْ إِنْ مَا كَانُوا يُمَيِّنُهُمْ بِمَا عَمِلُوا يَوْمَ الْقِيَامَةِ إِنَّ اللَّهَ بِكُلِّ شَيْءٍ عَلِيمٌ ﴿٧﴾ أَلَمْ تَرَ إِلَى الَّذِينَ نَهَوْنَا عَنِ النَّجْوَى ثُمَّ يَعُودُونَ لِمَا نَهَوْنَا عَنْهُ وَيَنْجُوْنَ بِالْإِنْتِمِ وَالْعُدْوَانِ وَمَعْصِيَةِ الرَّسُولِ وَإِذْ جَاءُوكَ حَيَّوْكَ بِمَا لَمْ يَحْكِكْ بِهِ اللَّهُ وَيَقُولُونَ فِي أَنْفُسِهِمْ لَوْلَا يُعَذِّبُنَا اللَّهُ بِمَا نَقُولُ حَسْبِهِمْ جَهَنَّمُ بَصُلُوْنَهَا فَيَنْسُ الْمَصِيْرُ ﴿٨﴾ يَأْتِيهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا إِذَا تَنْجَيْتُمْ فَلَا تَنْجُوْنَ بِالْإِنْتِمِ وَالْعُدْوَانِ وَمَعْصِيَةِ الرَّسُولِ وَتَنْجُوْنَ بِالْبِرِّ وَالْتَّقْوَىٰ وَأَتَقُوا اللَّهَ الَّذِي إِلَيْهِ تُحْشَرُونَ ﴿٩﴾ إِنَّمَا النَّجْوَىٰ مِنَ الشَّيْطَانِ لِيَحْزَنَ الَّذِينَ ءَامَنُوا وَلَيْسَ بِضَارِّهِمْ شَيْئًا إِلَّا بِإِذْنِ اللَّهِ وَعَلَى اللَّهِ فَلْيَتَوَكَّلِ الْمُؤْمِنُونَ ﴿١٠﴾ يَأْتِيهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا إِذَا قِيلَ لَكُمْ تَفَسَّحُوا فِي الْمَجَالِسِ فَافْسَحُوا يَفْسَحِ اللَّهُ لَكُمْ وَإِذَا قِيلَ انشُرُوا فَانْشُرُوا فَيُرْفِعَ اللَّهُ الَّذِينَ ءَامَنُوا مِنْكُمْ وَالَّذِينَ أُوتُوا الْعِلْمَ دَرَجَاتٍ وَاللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ خَبِيرٌ ﴿١١﴾

cyangwa iyo aza kuba ari Intumwa koko Imana yari kwakira ubusabe bwe kuri twe mu mvugo ye ngo: bibabeho namwe urupfu rwari guhita rutugeraho, ariko umuriro wa Jahanama bazinjira urabahagije, Kandi ni ryoshyikiro ribi.

9 Yemwe abemeye! Nimwongorerana ntumukongorerane gukora ibyaha, ububisha, no kwigomeka ku Intumwa, nkuko Abayahudi n'indyarya babikora. Ahubwo mujye mwongorerana gukora ibyiza no kuganduka. Kandi mutinye Imana yo muzakoranirizwa ho ikabahemba ibikorwa byanyu.

10 Mu by'ukuri kongorera mu bibi n'urwango no kwigomeka ku Intumwa bituruka ku ngamba n'ibishuko bya Shitani kugira ngo itere agahinda. Kandi shitani cyangwa uko kongorerana ntacyo byatwara abemera na kimwe keretse k'ubushake b'Imana. Bityo Abemera nibiringire Imana gusa mu byabo byose kandi banikinge kuriyo Shitani kandi ntibite ku bishuko byayo, Imvugo yaturutse mu bitabo bya BUKHARIY na MUSLIM nabandi ikomotse kuri IBUN MAS'UDI yaravuze ati: "Nimuba muri batatu ababiri ntibakongorerane basize uwa gatatu kuko ibyo bimutera agahinda".

11 Imana Nyagasani ibategeka umuco mwiza muribo ubwabo wo kwagura ibyicarwo bakirinda



يَتَّيِبُهَا لِلَّذِينَ ءَامَنُوا إِذَا نَجَّيْتُمُ الرَّسُولَ فَقَدِمُوا بَيْنَ يَدَيْ جُنُودِكُمْ
صَدَقَةٌ ذَلِكَ خَيْرٌ لَّكُمْ وَأَطْهَرُ فَإِن تَرْتَدُّوا فَإِنَّ اللَّهَ غَفُورٌ رَّحِيمٌ
﴿١٢﴾ ءَأَشْفَقْتُمْ أَن تُقَدِّمُوا بَيْنَ يَدَيْ جُنُودِكُمْ صَدَقْتِ فَإِذ تَرْتَقِعُوا
وَتَابَ اللَّهُ عَلَيْكُمْ فَأَقِيمُوا الصَّلَاةَ وَءَاتُوا الزَّكَاةَ وَأَطِيعُوا اللَّهَ
وَرَسُولَهُ. وَاللَّهُ خَبِيرٌ بِمَا تَعْمَلُونَ ﴿١٣﴾ أَلَمْ تَرَ إِلَى الَّذِينَ نَزَّلْنَا
عَلَيْهِمُ اللَّهُ عَلَيْهِم مَّا هُمْ مِنكُمْ وَلَا مِنْهُمْ وَيَحْلِفُونَ عَلَى الْكُذِبِ
وَهُمْ يَعْلَمُونَ ﴿١٤﴾ أَعَدَّ اللَّهُ لَهُمْ عَذَابًا شَدِيدًا إِنَّهُمْ سَاءَ مَا كَانُوا
يَعْمَلُونَ ﴿١٥﴾ اتَّخَذُوا أَيْمَانَهُمْ جُنَّةً فَصَدُّوا عَن سَبِيلِ اللَّهِ فَلَهُمْ
عَذَابٌ مُّهِينٌ ﴿١٦﴾ لَن نَغْنِي عَنْهُمْ ءَمْرَهُمْ وَلَا أَوْلَادَهُمْ مِنَ اللَّهِ
شَيْئًا أُولَئِكَ أَصْحَابُ النَّارِ هُمْ فِيهَا خَالِدُونَ ﴿١٧﴾ يَوْمَ نَبْعَثُ
اللَّهُ جَمِيعًا فَيَحْلِفُونَ لَهُ، كَمَا يَحْلِفُونَ لَكَ، وَيَحْسَبُونَ أَنَّهُمْ عَلَى شَيْءٍ ءَلَّا
إِنَّهُمْ هُمُ الْكَاذِبُونَ ﴿١٨﴾ اسْتَحْوَذَ عَلَيْهِمُ الشَّيْطَانُ فَأَنسَاهُمْ ذِكْرَ
اللَّهِ أُولَئِكَ حِزْبُ الشَّيْطَانِ ءَلَا إِن حِزْبَ الشَّيْطَانِ هُمُ الْخَاسِرُونَ
﴿١٩﴾ إِنَّ الَّذِينَ يُحَادِّثُونَ اللَّهَ وَرَسُولَهُ ءَأُولَئِكَ فِي ءَأْذَلِينَ ﴿٢٠﴾
كَتَبَ اللَّهُ لَأَعْلَبُ بَكَ أَنَا وَرَسُولِي إِن كُنتَ فَؤُوسًا غَرِيْبًا ﴿٢١﴾

kubyigana muri byo igira iti: Yemwe abemeye! Nimubwirwa ngo mwagure ibyicar! Mujye mwagura, QATADA na MUJAHID baravuze bati: Bajyaga batanguranwa mu byicar by'Intumwa Muhamad nuko bategekwa kwagurirana ibyicar ubwabo ku bwabo, kugirango Imana namwe izabagurire ijuru, iryo rikaba ari itegeko muri buri byicar abayisumu bateraniye mo ku neza byaba ibyicar bya by'intambara cyangwa gusingiza Imana cyangwa inyigisho za Khutubat z'Ijuma, buri wese afite uburenganzira mu mwanya we yatanzemo abandi, ariko akaba asabwa kwagurira mugenzi we, Intumwa Muhamad yaravuze ati: "Ntihakagire uhagurutsa umuntu mu cyicar cye ngo acyicaremo ahubwo mujye mwagura icyicar. Nimunabwirwa ngo muhaguruke mu byicar byanyu hicare abanyacyubahiro mu idini n'abamenyi bajye bahaguruka, kuko Imana izamura mu nzego abamenyi ibaha icyubahiro ku Isi ndetse n'ibihembo ku mperuka, umuntu ufite ukwemera n'ubumenyi, Imana imuzamura inzego kubera ubumenyi bwe, hanyuma kandi ikamuzamura inzego nanone kubera ubumenyi bwe, no muri byo harimo kumuha icyubahiro mu byicar.

﴿12﴾ Yemwe abemeye! Nimushaka kongorera Intumwa mu bintu byanyu, mujye mubanza mutange isadaka, Iyi ayat imaze kumanuka abanyamafuti bongoreraga Intumwa bahise barekera kuko ntacyo bashakaga gutanga mugihe bagiye kumwongorera, ariko ibyo byaje kuremerera abemera birinda kumwongorera kubera ko ntabushobozi abenshi muribo bari bafite bwo gutanga isadaka, nuko Imana iza kuborohera muri ayat ikurikira iyi. Ibyo byo gutanga isadaka mu kongorera ni byo byiza kandi bisukuye kuri mwe kubera ko harimo kumvira Imana, ariko nihagira utazabasha kubona iyo sadaka nta kibazo ashobora kumwongorera ntayo atanze.

﴿13﴾ Ese muratinyo ubutindi kubera gutanga Isadaka mbere yo kongorera Intumwa? Muqatil yaravuze ati: (Iryo tegeko ryabayeho iminsi icumi gusa nuko risimbuzwa irindi, nimuramuka mudatanze isadaka mugihe mwongorera Intumwa kubera ko bibaremerewe, Imana yarabababariye ibaha uburenganzira bwo kuyireka, bityo nimunanirwa gutanga isadaka kubera kongorera mujye mushikama ku guhozaho Iswala no gutanga Zakat no kumvira Imana n'Intumwa yayo, kandi Imana izabahembera ibikorwa byanyu.

﴿14﴾ Ese ntimubona babandi bakunze abantu Imana yarakariye? (indyarya zakunze abayahudi) nti bari muri mwe si abo muri mwe cyangwa muri bo banarahira ikinyoma kandi babizi.

﴿15﴾ Imana yabateguriye ibihano bikaze kubera uko kwirengagiza no kurahira mu binyoma. Mu by'ukuri bo, ibyo bakoraga ni bibi.

﴿16﴾ Bagize indahiro zabo barahiraga ko bari mubayisumu ingabo ibarinda kwicwa kubera ubuhakanyi bityo indimi zabo ziremera kubera gutinya urufu ariko imitima yabo ntiyemera, bakumira abantu ku inzira y'Imana (Islam) kubera uko bafobya abayisumu. Bafite ibihano bisuzuguzwa.

﴿17﴾ Imitungo yabo cyangwa abana babo, nta kintu bizabamarira ku Mana. Abo ni abantu bo mu muriro bazawubamo ubuziraherezo.

﴿18﴾ Umunsi Imana izabazura bose, bakayirahirira mu binyoma nk' uko babarahiriraga ku Isi bavuga bati: Turahirira Nyagasani wacu ku tutigeze dukora dutya ibyo n'ibigaragaza ububi bwabo bukabije ariko ukuri ku muni w'imperuka kuzaba kwashyizwe ahagaragara, bakekako ku mperuka za ndahiro zabo z'ibinyoma zizabagirira akamaro cyangwa bikabarinda ibibi nkuko babyibwiraga ku Isi, Mumenyeko rwose bo ari ababeshyi.

﴿19﴾ Baganjijwe na Shitani ibibagiza kwambaza

Imana no gukora ibyo bategetswe. Abo ni agatsiko ka Shitani kandi agatsiko ka Shitani niko kahombye kuko baguranye ijuru umuriro, n'umuyoboro ubuyobe babeshyera Imana n'Intumwa yayo bazagira igihombo ku Isi no ku mperuka.

20 Babandi baca ukubiri n'Imana ndetse n'intumwa yayo, abo bari mubo Imana yasuzuguye ku Isi no ku mperuka.

21 Imana yaciye iteka ko ariyo izatsinda n'intumwa zayo kubera ibimenyetso n'ubushobozi. Mu by'ukuri Imana ni umunyembaraga urokora abakunzi be unesha abanzi be.

22 Ntuzasanga abantu bemera Imana n'umunsi w'imperuka bakunda abaciye ukubiri n'Imana n'Intumwa yayo, n'ubwo baba ari ababyeyi babo cyangwa abana babo cyangwa abavandimwe babo cyangwa imiryango yabo. Abo Imana yashimangiye mu mitima yabo ukwemera, inabashyigikiza Roho iturutse kuri yo (kubaha intsinzi y'abanzi babo ku Isi), azanabinjiza mu majuru atembamo imigezi bazabamo ubuziraherezo. Imana yarabishimiye ibababarira ibyaha inabahundagazaho inema zayo zo kw'Isi no ku mperuka, na bo bishimira ibyo Imana yabahaye kw'Isi no ku mperuka. Abo nibo tsinda ry'Imana bakurikiza amategeko yayo banarwanya abanzi bayo kandi bakarokora abakunzi b'Imana. Mumenyeko itsinda ry'Imana ari ryo rizatsinda ku Isi no kumperuka, Imvugo yaturutse kuri IBUN ABI HATIMI na TWABARANIY na AL HAKIMI : Ise wa ABU UBAYIDAT mwene JARAHI yajyaga ashakisha ABU UBAYIDAT mu ntambara ya Badri, ABU UBAYIDAT akamuhunga, akomeje kumuhiga cyane ABU UBAYIDAT aramwica, nuko hamanuka iyi ayat.

Surat Al Hash'r: Ugukoranya.

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat: 24.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibiri mu birere n'ibiri mu isi bisingiza Imana. Kandi Imana ni umunyengufu utsinda kandi ushishoza.

2 Imana niyo yamenesheje abahakanye mu bahawe ibitabo mu ngo zabo (Banu Nadwiri : agatsiko k'Abayahudi igisekuru cya Haruna) bageze Madinat mu migambi y'Abayisraheri, bica amasezerano bagiranye n'Intumwa bifatanyaga n'ababangikanyamana mukumurwanya, nuko Intumwa Muhammad arabagota kugeza ubwo bemeye kwimuka, Al Kalibiy yaravuze ati: Akaba aribo babaye aba mbere kwimurwa mu kigobe cy'Abarabu, nyuma abandi birukanwa ku gihe cya Umari kwirukanwa kwabo kwabaye ku ikoraniro rya mbere rya Madinat,

لَا يَجِدُ قَوْمًا يُؤْمِنُونَ بِاللَّهِ وَالْيَوْمِ الْآخِرِ يُوَادُّونَ مَنْ
حَادَّ اللَّهَ وَرَسُولَهُ. وَلَوْ كَانُوا آبَاءَهُمْ أَوْ أَبْنَاءَهُمْ
أَوْ إِخْوَانَهُمْ أَوْ عَشِيرَتَهُمْ أُولَئِكَ كَتَبَ فِي قُلُوبِهِمُ
الْإِيمَانَ وَأَيَّدَهُم بِرُوحٍ مِّنْهُ وَيَدَّخُلُهُمْ جَنَّاتٍ تَجْرِي
مِنْ تَحْتِهَا الْأَنْهَارُ خَالِدِينَ فِيهَا رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمْ وَرَضُوا
عَنْهُ أُولَئِكَ حِزْبُ اللَّهِ أَلَا إِنَّ حِزْبَ اللَّهِ هُمُ الْمُفْلِحُونَ **٢٣**

سُورَةُ الْحَشْرِ
رَبِيعِ ٥٩
بَنِي ٢٤

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
سَبَّحَ لِلَّهِ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ وَهُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ
١ هُوَ الَّذِي أَخْرَجَ الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْ أَهْلِ الْكِتَابِ مِنْ دِيَارِهِمْ
لِأَوَّلِ الْحَشْرِ مَا ظَنَنْتُمْ أَنْ يَخْرُجُوا وَظَنُّوا أَنَّهُمْ مَانِعَتُهُمْ
حُصُونُهُمْ مِنَ اللَّهِ فَأَنذَهُمُ اللَّهُ مِنْ حَيْثُ لَمْ يَحْتَسِبُوا وَقَدَفَ
فِي قُلُوبِهِمُ الرُّعْبَ يُخْرَجُونَ بِيُؤْمِهِمْ بِأَيْدِيهِمْ وَأَيْدِي الْمُؤْمِنِينَ
فَاعْتَبِرُوا يَا أُولِيَ الْأَبْصَارِ **٢** وَلَوْ لَا أَنْ كَتَبَ اللَّهُ عَلَيْهِمُ
الْجَلَاءَ لَعَذَّبَهُمْ فِي الدُّنْيَا وَلَهُمْ فِي الْآخِرَةِ عَذَابُ النَّارِ **٣**

hanyuma ikoraniro rya kabiri rya Madinat ryo kubirukana riba ku gihe cya Umari, bavuga ko ikoraniro rya nyuma ari iry'abantu bose k'urubuga rw'ibarura, ntimwaketseko yemye bayislamu ko Bani Nadwir basohoka mu mago yabo kubera icyubahiro cyabo n'imbaraga zabo, bari batinze imitamwenwa, imirima y'itende ndetse n'abantu benshi. Banu Nadwir baketseko imitamwenwa yabo yabarinda ibihano by'Imana, ibihano by'Imana byabagezeho biturutse aho batakekaga, Imana itegeka Intumwa yayo kubarwanya no kubirukana kandi batakekaga ko byagera aho. Imana inaga mu mitima yabo igihunga Intumwa Muhammad yaravuze ati: "Narokojwe igihunga ahantu hangana n'urugendo rw'ukwezi" Basenya amazu yabo ubwabo hamwe n'Abemera, bamaze kubona ko ntashiti birukanwe bagiriye ishyari abayislamu ko batuye mu mazu yabo batangira kuzisenyera mo imbere abayislamu bazisenyera hanze, Zuhur na Uruwatu mwene Zubayiri baravuze bati: Intumwa Muhammad amaze kwemerera ko bazahabwa ibiribwa by'Ingamiya bashakaga imbaho cyangwa inkingi bagasenyama amazu yabo bagaheka ibikoresho ku ngamiya zabo ibisigaye abemera nabo bakabyangiza. Ni

ذَلِكَ بِأَنَّهُمْ شَاقُوا اللَّهَ وَرَسُولَهُ. وَمَنْ يُشَاقِ اللَّهَ فَإِنَّ اللَّهَ شَدِيدُ الْعِقَابِ ﴿٤﴾ مَا قَطَعْتُمْ مِّن لِّينَةٍ أَوْ تَرَكْتُمْ هَهَا قَائِمَةً عَلَىٰ أَسْوِلِهَا فَإِنَّ اللَّهَ وَلِيُّ الْمُؤْمِنِينَ ﴿٥﴾ وَمَا آفَاءَ اللَّهِ عَلَىٰ رَسُولِهِ مِنْهُمْ فَمَا أَوْجَفْتُمْ عَلَيْهِ مِن خَيْلٍ وَلَا رِكَابٍ وَلَكِنَّ اللَّهَ يُسَلِّطُ رَسُولَهُ عَلَىٰ مَنْ يَشَاءُ وَاللَّهُ عَلَىٰ كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ ﴿٦﴾ مَا آفَاءَ اللَّهِ عَلَىٰ رَسُولِهِ مِنْ أَهْلِ الْقُرَىٰ فَلِلَّهِ وَاللرَّسُولِ وَلِذِي الْقُرْبَىٰ وَالْيَتَامَىٰ وَالْمَسْكِينِ وَأَنَّ السَّبِيلَ كَيْ لَا يَكُونَ دُولَةً بَيْنَ الْأَغْنِيَاءِ مِنْكُمْ وَمَا آتَاكُمُ الرَّسُولُ فَخُذُوهُ وَمَا نَهَاكُمْ عَنْهُ فَانْتَهُوا وَاتَّقُوا اللَّهَ إِنَّ اللَّهَ شَدِيدُ الْعِقَابِ ﴿٧﴾ لِلْفُقَرَاءِ الْمُهَاجِرِينَ الَّذِينَ أُخْرِجُوا مِنْ دِيَارِهِمْ وَأَمْوَالِهِمْ يَبْتَغُونَ فَضْلًا مِنَ اللَّهِ وَرِضْوَانًا وَيَنْصُرُونَ اللَّهَ وَرَسُولَهُ أُولَئِكَ هُمُ الصَّادِقُونَ ﴿٨﴾ وَالَّذِينَ تَبَوَّءُوا الدَّارَ وَالْإِيمَانَ مِن قَبْلِهِمْ يُحِبُّونَ مَنْ هَاجَرَ إِلَيْهِمْ وَلَا يَجِدُونَ فِي صُدُورِهِمْ حَاجَةً مِّمَّا أُوتُوا وَيُؤْتُونَ عَلَىٰ أَنفُسِهِمْ وَلَوْ كَانَ بِهِمْ خَصَاصَةٌ وَمَنْ يُوقِ شَحْنًا نَفْسِهِ فَاُولَئِكَ هُمُ الْمُفْلِحُونَ ﴿٩﴾

mubikuremo isomo yemwe abafite ubwenge, mumenye ko Imana ikora bene ibyo k'uwu ariwe wese wica amasezerano akanaca ukubiri n'Imana!

3 Iyo Imana itaza kubategeka gusohoka mu bihugu byabo yari kubahanisha kwicwa no kunyagwa ku isi nkuko byakozwe kuri Bani Qurayidwan.

4 Ibyo ni ukubera kwanga Imana n'Intumwa yayo no kutubahiriza amasezerano kwabo biba ngombwa ko bahabwa ibihano.

5 Imitende mwatemye cyangwa iyo mwaretse ihagaze ku bitsinsi byayo, ni ku bw'uruhushya ry'Imana, no kugira ngo isuzuguze ibyigomeke.

6 N'ibyo Imana yahayeho Intumwa yayo mu mitungo ya Bani Nadwir bibaturutseho, nta bwo mwiwushye akuya mwihuta ku mafarasi cyangwa ingamiya kugirango mubigereho ntabwo mwahuye n'ingorane yewe nta n'intambara mwarwanye, ahubwo byari Madinat mu birometero bibiri gusa, nuko Imana iha Intumwa yayo imitungo ya Bani Nadwir yahinjijye ku neza afata imitungo yaho ntiyayigabanya abandi. Ariko Imana iteza intumwa zayo uwo ishaka. Kandi Imana ishoboye byose.

7 Ibyo Imana yahayeho Intumwa yayo

iminyago iturutse kubatuye mu midugudu nta mirwano ibyo n'ibyi Mana itegekamo uko ishatswe bikaba n'imitungo y'intumwa, no mu nyungu z'Abayislamu ndetse n'abakene bo hafi mu muryango w'Intumwa aribo Banu Hashim, Banu Al Mutwalib babandi baziririjwe kurya Sadaqa, ndetse n'imfubuyi n'abatindi, n'abari mu nzira y'Imana, Ibi bikaba ari ibisonanuro byabagomba guhabwa iminyago nyuma yuko Imana isobanura ko iminyago ari iy'Intumwa gusa, iryo rikaba ari itegeko kuri buri mudugudu wose wigaruriwe n'Intumwa y'Imana n'Abayislamu nta miryano ibayeho. Kugira ngo hatabaho ukwikanyiza hagati y'abakire muri mwe. Ibyo Intumwa izabaha mu minyago muzabyakire, n'ibyo Intumwa izababuzza gutwara mu minyago muzabireke. Kandi mutinye Imana, mu by'ukuri Imana ifite ibihano bikaze.

8 N'abatindi muri babandi bimukiye Madinat bameneshejwe mu ngo zabo bagasiga imitungo yabo, bashakisha amafunguro aturutse ku Mana hano ku Isi, no kwishimirwa nayo ku muni w'Imperuka, bakanarwana ku idini y'Imana n'Intumwa yayo barwanya abahakanyi, bahabwe mu minyago kugirango ibafashe. Abo ni bo bashikamye k'ukuri.

9 N'abatuye igihugu mbere y'abimukira (abasangwa ba Madinat), bakemera Imana n'Intumwa yayo, bakanakira abimukira bafatanyaga nabo mu mitungo yabo n'amago yabo ntabwo yari n'ishyari mu mitima yabo ku byo abimukira bahawe mu minyago ahubwo bakabyishimira, kandi abimukira bari mu mazu y'abasangwa, Intumwa Muhammad amaze kubona iminyago ya Bani Nadwir yahamagaye abasangwa ba Madinat arabashimira ibyo bakoreye abimukira, mukubatuza mu mazu yabo, no gufatanyaga nabo mu mitungo yabo, maze Intumwa Muhammad aravugaga ati: "Nimubishaka ndabagabanya iminyago Imana yampaye ya Bani Nadwiri mwebwe n'abimukira, kandi ubwo abimukira bari bakiri mu mazu y'abasangwa banafatanyije nabo imitungo y'abasangwa, kandi nimubishaka ndaha abimukira mu minyago bawe mu mazu zanyu" bemera ko iminyago ayigabanya abimukira banezerewe, ariko iyi Hadith Shaukaniy ntiyavuze uwayisohoye, no mugitabo cya SIRA ya IBUN HISHAM yaravuze ati: (Intumwa Muhammad yagabanyije iminyago ya Bani Nadwiri abimukira ntiyahamuye abasangwa na kimwe). Barutisha abimukira bo ubwobo mu mitungo y'Isi nubwo baba babikeneye cyane cyangwa bafite

ubutindi. Uwo Imana yarinze umururumba w'iby'Isi n'ubugugu bw'umutima we, agatanga ibyo asabwa n'amategeko y'Imana gutanga nka Zakat, abo ni bo bakiranutse.

10 N'abaje nyuma yabo (aribo abakurikiye abasangirangendo mu byiza kugeza ku muni w'imperuka) baravuga bati: Nyagasani wacu! Duhanagureho ibyaha na bavandimwe bacu batubanjirije mu kwemera bakunda ababatanze kwemera mu bimukira n'amasangwa, banabasabira imbabazi z'ibyaha, ntushyire mu mitima yacu ishyari ku bemeye, abasangirangendo nibo ba mbere binjira muri iyo mvugo, kuko aribo bemera babanyacyubahiro kandi imvugo ikaba aribo yavugaga, bityo uzaba afite mu mutima we urwango kuribo nk'Abashiyat, uwo aba afite imico ya shitani kandi aba yigometse bihagije ku Mana kubera kwanga abakunzi b'Imana n'abantu beza b'Intumwa yayo, kandi uwo nta ruhare agira mu minyago, uwo ni kimwe n'ubatuka akababuza amahoro cyangwa akabatesha agaciro.

11 Ese ntubona babandi bakoze uburyarya (ariwe ABDULLAH mwene UBAY nabagenzi be) batumye Bani Nadwiri bati: (Ntimuve kwizima ntuzabatanga kandi nimurwanywa tuzabarwanirira, nimunirukanwa tuzajyana namwe, ntawe tuzumvira numwe uzatubuzza kujyana namwe nubwo byafata igihe kirekire, kandi nimuterwa tuzabatabara. Nyamara Imana irabahakanya ihanya ko bo ari ababeshyi mubyo babasezeranyije byo kwimukana nabo no kubarwanirira.

12 Uko niko byagenze koko kuko indyarya nuzajyanye n'Abayahudi ba Bani Nadwiri birukanywe nabo bari kumwe, kandi ntibanarokoye abishwe muribo aribo ba Bani Qurayidwat ndetse n'abantu ba Khayibar, kandi niyo babarwanirira bari gutsindwa, kandi indyarya ntizibone uzirokora nyuma yaho, ahubwo Imana yari kuzisuzuguzwa uburyarya byazo ntibugire icyo buzimarira.

13 Ese yemwe bayislamu nimwe indyarya n'abayahudi bafitiye ubwoba mu mitima kurusha uko batinya Imana, iyo baza kuba bafite ubwenge bari kumenya ko Imana ariyo yababateje bakaba ariyo batinya kurusha mwe.

14 Ntibabarwanya bari hamwe, keretse bari mu midugudu yubakiye ibisika cyangwa inyuma y'inkuta, bihisha inyuma kubera ubwoba babafitiye. Urwango rwabo hagati yabo rurakaze. Guterana kwako ni kwishusho gusa ariko imitima yabo iratatanye katandukanyije ibitekerezo no mu ngamba zabo, ibyo byose

وَالَّذِينَ جَاءُوا مِنْ بَعْدِهِمْ يَقُولُونَ رَبَّنَا اغْفِرْ لَنَا وَلِإِخْوَانِنَا الَّذِينَ سَبَقُونَا بِالْإِيمَانِ وَلَا تَجْعَلْ فِي قُلُوبِنَا غِلًّا لِلَّذِينَ آمَنُوا رَبَّنَا إِنَّكَ رَءُوفٌ رَحِيمٌ ﴿١٠﴾ أَلَمْ تَرَ إِلَى الَّذِينَ نَافَقُوا يَقُولُونَ لِإِخْوَانِهِمُ الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْ أَهْلِ الْكِتَابِ لَئِنْ أُخْرِجْتُمْ لَنَخْرُجَنَّ مَعَكُمْ وَلَا نَطِيعُ فِيكُمْ أَحَدًا أَبَدًا وَإِنْ قُوتِلْتُمْ لَنَنْصُرَنَّكُمْ وَاللَّهُ يَشْهَدُ إِنَّهُمْ لَكَاذِبُونَ ﴿١١﴾ لَئِنْ أُخْرِجُوا لَا يَخْرُجُونَ مَعَهُمْ وَلَئِنْ قُوتِلُوا لَا يَنْصُرُوهُمْ وَلَئِنْ نَصَرُوهُمْ لَيُولِيَنَّ الْأُذُنُ نُهُهُ لَئِنْ نَصَرُوهُمْ لَئِنَّ شَرَّ أُمَّةٍ فِي صُدُورِهِمْ مِنَ اللَّهِ ذَلِكَ بِأَنَّهُمْ قَوْمٌ لَا يَفْقَهُونَ ﴿١٢﴾ لَا يَقْتُلُونَكُمْ جَمِيعًا إِلَّا فِي قُرَى مُحَصَّنَةٍ أَوْ مِنْ وَرَاءِ جُدُرٍ بَأْسُهُمْ بَيْنَهُمْ شَدِيدٌ تَحْسَبُهُمْ جَمِيعًا وَقُلُوبُهُمْ شَتَّىٰ ذَلِكَ بِأَنَّهُمْ قَوْمٌ لَا يَعْقِلُونَ ﴿١٤﴾ كَمَثَلِ الَّذِينَ مِنْ قَبْلِهِمْ قَرِيبًا ذَاتُ أُولٍ أُولٍ أَمْرِهِمْ وَهُمْ عَدَابٌ أَلِيمٌ ﴿١٥﴾ كَمَثَلِ الشَّيْطَانِ إِذْ قَالَ لِلْإِنْسَانِ اكْفُرْ فَلَمَّا كَفَرَ قَالَ إِنِّي بَرِيءٌ مِنْكَ إِنِّي أَخَافُ اللَّهَ رَبَّ الْعَالَمِينَ ﴿١٦﴾

nukubera ko badafite ubwenge iyo baza kuba babufite bari gusobanukirwa ukuri bakagukurikira ntibatatane.

15 Urugero rwabo ni nk'urwabariho mbere yabo (ababangikanyamana babahakanyi) mu bihe bya hafi. Basogongeye ingaruka z'ubuhakanyi bwabo bicwa mu ntambara ya Badri, ibyo byabaye mbere yo kurwanya Bani Nadwiri ho amezi atandatu.

16 Urugero rwo kutarokorana kwabo nink'urugero rwa shitani ku muntu imushishikariza ubuhakanyi, yamara kuyumvira ahakanye, ikavuga iti: Njyewe ntaho mpuriye nawe, rose jye ntinya Imana Nyagasani w'ibiremwa.

17 Iherezo ryabo bombi, ni uko bo bazaba mu muriro ubuziraherezo. Icyo ni cyo gihembo cy'abahuguzwa.

18 Yemwe abemeye! Nimugandukire Imana, mutinye ibihano byayo mukora ibyo yabategetse mwirinda ibyo yababujije. Kandi umuntu arebe ibyo yateganyirije roho ye ku muni w'imperuka. Kandi mugandukire Imana. Mu by'ukuri Imana ni Umumenyi w'ibiyihishe mu byo mukora.

19 Ntimuzabe nk'abibagiwe Imana bakareka amategeko yayo, Imana ikabibagiza roho zabo,



فَكَانَ عَاقِبَتُهُمَا أَنَّهُمَا فِي النَّارِ خَالِدِينَ فِيهَا وَذَلِكَ جَزَاءُ
الظَّالِمِينَ ﴿١٧﴾ يَأْتِيهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا اتَّقُوا اللَّهَ وَتَنْظُرُوا
نَفْسَ مَا قَدَّمْتُمْ لِغَدٍ وَاتَّقُوا اللَّهَ إِنَّ اللَّهَ خَبِيرٌ بِمَا تَعْمَلُونَ ﴿١٨﴾
وَلَا تَكُونُوا كَالَّذِينَ نَسُوا اللَّهَ فَأَنْسَاهُمْ أَنفُسَهُمْ أُولَئِكَ
هُمْ الْفَاسِقُونَ ﴿١٩﴾ لَا يَسْتَوِي أَصْحَابُ النَّارِ وَأَصْحَابُ
الْجَنَّةِ أَصْحَابُ الْجَنَّةِ هُمُ الْفَائِزُونَ ﴿٢٠﴾ لَوْ أَنزَلْنَا هَذَا
الْقُرْآنَ عَلَى جَبَلٍ لَّرَأَيْتَهُ خَاشِعًا مُتَصَدَّعًا مِّنْ خَشْيَةِ
اللَّهِ وَتِلْكَ الْأَمْثَلُ نَضْرِبُهَا لِلنَّاسِ لَعَلَّهُمْ يَتَفَكَّرُونَ ﴿٢١﴾
هُوَ اللَّهُ الَّذِي لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ عِلْمُهُ الْغَيْبِ وَالشَّهَادَةِ
هُوَ الرَّحْمَنُ الرَّحِيمُ ﴿٢٢﴾ هُوَ اللَّهُ الَّذِي لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ
الْمَلِكُ الْقُدُّوسُ السَّلَامُ الْمُؤْمِنُ الْمُهَيَّبُ الْعَزِيزُ
الْجَبَّارُ الْمُتَكَبِّرُ سُبْحَانَ اللَّهِ عَمَّا يُشْرِكُونَ ﴿٢٣﴾
هُوَ اللَّهُ الْخَلِيقُ الْبَارِئُ الْمُصَوِّرُ لَهُ الْأَسْمَاءُ الْحُسْنَى
يُسَبِّحُ لَهُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ وَهُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿٢٤﴾

سُورَةُ الْمُؤْتَفِكِينَ
بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
١٣ آيَاتٍ

ntibite ku bikorwa bizabarokora, cyangwa biyibagije Imana mu bihe byabo by'umunezero nayo ibibagiza roho zabo mu bihe by'ingorane. Abo ni bo byigomeke.

20 Ntibashobora kungana! Abantu bo mumuriro nabo mu ijuru. Abo mu ijuru nibo batsinze kandi barokotse ibibi byose.

21 Iyo tuza kumanura iyi Qor'an n'ubuhambare bwayo n'inyigisho zikubiyemo zoroshya imitima ku musozo n'uburemere bwayo no gukomera kwayo, wari kubona wibombaritse, usatagurika kubera gutinya ibihano by'Imana no gutinya ko utazabasha kuzuza ibyo usabwa n'amagambo y'Imana. Izo ni ingero duha abantu kugira ngo babashe gutekereza.

22 Yo ni Imana, nta yindi Mana ibaho itariyo. Umumenyi w'iby'ihishe n'ibigaragara, kandi yo ni Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

23 Yo ni Imana, nta yindi Mana ibaho itariyo, umwami, umutagatifu utarangwaho ubusembwa, umwizerwa wahaye abagaragu be umutekano ku mahugu, umuhanya w'ibikorwa by'abagaragu be unabigenzura kuribo, utsinda udashobora kuneshwa, uhambaye cyane, uwikirenga utarangwaho inenge.

24 Yo ni Imana Umuremyi ugena ibiremwa uko ushaka, Umuhanzi wahanze ibiremwa byose, Utanga amashusho atandukanye. Afite amazina meza. Ibiri mu birere n'isi biramusingiza. Kandi ni We Utsinda, Ushishoza.

Surat Al Mum'tahanat:

Umugore ugeragezwa.

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat: 13.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

21 Yemwe abemeye! Ntimukagire abanzi banjye n'abanzi banyu inshuti, Iyi Ayat yamanukiye kuri HATWIBU mwene ABI BALTAAGigihe yandikiraga Ababangikanyamana ba Makka urwandiko abamenera ibanga ko Intumwa Muhamad ahagurutse abateye mu ntambara ya FATHU Makka mu mwaka wa munani (8) nyuma y'uko Intumwa yimukira Madinat, iyi Ayat ikaba yerekana ko bibujijwe kugira inshuti abahakanyi k'uburyo ubwo aribwo bwose. Mukubakunda no kanabashyira amabanga y'Intumwa kubera ubucuti buri hagati yanyu nabo, kandi barahakanye Imana n'Intumwa yayo na Qor'an yabagezeho n'umuyoboro w'Imana, baranamenesheje Makka Intumwa hamwe namwe kubera ko mwemeye Imana Nyagasani wanyu nigute mwabagira inshuti? niba musohotse mugamije guharanira inzira yanjye no kwishimirwa nanjye ntimuzagire abanzi banjye ndetse n'abanzi banyu inshuti. Mubahishurira amabanga kubera ubwo bucuti mubafitiye, kandi Jye nzi kurusha mwe ibyo muhisha nko kubohereza amakuru n'ibyo mugaragaza. Ukora ibyo muri mwe rwose yayobye inzira itunganye.

22 Iyo bahuye namwe babagaragariza urwango ruri mu mitima yabo, bakabarwanyisha amaboko yabo ndetse n'indimi zabo babatuka, bifuza ko mwasubira mubuhakanyi.

23 Mukuri abana banyu n'imiryango yanyu nta cyo bizabamarira k'umunsi w'imperuka kuburyo mwagira inshuti abahakanyi kubera urwo rubyaro n'imiryango yanyu. Nkuko byabaye kuri HATWIBU, ahubwo ikizabagirira akamaro n'ibyo Imana ibatega gukora mu kutabagira inshuti no kubarwanya, k'umunsi w'imperuka Imana izabacira imanza yinjize mu ijuru abayigandukiye n'abayigometseho mu muriro.

24 Mufite urugero rwiza kuri Ibrahim n'abari kumwe na we mugomba gukurikiza, Ese yawe HATWIBU ntiwarukwiye gukurikiza Ibrahim? Ukitandukanya n'umuryango wawe nkuko Ibrahim yitandukanyije na se ndetse

n'abantu be. Ubwo babwiraga abantu babo bati: Mu by'ukuri twe twitandukanyije namwe ndetse n'ibyo mugaragira bitari Imana (ibigirwamana), duhakanye idini yanyu n'ibikorwa byanyu, ububisha bwagaragaye hagati yacu namwe iteka ryose igihe cyose mukiri abahakanyi. kugeza ubwo muzemera Imana mukareka ibangikanya ryanyu nimubikora urwo rwango ruzahinduka urukundo, Mwari mufite urugero rwiza ku magambo yose Ibrahimu yavuze kugeza ku ijamba rye yabwiye Ise, ntimuzarigendereho hanyuma mukazasabira imbabazi ababangikanyamana, kuko Ibrahimu gusabira Ise byari isezerano yamusezeranyije mbere, imaze kugaragaza ko Ise ari umwanzu w'Imana yitandukanya nawe, ati: Ntacyo nakumarira cyakurinda ibihano by'Imana na kimwe.

5 Nyagasani wacu! Ntuzatugire ikigeragezo ku bahakanye, Mujahid yaravuze ati: (Ntuzaduhane kubera bo cyangwa ngo uduhane ibihano biturutse iwawe, bakavuga bati: Iyo bariya baza kuba bari k'ukuri ntibari kugerwaho n'ibi.

6 Rwose mubafiteho (Ibrahimu n'abo bari kumwe) urugero rwiza, kandi urwo rugero rwiza ni k'uwizera ibyiza ku Mana kw'Isi no kumperuka. Ariko uzirengagiza ibyo, mu by'ukuri Imana ni yo Mukungu ku biremwa bye, Ushimwa cyane nabakunzi be.

7 Hari ubwo Imana yashyira urukundo hagati yanyu n'abo (ababangikanyamana ba Makka) kugirango bave ku izima binjire mu idini yanyu kandi bamwe muribo bamaze kuyoboka Islam nyuma yo kwigarurira umujyi wa Makka kandi ubuyisumu bwabo bukaba bwiza, maze hakaba urukundo hagati yabo n'ababanjirije muri Islam barwana munzira y'Imana bakora ibikorwa bibegereza Imana, Intumwa Muhamad yarongoye Umu Habibata mwene Abi Sufyani, ariko ibyo ntibyatumye habaho urukundo hagati yabo uretse nyuma yo kuyoboka Islam kwa Abu Sufyani umunsi umujyi wa Makka wigarurirwa, Abu Sufyani areka urwango yagiriraga Intumwa Muhamad, imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat yaravuze ati: Umuntu wa mbere warwanyije abavuye mubuyisumu kugirango basubire mu idini ni Abu Sufyani mwene Harbi, ari nawe wamanukiweho iyi Ayat: (Hari ubwo Imana yashyira urukundo hagati yanyu n'abo (ababangikanyamana ba Makka), kandi Imana ifite ubushobozi buhambaye bwo guhindura imitima y'abahakana cyane kugirango binjire mu mbabazi n'impuhwe z'Imana.

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
يَا أَيُّهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا لَا تَتَّخِذُوا عَدُوِّي وَعَدُوَّكُمْ أَوْلِيَاءَ تَلْقَوْنَ
إِلَيْهِمْ بِالْمُودَّةِ وَقَدْ كَفَرُوا بِمَا جَاءَكُمْ مِنَ الْحَقِّ يُخْرِجُونَ الرَّسُولَ
وَإِيَّاكُمْ أَنْ تُؤْمِنُوا بِاللَّهِ رَبِّكُمْ إِنْ كُنْتُمْ حَرَجْتُمْ جِهَدًا فِي سَبِيلِي
وَأَبْنِعَاءَ مَرْضَاتِي تُسِرُّونَ إِلَيْهِمْ بِالْمُودَّةِ وَأَنَا أَعْلَمُ بِمَا أَخْفَيْتُمْ
وَمَا أَعْلَنْتُمْ وَمَنْ يَفْعَلْهُ مِنْكُمْ فَقَدْ ضَلَّ سَوَاءَ السَّبِيلِ ﴿١﴾ إِنْ
يَتَّقَوْكُمْ يَكُونُوا لَكُمْ أَعْدَاءً وَيَبْسُطُوا إِلَيْكُمْ أَيْدِيَهُمْ وَأَلْسِنَتَهُمْ
بِالسُّوءِ وَوَدُّوا لَوْ تَكْفُرُونَ ﴿٢﴾ لَنْ تَنفَعَكُمْ أَرْحَامُكُمْ وَلَا أَوْلَادُكُمْ
يَوْمَ الْقِيَامَةِ يَفْصَلُ بَيْنَكُمْ وَاللَّهُ بِمَا تَعْمَلُونَ بَصِيرٌ ﴿٣﴾ قَدْ
كَانَتْ لَكُمْ أُسْوَةٌ حَسَنَةٌ فِي إِبْرَاهِيمَ وَالَّذِينَ مَعَهُ إِذْ قَالُوا لِقَوْمِهِمْ
إِنَّا بَرَاءٌ وَأُو مِنكُمْ وَمِمَّا تَعْبُدُونَ مِنْ دُونِ اللَّهِ كَفَرْنَا بِكُمْ وَبَدَا بَيْنَنَا
وَبَيْنَكُمْ الْعَدَاوَةُ وَالْبَغْضَاءُ أَبَدًا حَتَّى تُؤْمِنُوا بِاللَّهِ وَحْدَهُ ۗ إِلَّا
قَوْلَ إِبْرَاهِيمَ لِأَبِيهِ لَأَسْتَغْفِرَ لَكَ وَمَا أَمْلِكُ لَكَ مِنَ اللَّهِ مِنْ شَيْءٍ
رَبَّنَا عَلَّمْنَاكَ نَتْلُو آيَاتِكَ أَنْبَأْنَا وَإِلَيْكَ الْمَصِيرُ ﴿٤﴾ رَبَّنَا لَا تَجْعَلْنَا
فِتْنَةً لِلَّذِينَ كَفَرُوا وَآخِزْنَا وَلَا نَجُزْنَا إِنَّكَ أَنْتَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿٥﴾

8 Imana ntibabuza kugirira ineza n'ubutabera abatarabanyije mu idini ntibanabameneshe mu ngo zanyu. Mu by'ukuri Imana ikunda abagira uburingarize, bisobanuye ko Imana itabuza kugirira neza abahakanyi bagiranye n'abayisumu amasezerano y'amahoro no kutarwanyana no kudafasha abahakanyi barwanya abayisumu, kandi Imana ntibuza gukorana nabo.

9 Ahubwo Imana ibabuza kugira inshuti ababarwanyije mu idini bakanabamenesha mu ngo zanyu, aribo abakuru babakurayishi nabandi nkabo mubarwanya abayisumu, bakanashyigikira ababarwanya no , aribo abandi bantu ba Makka nabinjiye mu masezerano yabo, ko mutagomba kubagira inshuti cyangwa ngo mubarwaneho. Uzabagira inshuti, abo ni bo bahuguza, kuko agira inshuti abagomba urwango, kubera ko ari abanzi b'Imana n'Intumwa yayo n'igitabo cyayo.

10 Yemwe abemeye! Abemerakazi nibabagana bavuye mubahakanyi, kuko Intumwa Muhamad ubwo yagiranaga n'Abakurayishi amasezerano y'amahoro umunsi wa Hudayibiyat, ko abayisumu



لَقَدْ كَانَ لَكُمْ فِيهِمْ أُسْوَةٌ حَسَنَةٌ لِّمَن كَانَ يَرْجُوا اللَّهَ وَالْيَوْمَ الْآخِرَ
 وَمَن يَتَّقِ اللَّهَ فَإِنَّ اللَّهَ هُوَ الْغَنِيُّ الْحَمِيدُ ﴿٦﴾ عَسَىٰ اللَّهُ أَن يَجْعَلَ
 بَيْنَكُمْ وَبَيْنَ الَّذِينَ عَادَيْتُم مِّنْهُم مَّوَدَّةً وَاللَّهُ قَدِيرٌ وَاللَّهُ غَفُورٌ رَّحِيمٌ
 ﴿٧﴾ لَا يَنْهَىٰكُمْ اللَّهُ عَنِ الَّذِينَ لَمْ يُقَاتِلُوكُمْ فِي الدِّينِ وَلَمْ يُخْرِجُوكُم
 مِّن دِيَارِكُمْ أَن تَبَرُّوهُمْ وَتُقْسِطُوا إِلَيْهِمْ إِنَّ اللَّهَ يُحِبُّ الْمُقْسِطِينَ
 ﴿٨﴾ إِنَّمَا يَنْهَىٰكُمْ اللَّهُ عَنِ الَّذِينَ قَاتَلُوكُمْ فِي الدِّينِ وَأَخْرَجُوكُم
 مِّن دِيَارِكُمْ وَظَهَرُوا عَلَيْكُمْ إِخْرَاجِكُمْ أَن تَوَلَّوهُمْ وَمَن يَتَوَلَّهُمْ فَأُولَٰئِكَ
 هُمُ الظَّالِمُونَ ﴿٩﴾ يَتَّيِبُهَا لِلَّذِينَ ءَامَنُوا إِذَا جَاءَ كُمْ الْمُؤْمِنَاتُ
 مُهَاجِرَاتٍ فَامْتَحِنُوهُنَّ اللَّهُ أَعْلَمُ بِإِيمَانِنَّ فَإِن عَلِمْتُمُوهُنَّ مُؤْمِنَاتٍ
 فَلَا تَرْجِعُوهُنَّ إِلَى الْكُفَّارِ لَأَنَّهُنَّ كَلِّمٌ لَّهُمْ وَلَا هُمْ يَحِلُّونَ لَهُنَّ وَءَاتُوهُنَّ
 مَا أَنفَقُوا وَلَا جُنَاحَ عَلَيْكُمْ أَن تَنكِحُوهُنَّ إِذَا ءَاتَيْتُمُوهُنَّ أَجْرَهُنَّ
 وَلَا تَتَّبِعُوا بَعْضَ الْكُفَّارِ وَسَأَلُوا مَا أَنفَقْتُمْ وَلَيْسَتُلُوا مَا أَنفَقُوا
 ذَٰلِكُمْ حَكْمٌ مِّنَ اللَّهِ يَحْكُمُ بَيْنَكُمْ وَاللَّهُ عَلِيمٌ حَكِيمٌ ﴿١٠﴾ وَإِن فَاتَكُمْ
 شَيْءٌ مِّنْ أَرْوَاحِكُمْ إِلَى الْكُفَّارِ فَعَاقِبْتُمْ فَتَأْتُوا الَّذِينَ ذَهَبَتْ
 أَرْوَاحُهُمْ مِّثْلَ مَا أَنفَقُوا وَآتَقُوا اللَّهَ الَّذِي أَنْتُمْ بِهِ مُؤْمِنُونَ ﴿١١﴾

bagomba kujya basubiza mu bahakanyi abinjije idini muri bo, maze abagore bimukiye Madinat ku Intumwa Muhamad Imana yanga ko babasubiza ku bahakanyi itegeka kubanza bakageragezwa kugirango barebe ubushake bafitiye idini kuko bajyaga barahira Imana ko batimutse kubera kwanga abagabo babo cyangwa gukunda ahantu runaka cyangwa gushaka indonke z'Isi ahubwo bimutse kubera gukunda Imana n'Intumwa yayo no gukunda idini yayo yaramuka arahiye Intumwa Muhamad agaha inkwano ze umugabo we n'ibyo yamutanzeho byose ntasubizwe k'umugabo we Imana niyo izi ukwemera kwabo, inabasaba kubagerageza kugirango mumenye ukuri kw'ibyo bavuga binjira mubuyisumu. Nimuramuka mumenye ko bafite ukwemera kuko ntimuzabasubize ku bagabo babo bahakanyi, kuko abo bagore b'abemerakazi ntibaziruriwe abahakanyi, kandi kuba umugore yinjije Islam bimuha gutana n'umugabo we w'umuhakanyi ntabwo rero biterwa no kwimuka gusa, muhe abagabo babo ibyo babatanzeho, inkwano n'ibindi, Shafiy yaravuze ati: (Biramutse bisabwe

n'undi utari umugabo we wenda nko mumuryango we ntabwo ahabwa), nta kibazo kurimwe kubarongora nyuma yo kurangiza eda (iminsi umugore yicara mu nzu kubera ubutane cyangwa gupfusha umugabo), nimuba mubahaye inkwano zabo nyuma yo kurangiza eda, naho umugabo ufite umugore w'umuhakanyi uwo ntaba akiri umugore we kuko ubugore burangirana no gutandukanya idini, kuko abahakanyi bashyingiraga abayisumu n'abayisumu bakarongora ababangikanyamanakazi, ibyo byavanyweho n'iyi ayat, ibyo bireba abahakanyikazi bababangikanyamana ntibireba abahawe igitabo, bityo muje musaba inkwano zanyu abagore bavuye mubuyisumu, abasobanura Qur'an baravuga bati: (Abagore babaye abahakanyi bakajya Makka muri babandi bahawe isezerano, babwiraga abahakanyi bati: Muzane inkwano ze, bakabwira abayisumu k'umugore wari umuhakanyi wimukiye mubuyisumu: Musubize inkwano ze umugabo we w'umuhakanyi, ibyo byo gusubizanya inkwano ku mpande zombi, niryoy tegeko ry'Imana kubabangikanyamana nyuma y'amasezerano ya Hudayibiyat, ibyo bikaba bitandukanye n'ababangikanyamana badafite isezerano iryo ariryo ryose, ibyo bikaba byaravuyeho, Qurtubiy yaravuze ati: (Ibyo byose birareba kiriya gihe gusa ndetse n'impamvu byamanukiyeho, ibijyane no gusubiza inkwano, ntabwo ari ugutanya abashakanye igihe umwe muribo abaye umuyisumu).

﴿١١﴾ Nihagira ababacika mu bagore banyu bakava mubuyisumu bakajya mu bahakanyi nubwo baba abahawe igitabo, mukaza kubona iminyago, mutegeke gusubiza abo abagore babo bagiye ibyo babatanzeho nk'inkwano bive mubyo mwagenewe mu minyago, no muminyago igihe ababangikanyamana batagaruye inkwano z'umugore, kandi mutinye Imana mwirinde icyatuma muhabwa ibihano byayo.

﴿١٢﴾ Yewe Muhamuzi (Muhamad)! Abemerakazi nibakugana bagukorera bashaka kugushyigikira ku buyisumu, ko batazabangikanya Imana na rimwe, ibyo bikaba byarabaye umunsi wo gufungura umujyi wa Makka, abagore ba Makka baje ku Intumwa Muhamad kugirango bamushyigikire, nuko Imana imutegeka kugirana nabo igihango cyo kutabangikanya Imana, ko batazanica abana babo babahamba

babona, nkuko babikoraga mbere ya Islam, kandi ko batazitirira abagabo babo abana batari ababo, Al Farau yaravuze ati: (Umugore yajyaga atoragura umwana akabwira umugabo we ati: (Uyu ni umwana wanjye nabyaranye nawe), Ibum Abasi yaravuze ati: (Umugore yajyaga ajyara umwana w'umukobwa agahindura agashyira mumwanya we umuhungu), kandi ko batagomba kunyuranya nawe mubikorwa Imana yategetse, nko kubabuza kuboroga no kwiciraho imyenda no gupfura imisatsi no kwisharambura muburanga no gusaba kurimbuka, bityo uzagirane nabo igihano unabasabire ku Mana nyuma yo kugirana igihango nawe.

13 Yemwe abemeye! Ntimukagire inshuti abarakariwe n'Imana, aribo udutsiko twose tw'abihakanyi, bavuga ko ari abayahudi by'umwihariko, ntabwo bafite icyizero cy'ubuzima bwa nyuma nagato kubera ubuhakanyi bwabo, nko kuba nta kizere cyo kuzuka abantu babo kuko batemera izuka.

Surat A Swaff: Umurongo.

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat:14.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibiri mu birere n'ibiri mu isi bisingiza Imana. Kandi yo ni Utsinda, Ushishoza.

2 Yemwe abemeye! Kuki muvuga ibyo mudakora!?, Imvugo yaturutse kuri IBUN ABASI yaravuze ati: (Abemera mbere yuko Jihadi iba itegeko baravugaga bati: Twifuza ko Imana yatubwira ibikorwa byiza biruta ibindi tukabikora, Imana imaze kubabwira ko igikorwa cyiza ari Jihad bamwe barinubye batangira kuremererwa na Jihad, nuko hamanuka iyi ayat.

3 Imana irabyanga cyane, bavuga ko ari abantu bazaga ku Intumwa, umwe muribo akavuga ati: Narwanye n'umuhoro wanjye nkubita gutya na gutya, kandi ntabyo bakoze.

4 Imana ibasobanurira ko Jihad mu nzira y'Imana iri kw'isonga mubyo Imana ikunda kubagaragu bayo, Hadith iravuga iti: "Umutwe wa buri kintu ni ubuyisumu n'inkingi zacyo ni Iswala naho agasongero kabyo ni Jihad mu nzira y'Imana" k'umurongo umwe nk'inubako imwe ifatanye kuburyo iba ikintu kimwe, bigaragaza gutsimbabara no gukomera ku itegeko ry'Imana, ntakuruhuko kuri ibyo nta n'umwanzi wabameneramo.

5 Imana imaze kuvuga ko ikunda abarwana mu nzira yayo, yasobanuye ko Musa na Isa

يَأْتِيهَا النَّارُ إِذَا جَاءَكَ الْمُؤْمِنَاتُ يُبَايِعَنَّكَ عَلَى أَنْ لَا يُشْرِكْنَ بِاللَّهِ شَيْئًا وَلَا يَسْرِفْنَ وَلَا يَزْنِينَ وَلَا يَقْتُلْنَ أَوْلَادَهُنَّ وَلَا يَأْتِينَ بِبُهْتَانٍ يَفْتَرِيَهُ بَيْنَ أَيْدِيهِنَّ وَأَرْجُلِهِنَّ وَلَا يَعْصِيَنَّكَ فِي مَعْرُوفٍ فَبَايِعْنَهُنَّ وَأَسْتَغْفِرْ لَهُنَّ اللَّهُ إِنَّ اللَّهَ غَفُورٌ رَحِيمٌ ﴿١٢﴾ يَأْتِيهَا الَّذِينَ آمَنُوا لَانْتَوَلَوْا قَوْمًا غَضِبَ اللَّهُ عَلَيْهِمْ فَدَيْسُوا مِنَ الْآخِرَةِ كَمَا بَيَسَ الْكُفَّارُ مِنَ أَصْحَابِ الْقُبُورِ ﴿١٣﴾

سُورَةُ الصَّافِّاتِ
أبَاطِيهَا ٤
رَبِّهَا ١

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
سَبَّحَ لِلَّهِ مَا فِي السَّمَاوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ وَهُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿١﴾ يَأْتِيهَا الَّذِينَ آمَنُوا لِمَ تَقُولُونَ مَا لَا تَفْعَلُونَ ﴿٢﴾ كَبُرَ مَقْتًا عِنْدَ اللَّهِ أَنْ تَقُولُوا مَا لَا تَفْعَلُونَ ﴿٣﴾ إِنَّ اللَّهَ يُحِبُّ الَّذِينَ يُقْتَلُونَ فِي سَبِيلِهِ صَفًّا كَانَهُمْ بَنِينَ مَرْصُوعِينَ ﴿٤﴾ وَإِذْ قَالَ مُوسَى لِقَوْمِهِ يَا قَوْمِ لِمَ تَقُولُونَ مَا لَا تَفْعَلُونَ ﴿٥﴾

Imana yabategetse, cyangwa mukambuza amahoro mukuntuka no kutesha agaciro. Kandi muzi neza ko ndi Intumwa y'Imana kuri mwe bategekwa Tauhid, barwana mu nzira y'Imana maze ibihano by'Imana biba kubigometse kuribo, kugirango abantu b'Intumwa Muhamad birinde kuba bakora ku ntumwa yabo nk'ibyo abantu ba Musa na Isa babakoreye. Yemwe bantu kuki mumbuza amahoro muca ukubiri n'ibyo mbategeka mu mategeko Imana yabategetse, bamaze kureka ukuri mukubuza amahoro Intumwa yabo Imana ibatandukanya n'ukuri kubera ibyo bakoze.

6 Mwibuke ubwo Isa mwene Mariam yavugaga ati: Yemwe bana ba Israhari ! Mu by'ukuri jye ndi intumwa y'Imana kuri mwe ku Ivanjiri, kandi ntacyo mbazaniye kinyuranye na Tawurat, ahubwo ikubiyemo ubuhanuzi kuri njye, ni kuki munyamagana mugaca ukubiri nanjye, kandi naraje no gutanga inkuru nziza y'Intumwa izaza nyuma yanjye yitwa Ahmad, rikaba ari izina ry'Intumwa yacu risobanuye, ushimirwa imico myiza imuranga, Isa amaze kubazanira ibitangaza, baravugaga bati: ibi



وَأَذَقَ عَيْسَى ابْنَ مَرْيَمَ نَبِيَّ إِسْرَائِيلَ بِلِإِي رَسُولِ اللَّهِ إِلَيْكُمْ مُصَدِّقًا
 لِمَا بَيْنَ يَدَيْهِ مِنَ التَّوْرَةِ وَمُبَشِّرًا بِرَسُولِي يَأْتِي مِنْ بَعْدِي اسْمُهُ أَحْمَدٌ فَلَمَّا
 جَاءَهُمْ بِالْبَيِّنَاتِ قَالُوا هَذَا سِحْرٌ مُبِينٌ ﴿٦﴾ وَمَنْ أَظْلَمُ مِمَّنْ افْتَرَى
 عَلَى اللَّهِ الْكُذِبَ وَهُوَ يُدْعَى إِلَى الْإِسْلَامِ وَاللَّهُ لَا يَهْدِي الْقَوْمَ الظَّالِمِينَ
 ﴿٧﴾ يُرِيدُونَ لِيُطْفِئُوا نُورَ اللَّهِ بِأَفْوَاهِهِمْ وَاللَّهُ مُتِمُّ نُورِهِ وَلَوْ كَرِهَ
 الْكَافِرُونَ ﴿٨﴾ هُوَ الَّذِي أَرْسَلَ رَسُولَهُ بِالْهُدَى وَدِينِ الْحَقِّ لِيُظَاهِرَهُ
 عَلَى الدِّينِ كُلِّهِ وَلَوْ كَرِهَ الْمُشْرِكُونَ ﴿٩﴾ يَا أَيُّهَا الَّذِينَ آمَنُوا هَلْ أَدُلُّكُمْ
 عَلَى تَجْرِيفٍ يُنَجِّيكُمْ مِنْ عَذَابِ أَلِيمٍ ﴿١٠﴾ تَوَمَّنْ بِاللَّهِ وَرَسُولِهِ وَجَاهِدُونَ
 فِي سَبِيلِ اللَّهِ بِأَمْوَالِكُمْ وَأَنْفُسِكُمْ ذَلِكَ خَيْرٌ لَكُمْ إِنْ كُنْتُمْ تَعْلَمُونَ ﴿١١﴾
 يَعْرِفَ لَكُمْ ذُنُوبَكُمْ وَيُدْخِلْكُمْ جَنَّاتٍ تَجْرِي مِنْ تَحْتِهَا الْأَنْهَارُ وَسَكَتٍ
 طَيِّبَةٍ فِي جَنَّاتٍ عَدْنٍ ذَلِكَ الْفَوْزُ الْعَظِيمُ ﴿١٢﴾ وَأُخْرَى يُحِبُّونَهَا أَنْصَرُ
 مِنَ اللَّهِ وَفَتَحَ قُرَيْبٌ وَيُبَشِّرِ الْمُؤْمِنِينَ ﴿١٣﴾ يَا أَيُّهَا الَّذِينَ آمَنُوا كُونُوا
 أَنْصَارَ اللَّهِ كَمَا قَالَ عَيْسَى ابْنُ مَرْيَمَ لِلْحَوَارِيِّينَ مَنْ أَنْصَارِي إِلَى اللَّهِ
 قَالَ الْحَوَارِيُّونَ نَحْنُ أَنْصَارُ اللَّهِ فَأَمَّا مَنْ تَطَّيَّفَ مِنْ بَنِي إِسْرَائِيلَ
 وَكَفَرْتَ طَائِفَةٌ فَأَيْدِنَا الَّذِينَ آمَنُوا عَلَى عُدُوِّهِمْ فَاصْبِرُوا لَهَا إِنَّ اللَّهَ
 لَمَعَ الْكُفْرَانَ ﴿١٤﴾

utuzaniye ni uburozi bugaragara, bavuga ko kandi ari Muhamad ubwo yazanaga umuyoboro baravuze bati: Ni umurozi.

7 Ese hari uhuguza kuruta uhimbira Imana ibinyoma, kandi we ahamagarwa kugana Islam, ari nayo Dini yicyubahiro, umeze atyo ntiyagombye kuba ahimbira undi ibinyoma ni gute yahimbira Nyagasani we!? Kandi Imana ntiyobora abantu bahuguza.

8 Urugero rwabo mukugerageza guhagarika ubuyisumu no gukumira umuyoboro wayo bakoresheje amagambo yabo y'ibinyoma, ni nkumuntu ugerageza kuzimya urumuri rwinshi akoresheje umunwa we ariko Imana izuzura urumuri rwayo, iha intsinzi Islam inayirutisha andi madini.

9 Imana niyo yohereje Intumwa yayo n'umuyoboro n'idini y'ukuri kugira ngo ayisumbishe andi madini nubwo ibyo byababaza ababangikanyamana.

10 Yemwe abemeye! Ese mbarangire ubucuruza buzabarokora ibihano bibabaza, Imana yagereranyije ibikorwa byiza n'ubucuruza kuko naho bungukiramo nkuko

bungukira mubucuruza, binjira mu ijuru banarokoka umuriro, ubwo bucuruzi nibwo bwabobanuwe muri ayat ebyiri zikurikira, zisobanura ko ukwemera na Jihad agaciro kabyo ku Mana kangana n'ijuru, ari nabwo bucuruzi bwunguka.

11 Mwemere Imana n'Intumwa yayo munaharanire inzira y'Imana mukoresheje imitungo yanyu na mwe ubwanyu. Ibyo ni byiza kuri mwe iyaba mwari mubizi.

12 Imana yababwiye ibicuruzwa bagomba gucuruza, avuga hano agaciro n'ibyo yabateguriye, nimuramuka mwemeye, Imana izabahanaguraho ibyaha byanyu, inabinjize mu ijuru zitembamo imigezi, muzabamo iteka nta rupfu ruzabageraho cyangwa ngo basohokemo, ibyo byo kubabarirwa ibyaha no kwinjira mu ijuru niyo ntsinzi ihambaye.

13 Imana izabaha n'ibindi bizabatangaza, ariyo ntsinzi y'Imana kuri mwe mutsinda abakurayishi no kwinjira mu mujiyi wa Makka, ATWAU yaravuze ati: (Intsinzi yavuzwe aha ni ugufungura Ubupeise n'Uburomani, uhe inkuru nziza yewe Muhamad abemeramana y'intsinzi hano ku Isi no kwinjira mu ijuru ku mperuka.

14 Yemwe abemeye! Nimuhame kukurokora idini y'Imana, nkuko Isa mwene Maryamu yabwiye abigishwa be babanje kumwemera bari cumi na babiri ati: Ninde ushobora kundokora akananfasha mubishobora kwegereza abantu Imana? Bati: Twe turi abarokora idini y'Imana, nuko agatsiko kamwe mu bayisraheri kemera Isa akandi gatsiko karahakana nuko dushyigikira abari mukuri kubanyakinyoma, barabanasha. Imvugo ya Qatadat ku ijamba ry'Imana rigira riti: "Yemwe abemeye mube abarokora idini y'Imana" aravuga ati: Ibyo byarabaye Imana ishimwe, ubwo Intumwa Muhamad yazirwaga n'abantu mirongo irindwi (70) bamushyigikira kuri Aqabat bashyigikira Intumwa banayirwanaho kugeza ubwo Imana ihaye intsinzi idini yayo, Intumwa Muhamad yabwiye abari baje guhura nawe kuri Aqabat ati: Nimuntoranyirize muri mwe abantu cumin a babiri bahagararire abantu babo, nkuko abigishwa ba Isa bahagarariye bene wabo kuri Isa mwene Maryam, Intumwa Muhamad aravuga ati: Nanjye mpagarariye abantu banjye, baravuga bati: Ni byo.

Surat Al Jum'at uwa Gatanu.

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat: 11.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibiri mu birere n'ibiri mu isi bisingiza Imana, Umwami, Umutangatifu utarangwaho n'ubusembwa, Utsinda, Ushishoza.

2 Imana ni yo yohereje mu batazi gusoma no kwandika (abarabu) ari abazi gusoma muribo nabatabizi kuko ntibari bazwi mukwandika, kandi abarabu benshi bari bameze batyo, Intumwa ibakomokamo ibasomera amagambo y'Imana Qor'an hamwe nuko atazi gusoma no kwandika, kugirango ibeze ho umwanda w'ubuhakanyi n'ibyaha n'imico mibi, bavuga ko ari Intumwa yo kubagira abanyabwenge kubera ukwemera, akanabigisha Qor'an na Sunat, cyanga akabigisha kwandikisha ikaramu n'amategeko y'Idini nkuko byavuzwe na MALIK mwene ANASI nubwo mbere bari mu buyobe ibangikanyamana no kujya kure y'ukuri.

3 N'abandi baje nyuma ntibabagezeho muri icyo gihe, bazabageraho nyuma, bazezwa hanyuma beze n'abandi muribo, aribo abazaza nyuma y'Abasangirangendo mu bayisumu babarabu nabandi bose kugera k'umunsi w'imperuka, Imvugo yaturutse mu gitabo cya Bukhariy ayikomoye kuri Abi Hurayirat yaravuze ati: "Twari twicaye ku Intumwa Muhamad igihe Surat Al Jum'at yamanukaga, nuko arayisoma ageze kuri, "Nabandi muribo ntibageze kuri bo" umuntu aramubwira ati: Yewe ntumwa y'Imana nibande abo ngabo batatugezeho? Ashyira ukuboko kwe kuri SALMANU AL FARISIY aravuga ati: "Ndarahira k'uwo umutima wanjye uri mu ntoki ze iyo ukwemera kuza kuba kuri hejuru mukirere cy'inyenyeri ya Thuraya aba bagabo bari kuyigeraho. Kandi yo ni Utsinda, Ushishoza.

4 Izo ni ingabire z'Imana iha uwo ishaka. Kandi Imana ni Nyir'ingabire zihambaye.

5 Uru ni urugero Imana yatanze ku Bayahudi baretse kugendera kuri Tawurat, barategetswe kuyigenderaho, hanyuma ntibayigendereho ntibanakurikiza ibyo bategekwa kuri Tawurat, urugero rwabo nink'indogobe yikoreye ibitabo ariko itazi ikirimo. Ni urugero rubi rw'abayahudi batanzwe ho urugero ku ndogobe, ari narwo rugero rw'abahakana, Yemwe bayisumu ntimuzamere nkabo, ibyo Imana ikaba yarabivuze mbere kugirango abasize Intumwa irimo gutanga inyigisho kuri mimbari bakigira mubucuruzi batinye, urwo rugero

سُورَةُ الْجُمُعَاتِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

يُسَبِّحُ لِلَّهِ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ الْمَلِكُ الْقُدُّوسُ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿١﴾ هُوَ الَّذِي بَعَثَ فِي الْأُمِّيِّينَ رَسُولًا مِنْهُمْ يَتْلُو عَلَيْهِمْ آيَاتِهِ وَيُزَكِّيهِمْ وَيُعَلِّمُهُمُ الْكِتَابَ وَالْحِكْمَةَ وَإِنْ كَانُوا مِنْ قَبْلُ لَفِي ضَلَالٍ مُبِينٍ ﴿٢﴾ وَآخِرِينَ مِنْهُمْ لَمَّا يَلْحَقُوا بِهِمْ وَهُوَ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿٣﴾ ذَلِكَ فَضْلُ اللَّهِ يُؤْتِيهِ مَنْ يَشَاءُ وَاللَّهُ ذُو الْفَضْلِ الْعَظِيمِ ﴿٤﴾ مَثَلُ الَّذِينَ حُمِّلُوا التَّوْرَةَ ثُمَّ لَمْ يَحْمِلُوهَا كَمَثَلِ الْجِمَارِ يَحْمِلُ أَسْفَارًا بِئْسَ مَثَلُ الْقَوْمِ الَّذِينَ كَذَبُوا بِعَايَتِ اللَّهِ وَاللَّهُ لَا يَهْدِي الْقَوْمَ الظَّالِمِينَ ﴿٥﴾ قُلْ يَا أَيُّهَا الَّذِينَ هَادُوا إِنْ زَعَمْتُمْ أَنَكُمْ أَوْلِيَاءُ لِلَّهِ مِنْ دُونِ النَّاسِ فَتَمَنَّوْا الْمَوْتَ إِنْ كُنْتُمْ صَادِقِينَ ﴿٦﴾ وَلَا يَتَمَنَّوْنَهُ أَبَدًا بِمَا قَدَّمْتُمْ أَيْدِيَهُمْ وَاللَّهُ عَلِيمٌ بِالظَّالِمِينَ ﴿٧﴾ قُلْ إِنْ أَمُوتَ الَّذِي تَفْرُقُونَ مِنْهُ فَإِنَّهُ مُلْقِيكُمْ ثُمَّ تُرَدُّونَ إِلَىٰ عِلْمِ الْعَلِيِّ وَاللَّهُ يَشَاءُ مَا يَكُونُ لَكُمْ عَمَلُونَ ﴿٨﴾

kandi rugera no k'umuntu wirengagiza Khutuba arimo kumva, nkuko byaje muri Hadith, Intumwa Muhamad yaravuze ati : « Uzavuga ku Ijuma Imamu arimo gutanga Khutuba, urugero rwe n'inkurwi ndogobe ihetse ibitabo, n'umubwira ngo ceceka nawe nta Ijuma ifite »

Hadith nta ngufu ifite.

6 Vuga uti: Yemwe ababaye Abayahudi, aribo babandi bigamba ko baruta abandi bantu! Ko bo ari abakunzi b'Imana bonyine bakaba n'abana bayo n'abakunzi bayo, Imana itegeka Intumwa yayo ko ibwira abavuga ibyo binyoma ati : Nimwifuze urupfu mwigire mu nema zo mu ijuru muvuga niba koko muri abanyakuri mubyo muvuga, kuko uzi neza ko ari uwo mu ijuru wese yifuza kuva kuri iyi Si.

7 Nyamara ntibashobora kwifuza urupfu na gato kubera ubuhakanyi no kwigomeka no guhindagura amagambo y'Imana bakoze.

8 Vuga uti: Rwose urupfu muhunga, ruzabageraho, aho muruhungira. Hanyuma mukagarurwa k'Umumenyi w'ibiyihise n'ibigaragara k'umunsi w'imperuka, ababwire ibyo mwakoraga.



يَتَأْتِيهَا الَّذِينَ ءَامَنُوا إِذَا تُوذِي لِلصَّلَاةِ مِنْ يَوْمِ الْجُمُعَةِ فَاسْعَوْا إِلَىٰ ذِكْرِ اللَّهِ وَذَرُوا الْبَيْعَ ذَلِكُمْ خَيْرٌ لَكُمْ إِنْ كُنْتُمْ تَعْمَلُونَ ﴿٩﴾ فَإِذَا قُضِيَتِ الصَّلَاةُ فَانْتَشِرُوا فِي الْأَرْضِ وَابْتَغُوا مِنْ فَضْلِ اللَّهِ وَاذْكُرُوا اللَّهَ كَثِيرًا لَعَلَّكُمْ تُفْلِحُونَ ﴿١٠﴾ وَإِذَا رَأَوْا تِجَارَةً أَوْ لَهْوًا انفَضُّوا إِلَيْهَا وَتَرَكُوكَ قَائِمًا قُلْ مَا عِنْدَ اللَّهِ خَيْرٌ مِنَ اللَّهِوِ وَمِنَ التِّجَارَةِ وَاللَّهُ خَيْرُ الرَّازِقِينَ ﴿١١﴾

سُورَةُ الْمُنَافِقِينَ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

إِذَا جَاءَكَ الْمُنَافِقُونَ قَالُوا نَشْهَدُ إِنَّكَ لَرَسُولُ اللَّهِ وَاللَّهُ يَعْلَمُ إِنَّكَ لَرَسُولُهُ وَاللَّهُ يَشْهَدُ إِنَّ الْمُنَافِقِينَ لَكَاذِبُونَ ﴿١﴾ اتَّخَذُوا أَيْمَانَهُمْ جُنَّةً فَصَدُّوا عَنِ سَبِيلِ اللَّهِ إِنَّهُمْ سَاءَ مَا كَانُوا يَعْمَلُونَ ﴿٢﴾ ذَلِكَ بِأَنَّهُمْ ءَامَنُوا ثُمَّ كَفَرُوا فَطَمَعَ عَلَىٰ قُلُوبِهِمْ فَأَهَرُوا لَيْفَقَهُونَ ﴿٣﴾ وَإِذَا رَأَيْتَهُمْ تُعْجِبُكَ أَجْسَامُهُمْ وَإِنْ يَقُولُوا تَسْمَعُ لِقَوْلِهِمْ كَأَنَّهُمْ خُشْبٌ مُسْنَدَةٌ لَيُبْذَرَنَّ كَلَّ صَيْحَةٍ عَلَيْهِمْ هُمُ الْعُدُو فَاذْرَهُمْ فَاتَّبَعْهُمُ إِنَّهُمُ الْيَاقُونَ ﴿٤﴾

irusha abatanga amafunguro, Impamvu yatumye iyi Ayat imanuka: Nuko Madinat hari ikibazo cy'inzara n'amapfa, nuko ibicuruzwa biza biturutse Shami, Intumwa Muhamad arimo gutanga inyigisho kuri Mimbar, barabwirukira bose uretse abantu cumin a babiri gusa mu musigiti, no muyindi mvugo : Bari kumwe n'abagore barindwi.

Surat Al Munafiquna: Indyarya

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat: 11.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi. Igihe Indyarya zizaza zikugana, zikavuga ziti: Turemeza n'imitima yacu tuvugako uri Intumwa y'Imana kandi Imana aziko uri Intumwa yayo. Kandi Imana arahamyako Indyarya ari abanyakinyoma.

Bagize indahiro zabo barahira igikinga cyibabarinda, banazigira ingabo bihishamo kwicwa no kugirwa ingaruzwamuheto, bakumira abantu kuyoboka inzira y'Imana na kurwana Jihad kubera ugushidikanya no kunenga Intumwa bibakomokamo. Mu by'ukuri ibyo bakoraga by'uburyarya no kubuza abantu kuyoboka inzira y'Imana ni bibi.

Ibyo ni ukubera y'uko bemeye baryarya, hanyuma bagahakana mu mitima yabo, Bavugako iyi Ayat yamanukiye ku bantu bayobotse Islam hanyuma bakaza kuva muri Islam, kubera ubuhakanyi bwabo imitima yabo igapfundikirwa, ntibashobora kuzayoboka nyuma yaho, kandi bo ntibasobanukirwa.

Iyo ubarebye imibiri yabo iragushimisha kubera umubyibuho. N'iyi bavuze wumva wibwira ko amagambo yabo ari ukuri kubera imvugo zabo zisobanuye, ABUDULLAH mwene UBAY wari umuyobazi w'Indyarya yari umuntu ufite akarimi karyoshye akaba yari afite umubiri mwiza kandi abyibushye, Imana yagereranyije kwicara kwabo mu cyicaro cy'Intumwa Muhamad ko ari nk'imbaho zitagira icyo zizi kangi zidasobanukiwe zihagaze kurukuta, kubera ko nabo badasobanukirwa nibyo Intumwa ibabwirira. Bakeka buri mvugo yose aribo ivuga, Kuko indyarya zahoranaga ubwoba ko hamanuka imvugo igaragaza ibyo bahisha, ikanazirura amaraso yabo n'imitungo yabo. Abo ni abanzi jya ubirinda, ntibazagire ibanga cyangwa akanya babonya ko kukugirira nabi, kuko indyarya ari amaso y'abanzi bawe babahakanyi. Imana yarabavumye kubera uko bava k'ukuri bakabogamira ku kinyoma.

N'iyi babwiwe bati: Nimuze Intumwa y'Imana ibasabire imbabazi z'ibyaha, bazunguza imitwe yabo, babisuzuguye. Ukababona

Yemwe abemeye! Nihatorwa Adhana yo kuwa gatanu, ariyo Adhana ya Imamu yinjira Mimbari kuko kugihe cy'Intumwa ntayindi Adhana yatorwaga itari iyo, naho Adhana ya mbere yongeweho na Othuman (Imana imwishimire) imbere y'abasangirangendo bose umujyi wa Madinat umaze kwaguka, mujye mwihutira gusingiza Imana, aribyo kumva Khutubat gusali mu musigiti w'imbaga mutunganya impamvu zituma ijuma itungana nko koga, gutawaza na kujya k'umusigiti, muhagarike ubucuruzi, iryo tegeko rireba n'indi mirimo yindi itari ubucuruzi, kuko iyo Adhana y'ijuma itowe kugura no kugurisha biba ikizira. Ibyo byo kureka ibicuruzwa no kwihutira gusingiza Imana ni byo byiza kuri mwe kubera ibihembo byo kumvira birimo, iyaba mwari mubizi.

Iswalat nirangira, mujye mukwira ku isi, mushakishe ingabire z'Imana munambaze Imana cyane kugira ngo mukiranyuke,

N'iyi babonye ibicuruzwa cyangwa indi mikino idafite akamaro, babyirohamo bakagusiga uhagaze wenyine. Vuga uti: Ibiri ku Mana ni byo byiza kurusha ibidafite akamaro n'ibicuruzwa. Kandi Imana ni yo

birengagiza Intumwa y’Imana, bikuza banga kuza ku Intumwa y’Imana no kuyisaba ko yabasabira imbabazi, bakabona ko babirenze.

6 Kubasabira imbabazi kwawe no kutazibasabira byose ni kimwe kuri bo ntacyo byabamarira kubera gutsimbarara kwabo k’uburyarya no gukomeza kugendera k’ubuhakanyi. Imana ntizabababarira ibyaha igihe cyose bakiri muburyarya, Imana ntiyobora abantu babonnyyi, indyarya zikaba zinjira muri iyi mvugo k’umurongo wa mbere.

7 Nibo bavuga bati: Ntimukagire icyo muha abari hamwe n’Intumwa Muhammad (abimukira) kugirango bamuveho, Nyamara Imana ifite ibigega byose by’ibirere n’isi. Ariko indyarya ntizisobanukirwa, ko ibigega by’amafunguro byose biri mu ntoki z’Imana, bibwira ko Imana itazagurira abemera amafunguro.

8 Baravuga (ABDULLAH mwene UBAY umuyobozi w’indyarya) bati: Rwose nidusubira Madinat, bavuye mu ntambara, uwicyubahiro cyane (Abdullah mwene Ubay) azamenesha Madinat usuzuguritse cyane (Muhamad n’abo bari kumwe). Imvugo yaturutse kuri ZAYIDU mwene AR’QAM yaravuze ati: Nari kumwe n’Intumwa Muhammad mu ntambara, Abdullah mwene Ubay aravuga ati: Nidusubira Madinat umunyacyubahiro (Abdullah mwene Ubay) azamenesha Madinat usuzuguritse cyane (Muhamad), Zayidu aravuga ati: Ndaza mbibwira Intumwa Muhammad, Abdullah mwene Ubay ararahira cyane ko atigeze avuga amagambo nkayo, Zayidu aravuga ati: Bagenzi banjye baramveba cyane, barambwira bati: kuki wakoze biriya? Ati: ndagenda ndyama mbabaye ndakaye, Intumwa Muhammad antumaho intumwa ati: Imana yahamije ukuri kwawe, nuko hamanuka iyi ayat.

9 Yemwe abemeye! Imitungo yanyu n’urubyaro rwanyu ntibikabarangaze ngo mureke gusingiza Imana, Imana iraburira abemera ngo birinde kurangwa n’imico y’indyarya zirangazwa n’imitungo yazo ndetse n’urubyaro rwazo bikababuzza gusingiza Imana kandi ari itegeko rya Islam, bavuga ko ari ugusoma Qor’an, n’uzakora ibyo byo kurangazwa n’Isi akareka idini. Abo nibo bari mugihombo.

10 Mujye mutanga mu byo twabafunguriye, munzira y’Imana, cyangwa Izakat, mbere y’uko umwe murimwe agerwaho n’urupfu, akavuga ati: Iyaba warundindirije ho igihe

وَإِذِ قِيلَ لَهُم تَعَالَوْا اسْتَغْفِرْ لَكُمْ رَسُولُ اللَّهِ لَوَّأَوْا بِهَا وَهُمْ
وَرَأَيْتَهُمْ يَصُدُّونَ وَهُمْ مُسْتَكْبِرُونَ ۝ سَوَاءٌ عَلَيْهِمْ
أَسْتَغْفَرْتَ لَهُمْ أَمْ لَمْ تَسْتَغْفِرْ لَهُمْ لَنْ يَغْفِرَ اللَّهُ لَهُمْ إِنَّ
اللَّهَ لَا يَهْدِي الْقَوْمَ الْفَاسِقِينَ ۝ هُم الَّذِينَ يَقُولُونَ
لَا تُنْفِقُوا عَالَمًا مِّنْ عِنْدِ رَسُولِ اللَّهِ حَتَّىٰ يَنْفَضُوا وَيَلَّهَ
خَزَائِنُ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ وَلَكِنَّ الْمُنْفِقِينَ لَا يَفْقَهُونَ
يَقُولُونَ لَيْنَ رَجَعْنَا إِلَى الْمَدِينَةِ لَيُخْرِجَنَّ الْأَعَزُّ
مِنهَا الْأَذَلَّ وَلِلَّهِ الْعِزَّةُ وَلِرَسُولِهِ وَلِلْمُؤْمِنِينَ وَلَكِنَّ
الْمُنْفِقِينَ لَا يَعْلَمُونَ ۝ يَا أَيُّهَا الَّذِينَ آمَنُوا لَا تُلْهِكُمْ
أَمْوَالُكُمْ وَلَا أَوْلَادُكُمْ عَنْ ذِكْرِ اللَّهِ وَمَنْ يَفْعَلْ
ذَلِكَ فَأُولَئِكَ هُمُ الْخَاسِرُونَ ۝ وَأَنْفِقُوا مِمَّا رَزَقْنَاكُمْ
مِنْ قَبْلِ أَنْ يَأْفِكَ أَحَدُكُمْ أَلْمُوتَ فَيَقُولَ رَبِّ لَوْلَا أَخَّرْتَنِي
إِلَىٰ أَجَلٍ قَرِيبٍ فَأَصَّدَّقَ وَأَكُنْ مِنَ الصَّالِحِينَ ۝ وَلَنْ
يُؤَخَّرَ اللَّهُ نَفْسًا إِذَا جَاءَ أَجَلُهَا وَاللَّهُ خَبِيرٌ بِمَا تَعْمَلُونَ ۝

سُورَةُ النَّجْمِ

gito ngatanga mu mutungo wanjye kandi nkaba nomu ntungane.

11 Kandi Imana ntirindiriza umuntu igihe cye cyo gupfa kigeze. Kandi Imana ntakiyisoba mu bikorwa by’abagaragu bayo kandi izanabibahembera.

Surat A Taghabun Ighombo.

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat: 18.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibiri mu birere n’ibiri mu isi bitagatifuza Imana. Ubwami ni ubwayo, n’ishimwe n’ikuzo ni ibyayo. Ifite ubushobozi bwa buri kintu.

2 Imana niyo yaremye abahakanyi n’ubuhakanyi bwabo, inarema abemera n’ukwemera kwabo, byose kubera ubushobozi bwayo, Imana iti: « Ntacyo mwashaka gukora ngo mukigereho Imana Nyagasani itabihatse ».

3 Yaremye ibirere n’isi mu kuri, Imana inabaha amasura meza n’ibimero byiza, si ibanga kuba umuntu atunganye mu ishusho n’imiterere, ibyo bikaba ari ibimenyetso bigaragara biranga ubushobozi bw’umuremyi ibyo bikanagaragazwa n’ishusho y’umuntu

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

يَسْجُدُ لِلَّهِ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ لَهُ الْمُلْكُ وَلَهُ الْحَمْدُ
 وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ ﴿١﴾ هُوَ الَّذِي خَلَقَكُمْ مِنْ نَفْسٍ وَاحِدَةٍ
 وَمِنْكُمْ مُؤْمِنٌ وَاللَّهُ يَمَّا تَعْمَلُونَ بَصِيرٌ ﴿٢﴾ خَلَقَ السَّمَوَاتِ
 وَالْأَرْضَ بِالْحَقِّ وَصَوَّرَكُمْ فَأَحْسَنَ صُوَرَكُمْ وَإِلَيْهِ الْمَصِيرُ ﴿٣﴾
 يَعْلَمُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ وَيَعْلَمُ مَا تُسِرُّونَ وَمَا تُعْلِنُونَ وَاللَّهُ
 عَلِيمٌ بِذَاتِ الصُّدُورِ ﴿٤﴾ أَلَمْ يَأْتِكُمْ نَبُؤُا الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْ قَبْلُ
 فَدَّأَوْا بِآلِ آمْرِئِهِمْ وَهُمْ عَدَاؤُا لِيَوْمِ ﴿٥﴾ ذَلِكَ يَأْتِيهِمْ أَنَّهُمْ
 رُسُلُهُمْ بِالْبَيِّنَاتِ فَقَالُوا أَبَشْرِهِمْ ذُنُوبُنَا فَكَفَرُوا وَقَوْلُوا وَاسْتَعْنَى
 اللَّهُ وَاللَّهُ عِنْدَ حَمِيدٍ ﴿٦﴾ زَعَمَ الَّذِينَ كَفَرُوا أَنْ لَنْ يُعْتَوَّلَ بِلِئْلِ وَرِي
 لِنُبْعَثْ ثُمَّ لَنْ نُبْعَثَ وَمَا عَمِلْتُمْ وَذَلِكَ عَلَى اللَّهِ يَسِيرٌ ﴿٧﴾ فَتَأْمُرُوا بِاللَّهِ
 وَرَسُولِهِ وَالنُّورَ الَّذِي أَنْزَلْنَا وَاللَّهُ يَمَّا تَعْمَلُونَ خَيْرٌ ﴿٨﴾ يَوْمَ
 يَجْمَعُكُمْ لِيَوْمِ الْجَمْعِ ذَلِكَ يَوْمُ الْغَابِئِ وَمَنْ يُؤْمِنْ بِاللَّهِ وَيَعْمَلْ
 صَالِحًا يَكْفُرْ عَنْهُ سَيَأْتِيهِ وَيُدْخِلْهُ جَنَّاتٍ تَجْرِي مِنْ تَحْتِهَا
 الْأَنْهَارُ خَالِدِينَ فِيهَا أَبَدًا ذَلِكَ الْفَوْزُ الْعَظِيمُ ﴿٩﴾

n'ubushobozi bw'ubwenge bwe buhambaye, nkuko Imana Nyagasani ivuga iti : « No ku Isi hari ibimenyetso kubafite ukwizera, ndetse no kurimwe ubwanyu hari ibimenyetso, ese ntimubona ? ».

4 Imana izi ibiri mu birere n'isi. Kandi izi ibyo muhisha n'ibyo mugaragaza. Mukuri Imana ni Umumenyi cyane w'ibiri mu bituza.

5 Ese ntimwagezweho n'inkuru y'abahakanye mbere, aribo bahakanyi babayeho mbere yanyu, nk'abantu ba Nuhu, Adiy na Thamuda, Imana yaravuze iti : Inkuru zabo Imana yazivuze muri Qor'an, uburyo Intumwa zabo zabahamagariye kuyoboka Imana imwe no kuyigandukira yonyine bakareka ibyo bagize ibigirwamana mu mwanya w'Imana, Imana igaragaza uburyo iherezo ryabo ryabaye ukurimbuka, naho iherezo ry'Intumwa n'abemera rikaba ugutsinda no kurokoka.!? Basogongeye ingaruka mbi z'ibikorwa byabo, bahabwa ibihano ku isi. Kandi bafite ibihano bibabaza by'umuriro.

6 Ibyo bihano byo ku Isi no kumperuka ni ukubera ko bagerwagaho n'Intumwa zitwaje ibitangaza bigaragara, buri bantu bakavuga

bahakana ko nta ntumwa ibaho y'ikiremwa muntu, ndetse bikanabatangaza cyane, nuko bahakanya intumwa bazitera umugongo, ntibashishoza kubyo zibazaniye, maze Imana ntiyita k'ukwemera kwabo ndetse n'amasengesho yabo, kandi Imana irihagije ntikeneye ikiremwa icyo aricyo cyose ntanubwo ikeneye amasengesho yabo, ikaba inashimwa n'ibiremwa byayo.

7 Abahakanyi bibaza ko batazazurwa. Imana itegeka Intumwa yayo kubabwira ko Imana izabazura nyuma yo gupfa igira iti: Yego! Ndahiye ku izina rya Nyagasani wanjye! Rwose muzavanwa mumva zanyu, maze mubwirwe ibyo mwakoze kandi mubihemberwe, kandi ibyo ku Mana biroroshye.

8 Bityo nimwemere Imana n'Intumwa yayo n'urumuri twamanuye (Qor'an) kuko yo iyobora umuntu imukuye mu mmwijima w'ubuyobe.

9 Umunsi Imana izabakoranya k' umunsi w'imperuka kuko hazakonywa abantu kubera ibihembo, ndetse bakanakoranya abantu n'ibyo bakoze, ndetse n'Intumwa n'abantu bayo, n'uwahugujwe hamwe n'uwahugujwe, n'aba mbere hamwe n'abanyuma, uwo ni umunsi w'igihombo, abari k'urubuga rw'ibarura bazaba bahomba bamwe ku bandi, abari mu kuri bagahomba abari mu kinyoma, nta gihomba gikabije nko nk'abari mu muriro guhomba abari mu ijuru, ni nkaho abo mumuriro baguranye ibyiza ibibi, naho abo mu ijuru bikaba ikinyuranyo, bityo uzahomba k'urusha abandi ni uzahomba abantu be n'amazu ye mu ijuru. Ariko uzemera Imana, agakora ibikorwa byiza, azababarirwa amakosa ye, aninjizwe mu majuru atembamo imigezi, bazabamo ubuziraherezo. Uko ni ko gutsinda guhambaye.

10 Na ho abahakanye bakanahinyura amagambo yacu; abo nibo bazajya mu muriro, bazabamo ubuziraherezo. Kandi ni herezo ribi.

11 Nta kibi kibaho kidaturutse k'ubushake n'ubushobozi bw'Imana. Bavuga ko impamvu yatumye iyi ayat imanuka n'uko Abahakanyi bavuze bati : (Iyo abayisumu baza kuba ibyo bariho ari ukuri, Imana yari kubarinda ingorane z'isi, Naho uzemera Imana izayobora umutima we mu gihe cy'ingorane, akamenya ko ziturutse ku Mana kandi ko icyimubayeho nta buryo cyari kumuhusha, n'icyamuhushije nta buryo cyagombaga kumubaho, bityo akakira itegeko ry'Imana,

yaba yageragejwe akihangana naho yaba ari inema yahawe agashimira. Kandi Imana isobanukiwe na buri kintu.

12 Nimwumvire Imana munumvire Intumwa yayo. Nimuramuka mwirengagije kumvira mugatera umugongo; ibyaha byanyu bizaba kuri mwe, kandi Intumwa ntacyo bizayitwara. icyo Intumwa yacu ishinze ni ukubagezaho ubutumwa busobanutse.

13 Imana ni Allah ntayindi Mana ibaho itari yo, kandi abemera bajye biringira ku Mana.

14 Yemwe abemeye! Mu by'ukuri bamwe mu bagore banyu n'abana banyu, ni abanzi banyu, kuko babaranga mukibagirwa gukora ibyiza, impamvu yatumye iyi ayat imanuka: (Ni uko bamwe mu bantu ba Makka binjiye Islam bagashaka kwimuka, abagore babo n'abana babo ntibabemerere, MUJAHID yaravuze ati: Ndahiye Imana ko batabanze ku isi ariko kubakunda cyane byatumye babashakira ikizira barakibaha, bityo mujye mwirinda ko urukundo mukunda abagore n'abana rwatuma mutagandukira Imana uko bikwiye, kandi ibyiza mubashakira ntibigatume mubashakishiriza amafunguro mu gusuzugura Imana. Ni muramuka mubabariye ibyaha byabo bakoze mukabagirira ibanga, mu by'ukuri Imana ihanagura ibyaha cyane ikanagira impuhwe, bavugako umuntu abagore n'abana be babujije kwimuka, amaze kubona abantu bamutanze kwimuka bakaba baragize ubumenyi mu idini, yifuje guha abagore be n'abana be ibihano.

15 Mu by'ukuri imitungo yanyu n'abana banyu ni ibigeragezo kuri mwe, kuko batuma mushakisha amafunguro mubaziririjwe, bakanatuma mutubahiriza ukuri kw'Imana. Kandi Imana ifite ibihembo bihambaye kuri wawundi uzashyira imbere kubaha Imana akareka kuyigomekaho akunda imitungo ye n'urubyaro rwe.

16 Bityo nimugandukire Imana uko mushoboye, kandi mwumve munumvire amategeko y'Imana n'Intumwa yayo, munatange mu mitungo Imana yabahaye mu byiza kubera roho zanyu ntimukagire ubugugu, n'uwo Imana izarinda uburwayi bw'ubugugu akabasha gutanga mu nzira y'Imana, Abo nibo batsinze.

17 Nimuguriza Imana inguzanyo nziza, mutanga imitungo yanyu mu nzira nziza kandi mwiyezeza Imana, Imana izabatuburira ibahe ku cyiza cyimwe

وَالَّذِينَ كَفَرُوا وَكَذَّبُوا بِآيَاتِنَا أُولَٰئِكَ أَصْحَابُ
النَّارِ خَالِدِينَ فِيهَا وَسِوَالْمَصِيرُ ﴿١٠﴾ مَا أَصَابَ مِنْ
مُصِيبَةٍ إِلَّا بِإِذْنِ اللَّهِ وَمَنْ يُؤْمِنْ بِاللَّهِ يَهْدِ اللَّهُ قَلْبَهُ، وَاللَّهُ بِكُلِّ
شَيْءٍ عَلِيمٌ ﴿١١﴾ وَأَطِيعُوا اللَّهَ وَأَطِيعُوا الرَّسُولَ فَإِن
تَوَلَّيْتُمْ فَإِنَّمَا عَلَىٰ رَسُولِنَا الْبَلَاغُ الْمُبِينُ ﴿١٢﴾ اللَّهُ لَا إِلَهَ
إِلَّا هُوَ وَعَلَىٰ اللَّهُ فَلَئِن تَوَكَّلَ الْمُؤْمِنُونَ ﴿١٣﴾ يَتَأْتِيهَا
الَّذِينَ ءَامَنُوا مِن آيَاتِنَا مِن أَرْوَاهِمُ وَأُولَٰئِكَ عَدُوًّا
لَكُمْ فَاحْذَرُوهُمْ وَإِن تَعَفَّوْا وَتَصَفَّحُوا وَتَغْفِرُوا
فَإِنَّ اللَّهَ غَفُورٌ رَّحِيمٌ ﴿١٤﴾ إِنَّمَا أَمْوَالُكُمْ وَأُولَٰئِكَ
فِتْنَةٌ وَاللَّهُ عِنْدَهُ أَجْرٌ عَظِيمٌ ﴿١٥﴾ فَاتَّقُوا اللَّهَ مَا اسْتَطَعْتُمْ
وَأَسْمِعُوا وَأَطِيعُوا وَأَنفِقُوا خَيْرًا لِّأَنفُسِكُمْ وَمَنْ
يُوقِ شَحْنَ نَفْسِهِ فَاُولَٰئِكَ هُمُ الْمُقْلِحُونَ ﴿١٦﴾ إِن تَقْرَضُوا
اللَّهَ قَرْضًا حَسَنًا يَضْعَفْهُ لَكُمْ وَيَغْفِرْ لَكُمْ وَاللَّهُ شَكُورٌ
حَلِيمٌ ﴿١٧﴾ عَلِيمُ الْغَيْبِ وَالشَّهَادَةِ الْعَزِيزُ الْحَكِيمُ ﴿١٨﴾

سُورَةُ الطَّلَاقِ

ibihembo cumi nkacyo kugeza ku byiza magana arindwi, kandi inabababarire, kandi Imana ihemba uwayigandukiye kandi ntihutiraho muguhana uwayigometseho.

18 Umumenyi w'ibiyihishe n'ibigaragara, Umunyembaraga utsinda kandi Ushishoza.

Surat A Twalaq: Ubutane.

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat:12.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

1 Yewe Muhanuzi, Imana yahamagaye Intumwa Muhamad bwa mbere kubera kumuha icyubahiro, nyuma Imana imubwirana n'abantu be! Iti: Nimugambirira guha ubutane abagore banyu, mujye mububaha mubihe bavuye mu mihango mutararyamana nabo, maze mureke barangize Eda zabo (Eda ni iminsi umugore yicara mu nzu kubera impamvu z'ubutane cyangwa gupfusha umugabo), imvugo yaturutse kuri mwene Umari ivuga ko yahaye umugore we ubutane ari mu mihango, Umar abibwira Intumwa Muhamad ararakara maze aravugaga ati: "Namugarure abane nawe kugeza avuye mu mihango agire isuku azongere ayijyemo



بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
 يَا أَيُّهَا النَّبِيُّ إِذَا طَلَّقْتُمُ النِّسَاءَ فَطَلِّقُوهُنَّ لِعَدَّتِهِنَّ وَأَحْصُوا
 الْعِدَّةَ وَاتَّقُوا اللَّهَ رَبَّكُمْ لَا تَخْرِجُوهُنَّ مِنْ بُيُوتِهِنَّ
 وَلَا يَخْرُجْنَ إِلَّا أَنْ يَأْتِيَنَّ بِفَحِشَةٍ مُبِينَةٍ وَذَلِكَ حُدُودُ
 اللَّهِ وَمَنْ يَتَعَدَّ حُدُودَ اللَّهِ فَقَدْ ظَلَمَ نَفْسَهُ لَا تَدْرِي لَعَلَّ
 اللَّهُ يُحْدِثُ بَعْدَ ذَلِكَ أَمْرًا ﴿١﴾ فَإِذَا بَلَغَ الْأَجُوهْنَ فَأَمْسِكُوهُنَّ
 بِمَعْرُوفٍ أَوْ فَارِقُوهُنَّ بِمَعْرُوفٍ وَأَشْهِدُوا ذَوَى عَدْلٍ مِنْكُمْ
 وَأَقِيمُوا الشَّهَادَةَ لِلَّهِ ذَٰلِكُمْ يُوعِظُ بِهِ مَنْ كَانَ يُؤْمِنُ
 بِاللَّهِ وَالْيَوْمِ الْآخِرِ وَمَنْ يَتَّقِ اللَّهَ يَجْعَلْ لَهُ مَخْرَجًا ﴿٢﴾ وَيَرْزُقْهُ
 مِنْ حَيْثُ لَا يَحْتَسِبُ وَمَنْ يَتَوَكَّلْ عَلَى اللَّهِ فَهُوَ حَسْبُهُ إِنَّ اللَّهَ
 بَلِّغُ أَمْرِهِ قَدْ جَعَلَ اللَّهُ لِكُلِّ شَيْءٍ قَدْرًا ﴿٣﴾ وَالَّتِي يُبْسَنُ
 مِنَ الْمَحِيضِ مِنْ نِسَائِكُمْ إِنْ أَرْبَبْتُمْ فَعَدَّتْهُنَّ ثَلَاثَةُ أَشْهُرٍ
 وَالَّتِي لَمْ يَحِيضْ وَأُولَتْ الْأَحْمَالُ الْأَجُوهْنَ أَنْ يَضَعَنَّ حَمْلَهُنَّ
 وَمَنْ يَتَّقِ اللَّهَ يَجْعَلْ لَهُ مِنْ أَمْرِهِ إِسْرًا ﴿٤﴾ ذَٰلِكُمْ أَمْرُ اللَّهِ أَنْزَلَهُ
 فِي الْكِتَابِ وَمَنْ يَتَّقِ اللَّهَ يَكْفُرْ عَنْهُ سَيِّئَاتِهِ وَيُعْظِمْ لَهُ أَجْرًا ﴿٥﴾

yongere agire isuku niyumva ashaka kumuha ubutane abumuhe afite isuku atararyamanye nawe, iyo niyo Eda Imana yategetse guha abagore ubutane bayirimo” kandi mujye muzirikana Eda munamenye igihe ubutane bwabereye kugirango Eda yuzure, ariyo imihango itatu, iyi mvugo irabwirwa abagore, mujye mutinya Imana umurezi wanyu, ntimuzasuzugure ibyo ibategeka kandi ntimuzagirire nabi abagore, mubasohora mu mazu yabo baherewemo ubutane igihe bari muri Eda, Imana yavuze “mu mazu yabo” kugirango igaragaze ko bafite uburenganzira bwo kuhaba mu gihe cya Eda, Imana inabuzza abagore kwisohora mu nzu igira iti: Ntibazasohoke muri ayo mazu mu gihe bari muri Eda, uretse ku mpamvu ikomeye itakwirindwa, ntibagomba gusohoka mu mazu yabo uretse igihe bakoze icyaha cy’ubusambanyi, cyangwa ufite akarimi karekare k’uwo babana mu nzu. Izo nizo mbibi z’Imana yaziririje ntibyemewe kuzirengera, n’uzaramuka arengereye imbibi z’Imana uwo azaba ahuguje roho ye ayiteguriye kurimbuka. Umugore ntiyamenya

wenda ahanye mu nzu ye Imana yakunga imitima yabo bakaba bakwiyunga bagasubirana. yagasani wanyu, ntimukabasohore mu ngo zabo cyangwa ngo bo basohoke, keretse bakoze icyaha kigaragara. Izo ni imbibi za ALLAH urenze imbibi za ALLAH, aba yihuguje. Ntiwamenya! Wenda ALLAH yazana nyuma y’ ibyo ikindi kintu .

2 Nibaba bagiye kurangiza igihe cyabo cya Eda, muzasubirane nabo ku neza mutagamije kubagirira nabi, cyangwa se mutandukane nabo nanone ku neza kandimwuzuze ibyo mubagomba munareke kubagirira nabi, kuko nyuma yo kurangira kwa Eda nta kindi kiba gisigaye uretse kabagarura ku neza cyangwa gutandukana nabo nanone ku neza, gusubirana nabo mugamije kubagirira nabi, cyangwa gutana nabo nabi no kubima ukuri kwabo ibyo ntibyemewe kuri mwe. Kandi nimubagarura mujye mubishyiriraho abahamya babiri babanyakuri ko mubagaruye cyangwa mutandukanye nabo, kugirango hirindwe impaka zavuka. Kandi abahamya batange ubuhamya bw’ukuri kubera Imana, ibyo ni inyigisho Imana iha uwemera Imana n’umunsi w’imperuka, Imana yageneye inyigisho abemera kuko aribo bagirirwa akamaro nazo. Nuzatinya Imana ntarengere imbibi zayo yashyiriyeho abagaragu bayo, Imana izamucira icyanzu.

3 Imana ikanamuha amafunguro mu buryo atakekaga, n’uzagarura umugore we cyangwa se agatana nawe nyuma y’uko Eda ye irangira akabishyiriraho abahamya, Imana izamucira icyanzu, naho uzaca ukubiri n’amategeko yayo m’ubutane cyangwa gusubirana uwo niwe azabura amahoro. Uwiringira Imana kumubera aho atari izaba imuhagije, kandi Imana ntacyiyisoba kandi ntacyiyinanira. Imana yamazamugera buri ngorane yose igihe izarangirira, n’umunzero igihe uzashirira SADIY yaravuze ati: Ni gihe cy’imihango na Eda.

4 Abagore banyu batakijya mu mihango kubera izabukuru, nimuba mushidikanya mutazi kubara Eda yabo, Eda yabo ni amezi atatu, kimwe n’abatari bajya mu mihango, kubera ko bakiri bato no kuba batarageza igihe cyo kujya mu mihango, Eda yabo nabo ni amezi atatu. Naho abagore batwite Eda yabo irangirana no kubyara. N’uzatinya Imana izamwohereza mubye igihe cyo gusubirana n’umugore we.

5 Iryo ni itegeko ry’Imana yabamanuriye. Kandi ugandukira Imana, imuhanaguraho

ibyaha akanamutuburira ibihembo ku mperuka aribyo ijuru.

6 Mujye mubana n'abagore banyu bahawe ubutane aho muba namwe, uko mushoboye, iri rikaba ari itegeko rireba umugore wahawe ubutane bwo gusubirana, naho uwahawe ubutane bwa burundu uwo ntahahirwa cyangwa ngo ahabwe indaro. Kandi ntimuzagirire nabi abagore mubabangamira mu ndaro cyangwa ibyo mubagenera, nibaba batwite mujye mubaha iposho kugeza bamaze kubyara, Abamenyi bose kandi bemeranya ko umugore wahawe ubutane atwite agomba guharirwa no guhabwa aho aba. Kandi nibaramuka babonkereje abana nyuma yo gutana, muzabahe igihembo cyagomba kubera uko konsa, kandi muzajye inama ku neza, iyi mvugo irabwirwa abagabo n'abagore batanye ko bagomba kujya inama ku neza, kandi buri wese akakira kuri mugenzi we ibiri mu nyungu z'umwana, ibyo ninkuko Imana yabivuze iti: “Abashakanye nibaramuka bashaka gutana kubwende bwano n'ubwumvikane nta kibazo kuri bo, kandi nimunanirwa kwishyura igihembo cyo kubonkereza, umugabo akanga kwishyura umugore igihembo ashaka, maze umugore akanga konsa umwana, umugabo azashake ahandi ajya konkesha umwana we.

7 Ufite umutungo ajye atanga mukonsa umwana, iri ni tegeko kubafite ubukungu ko bagomba gaha ababonkereza umutungo mwinshi bijyane n'umutungo bafite, naho uzaba ari umukene, azatange mubyo Imana yamuhaye, kandi Imana ntihatira umuntu gukora ibyo adashoboye, ntanubwo ihatira umukene gutanga ibitari mu bushobozi bwe nk'uko umukungu atanga. Imana kandi nyuma y'ubukene izamuha koroherwa no kugira umutungo.

8 Ni imidugudu ingahe yigometse ku itegeko rya Nyagasani wayo n'intumwa ze, tukayibarura ibarura rikomeye tukanayihana ibihano bikaze!?

9 Isogongera ingaruka z'ibikorwa byayo. Kandi ingaruka z'ibikorwa byayo ni igihombo.

10 Imana yabateguriye ibihano bikaze aribyo umuriro. Bityo ni mutinye Imana yemwe abafite ubwenge, aribo abantu b'Intumwa Muhamad, babandi bemeye Imana bagakurikira Intumwa Muhamad bakaba abanyakuri mu kwemera kwabo ntimuzabe b'abantu babayeho mbere yanyu, bakabaturwa ibarura rikaze bakanahanwa

أَسْكُونَهُنَّ مِنْ حَيْثُ سَكَنتُمْ مِنْ وُجُوهِكُمْ وَلَا تَنْصَارُوهُنَّ لِتَضَيِّقُوا عَلَيْهِنَّ وَإِنْ كُنَّ أُولَاتٍ حَمْلًا فَأَنْفِقُوا عَلَيْهِنَّ حَتَّى يَضَعْنَ حَمْلَهُنَّ فَإِنْ أَرْضَعْنَ لَكُمْ فَآتُوهُنَّ أُجُورَهُنَّ وَأَمْرُهُمْ بَيْنَكُمْ بِمَعْرُوفٍ وَإِنْ تَعَاسَرْتُم فَسَترْضِعْ لَهُنَّ أُخْرَى ٦ لِيُنْفِقَ ذُو سَعَةٍ مِنْ سَعَتِهِ وَمَنْ قُدِرَ عَلَيْهِ رِزْقُهُ فَلْيُنْفِقْ مِمَّا آتَاهُ اللَّهُ لَا يُكَلِّفُ اللَّهُ نَفْسًا إِلَّا مَا آتَاهَا سَيَجْعَلُ اللَّهُ بَعْدَ عُسْرٍ يُسْرًا ٧ وَكَأَيِّنْ مِنْ قَرْيَةٍ عنتَ عَنْ أَمْرِ رَبِّهَا وَرُسُلِهِ فَمَا سبَّحْنَاهَا حِسَابًا شَدِيدًا وَعَدَّ بِنَهَا عَذَابًا ذُكِّرًا ٨ فَذَاقَتْ وَبَالَ أَمْرِهَا وَكَانَ عَاقِبَةُ أَمْرِهَا خُسْرًا ٩ أَعَدَّ اللَّهُ لَهُمْ عَذَابًا شَدِيدًا أَفَأَنْقُوا اللَّهَ تَعَالَى الْآلِيبِ الَّذِينَ ءَامَنُوا قَدْ أَنْزَلَ اللَّهُ إِلَيْكُمْ ذِكْرًا ١٠ رَسُولًا يَتْلُوا عَلَيْكُمْ ءَايَاتِ اللَّهِ مُبَيِّنَاتٍ لِيُخْرِجَ الَّذِينَ ءَامَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ مِنَ الظُّلُمَاتِ إِلَى النُّورِ وَمَنْ يُؤْمِنْ بِاللَّهِ وَعَمِلْ صَالِحًا يُدْخِلْهُ جَنَّاتٍ تَجْرِي مِنْ تَحْتِهَا الْأَنْهَارُ خَالِدِينَ فِيهَا أَبَدًا قَدْ أَحْسَنَ اللَّهُ لِرِزْقِهَا ١١ اللَّهُ الَّذِي خَلَقَ سَبْعَ سَمَاوَاتٍ وَمِنَ الْأَرْضِ مِثْلَهُنَّ يَنْزِلُ الْأَمْرُ بَيْنَهُنَّ لِتَعْلَمُوا أَنَّ اللَّهَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ وَأَنَّ اللَّهَ قَدْ أَحَاطَ بِكُلِّ شَيْءٍ عِلْمًا ١٢

ibihano nk'ibyo, yabamanuriye urwibutso (Qor'an) ihambaye, cyangwa Intumwa Muhamad.

11 Imana iti: Intumwa, bisobanuye ko yabamanuriye Qor'an inabohereza n'Intumwa n'iyi Qor'an ibasomera amagambo y'Imana inasobanurira abantu amategako bakeneye, kandi kugirango Imana ikure mu mwijima w'ubuhakanyi kubera amagambo yayo babandi bemeye bakanakora ibikorwa byiza, ibashyire mu mucyo w'umuyoboro. Kandi Imana yamutunganyirije amafunguro.

12 Imana niyo yaremye ibirere birindwi n'isi zirindwi nkabyo, Hadith y'impamo yakomotse ku magambo y'Intumwa Muhamad ishimangira ibi iragira iti: (Uzahuguza agace k'ubutaka azagatsindagirwa k'umutwe kugera mu isi zirindwi), itegeko rimanuka mu birere birindwi rijya ku isi zirindwi, imvura ikagwa ibimera bikamera, hakaza amanywa n'ijoro, icyi n'itumba. kugira ngo mumenye ko Imana ishobora byose, kandi ubumenyi bwe bugose buri kintu.



سُورَةُ التَّحْرِيمِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

يٰۤاَيُّهَا النَّبِيُّ لِمَ تُحَرِّمُ مَا أَحَلَّ اللَّهُ لَكَ تَبٰغِيْ مَرْصَاتٍ اَزْوَاجِكَ وَاللّٰهُ عَفُوٌّ رَّحِيْمٌ ﴿١﴾ قَدْ فَرَضَ اللّٰهُ لَكُمْ مَحَلَّةَ اٰيْمِنِكُمْ وَاللّٰهُ مُوَلَّدُكُمْ وَهُوَ الْعَلِيْمُ الْحَكِيْمُ ﴿٢﴾ وَاِذْ اَسْرَ النَّبِيُّ اِلٰى بَعْضِ اَزْوَاجِهِ حٰدِيًا فَلَمَّا نَبَاَتْ بِهٖ وَاظْهَرَ اللّٰهُ عَلَيْهِ وَعَرَفَ بَعْضَهُ وَاَعْرَضَ عَنْ بَعْضٍ فَلَمَّا نَبَاَهَا بِهٖ قَالَتْ مَنْ اَبَاكَ هٰذَا قَالَ نَبَاَنِ الْعَلِيْمُ الْخَبِيْرُ ﴿٣﴾ اِنْ نُوْبًا اِلٰى اللّٰهِ فَقَدْ صَعَتْ قُلُوْبُكُمْ اِنْ تَطٰهَرَا عَلَيْهِ فَاِنَّ اللّٰهَ هُوَ مُوَلَّدُكُمْ وَجَبْرِيْلُ وَصَلِحُ الْمُؤْمِنِيْنَ وَالْمَلٰٓئِكَةُ بَعْدَ ذٰلِكَ طٰهِيْرٌ ﴿٤﴾ عَسَى رَبُّهٖ اِنْ طَلَّقَكُنْ اَنْ يُدْلِكَ اَزْوَاجًا خَيْرًا مِّنْكَنْ مُّسَلِمٰتٍ مُّؤْمِنٰتٍ قَنِيْنٰتٍ تَدِيْنُتِ عِيْدٰتِ سَبِيْحٰتٍ تَشِيْبُنَّ وَاَبْكَارًا ﴿٥﴾ يٰۤاَيُّهَا الَّذِيْنَ اٰمَنُوْا اَنْفُسَكُمْ وَاَهْلِيْكُمْ نَارًا وَقُوْدُهَا النَّاسُ وَالْحِجَارَةُ عَلَيْهَا مَلَآئِكَةٌ غٰلِظٌ شِدَادٌ لَا يَعْصُوْنَ اللّٰهَ مَا اَمَرَهُمْ وَيَفْعَلُوْنَ مَا يُوْمَرُوْنَ ﴿٦﴾ يٰۤاَيُّهَا الَّذِيْنَ كَفَرُوْا لَا تَعْنِدُوْا الْيَوْمَ اِنَّمَا تُحْزَنُوْنَ مَا كُنْتُمْ تَعْمَلُوْنَ ﴿٧﴾

Surat A Tah'rim: Kuziririza. Yamanukiye Madinat Ifite Ayat:12

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Yewe Muhamuzi! (Muhamad) kuki uziririza ibyo Imana yakuziruriye, Bavuga ko Intumwa Muhamad jayyaga anywa ubuki kwa Zayinabo mwene Jahashi maze Aisha na Hafisa bajya umugambi ko Intumwa niyinjira kuri buri wese avuga ko amwumvaho impumuro mbi, nuko Intumwa Muhamad aziririza kuri we ubuki, ushaka kwishimirwa n'abagore bawe ukaziririza ibyo Imana yakuziruriye!? Imana ihanagura ibyaha cyane ku makosa wakoze, bavuga ko ibyo byari mubyaha bito ari nayo mpamvu Imana yamutanganyije.

2 Rwose Imana yabategetse uko muzirura indahiro zanyu, mutanga icyiru, nko mu ijambo ry'Imana rigira riti: "Icyiru cyayo (indahiro) ni ukugaburira abakene icumi mu byo kurya biciriritse mugaburira abantu banyu cyangwa mukabambika cyangwa kurekura umuja, utazabona ibyo atanga azasibe iminsi itatu", nta muntu n'umwe ufite uburenganzira bwo kuziririza icyo Imana yaziruye, aramutse

anabikoze ntibyemerwa, kuzirura no kuziririza n'ibyi Mana Nyagasani gusa, ariko iyo hagize ubikora bamwe mu bamenyi bavuga ko aramutse aziririje kuri we umwambaro, ibyo kurya, icyo kunywa cyangwa ikindi cyose mubyo Imana yaziruye, icyo gikorwa gifatwa nk'indahiro, yaramuka asubiye kucyo yarahiriye akagikora agomba gutanga icyiru, iyo agitanze icyo gihe indahiro ye irahambuka, iryo tegeko rireba buri kintu nubwo yaba umugore we yiziririjeho, abandi mubamenyi bavuga ko: Iyo umuntu aziririje kuri we umugore we ariko agambiriye muri uko kuziririza ubutane, icyo gihe biba ari ubutane. Kandi Imana ni umukunzi wanyu n'umurokozi wanyu, Imana izi neza ibibafitiye akamaro kandi irashishoza mu bikorwa byayo n'invugo zayo.

3 Ubwo Umuhanuzi (Muhamad) yahaga ibanga umwe mu bagore be (Hafisa) nkuko twabivuze, Hadith yatambutse igaragaza ko kuziririza kwabaye kubera ubuki, AL KALBIY yaravuze ati: Intumwa Muhamad yahaye Hafisa ibanga ati: Iso na se wa Aishat bazaba abasimbura banjye nyuma yanjye, Intumwa ibwiye Hafisa ko yamenywe ibanga aramubwira ati: Ninde wabikubwiye? Intumwa Muhamad aramubwira ati: Nababwiwe n'Imana umumenyi cyane utagira ikimwihisha.

4 Nimwicuza ku Mana, imitima yanyu iraba ibogamiye ku kwicuza kuruta kwigaragambya ku Intumwa, iyi mvugo yabwirwaga Aishat na Hafisa, ariko nimufatikanya mukumufuhira no kumena amabanga ye, mumenye ko Imana izamurokora ndetse na Jibril n'abemera beza bose nka Abubakar na Umar, ntazabura umurokora, nyuma yo kurokorwa n'Imana ndetse na Jibril n'abemera beza n'abandi ba Malayika bazamufasha, bavuga ko kandi uko kwigaragambya kwa Aishat na Hafisa ku Intumwa kwari ukubera iposho yabahaga.

5 Aramutse abahaye ubutane hari ubwo Nyagasani we yamuguranira abagore babaruta, Imana ikaba yarabwiye abagore b'Intumwa yayo ko ifite ubushobozi aramutse ibahaye ubutane yamuguranira abeza kubaruta, ibyo bikaba byari ukugirango bagire ubwoba: Abagore babayislamukazi, babemerakazi, bibombarika, bicuza, bakora ibyo bategetswe na Islam basiba ibisibo, baba abagore bigeze abagabo cyangwa amasugi.

6 Yemwe abemeye! Nimwirokore ndetse n'abanyu umuriro, mubashishikariza kubaha Imana munababuza kuyigomekaho, mukora

ibyoy Imana yabategetse munareka ibyoy yababujije. Inkwi z'uwu muriro ni abantu n'amabuye, IBUN JARIRI yaravuze ati : Ningombwa ko twigisha abana bacu idini no gukora ibyiza ndetse n'imico myiza yangombwa k'umuntu. Uwo muriro urinzwe n'Abamalayika b'inkazi bakomeye ku bantu bo mumuriro batabagirira impuhwe nibazibasaba, bashinzwe kuwushyidika no guhana abazawujyamo, abo bamalayika ntibaca ukubiri n'ibyoy Imana ibategeka, ahubwo bakora ibyoy bategetswe.

7 Yemwe abahakanye! Ntimugire urwitwazo uyoy munsy! Aya magambo bazayabwirwa igihe bazaba binjira mu muriro, kugirango babace intege n'icyizere. Mu by'ukuri murahemberwa ibikorwa mwakoraga ku isi.

8 Yemwe abemeye! Nimwicuze ku Mana, ukwicuzo k'ukuri, kujuje ibi bikurikira : Kubabara k'umutima kubera ibyaha wakoze mbere, gusaba imbabazi k'ururimi, umubiri kureka icyaha burundu no kwiyemeza kutazabisubira. kugira ngo Nyagasani wanyu azabahanagureho ibicumuro byanyu anabinjize mu ijuru ritembamo imigezi, umunsi Imana itazamwaza Umuhanuzi (Muhamad) n'abemeye hamwe na we. Urumuri rwabo ruzaba rugendera imbere yabo n'iburyo bwabo igihe bazaba kunyura kuri Siratwa, bavuga bati: Nyagasani wacu ! Dusendereze urumuri rwacu unaduhanagureho ibyaha byacu. Mu by'ukuri wowe ushoboye byose.

9 Yewe Muhanuzi (Muhamad)! Rwanyo mu ntambara abahakanyi n'Indyarya, ububahirizaho ibihano by'Imana kuko bakoraga ibyaha bisaba guhabwa ibihano, unakarire ayo matsinda yombi kugirango ugire igitinyiro. Ubuturo bwabo ni mumuriro wa Jahanama. Kandi ni ryo garukiro ribi.

10 Imana yatanze urugero rw'Abahakanyi k'umugore wa Nuhu n'umugore wa Lutwi. Bari abagore b'abagaragu bacu babiri b'intungane, barabahemukira, bavuga ko umugore wa Nuhu yabwiraga abantu ko Nuhu ari umusazi, naho umugore wa Lutwi yajyaga abwira abantu be ko hari abashyitsi bari kwa Lutwi, ariko kuba bari abagore ba Nuhu na Lutwi ntibyagize icyiza babamarira cyangwa kubarinda ibihano by'Imana hamwe n'uko bari abatoni ku Mana. Barabwirwa bati: Nimwinjire mu muriro hamwe n'abawinjira mo mu bahakanyi n'abanyabyaha bose.

11 Imana yatanze urugero rw'Abemera batagerwaho n'ingaruka z'ubuhakanyi nk'uko zitagera k'umugore wa Farawo, wari utunzwe

يَتَأْتِيَا الَّذِينَ ءَامَنُوا تُوْبُوْا اِلَى اللّٰهِ تُوْبَةً نَّصُوْحًا عَسَىٰ رَبُّكُمْ
 اَنْ يَّكْفِرَ عَنْكُمْ سَيِّئَاتِكُمْ وَيُدْخِلَكُمُ جَنَّاتٍ تَجْرَىٰ
 مِنْ تَحْتِهَا الْاَنْهَارُ يَوْمَ لَا يُخْزِي اللّٰهُ النَّبِيَّ وَالَّذِيْنَ ءَامَنُوا
 مَعَهُ نُوْرُهُمْ يَسْعَىٰ بَيْنَ اَيْدِيْهِمْ وَاَيْمَانِهِمْ يَقُوْلُوْنَ رَبَّنَا
 اَنْتَ اَنْتَ لَنَا نُورٌ وَّاغْفِرْ لَنَا اِنَّكَ عَلٰى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيْرٌ ﴿٨﴾
 يَتَأْتِيهَا النَّبِيُّ جُهْدَ الْكُفَّارِ وَالْمُنَافِقِيْنَ وَاغَظَّ عَلَيْهِمْ
 وَاْمَا وُدَّهُمْ جَهَنَّمُ وَاَيْسَ الْمَصِيْرُ ﴿٩﴾ ضَرَبَ اللّٰهُ مَثَلًا
 لِلَّذِيْنَ كَفَرُوْا اَمْرَاتٌ نُّوحٍ وَاَمْرَاتٌ لُّوطٍ كَانَتَا تَحْتَ
 عِبْدِيْنَ مِنْ عِبَادِنَا صٰلِحِيْنَ فَخَانَتَاهُمَا فَلَمْ يَغْنِيَا عَنْهُمَا
 مِنَ اللّٰهِ شَيْئًا وَقِيْلَ اَدْخِلَا النَّارَ مَعَ الْاٰخِلِيْنَ ﴿١٠﴾
 وَضَرَبَ اللّٰهُ مَثَلًا لِلَّذِيْنَ ءَامَنُوا اَمْرَاتٌ فِرْعَوْنَ اِذْ
 قَالَتْ رَبِّ اَبْنِ لِيْ عِنْدَكَ بَيْتًا فِى الْجَنَّةِ وَبِخْنِىْ مِنْ فِرْعَوْنَ
 وَعَمَلِيْهِ وَبِخْنِىْ مِنَ الْقَوْمِ الظّٰلِمِيْنَ ﴿١١﴾ وَمَرْيَمَ اِذْ
 عَمَّرْنَا لَهَا اَحْسَنَتْ فَرْجَهَا فَنَفَخْنَا فِيْهِ مِنْ رُّوْحِنَا
 وَصَدَقَتْ بِكَلِمَاتِ رَبِّهَا وَكُتِبَ عَلَيْهَا اِلْحٰسَانُ ﴿١٢﴾

n'umuhakanyi kabuhariwe kurusha abandi kubera ukwemera kwe yinjira mu ijuru ry'inema, ubwo yavugaga ati: Nyagasani! Nyubakira iwawe inzu mu ijuru hafi y'impuhwe zawe mu rwego rw'abari hafi yawe, unankize Farawo ubwe n'ibikorwa bye bibi. Kandi unkize abantu bahuguza mubahakanyi babanyagiputa.

12 Na Mariam mwene I'mrani, Imana yakomatanyije kuri we icyubahiro cyo ku Isi noku mperuka imuhitamo mu bagore bose bo ku Isi nubwo yari hagati y'abantu b'ibyigomeka, we warinze ubwambure bwe gukora ibiteye isoni, duhamo roho yacu, kuko Jibril yahushyemo roho maze atwita Isa (Yesu), yemera amategeko Imana yategetse abagaragu bayo nibyo Malayika yamubwiye, ariyo magambo ya Jibril agira ati : Njyewe ndi Intumwa ya Nyagasani wawe kuri wowe, no kumuha inkuru nziza yo kuzabyara Isa (Yesu) kandi ko azaba Intumwa ikomeye, yemera n'ibitabo bye yamanuye ku Intumwa, maze aba mu bantu bumvira Nyagasani we, kuko abantu be bari abantu batunganye kandi bumvira.

سُورَةُ الْمُلْكِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

تَبَرَّكَ الَّذِي بِيَدِهِ الْمُلْكُ وَهُوَ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ قَدِيرٌ ۝^١ الَّذِي خَلَقَ الْمَوْتَ وَالْحَيَاةَ لِيَبْلُوَكُمْ أَيُّكُمْ أَحْسَنُ عَمَلًا وَهُوَ الْعَزِيزُ الْغَفُورُ ۝^٢ الَّذِي خَلَقَ سَبْعَ سَمَاوَاتٍ طِبَاقًا مَا تَرَى فِي خَلْقِ الرَّحْمَنِ مِنْ تَفَوتٍ فَأَرْجِعِ الْبَصَرَ هَلْ تَرَى مِنْ فُطُورٍ ۝^٣ ثُمَّ ارْجِعِ الْبَصَرَ كَرَّتَيْنِ يَنْقَلِبْ إِلَيْكَ الْبَصَرُ حَاسِئًا وَهُوَ حَسِيرٌ ۝^٤ وَلَقَدْ زَيَّنَّا السَّمَاءَ الدُّنْيَا بِمَصَابِيحٍ وَجَعَلْنَاهَا رُجُومًا لِلشَّيْطَانِ وَأَعْتَدْنَا لَهُمْ عَذَابَ السَّعِيرِ ۝^٥ وَلِلَّذِينَ كَفَرُوا بِرَبِّهِمْ عَذَابُ جَهَنَّمَ وَيَسُومُونَ الصَّيْرُ إِذَا الْقَوَافِهَا سَمْعُوهَا لَهَا شَيْبًا وَهِيَ تَنُورُ ۝^٦ تَكَادُ تَمَيَّزُ مِنَ الْغَيْظِ كُلَّمَا أَلْقَى فِيهَا فَوْجٌ سَأَلَهُمْ خَزَنَتُهَا أَلَمْ يَأْتِكُمْ نَذِيرٌ ۝^٧ قَالُوا بَلَى قَدْ جَاءَنَا نَذِيرٌ فَكَذَّبْنَا وَقُلْنَا مَا نَزَّلَ اللَّهُ مِنْ شَيْءٍ إِنْ أَنْتُمْ إِلَّا فِي ضَلَالٍ كَبِيرٍ ۝^٨ وَقَالُوا لَوْ كُنَّا نَسْمَعُ أَوْ نَعْقِلُ مَا كُنَّا فِي أَصْحَابِ السَّعِيرِ ۝^٩ فَأَعْتَفُوا بِذُنُوبِهِمْ فَنَسَحْنَا لَاصْحَابِ السَّعِيرِ ۝^{١٠} إِنَّ الَّذِينَ يَخْشَوْنَ رَبَّهُم بِالْغَيْبِ لَهُمْ مَغْفِرَةٌ وَأَجْرٌ كَبِيرٌ ۝^{١١}

Surat ya 67 Al-Mulk: Ubwami.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 30.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

¹ Yuje imigisha ufite ubwami nyabwo mu kuboko kwe. Kandi we ashoboye byose. Imigisha: bisobanuye kuba ibyiza by'Imana ari byinshi kandi bihambaye, n'ubwami: akaba ariyo mwami w'amajuru n'isi m'ubuzima bw'isi no mubuzima bwanyuma.

² Uwaremye urupfu n'ubuzima kugira ngo abagerageze. Arebe muri mwe utunganya ibikorwa kurusha abandi? We ni Utsinda, Uhebuje mu guhanagura ibyaha. Urupfu: ni ugucika kw'isano ya roho n'umubiri no gutandukana kwabyo. Naho ubuzima: ni ukuba hari isano hagati ya roho n'umubiri no kuba hamwe kwabyo byombi, ubuzima: bisobanuye kandi ukuremwa k'umuntu no kumushyiramo roho kugirango Imana ibahe amabwiriza inabagerageze maze izabahembere ibyo mwakoze, icyo yuzerageze rigamije nukugaragaza ibyiza byuzuye by'abagiraneza no kumvira kw'abumvira.

³ Yaremye amajuru arindwi agerekeranye, hatagaragara mo kuvuguruzanya no

kugongana no kugorama, ahubwo iyarema aringaniye atunganye bigaragaza ubushobozi bw'uwayaremye, ongera usibize amaso mu kirere ugenzure ubunini n'ubugari bwayo ese hari uguturagurika cyangwa imisate ubonamo?

⁴ Wongere asubize yo amaso buri kanya inshuro nyinshi nta kosa uzabasha kubona ahubwo bizatuma urushaho kugira gihamya no kudashidikanya, ahubwo amaso yawe azagaruka amaniwe yabuze inenge mu kuremwa kw'ijuru.

⁵ Twatakishije ikirere cy'isi amatara tunayagira ibishyitsi bitera amashitani, iyo ikaba ari indi nyungu yiyongera k'ukuba imitako y'ikirere cy'isi, Qatada yaravuze ati: Imana yaremye inyenyeri kubera impamvu eshatu: kuba imitako y'ikirere, kuba ibishyitsi bitera amashitani, no kuba ibimenyetso biyobora abantu k'ubutaka no mu mazi. Imana yateganyirije amashitani ibihano by'umuriro ukaze ku mperuka nyuma yo kuyokeshya ibishyitsi by'umuriro ku Isi, azahabwa ibihano by'umuriro.

⁶ Abahakanye Nyagasani wabo bazagira ibihano by'umuriro wa Jahanamu kandi ni ishyikiro ribi.

⁷ Uko bazajya bajugunywa mo (muri Jahanamu) nkuko inkwi zijugunywa mu muriro, bazumva ijwi ryawo utogota rimeze nk'iryi ndogobe iyo zitangiye kwabira.

⁸ Umuriro wenda gucikagurika kubera uburakari bwawo ku bahakanyi! Uko agatsiko kajugunywemo, abarinzi bayo mu bamalayika barakabaza ikibazo cyo kunyega bati: Ese ku isi nta muburizi wabagezeho ngo ababurire anabatinyishe uyu muni?

⁹ Bati nibyo umuburizi (intumwa iturutse kwa Nyagasani wacu) yatugezeho atuburira anadutinyisha iby'uuy muni, maze turamuhakanya, turavuga tuti nta nkuru z'ibiyishe cyangwa izimperuka cyangwa amategeko akubiyemo ibyo Imana yifuza kuri twe yigeze imanura ku ndimi zanyu, tubwira izo ntumwa tuti mwebwe muri m'ubuyobe bukomeye cyane.

¹⁰ Baravuga bati: Iyo tuza kuba dufite amatwi yumva cyangwa ubwenge butandukanya ikibi nk'izika, ntitwagombaga kuba mu bantu bo mumuriro, ahubwo twari kwemera ibyo Imana yamanuye tukanayoboka intumwa Muhamad.

¹¹ Bemera icyaha cyabo gitumye bacirwaho iteka ry'umuriro, aricyo ubuhakanyi no guhinyuza abahanuzi. Nuko bigizwa kure y'Imana n'impuhwe zayo, ibahamya ibihano nyuma yuko biyemereye ibyaha biba ubuhamya kuribo ntibagira urundi rwitwazo.

¹² Mu by'ukuri abatinya Nyagasani wabo

batamubona, bazahanagurwaho ibyaha, banahabwe ibihembo bihebuje.

13 Bityo mwahisha ibyo muvuga cyangwa mwabigaragaza, Nyagasani ni umumenyi cyane w'ibiri mu mitima nta na kimwe kimwisoba.

14 Ese uwaremye yayoberwa amabanga ari mu mitima ariwe wayiremye? Nyagasani niwe waremye umuntu n'ukuboko kwe kandi ntawamenya ikintu kurusha awagihanze, kandi ubumenyi bwe bucengera mu mitima agasobanukirwa amabanga awurimo ntakimwisobyeye.

15 Ni We waborohereje isi. Ngaho mutambagire mu mpande zayo, murye mu mafunguro ye. Kandi iwe ni ho muzazurirwa.

16 Ese mwaratekanye k'uburyo uri mu ijuru (Imana) itabarigisa mu isi maze igatigita !

17 Cyangwa mwaratekanye k'uburyo uri mu ijuru (Imana) atabohereza amabuye? Muzamenya uko ukuburira kwanjye kumeze!

18 Rwose abariho mbere yabo barahinyuye. Ese ibihano byanjye kuribo byari bimeze bite?

19 Ese ntibabona inyoni hejuru yabo, zirambuye amababa iyo zijya kuguruka zinayabumba!? Nta kizifata muri uko kuguruka no kubumba amababa mu kirere uretse Nyirimpuhwe ushobora byose waremye inyoni k'uburyo butangaje . Mu by'ukuri We ni Ubona buri kintu.

20 Ninde murinzi wabasha kubarinda ibihano by'Imana, ngo abarokore Imana itabarokoye kubera impuhwe zayo n'inkunga yayo? Mu kuri abahakanyi bari mu cyizere cyiraza amasinde bahabwa na shitani.

21 Ninde ubaha amafunguro bitewe n'imvura cyangwa ikindi? Ese Imana ihagaritse amafunguro yayo kuri mwe! Ahubwo abahakanyi bakabije mu buhakanyi no kwikuza ntibakura isomo muri ibyo.

22 Ese ugenda yubitse uburanga bwe ni we uyoboka, cyangwa ugenda yemye mu nzira igorotse?

23 Vuga uti: Ni we wabahanze, abaha kumva, kubona n'imitima. Ariko ni gake mushimira.

24 Vuga uti: Ni we wabasakaje ku isi. Kandi iwe ni ho muzakoranyirizwa.

25 Baravuga bati: Ese iryo sezerano (imperuka) rizaba ryari niba koko muri abanyakuri ?

وَأَسْرَوْا قَوْلَكُمْ وَأَجْهَرُوا بِهِ إِنَّهُ عَلِيمٌ بِذَاتِ الصُّدُورِ **13** أَلَا يَعْلَمُ مَنْ خَلَقَ وَهُوَ اللَّطِيفُ الْخَبِيرُ **14** هُوَ الَّذِي جَعَلَ لَكُمْ الْأَرْضَ ذُلُولًا فَأَمْشُوا فِي مَنَاكِبِهَا وَكُلُوا مِنْ رِزْقِهِ وَإِلَيْهِ النُّشُورُ **15** ءَأَمِنْتُمْ مِنْ فِي السَّمَاءِ أَنْ يَخْسِفَ بِكُمْ الْأَرْضَ فَإِذَا هِيَ تَمُورُ **16** أَمْ أَمِنْتُمْ مِنْ فِي السَّمَاءِ أَنْ يُرْسِلَ عَلَيْكُمْ حَاصِبًا فَسَتَعْمَلُونَ كَيْفَ نَذِيرٍ **17** وَلَقَدْ كَذَّبَ الَّذِينَ مِنْ قَبْلِهِمْ فَكَيْفَ كَانَ نَكِيرِ **18** أَوَلَمْ يَرَوْا إِلَى الطَّيْرِ فَوْقَهُمْ صَفْتٍ وَيَقْبِضْنَ مَا يُمَسِّكُهُنَّ إِلَّا الرَّحْمَنُ إِنَّهُ بِكُلِّ شَيْءٍ بَصِيرٌ **19** أَمْ هَذَا الَّذِي هُوَ جُنْدٌ لَكُمْ يَنْصُرُكُمْ مِنْ دُونِ الرَّحْمَنِ إِنِ الْكَافِرُونَ إِلَّا فِي غُرُورٍ **20** أَمْ هَذَا الَّذِي يَرْتَفِكُونَ أَمْ سَكَبُوا عَلَى أَعْقَابِهِمْ لِيُجَاوِزُوا عَنْهُمْ وَيَتَنَفَّوْنَ أَفْنٍ يَمْشَى مِثْلَ مَخْلٍ وَجْهَهُ أَهْدَى مِنَ يَمَشَى سَوِيًّا عَلَى صِرَاطٍ مُسْتَقِيمٍ **21** قُلْ هُوَ الَّذِي أَنْشَأَهُمْ وَجَعَلَ لَكُمْ السَّمْعَ وَالْأَبْصَرَ وَالْأَفْئِدَةَ قَلِيلًا مَّا تَشْكُرُونَ **22** قُلْ هُوَ الَّذِي ذَرَأَكُمْ فِي الْأَرْضِ وَإِلَيْهِ تُحْشَرُونَ **23** وَيَقُولُونَ مَتَى هَذَا الْوَعْدُ إِنْ كُنْتُمْ صَادِقِينَ **24** قُلْ إِنَّمَا أَعْلَمُ عِنْدَ اللَّهِ وَإِنَّمَا أَنَا نَذِيرٌ مُبِينٌ **25**

26 Vuga uti: Mu by'ukuri ubumenyi (bw'imperuka) buri ku Mana yonyine. Rwose jye nta kindi ndi cyo uretse umuburizi ubatinyisha unabasobanurira ibyo Imana integeka.

27 Umunsi babonye ibihano hafi yabo uburanga bw'abahakanyi buzijima. Babwirwe bati: Ngibi ibyo mwajyaga musaba munabikerensa ku isi.

28 Vuga uti: Nimumbwire ese Imana iramutse indimbuye jye n'abo turi kumwe k'urupfu cyagwa kwicwa nkuko mubinyifuriza cyangwa akatugirira impuhwe zo kubaho kugeza igihe cyagenwe, ese bibaye nkuko mubyifuza ni nde warinda abahakanyi ibihano bibabaza ?

29 Vuga uti: we ni Nyirimpuhwe, twaramwemeye kandi niwe twiringiye. Muzamenya uri mu buyobe bugaragara.

30 Vuga uti: Nimumbwire ese inema y'amazi yanyu imigezi, inzuzi, inyanja Imana yabahaye aramutse arigise ikuzimu, ni nde wabazanira amazi atemba ? nta wundi wabishobora uretse Imana yonyine.



فَلَمَّا رَأَوْهُ زُلْفَةً سَيِّتَتْ وُجُوهُ الَّذِينَ كَفَرُوا وَقِيلَ هَذَا الَّذِي كُنْتُمْ بِهِ تَدْعُونَ ﴿٢٧﴾ قُلْ أَرَأَيْتُمْ إِنْ أَهْلَكْنِي اللَّهُ وَمَنْ مَعِيَ أَوْ رَحِمْنَا فَمَنْ يُجِيرُ الْكَافِرِينَ مِنْ عَذَابِ أَلِيمٍ ﴿٢٨﴾ قُلْ هُوَ الرَّحْمَنُ أَمَّنَا بِهِ وَعَلَيْهِ تَوَكَّلْنَا فَسَتَعْلَمُونَ مَنْ هُوَ فِي صَلَابِ مِثِينَ ﴿٢٩﴾ قُلْ أَرَأَيْتُمْ إِنْ أَصْحَبَ مَاؤُكُمُ غَوْرًا فَمَنْ يَأْتِيكُمْ بِمَاءٍ مَعِينٍ ﴿٣٠﴾

سُورَةُ الْقَلَمِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
 ت وَالْقَلَمِ وَمَا يَسْطُرُونَ ﴿١﴾ مَا أَنْتَ بِمَجْنُونٍ ﴿٢﴾ وَإِنَّ لَكَ لَأَجْرًا غَيْرَ مَمْنُونٍ ﴿٣﴾ وَإِنَّكَ لَعَلَىٰ خُلُقٍ عَظِيمٍ ﴿٤﴾ فَسَبِّحْهُ وَوبِّحْهُ وَرُبِّحْهُ وَرُبِّحْهُ بِأَيِّكُم مَّقْتُولٌ ﴿٥﴾ إِنْ رَبُّكَ هُوَ أَعْلَمُ بِمَنْ ضَلَّ عَنْ سَبِيلِهِ وَهُوَ أَعْلَمُ بِالْمُهْتَدِينَ ﴿٦﴾ فَلَا تَطَّعِ الْمُكْذِبِينَ ﴿٨﴾ وَذُو لُؤْلُؤٍ هُنَّ فَيُدْهِنُونَ ﴿٩﴾ وَلَا تَطَّعِ كُلَّ حَلَّافٍ مَهِينٍ ﴿١٠﴾ هَمَّازٍ مَشَاءٍ بِنِيمٍ ﴿١١﴾ مَنَاجٍ لِلْخَيْرِ مُعْتَدٍ أَنِيمٍ ﴿١٢﴾ عَتَلٌ بَعْدَ ذَلِكَ رَنِيمٍ ﴿١٣﴾ أَنْ كَانَ ذَا مَالٍ وَبَنِينَ ﴿١٤﴾ إِذَا تَتَلَّىٰ عَلَيْهِ ءَايَاتُنَا فَالْكَاسُطُ الرُّبُوبِ ﴿١٥﴾

Surat ya 68 Al-Qalam: Ikaramu Yamanukiye Makka Ifite Ayat 52

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

- 1 Nuun. imwe mu nyuguti z’icyarabu zitangira zimwe mu isurat, Ndahye ikaramu n’ibyo abantu bayandikisha m’ubumenyi n’ibindi.
- 2 Wowe Muhamad kubera inema za Nyagasani wawe yaguhaye (ubutumwa), ntabwo uri umusazi.
- 3 Kandi kubera kwihanganira uburemere bwo gusohozza ubutumwa ufite ibihembo bidashira.
- 4 Kandi mu kuri wowe uri ku mico Imana yagutegetse muri Qor’an, imvugo yakomotse kuri Aishat ko yabajijwe ku byerekeye imico y’intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha), aravuga ati: Imico ye yari Qor’an.
- 5 Uzareba yewe Muhamad, kandi nabo (abahakanyi) bazabona, igihe ukuri kuzaba kwagiye ahagaragara ariwo muni w’imperuka.
- 6 Ni nde mu mpande ebyiri wageragejwe n’ibisazi? icyi ni gisubizo kuri babandi bavugaga ko yageragejwe mu bisazi n’ubuyobe.
- 7 Mu by’ukuri Nyagasani wawe ni we uzi cyane uwayobye ku nzira ye hagati yawe nababandi bagushinja ubuyobe, ni na we uzi

cyane abayobotse. Ahubwo nibo bayobye kubera kunyuranya n’ibibafitiye akamaro ku isi no k’umunsi w’imperuka bagahitamo ibibafiteho ingaruka.

- 8 Ntukumvire abahinyura.
- 9 Bifuje ko waborohera nabo bakakorohera, mu bindi bisobanuro: bifuje ko waca bugufi ukareka ukuri ubahamagarira, nabo bakakugaragariza kwiyoroshya.
- 10 Bityo ntukumvire buri wese urahira cyane mu binyoma, usuzuguritse.
- 11 Unegura cyane abantu imbere yabo, unabunza amagambo mu bantu agamije kubateranya.
- 12 Ubuza gukora ibyiza, urengera kandi w’umunyacyaha.
- 13 Uw’umutima winangiye nyuma akaba ikinyendaro.
- 14 Ntuzamwumvire n’ubwo yaba umunyemari n’urubyaro, ibyo bikaba ari ukubacyaha kuko inema Imana yabahaye y’umutungo n’urubyaro bayituye guhakana Imana n’intumwa yayo n’amagambo yayo.
- 15 Iyo asomewe imirongo yacu (Qor’an), aravuga: Ni imigani y’abo hambere.
- 16 Tuzamushyiraho icyasha cy’umukara ku zuru, bityo uburanga bwe bukazirabuzwa n’umuriro mbere yuko awujyamo bikaba ikimenyetso cyibi ku zuru rye kitazamuvaho.
- 17 Mu by’ukuri Twe twabagerageje (abahakanyi ba Makka) mukubateza inzara n’amapfa kubera ubusabe bw’intumwa Muhamad yabasabiye nk’uko twagerageje ba nyir’umurima, inkuru yabo irazwi mu bakurayishi, bavuga ko muri Yemeni hafi ya Swanaau hari umuntu wari ufite umurima akajya atanga ukuri kw’Imana muri wo, maze apfuye umurima usigarana abana be, bahagarika ibyiza abantu bawubonaga ho banagira ubugugu bwo gutanga ukuri kw’Imana muri wo bavuga ko umutungo ari mukeya kandi abantu ari benshi bityo ntibishoboka ko dukora nkuko data yajyaga akora bafata icyemezo cyo kwima abakene bityo amaherezo yabo aba nkuko Imana yabivuye mu gitabo cyayo, ubwo barahiraga ko bawusarura mu gitondo cya kare.
- 18 Ariko ntibavuga bati: Imana nibishaka, cyangwa ntibarobanura igeno ry’abakene ise wabo yatangaga mu musaruro wose.
- 19 Umurima ugotwa n’umuriro uturutse kwa Nyagasani wawe utwika uwo murima uhinduka umuyonga, bo baryamye.
- 20 Umurima uhinduka nk’uwasaruwe.
- 21 Bukeye mu gitondo barahamagarana.

22 Bati: Muzindikire mu murima wanyu mbere yuko abakene bahagera niba mukeneye gusarura.

23 Bakataza bongorerana.

24 Nta mukene n'umwe uwubinjirana mu muni, akabasaba kumuha ibyo data yamuhaga.

25 Bagenda mu gitondo bonyine bawugana biyumvamo ubushobozi.

26 Bawubonye barabwirana bati: Mu by'ukuri twayobye inzira igana k'umurima wacu ntabwo ari uyu, maze bamaze kwitegereza basanga ari wo bamenya ko Imana yabahaye igihano cyo gutsemba imbuto zawo, baravuga bati:!

27 Imana yatwimye imbuto z'umurima wacu kubera umugambi wacu wo kwima abakene mu musaruro wawo.

28 Ushyira mu gaciro muri bo aravuga ati: Ese sinababwiye ko igikorwa cyanyu cyo kwima amabene ari uguhuguza? Ese ntimwasingiza Imana ubu nyuma yo kubona ko Imana igenzura abanyamahugu!

29 Baravuga bati: Ubutagatifu ni ubwa Nyagasani wacu utaduhuje mubyo yakoze k'umurima wacu kuko ari ingaruka z'ibyaha byacu twakoze byo kwima abakene. mu kuri twari abanyamahugu.

30 Bamwe bahindukirira abandi bagayana.

31 Baravuga bati: Mbega ukorama kwacu! mu by'ukuri twararengereye!

32 Wenda Nyagasani wacu yadushumbusha icyiza kuwuruta. Mu by'ukuri twe dusaba Nyagasani wacu ibyiza n'impuhwe ze.

33 Nk'ibyo bihano twabahanishije niko tuzahana abahakanyi ku isi. Kandi ibihano byo ku mperuka birahambaye, iyaba bari babizi.

34 Mu by'ukuri abagandutse, kwa Nyagasani wabo bafite ijuru ryuje inema.

35 Ese twagira abayisumu nk'abagome?, abakuru baba kurayishi baravugaga bati : Ibyo Muhamad avuga biramutse bibaye ukuri imibereho yacu izaba imeze nkuko imeze hano ku isi, bityo no ku muni w'imperuka tuzagira inema nk'izo bazaba barimo, Imana igaragaza ko bitaba ari ubutabera kuringaniza mu bihengo abagerageza kumvira Imana n'abononyi.

36 Ni gute mwe muca imanza ziberamye nkaho igikorwa cyo gutanga ibihembo arimwe muzagikora?

37 Cyangwa mufite igitabo musomamo kigaragaza ko uwumvira agomba kuzaninganizwa n'uwigomeka mu bihembo?

38 Ese muri icyo gitabo kibagaragariza ko ku mperuka muzabona ibyo mwifuza? .

سَنَسِمُهُمْ عَلَى الْخُرطومِ ﴿١٦﴾ إِنَّا بَلَوْنَهُمْ كَمَا بَلَوْنَا أَصْحَابَ الْجَنَّةِ إِذْ أَقْسَمُوا لَيَصْرِمُنَّهَا مُصْبِحِينَ ﴿١٧﴾ وَلَا يَسْتَوُونَ ﴿١٨﴾ فَطَافَ عَلَيْهِمُ طَائِفٌ مِّن رَّبِّكَ وَهَرَبْنَا بِهٖمُ ﴿١٩﴾ فَأَصْبَحَتْ كَالصَّرِيمِ ﴿٢٠﴾ فَتَنَادُوا مُصْبِحِينَ ﴿٢١﴾ أَنِ اغْدُوا عَلٰى حَرْثِكُمْ إِن كُنْتُمْ صَادِقِينَ ﴿٢٢﴾ فَانطَلَقُوا وَهَرَبُوا خَائِفُونَ ﴿٢٣﴾ أَن لَّا يَدْخُلْنَهَا أَلْيَوْمَ عَلَيْكُمْ مَسْكِينٌ ﴿٢٤﴾ وَعَدَّوْا عَلٰى حَرْوِّ قَدِيرٍ ﴿٢٥﴾ فَلَمَّا رَأَوْهَا قَالُوا إِنَّا لَضَالُونَ ﴿٢٦﴾ بَلْ نَحْنُ مَحْرُومُونَ ﴿٢٧﴾ قَالَ أَوْسَطُهُمْ أَلْرَأْفَل لَّكُم لَوْلَا تَسْتَجِيبُونَ ﴿٢٨﴾ قَالُوا لَسُبْحٰنَ رَبِّنَا إِنَّا كُنَّا ظَالِمِينَ ﴿٢٩﴾ فَأَقْبَلَ بَعْضُهُمْ عَلٰى بَعْضٍ يَتَلَمَّظُونَ ﴿٣٠﴾ قَالُوا يَا لَيْتَنَا كُنَّا نَطْفِئُ عَنِّي رَيْثًا أَوْ نَبْدِلْنَا خَيْرًا مِّمَّا إِنَّا إِلَى رَبِّنَا رَاغِبُونَ ﴿٣١﴾ كَذٰلِكَ الْعَذَابُ وَالْعَذَابُ الْأٰخِرَةُ أَكْبَرُ لَوْ كَانُوا يَعْلَمُونَ ﴿٣٢﴾ إِن لِّلْمُتَّقِينَ عِنْدَ رَبِّهِمْ جَنَّاتُ النَّعِيمِ ﴿٣٣﴾ فَتَجْعَلُ الْمُسْلِمِينَ كَالْجَرِيمِ ﴿٣٤﴾ مَا لَكُمْ كَيْفَ تَحْكُمُونَ ﴿٣٥﴾ أَمْ لَكُمْ كِتَابٌ فِيهِ تَدْرُسُونَ ﴿٣٦﴾ إِن لَّكُمْ فِيهِ لَمَّا تَخْتَارُونَ ﴿٣٧﴾ أَمْ لَكُمْ آيَاتُنَّ عَلَيْنَا بَلِغَةٌ إِلَى يَوْمِ الْقِيٰمَةِ إِن لَّكُمْ لَمَّا تَحْكُمُونَ ﴿٣٨﴾ سَلِّمُوا إِلَيْهِمْ بِذٰلِكَ رَعِيمٌ ﴿٣٩﴾ أَمْ لَهُمْ شُرَكَاءَ فَلْيَأْتُوا بِشُرَكَائِهِمْ إِن كَانُوا صٰدِقِينَ ﴿٤٠﴾ يَوْمَ يُكْشَفُ عَن سَاقٍ وَيَدْعُونَ إِلَى السُّجُودِ فَلَا يَسْتَطِيعُونَ ﴿٤١﴾

39 Cyangwa mufite isezerano ku Mana yabarahirihe mwishingikiriye ko izabinjiza mu ijuru rikaba ridakuka kugeza k'umuni w'imperuka, igomba kubahiriza kuburyo ibabakorera ibyo mwifuza kuri uwo muni?

40 Babaze yewe Muhamad uti: Ni nde muri abo bahakanyi ubyishingiye?

41 Cyangwa bafite ibigirwamana bemeza ko bishoye kuba byabaringaniza n'abayisumu mu bihembo ku mperuka, Nibazane ibigirwamana byabo, niba ari abanyakuri.

42 Zirikana umuni Imana izagaragaza umurundi wayo nk'ikimenyetso cyo kuba bizaba bitoroshye. Imvugo yaturutse kuri Bukhariy n'abandi ayikomoye kuri Abi Saidi yaravuye ati : Numvise intumwa y'Imana (Imana imuhe amahoro n'imigisha) avuga ati : « Nyagasani wacu azagaragaza umurundi we maze abemera n'abemerakazi bamwubamire, hasigare uwajyaga yubama ku isi kubera kwibona maze nashaka kubama umugongo we ube nkuwambaye ingobo y'icuma utabasha kwihuna » ibiremwa byose byubame rimwe hasigare abahakanyi n'indyarya bashaka kubama ntibabishobore kubera ko imigongo yabo izaba



خَشِيعَةً أَبْصَرُهُمْ تَرَ هَفْمَهُمْ ذَلَّةً وَقَدْ كَانُوا بِدُعْوَانِ إِلَى السُّجُودِ وَهُمْ سَلِيمُونَ ﴿٤٣﴾ قَدْ رَفِي وَمَنْ يَكْذِبْ يَهْدِ اللَّهُ أَلْسِنَهُ لِيَسْتَدْرِجَهُمْ مِنْ حَيْثُ لَا يَعْلَمُونَ ﴿٤٤﴾ وَأُمْلِي لَهُمْ إِنَّ كَيْدِي مَتِينٌ ﴿٤٥﴾ أَمْ تَتْلُوهُمْ أُجْرًا فَهُمْ مِنْ مَغْرَمٍ مُثْقَلُونَ ﴿٤٦﴾ أَمْ عِنْدَهُمُ الْغَيْبُ فَهُمْ يَكْتُمُونَ ﴿٤٧﴾ فَأَصْبِرْ لِحُكْمِ رَبِّكَ وَلَا تَكُنْ كَصَاحِبِ الْأُتُوذِيِّ إِذْ نَادَى وَهُوَ مَكْظُومٌ ﴿٤٨﴾ تَوَلَّى أَنْ تَدْرِكُهُ نِعْمَةٌ مِنْ رَبِّهِ لَنْ يُدَّ بِالْعُرَاءِ وَهُوَ مَذْمُومٌ ﴿٤٩﴾ فَاجْتَنِبْ رَبَّهُ فَجَعَلَهُ مِنَ الصَّالِحِينَ ﴿٥٠﴾ وَإِنْ يَكَادُ الَّذِينَ كَفَرُوا لَيَلْفُوكُنَّ بِأَبْصَرِهِمْ لَمَّا سَمِعُوا الذِّكْرَ وَيَقُولُونَ إِنَّهُ لَمَنْجُونٌ ﴿٥١﴾ وَمَا هُوَ إِلَّا ذِكْرٌ لِلْعَالَمِينَ ﴿٥٢﴾

سُورَةُ الْحَاقَّةِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
 الْحَاقَّةُ ﴿١﴾ مَا الْحَاقَّةُ ﴿٢﴾ وَمَا أَدْرَاكَ مَا الْحَاقَّةُ ﴿٣﴾ كَذَّبَتْ ثَمُودُ وَعَادٌ بِالْقَارِعَةِ ﴿٤﴾ فَأَمَّا ثَمُودُ فَأَهْلِكُوا بِالطَّغْيَةِ ﴿٥﴾ وَأَمَّا عَادٌ فَأَهْلِكُوا بِرِيحٍ صَرْصَرٍ عَاتِيَةٍ ﴿٦﴾ سَخَّرَهَا عَلَيْهِمْ سَبْعَ لَيَالٍ وَثَمَنِيَةً أَيَّامٍ حُسُومًا فَتَرَى الْقَوْمَ فِيهَا صَرْعَى كَأَنَّهُمْ أَعْجَازُ نَخْلٍ خَاوِيَةٍ ﴿٧﴾ فَهَلْ تَرَى لَهُمْ مِنْ بَاقِيَةٍ ﴿٨﴾

bashaka ndetse banakugisha impaka kubera ibyoy bandika!?

48 Ihanganire itegeko rya Nyagasani wawe. Ntuzabe nk'uwamizwe n'ifi (Yunusu) mukurakara no kwivumbura, Imana imara agahinda intumwa yayo iyishishikariza kwihangana amubuza gufata icyemezo k'ubwe nkuko Yunusu yabigenje ubwo yahamagaraga afite agahinda kenshi agira ati : « La ilaha ila anta sub'hanaka iniy kuntu mina dhalimina » (Nta yindi Mana ibaho itari wowe ubutagatifu ni ubwawe naho nyjewe nari mubahuguje).

49 Iyo atagerwaho n'inema ziturutse kwa Nyagasani we zo kwakira ukwicuzza kwe, yari kuvanwa munda y'ifi akajugunywa mu butayu butagira ikimera icyo aricyo cyose kandi agawa kubera icyaha yakoze.

50 Nyagasani we amuhitamo amugira intumwa amushyira mu ntungane, cyangwa Imana imusubiza ubutumwa imutuma ku bantu ibihumbi ijana cyangwa birenga bose baramuyoboka.

51 Abahakanye bakureba cyane ijisho ry'ubugome n'urwango ryenda kugutura hasi iyo usoma Qor'an, Baravuga bati: Rrose we (Muhamad) ni umusazi.

52 Kandi Qor'an si ikindi ni urwibutso ku biremwa byose.

Surat Al Haqat: Ukuri kudakumirwa

Yamanukiye Makka Ifite Ayat 52.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ni mperuka kuko ariho hazagaragazwa ukuri kwa buri kintu.

2 Ukuri kudakumirwa ni ukuhe?

3 Ni iki cyakumenyeshya ukuri kudakumirwa?

4 Ba Thamuud (abantu b'intumwa Swalehe) na A'ad (abantu b'intumwa Hudu) bahinyuye igihonda (imperuka yiswe iryo zina kubera ko izakura abantu imitima).

5 Ba Thamuud barimbujwe urusaku ndengakamere.

6 Naho ba A'ad barimbujwe umuyaga uyuza ubuhaha ukabije kandi ukonje.

7 Yawubohereje amajoro arindwi n' amanywa umunani udahagarara ubakuraho burundu . Ukabona abantu mu mazu yabo barambaraye ari imirambo, imeze nk'ibiti by'imitende byaboze.

8 Ese urabona hari uwasigaye muri bo?

yumye idashobora kubama, kubera ko batemeye Imana ku isi batanigeze bayubamira.

43 Amaso yabo azaba afite ubwoba, ugusuzugurika gukomeye kubatwikiriye. Kuko barahamagarirwaga kubama ku isi mu gihe bari bafite ubuzima bwiza bashoboye kubikora, Ibrahimu Atayimy aravuga ati : Bahamagarwana binyuze muri adhana na Iqamat bakanga.

44 Iby'uhinyura iyi nkuru (Qor'an) bindekere. Tuzabakurura mu bihano buhoro buhoro kugeza ubwo tubarohamo mu buryo batazi ko ari ukuboshyoshya bibwira ko ari inema barimo bityo ntibatekereze ingaruka bazahura nazo nyuma.

45 Nzabaha igihe kangorango bakomeze gukora ibyaha. Mu by'ukuri imigambi yanjye yo kubahana irakomeye kandi ntakizancika.

46 Cyangwa urabasaba igihembo k'ubutumwa ubagezaho bakaba baremerewe n'ubwishyu bityo bikaba ariyo mpamvu badashaka kukuyoboka!?

47 Ahubwo se bafite ubumenyi bw'ibitagaragara bakaba bandika ubuhamya

9 Farawo n'ababayeho mbere ye mu bantu babahakanyi, n'abantu bo mumidugudu ya Loti bakoze ibyaha n'ibangikanyamana.

10 Bigomeka ku ntumwa ya Nyagasani wabo, maze Imana ibagwa gitumo ababirindirira ho amazu yabo inabohereza imvura y'amabuye.

11 Mu by'ukuri Twe ubwo amazi yarengaga urugero, twabahetse mu bwato bwa Nuhu bubaremerana hejuru y'amazi.

12 Kugira ngo inkuru yo kurimbuka kw'abantu ba Nuhu tuyigire icyitegererezo kuri mwe abantu ba Muhamad kibagaragariza ubushobozi bw'Imana no kwivuna gukaze kwayo, kandi amatwi yumva abizirikane.

13 Ubwo impanda izahuhwamo rimwe.

14 Isi n'imisozi bigaterurwa bigasaturwa rimwe cyangwa bikaramburwa rimwe.

15 Uwo muni imperuka izaba ibaye.

16 Ikirere kizasaduka hamanuke ibirimo abamalayika, kandi uwo muni kizaba cyoroshye.

17 Abamalayika bazaba bari ku nkengero z'ikirere kugeza ubwo Nyagasani wabo abategeka kumanuka ku isi bakayigota n'ibiyiriho. Uwo muni abamalayika umunani batagatifu bazaba bahetse intebe ya Nyagasani wawe hejuru yabo.

18 Uwo muni ibiremwa by'Imana byose bizashyirwa imbere ya Nyagasani kubera ibarura nta kizihisha Imana na kimwe haba umuntu cyangwa amagambo cyangwa ibikorwa.

19 Uzahabwa igitabo cye mu kuboko kwe kw'indyo, azavuga ati: Nimwakire musome igitabo cyanjye, ashimishijwe nibyo abonyemo mu bikorwa byiza.

20 Rwose jye, kw'isi nari nzi neza ko nzahura n'ibarura ryanjye.

21 Uwo, azaba mu buzima bushimishije.

22 Mu ijuru ryo murwego rwo hejuru.

23 Imbutu zaryo zizaba ziri hafi cyane y'ukeneye kuzica uhagaze, uwicaye n'uryamye.

24 Nimurye munanywe bibagere k'umutima, kubera ibikorwa byiza mwakoze kw'isi.

25 Naho uzahabwa igitabo cye mu kuboko kwe kw'imoso kubera akababaro n'agahinda azavuga ati: Iyaba ntari mpawe igitabo cyanjye!

وَجَاءَ فِرْعَوْنُ وَمَنْ قَبْلَهُ وَالْمُؤْتَفِكَاتُ بِالْخَاطِئَةِ ﴿٩﴾ فَعَصَا رَسُولَ

رَبِّهِمْ فَأَخَذَهُمْ أَخْذَةً رَابِيَةً ﴿١٠﴾ إِنَّا لَمَّا طَعْنَا الْمَاءَ هَمَلْنَاهُ فِي الْغَابِرَةِ

﴿١١﴾ لِنَجْعَلَهَا لَكُمْ تَذْكِرَةً وَتَعْيِبَةً أَدْنَ وَعَيْةٌ ﴿١٢﴾ فَإِذَا نَفَخْنَا فِي الصُّورِ

فَنَفَخْنَا وَجِدَةً ﴿١٣﴾ وَجَمَلَتِ الْأَرْضُ وَالْجِبَالُ فَدُكْدَكَةٌ وَجِدَةً ﴿١٤﴾

فِيَوْمَئِذٍ وَقَعَتِ الْوَاقِعَةُ ﴿١٥﴾ وَانْشَقَّتِ السَّمَاءُ فَهِيَ يَوْمَئِذٍ وَاهِيَةٌ

﴿١٦﴾ وَالْمَلِكُ عَلَىٰ أَرْجَائِهَا وَيَحْمِلُ عَرْشَ رَبِّكَ فَوْقَهُمْ يَوْمَئِذٍ ثَمَنِيَةٌ

﴿١٧﴾ يَوْمَئِذٍ تُعْرَضُونَ لَا تَخْفَىٰ مِنْكُمْ حَافِيَةٌ ﴿١٨﴾ فَأَمَّا مَنْ أَوْفَىٰ

كَلِمَتَهُ بِرَبِّهِ ۖ فَيَقُولُ ۙ هَؤُلَاءِ أَقْرَبُ وَأَكْتَبِيَةٌ ﴿١٩﴾ إِنِّي ظَنَنْتُ أَنِّي مُلَاقٍ

حِسَابِيَةٍ ﴿٢٠﴾ فَهُوَ فِي عِيشَةٍ رَاضِيَةٍ ﴿٢١﴾ فِي جَنَّةٍ عَالِيَةٍ ﴿٢٢﴾

قُطُوفُهَا دَانِيَةٌ ﴿٢٣﴾ كُلُوا وَأَشْرَبُوا هَنِيئًا بِمَا أَسْلَفْتُمْ فِي الْأَيَّامِ

الْغَالِيَةِ ﴿٢٤﴾ وَأَمَّا مَنْ أَوْفَىٰ كَلِمَتَهُ بِشِمَالِهِ ۖ فَيَقُولُ ۙ يَلَيْتَنِي لَأَوْتُ كَلِمَتَهُ

﴿٢٥﴾ وَلَئِنِّي لَأَدْرُ مَا حِسَابِيَةٍ ﴿٢٦﴾ يَلَيْتَهَا كَانَتِ الْقَاضِيَةَ ﴿٢٧﴾ مَا أَغْنَىٰ

عَنِّي مَالِيَةٌ ﴿٢٨﴾ هَلِكْ عَنِّي سُلْطَانِيَةٌ ﴿٢٩﴾ خَذُوهُ فَعَلُوهُ ﴿٣٠﴾ ثُمَّ الْجَحِيمِ

صَلُّوهُ ﴿٣١﴾ ثُمَّ فِي سِلْسِلَةٍ ذَرْعُهَا سَبْعُونَ ذِرَاعًا فَاسْلُكُوهُ ﴿٣٢﴾ إِنَّهُ

كَانَ لَا يُؤْمِنُ بِاللَّهِ الْعَظِيمِ ﴿٣٣﴾ وَلَا يَحْضُرُ عَلَىٰ طَعَامِ الْمَسْكِينِ ﴿٣٤﴾

26 Sinzi ibarura ryanjye uko rigenda, kubera ko ibikorwa bye byose ari bibi!

27 Iyaba urupfu rwanjyanaga burundu, yifuze urupfu ntazanazuke kubera ibikorwa bibi yabonye n'iherezo ry'ibihano ashyikiyemo.

28 Umutungo wanjye nta cyo undinze mu bihano by'Imana.

29 Ubutegetsi bwanjye n'icyubahiro burabuze.

30 Imana ivuge iti: mumufate mubohere amaboko ye ku ijosi.

31 Maze mumwinjize mu muriro wa Jahanama.

32 Nyuma mumuboheshe umunyururu w'imikono mirongo irindwi. Sufyanu aravuga ati: Twumvise ko uwo munyururu uzinjirira mu kibuno cye ugasohokera mu kanwa ke.

33 Mu by'ukuri we nta bwo yemeraga Imana ihambaye.

34 Nta n'ubwo yabwirizaga kugaburira abakene.



فَلَيْسَ لَهُ الْيَوْمَ هَاهُنَا حَمِيمٌ ﴿٣٥﴾ وَلَا طَعَامٌ إِلَّا مِنْ غِسْلِينٍ ﴿٣٦﴾ وَلَا يَأْكُلُهُ إِلَّا الْخَاطِطُونَ ﴿٣٧﴾ فَلَا أُقِيمُ بِمَا تُبْصِرُونَ ﴿٣٨﴾ وَمَا لَا تُبْصِرُونَ ﴿٣٩﴾ إِنَّهُ لَقَوْلُ رَسُولٍ كَرِيمٍ ﴿٤٠﴾ وَمَا هُوَ بِقَوْلِ شَاعِرٍ قَلِيلًا مَّا تُؤْمِنُونَ ﴿٤١﴾ وَلَا يَقُولُ كَاهِنٍ قَلِيلًا مَّا تَدَّكُرُونَ ﴿٤٢﴾ نَزِيلٌ مِنْ رَبِّ الْعَالَمِينَ ﴿٤٣﴾ وَلَوْ نَقُولُ عَلَيْنَا بَعْضُ الْأَقَاوِيلِ ﴿٤٤﴾ لَأَخَذْنَا مِنْهُ بِالْيَمِينِ ﴿٤٥﴾ ثُمَّ لَقَطَعْنَا مِنْهُ الْوَتِينَ ﴿٤٦﴾ فَمَا يَنْكُرُونَ أَعْلَىٰ عَنْهُ حُنُوزِينَ ﴿٤٧﴾ وَإِنَّهُ لَلذِّكْرُ ﴿٤٨﴾ لِلْمُتَّقِينَ ﴿٤٩﴾ وَإِنَّا لَعَالَمُونَ مِنْكُمْ مُكْذِبِينَ ﴿٥٠﴾ وَإِنَّهُ لَحَسْرَةٌ عَلَى الْكَافِرِينَ ﴿٥١﴾ وَإِنَّهُ لَحَقُّ الْيَقِينِ ﴿٥٢﴾ فَسَبِّحْ بِاسْمِ رَبِّكَ الْعَظِيمِ ﴿٥٣﴾

سُورَةُ الْمَعَارِجِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

سَأَلَ سَائِلٌ بِعَذَابٍ وَقِيعٍ ﴿١﴾ لِلْكَافِرِينَ لَيْسَ لَهُ دَافِعٌ ﴿٢﴾ مِنَ اللَّهِ ذِي الْمَعَارِجِ ﴿٣﴾ تَعْرُجُ الْمَلَائِكَةُ وَالرُّوحُ إِلَيْهِ فِي يَوْمٍ كَانَ مِقْدَارُهُ خَمْسِينَ أَلْفَ سَنَةٍ ﴿٤﴾ فَاصْبِرْ صَبْرًا جَمِيلًا ﴿٥﴾ إِنَّهُمْ يَرَوْنَهُ بَعِيدًا ﴿٦﴾ وَنَرَاهُ قَرِيبًا ﴿٧﴾ يَوْمَ تَكُونُ السَّمَاءُ كَالرَّهْلِ ﴿٨﴾ وَتَكُونُ الْجِبَالُ كَالْعِهْنِ ﴿٩﴾ وَلَا يَنْتَلِ حِمِيمٌ حَمِيمًا ﴿١٠﴾

35 Kuri uyu muni (imperuka) nta nshuti afite hano yamurwanaho cyangwa umuvugizi wamuvugira, kuko ari umunsi umuvandimwe azahunga umuvandimwe we n'inshuti igahunga inshuti.

36 Nta n'ibyo kurya azahabwa uretse amashyira ava mu mibiri y'abantu.

37 Biribwa n'abanyabyaha.

38 Imana iti: Ndahiye ibyo mureba.

39 N'ibyo mutareba.

40 Mu by'ukuri yo (Qor'an) ni igisomo cy'Intumwa Muhamad yubahitse.

41 Nta bwo yo (Qor'an) ari amagambo y'umusizi. Ariko ni gake mwemera.

42 Nta n'ubwo ari amagambo y'umupfumu nkuko mubivuga. Ariko ni gake mwibuka.

43 Qor'an Imanurwa na Nyagasani w'ibiremwa k'ururimi rwa Muhamad.

44 N'iyoye Intumwa Muhamad aza kuduhimbira amwe mu magambo akayitirira Imana.

45 Twari kumukacirana imbaraga.

46 Maze tukamuca umutsi w'ubuzima, unyura mu mugongo ukagera mu mutima.

47 Nta n'umwe muri wabasha kumudukiza cyangwa wamurokora nta n'impamvu yahimbira Imana kubera mwe.

48 Mu by'ukuri yo Qor'an, ni urwibutso ku baganduka kuko aribo igirira akamaro.

49 Rwose Twe tuzi neza ko muri mwe hari abahinyura Qor'an kandi tuzabibahanira.

50 Kandi Qor'an k'umunsi w'imperuka izaba agahinda no kwicuza ku bahakanyi.

51 Mu by'ukuri Qor'an ni ukuri kudashidikanywaho kuko yamanutse ku Mana.

52 Ngaho singiza izina rya Nyagasani wawe Uhambaye.

Surat Al Ma'arij: Inzego

Yamanukiye Makka Ifite Ayat 44.
Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

1 Usaba, yisabiye ibihano bigomba kuza, bavuga ko ari Nadwar mwene Harith igihe yavugaga ati: (Mana Nyagasani niba iyi Qor'an ari ukuri kwaturutse kuri wowe tumanurire mu kirere imvura y'amabuye cyangwa uduhe ibihano bibabaza).

2 Nta gushidikanya ibihano bizagera ku bahakanyi kandi ntawe uzabikumira.

3 Biturutse ku Mana Nyir'inzego zitondagirwa n'abamalayika.

4 Abamalayika na Jibril bazamuka ku Mana kuri izo nzego Imana yabashyiriyeho k'umunsi w'imperuka igihe kingana n'imyaka ibihumbi mirongo itanu, aricyo gihe abantu bazahagarara bategereje ibarura, nyuma yaryo abajya mu ijuru bakarijyamo abajya mu muriro bakuwujyamo.

5 Bityo uzagire ukwihangana kwiza kutarimo kwiheba no gutakira utari Imana.

6 Mu by'ukuri bo, babona biri kure, cyangwa bitazabaho.

7 Nyamara twe tukabona biri hafi.

8 Umunsi ikirere kizaba nk'umuringa ushonga.

9 N'imisozi ikaba nk'ibayi ritumuka.

10 Kuri uwo muni kubera ibibazo uko bizaba bikomeye nta nshuti izabasha kugira icyo ibaza inshuti yayo.

11 Buri muntu azabona umuvandimwe we akunda amumenye nta uzihisha undi ariko ntawe uzagira icyo abaza cyangwa avugana n'undi kuko buri wese azaba ahangayikishijwe n'ibye, umuntu mubi ukwiye umuriro kubera ibihano by'uwo muni azifuza kwicunguza abana be.

12 Umugore we n'umuvandimwe we.

13 N'umuryango we wamurindaga.

14 Umuntu mubi azifuza kuba yakwicunguza ibiri ku isi byose kugira ngo bamukize ibihano.

15 Oya! Rwose Jahanama ni umuriro ugurumana.

16 Ukuraha uruhu rw'umutwe.

17 Jahanama ihamagara wirengagije ukuri akaguhunga.

18 Agashishikazwa no gukusanya imitungo no kuyihunika ntatange mu nzira y'Imana.

19 Mu by'ukuri umuntu yaremanywe gukunda iby'isi cyane no kutihangana.

20 Iyo ikibi nk'ubukene uburwayi n'ibindi kimugezeho ariheba cyane.

21 N'icyiza nk'ubukungu cyangwa umunezero cyamugeraho, akaba umunyabugugu cyane.

22 Uretse abasenga nibo batagira iyo mico.

23 Bamwe bahozaho amasengesho kandi bakayasenga ku gihe cyayo.

24 Na babandi bagira mu mitungo yabo igice cyizwi, Zakat cyangwa gifasha imiryango yabo.

25 Igice cy'umukene utinyuka gusaba n'uwifata ntasabe.

26 Na babandi bemera umunsi w'imperuka.

27 Babandi batinya ibihano bya Nyagasani wabo hamwe nuko bafite ibikorwa byiza.

28 Mu by'ukuri ibihano bya Nyagasani wabo nta wubitekanaho.

29 Na babandi barinda ubwambure bwabo.

30 Uretse ku bagore babo cyangwa abacakara babo, abo bose kuribo nta kibazo.

31 Na ho ukora ibinyuranye nibyo abo nibo barengera.

32 Babandi batarimanganya indagizo babikijwe kandi bubahiriza amasezerano basezeranye.

33 Babandi batanga ubuhamya bwabo mukuri haba kubo bafitanye isano cyangwa abo batayifitanye, abo hasi n'abanyacyubahiro.

يَصْرُوهُمْ يَوْمَ الْمَجْرِمِ لَوْ يَفْتَدِي مِنْ عَذَابِ يَوْمِذٍ بِبَنِيهِ ۝
وَصَلَّيْتَهُ وَأَخِيهِ ۝ وَفَصَّلْتَهُ الَّتِي تَوْبِهِ ۝ وَمَنْ فِي الْأَرْضِ
جَمِيعًا ثُمَّ يُنَجِّهِ ۝ كَلَّا إِنَّمَا لَطْفُ ۝ نَزَاعَةٌ لِلشَّوَى ۝ تَدْعُوا
مَنْ أَدْبَرُ وَتَوَلَّى ۝ وَجَمَعَ فَأَوْعَى ۝ إِنَّا إِنْسَانٌ خَلَقْنَا هَلْوَاعًا
۝ إِذَا مَسَّهُ الشَّرُّ جَزُوعًا ۝ وَإِذَا مَسَّهُ الْخَيْرُ مَنُوعًا ۝ إِلَّا
الْمُصَلِّينَ ۝ الَّذِينَ هُمْ عَلَى صَلَاتِهِمْ دَائِمُونَ ۝ وَالَّذِينَ فِي
أَمْوَالِهِمْ حَقٌّ مَعْلُومٌ ۝ لِلسَّائِلِ وَالْمَحْرُومِ ۝ وَالَّذِينَ يُصَدِّقُونَ
بِوَرِّ الدِّينِ ۝ وَالَّذِينَ هُمْ مِنْ عَذَابِ رَبِّهِمْ مُشْفِقُونَ ۝ إِنَّا عَذَابَ
رَبِّهِمْ غَيْرَ مَأْمُونٍ ۝ وَالَّذِينَ هُمْ لِقُرُوبِهِمْ حَافِظُونَ ۝ إِلَّا عَلَى
أَرْوَاحِهِمْ ۝ وَمَا مَلَكَتْ أَيْمَانُهُمْ فَإِنَّهُمْ غَيْرُ مَلُومِينَ ۝ فَمَنْ أَتَىٰ وَرَاءَ
ذَلِكَ فَأُولَئِكَ هُمُ الْعَادُونَ ۝ وَالَّذِينَ هُمْ لِأَمْتِنِهِمْ وَعَهْدِهِمْ رَاعُونَ
۝ وَالَّذِينَ هُمْ بِشَهَادَتِهِمْ قَائِمُونَ ۝ وَالَّذِينَ هُمْ عَلَى صَلَاتِهِمْ حَافِظُونَ
۝ أُولَئِكَ فِي جَنَّاتٍ مُّكْرَمُونَ ۝ فَمَالِ الَّذِينَ كَفَرُوا قَبْلَكَ مَهْطِعِينَ
۝ عَنِ الْيَمِينِ وَعَنِ الشِّمَالِ عِزِينَ ۝ أَبْطَعُ كُلَّ أَمْرٍ مِنْهُمْ
أَنْ يَدْخُلَ جَنَّةَ نَعِيمٍ ۝ كَلَّا إِنَّا خَلَقْنَاهُمْ مِمَّا يَعْلَمُونَ ۝

34 Babandi bitwararika amasengesho yabo.

35 Abo bazajya mu ijuru bakirwe.

36 Ni kuki abahakana bihutira kuguhakanya no kukunnyeega bagonze amajosi yabo bagukanuriye cyane.

37 Iburyo bw'Intumwa Muhamad n'ibumoso bwe mu dutsiko?

38 Ese buri wese muri bo yifuza ko azinjizwa mu ijuru ry'inema?

39 Oya! Mu by'ukuri Twe twabaremye mu byo bazi, amasohora asuzuguritse bazi bityo ntibikwiye uko kwibona, imvugo yaturutse kuri Ahmadi na Ibum Majah na Ibum Saadi : Intumwa Muhamad yasomye amagambo y'Imana agira ati: "Ni kuki abahakana bihutira kuguhakanya no kukunnyeega bagonze amajosi yabo bagukanuriye cyane"... "Oya! Mu by'ukuri Twe twabaremye mu byo bazi" maze Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) acira mu kiganza cye ashyiramo urutoki rwe maze aravuga ati: "Imana iravugaga iti: Yewe mwene Adamu ni kuki



Surat Nuhu: Nowa

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 28

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

1 Mu by'ukuri Twe twohereje Nuuh ku bantu be: turamubwira tuti: burira abantu bawe mbere y'uko ibihano bibabaza, umuriro cyangwa umwuzure bibageraho.

2 Aravuga ati: Yemwe bantu banjye! Mu by'ukuri jye ndi umuburizi ukomeye kuri mwe.

3 Nimugaragire Imana, munayigandukire kandi munyumvire.

4 Imana izabababarira bimwe mu byaha byanyu mwakoze mbere yo kumvira intumwa no kuyiyoboka, ibongerera igihe cyo kubaho kwanyu kugeza k'umunsi wagenwe uzwi igihe cyose muzaba muyumvira. Kandi igihe cyo kubahana nikigera mukiri mubuhakanyi ntizagikerereza iyaba mwari mubizi.

5 Nuuh aravuga ati: Nyagasani! Mu by'ukuri jye nahamagaye abantu banjye ijoro n' amanywa.

6 Uguhamagara kwanjye, ntacyo kwabongereye uretse guhunga ibyo mbabwira.

7 Kandi jye, uko mbahamagaye impamvu ituma ubahanagureho ibyaha byabo ariyo ukwemera no kukumvira, bashyira intoki zabo mu matwi yabo, bakitwikira imyenda yabo kugirango batandeba cyangwa ngo banyumve, bagatsimbarara kukutemera ukuri bakanikuza cyane.

8 Hanyuma jye nabahamagaye ku mugaragaro.

9 Maze jye nabahamagariye kuyoboka k'umugaragaro ndetse no mu ibanga cyane umwe umwe mu rugo rwe.

10 Ndababwira nti: Nimusabe imbabazi Nyagasani wanyu kuko we ababarira cyane.

11 Nimubikora azaboherereza imvura nyinshi, uyu murongo uragaragaza ko gusaba imbabazi z'ibyaha ari imwe mu mpamvu zituma Imana iha abantu imvura n'amafunguro atandukanye.

فَلَا أُقْسِمُ رَبِّ الْمَشْرِقِ وَالْمَغْرِبِ إِنَّا لَقَدِرُونَ ﴿٤٠﴾ عَلَيَّ أَنْ يُبَدِّلَ خَيْرًا مِنْهُمْ وَمَا نَحْنُ بِمَسْمُوقِينَ ﴿٤١﴾ فَذَرَهُمْ مَضُوضُوا وَيَلْعَبُوا بِأَقْنَومِهِمُ الَّذِي يُوعَدُونَ ﴿٤٢﴾ يَوْمَ نَخْرُجُ مِنْ الْأَجْدَاثِ سِرَاعًا كَأَنَّهُمْ إِلَى نُصُبٍ يُوفِضُونَ ﴿٤٣﴾ خَشِيعَةً أَنْصُرُهُمْ رَبَّهُمْ ذَلَّةَ ذَلِكَ الْيَوْمِ الَّذِي كَانُوا يُوعَدُونَ ﴿٤٤﴾

سُورَةُ نُوحٍ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
إِنَّا أَرْسَلْنَا نُوحًا إِلَى قَوْمِهِ أَنْ أَنْذِرْ قَوْمَكَ مِنْ قَبْلِ أَنْ يَأْتِيَهُمْ عَذَابٌ أَلِيمٌ ﴿١﴾ قَالَ يَقَوْمِ إِنِّي لَكُمْ نَذِيرٌ مُبِينٌ ﴿٢﴾ أَنْ أَعْبُدُوا اللَّهَ وَأَتَّقُوهُ وَأَطِيعُوا ﴿٣﴾ يَعْفِرْ لَكُمْ مِنْ ذُنُوبِكُمْ وَيُؤَخِّرَكُمْ إِلَى أَجَلٍ مُسَمًّى إِنْ أَجَلَ اللَّهُ إِذَا جَاءَ لَا يُوَخَّرُونَ لَوْ كُنْتُمْ تَعْلَمُونَ ﴿٤﴾ قَالَ رَبِّ إِنِّي دَعَوْتُ قَوْمِي لَيْلًا وَنَهَارًا ﴿٥﴾ فَلَمْ يَزِدْهُمْ دُعَائِي إِلَّا فِرَارًا ﴿٦﴾ وَإِنِّي كُلَّمَا دَعَوْتُهُمْ لِتَغْفِرَ لَهُمْ جَعَلُوا أَصْوَعَهُمْ فِي آذَانِهِمْ وَأَسْتَعْشَوْا نِيَابَهُمْ وَأَصْرُوا وَأَسْتَكْبَرُوا أَسْتَكْبَارًا ﴿٧﴾ ثُمَّ إِنِّي دَعَوْتُهُمْ جَهَارًا ﴿٨﴾ ثُمَّ إِنِّي أَعْلَنْتُ لَهُمْ وَأَسْرَرْتُ لَهُمْ إِسْرَارًا ﴿٩﴾ فَقُلْتُ اسْتَغْفِرُوا رَبَّكُمْ إِنَّهُ كَانَ غَفَّارًا ﴿١٠﴾

ungora kandi narakuremye mu bimeze nk'ibi?"

40 Ndarahira Nyagasani w'Uburasirazuba bwa buri muni mu minsi y'umwaka n'Uburengerazuba bwayo! Rwose Twe dufite ubushobozi.

41 Bwo kuba twabagurana abeza baganduka kubarusha. Kandi ntibyatanira tubishatse.

42 Bihorere binjire mu binyoma banakine ku isi yabo bibagirwe ibyo bategetswe, ibyo ntibizakuvune icyo ushinzwe n'ukubagezaho ubutumwa, kugeza ubwo bazahura n'umunsi wabo basezeranywa.

43 Umunsi bazasohoka mu mva bihuta, nk'abatanguranywa kukintu kimanitse imbere yabo, idarapo cyangwa ikindi.

44 Amaso yabo aciye bugufi batabasha kuyegura kubera ibihano bakeka kubabaho, batwikiriwe n'ugusuzugurika. Uwo ni wo muni basezeranywaga.

12 Inabongerere imitungo n'abana, kandi ibahe imirima n'imigezi.

13 Mumeze mute kuki mudatinya ubuhambare bw'Imana?.

14 Kandi yarabaremye mu byiciro, mu ntanga hanyuma ikibumbe cy'amaraso hanyuma igice cy'inyama hanyuma kuba ikiremwa cyuzuye, ni gute mwanga kumvira uwabaremye muri ibyo byiciro!?

15 Ese ntimubona ukuntu Imana yaremye ibirere birindwi bigerekeranye.

16 Akabishyiramo ukwezi ari urumuri akanashyiramo izuba ari itara!?

17 Imana yabamejeje (yaremye Adamu) ibakuye mu butaka, maze agena ikura ryanyu mubyo murya bikomoka mu butaka byaba ibimera cyangwa inyamaswa.

18 Hanyuma azabasubiza mu butaka imibiri yanyu ibore ihinduke itaka, hanyuma azanabubakure mo kw'izuka ku munsu w'imperuka icyarimwe.

19 Imana yabagiriye isi isaso.

20 Kugira ngo muyicemo imihanda migari ndetse n'utuyira two hagati y'imisozi.

21 Nuuh aravuga ati: Nyagasani abantu banjye! Mu by'ukuri bo banyigometseho, bakurikira ibikomerezwa n'abakungu babo babandi imitungo n'urubyaro rwabo rutazagira icyo rumarira uretse kubongerera ubuyobe ku isi n'ibihano k'umunsu w'imperuka.

22 Bagambanye akagambane gahambaye cyane ko gushishikariza injiji muribo kwica Nuuh.

23 Abayobozi babwira abo bayobora babangisha kuyoboka Nuuh bati: Rwose ntimuzareke gusenga imana zanyu. Ntimuzareke gusenga Wada cyangwa Suwa'a cyangwa Yaghuuth, Ya'uq na Nasra. Aya ni amazina y'abantu beza babayeho hagati ya Adamu na Nuhu bari nuko bashushanya ibishusho byabo babishyira aho basengeraga, nyuma haza kuza abandi bantu batazi impamvu byashyizweho shitani ibajyamo irababwira iti: Abababanjirije bajyaga basenga ibi bishusho none namwe mujye mubisenga batangira kubisenga, gusenga ibigirwamana bitangira ubwo, ibyo bigirwamana byaje kugera mu kirwa cy'abarabu amwe mu moko atangira kubisenga.

يُرْسِلُ السَّمَاءَ عَلَيْكُمْ مِدْرَارًا ۗ وَيُمْدِدْكُمْ بِأَمْوَالٍ وَيَسِينِ وَيَجْعَلْ

لَكُمْ جَنَّاتٍ وَيَجْعَلْ لَكُمْ أَنْهَارًا ۗ مَا لَكُمْ لَا تَرْجُونَ لِلَّهِ وَقَارًا ۗ

وَقَدْ خَلَقَكُمْ أَطْوَارًا ۗ أَلَمْ تَرَوْا كَيْفَ خَلَقَ اللَّهُ سَمَوَاتٍ

طِبَاقًا ۗ وَجَعَلَ الْقَمَرَ فِيهِنَّ نُورًا وَجَعَلَ الشَّمْسُ سِرَاجًا ۗ

وَاللَّهُ أَنْبَتَكُمْ مِنَ الْأَرْضِ نَبَاتًا ۗ ثُمَّ يُعِيدْكُمْ فِيهَا وَيُخْرِجْكُمْ

إِخْرَاجًا ۗ وَاللَّهُ جَعَلَ لَكُمْ الْأَرْضَ بِسَاطًا ۗ لَيْسَلَكُمْ مِنْهَا

سُبُلًا فِجَاجًا ۗ قَالَ نُوحٌ رَبِّ إِنِّهْمْ عَصَوْنِي وَأَتَّبَعُوا مَن لَّمْ يَزِدْهُ

مَالَهُ وَوَلَدَهُ إِلَّا خُسَارًا ۗ وَمَكْرُومًا مَّكَرَ كِبَارًا ۗ وَقَالُوا

لَا نَدْرِنُ ۗ الْهَيْهَتَكُمْ وَلَا نَدْرِنُ وَدَا وَلَا سَوَاعَا وَلَا يَعْوَتُ وَيَعْوَقُ

وَدَسْرًا ۗ وَقَدْ أَضَلُّوا كَثِيرًا وَلَا تَزِدِ الظَّالِمِينَ إِلَّا ضَلَالًا ۗ

مِمَّا خَطَبْتَهُمْ أُعْرِفُوا فَأَدْخَلُوا نَارًا فَلَمْ يَجِدُوا لَهُمْ مِنْ دُونِ

اللَّهِ أَنْصَارًا ۗ وَقَالَ نُوحٌ رَبِّ لَا تَذَرْنِي عَلَى الْأَرْضِ مِنَ الْكَافِرِينَ

دِيَارًا ۗ إِنَّكَ إِن تَذَرْنَهُمْ يَفْسُدُوا عِبَادَكَ وَلَا يَلِدُوا إِلَّا أَفْجَارًا

كَفَّارًا ۗ رَبِّ اغْفِرْ لِي وَلِوَالِدَيَّ وَلِمَن دَخَلَ بَيْتِي

مُؤْمِنًا وَلِلْمُؤْمِنِينَ وَالْمُؤْمِنَاتِ وَلَا تَزِدِ الظَّالِمِينَ إِلَّا نَبَارًا ۗ

24 Abayobozi n'abakuru cyangwa se ibigirwamana bayobeje abantu benshi. Nyagasani abahuguza ntuzagire icyo ubongerera uretse ubuyobe.

25 Kubera ibyaha byabo, barimbujwe umwuzure, ku mperuka bazinjizwa mu muriro. Kandi ntibazabona uzabarokora ibihano by'Imana.

26 Nuuh amaze kutakaza icyizere cyo kumwemera Imana imaze kumuhishurira ko ntabandi bazakuyoboka uretse abamaze kukuyoboka, yabasabiye ku Mana agira ati: Nyagasani! Ntusige ku isi umuhakanyi n'umwe, Imana yakira ubusabe bwe ibarimbuza umwuzure bese.

27 Mu by'ukuri nubareka, bazayobya abagaragu bawe ku nzira nziza. Kandi nta kindi bazabyara uretse abanonnyi babahakanyi cyane.

28 Nyagasani! Mbabarira ibyaha byanjye n'ababyeyi banjye ndetse n'uwinjijye mu nzu iwanjye ari uwemera, unababarire abemera n'abemerakazi. Kandi wongerere abahuguje ukurimbuka.



سُورَةُ الْجِنِّ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

قُلْ أُوحِيَ إِلَيَّ أَنَّهُ اسْتَمَعَ نَفَرٌ مِنَ الْجِنِّ فَقَالُوا إِنَّا سَمِعْنَا قُرْآنًا
عَجَبًا ① يَهْدِي إِلَى الرُّشْدِ فَآمَنَّا بِهِ ۖ وَلَنْ نُشْرِكَ بِرَبِّنَا أَحَدًا ②
وَأَنَّهُ تَعَلَّى جَدًّا رَبِّنَا مَا اتَّخَذَ صَاحِبَةً وَلَا وَلَدًا ③ وَأَنَّهُ كَانَ
يَقُولُ سَفِينًا عَلَى اللَّهِ شَطَطًا ④ وَأَنَا ظَنَنَّا أَنْ لَنْ نَقُولَ الْإِنْسُ
وَالْجِنُّ عَلَى اللَّهِ كَذِبًا ⑤ وَأَنَّهُ كَانَ رِجَالٌ مِنَ الْإِنْسِ يَعُوذُونَ بِرِجَالِ
مِنَ الْجِنِّ فَزَادُوهُمْ رَهَقًا ⑥ وَأَنَّهُمْ ظَنُّوا كَمَا ظَنَنْتُمْ أَنْ لَنْ يَبْعَثَ
اللَّهُ أَحَدًا ⑦ وَأَنَا لَمَسْنَا السَّمَاءَ فَوَجَدْنَا مُلَائِمَةً حَرَسًا
شَدِيدًا وَشُهَبًا ⑧ وَأَنَا كُنَّا نَقْعُدُ مِنْهَا مَقْعَدًا لَلسَّمْعِ ۖ فَمَنْ
يَسْتَمِعُ الْآنَ يَجِدْ لَهُ شَهَابًا رَصَدًا ⑨ وَأَنَا لَا نَدْرِي أَشَرٌّ أُرِيدُ
مِنْ فِي الْأَرْضِ أَمْ أَرَادَ بِهِمْ رَبُّهُمْ رَشَدًا ⑩ وَأَنَا مِنَّا الصَّالِحُونَ
وَمِنَادُونَ ذَلِكَ كُنَّا طَرَائِقَ قَدَدًا ⑪ وَأَنَا ظَنَنَّا أَنْ لَنْ نُعْجِزَ
اللَّهُ فِي الْأَرْضِ وَلَنْ نُعْجِزَهُ ۗ هَرَبًا ⑫ وَأَنَا لَمَّا سَمِعْنَا الْهُدَى
ءَامَنَّا بِهِ ۗ فَمَنْ يُؤْمِنُ بِرَبِّهِ ۖ فَلَا يَحْزَنُ بَحْسًا وَلَا رَهَقًا ⑬

Surat Al Djinu: Amajini

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 28.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

① Yewe Muhamad bwira abantu bawe uti: Nahishuriweko hari itsinda mu majini ryumvirije igisomo cyanyje cya Qor'an, bavuga ko isura intumwa Muhamad yasomaga igihe amajini yumvaga Qor'an ari (Iqraa bismi rabika ladhi khalafa) rikabwira bene wabo rigarutse riti: Mu by'ukuri twumvise Qor'an itangaje.

② Irayobora k'ukuri. Turayemera kandi ntutuzigera tubangikanya Nyagasani wacu n'icyo ari cyo cyose.

③ Kandi icyubahiro cya Nyagasani wacu kiri hejuru, we utagira umugore cyangwa umwana.

④ Amajini yamagana imvugo z'injiji muri yo zivugaga ko Imana ifite umugore n'umwana imvugo zirengeje urugero m'ubuhakanyi.

⑤ Kandi twakekaga ko abantu n'amajini, batazahimbira Imana ikinyoma, igihe bavugaga ko ifite uwo ibangikanye nayo, umugore n'umwana nuko twemera amagambo yabo.

⑥ Kandi igitsinagabo mu bantu barikingaga ku gitsinagabo mu majini, bakabongerera kugira ubwoba, bavuga ko mu barabu iyo umuntu yashyikiraga mu kibaya yaravugaga ati: Nikinze k'umuyobozi w'iki kibaya ngo andinde inabi y'abantu be, akarara iruhande rw'umuyobozi w'ijini kugera bukeye.

⑦ Kandi abantu bakekaga nk'uko mwakekaga namwe amajini ko Imana itazatuma Intumwa n'imwe.

⑧ No kuba twe twarageze mu kirere dushakisha amakuru nkuko bisanzwe, tugasanga cyirinzwe bikomeye n'abamalayika n'ibishirira bitwika.

⑨ No kuba twe (amajini) twaracyicaragamo twumviriza amakuru yo mu ijuru, amajini akayabwira umupfumu. Ubu ugerageza kumviriza asanga igishirira kimutegereje.

⑩ Kandi ntutuzi niba kurinda ikirere hagamijwe icyiki cyangwa Nyagasani wabo arabashakira ukuyoboka? Ibun Zayidi yaravuze ati: (Ibilisi yaravuze iti: ntutubizi wenda Imana yaba igamije mu kurinda ikirere kumanura ibihano ku bari mu isi cyangwa kuboherereza intumwa).

⑪ Amajini amwe abwira andi ayahamagarira kwemera Muhamad ati: Nyuma yo kumva Qor'an muri twe harimo intungane n'abatari zo. Turi amatsinda atandukanye, Saidi yaravuze ati: (Amajini yarimo amayisumu, amayahudi, amakristu n'amajusi).

⑫ Kandi twari tuziko tutanirira Imana ku isi iramutse ishata kugira icyo idukoraho, kandi tutanashobora kuyicika duhunga.

⑬ Kandi ubwo twumvaga umuyoboro twarawemeye. Uwemeye Nyagasani we, ntatinya kugabanyirizwa cyangwa kugirirwa ubugome.

14 No muri twe hari abayislamu n'abatannye, ababaye abayislamu abo ni bo bagannye inzira igororotse y'ukuri.

15 Ariko abatannye, bazaba inkwi z'umuriro wa Jahanama.

16 Kandi iyo Amajini n'Abantu baramuka batunganye kuri Islam, twari kubaha amazi menshi.

17 Kugira ngo tubagerageze turebe abazashimira iyo nema. Uzirengagiza urwibutso rwa Nyagasani we (Qor'an), azamwinjiza mu bihano bigoye.

18 Kandi imisigiti yose n'iyi Mana, bityo ntimukabangikanye Imana n'icyo aricyo cyose.

19 Kandi ubwo umugaragu w'Imana Muhamad yahagurukaga asaba anasenga Imana, amajini yari hafi kurirana kubera kubyiganira kumva Qor'an.

20 Vuga uti: Mu by'ukuri jye nsaba Nyagasani wanjye, kandi nta cyo mubangikanya na cyo.

21 Vuga uti: Mu by'ukuri jye nta bushobozi nfitse bwo kubakiza ikibi cyangwa kubagezaho icyiza hano ku Isi no mu idini.

22 Vuga uti: Mu by'ukuri jye nta n'umwe wandinda ibihano by'Imana, nta nubwo nabona aho muhungira.

23 Uretse gusohozza ibiturutse ku Mana n'ubutumwa bwe. N'uwigomeka ku Mana n'intumwa yayo, uwo afite umuriro wa Jahanama, bazabamo ubuziraherezo.

24 Kugeza ubwo bazabona ibyo basezeranyijwe. Ni bwo bazamenya umutabazi w'umunyantege nke n'ufite abantu bake.

25 Vuga uti: Sinzi niba ibyo musezeranywa biri hafi cyangwa Nyagasani wanjye azabiha igihe kirekire.

26 Imana ni umumenyi w'ibiyihishe ntabugaragariza uwo ariwe wese.

27 Uretse uwo yishimiye mu ntumwa niwe Imana iha mu bumenyi bw'ibiyihishe binyuze mu nzira yo kubahishurira bikaba ibitangaza bigaragaza ukuri k'ubutumwa bwabo, uwo Imana imushyira imbere n'inyumama abamalayika bamurinda.

28 Kugira ngo Imana ibereke ko intumwa zayo zasohojwe ubutumwa bwa Nyagasani wabo, kandi Imana isobanukiwe neza ibyo bafite kandi yarabaruye buri kintu.

وَأَنَا مِنَ الْمُسْلِمِينَ وَمِنَ الْقَائِمِينَ مَنْ أَسْلَمَ فَأُولَئِكَ

تَحَرَّوْا رَشَدًا ۝ وَأَمَّا الْقَائِمُونَ فَكَانُوا لِحُكْمِهِمْ حَطَبًا ۝

وَأَلْوِ اسْتَقَمُوا عَلَى الطَّرِيقَةِ لَأَسْقِيَنَّهُمْ مَاءً عَذْقًا ۝ لَنُقْفِنَهُمْ

فِيهِ ۝ وَمَنْ يُعْرِضْ عَنْ ذِكْرِ رَبِّهِ يَسْلُكْهُ عَذَابًا صَعَدًا ۝ وَأَنَّ

الْمَسْجِدَ لِلَّهِ فَلَا تَدْعُوا مَعَ اللَّهِ أَحَدًا ۝ وَأَنَّهُ لَمَّا قَامَ عَبْدُ اللَّهِ

يَدْعُوهُ كَادُوا أَنْ يَكُونُوا عَلَيْهِ لَبَدًا ۝ قُلْ إِنَّمَا أَدْعُوا رَبِّي وَلَا أُشْرِكُ

بِهِ أَحَدًا ۝ قُلْ إِنِّي لَا أَمْلِكُ لَكُمْ ضَرًّا وَلَا رَشَدًا ۝ قُلْ إِنِّي

لَنْ يُجِيرَنِي مِنَ اللَّهِ أَحَدٌ وَلَنْ أَجِدَ مِنْ دُونِهِ مُلْتَحَدًا ۝ إِلَّا بَلَاغًا

مِنَ اللَّهِ وَرِسَالَاتِهِ ۝ وَمَنْ يَعْصِ اللَّهَ وَرَسُولَهُ فَإِنَّ لَهُ نَارَ جَهَنَّمَ

خَالِدِينَ فِيهَا أَبَدًا ۝ حَتَّىٰ إِذَا رَأَوْا مَا يُوعَدُونَ فَيَسْجَعُونَ

مَنْ أَضَعَفَ نَاصِرًا وَأَقَلَّ عَدَدًا ۝ قُلْ إِنْ أَدْرَيْتَ أَقْرَبُ

مَا تُوعَدُونَ أَمْ يَجْعَلُ لَهُ رَبِّي أَمَدًا ۝ عَلِيمُ الْغَيْبِ فَلَا

يُظْهِرُ عَلَى غَيْبِهِ أَحَدًا ۝ إِلَّا مَنِ ارْتَضَىٰ مِنْ رَسُولٍ فَإِنَّهُ

يَسْلُكُ مِنْ بَيْنِ يَدَيْهِ وَمِنْ خَلْفِهِ رَصَدًا ۝ لَيَعْلَمَنَّ أَنْ قَدْ أَبْلَغُوا

رِسَالَتِ رَبِّهِمْ وَأَحَاطَ بِمَا لَدَيْهِمْ وَأَحْصَىٰ كُلَّ شَيْءٍ عَدَدًا ۝

Surat Al Muzamil: Uwitwikiriye

Yamanukiye Makka Ifite Ayat 20.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

1 Yewe uwitwikiriye liyi n'imvugo yabwirwaga Intumwa Muhamad wajyaga yitwikiriza umwenda we kubera ubwoba ubwo Jibril yamuzaniraga ubutumwa ubwa mbere, Intumwa Muhamad yumvise ijwi rya Malayika anabonye ishusho ye yagize ubwoba yiruka agana iwe avuga ati: Nimuntwikire nimunkwikire, nyuma yaho witiriwe ubutumwa ubuhanuzi aza kumenyera Jibril.

2 Haguruka ukore amasengesho m ijoro ryose, cyangwa usige igice gito muri ryo.

3 Nkaho yabwiwe ati: Kora amasengesho bibiri bya gatatu by'ijoro cyangwa icya kabiri cyaryo cyangwa kimwe cya gatatu cyaryo. Imvugo yaturutse kuri Ahmad na Muslim ikomotse kuri Saadi mwene Hishami yaravuze ati: Nabwiye Aisha nti: Mbwira uburyo Intumwa Muhamad yajyaga asenga ibihagararo by'ijoro, aramubwira ati: Ese ntajya usoma iyi Surat? (Ya ayuhal muzamil), ndavuga nti: Ndayisoma, Aisha aravuga ati: Imana yategetse



سُورَةُ الْمُرْجَمَاتِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

يَأْتِيهَا الْمُرْمَلُ ١ فَوَاللَّيْلِ إِذَا لَقِيَآ ٢ نَصَفَهُ ۖ وَأَنْقَضَ مِنْهُ قَلِيلًا ٣
 أَوْزَدَ عَلَيْهِ وَرَتَلَ الْقُرْآنَ تَرْتِيلًا ٤ إِنَّا سَأَلْنَا عَلَيْكَ قَوْلًا
 نَقِيلًا ٥ إِنَّا نَاشِئَةُ اللَّيْلِ هِيَ أَشَدُّ وَطْأًا وَأَقْوَمُ قِيلًا ٦ إِنَّ لَكَ فِي
 النَّهَارِ سَبْحًا طَوِيلًا ٧ وَأَذْكُرِ اسْمَ رَبِّكَ وَتَبَتَّلْ إِلَيْهِ تَبْتِيلًا ٨
 رَبُّ الْمَشْرِقِ وَالْمَغْرِبِ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ فَاتَّخِذْهُ وَكِيلًا ٩ وَأَصْبِرْ
 عَلَى مَا يَقُولُونَ وَأَهْرَجْهُمْ هَجْرًا جَمِيلًا ١٠ وَذَرْنِي وَالْمُكَذِّبِينَ
 أُولِي النَّعْمَةِ وَمَهْلَهْ قَلِيلًا ١١ إِنَّا لَدِينَا نَكَالًا وَعَجِيمًا ١٢
 وَطَعَامًا ذَا غِصَّةٍ وَعَدَابًا أَلِيمًا ١٣ يَوْمَ تَرْجُفُ الْأَرْضُ وَالْجِبَالُ
 وَكَانَتْ الْجِبَالُ كَيْبًا مَهِيلًا ١٤ إِنَّا أَرْسَلْنَا إِلَيْكُمْ رَسُولًا شَاهِدًا
 عَلَيْكُمْ كَمَا أَرْسَلْنَا إِلَى فِرْعَوْنَ رَسُولًا ١٥ فَعَصَى فِرْعَوْنُ الرَّسُولَ
 فَأَخَذْنَاهُ أَخْدًا وَبِيلًا ١٦ فَكَيْفَ تَنْفِقُونَ إِنْ كَفَرْتُمْ يَوْمًا يَجْعَلُ
 الْوِلْدَانَ شِيبًا ١٧ السَّمَاءُ مِنْفَطْرُ يَوْمٍ إِنْ كَانَتْ وَعْدُهُ مَقْعُولًا ١٨
 إِنْ هَذِهِ تَذْكَرَةٌ فَمَنْ شَاءَ اتَّخِذْ إِلَى رَبِّهِ سَبِيلًا ١٩

igihagararo cy'ijoro mu ntangiriro z'iyi Surat, Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) n'abasangirangendo be bakora ibihagararo umwaka wose kugeza ubwo ibirenge byabo bisatagurika, Imana ntiyamanura umusozo w'iyi Surat hashira amezi cumi na biri, nyuma Imana imanura m'umusozo wayo koroherezwa, nuko igihagararo cy'ijoro cyiba umugereka nyuma y'uko cyari itegeko"

- 4 Cyangwa wongereho unasome Qor'an neza witonze kandi unayitekerezaho.
- 5 Mu by'ukuri Twe, tuzaguhishurira Qor'an ijambo riremereye mu mategeko yaryo n'ibihano byaryo no mubiziruwe byaryo n'ibiziririje byaryo, ntawabasha kuwakira uretse umutima wunganiwe n'inkunga y'Imana na roho yuzuye imyemerere itunganye.
- 6 Mukuri amasengesho y'ijoro niyo akamerera abasenga kurusha amasengesho y'anywa kuko ijoro ryagenewe kuryama bityo igisomo cy'ijoro kikaba gihamyeye kuko umutima uba utuje mu ijoro ndetse nta n'urusaku ruhari.

- 7 Mu by'ukuri jya ukora imirimo yawe isanzwe maze usenge mu ijoro.
- 8 Usingize izina rya Nyagasani wawe unamwiyegurire utizigama.
- 9 Nyagasani w'Uburasirazuba n'Uburengerazuba, nta yindi mana uretse We. Bityo mugire umuhagararizi.
- 10 Wihanganire ibyo bavuga, ibitutsi no kuguhakanya, unabimuke neza nta kwihorera, ibi byari mbere y'uko Imana itegeka kubarwanya.
- 11 Bandekere nnyewe ndaguhagije kwivuna babandi bahakana babandi bahawe imitungo myinshi no kugubwa neza ku isi, uboroshye kugeza ibigano bimanutse.
- 12 Mukuri twe dufitse ibihano bitandukanye kandi bikaze ndetse n'umuriro ugurumana.
- 13 Tukanagira n'ibyo kurya bihagama mu muhogo ntibimanuke cyangwa ngo bisohoke, n'ibihano bibabaza.
- 14 Umunsi isi n'imisozi bizatigita umutigito ukomeye, imisozi ikaba umusenye woroshye kubera gutigita.
- 15 Mu by'ukuri Twe, twabohereje intumwa izaba umuhanywa w'ibyo mwakoze kuri mwe k'umusuni w'imperuka murayihakanya nk' uko twohereje kwa Farawo intumwa Mussa.
- 16 Maze Farawo yigomeka ku ntumwa tumuhana ibihano bikaze cyane.
- 17 Muzarokoka mute ibihano k'umusuni uzatuma abana bahinduka nk'abasaza nimukomeza gutsimbarara mu buhakanyi!?
- 18 Umunsi ikirere kizasatagurika abamalayika bakamanuka. Kandi isezzerano ry'Imana rigomba gusohozwa nta kabuza.
- 19 Mu by'ukuri ibyo byose byavuzwe ni nyigisho. Ushaka yafata inzira imuganisha kwa Nyagasani we.
- 20 Mu by'ukuri Nyagasani wawe azi ko wowe ukora amasengesho y'ijoro bibiri bya gatatu cyangwa igice cy'ijoro cyangwa cyimwe cya gatatu cyaryo nkuko yabitegetswe mu ntangiriro y'iyi surat, n'itsinda ryabo muri kumwe nabo bakora amasengesho y'ijoro hamwe nawe, kandi Imana izi igeno ry'ijoro n'amanywa azi kandi uko igihe muhagarara mu ijoro musenga kingana, Imana imenya ko mutazabasha gukora ibihagararo by'ijoro maze ibagirira impuhwe ibaha uburenganzira bwo kubireka igihe munaniwe, bityo mujye musoma ibiboroheye muri Qor'an, iyi Ayat ikaba ariyo yahanaguye itegeko ryo gukora amasengesho y'ijoro, Imana yamenye ko muri mwe hazaba harimo abarwayi batabishoboye abandi bari mu ngendo bashakisha amafunguro, abandi bari

k'urugamba mu nzira y'Imana, uyu murongo wamanutse mbere yo gutegekwa kurwana Jihad Madina Imana ivuga impamvu eshatu zatumye yorohera abantu ibakuriraho itegeko ry'ibihagararo by'ijoro, iti: mujye musoma muri Qor'an ibiboroheye muhozeho amasengesho y'itegeko munatange amaturo, mugurize Imana inguzanyo nziza mutanga mu mitungo yanyu, nta cyiza muzakora muteganyiriza imitima uretse ko muzagisanga ku Mana aricyo cyiza kandi gifite ibihembo byinshi. Bityo musabe Imana imbabazi z'ibyaha kandi Imana ibabarira cyane ibyaha ikanagira impuhwe.

Surat Al Mudathir: Uwifubitse

Yamanukiye Makka Ifite Ayat 56.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi. Abasobanuye Qor'an bavuga ako Intumwa Muhamad agitangira kwakira ubutumwa yaziwe na Jibril intumwa Muhamad abona Jibril yicaye mu kirere hagati y'isi n'ijuru abangerana cyane nuko yikubita hasi arazimira aho ahembukiye yiruka agana kwa Khadija, Khadija yaka amazi amusukaho, intumwa Muhamad avugaga ati: Dathiruniy nimuntwikire nimuntwikire baramutwikira.

- 1 Yewe Uwikwikiriye imyenda ye!
- 2 Haguruka utinyishe uburire abantu ba Makka igihe bazaba batemeye kuyoboka Islam.
- 3 Na Nyagasani wawe umukuze.
- 4 Imyenda yawe uyeze, Imana yamutegetse kweza imyambaro ye ayikuraho Najisi Qatada yaravuze ati: Umutima wawe uzawusukure uwurinda ibyaha.
- 5 Ntuzigere usenga ibigirwamana ubihungire kure kuko ariyo ntandaro y'ibihano.
- 6 Ntugasabe Nyagasani wawe kukongerera kubera kwihanganira inshingano z'ubutumwa wahawe, nk'usaba kongererwa kubera ingorane yihanganira aterwa na mugenzi we. Cyangwa n'utanga utange kubera Imana kandi ntukamamaze ibyo watanze mu bantu.
- 7 Jya wihangana kubera Nyagasani wawe kuko wahawe inshingano zikomeye zizatuma abarabu n'abatari bo bakurwanya.
- 8 Wihanganire ibibazo bagutera kuko imbere yabo hari umunsi ukaze uzavuzwaho impanda bazahura nibyo bakoze.
- 9 Kuri uwo munsi n'umunsi ukomeye.
- 10 Uwo munsi ku bahakanyi ntuzaba woroshye.
- 11 Imana iti ndeka njye n'uwu naremye ari wenyine munda ya nyina nta mutungo nta mwana, abasobanura bavuga ko uyu uvugwa hano ari: Al walidi mwene Mughirat.
- 12 Nkamuha n'imutungo myinshi.


إِنَّ رَبَّكَ يَعْلَمُ أَنَّكَ تَقُومُ أَدْنَىٰ مِنْ ثُلُثِي اللَّيْلِ وَيَصِفُّهُ. وَتَلْتَمِسُ وَطَائِفَةَ
مِنَ الَّذِينَ مَعَكَ وَاللَّهُ يُضَيِّرُ الْآيِلَ وَالنَّهَارَ عَلِيمٌ أَنْ لَنْ تُخْصَوهُ فَتَابَ
عَلَيْكَ فَاقْرَأْ مَا تيسَّرَ مِنَ الْقُرْآنِ عَلِمَ أَنْ سَيَكُونُ مِنْكُمْ مَرْضًى
وَأَخْرُونَ يُضْرِبُونَ فِي الْأَرْضِ يَبْتَغُونَ مِنْ فَضْلِ اللَّهِ وَآخَرُونَ
يُقِيلُونَ فِي سَبِيلِ اللَّهِ فَاقْرَأْ مَا تيسَّرَ مِنْهُ وَأَقِيمُوا الصَّلَاةَ وَآتُوا
الزَّكَاةَ وَأَقْرِضُوا اللَّهَ قَرْضًا حَسَنًا وَمَا تُقْرِضُوا اللَّهَ لَأَنْفُسِكُمْ مِنْ خَيْرٍ يَجِدُوهُ
عِنْدَ اللَّهِ هُوَ خَيْرٌ وَأَعْظَمُ أَجْرًا وَأَسْتَعْفِرُوا اللَّهَ إِنَّ اللَّهَ غَفُورٌ رَحِيمٌ ﴿٢٠﴾

سُورَةُ الْمُذْتَحِرِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

بَيِّنَاتٍ مَدِينَةٍ ﴿١﴾ قُرْآنٍ ذِكْرٍ ﴿٢﴾ وَرَبِّكَ فَكَبِيرٍ ﴿٣﴾ وَثِيَابِكَ فَطَهِّرٍ ﴿٤﴾
وَالرَّجْرِ فَاهْجِرٍ ﴿٥﴾ وَلَا تَمَنَّيَنَّ تَسْتَكْبِرٍ ﴿٦﴾ وَلِرَبِّكَ فَاصْبِرٍ ﴿٧﴾
فَإِذَا نَفَرْنَا فِي السَّمَاءِ ﴿٨﴾ فَذَلِكَ يَوْمَئِذٍ يَوْمٌ عَسِيرٍ ﴿٩﴾ عَلَى الْكَافِرِينَ
عَسِيرٍ يَسِيرٍ ﴿١٠﴾ ذَرْبِي وَمَنْ خَلَقْتُ وَحِيدًا ﴿١١﴾ وَجَعَلْتُ لَهُ مَا لَا
مَمْدُودًا ﴿١٢﴾ وَبَيْنَ شُهُودًا ﴿١٣﴾ وَمَهَّدْتُ لَهُ تَمْهِيدًا ﴿١٤﴾ ثُمَّ يَطْمَعُ
أَنْ يَرْبَدَ ﴿١٥﴾ كَلَّا إِنَّهُ كَانَ لِآيَاتِنَا عَنِيدًا ﴿١٦﴾ سَأَرْهِفُهُ صَعُودًا ﴿١٧﴾

- 13 Nkamuha n'abana baba hamwe nawe Makka igihe cyose batajya bagira aho baja mu mushakisha umafunguro n'ibindi kubera imitungo myinshi ya se.
- 14 Nkamwohera ubuzima cyane mu mibereho, kubamba ku isi no kuba umuyobozi w'ubwoko bwa Kurayishi.
- 15 Hanyuma akifuzza ko mwongerera.
- 16 Oya sinamwongerera! Kuko yahakanye ibimenyetso byacu twamanuye ku ntumwa yacu.
- 17 Nzamunaniza mukorerere umutwaro atashobora w'ibihano.
- 18 We yatekereje ku kibazo cy'Intumwa Muhamad anateganya mu mutima we amagambo ashaka kuvuga Imana iramugaya.
- 19 Aravumwa kandi ahanwa kubera uburyo yagereranyije.
- 20 Hanyuma arongera aravumwa kubera uko yagereranyije.
- 21 Nyuma ashakisha icyo yakwamaganisha Qor'an akanayisiga umwanda.
- 22 Maze azinga umunya kuko atabonye icyo asebya kuri Qor'an, uburanga bwe burahinduka.
- 23 Nyuma yanga kuyiyoboka arikuza.



إِنَّهُ فَكَّرَ وَقَدَّرَ ۖ فَقِيلَ كَيْفَ قَدَّرَ ۖ ثُمَّ قِيلَ كَيْفَ قَدَّرَ ۖ ثُمَّ نَظَرَ ۖ
 ثُمَّ عَبَسَ وَبَسَرَ ۖ ثُمَّ أَدْبَرَ وَاسْتَكْبَرَ ۖ فَقَالَ إِن هَذَا إِلَّا بَشَرٌ
 مِّثْلُكُمْ ۖ قَالَ أَتَى عَلَى الْآدَمِ بَشَرٌ مِّثْلُكُمْ ۖ فَأَصْحَابُ سَعِيرٍ ۖ وَمَا أَدْرَاكَ
 مَا سَعِيرٌ ۖ لَا تَبْقَى وَلَا تَذَرُ ۖ الْوَاحِدَ لِلْبَشَرِ ۖ عَلَيْهَا تِسْعَةَ عَشَرَ
 ۖ وَمَا جَعَلْنَا أَصْحَابَ النَّارِ إِلَّا مَلَائِكَةً وَمَا جَعَلْنَا عِدَّتَهُمْ إِلَّا فِتْنَةً
 لِلَّذِينَ كَفَرُوا ۖ لِيَسْتَفِيقَ الَّذِينَ أُوتُوا الْكِتَابَ وَيَزِدَّ الَّذِينَ آمَنُوا إِيمَانًا
 وَلَا تَرْتَابَ ۖ الَّذِينَ أُوتُوا الْكِتَابَ وَالْمُؤْمِنُونَ وَلِيَقُولَ الَّذِينَ فِي قُلُوبِهِمْ مَرَضٌ
 وَالْكَافِرُونَ مَاذَا أَرَادَ اللَّهُ بِهَذَا مَثَلًا ۖ كَذَلِكَ يُضِلُّ اللَّهُ مَن يَشَاءُ وَيَهْدِي
 مَن يَشَاءُ ۖ وَمَا يَعْلَمُ جُودَ رَبِّكَ إِلَّا هُوَ ۖ وَمَا هِيَ إِلَّا ذِكْرٌ لِلْبَشَرِ ۖ كَلَّا
 وَالْقَمَرِ ۖ وَاللَّيْلِ إِذَا أَدْبَرَ ۖ وَالصُّبْحِ إِذَا أَسْفَرَ ۖ إِنَّهَا إِلَّا أَحَدَى
 الْكَبِيرِ ۖ نَذِيرٌ لِلْبَشَرِ ۖ لَمَن شَاءَ مِنكُمْ أَن يَتَقَدَّمَ أَوْ يَتَأَخَّرَ ۖ كُلُّ
 نَفْسٍ بِمَا كَسَبَتْ رَهينَةٌ ۖ إِلَّا أَصْحَابَ الْهَيْمَيْنِ ۖ فِي جَنَّتِ يَسَاءَ لَوْنٌ
 ۖ عَنِ الْمُجْرِمِينَ ۖ مَا سَلَكَكُمْ فِي سَقَرٍ ۖ قَالُوا لَوْ نَرَاكَ مِنَ
 الْمُصَلِّينَ ۖ وَلَوْ نَرَاكَ تُطْعِمُ الْمَسْكِينِ ۖ وَكُنَّا تَخَوِّضُ مَعَ
 الْفَاطِنِينَ ۖ وَكُنَّا نَكْذِبُ بِيَوْمِ الدِّينِ ۖ حَتَّىٰ آتَانَا الْيَقِينَ ۖ

wabo kugirango ube ubuyobe n'ikigeragezo ku bahakanyi kugeza ubwo bavuze iyo mvugo yabo, kugirango kandi bihe icyizere abayahudi n'abakristu kuba ibimanutse muri Qor'an bihujye n'ibiri mu bitabo byabo ko abarinzi b'umuriro ari abamalayika cumi n'icyenda. Kandi abemera bibongerere ukwemera kubona ibyo Qor'an ivuze bihujye n'ibiri mu bitabo byabo, no kugirango Indyarya n'abahakanyi bafite uburwayi mu mitima bavuge bati: Ubu Imana yari igamije iki mugutanga uru rugero rw'umubare cumi n'icyenda w'abarinzi b'umuriro? Nta wamenya ingabo za Nyagasani wawe, nubwo umubare ari cumi n'icyenda ariko bafite ingabo n'abafasha batazwi umubare wabo uretse Imana yonyine. Ibyo byose byavuzwe n'inyigisho n'urwibutso ku bantu bose kugirango bamenye ko Imana ifite ubushobozi idakeneye abayifasha.

- 32 Oya! Ndahiye ukwezi.
- 33 N'ijoro iyo rirangiye.
- 34 N'igitondo iyo gitangajye.
- 35 Mu by'ukuri yo umuriro wa (Saqar), ni kimwe mu byago bihambaye cyane.
- 36 Ubu ububurizi ku bantu bose.
- 37 K'ushaka muri mwe kujya imbere uyoboka ukwemera cyangwa gusubira inyuma aya m'ubuhakanyi.
- 38 Buri muntu wese azabazwa ibikorwa yakoze kandi azaba ingwate yabyo bimugobotore mu bihano cyangwa bimuhamisha mo.
- 39 Uretse abemera bazaba bari mu gice cy'iburyo nibo batazaba ingwate y'ibiyaha byabo ahubwo bazagobotorwa n'ibiyaha bakoze.
- 40 Bazaba bari mu ijuru babazanya.
- 41 Kubyerekeye inkozi z'ikibi.
- 42 Bababaza bati: Ni iki cyabinjije mu muriro witwa Saqar?
- 43 Bavuge bati: Ntitwari mu bantu basenga.
- 44 Nta n'ubwo twagaburiraga abakene.
- 45 Kandi twifatanyaga n'inkozi z'ibibi mu bibi byabo.
- 46 Twanahinyuzaga umunsi w'imperuka.
- 47 Kugeza ubwo urupfu rutugezeho.
- 48 Ubuvugizi bw'uwo ariwe wese nta cyo buzabamarira.
- 49 Ni iki gituma bahunga Qor'an ikubiyemo inyigisho ikaba n'urwibutso.
- 50 Bayihunga bameze nk'indogobe zisigana.
- 51 Zihunga intare.
- 52 Ahubwo buri muntu muri bo arashakako ahabwa ibitabo birambuye, abasobanuye Qor'an bavuga ko abahakanyi baba Kurayishi babwiye Muhammad bati: Turashaka ko umwe

- 24 Aravuga ati: Iyi Qor'an si kindi ahubwo ni uburozi Muhammad akura ku bandi bantu bakabumwigisha.
- 25 Iyi Qor'an si amagambo y'Imana ahubwo ni amagambo y'abantu.
- 26 Nzamwinjiza mu muriro.
- 27 N'iki cyakumenyeshya uwo muriro witwa Saqar?
- 28 Ntushya cyangwa ngo ureke.
- 29 Uhindura uburanga bwabo umukara.
- 30 Umuriro urinzwe n'abamalayika cyangwa amoko yabo cumi n'icyenda.
- 31 Imana imaze kumanura umurongo ugira uti: "Umuriro urinzwe n'abamalayika cyangwa amoko yabo cumi n'icyenda" Abu Jahali yaravuze ati: Muhammad nta bamufasha afite uretse cumi n'icyenda? Ese ubu abantu ijana muri mwe bazanarirwa kwivuna umwe muri abo bamalayika maze bagasohoka mu muriro? Nuko hamanuka umurongo ugira uti: "Twagize abamalayika abarinzi b'umuriro, ninde uzabaganza aribo barusha ibindi biremwa gukomera ku kuri kw'Imana no kurakazwa nako kandi bakaba babashije kwivuna icyo aricyo cyose? Twavuze umubare

muri twe azindukana igitabo ku mutwe we kirambuye giturutse ku Mana cyemeza ko uri intumwa y'Imana.

53 Oya! Ahubwo ntibatinya imperuka.

54 Oya! Mu by'ukuri Qor'an ni urwitbutso.

55 Ushatse kwibuka ni yibuke.

56 Ntibashobora kwibuka uretse Imana ibahaye kuyoboka, kuko yo niyo igomba gutinywa byukuri mu kureka ibyaha no kuyigandukira, kandi niyo ihanagurira abamera ibyaha.

Surat Al Qiyamah: Imperuka

Yamanukiye Makka Ifite Ayat 40

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndarahira umunsi w'imperuka, kandi Imana kurahira uwo munsi n'ikimenyetso cy'uko uzaba uhambaye, Imana kandi ifite ububasha bwo kurahira icyo aricyo cyose ishata mu biremwa byayo.

2 Ndarahira umutima uveba, uwo ukaba ari umutima w'umwemera wiveba kubyo utabashije gutunganya, Muqatil yaravuze ati: Uyu ni umutima w'umuhakanyi wiveba ku mperuka kubyo utatunganyije k'uruhande rw'Imana.

3 Ese umuntu arakeka ko tutazakoranya amagufa ye nyuma y'uko abora tukongera kuyaha ubuzima?

4 Yego! Ahubwo dushobora no gufatanya intoki ze zikaba ikintu kimwe, banavuga ko uyu murongo ari ikimenyetso kigaragaza ko intoki z'umuntu ziba zitandukanye n'iza mugenziwe iyo Imana ibishaka yari kuzihuza.

5 Ahubwo umuntu arashaka igituma yangiza ejo hazaza he akora ibyaha akereza kwicuzwa.

6 Arabaza ati: Umunsi w'imperuka ni ryari?

7 Ni gihe amaso azakanaguzwa.

8 Ukwezi kukazima urumuri rwako ntirugaruke nkuko gufatwa ku isi rukagaruka.

9 Urumuri rw'izuba n'ukwezi rukazima maze izuba n'ukwezi bigakomatanywa n'ihongere kubaho kubisikana kw'amanywa n'ijoro.

10 Ubantu bakavuga bati: Turahungira he?

11 Oya! Nta musozi nta gikinga icyo aricyo cyose cyakurinda kuri uwo munsi.

12 Kwa Nyagasani wawe, kuri uwo munsi niryo herezo.

13 Kuri uwo munsi umuntu azabwirwa ibyo yakoze mbere n'ibyoyaherutse.

14 Ahubwo umuntu azamenya neza ukuri ko kwemera kwe cyangwa ubuhakanyi bwe.

15 N'ubwo yazana urwitwazo rwe ntacya rwamumarira kuko afite abazanyomoza

فَمَا نَنْفَعُهُمْ شَفَعَةُ الشَّافِعِينَ ﴿٤٨﴾ فَمَا لَهُمْ عَنِ التَّذْكَرَةِ مُعْرِضِينَ

﴿٤٩﴾ كَانَهُمْ حُمُرٌ مُسْتَنْفِرَةٌ ﴿٥٠﴾ فَرَّتْ مِنْ قَسْوَرَةٍ ﴿٥١﴾ بَلْ يُرِيدُ

كُلُّ أَمْرٍ مِنْهُمْ أَنْ يُوَفَّىٰ صُحُفًا مُنْشَرَةً ﴿٥٢﴾ كَلَّا بَلْ لَا يَخَافُونَ

الْآخِرَةَ ﴿٥٣﴾ كَلَّا إِنَّهُ تَذَكَّرٌ ﴿٥٤﴾ فَمَنْ شَاءَ ذَكَرْهُ ﴿٥٥﴾

وَمَا يَذْكُرُونَ إِلَّا أَنْ يَشَاءَ اللَّهُ هُوَ أَهْلُ التَّقْوَىٰ وَأَهْلُ الْغَفْرِهٖ ﴿٥٦﴾

سُورَةُ الْقِيَامَةِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

لَا أَقْسِمُ بِيَوْمِ الْقِيَامَةِ ﴿١﴾ وَلَا أَقْسِمُ بِالْقَيْسِ اللَّوَامَةِ ﴿٢﴾ أَجْسَبُ

الْإِنْسَانُ أَلَّنْ يَجْمَعُ عِظَامَهُ ﴿٣﴾ بَلَىٰ قَدِيرِينَ عَلَىٰ أَنْ تُسْوَىٰ بِنَانِهِ ﴿٤﴾ بَلْ

يُرِيدُ الْإِنْسَانُ لِيَفْجُرَ أَمَامَهُ ﴿٥﴾ يَسْتَأْذِنُ بَلَدًا مُغْلَبًا ﴿٦﴾ فَإِذَا بَرِقَ الْبَصْرُ ﴿٧﴾

وَحَسَفَ الْقَمَرُ ﴿٨﴾ وَجُمِعَ الشَّمْسُ وَالْقَمَرُ ﴿٩﴾ يَقُولُ الْإِنْسَانُ يَوْمَئِذٍ

أَيْنَ الْمَفْرُجِ ﴿١٠﴾ كَلَّا لَا وَزَرَ ﴿١١﴾ إِلَىٰ رَبِّكَ يَوْمَئِذٍ الْمُسْتَقَرُّ ﴿١٢﴾ يَدْعُوا الْإِنْسَانَ

يَوْمَئِذٍ بِمَا قَدَّمَ وَأَخَّرَ ﴿١٣﴾ بَلِ الْإِنْسَانُ عَلَىٰ نَفْسِهِ بَصِيرَةٌ ﴿١٤﴾ وَلَوْ أَلْقَىٰ

مَعَاذِيرَهُ ﴿١٥﴾ لَا تُحْرِكُهُ بَدَءَ لِسَانِكَ لِنَتَّعَجَلَّ بِهِدَ ﴿١٦﴾ إِنْ عَلَيْنَا جَمْعَةٌ

وَقَوْمٌ أَنَّهُ ﴿١٧﴾ فَإِذَا قَرَأَهُ فَأَنبَغَ قُرْءَانَهُ ﴿١٨﴾ ثُمَّ إِنَّ عَلَيْنَا بَيِّنَاتِهِ ﴿١٩﴾

ibinyoma bye.

16 Intumwa Muhamad yajyaga akubita iminwa anakaraga ururimi rwe kubera gushaka gufata Qor'an mu mutwe mbere yuko Jibril arangiza kumusomera ibyo amuhishuriye, nuko Imana imanura iyi ayat imubwira iti: Ntugakarage ururimi rwawe bwangu kugirango ufate Qor'an utinya ko yagucika.

17 Mu by'ukuri ni inshingano yacu kuyikoranyiriza mu gituza cyawe kandi ntacyizaburamo na kimwe, kandi tuzashyira igisomo cyayo k'ururimi rwawe k'uburyo bukomeye.

18 Niturangiza igisomo cyayo k'ururimi rwa Jibril ujye utuza wumve kandi ukurikire isomwa ryayo.

19 Kandi dufite n'inshingano zo gusobanura ibiziririjwe muri yo n'ibiziruwere no gusobanura ibikomeye muri yo. Nyuma yaho Intumwa Muhamad iyo Jibril yamuziraga yaraturaga yamara kugenda intumwa Muhamad akayisoma nk'uko Imana yabimusezereniyije.



22 كَلَّا لَبِئْسَ مَا تَجْمَعُونَ ۗ وَالَّذِينَ يَتَّبِعُونَ ۗ وَجْهَهُ يَوْمَئِذٍ نَّاصِرَةٌ ۗ
 23 إِلَىٰ رَبِّهَا نَاظِرَةٌ ۗ وَجْهَهُ يَوْمَئِذٍ بَاسِرَةٌ ۗ تَنْظُرُ أَنْ يُفْعَلَ بِهَا فَاقِرَةٌ ۗ
 24 كَلَّا إِذَا بَلَغَتِ التَّرَاقِيَ ۗ وَقِيلَ لَهَا مَرْحَبًا ۗ وَظَنَّ أَنَّهُ الْفِرَاقُ ۗ وَالَّذِي تَلَقَّتِ
 25 السَّاقُ بِاللِّسَانِ ۗ إِلَىٰ رَبِّكَ يَوْمَئِذٍ الْمَسَاقُ ۗ فَلَا صَدَقَ وَلَا صَلَّىٰ ۗ
 26 وَلَكِنْ كَذَّبَ وَتَوَلَّىٰ ۗ ثُمَّ دُخِلَ إِلَىٰ أَهْلِهِ يَسْمُوعٌ ۗ أُولَىٰ لَكَ
 27 فَأُولَىٰ ۗ ثُمَّ أُولَىٰ لَكَ فَأُولَىٰ ۗ ثُمَّ أَحْسَبُ الْإِنْسَانَ أَن بُرِكَ لَدَيْ ۗ
 28 أَلَمْ يَكُنْ نَظْفَةً مِّنْ مَّيِّمَتِي ۗ ثُمَّ كَانَ عَقْلَةً فَخَلَقَ فِسْوَىٰ ۗ فَجَعَلْنَاهُ
 29 أَرْوَجِينَ الذِّكْرَ وَالْأُنثَىٰ ۗ أَلَيْسَ ذَلِكَ بِقَدْرِ عَلِيٍّ أَنْ يُحْيِيَ الْمَوْتَىٰ ۗ

سُورَةُ الْاِنْسَانِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
 1 هَلْ أَتَىٰ عَلَى الْإِنْسَانِ حِينٌ مِّنَ الدَّهْرِ لَمْ يَكُنْ شَيْئًا مَّذْكُورًا ۗ
 2 إِنَّا خَلَقْنَاهُ الْإِنْسَانَ مِنْ نُطْفَةٍ أَمْشَاجٍ نَّبْتَلِيهِ فَجَعَلْنَاهُ سَمِيعًا
 3 بَصِيرًا ۗ إِنَّا هَدَيْنَاهُ السَّبِيلَ إِنَّمَا شَاكَرًا وَإِنَّمَا كَفُورًا ۗ
 4 إِنَّا أَعْتَدْنَا لِلْكَافِرِينَ سَلَاسِلًا وَأَغْلَالًا وَسَعِيرًا ۗ إِنَّ
 5 الْأَبْرَارَ يَشْرَبُونَ مِن كَأْسٍ كَانَ مِزَاجُهَا كَافُورًا ۗ

- 20 Oya! Ahubwo mukunda isi cyane.
- 21 Mukareka kwita k'ubuzima bw'imperuka.
- 22 Kuri uwo muni uburanga buzaba bubengerana.
- 23 Bureba Nyagasani wabwo, Hadith nyinshi zemeza ko abantu beza bazabona Nyagasani wabo nkuko bareba ukwezi mu ijoro ryako rya cumin a gatanu.
- 24 N'ubundi buranga kuri uwo muni buzaba bwijimye kandi bukambije agahanga.
- 25 Buziko neza ko bukorerwa ishyano.
- 26 Oya! Ahubwo ubwo roho izagera mu ngoto.
- 27 Abari hafi ye bakavuga bati: Ni nde wamuvura, bamushakire abaganga ariko ntibagire icyo bamumarira ku itegeko ry'Imana.
- 28 Muri icyo gihe roho imugeze mu ngoto amenya ko ari igihe cyo gutandukana n'isi, umutungo n'urubyaro.
- 29 Igihe cyo gupfa umurundi ukisobeka k'uwundi, amaguru ye agapfa imirundi ikumagana, abantu bagatunganya umurambo we n'abamalayika batanganya roho ye.
- 30 Kuri uwo muni kwa Nyagasani wawe,

- nihoro roho ye izajyanwa.
- 31 Nta bwo yigeze yemera ubutumwa ndetse na Qor'an ntiyanigeze asenga Nyagasani we ntiyigeze yemera n'umutima we ntiyagira ibikorwa byiza akoresha umubiri we.
- 32 Ahubwo yahinyuye Intumwa n'ibyo yazanye yirengagiza kubaha Imana no kuvigandukira.
- 33 Yarangiza akagenda yiyemera anibona muri bene wabo.
- 34 Ufite akaga! Ufite akaga!
- 35 Hanyuma nanone ufite akaga! ufite akaga!
- 36 Ese umuntu akeka ko azarekwa gusa gutyo adahawe amategeko amutegeka n'amubuza cyangwa ngo azakorerwe ibarura anahanwe?
- 37 Ese umuntu ntiyari intanga inagwa muri nyababyeyi!?
- 38 Nyuma akaba urusoro rw'amaraso. Nyuma Imana ikamurema ikamutunganya!?
- 39 Akamuha ibitsina bibiri gabo na gore.
- 40 Ese uwo nguwo wahanze icyo cyiremwa nta bushobozi afite bwo kugarura imibiri mw'izuka nkuko yari imeze ku isi, kuko kugarira icyariho biroroha kutusha guhanga ikitariho!?

Surat Al In'san: Umuntu

- Yamanukiye Madinat Ifite Ayat 31.**
- Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.**
- 1 Hari igihe kirekire cyacyiyeho umuntu (Adamu) ntacyo aricyo ataranaremwa ndetse atanazwi n'ikindi kiremwa icyo aricyo cyose.
- 2 Mu by'ukuri Twe, twaremye umuntu mu ntanga zivanze, tumurema kugirango tumugerageze mu byiza n'ibibi n'amategeko bityo tumuha kumva no kubona kugirango abashe kugeragezwa.
- 3 Mu by'ukuri twamugararije inzira y'ubuyoboze n'iyubuyobe, icyiza n'icyibi, ibimufitiye akamaro n'ibifite ingaruka kuri we akaba yabigeraho akoresheje ubwenge bwe agashimira cyangwa agahakana.
- 4 Kandi twateguriye abahakanyi iminyururu yo kuzabahanisha n'amapingu na tuzabahambiriza amaboko n'amajosi n'umuriro waka cyane.
- 5 Mu by'ukuri, intungane zizanywera mu kirahuri kivangiyemo impumuro y'umubavu.

6 Abagaragu b'Imana bazanywa inzoga zivanzemo amazi y'umugezi wo mu ijuru, amasoko uturika hirya no hino.

7 Bazahabwa ibi bihembo kuko bajyaga bubahiriza imihigo bahiga ku Mana bakanatinya umunsi ibibi byawo bizakwira ikirere n'isi.

8 Bagaburira abakene, imfubyi n'imbohe ibyokurya kandi nabo bitabahagije babikunze.

9 Rwose tubagaburira kubera gushaka ishimwe ry'Imana. Nta gihembo tubashakaho cyangwa gushimwa.

10 Twe dutinya kwa Nyagasani wacu umunsi uburanga buzaba buzinze umunya, umunsi ukaze cyane cyandi muremure.

11 Imana izabarinda ibibi by'uwo munsi. Anabahe ibyishimo n'umunezero mu buranga bwabo.

12 Kubera ukwihangana kwabo Imana izabahemba ijuru n'imyambaro ya Hariri.

13 Bazaba muri ryo begamiye ibitanda. Ntibazumva mu ijuru icyokere cy'izuba cyangwa imbeho ikaze.

14 Igicucu cy'ijuru kizaba kibegereye n'imbuto zaryo zizabegezwa kuburyo zizacibwa n'uhagaze, uwicaye n'uryamyeye nta muruho.

15 Bazazengurukwamo n'abakozi mugihe bashatse kunyera mu bikoreho bya feza n'ibikombe bya feza.

16 Ibirahuri bizaba bikozwe muri feza ibirimo bigaragarira uri inyuma bikaza uko babyifuza bitarenga cyangwa bitagabanutse.

17 Mu ijuru bazahabwa mo ibirahuri by'inzoga ivanzemo tangawizi.

18 Banahabwe umugezi witwa Sal'sabiil.

19 Bazaba bazengurukwamo n'abana bahora ari abasore, ubabonye kubera ubwiza bwabo wagira ngo ni diyama zinyanyagiye.

20 Aho uzakubita ijisho mu ijuru uzabona inema zitangaje n'ubwami butagereranywa.

21 Bazaba bambaye imyenda y'ihariri yoroshye cyane kandi y'icyatsi n'indi iremereye bazatakwa n'ibikomo bya feza. Nyagasani wabo azanabaha ikinyobwa gisukuye. Abu Qalabat na Ibrahim Nakhaiy barabvuze bati: Bazazanirwa ibyo kurya nibirangira bazanirwe ibinyobwa bisukuye

عَيْنَا يَشْرَبُ بِهَا عِبَادُ اللَّهِ يُفَجِّرُونَهَا تَفْجِيرًا ﴿٦﴾ يُوفُونَ بِالْقَدْرِ وَيَخَافُونَ
يَوْمًا كَانَتْ شَرُّهُ مُسْتَطِيرًا ﴿٧﴾ وَيَطْعَمُونَ الطَّعَامَ عَلَى حَيْثُ وَنَسْكِينًا
وَيَتِيمًا وَأَسِيرًا ﴿٨﴾ إِنَّمَا نَطْعَمُكُمْ لَوَجْهِ اللَّهِ لَا نُرِيدُ مِنْكُمْ جَزَاءً وَلَا شُكْرًا
﴿٩﴾ إِنَّا نَخَافُ مِنْ رَبِّنَا يَوْمًا عَبُوسًا قَطَطِيرًا ﴿١٠﴾ فَوَقَّعَهُمُ اللَّهُ شَرَّ ذَلِكَ
الْيَوْمِ وَلَقَّعَهُمْ نَضْرَةً وَسُرُورًا ﴿١١﴾ وَجَزَّوهُمْ بِمَا صَبَرُوا جَنَّةً وَحَرِيرًا
﴿١٢﴾ مُتَّكِعِينَ فِيهَا عَلَى الْأَرَائِكِ لَا يَرُونَ فِيهَا شَمْسًا وَلَا زَمْهَرِيرًا ﴿١٣﴾
وَدَانِيَةً عَلَيْهِمْ ظِلَالُهَا وَذُلَّتْ أَيْدِيهَا يُنَادِلُهَا ﴿١٤﴾ وَيُطَافُ عَلَيْهِمْ بِتَابِيَةٍ
مِنْ فِضَّةٍ وَأَكْوَابٍ كَانَتْ قَوَارِيرًا ﴿١٥﴾ قَوَارِيرًا مِنْ فِضَّةٍ قَدَرُهَا أَنْفِيرًا ﴿١٦﴾
وَيُسْقَوْنَ فِيهَا كَأْسًا كَانَ مِزَاجُهَا زَنْجَبِيلًا ﴿١٧﴾ عَيْنًا فِيهَا تُسَمَّى سَلْسَبِيلًا
﴿١٨﴾ وَيُطَافُ عَلَيْهِمْ وَلَدُنَّ مُخَلَّدُونَ إِذَا رَأَيْتَهُمْ حَسِبْتَهُمْ لَوْلَوْ أَمْشَوْا
﴿١٩﴾ وَإِذَا رَأَيْتَ تَمَّ رَأَيْتَ نَعِيمًا وَمُلْكًا كَبِيرًا ﴿٢٠﴾ عَلَيْهِمْ ثِيَابٌ سُدُسٌ
خُضْرٌ وَسُتْرٌ وَمِنْهَا تَسَاوُرٌ مِنْ فِضَّةٍ وَسَقَمَهُمْ مِنْهُمْ شَرَابًا
طَهُورًا ﴿٢١﴾ إِنَّ هَذَا كَانَ لَكُمْ جَزَاءً وَكَانَ سَعْيَكُمْ مَشْكُورًا ﴿٢٢﴾ إِنَّا
نَحْنُ نَزَّلْنَا عَلَيْكَ الْقُرْآنَ تَنْزِيلًا ﴿٢٣﴾ فَاصْبِرْ لِحُكْمِ رَبِّكَ وَلَا تُطِعْ
مِنْهُمْ آثِمًا أَوْ كَفُورًا ﴿٢٤﴾ وَأَذْكُرْ اسْمَ رَبِّكَ بُكْرَةً وَأَصِيلًا ﴿٢٥﴾

banye bahage babire ibyuya ku mibiri yabo bihumura nka marashi ya miski.

22 Imana ishimire umugaragu wayo kubera kuganduka kwe igira iti: Mu by'ukuri ibi ni ibihembo byanyu. Kandi umuhate wanyu urashimwe.

23 Mu by'ukuri Twe twakumanuriye Qor'an ujye uyisoma uko imanutse kandi ntitwayimanuye umujyo umwe kandi Qor'an ntiyaturutse kuri wowe nkuko ababangikanyamana babivuga.

24 Ihanganire itegeko rya Nyagasani wawe, ntukumvire muri bo umunyabyaha cyangwa umuhakanyi.

25 Usingize izina rya Nyagasani wawe usenga mu gitondo (Subuhi) na nimunsi (Al aswir).



Surat Al Mur'salat: Ibitumwa

Yamanukiye Makka Ifite Ayat 50

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye abamalayika batumwa bakurikiranye. Imana irarahira abamalayika bamanura ubutumwa babujya ku ntumwa zayo, baguruka bihuta barambuye amababa yabo bazanye ubutumwa butandukanya ukuri n'ikinyoma n'ibiziruwe ndetse n'ibiziririjwe kugeza ubwo babugejeje ku ntumwa.

2 N'imiyaga y'inkubiri.

3 Ndahiye Abamalayika batatany ibicu.

4 N'Abamalayika batandukanya ukuri n'ikinyoma.

5 N'Abamalayika bazana ubutumwa.

6 Abamalayika bazana ibyo bahishurirwa bivuye ku Mana kubera gukuraho urwitwazo ri ugukuraho urwitwazo cyangwa ukuburira.

7 Mu by'ukuri ibyo musezeranywa bizaba.

8 Ubwo inyenyeri zizazimwa urumuri rwazo rukabura.

9 N'ikirere kigasandazwa.

10 Ubwo imisozi izarandurwa ikaba ivumbi ritumuka.

11 N'ubwo intumwa zizahabwa igihe cyo gucira imanza abantu bazo.

12 K'umunsi ukomeye uzatangaza abantu kubera ubukare bwawo intumwa zizahabwa igihe rero kugirango kugirango babe abahamya ku bantu babo.

13 Ni umunsi w'urubanza uzatandukanywa ho abantu baja mu ijuru cyangwa mu muriro.

14 Ni iki cyakumenyesha umunsi w'urubanza uburyo uzaba ukomeye?

15 Ibihano bikomeye uwo munsi bizaba ku bahakanye.

16 Ese nitwarimbuye abahakanyi bo hambere, uhereye ku bantu ba Adamu kugeza ku bantu ba Muhamad mu bihamo bamaze guhakana intumwa zabo?

17 Hanyuma tubakurikiza aba nyuma, abahakanyi ba Makka n'ababafasha igihe bahakanyaga Muhamad!?

18 Uko ni ko tugenza abantu babi.

19 Ibihano bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura.

وَمِنَ آيَاتِهِ فَاسْجُدْ لَهُ، وَسَبِّحْهُ لَيْلًا طَوِيلًا ﴿٢٦﴾ إِنَّا
هَؤُلَاءِ نَحْنُ الْعَالِمَةُ وَبِذَرُونِ وَرَاءَهُمْ يَوْمًا قَبِيلًا ﴿٢٧﴾ نَحْنُ
خَلَقْنَاهُمْ وَشَدَدْنَا أَسْرَهُمْ وَإِذَا شِئْنَا بَدَلْنَا أَمْثَلَهُمْ بَدِيلًا
﴿٢٨﴾ إِنَّ هَذِهِ نَذِيرَةٌ فَمَنْ شَاءَ اتَّخَذْ إِلَىٰ رَبِّهِ سَبِيلًا ﴿٢٩﴾
وَمَا تَشَاءُونَ إِلَّا أَنْ يَشَاءَ اللَّهُ إِنَّ اللَّهَ كَانَ عَلِيمًا حَكِيمًا ﴿٣٠﴾
يُدْخِلُ مَنْ يَشَاءُ فِي رَحْمَتِهِ وَالظَّالِمِينَ أَعَدَّ لَهُمْ عَذَابًا أَلِيمًا ﴿٣١﴾

سُورَةُ الْمُرْسَلَاتِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
وَالْمُرْسَلَاتِ عُرْفًا ﴿١﴾ فَأَلْصَقْنَ عَصْفًا ﴿٢﴾ وَالنَّشْرَاتِ نَشْرًا ﴿٣﴾
فَالْمُرْقَاتِ فَرْقًا ﴿٤﴾ فَأَلْمَقِنَاتِ ذِكْرًا ﴿٥﴾ عَذْرًا أَوْ نَذْرًا ﴿٦﴾ إِنَّمَا
تُوعَدُونَ لَوْعَةً ﴿٧﴾ فَإِذَا النَّجْمُ طُمِسَتْ ﴿٨﴾ وَإِذَا السَّمَاءُ فُرِجَتْ ﴿٩﴾
وَإِذَا الْجِبَالُ سُفِفَتْ ﴿١٠﴾ وَإِذَا الرَّسُلُ أُنْفِتَتْ ﴿١١﴾ لِأَيِّ يَوْمٍ أُخِّلَتْ
﴿١٢﴾ لِيَوْمِ الْفَصْلِ ﴿١٣﴾ وَمَا أَدْرَاكَ مَا يَوْمَ الْفَصْلِ ﴿١٤﴾ وَيَلَّ يَوْمَئِذٍ
لِّلْمُكَذِّبِينَ ﴿١٥﴾ أَلَمْ تَهْلِكِ الْأُولَىٰ ﴿١٦﴾ ثُمَّ نَدَّعِيَهُمُ الْآخِرِينَ ﴿١٧﴾
كَذَلِكَ نَفْعَلُ بِالْمُجْرِمِينَ ﴿١٨﴾ وَيَلَّ يَوْمَئِذٍ لِّلْمُكَذِّبِينَ ﴿١٩﴾

26 Na nijoro ujye usenga Imana uyubamire unayisingize mu ijoro igihe kirekire.

27 Mu by'ukuri bariya bahakanyi bakunda ubuzima bw'isi, bakirengagiza umunsi w'imperuka uremereye. Wiswe umunsi uremereye kubera ibintu bikomeye bizaba kuri uwo munsi.

28 Ni Twe twabaremye dukomeza ingingo zabo. Kandi tubishatse twabarimbura tukazana abaganduka kubarusha.

29 Mu by'ukuri uru Qor'an ni urwibutso. Ushaka yafata inzira igana kwa Nyagasani we.

30 Kandi ntimwashaka mwebwe ubwanyu gufata inzira ijya ku Mana keretse Imana ibishatse kuko ubushobozi bwose ari ubwayo. Mu by'ukuri Imana ni Umumenyi cyane, Ushishoza.

31 Imana iha uwo ishatse impuhwe zayo. Na ho abahuguza, yabateguriye ibihano bibabaza.

20 Ese ntitwabaremye mu mazi asuzuguritse ariyo intanga?

21 Tukayashyira mu gitereko gitekanye.

22 Kugeza igihe kizwi, aricyo gihe cyo gutwita amezi icyenda?

23 Tukagena ingingo ze n'imiterere ye uko tubishaka kandi ukugena kw'Imana ni kwiza.

24 Ibihano bikomeye uwo munsu bizaba ku bahinyura.

25 Ese ntitwagize isi kubabungabunga.

26 Muri bazima ndetse na nyuma yo gupfa.

27 Tukayishyiramo imisozi ihanamye tukanabaha amazi anyobwa!?

28 Ibihano bikomeye uwo munsu bizaba ku bahinyura.

29 Ngaho nimujyemu bihano mwahinyuraga.

30 Ngaho nimujye ku gicucu cy'umwotsi wa Jahanama cyigabanyijemo amashami atatu.

31 Kidatanga igicucu gikonje ntikinabakinge ubushyuhe bwa Jahanama, mubamo kugeza ibarura rirangiye.

32 Icyo gicucu kinaga ibishashi bingana n'inyubako nini.

33 Ibishashi binini bingana nk'ingamiya z'amagaju.

34 Ibihano bikomeye uwo munsu bizaba ku bahinyura.

35 Uyu ni umunsu hatazagira uvuga.

36 Nta n'ubwo bazemererwa ngo batange urwitwazo.

37 Ibihano bikomeye uwo munsu bizaba ku bahinyura.

38 Uyu ni umunsu w'urubanza hacirwa imanza ibiremwa byose hagaragare ukuri n'ikinyoma, twabakoranyijeho yemwe bahakanyi baba kurayishi ndetse n'abahakanyi bababanjirije.

39 Niba mufite amayeri ngaho nimuyankore ho.

40 Ibihano bikomeye uwo munsu bizaba ku bahinyura.

41 Mu by'ukuri abagandukira Imana bazaba mu gicucu n'imigezi myiza.

42 N'imbutu z'ubwoko bwinsi bifuza.

أَلَمْ نَخْلُقْكُمْ مِنْ مَّاءٍ مَّهِينٍ ﴿٢٠﴾ فَجَعَلْنَاهُ فِي قَرَارٍ مَكِينٍ ﴿٢١﴾ إِلَىٰ قَدَرٍ مَّعْلُومٍ ﴿٢٢﴾ فَقَدَرْنَا فَنِعْمَ الْقَادِرُونَ ﴿٢٣﴾ وَبَلِّغْ يَوْمَئِذٍ لِلْمُكَذِّبِينَ ﴿٢٤﴾ أَلَّا يَتَجَمَّلَ الْأَرْضُ كَمَا تَأْتَىٰ أَحْيَاءُ وَأَمْوَاتًا ﴿٢٦﴾ وَجَعَلْنَا فِيهَا رُوسًا شَاحِبَاتٍ وَأَسْقَيْنَاكُمْ مَاءً فُرَاتًا ﴿٢٧﴾ وَبَلِّغْ يَوْمَئِذٍ لِلْمُكَذِّبِينَ ﴿٢٨﴾ أَنْظِقُوا إِلَيَّ مَا كُنْتُمْ بِهِ تَكْدِبُونَ ﴿٢٩﴾ أَنْظِقُوا إِلَيَّ ظَلِيلٍ ذِي ثَلَاثِ شُعَبٍ ﴿٣٠﴾ لَا ظَلِيلٍ وَلَا يُغْنِي مِنَ اللَّهِيبِ ﴿٣١﴾ إِنَّمَا تَرْمِي بِشَرِّرٍ كَالْقَصْرِ ﴿٣٢﴾ كَأَنَّهُ جُمَلَةٌ صُفْرٌ ﴿٣٣﴾ وَبَلِّغْ يَوْمَئِذٍ لِلْمُكَذِّبِينَ ﴿٣٤﴾ هَذَا يَوْمٌ لَا يَنْطِقُونَ ﴿٣٥﴾ وَلَا يُؤْذَنُ لَهُمْ فَيَعْدِرُونَ ﴿٣٦﴾ وَبَلِّغْ يَوْمَئِذٍ لِلْمُكَذِّبِينَ ﴿٣٧﴾ هَذَا يَوْمُ الْفَصْلِ جَمَعْنَاكُمْ وَالْأُولَىٰ لَئِن كَانَتْ لَكُمْ كَيْدٌ فَكِيدُونَ ﴿٣٨﴾ وَبَلِّغْ يَوْمَئِذٍ لِلْمُكَذِّبِينَ ﴿٤٠﴾ إِنَّ الْمُنْفِقِينَ فِي ظُلُلٍ وَعِيبُونَ ﴿٤١﴾ وَفُورِكَهٖ مِمَّا يَشْتَهُونَ ﴿٤٢﴾ كَلُوا وَأَشْرَبُوا هَنِيئًا بِمَا كُنْتُمْ تَعْمَلُونَ ﴿٤٣﴾ إِنَّا كَذَلِكَ نَجْزِي الْحَسِينَاتِ ﴿٤٤﴾ وَبَلِّغْ يَوْمَئِذٍ لِلْمُكَذِّبِينَ ﴿٤٥﴾ كَلُوا وَتَمَنَّوْا قَلِيلًا إِنَّكُمْ تُجْرَمُونَ ﴿٤٦﴾ وَبَلِّغْ يَوْمَئِذٍ لِلْمُكَذِّبِينَ ﴿٤٧﴾ وَإِذَا قِيلَ لَهُمْ ارْكَعُوا لَا يَرْكَعُونَ ﴿٤٨﴾ وَبَلِّغْ يَوْمَئِذٍ لِلْمُكَذِّبِينَ ﴿٤٩﴾ فَيَأْتِي حَدِيثٌ بَعْدَهُ يُؤْمِنُونَ ﴿٥٠﴾

43 Nimurye, munanywe, muryoherwe kubera ibyo mwakoraga.

44 Mukuri uko ni ko twe duhemba abagiraneza.

45 Ibihano bikomeye uwo munsu bizaba ku bahinyura.

46 Ngaho nimurye, mwishime gake kuko mwe muri inkozi z'ibibi. Abahakanyi bazabwirwa ibyo ku isi.

47 Ibihano bikomeye uwo munsu bizaba ku bahinyura.

48 N' iyo bategeswe gusenga ntibasenga.

49 Ibihano bikomeye uwo munsu, bizaba kubahinyura.

50 Ese ni ikihe kiganiro nyuma ya Qor'an bazemera niba batayemera?

سُورَةُ النَّبَاِ

بِسْمِ اللّٰهِ الرَّحْمٰنِ الرَّحِیْمِ

عَمَّ يَسْأَلُونَ ﴿١﴾ عَنِ النَّبَاِ الْعَظِيْمِ ﴿٢﴾ الَّذِي هُمْ فِيْهِ مُخْتَلِفُونَ ﴿٣﴾
 كَلَّا سِعَامُونَ ﴿٤﴾ ثَمَّ كَلَّا سِعَامُونَ ﴿٥﴾ اَلَمْ نَجْعَلِ الْاَرْضَ مَهْدًا ﴿٦﴾
 وَالْجِبَالَ اَوْتَادًا ﴿٧﴾ وَخَلَقْنَاكُمْ اَزْوَاجًا ﴿٨﴾ وَجَعَلْنَا نَوْمَكُمْ سُبَاتًا ﴿٩﴾
 وَجَعَلْنَا اللَّيْلَ لِيَاسًا ﴿١٠﴾ وَجَعَلْنَا النَّهَارَ مَعَاشًا ﴿١١﴾ وَبَدَّلْنَا
 فَوْقَكُمْ سَبْعًا شِدَادًا ﴿١٢﴾ وَجَعَلْنَا سِرَاجًا وَهَاجًا ﴿١٣﴾ وَاَنْزَلْنَا
 مِنَ الْمُعْصِرَاتِ مَاءً ثَمَّاجًا ﴿١٤﴾ لِنُخْرِجَ بِهِ حَبًّا وَنَبَاتًا ﴿١٥﴾ وَجَعَلْنَا
 الْاَنْفَاقَ ﴿١٦﴾ اِنَّ يَوْمَ الْفَصْلِ كَانَ مِيقَاتًا ﴿١٧﴾ يَوْمَ يُفْخَخُ فِي الصُّورِ
 فَنَاتُونَ اَفْوَاجًا ﴿١٨﴾ وَفُجِحَتِ السَّمَاءُ فَكَانَتْ اُتُوْبًا ﴿١٩﴾ وَسُرِيتِ
 الْجِبَالُ فَكَانَتْ سَرَابًا ﴿٢٠﴾ اِنَّ جَهَنَّمَ كَانَتْ مِرْصَادًا ﴿٢١﴾ لِلطَّٰغِيْنَ
 مَثَابًا ﴿٢٢﴾ الَّذِيْنَ فِيْهَا اَحْقَابًا ﴿٢٣﴾ لَا يَدْخُلُوْنَ فِيْهَا بَرْدًا وَلَا شَرَابًا ﴿٢٤﴾
 اِلَّا اَلْحَمِيْمًا وَغَسَاقًا ﴿٢٥﴾ جَزَاءً وِفَاقًا ﴿٢٦﴾ اِنَّهُمْ كَانُوْا
 لَا يَرْجُوْنَ حِسَابًا ﴿٢٧﴾ وَكَذَّبُوْا بِآيَاتِنَا كِذَابًا ﴿٢٨﴾ وَكُلُّ شَيْءٍ
 اَخْصَيْنَاهُ كِتَابًا ﴿٢٩﴾ فَذُقُوْا فَلَنْ نَّرِيْدَكُمْ اِلَّا اَعْدَابًا ﴿٣٠﴾

Surat A Nabau: Inkuru.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 40.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ni iyihe nkuru babazanyaho? Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) amaze gutumwa yababwiye kugaragira Imana n'izuka nyuma yo gupfa, abasomera Qor'an batangira kubazanya ubwabo bavuga bati: Niki cyabaye kuri Muhamad ? Niki yazanye? Nuko Imana imanura uyu murongo.

2 Ku nkuru ihambaye, ariyo Qor'an ihambaye kuko ivuga kukugaragira Imana n'ukuri kw'Intumwa Muhamad no kuba hazabaho izuka.

3 Yo batavugaho rumwe. Qor'an ntubayivuze ho rumwe, bamwe bavuga ko ari uburozi, abandi bati: N'ibisigo, abandi bati: Ni amagambo y'abapfumu, abandi bati: Ni nkuru z'abakera.

4 Oya! Ahubwo bazamenya iherezo ry'ubuhakanyi bwabo.

5 Hanyuma kandi Sibyo! Ahubwo bazamenya iherezo ry'ubuhakanyi bwabo.

6 Ese isi ntitwayigize isaso.

7 N'imisozi tukayigira imambo z'isi kugirango idahubangana.

8 Tukabarema muri ibitsina byombi.

9 Tukagira ibitotsi byanyu ikiruhuko muhagarikaho imirimo yanyu.

10 Tukagira ijoro kuba nk'umwambaro wanyu.

11 Tukagira amanywa umucyo kugirango mugendagende mushakisha amafunguro Imana yabageneye.

12 Tukubaka hejuru yanyu ibirere birindwi bitunganye kandi bikomeye.

13 Tukarema izuba ritanga urumuri n'ubushyuhe.

14 Tukanamanura mu bicu bibogaboga amazi yisuka cyane.

15 Kugira ngo tumeze imyaka n'ibindi bimera.

16 N'imirima y'inzitane.

17 Mu by'ukuri umunsi w'urubanza n'igihe ntarengwa kuba mbere n'abanyuma bazahabwaho ibyo basezeranyijwe mu bihembo n'ibihano kumperuka. Wiswe umunsi w'urubanza kuko Imana izacaho imanza zibiremwa byayo.

18 Umunsi Malayika Israfil azavuzza impanda, mukaza k'urubuga rw'ibarura muri amatsinda.

19 Ikirere kigakingurwa mo imiryango myinshi kubera kumanuka Abamalayika.

20 Imisozi ikarimburwa ikava mu mwanya wayo ikaba ivumbi ritumuka.

21 Mu by'ukuri abarinzi ba Jahanama barekereje abahakanyi kugirango babahane.

22 Jahanama ku bigometse ni ishyikiro ribi.

23 Bazayibamo imyaka yose.

24 Ntibazasogongeramo ubukonje cyangwa ikinyobwa.

25 Uretse amazi yatuye n'amashyira ava mu mbiri y'abo mu muriro.

26 icyo nicyo gihembo gikwiye.

27 Koko bo ntibemeraga ibihembo cyangwa ngo batinye ibarura kuko batemeraga izuka.

28 Kandi bahinyuraga amagambo yacu Qor'an cyane.

29 Kandi buri kintu twacyanditse ku rubaho rurinzwe.

30 Ngaho nimusogongere, kuko nta kindi twabongerera usibye ibihano.

31 Mu by'ukuri abagandukira Imana bazagira ugutsinda no kurokoka umuriro.

32 Ubusitani bw'imbuto n'imizabibu.

33 N'abakobwa b'inkumi z'urungano.

34 N'ikirahuri cyuzuye inzoga iryoshye.

35 Ntibumva mu ijuru amangambo adahwiswe cyangwa kubeshyana ubwabo ku bwabo.

36 Igihembo giturutse kwa Nyagasani wawe mubyo yabasezeranyije ko icyiza kimwe gihemberwa ibyiza icumi, abandi akabasezeranya kubaturirira kugeza kuri Magana arindwi, abandi akabasezeranya ibihembo bitagira umubare.

37 Nyagasani w'amajuru n'isi n'ibiri hagati yabyo, Nyirimpuhwe, ntaburenganzira bafite byo kubanza kumuvugisha keretse abahaye uburenganzira, ntibazanashobora kugira uwo bakorera ubuvugizi atabahaye uburenganzira.

38 Umunsi Malayika Jibril n'abandi ba malayika bazahagarara ku murongo, batavuga keretse uwo Nyirimpuhwe yahaye uburenganzira bwo kugira uwo bakorera ubuvugizi, kandi nabwo akaba mu bantu bavuze ubuhumya ku Isi.

39 Uwo munsi w'imperuka ni umunsi w'ukuri ushatse yateganya iherezo ryiza kwa Nyagasani we.

40 Mu by'ukuri Twe, twababuriye ibihano byegereje. Umunsi umuntu azabona ibyo yakoze ibyiza cyangwa ibibi, umuhakanyi azavuga ati: Iyaba nabaga igitaka kubera ibihano abona Imana yamuteganyirije.

Surat A Naziat: Abashikanuza.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 46.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Imana irarahira Abamalayika bakura Roho z'abantu mu mibiri yabo nkuko umuntu ukurura umuheto kugirango awugeze kumpera, abo bamalayika bagera kure mu gushikanuza.

2 N'Abamalayika bafata roho z'abemera mwituze.

3 N'Abamalayika bogoga ikirere bihuta bamanukanye ubutumwa.

4 N'Abamalayika batanguranwa kubahiriza itegeko ry'Imana, ndetse bihutisha roho z'abemera bazijyana mu ijuru.

5 N'Abamalayika bashinzwe bagenza gahunda z'isi, bamanura ibiziruye n'ibiziririje no kubisobanura no kugenza ibihe ku isi nk'imiyaga imvura n'ibindi.

6 Umunsi isi izatigita ariwo munsi impanda ya mbere izavuga ibiremwa byose bigapfa.

إِنَّ لِلْمُتَّقِينَ مَفَازًا ۖ حَدَائِقَ وَأَعْنَابًا ۖ وَكَوَاعِبَ أَزْوَاجًا ۖ وَأَسَا

دِهًا قَالًا ۖ لَا يَسْمَعُونَ فِيهَا لَغْوًا وَلَا كِدًّا ۖ بَأْسًا ۖ جَزَاءً مِمَّنْ رَبِّكَ عَطَاءً

حِسَابًا ۖ رَبِّ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ وَمَا بَيْنَهُمَا الرَّحْمَنُ لَا يَمْلِكُونَ

مِنَهُ خِطَابًا ۖ يَوْمَ يَقُومُ الرُّوحُ وَالْمَلَائِكَةُ صَفًّا ۖ لَا يَتَكَلَّمُونَ

إِلَّا مَن أذِنَ لَهُ الرَّحْمَنُ وَقَالَ صَوَابًا ۖ ذَلِكَ الْيَوْمُ الْحَقُّ ۖ فَمَن

شَاءَ اتَّخَذْ إِلَىٰ رَبِّهِ مَثَابًا ۖ إِنَّا أَنْزَرْنَاهُ عَلَيْكَ قَرِيبًا ۖ يَوْمَ

يَنْظُرُ الْمَرْءُ مَا قَدَّمَتْ يَدَاهُ وَيَقُولُ الْكَافِرُ بَلَيْتَنِي كُنتُ تُرَابًا ۖ

سُورَةُ النَّازِعَاتِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَالنَّازِعَاتِ غَرْاقًا ۖ وَالنَّشِيطَاتِ تَشَاطُفًا ۖ وَالسَّيِّدَاتِ سَعْبًا

ۖ فَالْسَّيِّدَاتِ سَعْبًا ۖ فَالْمُدَبِّرَاتِ أَمْرًا ۖ يَوْمَ تَرْجُفُ الرَّاجِفَةُ

ۖ تَتَّبِعُهَا الرَّادِفَةُ ۖ فُلُوبٌ يَوْمَئِذٍ وَاجِفَةٌ ۖ أَبْصَرُهَا

خَشِيعَةٌ ۖ يَقُولُونَ أَيُّنَا الْمَرْدُودُونَ فِي الْحَافِرَةِ ۖ أَيُّ ذَا كُنَّا

عِظَامًا تَحْرَهُ ۖ قَالُوا تِلْكَ إِذًا كَرَّةٌ خَاسِرَةٌ ۖ فإِنَّمَا هِيَ زَجْرَةٌ

وَأَجْدَةٌ ۖ فَإِذَا هُمْ بِالسَّاهِرَةِ ۖ هَلْ أُنثِيَكَ حَدِيثُ مُوسَىٰ ۖ

7 Ugakurikirwa n'undi mutigito kumpanda ya kabiri ariho ibiremwa byose bizazuka.

8 Imitima kuri uwo munsi izaba ishya ubwoba kubera ibintu bihambaye ibona.

9 Amaso yazo aciye bugufi kubera ibintu bikomeye by'umunsi w'imperuka ayo ni amaso ya roho z'abapfuye atari abayislamu.

10 Abahakana izuka baravuga bati: Ese dushobora kuzuka tukongera kuba bazima nkuko twari tumeze mbere nyuma yo kujya mu mva?

11 Nitumara kuba amagufa ahangutse!?

12 Baravuga bati: Nitugaruka nyuma yo gupfa tuzahomba ibyo Muhamad avuga ko tuzabona.

13 Rwose hazaba urusaku rumwe, ariyo mpanda ya kabiri izabaho izuka.

14 Ubwo babe k'ubutaka, bavugako ari ubutaka bwera Imana izazana ikabaruriraho ibiremwa byayo.

15 Ese inkuru ya Musa yaba yakugezeho?

16 Ubwo Nyagasani we yamuhamagaraga mu kibaya gitagatifu cya Tuwaa? (Ikibaya



إِذْ نَادَاهُ رَبُّهُ بِاللَّوَادِ الْمَقْدِسِ طُوًى ﴿١٦﴾ أَذْهَبَ إِلَى فِرْعَوْنَ إِنَّهُ طَغَى ﴿١٧﴾
 فَقَالَ هَلْ لَكَ إِلَهٌ إِلَّا أَنْ تَرْكَبَ ﴿١٨﴾ وَأَهْدِيكَ إِلَى رِبِّكَ فَنَخْسَى ﴿١٩﴾ فَأَرَاهُ
 آيَةَ الْكُبْرَى ﴿٢٠﴾ فَكَذَّبَ وَعَصَى ﴿٢١﴾ ثُمَّ أَذْبَرَ سَعْيَ ﴿٢٢﴾ فَحَشَرَ
 فَنَادَى ﴿٢٣﴾ فَقَالَ أَنَا رَبُّكُمُ الْأَعْلَى ﴿٢٤﴾ فَأَخَذَهُ اللَّهُ نَكَالَ الْآخِرَةِ وَالْأُولَى ﴿٢٥﴾
 إِنَّ فِي ذَلِكَ لَعِبْرَةً لِمَنْ يَخْشَى ﴿٢٦﴾ ءَأَنْتُمْ أَشَدُّ خَلْقًا أَمِ السَّمَاءُ بَنَاهَا ﴿٢٧﴾
 رَفَعَ سَمْعَهَا فَسَوَّاهَا ﴿٢٨﴾ وَأَغْطَشَ لَيْلَهَا وَأَخْرَجَ ضُحَاهَا ﴿٢٩﴾
 وَالْأَرْضَ بَعْدَ ذَلِكَ دَحَاهَا ﴿٣٠﴾ أَخْرَجَ مِنْهَا مَاءَهَا وَمَرْعَاهَا ﴿٣١﴾
 وَالْجِبَالَ أَرْسَاهَا ﴿٣٢﴾ مَنَّاعًا لَكُمْ وَلَا تُعْمِكُمْ ﴿٣٣﴾ إِذَا جَاءَتْ رِطَابًا مَلَّامَةٌ
 الْكُبْرَى ﴿٣٤﴾ يَوْمَ يَتَذَكَّرُ الْإِنْسَانُ مَا سَعَى ﴿٣٥﴾ وَبُرِزَتِ الْجَحِيمُ
 لِمَنْ بَرَى ﴿٣٦﴾ فَأَمَّا مَنْ طَغَى ﴿٣٧﴾ وَءَاتَى الْحَيَاةَ الدُّنْيَا ﴿٣٨﴾ فَإِنَّ الْجَحِيمَ
 هِيَ الْمَأْوَى ﴿٣٩﴾ وَأَمَّا مَنْ خَافَ مَقَامَ رَبِّهِ وَنَهَى النَّفْسَ عَنِ الْهَوَىٰ ﴿٤٠﴾
 فَإِنَّ الْجَنَّةَ هِيَ الْمَأْوَى ﴿٤١﴾ يَسْتَلُونَكَ عَنِ السَّاعَةِ أَيَّانَ مُرْسَاهَا ﴿٤٢﴾
 فِيمَ أَنْتَ مِنْ ذِكْرِهَا ﴿٤٣﴾ إِلَىٰ رَبِّكَ مِنْهَا ﴿٤٤﴾ إِنَّمَا أَنْتَ مُنذِرٌ
 مَنْ يَخْشَاهَا ﴿٤٥﴾ كَانَتْهُمْ يَوْمَ يُؤْتَوْنَهَا لَمْ يَلْبَسُوا إِلَّا عَشِيَّةً أَوْ ضُحَاهَا ﴿٤٦﴾

سُورَةُ عَبَسَ ﴿٨٠﴾ يَا أَيُّهَا ٤٢

cy'umusozi wa Sinayi aho Imana yahamagariye Musa).

17) Ikamubwira iti: Jya kwa Farawo kuko yarigometse.

18) Umubwire uti: Ese ushobora kwiyeza ukareka ibangikanya?

19) Kandi ndakuyobora kugandukira Nyagasani wawe, ukanatinya ibihano bye?

20) Amwereka igitangaza gihambaye, aricyo Inkoni cyangwa ukuboko.

21) Nuko Farawo ahinyura icyo gitangaza anigomeka kuri Mussa.

22) Maze yanga kuyoboka ukuri agutera umugongo, akomeza gukora ubwononnyi ku isi agerageza guhinyuza ibyo Mussa azanye.

23) Akoranya abarozzi kugirango bahangane na Mussa anakoranya abantu ngo bakurikirane, arangurura ijwi.

24) Aravuga ati: Ni jye Nyagasani wanyu w'ikirenga.

25) Maze Imana imuhana igihano cya nyuma umuriro wa Jahanama, n'icya mbere cyo kurohama mu Nyanja ngo azabe icyitegererezo k'uzumva inkuru ye.

26) Mu by'ukuri muri ibyo hari isomo ku batinya Imana.

27) Ese kongera kubarema nyuma yo gupfa kwanyu no kubazura nibyo bikomeye kuri mwe cyangwa ijuru twubutse rihambaye kandi ritangaje?

28) Yazamuye umubyimba w'ijuru hejuru y'isi, maze araritunganya kuburyo nta kosa cyangwa kugorama uko ariko kose kurimo.

29) Ijoro ryaryo arigira umwijima, azana umucyo waryo mu kuvusha izuba.

30) Maze nyuma yo kurema ijuru Isi nayoy arayisasa.

31) Asatura muriyo inzuzi n'imigezi ndetse amezaho n'inzuri z'amatungo.

32) N'imisozi arayishimangira iba nk'imambo z'Isi kugirango idahungabana.

33) Kugira ngo munezerwe mwebwe ubwanyu ndetse n'amatungo yanyu.

34) Ubwo ishyano rikomeye rizaza (kuvuzwa kw'impanda ya kabiri), abashyirwa mu ijuru bagashyirwa mo n'abashyirwa mu muriro bagashyirwa mo.

35) Ni umunsi umuntu azibuka ibyo yakoze byose.

36) N'umuriro wa Jahanama ukagaragarizwa buri wese.

37) Naho uwarengeje urugero mu buhakanyi no kwigomeka.

38) Ubuzima bw'Isi akaburutisha ubwanyuma.

39) Mu by'ukuri mu muriro wa Jahanama niho hazaba ubuturo bwe.

40) Naho uwatinye igihagararo cye imbere ya Nyagasani we ku munsi w'imperuka, akanarinda umutima we kurarikira ibyaziririjwe.

41) Rwose uwo ijuru niryo rizaba ubuturo bwe.

42) Barakubaza kubyerekeye imperuka igihe izazira.

43) Nta bumenyi ufite bwo kuyimenya no kugira icyo uyivugaho, bufitwe n'Imana yonyine.

44) Ubumenyi bwayo bugarukiye kwa Nyagasani wawe, nta wundi ubufite uretse we gusa.

45) Wowe nta kindi ushinzwe uretse gusa kuburira utinya imperuka.

46) Umunsi bazabona imperuka bazamera nkababayeho ijoro rimwe cyangwa igitondo cyaryo.



سُورَةُ التَّكْوِيْنِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

إِذَا الشَّمْسُ كُوِّرَتْ ۝١ وَإِذَا النُّجُومُ انْكَدَرَتْ ۝٢ وَإِذَا الْجِبَالُ
سَيْرَتْ ۝٣ وَإِذَا الْعِشَارُ عُطِّلَتْ ۝٤ وَإِذَا الْوُحُوشُ حُشِرَتْ
۝٥ وَإِذَا الْبِحَارُ سُجِّرَتْ ۝٦ وَإِذَا النُّفُوسُ زُوِّجَتْ ۝٧ وَإِذَا
الْمَوءُ دَسَّ سِيلَتْ ۝٨ يَا أَيُّ ذُنُوبِ قَبْلَتْ ۝٩ وَإِذَا الصُّحُفُ نُشِرَتْ
۝١٠ وَإِذَا السَّمَاءُ كُشِطَتْ ۝١١ وَإِذَا الْجَحِيمُ سُعِرَتْ ۝١٢ وَإِذَا الْجَنَّةُ
أُزْلِفَتْ ۝١٣ عَلِمَتْ نَفْسٌ مَّا أَحْضَرَتْ ۝١٤ فَلَا أَقِيمُ بِالْخَنِيسِ ۝١٥
الْجَوَارِ الْكُنَّسِ ۝١٦ وَاللَّيْلُ إِذَا عَسَّسَ ۝١٧ وَالصُّبْحُ إِذَا تَنَفَّسَ ۝١٨
إِنَّهُ لَقَوْلُ رَسُولٍ كَرِيمٍ ۝١٩ ذِي قُوَّةٍ عِنْدَ ذِي الْعَرْشِ مَكِينٍ ۝٢٠ مُطَاعٍ
تَمَّ أَمِينٍ ۝٢١ وَمَا صَاحِبُكُمْ بِمَجْنُونٍ ۝٢٢ وَقَدْ رَآهُ بِالْأَفْئِ الْمِيْنِ
۝٢٣ وَمَا هُوَ عَلَى الْعَيْبِ بِضَنِينٍ ۝٢٤ وَمَا هُوَ بِقَوْلِ شَيْطَانٍ رَجِيمٍ ۝٢٥
فَأَن تَدَّهُونَ ۝٢٦ إِنَّ هُوَ إِلَّا ذِكْرٌ لِلْعَالَمِينَ ۝٢٧ لِمَن شَاءَ مِنكُمْ أَن
يَسْتَقِيمَ ۝٢٨ وَمَا تَشَاءُونَ إِلَّا أَن يَشَاءَ اللَّهُ رَبُّ الْعَالَمِينَ ۝٢٩

سُورَةُ الْاِنْفِطَارِ

- 3) Ubwo imisozi izatumuka ikaba umukungugu.
- 4) Ubwo ingamiya z'ihaka zizajugunywa nta mushumba, kuvuga ingamiya zihaka n'uko izo ngamiya ari umutungo ukomeye mu barabu, zizajugunywa rero kubera ibintu bikomeye bazaba babonye.
- 5) Ubwo inyamaswa zizakoranywa zizurwa kugirango iyahohotewe y'ihorere.
- 6) Ubwo inyanja zizacanirwa zikatura.
- 7) Ubwo imitima y'abemera izahuzwa n'iyabagore bo mu ijuru, naho imitima y'abahakanyi igahuzwa n'amashitani, Al Hasan yaravuze ati: (Buri bwoko buzahuzwa n'ubwabwo, umuyahudi n'undi, umukristu n'undi, umumajusi n'undi, indyarya n'indi, n'umwemera k'umwemera).
- 8) Ubwo abakobwa bahambwe ari bazima bazabazwa, Iyo mu barabu hagiraga ubyara umwana w'umukobwa yamuhambaga ari muzima kubera gutinya urubwa cyangwa ubukene, bityo iyi mvugo irakabukira uwamwishe ko azamubazwa kuko yishwe nta kosa yakoze.
- 9) Ni ikihe cyaha biciwe ?
- 10) Ubwo ibitabo by'ibikorwa bizatangwa kubera ibarura.
- 11) Ubwo ikirere kizasenywa kikavanwaho.
- 12) Ubwo umuriro wa Jahim izenyegezwa kubera uburakari bw'Imana n'ibyaha by'abantu.
- 13) Ubwo Ijuru rizigizwa hafi y'abagandukiramana, bavugako ibi bintu cumin a bibiri, bitandatu byo kw'isi biri mu ntangiriro y'isura kugeza kw'ijambo ry'Imana rigira riti: "Ubwo inyanja zizacanirwa zikatura", na bitandatu ku mperuka aribyo: "Ubwo imitima y'abemera izahuzwa n'iyabagore bo mu ijuru, naho imitima y'abahakanyi igahuzwa n'amashitani" kugeza kuri "Ubwo Ijuru rizigizwa hafi y'abagandukiramana"
- 14) Umuntu azamenya ibyo yakoze ibibi n'ibyiza, igihe ibitabo by'ibikorwa bizatangwa.
- 15) Ndahiye inyenyeri zihisha, Imana irarahira inyenyeri zihisha ku manywa zikikinga muni y'urumuri rw'izuba ntizigaragare.
- 16) Zirukanka mu nzira zazo zikihisha mu gihe cyo kurenga.
- 17) Ndahiye ijoro iyo riguye.
- 18) Ndahiye n'igitondo iyo gikeye.
- 19) Mu by'ukuri Qor'an, ni ijambo ry'intumwa yubahitse, Jibril kuko ariwe wayimanuye ayikuye ku Mana ayigeze ku Intumwa Muhamad.

- 34) Umunsi umuntu azahunga umuvandimwe we.
- 35) 36) Na nyina na SeUmugore we n'abana be. abo bose ni abo hafi cyene y'umuntu agirira urukundo n'impuhwe kubahunga rero biterwa n'ibintu gihambaye kandi gikaze.
- 37) Buri muntu muri bo uwo munsi, azaba afite ibibazo bimuhugije, bituma atita k'umuryango we anawuhunga adashaka ko babona ibibazo arimo.
- 38) Bumwe m'uburanga kuri uwo munsi buzaba bwererana bukeye.
- 39) Bumwenyura kandi bwishimye.
- 40) N'ubundi buranga uwo munsi buzaba bufite umukungugu.
- 41) Burengewe n'umwijima n'ingorane.
- 42) Banyiri ubwo buranga nibo bahakanyi babanyakinyoma.

Surat ATak'wir: Kuzinga

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 29.
Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.
 1) Ubwo izuba rizazingwa rikaba umubumbe.
 2) Ubwo inyenyeri zizahunguka, cyangwa urumuri rwazo rukazima.

20 Afite agaciro gahambaye n'umwanya ukomeye ku Mana Nyiri Ntebe y'icyubahiro.

21 Yumvirwa n'abamalayika bakanamwiyambaza, ni umwizerwa k'ubwo yahishuriwe n'ibindi.

22 Mugenzi wanyu si umusazi, Imana yavuze ko ari mugenzi wabo kuko bazi ibye neza ko ari umunyabwenge kurusha bese akaba anuzuye kubaruta.

23 Rwose Muhamad yabonye Jibril mu kirere gikuye afite amababa Magana atandatu, Mujahidi yaravuze ati: yamubonye mucyerekezo cya Ajiyad muburasirazuba bwa Makka.

24 Kandi Muhamad ntabwo agira ubugugu bwo kuvuga ibyo yahishuriwe ahubwo yigisha abantu amagambo y'Imana n'amategeko yayo.

25 Kandi Qor'an si amagambo ya Shitani wavumye yiba amagambo igaterwa ibishyitsi by'umuriro.

26 Ese ni yihe nzira mugana mo isobanutse kuruta iyo nabasobanuriye?

27 Qor'an si ikindi ahubwo ni inyigisho n'urwibutso ku biremwa byose.

28 K'ushaka muri mwe kugororoka.

29 Kandi ntimwashaka kugororoka ubwanyu nta nubwo mwanabishobora keretse Nyagasani w'ibiremwa abishatse.

Surat Al In'fitwar:

Ugusatagurika.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 19.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubwo ikirere kizasatagurika abamalayika bamanuka.

2 Ubwo inyenyeri zizahunguka zigatatana.

3 Ubwo inyanja zizaturika nk'ikirunga ibyo ni mbere y'imperuka.

4 Ubwo imva zizatererwa hejuru, abapfuye bakavamo.

5 Umuntu azamenya ibyo yakoze mbere n'ibyo yakoze nyuma, igihe ibitabo by'ibikorwa bizatangwa.

6 Yewe muntu ni iki cyagushutse kigatuma uhakana Nyagasani wawe w'icyubahiro.

7 We wakuremye agukomoye mu ntanga utariho akagutunganya ukaba umuntu wumva, ubona kandi ufite ubwenge akakuringaniza akaguha ishusho nziza n'ingingo zawe akaziringaniza zigatungana?

8 Akurema mu ishusho yashatse mu mashusho atandukanye, kandi ntabwo wahisemo ishusho uremwa mo wowe ubwawe.

9 Sibyo! Ahubwo murahinyura umunsi w'imperuka.

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

إِذَا السَّمَاءُ انْفَطَرَتْ ۝ وَإِذَا الْكَوَاكِبُ انْتَرَتْ ۝ وَإِذَا الْبِحَارُ

فُجِرَتْ ۝ وَإِذَا الْقُبُورُ بُعِثَتْ ۝ عَلِمَتْ نَفْسٌ مَّا قَدَّمَتْ

وَأَخَّرَتْ ۝ يَأْتِيهَا الْإِنْسَانُ مَا عَرَكَ بِرَبِّكَ الْكَرِيمِ ۝ الَّذِي

خَلَقَكَ فَسَوَّدَكَ فَعَدَلَكَ ۝ فِي أَيِّ صُورَةٍ مَّا شَاءَ رَكَّبَكَ ۝

كَلَّا بَلْ تُكَذِّبُونَ بِالَّذِينَ ۝ وَإِن عَلَيَّكُمْ لِحَافِظِينَ ۝ كِرَامًا

كُنِينِ ۝ يَعْمُونَ مَا تَفْعَلُونَ ۝ إِن لَّا بَرَّارَ لِي نَعِيمِ ۝ وَإِنَّ

الْفَجَّارَ لَفِي حَيْمِ ۝ يَصْلَوْنَهَا يَوْمَ الَّذِينَ ۝ وَمَاهُمْ عَنْهَا يَعْبِئِينَ

۝ وَمَا أَدْرَاكَ مَا يَوْمَ الَّذِينَ ۝ ثُمَّ مَّا أَدْرَاكَ مَا يَوْمَ الَّذِينَ

۝ يَوْمَ لَا تَمْلِكُ نَفْسٌ لِنَفْسٍ سَيِّئًا وَلَا لِمُرٍّ يَوْمِئِذٍ لِلَّهِ ۝

سُورَةُ الْمُطَفِّفِينَ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَيْلٌ لِّلْمُطَفِّفِينَ ۝ الَّذِينَ إِذَا أَكَلُوا عَلَى النَّاسِ يَسْتَوْفُونَ ۝

وَإِذَا كَالُوهُمْ أَوْ وُزِنُوهُمْ يُخْسِرُونَ ۝ أَلَا يَظُنُّ أُولَئِكَ أَنَّهُمْ

مَبْعُوثُونَ ۝ لِيَوْمٍ عَظِيمٍ ۝ يَوْمَ يَقُومُ النَّاسُ لِرَبِّ الْعَالَمِينَ ۝

10 Kandi mukuri mufite abagenzuzi, Abamalayika bagenzura ibikorwa byanyu.

11 Bubashywe kandi bandika ibikorwa byanyu.

12 Bazi ibyo mukora, aravuga ati: Muhakana umunsi w'imperuka n'abamalayika ni abagenzuzi kuri mwe bandika ibikorwa byanyu n'amagambo yanyu k'uburyo muzabibarurirwa ku munsi w'imperuka.

13 Mu by'ukuri intungane zizashyirwa mu nema.

14 Na ho abangizi bazaba mu muriro wa Jahim.

15 Bazawinjira mo ku munsi w'ibihembo.

16 Kandi ntibazawuva mo bazawubamo iteka ryose.

17 Ni iki cyakumenyesha umunsi w'ibihembo?

18 Hanyuma kandi ni iki cyakumenyesha umunsi w'ibihembo, Imana yasubiye muri iyi mvugo bwa kabiri kubera ubuhambare bwawo?

19 Ni umunsi umuntu atazagira ikintu amarira undi. Itegeko ryose kuri uwo munsi rizaba iry'Imana. Nta muntu azaba afite ubushobozi nk'ubwo yari afite ku isi.



كَلَّا إِنَّ كِتَابَ الْفَجَارِ لَفِي سَعِيرٍ ﴿٧﴾ وَمَا أَدْرَاكَ مَا سَعِيرٌ ﴿٨﴾ كِتَابٌ مَّرْقُومٌ ﴿٩﴾ وَيَلُّ يَوْمَئِذٍ لِّلْمُكَذِّبِينَ ﴿١٠﴾ الَّذِينَ يَكْذِبُونَ يَوْمَ الَّذِينَ ﴿١١﴾ وَمَا يَكْذِبُ بِهِ إِلَّا كَلٌّ مَعْدٍ أَنبِيَةٍ ﴿١٢﴾ إِذْ أَنزَلْنَاهُ عَلَيْهَا أَنزِنَا فَآلَ أَطْطِيرُ الْأَوْلَادِ ﴿١٣﴾ كَلَّا بَلْ رَانَ عَلَى قُلُوبِهِمْ مَا كَانُوا يَكْسِبُونَ ﴿١٤﴾ كَلَّا إِنَّهُمْ عَنْ رَبِّهِمْ يَوْمَئِذٍ لَمَّحُجُونَ ﴿١٥﴾ ثُمَّ إِنَّهُمْ لَصَالُوا الْجَحِيمِ ﴿١٦﴾ ثُمَّ يُقَالُ هَذَا الَّذِي كُنْتُمْ بِدِينِكُمْ كَذِبُونَ ﴿١٧﴾ كَلَّا إِنَّ كِتَابَ الْأَبْرَارِ لَفِي عِلِّيَّينَ ﴿١٨﴾ وَمَا أَدْرَاكَ مَا عِلِّيَّونَ ﴿١٩﴾ كِتَابٌ مَّرْقُومٌ ﴿٢٠﴾ يَشْهَدُهُ الْمُقَرَّبُونَ ﴿٢١﴾ إِنَّ الْأَبْرَارَ لَفِي نَعِيمٍ ﴿٢٢﴾ عَلَى الْأَرَاكِ يَنْظُرُونَ ﴿٢٣﴾ تَعْرِفُ فِي وُجُوهِهِمْ نَضْرَةَ النَّعِيمِ ﴿٢٤﴾ يُسْقَوْنَ مِنْ رَحِيقٍ مَّحْحُومٍ ﴿٢٥﴾ خِتَمُهُمْ مَسْكٌ وَفِي ذَٰلِكَ فَلَيْتَنَا فِسَّ الْمُؤْمِنِينَ ﴿٢٦﴾ وَمَرَّاجُهُ مِنْ تَسْنِيمٍ ﴿٢٧﴾ عَيْنًا يَشْرَبُ بِهَا الْمُقَرَّبُونَ ﴿٢٨﴾ إِنَّ الَّذِينَ أَجْرَمُوا كَانُوا مِنَ الَّذِينَ ءَامَنُوا يَضْحَكُونَ ﴿٢٩﴾ وَإِذْ أَمَرُوا بِهِنَّ يَنْغَامِرُونَ ﴿٣٠﴾ وَإِذَا انْقَلَبُوا إِلَىٰ أَهْلِهِمْ انْقَلَبُوا فَكِهِينَ ﴿٣١﴾ وَإِذَا رَأَوْهُمْ قَالُوا إِنَّ هَٰؤُلَاءِ لَضَالُونَ ﴿٣٢﴾ وَمَا أَرْسَلْنَا عَلَيْهِمْ حَفِظِينَ ﴿٣٣﴾ فَالْيَوْمَ الَّذِينَ ءَامَنُوا مِنَ الْكُفَّارِ يَضْحَكُونَ ﴿٣٤﴾

Surat Al Mutwafifina: Abatuzuzza iminzani.

Yamanukiye Makkah Ifite Ayat: 36.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.
 1. Invugo yaturutse kuri mwene Abasi yaravuze ati: Intumwa Muhamad akigera Madina yasanze banyonga iminzani cyane nuko Imana imanura ijamba rigira riti: “Ibihano bikomeye bizagira abatuzuzza iminzani, nyuma yaho bbatangira gupima buzuza.
 2. Babandi iyo bagiye guhaha bagapimirwa n’abandi basaba kuzurizwa.
 3. Naho bo iyi bagerera abandi cyangwa bakabapimira banusura iminzani.
 4. Ese abo ntibaziko bazazurwa bakabazwa ibyo bakoraga?
 5. K’umunsi uhambaye?
 6. Umunsi abantu bazahagarara imbere Nyagasani w’ibiremwa, kubera ibarura n’ibihembo, ibi bikaba bigaragaza ibihano bikaze kubera kutita ku ndagizo no kurya umutungo w’abandi.
 7. Oya! Mu by’ukuri abangizi barimo abanusura iminzani banditse mu gitabo cy’abo mu muriro, cyangwa bazaba mu buroko n’imfungane.

8 Ni iki cyakumenyesha igitabo cy’abo mu muriro?
 9 Ni igitabo cyanditse.
 10 Ibihano bikomeye uwo munsi bizaba ku bahinyura.
 11 Babandi bahinyura umunsi w’ibihembo.
 12 Kandi nta wuhinyura uwo munsi uretse inkazi y’ibibi yarengereye mugukora ibyaha.
 13 Iyo asomewe amagambo yacu yamanuriwe Muhamad aravuga ati: Ni imigani n’ibinyonya by’abo hambere.
 14 Oya! Ahubwo ibyo bakoraga byatwikiriye imitima yabo bimera nk’umugesha kuri yo, imvugo yaturutse kuri Abi Hurayirat ayikomoye ku Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati: «Iyo umuntu akoze icyaha cyimwe k’umutima we hajyaho akadomo kirabura, yakwicuzza akanasaba imbabazi kakavamo, iyo yongeye kariyongera kugeza ubwo gapfundikiye umutima we, uwo niwo mugese Imana Nyagasani yaravuze muri Qor’an».
 15 Oya! Mu by’ukuri izo nkozi z’ibibi kuri uwo munsi ntizizabona Nyagasani wazo.
 16 Hanyuma bazinjira mu muriro bawusogongere kandi bumve ikibatsi cyawo.
 17 Nyuma babwirwe bati: Iki ni cyo mwahinyuraga.
 18 Oya! Ahubwo amazina y’abumvira yanditse mu bantu bo mu ijuru, cyangwa mu ijuru ryo hejuru.
 19 Ni iki cyakumenyesha yewe Muhamad igitabo cy’abantu bo mu ijuru?
 20 Ni igitabo cyanditse.
 21 Abamalayika begereye Imana barakireba bazanahamya ibirimo ku munsi w’imperuka.
 22 Mu by’ukuri abumvira Imana bazaba mu nema.
 23 Bazaba bari ku bitanda byiza bitegereza ibyo Imana yabateguriye, cyangwa bareba uburanga bwa Nyagasani wabo.
 24 Umenyera mu buranga bwabo ko ari abantu bo mu nema.
 25 Zizahabwa ikinyobwa gipfutse.
 26 Intama ya nyuma y’icyo cyinyobwa izaba ihumura nk’umubavu wa Mis’qi, bavugako kandi igipfundikizo cy’icyo cyinyobwa gihumura nka Mis’ki. Muri byo rero abarushanwa gukora ibyiza nibarushanwe.
 27 Icyo cyinyobwa twavuze kizavangirwa mo ikindi cyinyobwa cyiyubashye cyo mu ijuru cyitwa Tas’nim.
 28 Abatoni b’Imana bazahabwa ikinyobwa gikomoka mu isoko ya Tas’nim maze kivangirwe mu birahure byabo.

29 Mu by'ukuri Abahakanyi zayyaga bannyega bakanasuzugura abemera.

30 Baba babanyuzeho bakabanegura babaryanira inzara.

31 Abahakanyi baba basubiye mu byicaro byabo bagasubirayo biyemeye bishimiye uko basebeje bakanasuzugura abemera.

32 Abahakanyi iyo babonye Abemera baravuga bati: Mu by'ukuri bariya barayoby.

33 Kandi ntabwo abahakanyi boherejwe n'Imana kuba abagenzuzi b'ibikorwa by'abemera.

34 Uyu muni abemeye baraseka abahakanyi bababona basuzuguritse batsinzwe nkuko nabo babasekaga ku isi.

35 Abemera bazaba bari kubitanda byiza mu nema bareba abahakanyi bari mubihano.

36 Ese abahakanyi bahawe igihembo cy'iby bakoraga ku Isi muguseka abemera no kubannyega?

Surat Al Insh'qaq: Ugusatagurika.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 25.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubwo ikirere kizasatagurika, ugusatagurika kw'ikirere ni mu bimenyetso by'imperuka.

2 Kikumvira Nyagasani wacyo kandi ni ukuri ko cyumvira kandi kigakora ibyo gitegetswe.

3 Ubwo isi izaramburwa, imisozi yayo igasaswa.

4 Igasohora imirambo iyirimo ikayinaga imusozi igasigara irimo ubusa kugirango ibiyirimo byubahirezweho itegeko ry'Imana.

5 Ikumvira Nyagasani wayo kandi ni ukuri ko yumvira kandi igakora ibyo itegetswe.

6 Yewe muntu! Mu by'ukuri wowe uri umunyebakwe ugana kwa Nyagasani wawe, kandi uzahura nawe n'ibikorwa byawe.

7 Ariko uzahabwa igitabo cye mu kuboko kwe kw'indyo, aribo bemera bazahabwa ibitabo by'ibikorwa byabo mu maboko yabo y'indyo.

8 Azabarurirwa ibarura ryoroshye, ariryo kwerekwa ibikorwa bakoze maze Imana ikabibababarira itarinze kubagisha impaka, imvugo yaturutse kuri Aishat yaravuze ati: "Uzagishwa impaka mu ibarura azahanwa, Aishat ati: Ndavuga nti: Ese Imana ntivuga iti: Azabarurirwa ibarura ryoroshye?, intumwa Muhammad ati: Ntabwo ari iryo barura, ahubwo iryo niryo guhabwa ibitabo by'ibikorwa naho uzagishwa impaka mu ibarura azahanwa ,,

9 Azasanga abantu be aribo bagore bo mu ijuru yishimye, kubera ibihembo azaba yahawe.

عَلَى الْأَرْضِ كَيْفَ يُظَرُّونَ ﴿٣٥﴾ هَلْ تُوْبُ الْكُفَّارَ مَا كَانُوا يَفْعَلُونَ ﴿٣٦﴾

سُورَةُ الْأَنْشُرِقَاتِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

إِذَا السَّمَاءُ انشَقَّتْ ﴿١﴾ وَأَذْنُ لَرِيهَا وَحُقَّتْ ﴿٢﴾ وَإِذَا الْأَرْضُ مُدَّتْ

﴿٣﴾ وَأَلْقَتْ مَا فِيهَا وَنَخَلَتْ ﴿٤﴾ وَأَذْنُ لَرِيهَا وَحُقَّتْ ﴿٥﴾ يَتَأَيَّهَا

الْإِنْسَنُ إِنَّكَ كَادِحٌ إِلَى رَبِّكَ كَدْحًا فَمَلَقِيهِ ﴿٦﴾ فَأَمَّا مَنْ أُوْتِيَ

كِتَابَهُ بِبِمِينِهِ ﴿٧﴾ فَسَوْفَ يُحَاسَبُ حِسَابًا سَعِيرًا ﴿٨﴾ وَيَنْقَلِبُ

إِلَى أَهْلِهِ مَسْرُورًا ﴿٩﴾ وَأَمَّا مَنْ أُوْتِيَ كِتَابَهُ وَرَاءَ ظَهْرِهِ ﴿١٠﴾ فَسَوْفَ

يَدْعُو نُبُورًا ﴿١١﴾ وَيَصِلُ سَعِيرًا ﴿١٢﴾ إِنَّهُ كَانَ فِي أَهْلِهِ مَسْرُورًا ﴿١٣﴾

إِنَّهُ وَظَنَ أَنْ لَنْ يَحْجُورَ ﴿١٤﴾ بَلَى إِنْ رَبَّهُ كَانَ بِهِ بَصِيرًا ﴿١٥﴾ فَلَا أَفْسِمُ

بِالشَّفِقِ ﴿١٦﴾ وَاللَّيْلِ وَمَا وَسَقَ ﴿١٧﴾ وَالْقَمَرِ إِذَا اتَّسَقَ ﴿١٨﴾

لَتَرْكَبُنَّ طَبَقًا عَن طَبَقٍ ﴿١٩﴾ فَمَا لَهُمْ لَا يُؤْمِنُونَ ﴿٢٠﴾ وَإِذَا قُرِئَ

عَلَيْهِمُ الْقُرْآنُ لَا يَسْجُدُونَ ﴿٢١﴾ بَلِ الَّذِينَ كَفَرُوا يُكْذِبُونَ

﴿٢٢﴾ وَاللَّهُ أَعْلَمُ بِمَا يُوعُونَ ﴿٢٣﴾ فَبَسَّوْهُمْ بَعْدَ آيَةِ ﴿٢٤﴾

إِلَّا الَّذِينَ آمَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ لَهُمْ أَجْرٌ غَيْرُ مَمْنُونٍ ﴿٢٥﴾

10 Na ho uzahererwa igitabo cye inyuma y'umugongo we, aribo bahakanyi bazahabwa ibitabo byabo inyuma y'imigongo yabo kuko amaboko yabo y'indyo azaba azirikiwe mu majosi yabo naho ayi moso ari inyuma mu migongo yabo.

11 Namara gusoma igitabo cy'ibikorwa bye azavuga ati: yebaba ndarimbutse.

12 Maze yinjire mu muriro ukaze yumve icyibatsi n'ubushyuye bwawe.

13 Kuko igihe yabaga ari muri bene wabo yishimiraga gukurikira irari rye atitaye ku mperuka.

14 Mu by'ukuri we yaketse ko atazagaruka ku Mana ngo ahabwe ibihembo by'ibyo yakoze.

15 Yego! Azagaruka kandi Nyagasani we yarebaga ibikorwa bye ntacyamwisobye na kimwe.

16 Ndahiye igicu gitukura mu burengerazuba, Imana irarahira ibicu bitukura bibaho iyo izuba rimaze kurenga kugeza kugihe cy'isengesho rya Al ishau.

17 N'ijoro n'ibyo ribumba, kuko rihuza ibyari bitatanye ku manywa, kuko iyo bwije buri kintu kijya mu ntaho yacyo.



سُورَةُ الْبُرُوجِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَالسَّمَاءِ ذَاتِ الْبُرُوجِ ۝۱ وَالْيَوْمِ الْمَوْعُودِ ۝۲ وَشَاهِدٍ وَمَشْهُودٍ ۝۳ قِيلَ أَصْحَابُ الْأَعْدُدِ ۝۴ النَّارِ ذَاتِ الْوُوقُودِ ۝۵ إِذْ هُمْ عَلَيْهَا قُعُودٌ ۝۶ وَهُمْ عَلَى مَا يَفْعَلُونَ بِالْمُؤْمِنِينَ شُهُودٌ ۝۷ وَمَا نَقَمُوا مِنْهُمْ إِلَّا أَنْ يُؤْمِنُوا بِاللَّهِ الْعَزِيزِ الْحَمِيدِ ۝۸ الَّذِي لَهُ مُلْكُ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ وَاللَّهُ عَلَى كُلِّ شَيْءٍ شَهِيدٌ ۝۹ إِنَّ الَّذِينَ فَنَوُوا الْمُؤْمِنِينَ وَالْمُؤْمِنَاتِ ثُمَّ كَفَرُوا فَهُمْ عَذَابٌ جَهَنَّمَ وَهُمْ عَذَابُ الْحَرِيقِ ۝۱۰ إِنَّ الَّذِينَ آمَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ لَهُمْ جَنَّاتٌ تَجْرِي مِنْ تَحْتِهَا الْأَنْهَارُ ذَلِكَ الْفَوْزُ الْكَبِيرُ ۝۱۱ إِنَّ بَطْشَ رَبِّكَ لَشَدِيدٌ ۝۱۲ إِنَّهُ هُوَ يَبْدِئُ وَيَعِيدُ ۝۱۳ وَهُوَ الْعَفُورُ الْودُودُ ۝۱۴ ذُو الْعَرْشِ الْمَجِيدُ ۝۱۵ فَاعْلَمْ لِمَا رِيدُ ۝۱۶ هَلْ أَنْتَكَ حَدِيثُ الْجُنُودِ ۝۱۷ فَرَعُونَ وَتَمُودَ ۝۱۸ بَلِ الَّذِينَ كَفَرُوا فِي تَكْذِيبٍ ۝۱۹ وَاللَّهُ مِنْ وَرَائِهِمْ مُحِيطٌ ۝۲۰ بَلْ هُوَ قُرْءَانٌ مَجِيدٌ ۝۲۱ فِي لَوْحٍ مَحْفُوظٍ ۝۲۲

سُورَةُ الطَّارِقِ

- 1 Ndahiye ikirere kirimo amazu y'inyenyeri, zikaba ari inzu cumi nebyiri ntabwo ari inyenyeri cumi nebyiri.
- 2 N'umunsi w'isezerano, ariwo munsi w'imperuka.
- 3 N'uzatanga ubuhamya kuri uwo munsi mu biremwa, n'inkozi z'ibibi zibutangwaho mubibi bakoze nabo bahamya ubwabo, aribo abishwe bose mu nzira y'Imana nkuko bigaragara mu nkuru y'abantu b'imiringoti Imana yabavuzeho ibahamya ubwayo.
- 4 Bene imiringoti baravumwe, akaba ari umwe mu bami babahakanyi n'ingabo ze ubwo bamwe mubayoboke be yemeraga Imana akabacukurira imiringoti miremire igacanwa mo umuriro maze bakajugunywa mo bagashya umwami n'ingabo ze bareba.
- 5 Umuriro ugurumana cyane.
- 6 Baravumwe ubwo batwikaga abantu bicaye ku ntebe iruhande rw'umuriro.
- 7 Kandi nabo bahamya ubwabo ibyo bakorera abemeye, mukubanaga mu muriro kugirango bagaruke mu idini yabo (gusenga ibigirwamana).
- 8 Nta cyo babahoye uretse kuba bemera Imana itaneshwa kandi ishimwa mu bihe byose.
- 9 Imana yo ifite ubwami bw'ibirere n'isi. Kandi Imana ni umuhamya kuri buri kintu n'ibyo banyiri miringoti bakoreye abemera, ibyo bikaba ari imvugo igaragaza ibihano bikaze kuri banyiri miringoti, bikaba n'imvugo y'icyizere kubemera bahowe idini yabo.
- 10 Mu by'ukuri abatwitse abemera ntibabahe uburenganzira bwo kwihitiramo ukwemera uretse kubahatira guhakana Imana bakabagerageza kugirango bagaruke mu idini y'ibigirwamana, hanyuma ntibicuze ngo bareke ibyo bikorwa bibi, abo bazahabwa igihano cyo koswa mu muriro kubera uko batwitse nabo abemera.
- 11 Mu by'ukuri abemeye bakanakora ibitunganye bafite amajuru atembamo imigezi. Uko ni ko gutsinda guhebuje.
- 12 Mu by'ukuri uko Nyagasani wawe akakira ibyigomeke n'abahuguzi kurakaze.
- 13 Rwose Imana niyo yatangije kurema ibiremwa ku isi, kandi ninayo azabigarura nyuma yo gupfa.
- 14 Kandi niyo ibabarira ibyaha cyane ku bemera ikanakunda cyane abayigandukira mu bakunzi bayo.
- 15 Nyiri Intebe y'icyubahiro, umunyabuntu buhebuje.
- 16 Ukora ibyo ashatse.

- 18 N'ukwezi iyo kuzuye, mu ijoro ryo hagati mu kwezi.
 - 19 Rwose muzanyura mu bihe bitandukanye, mu bukungu nu butindi, urupfu n'ubuzima, kwinjira mu ijuru cyangwa umuriro.
 - 20 Ni kuki batemera Qor'an kandi hari impamvu zose zagatumye bayemera?
 - 21 Banasomerwa Qor'an ntibubame, yaba Sijida y'igisomo cyangwa indi?
 - 22 Ahubwo abahakanye bahinyura igitabo cyemeza ko Imana ari imwe rukumbi kikanemeza izuka, ibihembo n'ibihano.
 - 23 Kandi Imana izi cyane ibyo bahisha mu mitima yabo.
 - 24 Bahe inkuru nziza y'ibihano bibaza, Imana yise inkuru y'ibihano ko ari inkuru nziza ari ukubashimanga.
 - 25 Uretse abemeye bakanakora ibitunganye, bafite ibihembo bazazigambwa ho.
- Surat Al Buruji:**
Amazu y'inyenyeri.
- Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 22.**
Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

17 Ese yewe Muhamad wagezweho n'inkuru y'abahakanyi bahinyuye intumwa zabo bakazikoranyiriza ingabo zo kuzirwanya.

18 Yaba Farawo na Thamuda.

19 Ahubwo ababangikanyamana mu barabu bari muguhinyura cyane ibyo wazanye, ntibakuye n'isomo kubahakanyi bababanjirije.

20 Kandi Imana ishobora kubamanurira ibihano nkuko yabimanuriye bariya.

21 Ahubwo yo ni Qor'an Ntagatifu, si ibisigo cyangwa amagambo y'abapfumu cyangwa uburozi.

22 Kandi yanditse k'urubaho rurinzwe, arirwo Umul kitabi, rurinzwe amashitani kuba yarwegera.

Surat Twariq: Ibigaragara nijoro.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 17.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye ikirere n'ibigaragara nijoro, Imana irarahira inyenyeri zigaragara ninjoro ku manywa zikihisha.

2 Ni iki cyakumenyesha inyenyeri zigaragara ninjoro?

3 Ni inyenyeri yaka cyane itoboza umwijima urumuri rwayo.

4 Rwose buri muntu afite umugenzuzi, abamalayika bagenzura imvugo n'ibikorwa bya buri muntu bakabarura ibyo akora ibibi n'ibyiza.

5 Umuntu niyitegereze arebe icyo yaremwe.

6 Yaremwe mu mazi atarukira muri nyababyeyi, ariyo mazi y'umugabo n'umugore, kuko umuntu yaremwe muri ayo mazi yombi, ariko havugwa amazi amwe kubera ko aba yivanze.

7 Amazi asohoka hagati y'umugongo w'umugabo n'igituza cy'umugore.

8 Mu by'ukuri Imana ishoboye kuzagarura umuntu mukumuzura nyuma yo gupfa.

9 Umunsi amabanga azahishurwa, muri icyo gihe nibyo hazagaragara umwiza n'umubi.

10 Umuntu nta mbaraga azaba afite zamurinda ibihano by'Imana, nta nuwamurokora ibyamubaho.

11 Ndahiye ikirere kigarura imvura, kuko imvura igenda ikagaruka.

12 N'isi isatagurika mukumeza imyaka n'imbutu.

13 Mu by'ukuri Qor'an ni amagambo atandukanya ukuri n'icyinyoma.

14 Nta bwo ari amagambo y'umukino.

15 Mu by'ukuri abahakanyi bacura imigambi yo gutesha agaciro ibyo wowe Muhamad yazanye.

16 Nanjye nkabatwara buhoro kuburyo batazi

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَأَسْمَاءَ وَالطَّارِقِ ۝ وَمَا أَدْرَاكَ مَا الطَّارِقُ ۝ النَّجْمُ الثَّاقِبُ ۝ إِن كُلُّ نَفْسٍ لَّمَّا عَلَيْهَا حَافِظٌ ۝ فَلْيَنْظُرِ الْإِنْسَانُ مِمَّ خُلِقَ ۝ خُلِقَ مِن مَّاءٍ دَافِقٍ ۝ يَخْرُجُ مِن بَيْنِ الصُّلْبِ وَالتَّرَائِبِ ۝ إِنَّهُ عَلَى رَجْعِهِ لَقَادِرٌ ۝ يَوْمَ تَبَى التَّرَائِبُ ۝ فَمَا لَهُ مِن قُوَّةٍ وَلَا نَاصِرٍ ۝ وَالسَّمَاءَ ذَاتِ الرَّجْعِ ۝ وَالْأَرْضِ ذَاتِ الصَّلَاحِ ۝ إِنَّهُ لَقَوْلُ فَصْلٍ ۝ وَمَا هُوَ بِهَزْلٍ ۝ إِنَّمَا يَكِيدُونَ كَيْدًا ۝ وَأَكِيدُ كَيْدًا ۝ فَمَهْلِكُ الْكَافِرِينَ أَهْلَهُمُ رُودًا ۝

سُورَةُ الْأَعْلَىٰ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

سَبَّحَ اسْمُ رَبِّكَ الْأَعْلَىٰ ۝ الَّذِي خَلَقَ فَسُوَّىٰ ۝ وَالَّذِي قَدَّرَ فَهَدَىٰ ۝ وَالَّذِي أَخْرَجَ الْمَرْعَىٰ ۝ فَجَعَلَهُ غُثَاءً أَحْوَىٰ ۝ سَنَفِرُكَ فَإِن تَسَىٰ ۝ إِلَّا مَا سَاءَ اللَّهُ أَنَّهُ يَعْلَمُ الْجَهْرَ وَمَا يَخْفَىٰ ۝ وَيُسِرُّكَ لِلْإِسْرَىٰ ۝ فَذَكِّرْ إِن نَّفَعَتِ الذِّكْرَىٰ ۝ سَيَذَكِّرْكَ مِنْ يُحْسِنُ ۝ وَيَسْجُدُهَا لِأَشْفَىٰ ۝ الَّذِي يَصْلَى النَّارَ الْكُبْرَىٰ ۝ ثُمَّ لَا يَمُوتُ فِيهَا وَلَا يَحْيَىٰ ۝ قَدْ أَفْلَحَ مَن تَزَكَّىٰ ۝ وَذَكَرَ اسْمَ رَبِّهِ فَصَلَّىٰ ۝

nkabahanira imigambi yabo.

17 Bityo ha abo bahakanyi igihe ubarindirize gato.

Surat Al A'ala: Uwikirenga.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 19.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Singiza izina rya Nyagasani wawe w'ikirenga, uvuga uti: Sub'hana rabiyaal aala.

2 Uwaremye umuntu akaringaniza umubyimba we akanatunganya ubwenge bwe umutegurira kwakira amategeko.

3 Uwagennye amoko ya buri kintu imiterere yacyo, ibikorwa byacyo, amagambo yacyo ndetse n'iherezo ryacyo. Ikanayobora buri kintu kubigikiye.

4 Niyo yamejeje ubwatsi.

5 Maze ikaza kubugira ibishogoshogo byumye bugahinduka umukara nyuma yo kuba icyatsi.

6 Tuzakwigisha Qor'an ntuzibagirwa ibyo uzigishwa, kuko ubwo Intumwa Muhamad yazirwaga na Jibril amuzaniye imwe mu mirongo ya Qor'an yabaga atararangiza umurongo Intumwa Muhamad akaba nawe



بَلْ تُؤْثِرُونَ الْحَيَاةَ الدُّنْيَا ﴿١٦﴾ وَالْآخِرَةَ خَيْرٌ وَأَبْقَى ﴿١٧﴾ إِنَّ هَذَا لَفِي الصُّحُفِ الْأُولَى ﴿١٨﴾ صُحُفِ إِبْرَاهِيمَ وَمُوسَى ﴿١٩﴾

سُورَةُ الْغَاشِيَةِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
 هَلْ أَتَاكَ حَدِيثُ الْغَاشِيَةِ ﴿١﴾ وَجُوهُ يُومِئِدُ خَشَعَةً ﴿٢﴾
 عَامِلَةٌ نَاصِبَةٌ ﴿٣﴾ تَصَلَّى نَارًا حَامِيَةً ﴿٤﴾ تَشْقَى مِنْ عَيْنٍ عَانِيَةٍ ﴿٥﴾
 لَيْسَ لَهُمْ طَعَامٌ إِلَّا مِنْ ضَرِيحٍ ﴿٦﴾ لَا يُسْمِنُ وَلَا يُغْنِي مِنْ جُوعٍ ﴿٧﴾
 وَجُوهُ يُومِئِدُ تَائِعَةً ﴿٨﴾ لَسَعِمَهَا رَاضِيَةً ﴿٩﴾ فِي جَنَّةٍ عَالِيَةٍ ﴿١٠﴾
 لَا تَسْمَعُ فِيهَا لَغِيَةً ﴿١١﴾ فِيهَا عَيْنٌ جَارِيَةٌ ﴿١٢﴾ فِيهَا سُرُرٌ مَرْفُوعَةٌ ﴿١٣﴾
 وَأَنْوَابٌ مُؤْوَدَةٌ ﴿١٤﴾ وَمَنْ أَرَادَ مَصْفُوفَةٌ ﴿١٥﴾ وَرِزَابٌ مُبِينَةٌ ﴿١٦﴾
 أَفَلَا يَنْظُرُونَ إِلَى الْإِبِلِ كَيْفَ خُلِقَتْ ﴿١٧﴾ وَإِلَى السَّمَاءِ كَيْفَ رُفِعَتْ ﴿١٨﴾
 وَإِلَى الْجِبَالِ كَيْفَ نُصِبَتْ ﴿١٩﴾ وَإِلَى الْأَرْضِ كَيْفَ سُطِحَتْ ﴿٢٠﴾
 فَذَكِّرْ إِنَّمَا أَنْتَ مُذَكِّرٌ ﴿٢١﴾ لَسْتَ عَلَيْهِمْ بِمُصَيِّرٍ ﴿٢٢﴾ إِلَّا مَنْ تَوَلَّى وَكَفَرَ ﴿٢٣﴾ فَيُعَذِّبُهُ اللَّهُ الْعَذَابَ الْأَلِيمَ ﴿٢٤﴾
 إِنَّ إِلَيْنَا إِيَابَهُمْ ﴿٢٥﴾ ثُمَّ إِنَّ عَلَيْنَا حِسَابَهُمْ ﴿٢٦﴾

yatangiye gusoma intangiriro y'uwu murungo atinya kuba yawibagirwa, nuko hamanuka umurungo ugira uti: (Tuzakwigisha Qor'an kandi ntuzibagirwa...) Imana imushyiramo inamurinda kwibagirwa Qor'an.

7 Keretse ibyo Imana izashaka ko wibagirwa, kuko Imana niyo izi ibigaragara n'ibiyihishe.

8 Kandi tuzakorohereza gukora ibikorwa by'ijuru.

9 Ngaho ibutsa abantu yewe Muhamad ibyo tughishurira ubayobore inzira y'Imana unabasobanurire amategeko y'idini aho urwibutso rwagira akamaro, naho usobanuriwe ukuri agakomeza gukurikira irari rye agatsimbarara ku bibi bye, uwo nta mpamvu yo kumwibutsa.

10 Uzagirirwa akamaro n'urwibutso rwaye ni utinya Imana maze urwibutso rukamwongerera ugutinya no gutungana.

11 Na ho abahakanyi babantu babi bazahunga urwibutso.

12 Wawundi uzinjira mu muriro uhambaye.

13 Hanyuma aho atazapfa ngo aruhuke ibihano arimo, cyangwa ngo abeho imibereho

yamugirira akamaro.

14 Mu by'ukuri uwiyejeje ho ibangikanya akemera Imana imwe rukumbi akanakoresha amategeko yayo.

15 Akambaza izina rya Nyagasani we k'ururimi rwe akanasenga amasengesho atanu.

16 Ahubwo mukunda cyane ubuzima bw'isi.

17 Kandi ubuzima bwanyuma aribwo bwiza kandi buzabaho iteka.

18 Mu by'ukuri ibi byo kurokoka no kwiyeza twavuze biri mu nyandiko zo hambere.

19 Munyandiko za Ibrahimu na Musa, Uko ibitabo by'Imana byakurikiranye byagaragaje ko ubuzima bwanyuma aribwo bwiza kandi buzabaho iteka kuruta ubw'isi.

Surat Al Ghashiyat: Igitwikira.
Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 26.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ese inkuru y'igitwikira (imperuka) yakugezeho?, imperuka yiswe igitwikira kuko izatwikira ibiremwa byose kubera ubuhambare bwayo.

2 Abantu kuri uwo muni bazaba barimo ibice bibiri: igice cya mbere uburanga bwacyo buzaba buciye bugufi kandi busuzuguritse kubera ibihano buzaba burimo.

3 Bajyaga birushya bakora amasengesho ariko nta bihembo byayo babona kubera ubuhakanyi n'ubuyobe barimo.

4 Bazinjira mu muriro ushyushye.

5 Bazahabwa ikinyobwa cy'isoko y'amazi yatuye.

6 Nta byo kurya bazahabwa uretse amahwa yumye.

7 Ntibibiyibushya ubiriye kandi ntibimara inzira.

8 Ubundi buranga aribwo bwo mu gice cya kabiri kuri uwo muni buzaba bukeye, kubera uko bubona iherezo ryabwo ari ryiza.

9 Bishimiye ibikorwa byabwo bakoze ku Isi, bityo bakaba bahawe ibihembo bibashimishije.

10 Bari ijuru ryo hejuru.

11 Ntibazumva mu ijuru amahomvu.

12 Harimo isoko itemba.

13 Harimo ibitanda byo hejuru.

14 N'ibikombe biteretse.

15 N'imisego ishashe igerekeranye.

16 N'amasaso yoroshye arambuye akwirakwijwe mu cyicaro hose.

17 Ese ntibitegereza ingamiya uko yaremwe, mu mubyimba munini, ingufu zayo, n'ibyo yihariye?

18 N'ikirere uko cyahanitswe hejuru nta nkingi, muburyo ubwenge butabasha kugeraho?

19 N'imisozi uko yazamuwe igashimangirwa ku isi kugirango idahungabana?

20 N'isi uko yaramubuwe?

21 Ngaho rero yewe Muhamad ibutsa unaburire abantu, kuko wowe ushinzwe kwibutsa gusa.

22 Nta bwo wabashyiraho igitugu ngo bayoboke ukwemera.

23 Ariko uwirengagiza akanahakana urwibutso.

24 Imana izamuhanisha ibihano bihambaye, umuriro witeka.

25 Mu by'ukuri iwacu ni ho bazagaruka nyuma yo gupfa.

26 Kandi ibarura ryabo nitwe tuzarikora no kubahemba ibikorwa byabo nyuma yo kugarukira ku Mana kw'izuka.

Surat Al Fajir: Umuseke.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 30.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye umuseke, Imana yarahiye umuseke kuko ari igihe umwijima uturikamo umucyo, Mujahid yaravuze ati: Umuseke uyugwa hano ni umunsi w'igitambo.

2 N'amajoro cumi, ariyo majoro icumi abanza mu kwezi kwa Dhul Hija.

3 N'ikitari igiharwe n'igiharwe, bavugako kandi ikitari igiharwe ari iminsi ibiri uwa mbere n'uwa kabiri nyuma y'ilayidi y'ibitambo yemewe mo kuba uwakoze hija yihuta ashobora kwigendera.

4 N'ijoro iyo rije rigakomeza hanyuma rigahita.

5 Ese muri ibyo harimo indahiro k'ufite ubwenge?, mubyukuri ufite ubwenge amenya ko muri ibyo byose bifite umwihariko wo kuba Imana yabirahira.

6 Ese ntireba uko nyagasani wawe yagize abantu ba A'ad?

7 Irama, ni irindi zina rya A'ad ya mbere, bavugako kandi ari Sekuru wabo, bavuga ko kandi ari aho bari batuye, ikaba ari umujyi wa Damasi cyangwa umujyi wundi muri Ah'qafi ufite inyubako ndende.

8 Nta wundi mujyi mu bihugu waremwe nkawo mugukomera.

9 Na ba Thamud babazaga urutare mu bibaya, babazaga mo amazu babagamo, n'ikibaya cyabo nicyo bita Hijir cyangwa ikibaya cya Qura cyiri mu nzira ya Shami uturutse Madina.

10 Naba Farawo bubatse amarimbi bazahambwa mo, bavuga ko kandi ari aba

سُورَةُ الْفَجْرِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَالْفَجْرِ ١) وَلَيَالٍ عَشْرٍ ٢) وَالشَّفْعِ وَالْوَتْرِ ٣) وَاللَّيْلِ إِذَا يَسِرُّ

٤) هَلْ فِي ذَلِكَ قَسَمٌ لِّذِي حَجْرِ ٥) أَلَمْ تَرَ كَيْفَ فَعَلَرَّبُّكَ بِعَادٍ

٦) إِرْمَ ذَاتِ الْعِمَادِ ٧) الَّتِي لَمْ يُخْلَقْ مِثْلُهَا فِي الْبِلَادِ ٨)

وَتَمُودَ الَّذِينَ جَانُوا الصَّخْرَ بِالْوَادِ ٩) وَفِرْعَوْنَ ذِي الْأَوْتَارِ ١٠)

الَّذِينَ طَغَوْا فِي الْبِلَادِ ١١) فَأَكْثَرُوا فِيهَا الْفِسَادَ ١٢) فَصَبَّ

عَلَيْهِمْ رَبُّكَ سَوْطَ عَذَابٍ ١٣) إِنَّ رَبَّكَ لِيَا لَمْرَصَادٍ ١٤) فَأَمَّا

الْإِنْسَانُ إِذَا مَا ابْنَلَهُ رَبُّهُ فَأَكْرَمَهُ، وَنَعَّمَهُ فَيَقُولُ رَبِّي أَكْرَمَنِ

١٥) وَأَمَّا إِذَا مَا ابْنَلَهُ فَقَدَرَ عَلَيْهِ رِزْقَهُ فَيَقُولُ رَبِّي أَهْلَنَنِ

١٦) كَلَّا بَلْ لَّا تَشْكُرُونَ ١٧) وَلَا تَخْشَوْنَ عَلَىٰ طَعَامِكُمُ

الْمُسْكِينِ ١٨) وَتَأْكُلُونَ الثَّرَاثَ أَكْلًا لَّمًّا ١٩)

وَتُحِبُّونَ الْمَالَ حُبًّا جَمًّا ٢٠) كَلَّا إِذَا دُكَّتِ الْأَرْضُ دَكًّا

دَكًّا ٢١) وَجَاءَ رَبُّكَ وَالْمَلَكُ صَفًّا صَفًّا ٢٢) وَجِئَ يَوْمَئِذٍ

بِحِجَّتِهِمْ يَوْمَئِذٍ يَنْذِكُرُ الْإِنْسَانَ وَأَنَّى لَهُ الذِّكْرَى ٢٣)

Farawo bafite ingabo nyinshi zifite amahema zishingisha imambo.

11 Ba Farawo na A'ad na Thamud bamwe bigometse mu bihugu byabo.

12 Bagakabya gukoramo ubwononnyi.

13 Nyagasani wawe akabasukaho ibihano bikaze.

14 Mu by'ukuri Nyagasani wawe ni agenzura kuri muntu akazanamuhemba ibyo yakoze icyiza akamuhemba icyiza n'icyibi akamuhemba icyibi, Al Hasani yaravuze ati: Nyagasani agenzura inzira y'abantu ntawumwisoba numwe.

15 Iyo umuntu Nyagasani we amugerageje akamuha imitungo n'amafunguro, aravuga: ati : Nyagasani wanjye yanyubahishije.

16 Na ho iyo amugerageje akagabanya amafunguro ye, aravuga ati: Nyagasani wanjye yansuzuguje, ibi ni bimwe mubiranga abahakanyi naho abemera, icyubahiro kuri we ni uguhabwa kumvira no kugandukira Imana no kumushoboza gukorera ijuru, naho kumusuzuguzi ni ukutamushoboza kubaha no kugandukira Imana no gukora ibikorwa by'abantu bo mu ijuru.



يَقُولُ يَلَيْتَنِي قَدِمْتُ لِحَيَاتِي (٢٤) فَيَوْمَئِذٍ لَا يُعَذِّبُ عَذَابُهُ أَحَدًا (٢٥)
 وَلَا يُؤْتِيهِمْ وَثَاقًا أَحَدًا (٢٦) يَتَأَيَّنُهَا النَّفْسُ الْمُطْمَئِنَّةَ (٢٧) أَرْجِعْ
 إِلَىٰ رَبِّكَ رَاضِيَةً مَرْضِيَّةً (٢٨) فَادْخُلْ فِي عِندِي (٢٩) وَادْخُلْ جَنَّاتِي (٣٠)

سُورَةُ الْبَلَدِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
 لَا أُقْسِمُ بِهَذَا الْبَلَدِ (١) وَأَنْتَ حِلٌّ بِهَذَا الْبَلَدِ (٢) وَالْوَالِدِ وَمَا وُلِدَ
 (٣) لَقَدْ خَلَقْنَا الْإِنْسَانَ فِي كَبَدٍ (٤) أَيْحَسِبُ أَنْ لَنْ يَقْدِرَ عَلَيْهِ
 أَحَدٌ (٥) يَقُولُ أَهْلَكْتُ مَا لَا لَبَدًا (٦) أَيْحَسِبُ أَنْ لَمْ يَرَهُ أَحَدٌ
 (٧) أَلَوْ جَعَلْ لَهُ عَيْنَيْنِ (٨) وَلِسَانًا وَشَفَتَيْنِ (٩) وَهَدَيْنَهُ
 التَّجْدِينَ (١٠) فَلَا أَقْنَحُ الْعُقَبَةَ (١١) وَمَا أَدْرَاكَ مَا الْعُقَبَةُ (١٢)
 فَكُرْبَةُ (١٣) أَوْ إِطْعَمَهُ فِي يَوْمٍ مَرْدِي مَسْغَبَةٍ (١٤) يَبْسَمًا ذَا مَقْرَبَةٍ
 (١٥) أَوْ مَسَّ كَيْدًا مَرْمِيَةً (١٦) تُعْرَفَانِ مِنَ الَّذِينَ ءَامَنُوا وَتَوَاصَوْا
 بِالصَّبْرِ وَتَوَاصَوْا بِالْمَرْحَمَةِ (١٧) أُولَٰئِكَ أَصْحَابُ الْمَيْمَنَةِ (١٨) وَالَّذِينَ
 كَفَرُوا بِآيَاتِنَا هُمْ أَصْحَابُ الْمَشْأَمَةِ (١٩) عَلَيْهِمْ نَارٌ مُؤَصَّدَةٌ (٢٠)

سُورَةُ الْبَيْتَةِ

- 17 Oya! Ahubwo ntimugirira neza imfubyi mu mitungo mwahawe, iyo muza kubikora byari kuba icyubahiro kuri mwe.
- 18 Nta n'ubwo mwikangurira cyangwa ngo mukangurire abandi kugaburira abakene.
- 19 Mukanarya imitungo y'imfubyi n'abagore n'abanyanteye nke cyane.
- 20 Mugakunda umutungo cyane bikabije.
- 21 Oya si uko byari bikwiye kumera! Ubwo isi izatigiswa cyane imisozi yayo igahondwa cyane.
- 22 Nyagasani wawe azaza gucira imanza abagaragu be, naho abamalayika bari ku mirongo.
- 23 Uwo muni umuriro wa Jahanama uzazanwa abamalayika bawukurura. Muri icyo gihe umuntu azibuka ibyo atakoze?
- 24 Azavuga ati: Iyaba jye nari narazigamiye ubuzima bwanjye!
- 25 Kuri uwo muni nta n'umwe uzahana ibihano nkiby'Imana.
- 26 Kandi ntanuzaboha abahakanyi nkingoyi y'Imana.

- 27 Yewe roho ituje kubera ukwemera itakuvanga n'ibangikanya!
- 28 Garuka kwa Nyagasani wawe wishimiye ibihembo yaguhaye kandi wishimiwe nawe.
- 29 Ngaho injira mu bagaragu banjye beza.
- 30 Kandi winjire mu ijuru ryanjye.

Surat Al Balad: Umujyi.
Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 20.

- Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.*
- 1 Ndahiye uyu mujyi, Imana irarahira igihugu cyiziririje aricyo Makka, kugirango yerekane icyubahiro cyawo ku Mana kuko hari inzu y'Imana ikaba n'igihugu cya Ismail na Muhamad ari naho hakorerwa ibikorwa bya Hija.
 - 2 Imana irarahira icyi gihugu utuyemo bitewe no kuguhesha kuko kuwugeramo kwawe byawuhaye icyubahiro.
 - 3 Imana irarahira umubyeyi n'abana be, nka Adamu n'abamukomoka ho ndetse n'icyo aricyo cyose cyibyara nibyo cyibyaye mu nyamaswa ibyo byose ari uguha agaciro ikimenyetso cyo kororoka.
 - 4 Rwose twaremye umuntu mu muruhu, agomba kuwubamo kugeza apfuye, yamara no gupfa agahura n'ingorane zo mu mva nizo kumuni w'imperuka.
 - 5 Ese umuntu arakeka ko ntawamushobora uko yakora ibyaha kose.
 - 6 Aravuga ati: Nakoresheje umutungo mwinshi.
 - 7 Ese arakeka ko Imana itamubona itazanamubaza umutungo we aho yawukuye nicyo yawukoresheje.
 - 8 Ese nitwamuhaye amaso abiri?
 - 9 Ururimi n'iminaye ibiri.
 - 10 Tukanamuyobora inzira ebyiri.
 - 11 Ese ubu ntiyavanaho inzitizi zose zimubuza kugandukira Imana nko gukurikira irari ry'umutima we.
 - 12 Ni iki cyakumenyesha izo nzitizi?
 - 13 Ni ukubohora umucakara.
 - 14 Cyangwa kugaburira abantu mugihe cy'amapfa.
 - 15 No kugaburira imfubyi, ariyo mwana upfushije Ise akiri mushya.
 - 16 Cyangwa umukene uri mu kaga.
 - 17 Hanyuma akaba mu bemeye babwirizanya ukwihangana bakanabwirizanya kugirirana impuhwe.
 - 18 Abo nibo bantu bazaba baherereye iburyo.
 - 19 Na ho babandi bahakanye amagambo yacu abo ni abazaba baherereye ibumoso.
 - 20 Abo bagenewe umuriro upfundikiye.

Surat A Shamus: Izuba.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 15.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye izuba n'urumuri rwaryo, iyo rigeze kugasusuruko.

2 N'ukwezi iyo gukurikiye izuba rimaze kurenga.

3 N'amanywa iyo agaragaye, izuba rimaze kurasira.

4 N'ijoro iyo ritwikiraye izuba.

5 Ndahiye ikirere n'uwacyubatse.

6 N'isi n'uwayishashe impande zose.

7 Na roho n'uwayitunganyije, ayihanga akanatunganya ibihimba byayo agashyiramo roho akanayihamba imbaraga akayihamba gutungana kuri kamere, Intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati:

“Buri wese uvutse avuka ari kuri kamere itunganye maze ababyeyi be bakamuhindura umuyahudi cuangwa umukristu cyangwa majusi (abasenga umuriro)”.

8 Akayimenyeshya ububi bwayo n'ubwiza bwayo.

9 Rwose uzeza roho ayishyiramo ugutinya Imana azaba atsinze.

10 Kandi uwayiyobeje ntayerekeze ku Mana ntayikoreshe mu kumvira Imana no gukora ibikorwa byiza azahomba.

11 Ukwigomeka kwa Thamuud kwatumye bahinyura.

12 Ubwo ubarusha ububi ba Thamuud bose ariwe (Qadar mwene Salifu) yahagurukaga akiyemeza gutera icumu ingamiya.

13 Intumwa y'Imana Swalehe ikababwira iti: Nimureke ingamiya y'Imana ntimunayibuze kunywa amazi ku muni wo kunywa kwayo.

14 Baramuhinyura maze ingamiya bayitera icumu, maze Nyagasani wabo akabarimbura kubera ibyaha byabo abagerekaho itaka.

15 Imana yabikoze idatinya ingaruka zabyo.

Surat Al Lail: Ijoro.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 21.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye ijoro iyo ritwikira umucyo.

2 N'amanywa iyo agaragaye.

3 Imana ikanarahira kuba yararemeye ibitsina bibiri gabo na gore muri buri kintu.

4 Mu by'ukuri ibikorwa byanyu biranyuranye, barimo abakorera ijuru abandi umuriro.

5 Naho utanga umutungo we muburyo bwiza akanatinya ibyo Imana yaziririje.

6 Akamezanya indahiro, ahanya amasezerano

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَالشَّمْسِ وَضُحَاهَا ١ وَالْقَمَرِ إِذَا لِلَّهِ ٢ وَالنَّهَارِ إِذَا جَلَّهَا ٣

وَاللَّيْلِ إِذَا يَغْشَاهَا ٤ وَالسَّمَاءِ وَمَا بَنَاهَا ٥ وَالْأَرْضِ وَمَا خَلَقَهَا ٦

وَنَفْسٍ وَمَا سَوَّاهَا ٧ فَأَلْهَمَهَا فُجُورَهَا وَتَقْوَاهَا ٨ قَدْ

أَفْلَحَ مَنْ زَكَّاهَا ٩ وَقَدْ خَابَ مَنْ دَسَّاهَا ١٠ كَذَّبَتْ ثَمُودُ

بَطْعُونَهَا ١١ إِذْ أَنْبَعَتْ أَشْقَاهَا ١٢ فَقَالَ لَهُمْ رَسُولُ اللَّهِ

نَاقَةَ اللَّهِ وَسُقْيَاهَا ١٣ فَكَذَّبُوهُ فَعَقَرُوهَا فَدَمْدَمَ

عَلَيْهِمْ رَبُّهُم بِذُنُوبِهِمْ فَسَوَّاهَا ١٤ وَلَا يَخَافُ عُقْبَاهَا ١٥

سُورَةُ اللَّيْلِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَاللَّيْلِ إِذَا يَغْشَى ١ وَالنَّهَارِ إِذَا تَجَلَّى ٢ وَمَا خَلَقَ الذُّكُرَ وَالْأُنثَى ٣

إِنْ سَعَيْكُمْ لَسَعَى ٤ فَأَمَّا مَنْ آطَى وَأَنْقَى ٥ وَصَدَّقَ بِالْحُسْنَى ٦

فَسَنِّيْرُهُ لِّلسُرَى ٧ وَأَمَّا مَنْ يَخِلُّ وَاسْتَعْتَى ٨ وَكَذَّبَ بِالْحُسْنَى ٩

فَسَنِّيْرُهُ لِّلْعُسَى ١٠ وَمَا يَغْنِي عَنْهُ مَالُهُ إِذَا تَرَدَّى ١١ إِنَّ عَلَيْنَا

لِّلْهُدَى ١٢ وَإِنَّا لَآخِرَةُ وَالْأُولَى ١٣ فَأَنْذَرْتُمْ نَارًا تَلَطَّى ١٤

y'Imana ko uzamugororera incungu kubyo azatanga.

7 Tuzamworohera gutanga mu nzira y'Imana no gukora ibikorwa byiza, iyi Ayat yamanukiye kuri Abubakar Swidiqi igihe yaguraga abacakara batandatu babemera bari mu maboko y'abantu ba Makka bagirirwa nabi kubera Imana maze abaha ubwigenge.

8 Na ho uzaba umunyabugugu, akizuka.

9 Agahinyura ibyiza.

10 Tuzamutegurira inzira y'umuruho kuburyo inzira z'ibyiza zose zizamugora akananirwa kubikora ibyo bikazaba intandaro yo kwinjira mu muriro.

11 Kandi umutungo we yagiriye ubugugu nta cyo uzamumarira nagwa mu muriro.

12 Mu by'ukuri ni inshingano zacu gusobanura inzira yo kuyoboka mu y'ubuyobe.

13 Kandi iby'imperuka n'iby'isi byose ni ibyacu tubikoramo icyo dushatse.

14 Bityo mbaburiye kwirinda umuriro ugurumana.

15 Ugibwamo n'inkozi y'ibibi (umuhakanyi).

16 Wahinyuye ukuri kwazanywe n'Intumwa n'abahanuzi kandi akanga kumvira no kwemera.



لَا يَصْلَحُهَا إِلَّا الْأَشْقَى (15) الَّذِي كَذَّبَ وَتَوَلَّى (16) وَسَيُجَنَّبُهَا
 الْأَتْقَى (17) الَّذِي يُؤْتِي مَالَهُ يَتَزَكَّى (18) وَمَا لِأَحَدٍ عِنْدَهُ مِنْ
 نِعْمَةٍ تُجْزَى (19) إِلَّا ابْتِغَاءَ وَجْهِ رَبِّهِ الْأَعْلَى (20) وَسَوْفَ يُرْضَى (21)

سُورَةُ الضُّحَى (11 آياتها)

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
 وَالضُّحَى (1) وَاللَّيْلِ إِذَا سَجَى (2) مَا وَدَّعَكَ رَبُّكَ وَمَا قَلَى (3)
 وَالْآخِرَةُ حَيْرٌ لَكَ مِنَ الْأُولَى (4) وَسَوْفَ يُعْطِيكَ رَبُّكَ
 فَتَرْضَى (5) أَلَمْ يَجِدْكَ يَتِيمًا فَآوَى (6) وَوَجَدَكَ ضَالًّا
 فَهَدَى (7) وَوَجَدَكَ عَائِلًا فَأَغْنَى (8) فَأَمَّا الْيَتِيمَ فَلَا تَقْهَرْ (9)
 وَأَمَّا السَّائِلَ فَلَا تَنْهَرْ (10) وَأَمَّا بِنِعْمَةِ رَبِّكَ فَحَدِّثْ (11)

سُورَةُ الشُّرَحِ (8 آياتها)

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ
 أَلَمْ نَشْرَحْ لَكَ صَدْرَكَ (1) وَوَضَعْنَا عَنكَ وَرَدَكَ (2) الَّذِي
 أَنْقَضَ ظَهْرَكَ (3) وَرَفَعْنَا لَكَ ذِكْرَكَ (4) فَإِنَّ مَعَ الْعُسْرِ يُسْرًا (5) إِنَّ
 مَعَ الْعُسْرِ يُسْرًا (6) فَإِذَا فَرَغْتَ فَانصَبْ (7) وَإِلَى رَبِّكَ فَارْغَبْ (8)

17 ariko umuntu ugandukira Imana cyane azawurindwa, Al Wahidi yaravuze ati: Ugandukira Imana cyane ni Abubakar Swidiqi, imvugo ya benshi mubasobanuzi ba Qor'an bavuga ko iyi Ayat yamanukiye kuri Abubakar ariko ibivugwamo bikaba ari rusange ku bantu bose.

- 18 Umwe utanga umutungo we mu nzira nziza agamije kwiyeza ku Mana.
- 19 Ntatanga umutungo we kugirango ahembwe nuwo ariwe wese mu bantu.
- 20 Uretse gushaka kwishimirwa na Nyagasani we w'ikirenga.
- 21 Kandi azanyurwa n'ibyiza ndetse n'ibihembo bihambaye azahabwa.

Surat A Dhwha: Agasusuruko.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 11.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi. Intumwa Muhamad yararwaye ntiyabasha gukora amasengesho ya ninjoro amajoro abiri cyangwa atatu, haza umugore aramubwira ati: Yewe Muhamad sinkibona Shitani yawe ishobora kuba yakuretse, amajoro abiri cyangwa atatu itakwegera, Nuko Imana imanura iyi sura.

- 1 Ndahiye agasusuruko.
- 2 N'ijoro iyo ripfute umucyo.
- 3 Nyagasani wawe ntiyakwanze nta n'ubwo yaguhagarikiye ihishurwa kandi ntiyanakwanze.
- 4 Kandi ubuzima bwa nyuma nibwo bwiza kuri wowe kurusha ubuzima bw'isi.
- 5 Nyagasani wawe (Muhamad) azaguha intsinsi y'idini, ibihembo, ikizenga cyo ku muni w'imperuka, ubuvugizi ku bantu be ku muni w'imperuka kandi uzashima.
- 6 Ese ntiyagusanze uri imfubyi nta So ugira akakubungabunga?
- 7 Agasanga udasobanukiwe inzira (Qor'an n amategeko) akakuyobora?
- 8 Akanasanga uri umukene akagukungahaza aguha amafungura?
- 9 Naho imfubyi ntukayihutaze uyihuguza kubera intege nke zayo ahubwo uzayihe uburenganzira bwayo uzirikana ko nawe wari imfubyi.
- 10 Na ho usaba ntukamukankamire, uzamuhe cyangwa umubwire neza.
- 11 Kandi inema za Nyagasani wawe uzigaragaze, Imana yategetse Intumwa Muhamad kuvuga no kugaragaza inema za Nyagasani we kandi kuvuga izo nema ni ukuzishimira, izo nema zivugwa hano ni Qor'an Imana imutegeka kuyisoma no kuyivugaho.

Surat A Shar'h: Kwagura.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 8.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

- 1 Yewe Muhamad ese ntitwakwaguriye igituza cyawe kugirango wemere ubutumwa, kuva icyo gihe atangira ibwirizabutumwa anashobora kubwakira no gufata mu mutwe ibyo yahishuriwe.
- 2 Tukagutura umutwaro wawe, aribyo ibyabaye mu gihe cya mbere ya Islam.
- 3 Wari uremereye umugongo wawe.
- 4 Tukazamura ukuvugwa kwawe, ku Isi no kumperuka muri byinshi muribyo: Gutegeka abemera igihe bavuze ubuhamya bw'Imana ko banavuga n'Intumwa Muhamad, no kuvugwa muri Adhana no kumusabira amahoro n'imigisha.
- 5 Mu by'ukuri hamwe nizo ngorane zavuzwe hari ibindi byiza kandi byose bituruka ku Mana.
- 6 Mu by'ukuri ahari ingorane haba n'icyiza.
- 7 Nurangiza amasengesho yawe cyangwa ibwirizabutumwa cyangwa intambara mu nzira y'Imana jya ushyiraho umwete mu gusaba Imana ibyo ukeneye cyangwa

ushishikarire kuganduka.

8 Kandi wicishe bugufi kuri Nyagasani wawe utinya umuriro uniringira ijuru.

Surat At Tiin: Umutini.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 8.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Imana irarahira umutini uribwa n’abantu ndetse n’umuzeti bakamuramo amavuta, bisobanura igihugu cya Palesitina cyera imitini n’imizeti.

2 Ndahiye kandi umusozi wa Saina’i Imana yavugishirijeho Mussa.

3 Ndahiye uyu muji wa Makka utekanye, ninkaho Imana yarahiye ahantu hatatu habereye ihishurwa kuri Mussa na Yesu (Isa) na Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ari naho hamanukiye ibitabo bitatu by’Imana hakaba kandi ariho hatangiriye umucyo w’umuyoboro w’abantu.

4 Rwose twamuremye umuntu mu kimeru cyiza cyirambuye abasha kurisha intoki ze akaba afite ubumenyi asobanukiwe bukamushoboza kuba umuyobozi ku Isi nkuko Imana yabimugize.

5 Hanyuma tumusubiza kuba umusaza umunyanteye nke nyuma yo kuba umusore no kugira ingufu, banavuga ko bisobanuye ko umuntu Imana yaremye mu ishusho nziza yahindutse mubi kurita ibirihy byose bityo ajya muni y’ibiri hasi byose, hanyuma akazajya mu muriro wa hasi.

6 Uretse abemeye bakanakora ibikorwa byiza abo ntibazaba mubo hasi, ahubwo bazaba mu ijuru ry’Imana rigaye, abo bafite ibihembo bitazarangira kubera kumvira kwabo.

7 Nano yewe muntu Imana yaremye mu ishusho nziza mu cyimero cyiza maze akakugira umunyanteye nke, n’iki cyatumye ubasha guhakana izuka n’ibihembo?

8 Ese Imana si yo Irusha abacamanza bose guca imanza, yaremye umuntu mu ishusho nziza maze ihana uwayihakanye muribo ikanazamura inzego abemeye muribo?

Surat Al alaq: Urusoro.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat:19.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

Iyi niyo Surat yambere yamanutse muri Qor’an.

1 Soma yewe Muhamad ihereye cyangwa wishingikirije izina ry’Imana Nyagasani wawe waremye.

2 Yaremye umuntu mu ntanga nyuma k’ubushobozi bw’Imana ahinduka ikibumbe cy’amaraso.

3 Soma! kubera ubuntu bwa Nyagasani

آياتها ٨
ترتيبها ٢٦

سُورَةُ التِّينِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَالَّذِينَ وَالَّذِينَ وَالَّذِينَ ۝١ وَطُورِ سِينِينَ ۝٢ وَهَذَا الْبَلَدِ الْأَمِينِ ۝٣
لَقَدْ خَلَقْنَا الْإِنسَانَ فِي أَحْسَنِ تَقْوِيمٍ ۝٤ ثُمَّ رَدَدْنَاهُ أَسْفَلَ سَافِلِينَ ۝٥
إِلَّا الَّذِينَ ءَامَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ فَلَهُمْ أَجْرٌ غَيْرُ مَمْنُونٍ ۝٦
فَمَا يُكَذِّبُكَ بَعْدَ بِالذِّينِ ۝٧ أَلَيْسَ اللَّهُ بِأَحْكَمَ الْحَاكِمِينَ ۝٨

آياتها ١٩
ترتيبها ٩٦

سُورَةُ الْعَلَقِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

أَقْرَأْ بِاسْمِ رَبِّكَ الَّذِي خَلَقَ ۝١ خَلَقَ الْإِنسَانَ مِنْ عَلَقٍ ۝٢ أقرأ وربك
الأكرم ۝٣ الَّذِي علم بالقلم ۝٤ علم الإنسان ما لم يعلم ۝٥ كَلَّا إِنَّ
الإنسَانَ ليطغى ۝٦ أن رآه استغنى ۝٧ إنا إنك ربك الرجوع ۝٨ أراءيت
الذي ينهى ۝٩ عبدا إذا صلى ۝١٠ أراءيت إن كان على الهدى ۝١١ أو أمر
باللقوى ۝١٢ أراءيت إن كذب وتولى ۝١٣ أراءيت بأن الله يرى ۝١٤ كَلَّا لَئِن
لَّمْ يَنْتَه لِنَسْفَعًا بِالنَّاصِيَةِ ۝١٥ نَاصِيَةٍ كَذِبَةٍ خَاطِئَةٍ ۝١٦ فليدع ناديه ۝١٧
سَنَدَعُ الزَّبَانِيَةَ ۝١٨ كَلَّا لَا تَطْعَهُ وَاسْجُدْ وَاقْتَرِبْ ۝١٩

wawe wagushoboje gusoma utarize.

4 We wigishije umuntu kwandika akoresheje ikaramu, Imana yatangiriye ivugabutumwa rya Islam kuguhamagarira abantu gusoma no kwandika no kubishishikariza kubera inyungu nyinshi zirimo.

5 Yigishije umuntu kwandikisha ikaramu bakaba mubyo atari azi.

6 Oya! ahubwo umuntu arigomeka.

7 Kuba abonye ko akungahaye k’umutungo n’imbaraga.

8 Mu by’ukuri kwa Nyagasani wawe ni ho uzagaruka nta handi.

9 10 Ese ntubona umuntu (Abu Jahali) ubuza Umugaragu w’Imana (Muhamad) igihe arimo gusali.

11 Ese iyaba umugaragu ubuzwa gusenga ari nzira nziza, iyobora uyikurikiye.

12 Cyangwa ateguka kuganduka no gusenga Imana imwe n’ibikorwa byiza birinda umuntu kwinjira mu muriro?

13 Ese ntubona iyo (Abu Jahali) ahinyura ibyazanywe n’Intumwa Muhamad akanirengagiza ukwemera?

14 Ese ntiyamenyeko Imana ireba ibikorwa



سُورَةُ الْبَقَرَةِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

إِنَّا أَنْزَلْنَاهُ فِي لَيْلَةِ الْقَدْرِ (١) وَمَا أَدْرَاكَ مَا لَيْلَةُ الْقَدْرِ (٢)
 لَيْلَةُ الْقَدْرِ خَيْرٌ مِنْ أَلْفِ شَهْرٍ (٣) نَزَّلَ الْمَلَكُ وَالرُّوحُ
 فِيهَا بِإِذْنِ رَبِّهِمْ مِنْ كُلِّ أَمْرٍ (٤) سَلَّمَ هِيَ حَتَّى مَطَلَعِ الْفَجْرِ (٥)

سُورَةُ الْبَيِّنَاتِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

لَمْ يَكُنِ الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْ أَهْلِ الْكِتَابِ وَالْمُشْرِكِينَ مُنْفِكِينَ
 حَتَّى تَأْتِيَهُمُ الْبَيِّنَةُ (١) رَسُولٌ مِنَ اللَّهِ يَتْلُو صُحُفًا مُطَهَّرَةً (٢)
 فِيهَا كُتِبَ قِيمَةٌ (٣) وَمَا تَفَرَّقَ الَّذِينَ أُوتُوا الْكِتَابَ إِلَّا مِنْ
 بَعْدِ مَا جَاءَتْهُمْ الْبَيِّنَةُ (٤) وَمَا أُمِرُوا إِلَّا لِيَعْبُدُوا اللَّهَ مُخْلِصِينَ
 لَهُ الدِّينَ حُنَفَاءَ وَيُقِيمُوا الصَّلَاةَ وَيُؤْتُوا الزَّكَاةَ وَذَلِكَ دِينُ
 الْقِيمَةِ (٥) إِنَّ الَّذِينَ كَفَرُوا مِنْ أَهْلِ الْكِتَابِ وَالْمُشْرِكِينَ
 فِي نَارِ جَهَنَّمَ خَالِدِينَ فِيهَا أُولَئِكَ هُمْ شَرُّ الْبَرِيَّةِ (٦) إِنَّ
 الَّذِينَ آمَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ أُولَئِكَ هُمْ خَيْرُ الْبَرِيَّةِ (٧)

hanyuma ikajya imanukira ku Intumwa Muhamad buhoro buhoro mu myaka 23 hakurikijwe igikorwa cyabayeho, ijoro ry’igeno ni rimwe mu majoro ya nyuma y’ukwezi kwa Ramadwani yamanuwemo Qor’an, ariko Hadith zinyuranya kukugaragaza ijoro joro iryo ariryo.

2 Ni iki cyakumenyesha ijoro ry’igeno?, bavuga ko iryo joro ryiswe iry’igeno kuko Imana igena ibyo ishaka mu bikorwa byayo kugeza umwaka utaha, bavuga ko kandi iryo joro ryiswe iry’igeno kubera agaciro gahambaye karyo n’icyubahiro cyaryo.

3 Ijoro ry’igeno kurikoramo ibikorwa byiza ari rimwe biruta ibikorwa wakora mu mezi igihumbi!

4 Abamalayika na Jibril barimanukana ku Isi muri iryo joro k’ubw’ubushake bwa Nyagasani wawe buri tegeko.

5 Iryo joro ni amahoro masa nta cyibi kirimo ntabwo shitani ashobora gukoramo ikibi cyangwa kugira uwo abuza amahoro, kumanuka kwabamalayika kurakomeza udutsitso udutsiko kugeza umuseke utambitse.

**Surat Al Bayinat:
Gihanya igaragara.**

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat: 8.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

1 Abahakanye muri babandi bahawe igitabo (Abayahudi n’Abakristu) n’ababangikanyamana b’abarabu basengaga ibigirwamana, si abo kureka ubuhakanyi kugeza ubwo gihanya igaragara (Muhamad) n’ibyo yazanye ibagezeho, ibasobanurira ubuyobe bwabo n’ubujiji bwabo, abahamagarira ukwemera.

2 Intumwa iturutse ku Mana ariwe (Muhamad) isoma inyandiko zejeje, zirinzwe guhindagurwa cyangwa kuvangirwa, ni amagambo y’Imana koko.

3 Zirimo ibimenyetso n’amategeko yanditse aboneye, Imana iti: “Ishimwe n’iry’Imana yo yamanuriye umugaragu wayo igitabo kitagira amakemwa cyiboneye kugirango aburire.....” uzagikurikira rero azaba k’umurongo ugorotse.

4 Abahawe igitabo ntibatandukanye kubera ko batasobanukiwe, ahubwo batandukanye nyuma y’uko ukuri kubagaragarira, maze Imana yohereza Muhamad, bamwe baramwemera abandi baramuhakana kandi bagombaga kujya k’umurongo umwe n’abandi mukuyoboka

bye kandi izabimuhembera ni yihe mpamvu ituma akora ibyo akora?

15 Oya! Natarekera aho, tuzamukurura imisatsi ye tumujyane mu muriro.

16 Nyiri misatsi w’umubeshyi usuzugura mugukora amakosa.

17 Ngaho nahamagare abanyacyicaro be, Abu Jahali yabwiye intumwa Muhamad (Imana imuhe amahoro n’imigisha) ati: Urantera ubwoba kandi nkurusha icyicaro kinini? Imana imanura izi ayat.

18 Tuzahamagara abamalayika barakaye kandi b’inkazi bamufate bamujugunye mu muriro.

19 Oya! Ntukamwumvire mubyo aguhamagarira byo kureka Iswala. Ahubwo usenge kubera Imana utitaye kukukubuzza kwe kandi wiyegereze Imana.

Surat Al Qadar: Igeno.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 5.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimabazi.

1 Mu by’ukuri Twe, twamanuye Qor’an umujyho umwe mu ijoro ry’igeno, ivuye k’urubaho rurinzwe igera ku ijuru ry’Isi,

idini y’Imana, no gukurikira Intumwa yayo yaje ishimangira ibyo basanzwe bafite.

5 Kandi nta cyo bategetswe mu bitabo byose byamanuwe, ndetse no muri Qor’an, uretse kugaragira Imana bayereza idini, bitwararika kuganduka batabangikanya Imana n’icyo aricyo cyose, bitandukanya n’andi madini bakajya muri Islam gusa, bagahozaho amasengesho bayakora uko Imana ishaka mu bihe byaho, bakanatanga n’amaturu kugihe cyayo. Iyo ni yo dini iboneye, ntibikwiye kuritandukana mo.

6 Mu by’ukuri abahakanye mu bahawe igitabo n’ababangikanya, bazaba mu muriro wa Jahanama ubuziraherezo. Kandi abo ni bo biremwa bibi, kuko baretse ukuri nkana banigomeka, kandi na nyuma bazaba mu biremwa bibi.

7 Mu by’ukuri abemeye bakanakora ibikorwa byiza abo ni bo biremwa byiza.

8 Ibihembo byabo kwa Nyagasani wabo bizaba amajuru atemba imigezi muni y’ibiti kubera ibyo bakoze Bazabamo ubuziraherezo.

Surat Az Zal’zalat: Umutingito.

Yamanukiye Madinat Ifite Ayat:8.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ubwo isi izatigisha, umutingito ukase, maze ibiyiraho bikamenagurika.

2 Isi igasohora ibiyirimo, abapfuye n’ibihambye muri yo ndetse n’ibyayikorewe ho, ariko abapfuye bo Isi izabasohora havugijwe impanda ya kabiri.

3 Umuntu kubera ibyo abona akavuga ati: Ese uyu mutingito no gusohora ibiyirimo ni ukubera iki?

4 Uwo muni Isi izavuga inkuru zayo zose igaragaze ibyayikorewe ho ibibi n’ibyiza, Imana Nyagasani niyo izayivugisha kugirango itange ubuhumya ku biremwa.

5 Izavuga inkuru zayo zose kubera ko Nyagasani wawe azaba yayihishuriye akanayitegeka kuvuga no gutanga ubuhumya.

6 Kuri uwo muni abantu bazava mu mva zabo bajya b’urubuga rw’ibarura batatanye, bamwe berekeza iburyo abandi berekeza ibumoso, hamwe no kuba batandukanye mu madini yabo n’ibikorwa byabo, kugira ngo Imana ibereke ibikorwa byabo bibagaragarire, cyangwa berekwe ibihembo by’ibikorwa byabo.

7 Uzaba yarakoze ku Isi ibikorwa byiza bifite uburemere nk’ubwimpeke y’ururo,

جَزَاءُ هُمْ عِنْدَ رَبِّهِمْ جَنَّتْ عَدْنٍ تَجْرِي مِنْ تَحْتِهَا الْأَنْهَارُ خَالِدِينَ فِيهَا أَبَدًا رَضِيَ اللَّهُ عَنْهُمْ وَرَضُوا عَنْهُ ذَلِكَ لِمَنْ خَشِيَ رَبَّهُ ۝٨

سُورَةُ الزَّلْزَلَةِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

إِذَا زُلْزِلَتِ الْأَرْضُ زِلْزَالَهَا ۝١ وَأَخْرَجَتِ الْأَرْضُ أَثْقَالَهَا ۝٢ وَقَالَ الْإِنْسَانُ مَا لَهَا ۝٣ يَوْمَئِذٍ تُخْبِرُهَا أَنَّ رَبَّكَ أَوْحَىٰ لَهَا ۝٤ يَوْمَئِذٍ يَصْدُرُ النَّاسُ أَشْتَاتًا لِيُرَوْا أَعْمَلَهُمْ ۝٥ فَمَنْ يَعْمَلْ مِثْقَالَ ذَرَّةٍ خَيْرًا يَرَهُ ۝٦ وَمَنْ يَعْمَلْ مِثْقَالَ ذَرَّةٍ شَرًّا يَرَهُ ۝٧

سُورَةُ الْجَنَابَاتِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَالْعَادِيَاتِ ضَبْحًا ۝١ فَالْمُورِيَاتِ قَدْحًا ۝٢ فَالْمُغِيرَاتِ صُبْحًا ۝٣ فَأَثَرْنَ بِهِ نَقْعًا ۝٤ فَوَسَطْنَ بِهِ جَمْعًا ۝٥ إِنَّ الْإِنْسَانَ لِرَبِّهِ لَكَنُودٌ ۝٦ وَإِنَّهُ عَلَىٰ ذَٰلِكَ لَشَهِيدٌ ۝٧ وَإِنَّهُ لِحُبِّ الْخَيْرِ لَشَدِيدٌ ۝٨

k’umunsi w’imperuka azabisanga mu gitabo cye, abyishimire, cyangwa abigaragarizwe.

8 N’uzakora ku Isi ibikorwa bifite uburemere bw’impeke y’ururo azabibona.

Surat AlAdiyat: Ifarasi ziruka.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 11.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ndahiye ifarasi zihumagira zizindukana abarwanyi bazo barwana mu nzira y’Imana, barwanya abahakanyi babangikanya Imana n’Intumwa yayo.

2 Ndahiye n’izikubita ibinono ku mabuye bigatarutsa ibishashi.

3 Ndahiye n’izitera umwanzi mu rukerera.

4 Zigatumura umukungugu imbere y’umwanzi mu ntambara.

5 Zikajya hagati y’ingabo z’umwanzi nyuma yo kuzitsinda, ziteraniye aho zose.

6 Mu by’ukuri umuntu ni umuhakanyi w’inema z’Imana Nyagasani we cyane.

7 Kandi nawe akaba ahama kuriwe ubwo buhakanyi, kuko ibimenyetso byabwo bimugaragara ho.

8 No mu gukunda umutungo no kuwushakisha cyane arakaze.



وَحُصِّلَ مَا فِي الصُّدُورِ ۝۱۰ إِنَّ رَبَّهُم بِهِمْ يَوْمَئِذٍ لَّخَبِيرٌ ۝۱۱

سُورَةُ التَّكْوِيْنِ

بِسْمِ اللّٰهِ الرَّحْمٰنِ الرَّحِیْمِ

۱ الْقَارِعَةُ ۲ مَا الْقَارِعَةُ ۳ يَوْمَ يَكُونُ النَّاسُ كَالْفَرَاشِ الْمَبْثُوثِ ۴ وَتَكُونُ الْجِبَالُ كَالْعِهْنِ الْمَنْفُوشِ ۵ فَأَمَّا مَنْ نَقَلَ مَوَازِينَهُ ۶ فَهُوَ فِي عِيشَةٍ رَّاضِيَةٍ ۷ وَأَمَّا مَنْ خَفَّتْ مَوَازِينُهُ ۸ فَأُمَّهُ هَاوِيَةٌ ۹ وَمَا أَدْرَاكَ مَا هِيَ ۱۰ نَارُ حَامِيَةٍ ۱۱

سُورَةُ التَّكْوِيْنِ

بِسْمِ اللّٰهِ الرَّحْمٰنِ الرَّحِیْمِ

۱ آهَنَكُمُ التَّكَاثُرُ ۲ حَقَّ زُرَّتُمُ الْمَقَابِرَ ۳ كَلَّا سَوْفَ تَعْلَمُونَ ۴ ثُمَّ كَلَّا سَوْفَ تَعْلَمُونَ ۵ كَلَّا لَوْ تَعْلَمُونَ ۶ عِلْمَ الْيَقِينِ ۷ لَتَرَوُنَّ الْجَحِيمَ ۸ ثُمَّ لَتَرَوُنَّهَا عَيْنَ الْيَقِينِ ۹ ثُمَّ لَتَسْتَلْنَنَّ يَوْمَئِذٍ عَنِ النَّعِيمِ ۱۰

ibibazo bihambaye kugeza ubwo bakusanyirijwe k'urubuga rw'ibarura.

5 Imisozi ikamera nk'ibayi ryamabara atandukanye ritumuwe.

6 Nyuma Imana isobanura uburyo abantu bazaba bameze nyuma y'ibarura k'urubuga rw'ibarura, barimo amatsinda abiri muri rusange, Imana iti: Uwo iminzani ye y'ibikorwa byiza izaremera, bikarusha uburemere ibibi.

7 Uwo azaba mu buzima bushimishije.

8 Na ho uwo iminzani ye y'ibikorwa byiza izoroha, ikarushwa uburemere n'ibibi, uwo intaho ye ni mumuriro wa Jahanama.

9 Nyina azaba ari Hawiyat, Imana yawise ko ariwo uzaba nyina, kuko uzamubumbatira nk'uko umubyeyi abumbatira umwana, Imana kandi yawise Hawiyat: kuko wagutse kandi ubujyakuzimu bwawo ari burebure. .

10 N'iki cyakumenyeshya uwo muriro wa Hawiyat?, iki kibazo nicyo kumenyeshya ko ntawe uzi uwo muriro.

11 Ni umuriro ufite ubushyuhe bwinshi cyane.

Surat At Takathur:
Kwiratana ubwinshi.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 8.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Mwarangajwe no kurundanya iby'isi, imitungo n'urubyaro no kubyiratana no gutwarwa nabyo ndetse no kubigeraho, bikababuza kumvira Imana no gukorera imperuka.

2 Kugeza ubwo mugezweho n'urupfu mukimeze mutyo.

3 Oya! sibyo kurangazwa n'ibyisi, ahubwo muzamenya ingaruka zabyo k'umunsi w'imperuka.

4 Kandi oya! Sibyo kurangazwa n'ibyisi, ahubwo muzamenya.

5 Oya! Iyo muza kumenya aho muzasubira by'ukuri, nkuko muzi ibyo murimo aho ku Isi, mwari kureka kurangazwa no kwigwizaho imitungo no kuyiratana, ndetse ntibyagakombye kubabuza gukora mwiganyiriza ikintu gikomeye.

6 Rwose muzabona umuriro wa Jahanama ku mperuka.

7 Maze rwose muzawubonesha ijisho ridashidikanya.

8 Hanyuma rwose muzabazwa ku nema z'Isi zababujije gukorera imperuka, bakazabazwa umutekano, ubuzima bwiza bahawe, n'umwana bapfushije ubusa n'ibiribwa n'ibinyobwa n'izindi nema zose.

9 Ese ntazi ko ibiri mu mva imirambo bizanyanyagizwa bigasohoka mo?

10 N'ibiri mu bituza ibibi n'ibyiza bikagaragazwa.

11 Abantu bagomba kumenya ko Nyagasani wabazuye asobanukiwe neza ntakimwisoba kuri uwo munsi no muyindi minsi azabahemba kuri uwo munsi, nibamenya ibyo ntampamvu yo gutwarwa n'ibyi si cyane bikabibagiza gushimira Imana no kuyigandukira no gukora bitegura umunzi w'izuka.

Surat Al Qari'at: Igihonda.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 11.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Igihonda, ni rimwe mu mazina y'umunsi w'imperuka, kuko uzahungabanya imitima bagwa igihunga, cyangwa uguhungabanya abanzi b'Imana kubera ibihano.

2 Igihonda ni iki?

3 Ni iki cyakumenyeshya igihonda?

4 Umunsi abantu bazamera nk'ibinyugunyugu binyanyagiye, bagenda nta gahunda bafite mu mpande zose, kubera

Surat Al Aswir: Igihe.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 3.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Imana yarahiye igihe, kubera ko ibihe birimo inyigisho mukunyurana kw’amanwa n’ijoro kw’igeno, no kubisikana amanwa n’ijoro n’ingaruka zabyo mugutunganya gahunda y’ubuzima, muri ibyo byose harimo ibimenyetso bigaragaza ubuhanga bw’uwabikoze no kuba ari umwe rukumbi, MUQATIL yaravuze ati: Igihe cyigamijwe muri iyi Surat ni igihe cy’isengesho rya Al aswir.

2 Mu by’ukuri ikiremwa muntu cyose kiri mu gihombo cyo kugabanyukirwa imitungo.

3 Uretse babandi bemeye bagakora n’ibikorwa byiza bakagirana inama mu kuri, ariko imperuka no kwemera Imana no kuyigandukira ubutayibangikanya, bakora ibyo yabategetse bareka ibyo yababujije, bakabwirizanya kwihanganira kwigomeka ku Mana no kwihanganira gukurikiza amategeko yayo, ndetse no kwihanganira igeno ry’Imana ribabaza .

Surat Al Humazat: Unegura cyane.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 9.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ibihano bikomeye bizaba kuri wawundi unegura abandi bahari, ndetse n’unegura abandi badahari, banavuga ko kandi Humazat, ari uneguza abandi ijisho cyangwa ukuboko, naho Lumazat akaba ari uneguza abandi amagambo.

2 Impamvu yo kunegura abandi ni ukubera kwibona mugukusanya imitungo, bakibaza ko hari akarusho barusha abandi bityo bakabanegura.

3 Ese yibaza ko imitungo ye yamubeshaho igihe cyose adashobora gupfa, kubera kwibona biterwa n’imitungo yakusanyije bityo natekereze ibya nyuma yo gupfa.

4 Oya! Siko bimeze, ahubwo bazajugunywa mu muriro wa Hutwamat.

5 Ni iki cyakumenyesha umuriro wa Hutwamah?

6 Ni umuriro w’Imana waka cyane.

7 Ugera ku mitima yo icurirwamo imigambi mibi, imico mibi no kwibona n’agasuzuguro, ukawurengera.

8 Muri uwo muriro bazafungirwaho imiryango, ntibazashobora kuvamo.

9 Bari mu mpombo ndende bazirikiyemo,

سُورَةُ الْعَصْرِ
آياتها ٣

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَالْعَصْرِ ١ إِنَّ الْإِنْسَانَ لَفِي خُسْرٍ ٢ إِلَّا الَّذِينَ ءَامَنُوا وَعَمِلُوا الصَّالِحَاتِ وَتَوَّصُوا بِالحَقِّ وَتَوَّصُوا بِالصَّبْرِ ٣

سُورَةُ الْهُجُرَاتِ
آياتها ٤

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

وَيْلٌ لِّكُلِّ هُمَزَةٍ لُّمَزَةٍ ١ الَّذِي جَمَعَ مَالًا وَعَدَّدَهُ ٢ يُحْسِبُ أَنَّ مَالَهُ أَخْلَدَهُ ٣ كَلَّا لَيُنْبَذَنَّ فِي الحُطَمَةِ ٤ وَمَا أَدْرَاكَ مَا الحُطَمَةُ ٥ نَارُ اللَّهِ المَوْفُودَةُ ٦ الَّتِي تَطَّلِعُ عَلَى الآفَاقَةِ ٧ إِنَّمَا عَلَيْهِمْ مُّؤَصَّدَةٌ ٨ فِي عَمْدٍ مُّسَدَّدَةٍ ٩

سُورَةُ الْفُرْقَانِ
آياتها ١٠

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

أَلَمْ تَرَ كَيْفَ فَعَلَ رَبُّكَ بِأَصْحَابِ الْفِيلِ ١ أَلَمْ يَجْعَلْ كَيْدَهُمْ فِي تَضَلُّلٍ ٢ وَأَرْسَلَ عَلَيْهِمْ طَيْرًا أَبَابِيلَ ٣ تَرْمِيهِمْ بِحِجَارَةٍ مِّن سِجِّيلٍ ٤ فَجَعَلَهُمْ كَعَصْفٍ مَّأْكُولٍ ٥

MUQATIL yaravuze ati: Bazafungirwaho imiryango hanyuma ishimangizwe imambo z’ibyuma ntibazafungurirwa imiryango.

Surat Al Fiiil: Inzovu.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 5.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Ese ntiwabonye uko Nyagasani wawe yagize ba nyiri gitero cy’Inzovu?, ba nyiri gitero cy’Inzovu: Ni abantu bari abakristu bo muri HABASHA bategekaga YAMANI, bahaguruka aho bajya gutera AL KAABAT no kuyisenya, bageze MAKKA, Imana iboherereza inyoni zavuzwe muri iyi Surat, zirabarimbura, icyo gikorwa kiba ikimenyetso, icyo gikorwa cyabaye mbere y’uko Intumwa Muhamad ahabwa ubutumwa ho imyaka mirongo ine 40, bamwe mubabonye icyo gikorwa bagitanzeho ubuhamba igihe Intumwa Muhamad yatumwaga.

2 Ese Nyagasani ntiyagize imigambi yabo nibisha yo gusanya AL KAABAT, ubuyobe byabaviriyemo kurimbuka?

3 Imana iboherereza uruhuri inyoni, Ni



سُورَةُ قُرَيْشٍ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

لَا يَلْفُ قُرَيْشٍ ① إِذْ لَفِيهِمْ رِحْلَةَ الشِّتَاءِ وَالصَّيْفِ
 ② فَلْيَعْبُدُوا رَبَّ هَذَا الْبَيْتِ ③ الَّذِي أَطْعَمَهُمْ
 مِنْ جُوعٍ وَآمَنَهُمْ مِنْ خَوْفٍ ④

سُورَةُ الْمَاعُونِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

أَرَأَيْتَ الَّذِي يُكَذِّبُ بِالْآيَاتِ ① فَذَلِكَ الَّذِي
 يَدْعُ الْيَتِيمَ ② وَلَا يُحِضُّ عَلَىٰ طَعَامِ الْمَسْكِينِ ③
 فَوَيْلٌ لِلْمُصَلِّينَ ④ الَّذِينَ هُمْ عَنْ صَلَاتِهِمْ سَاهُونَ
 ⑤ الَّذِينَ هُمْ يُرَاءُونَ ⑥ وَيَمْنَعُونَ الْمَاعُونَ ⑦

سُورَةُ الْبَكْرَةِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

إِنَّا أَعْطَيْنَاكَ الْكِتَابَ ① فَصَلِّ لِرَبِّكَ وَأَحْسِرْ ②
 ③ إِنَّ شَانِئَكَ هُوَ الْأَبْتَرُ ④

inyoni zirabura baturutse mu nyanja udutsiko udutsiko, buri nyoni ifite amabuye atatu, amabuye abiri mu majanja yazo n'irindi rimwe mu munwa, rigwa ku cyintu rikagishwanyaguza.

④ Zibatera amabuye y'umuriro, bavuga ko yari amabuye yo mucyondo yatwikiwe mu muriro wa Jahanam, yari yanditseho amazina y'abantu, ryagira uwo rigeraho rikamunyuramo.

⑤ Imana ibagira nk'ubwatsi bwakacanzwe n'itungo, rigata amahurunguru.

Surat Quraish: Abakurayishi.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 4.
Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.
 Iyi Surat kandi yitwa ILAFU.

① Kubera akamenyero k'abaquraishi.
 ② Akamenyero kabo k'ingendo z'igihe cy'ubukonje n'icy'impeshyi, rumwe muri izo ngendo rwerekezaga muri YEMENI mu gihe cy'imbeho, kuko ari igihugu gishyuha, urundi rugendo rukerekeza muri SHAMI mu mpeshyi, kuko ari igihugu gikonja, Abakuranyishi babeshwagaho n'ubucuruzi,

iyi hataza kubaho izo ngendo ebyiri n'umutekano ntibari koroherwa no kahaba baturiyeye inzu y'Imana, bisobanuye ko Imana yabamenyereje izo ngendo ebyiri, iranaziborohera, kubera iyo mpamvu rero nibagandukire Imana yonyine.

③ Ngaho nibagaragire Nyagasani w'iyo nzu, Imana yabamenyeshye ko ariyo Nyagasani w'iyo nzu ntagatifu, kuko bari bayifiteho ibigirwamana basenga, bityo Imana yivangura nabyo, no kubera guturiri iyo nzu byabahaye icyubahiro cyiruta icy'abandi barabu.

④ Imana yo ibagaburira kubera izo ngendo ebyiri, ikabakiza inzara yari ibugarije mbere y'izo ngendo, ikanabaha umutekano, bagashira ubwoba. Abarabu bajyaga batera abandi bakabagwa gitumo bagatwara bamwe mu minyago n'imitungo yabo. Imana iha Abakurayishi umutekano kubera agaciro k'inzu ntagatifu, inabarinda igitero cy'inzovu cy'abantu ba HABASHA.

Surat Al Ma'uun: Ibikoresho byo mu rugo.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat:7.
Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

① Ese ntubona uhinyura umunsi w'ibarura n'ibihembo?
 ② Uwo ni uhutaza imfubyi cyane.
 ③ Ntanashishikarize kugaburira abakene, Abarabu mbere ya Islam ntibemeraga ko abagore n'abana bazungura, Kandi ntibashishikariraga bo ubwabo cyangwa imiryango yabo cyangwa abandi bantu kugaburira abakene kubera ubugugu bw'imitungo.

④ Ibihano bikomeye biri ku basenga Iswala.
 ⑤ Babandi basenga amasengesho yabo uko bishakiye, bayakora badateganya ibihembo ku Mana, ntibanatinye ibihano by'Imana baretse amasengesho, bityo bakayirengagiza bagatakaza igihe cyayo.

⑥ Babandi basenga amasengesho yabo biyereka abantu, cyangwa bakora ibikorwa byose bagamije kwiyereka abantu kugirango babashime.

⑦ Bakimana n'ibikoresho byo mu rugo.

Surat Al Ka'uthar: Umugezi wo mu ijuru.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 3.
Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.
 ① Mu by'ukuri Twe, twaguhaye umugazi uri mu ijuru, Imana yawugeneye Intumwa

Muhamad n'abantu be.

2 Bityo usenge kubera Nyagasani wawe (iri tegeko rirareba amasengesho y'itegeko) unatambe, abantu bajyaga basenga ibitari Imana, bakanabibagira, maze Imana itegeka Intumwa yayo ko amasengesho yayo no gutamba ibitambo kwayo byaba kubera Imana gusa, QATADAT na ATWAU na IKRIMAT baravuze bati: Isengesho ryavuzwe hano ni Isengesho ry'Ilayidi, n'Ibitambo bya Udwhuyati.

3 Mubyukuri ukwanga niwe utazibukwa ngo avuge nyuma yo gupfa kwe, ijambo ABTAR iyo ari umugabo: Ni umuntu utagira umwana, ubwo umwana w'Intumwa Muhamad yapfaga, umwe mubahakanyi aravuga ati: We ni inshike, hamanuka iyo Surat.

Surat Al Kafirun: Abahakanyi.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 6.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 2 Vuga: Yemwe bahakanyi. Impamvu yatumye iyi Surat imanuka: Abahakanyi basabye Intumwa Muhamad gusenga Ibigirwamana byabo umwaka, nabo bakazasenga Imana ye umwaka, ni uko Imana itegeka Intumwa yayo kubabwira iti: Sinsenga ibyo musenga, cyangwa se sinshobora gukora ibyo munsaba gukora byo gusenga ibigirwamana, bivuga ko ntasenga imana zanyu!

3 Kandi namwe mu gihe mukiri mu ibangikanya n'ubuhakanyi bwanyu ntimushobora gusenga Imana nsenga.

4 Ndetse no mu bihe byanjye bizaza, no mu mibereho yanjye itaha sinshobora kuzasenga imana zanyu musenga.

5 Namwe ntimuzasenga burundu Imana mu bihe byanyu bitaha igihe cyose mukiri k'ubuhakanyi no gusenga ibigirwamana. Kuko umuhakanyi cyangwa umubangikanyamana gusenga Imana kwabo ntibyemerwa, bavuga ko gusubira mu magambo kenshi kugaragara muri iyi Surat ari uburyo bwo gushimangira ibyavuzwe, no guca icyizere cy'abahakanyi ko Intumwa Muhamad yabemerera ubusabe bwabo bwo gusenga ibigirwamana byaBbo.

6 Bityo niba mwarahisemo mukashimisha n'idini yanyu, nanjye nshimishwa n'idini yanjye, kandi idini yanyu y'ibangikanya ntishobora kungeraho, ariko idini yanjye yo kugaragira Imana imwe rukumbi ndayihariye ntizanabageraho.

آياتها ٦
نزلتها ١٠

سُورَةُ الْكَافِرُونَ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

قُلْ يَتَّيَبُهَا الْكُفْرُوتُ ١ لَا أَعْبُدُ مَا تَعْبُدُونَ ٢
 وَلَا أَنْتُمْ عَابِدُونَ مَا أَعْبُدُ ٣ وَلَا أَنَا عَابِدٌ مَّا عَبَدْتُمْ ٤
 وَلَا أَنْتُمْ عَابِدُونَ مَا أَعْبُدُ ٥ لَكُمْ دِينُكُمْ وَلِيَ دِينِ ٦

آياتها ٣
نزلتها ١١

سُورَةُ النَّصْرِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

إِذَا جَاءَ نَصْرُ اللَّهِ وَالْفَتْحُ ١ وَرَأَيْتَ النَّاسَ
 يَدْخُلُونَ فِي دِينِ اللَّهِ أَفْوَاجًا ٢ فَسَبِّحْ بِحَمْدِ رَبِّكَ
 وَأَسْتَغْفِرْ لَهُ إِنَّهُ كَانَ تَوَّابًا ٣

آياتها ٥
نزلتها ١٢

سُورَةُ الْمَسَدِ

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

تَبَّتْ يَدَا أَبِي لَهَبٍ وَتَبَّ ١ مَا أَغْنَىٰ عَنْهُ مَالُهُ وَمَا
 كَسَبَ ٢ سَيَصْلَىٰ نَارًا ذَاتَ لَهَبٍ ٣ وَامْرَأَتُهُ
 حَمَّالَةَ الْحَطَبِ ٤ فِي جِيدِهَا حَبْلٌ مِّن مَّسَدٍ ٥

Surat An Nas'r: Ugutabara.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 3.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

Iyi Surat kandi yitwa iyo gusezera, imvugo yaturutse kuri IBUN ABASI yaravuze ati: (Ubwo hamanukaga IDHAJAA NAS'RULLAH WAL FATHU, Intumwa Muhamad yaravuze ati: Ntangarijwe urupfu, IBUN ABASI yaravuze kubyerekeye iyi Surat ati: Igihe cyo gupfa cy'Intumwa Muhamad yarakibwiwe.

1 Ubwo ugutabara kw'Imana kuzakugeraho yewe Muhamad ugatsinda abanzi bawe aribo ba Qurayishi ukanigarurira umujyi wa Makka.

2 Ukabona abantu binjira mu idini y'Imana udutsiko udutsiko, kuko ubwo Intumwa Muhamad yigaruriraga Maka, abarabu baravuze bati: Muhamad naramuka atsinze abantu bo k'ubutaka butagatifu bwa Makka kandi Imana yarabakijije igitero cy'abari ku nzovu, araba ari mukuri, kandi mwebwe ntabushobozi muri bube mufite kuriwe, bakajya bayoboka Islam udutsiko

udutsiko, nyuma y'uko hinjiraga umwe umwe, hatangira kujya hinjira muri Islam ubwoko n'imiryango yabwo yose.

③ Uzatagatifuze ishimwe rya Nyagasani wawe, iyi mvugo ikubiyemo gusingiza Imana gutuma habaho gutangirira uko Imana yorohereje Intumwa Muhammad akagera kubyo atakakaga we ubwe cyangwa undi muntu uwo ariwe wese, ikabamo nanone gushimira Imana kubera ibyiza yamukoreye n'inema zihambaye z'instinzi no kwigarurira umujyi wa Makka maze abantu bakayoboka Islam adutsiko udutsiko. Unasabe imbabazi z'ibyaha byawe kubera kwibombarika ku Mana no kugaragaza ko ibikorwa byawe bidahagije. Kuko we Nyagasani yemera ukwicuzza kubamusabye imbabazi akabababarira ibyaha akanabagirira impuhwe, Imvugo yaturutse kuri BUKHARIY n'abandi batari we ayikomoye kuri IBUN ABASI, kubyerekeye iyi Surat yaravuze ati: Iyi Surat igaragaza igihe cyo gupfa Intumwa Muhammad, Imana yaracyimubwiye igira iti: *“Ubwo ugutabara kw’Imana kuzakugeraho yewe Muhammad ugatsinda abanzi bawe, Uzatagatifuze ishimwe rya Nyagasani wawe, Unasabe imbabazi z’ibyaha byawe, Kuko we Nyagasani yemera ukwicuzza kubamusabye imbabazi akabababarira ibyaha akanabagirira impuhwe”*

Surat Al Masad: Umurunga.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat:5.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

① Amaboko ya ABU LAHAB yaroramye, ararahombye, na we ararama, kuko ubusabe Intumwa Muhammad yamusabye bwamubayeho, ABU LAHAB kandi yari Se wabo w'Intumwa Muhammad, izina rye akaba yari ABDUL UZA.

② Umutungo we yakusanyije n'inyungu zawo n'ibyubahiro bye ntiyamurinze kurimbuka no kugerwaho n'ibihano by'Imana.

③ Azahanishwa icyibatsi cy'umuriro, cyizatwika uruhu rwe, uwo ni umuriro ugurumana cyane wa Jahanama.

④ N' umugore we UMU JAMILA mwene HARBI mushiki wa ABU SUFYANI wajyaga ajyana amahwa mu ijoro

akayashyira mu nzira y'Intumwa Muhammad, nawe azinjira muri uwo muriro ugurumana.

⑤ Mu ijosi rye hazaba umugozi w'umurunga, kuko UMU JAMILA yagiraga umukufu wa zahabu maze arahira ibigirwamana bya LATA na UZA ko azemera akawutanga mu bikorwa byo kwanga Muhammad no kumugirira nabi, Igihembo cye rero azambikwa umugozi mu ijosi ku muni w'imperuka mu mwanya w'uwo mukufu.

Surat Al Ikh'lasw: Kwiyereza Imana.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 4.

Ku izina ry’Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

① Ababangikanyamana babwiye Intumwa Muhammad bati: Tubwire igisekuru cy'Imana yawe, nuko hamanuka iyi Surat, bisobanuye ngo niba mwifuzaga gusobanurirwa igisekuru cy'Imana: Yo ni Imana imwe rukumbi, itagira uwo ibangikanye nawe.

② Imana niyo yishingikirizwa n'ibiremwa byose kuri buri kintu kubera ko ashoboye gukemura ibibazo byose. Imvugo yaturutse kuri IBUN ABASI yaravuze ati: Uwishingikirizwa: Ni umutware wujuje ubutware, n'umunyacyubahiro gihambaye, N'umunyabwenge wujuje ubwenge, N'umukungu wi kirenga, N'igihangange cyujuje ubuhangange, N'umumenyi wujuje ubumenyi, N'umushishozi wujuje ubushishozi, ariwe Imana Nyagasani, ibi bisingizo ntawundi bikwiye uretse Imana.

③ Ntiyabyaye, kandi ntiyanabyawe, kuko ntacyo ahwanye nacyo, no kuba bitashoboka kumwitirira icyo aricyo cyose cyatariho kuva mbere kitazanabaho nyuma, kuko icyibyawe cyose mbere yo kuvuka ntiyariho, ntabwo Imana igira umubyeyi yitirirwa, QATADAT aravugaga ati: Ababangikanyamana b'abarabu baravuze bati: Abamalayika ni abakobwa b'Imana, Abayahudi nabo baravugaga bati: UZAYIRU ni umwana w'Imana, Abakristu nabo baravugaga bati: YESU ni umwana w'Imana, maze Imana irabanyomoza iravugaga iti: *“Ntiyabyaye kandi ntiyabyawe”*.

④ Nta na kimwe kimeze nkayo, ntawungana nayo, ntawusa nayo ntabwo abanyamurungu n'Imana ibisingizo byayo byuzuye .

Surat Al Falaq: Igitondo.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 5.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Vuga uti: Nikinze kuri Nyagasani w'igitondo, kuko igitondo cyiva mu ijoro, bavugako kandi ari buri cyintu Imana yaremye gisohoka mu kindi, haba mu nyamaswa, imbuto n'ibindi, ndetse na buri bitera byose, bavuga ko kandi ari ukugaragaza ko ushoboye gukuraho uyu umwijima ukaze kuri iyi Si ashobora no gukiza buri wese umwikinzeho ibimuteye ubwoba.

2 Nikinze ku Mana ngo indinde ibibi by'ibiremwa byayo byose.

3 Nikinze kandi ku Mana ngo indinde ibibi by'ijoro ryijimye iyo riguye, bavuga ko iyo ijoro riguye inyamaswa zose ziva mu myobo yazo, bityo izigira nabo zikagira nabi.

4 Nanikinze ku Mana ngo indinde ibibi by'abagore babarizi kuko bajyaga bahuha mu mapfundo y'indodo iyo bayarogeshaga.

5 Nkanikinga ku Mana ngo indinde ibibi by'umunyeshyari iyo agize ishyari (ishyari ni ukwifuzwa ko icyiza Imana yahaye mugenzi wawe kimuvaho).

Surat A Naas: Abantu.

Yamanukiye Makka Ifite Ayat: 6.

Ku izina ry'Imana Nyirimpuhwe, Nyirimbabazi.

1 Vuga uti: Nikinze ku Mana Nyagasani w'abantu, umuremyi w'abantu, uyobora ibyabo byose akanatunganya ubuzima bwabo.

2 Afite ubwami bwuzuye n'ubutegetsi bukomeye.

3 Ugaragirwa n'abantu, kuko umwami ashobora kuba ari Imana cyangwa atariyo, Imana igaragaza ko izina ry'ubumana ari umwihariko wayo ntawe aribangikanye ho nawe.

4 Andinde ububi bwa Shitani, iyo umuntu asingije Imana Shitani irikunja igacika imbaraga, naho iyo umuntu atasingije Imana Shitani irirambura akamutera impagarara mu mutima.

5 Shitani itara impagarara mu mitima y'abantu, ibahamagarira rwihishwa kuyumvira ikagera ku mitima idasohoye ijwi, nyuma Imana igaragaza ko ibitera impagarara mu mitima birimo ibice bibiri: Amajini n'Abantu, Imana iti :

6 Mu majini no mu bantu, Shitani yo mu majini: Impagarara zayo izerekeza mu mitima y'abantu, naho Shitani yo mu bantu:

سُورَةُ الْاِخْلَافِ آياتها ١١
بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ قُلْ هُوَ اللَّهُ أَحَدٌ ١ اللَّهُ الصَّمَدُ ٢ لَمْ يَلِدْ وَلَمْ يُولَدْ ٣ وَلَمْ يَكُنْ لَهُ كُفُوًا أَحَدٌ ٤
سُورَةُ الْفَلَقِ آياتها ٥
بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ الْفَلَقِ ١ مِنْ شَرِّ مَا خَلَقَ ٢ وَمِنْ شَرِّ غَاسِقٍ إِذَا وَقَبَ ٣ وَمِنْ شَرِّ النَّفَّاثَاتِ فِي الْعُقَدِ ٤ وَمِنْ شَرِّ حَاسِدٍ إِذَا حَسَدَ ٥
سُورَةُ النَّاسِ آياتها ٦
بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ قُلْ أَعُوذُ بِرَبِّ النَّاسِ ١ مَلِكِ النَّاسِ ٢ إِلَهِ النَّاسِ ٣ مِنْ شَرِّ الْوَسْوَاسِ الْخَنَّاسِ ٤ الَّذِي يُوسَسُ فِي صُدُورِ النَّاسِ ٥ مِنَ الْجِنَّةِ وَالنَّاسِ ٦

Impagarara zayo nayo ziba mu mitima y'abantu, ikugaragariza ko ikugira inama nziza, maze amagambo yayo agaragara nkaho ari ubujyanama akagukora k'umutima, nkuko impagarara za Shitani yo mu majini zigera ku mitima, bavuga ko Shitani itera impagarara mu mitima y'abantu, Imvugo yaturutse kuri IBUN ABASI yaravuze ati: "Nta mwana uvuka adafite k'umutima we impagarara za Shitani k'umutima we, yasingiza Imana zikihisha yazindara impagarara zikaza"

**TWIKINZE KU MANA NGO ITURINDE
IMPAGARARA ZA SHITANI.**

IBIBAZO BY'INGENZI M'UBUZIMA BW'UMUYISLAMU.

1. NIHE UMUYISLAMU AKOMORA IMYEMERERE YE? Umuyislamu akomora imyemerere ye mu gitabo cy'Imana (Qor'an) ndetse no mu migenzo y'ukuri y'Intumwa Muhamad, we utaravugaga amarangamutima ye *“in huwa ila wah'yun yuha”* Ahubwo yaravugaga ibyo ahishurirwa gusa. Ibyo bikagendana n'uko abasangirangendo babisobanukiwe ndetse n'abantu beza bo hambere (Imana ibishimire).

2. IGIHE TUTAVUZE RUMWE KU KINTU TUGARUKA HE? Iyo turamutse tutavuze rumwe ku kintu tugomba kugaruka k'umuyoboro n'amategeko atugenga, tukaba dusabwa kugaruka ku gitabo cy'Imana(Qor'an) n'imigenzo y'intumwa MUHAMAD. **Qor'an:** *(Ni muramuka mutavuze rumwe ku Kintu mujye mu kigarura ku Mana n'Intumwa)* Sura Nisaai (4) Ayat 59

Hadith: *«Mbasigiye ibintu bibiri ntimuzayoba nimushikama kuri byo: igitabo cy'Imana, n'imigenzo y'intumwa yayo»* Yakiriwe na Ahmad.

3. NI IRIHE TSINDA RIZAROKOKA K'UMUNSI W'IMPERUKA? Intumwa MUHAMAD (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: *«N'abantu banjye bazacikamo ibice mirongo irindwi na bitatu (73) byose ni mu muriro uretse kimwe gusa, baravugaga bati ni ikihe yewe ntumwa y'Imana? Ati: ni ikizaba kigendera kubyo ndiho n'abasangirangendo banjye»* Yakiriwe na Ahmad na Tir'midhiy.

Ukuri rero ni ibyo intumwa Muhamad yariho n'abasangirangendo bayo. Ni kuri wowe gukurikira, ukirinda guhimba niba ushaka kurokoka no kwakirirwa ibikorwa.

4. VUGA IBISABWA KUGIRANGO IBIKORWA BYIZA BYAKIRWE? Ibisabwa kugirango ibikorwa byiza dukora byakirwe ni: **1.** Ni ukwemera Imana no kutayibangikanya, kuko ubangikanya atemererwa ibikorwa akora. **2.** Kwiyereza Imana: bisobanuye ko ibyo bikorwa ugomba kubikora kubera Imana. **3.** Gukurikiza uko Intumwa Muhamad yabikoraga, bisobanuye ko bigomba kuba bikurikije umuyoboro yazanye, ntusenge Imana binyuranye nuko yategetse. Iyo muri ibi bintu tuvuze habuzemo na kimwe: igikorwa kiba impfabusa.

Qor'an: *(Tugera kubikorwa byabo bakoze “Ababangikanyamana” Tukabihindura ivumbi ritumuka).* Sura Al Furqan (25) Ayat 23.

5. INZEGO Z'IDINI YA ISLAM NI ZINGAHE? Inzego z'idini ya Islam ni eshatu (3) arizo: **a.** Islam. **b.** Imani. **c.** Ih'san.

6. ISLAM NI IKI? N'INKINGI ZAYO NI ZINGAHE? **Islam:** Ni ukwicisha bugufi ku Mana, utayibangikanya, no kuyumvira witandukanya n'ibangikanyamana ndetse na bene ryo. **Inkingi za Islam:** Inkingi za Islam ni eshanu (5) Intumwa Muhamad yazisobanuye mu ijamba rye agira ati: *«Islam yubatse ku nkingi eshanu (5): Guhanya ko ntayindi Mana ibaho uretse Allah na Muhamad akaba intumwa y'Imana. Guhozaho amasengesho atanu (5) buri munsu. Gutanga amaturo. Gukora umutambagiro ku nzu y'Imana i Makka. Gusiba ukwezi kwa Ramadwan»* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

7. IMANI NI IKI? N'INKINGI ZAYO NI ZINGAHE? **Imani:** Ni ukwemera k'umutima, n'ururimi rukavuga, n'umubiri ugakora. * Ukwemera rero yongerwa no kuganduka, ikagabanywa no kugoma. **Qor'an:** *(Kugirango biyongere ukwemera k'ukwemera Kwabo).* Sura Al Fath (48) Ayat 4

Hadith: *“Ukwemera ni ibice mirongo irindwi na bitatu (73) Urwego rwo hejuru muribyho ni ijamba La ilaha ila llahu (Ntayindi Mana ibaho uretse Allah) naho*

urwego rwo hasi muribyo ni ugukura igisitaza mu nzira y'abagenzi, no kugira isoni ni kimwe mu bice byo kwemera" Yakiriwe na Muslim. Ibyo bikaba bishimangirwa

n'uko umuyislam yisanga mu kugira imbaraga yitabira ibikorwa byo kuganduka mu bihe bizwi ko ariby'ibikorwa byiza, akareka gukoramo ibikorwa bibi. **Qor'an:** *"Mu kuri ibikorwa byiza bikuraho ibibi"* Sura Huud (11) Ayat 114

Inkingi zo kwemera: ni esheshatu (6): Intumwa Muhamad yazivuze mu ijambo rye rigira riti: *"Ni ukwemera Imana, n'abamalayika bayo, n'ibitabo byayo, n'intumwa zayo, no kwemera umunsi w'imperuka, no kwemera igeno ko ibyiza n'ibibi bitangwa n'Imana"* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

8. "LA ILAHA ILA LLAHU" BISOBANURA IKI? Ni uguhakana ko ntawe ukwiye gusengwa utari Imana Allah, hanyuma ugahamya ko gusengwa ari ukwa Allah wenyine.

9. ESE IMANA IRI KUMWE NATWE? Nibyo Imana Allah iri kumwe natwe mu bumenyi bwayo, no kumva kwayo, no kubona kwayo, no kurinda kwayo, no kugota kwayo, n'ubushobozi bwayo, no gushaka kwayo. Ariko yo uko iteye ntiyakwivanga n'ibiremwa, nta n'ikiremwa gifite ubushobozi bwo kumenya uko Allah ateye.

10. ESE IMANA YABONWA N'AMASO? Abasobanukiwe Idini cyane bemeranywa ko Imana itabonwa n'amaso hano ku isi, Ariko ko abemera bazabona Imana k'umunsi w'igiterane ndetse no mu Ijuru.

Qor'an: *"Uburanga bumwe k'umunsi w'imperuka buzaba burabagirana bwishimye bunareba Nyagasani wabwo"* Sura Qiyamat (75) Ayat 22-23

11. NI IYIHE NYUNGU YO KUMENYA AMAZINA Y'IMANA N'IBISINGIZO BYAYO? Mukuri inshingano ya mbere Imana yahaye ibiremwa byayo ni ukumenya Imana. Kuko iyo abantu bamenye Imana bayisenga ukuri ko kuyisenga.

Qor'an: *"Menya ko nta yindi Mana ibaho uretse Allah"* Sura Muhammad (47) Ayat 17 Bityo gusingiza Imana kubera impuhwe zayo nyinshi bituma umuntu agira ibyiringiro. No kwibuka ibihano bikaze by'Imana bigatuma umuntu arushaho kuyitinya, no kumenya ko ariyo yonyine yihariye gutanga inema zayo bituma umuntu arushaho kuyishimira. Ikigenderewe rero mu gusengesha amazina y'Imana n'ibisingizo byayo: Ni ukuyasobanukirwa nyabyo uko asobanuka no kuyakoresha.

Mu mazina y'Imana n'ibisingizo byayo, harimo ibyo umuntu ashimirwa iyo aranzwe nabyo, nko kugira ubumenyi, impuhwe, n'ubutabera. Na none harimo nibyo umuntu adakwiye kwiyitirira nk'ubumana, ubuhangange, no kwikuza. Ibisingizo byo umuntu akwiye kurangwa nabyo ntibigomba gukoreshwa no kuri Nyagasani, nko: Kugaragira, gukenera inkunga, kugira ibibazo, guca bugufi, gusaba n'ibindi nkibyho. Kuko ikiremwa Imana ikunda kurusha ibindi ni ikirangwa n'ibisingizo Imana ikunda. N'ikiremwa Imana yanga kurusha ibindi, ni ikirangwa n'ibisingizo bidashimisha Imana.

12. AMAZINA Y'IMANA MEZA NI AYAHE? **Qor'an:** *(N'Imana ifite amazina meza bityo muje muyisaba muyifashishije)* Sura Al Aaraf (7) Ayat 180

Hadith y'impamo yaturutse ku Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) itubwira ko yavuze iti: *"Mukuri Imana igira amazina mirongo cyenda n'icyenda (99), ijana ribuzeho izina rimwe, uzayabarura yose (kuyamenya no kuyakurikiza) azinjira mu Ijuru"* Yaikiriwe na Bukhariy na Muslim.

NO KUYABARURA BISOBANUYE: 1. Kubarura imvugo zayo n'umubare wayo. **2.** Gusobonukirwa n'ibisobanuro byayo, n'icyo agaragaza no kuyemera, iyo umuntu avuze ngo: Al hakim aba ashize ibye byose mu maboko ya Allah, kuko byose bigendera k'ubuhanga bwe, niyo avuze ngo: Al Qudus, yiyumvisha ko Allah atagatifutse ho buri busembwa bwose. **3.** Gusaba Imana uyifashishije, nabyo birimo ibice bibiri: **a:** Kuyisaba uyirata unayigaragira. **b:** Gusaba ibyo ukeneye ko Allah agufasha. Iyo ukurikiranye muri **Qor'an** na **Hadith** z'impamo ushobora kubarura ayo mazina ariyo:

اللَّهُ ALLAHU	Izina ry'Imana Nyirubumana no kugaragirwa n'ibiremwa bye byose, akaba Mana igaragirwa yo yibombarikwaho, ikubamirwa ikaba ari nayo yerekezwaho amasengesho yose
الرَّحْمَنُ A RAH'MANU	Nyirimpuhwe Ni izina risobanura impuhwe nyinshi zayo ku biremwa byayo, akaba ari izina ryayo ry'umwihariko kuburyo bitemewe kuryita ikindi.
الرَّحِيمُ A RAHIMU	Nyirimbabazi Umunyempuhwe ubabarira abemera kw'isi no kumunsi w'imperuka, yabayoboye kuyisenga, kandi ku munsi w'imperuka ikazabagororera ijuru ryayo.
الْمَلِكُ AL MALIKU	Umwami Umwami ufite ubutegetsu busesuye, ukora ibyo ashatse mu biremwa bye, nta numwe mubiremwa bye ufite uruhare mu kubaho k'ubwami bwe cyangwa kuburinda.
الْقُدُّوسُ AL QUDUSU	Nyirubutagatifu Uzira inenge n'ubusembwa ubwo aribwo bwose, kuko ariwe wihariye ibisingizo byuzuye, utagereranywa.
السَّلَامُ ASSALAMU	Amahoro Umunyamahoro uzira inenge n'ubusembwa ubwo aribwo bwose ku giti cye cyangwa mu bisingizo bye, cyangwa mu mazina ye n'ibikorwa bye. Na buri mahoro yose kw'isi no k'umunsi w'imperuka akomoka kuri we.
الْمُؤْمِنُ AL MUUMINU	Utekanisha Umwizerwa uhamya ukuri kw'intumwa n'abayoboze bazo, utanga n'ibimenyetso bihamya ukuri kwazo, na buri mutekano wose kw'isi no ku munsi w'imperuka ukomoka mu mpano ze. Ni nawe umara igishyika abemera ko atabahuguza cyangwa ngo abahane cyangwa ngo azabatere igihunga k'umunsi w'imperuka.
الْمُهَيِّمِ AL MUHAYIMINU	Umurinzi Umurinzi wa buri kintu, n'umuhamya wacyo, unagisobanukiwe cyane.
الْعَزِيزُ AL AZIZU	Nyirimbaraga Umunyacyubahiro gikomere utaneshwa, n'icyubahiro cyo kwihaza kuburyo ntawe akenera ku biremwa n'icyubahiro cyo kuganza, ku buryo nta gikorwa nta burenganzira bwe.
الْجَبَّارُ AL JABARU	Udatsindwa Ufite ubushobozi bwose, ibiremwa byose bikaba bigendera munsi ya gahunda ze, ni nawe ukomeza umunyantega nke, agakungahaza umutindi, akoroshya ibikomere, akorohereza umurwayi n'uri mu ngorane.
الْمُتَكَبِّرُ AL MUTAKABIRU	Uwikirenga Uw'ikirenga, uzira inenge zose, uzira guhuguza abagaragu be, ucisha bugufi kwibona kwibona kw'ibiremwa bye. Akaba azwiho ubwibone, uzabumurwanyaho abwiyitirira, azabihanirwa.
الْخَالِقُ AL KHALIQU	Umuremyi Uwatangije ibiremwa nta rugero arebeyeho.
الْبَارِئُ AL BARIU	Utunganye Uwahanze ibyo yagennye akabiha ubuzima.

المصور AL MUSWAWIRU	Ukora amashusho Niwe wahaye ibiremwa bye amashusho yabitoranyirije, ashingiye k'ubugenge bwe, ubumenyi bwe, n'impuhwe ze.
الأول AL AWALU	Uwambere Utagira icyamubanjirije, ndetse n'ibiremwa byose akaba ariwe wabiremye, naho we Nyagasani ntagira itangiriro.
الأخر AL AKHIRU	Uheruka Utagira ikiri inyuma ye, akaba azahoraho, kandi ibiri kw'isi byose bikaba bizashira, bikagaruka iwe, akaba nta herezo afite.
الظاهر ADHAHIRU	Uboneka Niwe usumba byose, akaba nta kimusumba, akaba ariwe ufite ubushobozi kuri buri kintu.
الباطن AL BATWINU	Uwihishe Uwihishe utagaragarira ibiremwa, akaba ari hafi yabyo.
السميع A SAMIU	Nyirukumva Uwumva amabanga yose, n'ibiri kumugaragaro byose, yumva amajwi yose uko yaba yihishe kose cyangwa yumvikana, niwe wakira ubusabe bw'umusabye.
البصير AL BASWIRU	Nyirukurora Ubona byose mu byihishe n'ibigaragra, uko byaba bingana kose.
المولى AL MAULA	Umutware Ni umurezi, umwmi, umutware, umurengezi, akaba n'ufasha abakunzi be.
النصير A NASWIRU	Urokora Utera inkunga ye uwo ashatse, uwo yateye inkunga ntatsindwa, n'uwo yatereranye.
العفو AL AFUWU	Nyiyimbabazi Uhanagura akanababarira ibyaha by'ibiremwa bye, ntabibahanire mu gihe bari bakwiriye ibihano.
القدير AL QADIRU	Nyirubushobozi Ushobora byose, nta kimunanira ku isi no mw'ijuru, akaba ariwe ugena buri kintu.
اللطيف A LATWIFU	Umumenyi w'ibiyihishe Usobanukiwe ibiyihishe cyane, nta kimwisoba na kimwe, akaba ariwe ugeza kubagaragu be amafunguro mu nzira zihishe cyane mu buryo batateganyaga.
الخبير AL KhabIRU	Umumenyi wa byose Usobanukiwe ibiyihishe byose n'ibigaragara byose.
الوتر AL WITRU	Umwe rukumbi Ni rukumbi utagira uwo abangikanye nawe, akaba n'umwe utagira uwo agereranywa nawe.
الجميل AL JAMILU	Umwiza Umwiza usesuye ku gite cye, no mu mazina ye, n'ibisingizo bye, n'ibikorwa bye. N'ubwiza bwose bw'ibiremwa bye bukomoka kuri we.
الحيي AL HAYIYU	Umunyasoni Umunyasoni zikwiriye icyubahiro cye n'ubutware bwe. Isoni za Nyagasani zijyana no kugira ubuntu n'ubuhambare.
القيوم AL QAYUMU	Uwihagije Uwihagije ku gite cye, udakeneye inkunga y'ibiremwa, niwe ubeshyejeho ibiri mu isi no mw'ijuru kandi byose bikenera inkunga ye.
العلي AL ALIYU	Uwikirenga Uw'ikirenga kugiti cye, ibintu byose bikaba biri muni y'ubutware bwe, nta kimusumba na kimwe.
العظيم AL ADHIMU	Umunyacyubahiro Umunyacyubahiro kugiti cye no mu mazina ye n'ibisingizo bye, ni nayo mpamvu ari ngombwa ku biremwa kumukuza byubaha amategeko ye.
الستير A SITIRU	Uhishira Uhishira cyane abagarabu be, ntabakoze isoni, akaba akunda ko umugaragu we yihishira akanahishira mugenzi we.
الكبير AL KABIRU	Igihanganye Ni igihangange ku giti cye no mu bisingizo bye no mu bikorwa bye, nta gihangange kimurenze, ahubwo ibitari we byose bi bito imbere ye.
المتعال AL MUTAALU	Uwo hejuru Uwikirenga usumba byose, ibimwa byose bica bugufi imbere ye, nta kimusumba na kimwe. Ahubwo byose biri muni

	y'ubushobozi bwe.
الوَاحِدُ AL WAHIDU	Umwe (rukumbi) Rukumbi wihariye ibisingizo byose byuzuye, ntawe abifatanyije nawe, kandi akaba nta gisa nawe, ibyo bikaba bisaba ko aharirwa amasengesho wenyine ntawe abangikanye nawe.
الْقَهَّارُ AL QA HARU	Nyirimbaraga Ucisha bugufi abagaragu be bakamugaragira, akaba asumba byose, akaba igihangange ntatsindwa, ibiremwe byose bica bugufi imbere ye.
الْحَقُّ AL HAQU	Uwukuri Udashidikanywa kubumana bwe n'amazina ye n'ibisingizo bye, niwe usengwa by'ukuri, akaba nta kindi gisengwa mukuri kitari we.
الْمُبِينُ AL MUBINU	Ushyira ahagaragara Uwo ubumana bwe bugaragarira mu kuba ari umwe n'ubuhanga bwe n'impuhwe ze, niwe wereka abagaragu be inzira igororotse kugirango bayikurikire, n'inzira mbi kugirango bazirinde.
الْقَوِي AL QAWIYU	Umunyembaraga Ufite ubushobozi busesuye hamwe n'ubushake bwuzuye.
الْمَتِينُ AL MATINU	Ukomeye Ni nyirimbaraga n'ubushobozi bikaze, nta kimugora mu bikorwa bye.
الْحَيُّ AL HAYU	Nyirubugingo Nyirubuziama buhoraho bwuzuye, butagira intangiriro cyangwa iherezo, na buri cyose mu biriho akaba ariwe gikesha ubuzima.
الشَّاكِرُ A SHAKURU	Ushimira Utubura ibikorwa by'abagaragu bike, akabyongerera ibihembo. Gushima kw'Imana umugaragu ni ukumuhembera gushima kwe no kwakira ibikorwa bimumurutseho.
الْحَلِيمُ AL HALIMU	Utwaza buke Utihutisha guhana abagaragu be kandi abifiteye ubushobozi, ahubwo abatwaza buke, akanabababarira iyo bamusabye imbabazi.
الْوَاسِعُ AL WASIU	Uwagutse Ufite ibisingizo byagutse, ntawarangiza ibisingizo bye, ni uwikirenga n'ubutware, nyirimbabazi n'impuhwe, nyiringabire n'ineza.
الْعَلِيمُ AL ALIMU	Umumenyi Uzi ibyihishe n'ibigaragara, ibyahise n'ibiriho n'ibizabaho, nta na kimwe mu bintu kimwisoba.
التَّوَابُ A TAWABU	Uwakira ukwicuza Ushoboza abo ashatse mu bagarabu be kwicuza, akanakira kwicuza kwabo.
الْحَكِيمُ AL HAKIMU	Umuhanga Ushyira ibintu mu mwanya wabyo, kandi mu byo ategura ntihabemo ikosa cyangwa kwibeshya.
الْغَنِيُّ AL GHANIYU	Umukungu Udakenera na rimwe inkunga y'umwe mu biremwa bye kubera kuzura kwe gusesuye no kuzura kw'ibisingizo bye. Ariko ibiremwa byose bikenera inema ze n'ubufasha bwe.
الْكَرِيمُ AL KARIMU	Umunyabuntu Ufite ibyiza byinshi, akaba atanga bihebuje, aha ibyo askaka kuwo ashaka no muburyo ashaka yaba yabisabwe cyangwa atabisabwe, akababarira ibyaha agahishira n'amakosa.
الْأَحَدُ AL AHADU	Umwe Uwihariye kuzura muri byose, ntawe ubangikanye nawe numwe, nta n'igisa nawe, nibi bisaba kumuharira amasengesho wenyine nta kumubangikanya.
الصَّامِدُ A SWAMADU	Nyirukwambazwa Ufite ubutware bwuzuye, wambazwa n'ibiremwa mu bibazo byose, kubera ko bimukeneye cyane. Niwe utanga amafunguro, kandi ntafungurirwa.
الْقَرِيبُ AL QARIBU	Uri bugufi Uri bugufi kubiremwa bye byose, k'ubw'ubumenyi bwe n'ubushobozi bwe.
الْمَجِيدُ AL MAJIDU	Usingizwa Umunyacyubahiro, umunyabuntu, n'uwikirenga mu isi no mw'ijuru.

المجيب AL MUJIBU	Usubiza Usubiza ubusabe bw'abasaba, bijyanye n'ubumenyi bwe n'ubuhanga bwe.
الغفور AL GHAFURU	Ubararira Uhishira ibyaha kuwabikoze kandi n'tamwandagaze n'tanabimuhanire.
الودود AL WADUDU	Ukunda abagaragu be Ukunda abakunzi be akanabaha imbabazi ze n'inema ze, akabishimira akanakira ibikorwa byabo, akanabaha gukundwa ku isi.
الولي AL WALIYU	Umukunzi Ugenzura ibijyanye n'ibiremwa bye, no kugenza ubwami bwe, akaba n'umurengezi kubakunzi be.
الحميد AL HAMIDU	Ushimirwa Usingizwa kumazina ye n'ibisingizo bye n'ibikorwa bye, ni nawe usingizwa mu byiza n'amakuba. Niwe ukwiye gushimwa no kuratwa bisesuye, kuberako ariwe usingizwa k'ukuzura kose.
الحفيظ AL HAFIDWU	Urinda Uwurinda abagarabu be b'abemera n'ibikorwa byabo kubw'ingabire ze, akarinda ibiremwa byose kubw'ubushobozi bwe.
الفتاح AL FATAHU	Umufunguzi Niwe ufungura iby'ashaka mu bigega by'ubwami bwe n'impuhwe ze n'amafunguro ye, bijyanye n'ubuhanga bwe n'ubumenyi bwe.
الشهيد A SHAHIDU	Ukurikirana Ukurikirana ibiremwa bye, yihamirije ukubaho kwe wenyine no guhagararira byose, ahanya ukuri kw'abemeramana n'abamalaika be n'intumwa ze iyo bamuhariye ubumwe bwe.
المقدم AL MUQADIMU	Ushyira imbere Ushyira ibintu mu mwanya wabyo bijyanye n'ubushake bwe n'ubuhanga bwe, agashyira bamwe mu biremwa imbere y'abandi bijyanye n'ubumenyi bwe.
المؤخر AL MUAKHIRU	Ukereza Ushyira ibintu mu mwanya wabyo, akihutisha ibyo ashaka akanakereza ibyo ashaka kubw'ubuhanga bwe, agatinza ibihano kubagaragu be kugirango babashe kwicuza.
المليك AL MAALIKU	Umutunzi Ufite ubwami bw'umwimerere kandi bumukwiriye. Ubwami ni ubwe kuva atangira kurema, ntawariho n'umwe uretse we, kandi ubwami ni ubwe kw'iherezo igihe ibyaremwe bizashira.
المقتدر AL MUQ'TADIRU	Nyirububasha Ufite ububasha bw'ikirenga mu gushyira mu bikorwa igeno kuri byose, no kurema nkuko byari biteganijwe mu bumenyi bw'Imana bwabanje.
المسعر AL MUSAIRU	Uhanisha umuriro Uwongera agaciro k'ibintu n'umwanya wabyo n'umumaro wabyo cyangwa akabigabanya bigahenda cyangwa bigahenduka bijyanye n'ubuhanga bwe n'ubumenyi bwe.
القابض AL QABIDWU	Ufata Ukuramo roho, agafatira amafunguro kubo ashaka mu biremwa bye kubw'ubuhanga bwe n'ubushobozi bwe ari ukubagerageza.
الباسط AL BASITWU	Urambura Uwagura amafunguro ku bagaragu be, kubw'ubuntu bwe, n'imbabazi ze, akabagerageza muri ibyo bijyanye n'ubuhanga bwe, akarambura amaboko ye ababarira abakosheje.
الرازق A RAZIQU	Utanga amafunguro Ufungurira ibiremwa byose, akagena amafunguro yabyo mbere yo kerama byose, akishingira kuyuzuzza kabone n'ubwo byaba nyuma y'igihe.
القاهر AL QAHIRU	Uhitisha iryo ashaka Ucisha bugufi abagaragu be bakamugaragira, akaba asumba byose, akaba igihangange ntatsindwa, ibiremwe byose bica bugufi imbere ye.
الديان A DAYANU	Uwishyura Uwo ibiremwa byibombarikaho, agahembera abagaragu be ibyo bakoze, byaba ari ibyiza akabitubura, byaba ari ibibi akabihanira cyangwa akabibabarira.

الشَّاكِرُ A SHĀAKIRU	Ushimira Ushimagiza umwubaha akanamurata, agahembera igikorwa niyo cyaba gito, akongerera umuntu mw'isi kubera gushima kwe, akazanamuhemba mu buzima bw'impera.
الْمَنَانُ AL MANANU	Utanga cyane Utanga byinshi n'inema zihambaye n'ineza ihebuje ku biremwa bye.
الْقَادِرُ AL QADIRU	Ushobora Ushobora byose, nta kimunanira ku isi cyangwa mw'ijuru.
الْخَلَّاقُ AL KHALAQU	Umuremyi Uwaremye byose ntacyo arebeye ho mu byahise.
الْمَالِكُ AL MĀALIKU	Umwami Ubwami bwe ni umwimerere w'umwihariko kandi ubikwiye, ubwami ni ubwe igihe cyo kurema ibiremwa ntibwigeze bugirwa n'undi utari we, kandi ubwami ni ubwe mwiheremo rya buri kiremwa.
الرَّزَاقُ A RAZAAQU	Utanga amafunguro Utanga amafunguro menshi ku biremwa, akabafungurira bataramusaba ndetse akanabafungurira hamwe no kumugomera.
الْوَكِيلُ AL WAKILU	Uhagarariye Uhagarariye ibiremwa akabigenzura mu kuremwa no kugena, niwe uhagarariye ibiremwa mu kubirema no kubiha inkunga, ni nawe uhagarariye abemera bashyira ibibazo byabo mu maboko ye mbere yuko babikora, bakamwifashisha igihe barimo gushakisha, bakamushimira nyuma yo kubashoboza, bakanishimira ibyo bagenewe nyuma yo kubagerageza.
الرَّقِيبُ A RAQIBU	Umugenzuzi Ureba iby'ibiremwa bikora n'ubarura ibikorwa byabyo, nta kimwisoba mu byarorwa cyagwa mu byatekerezwa.
الْمُحْسِنُ AL MUH'SINU	Ugira neza Ufite ineza yuzuye kubwe no mumazina ye n'ibisingizo bye n'ibikorwa bye, akanatunganya buri cyose yaremye, akagirira neza ibiremwa bye.
الْحَسِيبُ AL HASIBU	Ubarira Uhagirije abagaragu be muri byose bibahimbaje mu bibazo by'idini yabo cyangwa isi yabo, akaba anahagirije abemera k'uruhare runini. Ni nawe ubabarurira ibyo bakoze mu isi.
الرَّءُوفُ A RAUFU	Uwitonze cyane Ufite impuhwe nyinshi, nazo ni rusange kubiremwa byose mw'isi, no kuri bamwe mu mpera nabo ni abakunzi be b'abemera.
الشَّافِي A SHĀAFIY	Ukiza Ukiza imitima n'imibiri indwara, no mu maboko y'abantu bakaba nta muti bafite uretse uwo yaborohereje kubona, naho gukira ko biri mu maboko ye wenyine.
الرَّقِيقُ A RAFIQU	Utwaza buke Utwaza buke mu bikorwa bye, we Nyagasani atwaza buke kandi buhoro mu kurema kwe no mw'itegeko rye, agatwaza buke abagarabu be no mu bworohe nta bategeke ibyo badashoboye, kandi Nyagasani akunda umugaragu we utwaza buke.
الْمُعْطِي AL MUUTWI	Utanga Uha uwo ashatse mu biremwa ibyo ashatse mu bigega bye, akanaha abakunzi be umugabane munini, ni nawe wahaye buri cyose yaremye akanagiha ishusho.
الْمُقِيتُ AL MUQITU	Ugaburira Urema amafunguro akanishingira kuyageza kubiremwa, niwe murinzi wayo n'ibikorwa by'abagaragu nta kugabanya.
السَّيِّدُ A SAYIDU	Umutware Ufite ubukuru busesuye ku biremwa bye, niwe mwami wabyo na Nyagasani wabyo, nabo ni ibiremwa bye n'abagarabu be.
الطَّيِّبُ A TWAYIBU	Umwiza Utagira inenge, akaba yuzuye bisesuye, afite ibyiza byinshi ku biremwa bye, kandi Nyagasani ntiyakira mu bikorwa n'amaturu keretse ibyiza biziruye bimwerejwe wenyine.

الْحَكَمُ AL HAKAMU	Ukiranura Ukiranura hagati y'ibiremwa bye mu butabera, nta huguza n'umwe muri bo ni nawe wamanuye igitabo cye gitagatifu kugirango kibe umucamanza mu bantu.
الْأَكْرَمُ AL AKRAMU	Umunyabuntu buhebuje Ufite ubuntu buhebuje, nta rugero rwe namba muri ibyo, ibyiza niwe biturukaho, ahemba abemera kubw'ingabire ze akanaha igihe abatera umugongo, akanababarira mu butabera bwe.
الْبَرُّ AL BARU	Nyirineza Ufite ineza yagutse ku biremwa, niwe utanga kuburyo ntawabarura inema ze, ni umunyakuri mw'isezerano rye, ni nawe wirengagiza amakosa y'umugaragu we, akamurengeza akanamurinda akanakira bike bye akanabitubura.
الْغَفَّارُ AL GHAFARU	Ubabarira Ufite imbabazi nyinshi ku mugaragu we w'umunyabyaha wicuza.
السُّبُوْحُ A SUBUHU	Usingizwa Utanira inenge, kuko we afite ibisingizo byuzuye n'ubwiza buhebuje.
الْوَارِثُ AL WARITHU	Uzungura Uzahoraho nyuma yo kurangira kw'ibiremwa, n'ibintu byose bigaruka iwe nyuma yo kurangira kwa bene byo, na byose biri mu maboko yacu ni indagizo zizagaruka umunsi umwe kwa nyirazo uzigenga.
الرَّبُّ A RABU	Umurezi Urera ibiremwa bye ku nema ze, akabarera buhoro buhoro, ni nawe urera abakunzi be ku bitunganya imitima yabo, niwe muremyi, umwami, n'umutware.
الْأَعْلَى AL AALAA	Uwo hejuru Uw'ikirenga kugiti cye, ibintu byose bikaba biri muni y'ubutware bwe, nta kimusumba na kimwe.
الْإِلَهُ AL ILAHU	Usengwa Usengwa mu kuri, ukwiriye amasengesho wenyine ntawundi utari we.
الْجَوَادُ AL JAWADU	Umunyabuntu Utanga byinshi ku biremwa bye, n'abemeramana mu buntu bwe bakaba bafite igeno rinini.
الْوَهَّابُ AL WAHABU	Utanga Ufite byinshi atanga kandi nta ngurane, agatanga nta kigambiriwe atanasabwe.

Iyo tuvuga kubarura amazina y'Imana twabonye muri Hadith bisobanura: kuyakoresha. Yavuga ati: **Al Hakimu** (Umunyabugenge) aba ahariye ibye byose Imana kuko byose bijyanye n'ubugenge bwayo. Yavuga ati: **Al Qudusu** (Nyirubutagatifu) akumva ko Imana itagatfutse kuri buri nenge. Kuyakoresha kandi na none ni: Ukuyakuza no kuyubaha, no kuyasabisha Imana.

13. NI IRIHE TANDUKANIRO RIRI HAGATI Y'AMAZINA Y'IMANA N'IBISINGIZO BYAYO? Amazina y'Imana n'ibisingizo byayo bihuriye ku kuba byose byemewe kubikoresha mu (Kwikinga) no (Kurahira). **Ariko na none Hagati yabyo hari itandukaniro iryi ngenzi muri ryo ni iri: a.** Biremewe gukoresha amazina y'Imana mu kwita amazina no gusaba, ariko ku bisingizo ntibyemewe. **Gukoresha amazina y'Imana mu kwita amazina ni nko:** Kuba wakwita umwana wawe (**Abdul Karim**). Ariko kuba wamwita (**Abdul Karam**) byo ntibyemewe. No gusaba biremewe ugira uti: (**Ya Karimu**), ariko ntibyemewe kuvuga uti: (**Ya Karama Ilahi**). **b.** Nuko amazina y'Imana akomokamo ibisingizo nka: (**A Rah'manu**) rikomokaho igisingizo (**Rah'ma**), Ariko ibisingizo by'Imana ntibikomorwamo amazina, kuko ushaka gusingiza Imana ukoresheje igisingizo cyayo (**Is'tiwau**) bisobanuye (**Kwema**) Ntushobora gukomoramo izina (**Umwemyi**) (**Al Mustawiyi**).

c.Nuko ibikorwa byose by’Imana bidakomorwamo amazina. **Urugero:** Nko mubikorwa by’Imana harimo: (**Al Ghadwabu**) bisobanuye (Uburakari) ntiwavuga rero uti: mu mazina y’Imana ni (**Al Ghaadwibu**) bisobanuye (Umurakare), Ariko ibisingizo by’Imana bikomorwa mu bikorwa by’Imana, Nk’igisingizo (**Al Ghadwabu**) kurakara, twemeza ko Imana irakara kuko kurakara ari mu bikorwa byayo.

14. KWEMERA ABAMARAYIKA BISOBANURA IKI? Ni ukwemera nta gushidikanya ko bariho, ko Imana yabaremeye kugirango bayisenge, no gushyira mu bikorwa amabwiriza yayo. **Qor’an:** (*Ni abagaragu batagatifu ntibabanza ijambo ryabo Imbere yiry’Imana kandi bakurikiza amabwiriza yayo*). Sura Al Ambiaa

(21) Ayat 27

Kwemera Abamarayika rero bikubiyemo byinshi: **a.**Kwemera ko bariho. **b.**Kwemera abo twamenye amazina yabo nka (Jibril). **c.**Kwemera bimwe mu bisingizo byabo twamenye, nko kuba bararemwe mu ishusho nini cyane. **d.**Kwemera imwe mu mirimo yabo twamenye bihariye nka marayika ushinjwe gukuramo roho z’abantu.

15. QOR’AN NI IKI? **Qor’an:** Ni amagambo y’Imana, asomwa mu gusenga, yaturutse kuri yo, kandi ni iwayo niho azagaruka, Imana ikaba yarayavuze by’ukuri, mu nyuguti n’ijwi, akumvwa na **Jibril**, nawe akayashyikiriza intumwa Muhamad. N’ibitabo byose byamanutse mu Ijuru ni amagambo y’Imana.

16. ESE DUSHOBORA KUYOBORWA NA QOR’AN GUSA HADITH TUKAZIHORERA? Ntibyemewe kuyoborwa na Qor’an gusa, kuko Imana yategetse kugendera ku migenzo y’Intumwa Muhamad igira iti: **Qor’an:** (*Ibyo Intumwa yabazaniye muje mubikora nibyo yababujije mubireke*) Sura Al Hash’r (59)

Ayat 7 Hadith: rero zaje zisobanura Qor’an, nta nuburyo wamenya ibigize idini kuburyo burambuye nk’amasengesho utifashishije hadith. Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) iti: *“Mumenye ko nahawe igitabo (Qor’an) n’ibindi bimeze nkayo, ntihazagere ko umuntu ahaga akagarama ku buriri bwe akavuga ati: Mwite gusa kuri Qor’an icyo musanzemo kiziruye mu kizirure, nicyo musanzemo kizira mukiziririze”* Yakiriwe na Ahmad na Abu Dauda.

17. KWEMERA INTUMWA BISOBANURA IKI? Kwemera intumwa: Ni ukwemeza ukomeje ko Imana yohereje muri buri gatsiko k’abantu intumwa, zibakomokamo zibahamagarira gusenga Imana imwe bagahakana ibindi byose bisengwa bitariyo. N’uko bose ari abanyakuri, kandi bazwiho ukuri, ari abayobokeye, abanyabuntu, abantu beza, baganduka cyane, abizerwa, abayobozi n’abayobotse. N’uko bo bagejeje ku bantu ubutumwa bwabo, kandi akaba aribo biremwa byiza, N’uko bo batarangwaho ibangikanyamana kuva bavuka kugeza bapfuye.

18. NI IBIHE BICE BYA (SHAFAA) YO KU MUNSI W’IMPERUKA? **Shafaa:** ugutakambirwa n’Intumwa Muhamad ku munsu w’imperuka kuri ibice byinshi, igikomeye muri byo ni : **1.Shafaa Ikomeye:** izabera aho abantu bazaba bahagaze bese ku Munsi w’Imperuka imyaka ibihumbi mirongo itanu(50.000) bategereje ko bacirwa imanza, hanyuma intumwa Muhamad igatakambira Imana kugirango abantu bacirwe imanza. Iyo Shafaa ikaba ari umwihariko w’intumwa Muhamad ikaba ari nayo (**Maqamu Mah’mudu**) umwanya ushimwa yasezeranjwe.

2. Ugutakamba kw'Intumwa Muhamad kugira ngo ijuru rikingurwe. Uwa mbere uzakomanga ku muryango waryo ni Muhamad n'abambere bazaryinjira mu bantu ni abantu be. **3. Ugutakamba kw'intumwa Muhamad:** ku bantu bamaze gucirwa urubanza rwo kwinjira mu muriro kugira ngo batawujyamo. **4. Ugutakamba kw'intumwa Muhamad:** ku bantu bari inkozi z'ibibi ariko ari abemera bari mu muriro kugira ngo bawuvanwemo. **5. Ugutakamba kw'intumwa Muhamad:** kugira ngo abantu bazamurwe inzego mu ijuru. **Shafaa eshatu za nyuma:** Ntabwo zo ari umwihariko w'intumwa Muhamad, ariko niwe uzabimburira izindi ntumwa, hanyuma abamarayika, hanyuma abantu beza bose, na baguye muri Jihad. **6. Ugutakamba:** Ku bantu kugira ngo bazinjire mu ijuru batabaruriwe.

7. Ugutakamba: Kugirango bamwe mu bahakanyi bagabanyirizwe ibihano. Iyo nayo ikaba ari umwihariko w'intumwa Muhamad kuri se wabo **Abu Twalib** kugira ngo agabanyirizwe ibihano. Hanyuma Imana igakura abantu benshi mu muriro bapfuye atari ababangikanyamana hatabayeho gutakamba k'uwo ariwe wese, ntawe uzi umubare wabo uretse Imana ikabinjiza mu ijuru ku impuhwe zayo.

19. ESE BIREMEWE KO UMUNTU YASABA INKUNGA CYANGWA SHAFAA (Ugutakambirwa) KU BANTU BAZIMA? Nibyo biremewe. Kuko idini yemera ko umuntu yafasha undi.

Qor'an: *(Muje mufatanyaga mu byiza no kuganduka)* Sura Al maida (5) Ayat 5

Hadith: *“Ni Mana yiteguye gufasha umuntu mugihe nawe afashije mugenzi we”*

Yakiriwe na Muslim. Naho **Shafaa:** yo agaciro kayo ni Kanini ikaba ari umuhuza, kuko Imana ivuga iti: **Qor'an:** *(Uzaramuka asabiye umuntu ubusabe bwiza, nawe azagira uruhare muri bwo)* Sura Nisaai (4) Ayat 85 **Hadith:** *“Muje musabirana Muzahembwa”*

Yakiriwe na Bukhariy.

Ariko ibyo byose bigomba kuba byujuje ibi bikurikira: **1.** Gusaba ubufasha bigomba gusabwa umuntu muzima, no kubisaba uwapfuye byitwa ubusabe (Iduwa), kandi uwapfuye ntiyumva umusabye. Imana yaravuze iti: “Nimuramuka mubasabye (abapfuye) ntibakumva ubusabe bwanyu, kandi niyo bakumva nta gisubizo babaha” ni gute rero uwapfuye yasabwa ubufasha kandi ariwe ukeneye ubusabe bw'abazima! Kandi ibikorwa bye byararangiranye no gupfa kwe, uretse ibihembo byamugeraho kubera ubusabe bw'abandi bazima n'ibindi. Intumwa Muhamad ^(Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: *“Iyo umuntu apfuye ibikorwa bye byose biba birangiye, keretse mubikorwa bitatu: Ituro yatanze rihoraho, cyangwa ubumenyi yasize bufitiye abandi akamaro, cyangwa umwana utunganye yasize akamusabira”*

Yakiriwe na Muslim.

2. Agomba kuba asobanukirwa ibyo abwirwa. **3.** Igisabwa kigomba kuba gihari. **4.** Kandi kigomba kuba mubyo usabwa yashobora. **5.** Kandi bigomba kuba ari ibintu bya hano ku isi. **6.** Kandi igomba kuba Shafaa ku kintu cyemewe nta ngaruka mbi zirimo.

20. UBUHUZA (Tawasulu) BURIMO IBICE BINGAHE? A tawasulu: aribyo Umuntu yakwita Ubuhuza, Burimo Ibice bibiri: **a. Igice Cyemewe:** Aricyo gifite ibice bitatu(3): **1.** Kwifashisha amazina y'Imana n'ibisingizo byayo. **2.** Kugezwa ku Mana na bimwe mu bikorwa byiza, nkuko byagenze kuri ba bantu batatu binjiye mu buvumo. **3.** Kwifashisha ubusabe bw'umwe mu bayisumu beza, ukeka ko ubusabe bwe bwakwemerwa kuruta ubwawe.



b.Igice cyaziririjwe: icyo gice kikaba kirimo ibice bibiri: **1.** Kuba wasaba Imana wifashishije icyubahiro cy'intumwa Muhamad cyangwa undi muntu mwiza. Nko kuba wavuga uti: Mana ndagusaba nkoreshye icyubahiro cy'intumwa yawe, cyangwa icyubahiro cya Husein wenda. Nibyo koko icyubahiro cy'intumwa kirakomeye ku Mana, kimwe n'icyubahiro cy'abantu beza bose, ariko abasangirangendo nibo bantu baturusha gushakisha no gukora ibyiza. Igihe amapfa yateraga ntibigeze batakamba bitwaje icyubahiro cy'intumwa Muhamad, Hamwe nuko bari hafi y'imva ye, ahubwo bifashishije ubusabe bwa se wabo wa Muhamad witwaga Abasi. **2.** Kuba umuntu yasaba Imana arahira intumwa yayo, cyangwa umuntu Imana ikunda, nko kuvuga uti: Mana ndagusaba ibi n'ibi kubera umukunzi wawe kanaka cyangwa kubw'intumwa yawe kanaka. Kubera ko ikiremwa kurahira ku kindi birabujijwe, bikaba birushijeho rero iyo ubikorera Imana. Hanyuma na none umuntu ntacyo aryoza Imana kumukorera ngo nuko yayubashye.

21. KWEMERA UMUNSI W'IMPERUKA BISOBANUYE IKI? Kwemera umunsi w'imperuka: Ni uguhamya ukomeje ko uwo munsi uzabaho.

Bijyana no kwemera urupfu, n'ibizaba nyuma yarwo nk'ibigeragezo byo mu mva n'ibihano ndetse n'ibihembo byaho. No kwemera kuzahuha mu mpanda, no kuzahagarara abantu bose imbere ya Nyagasani wabo, no kunyanyagira ibitabo by'abantu no gushyirwaho k'umunzani, na Siratwa (Ikiraro kijya mu Ijuru) no kubaho ikizenga cy'amazi, ndetse na Shafaa (Ugutakambirwa n'intumwa Muhamad), byarangira bamwe bakajya mu ijuru abandi mu Muriro.

22. NI IBIHE BIMENYETSO BIKURU BY'IMPERUKA? Intumwa Muhamad iti: **Hadith:** *“Ntabwo imperuka izabaho mutabonye mbere yayo ibimenyetso icumi, avugamo: dajali n'umwotsi, inyamaswa, izuba kurasira iburengeravuba, kumanuka kwa Yesu mwene Mariya, na yaajuju na maajuju, n'ubwira kabiri butatu, iburasirazuba, iburengerazuba, no mu kigobe cy'abarabu, icyanyuma muribyo ni umuriro uzaturuka muri Yemen ukajyana abantu k'urubuga rw'igiterane”* Yakiriwe

na Muslim.

23. NI IKIHE KIGERAGEZO GIKOMEYE KIZABA KU BANTU? Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe amahoro} n'imigisha) iti: **Hadith:** *“Ntabwo hagati yo kuremwa kwa Adam n'imperuka hari ikintu gikomere kuruta dajali”* Yakiriwe na Muslim. **Dajali:** Uwo akaba ari umuntu mu bantu uzaza mubihe bya nyuma, hagati y'amaso ye yombi kanditse ngo

K F R bizasomwa na buri mwemera, kandi dajali afite ijisho rimwe ry'ibumoso, niwe wa mbere uzaza ahamagarira abantu gukiranuka hanyuma akiyita intumwa, hanyuma akiyita Imana, abantu bakaza akababwiriza bakamuhakanya, amagambo ye bakayanga, akigendera maze imitungo yabo bantu ikamukurikira, ntibagire na kimwe basigarana, hanyuma akajya ku bandi akababwiriza bakamwemera, agategeka ijuru rikagusha imvura, agategeka isi ikameza ibyo ashaka, akajya ku bantu afite amazi n'umuriro mu kuri amazi ye ari umuriro naho umuriro we ari amazi akonje. Ningombwa rero ko buri mwemera yajya yikinga ku Mana ibyo bigeragezo bya dajali kuri buri nyuma y'isengesho, agakunda gusoma intangiriro za Surat Al Kahfi abishoboye, agatinya guhura nawe kubera ibyo bigeragezo.

Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe amahoro} n'imigisha) iti: **Hadith:** *“Uzumva dajali ajye ahunga,*

ndarahira Imana ko umuntu yamusanga yibwira ko ari umwemera akaba ya muyoboka kubera ibyo amwereka bidasobanutse” Yakiriwe na Ahmad na Abu Dauda.

Dajali: azamara ku isi iminsi mirongo ine (40) umwe ungana n’umwaka, undi nk’ukwezi, undi nk’icyumweru, indi minsi ye izaba imeze nk’isanzwe yacu, ntaho azasiga atahinjye uretse Makka na Madina, hanyuma hamanuke Yesu amwice.

24. ESE IJURU N’UMURIRO BIRIHO? Nibyo biriho Imana yabiremye itararema umuntu, biracyariho rero ntibishira, Imana yaremeye ijuru abazarijyamo ku ingabire zayo, n’umuriro iwugenera abazawujyamo k’ubutabera bwayo, kandi buri ruhande rworoherejwe icyo rwaremewe.

25. KWEMERA IGENO RY’IMANA BISOBANUYE IKI? Kwemera igeno ry’Imana ni uguhamya udashidikanya ko buri cyiza cyose n’ukibi cyose bibaho kw’itegeko n’igeno ry’Imana kuko Nyagasani akora icyo ashaka.

Hadith: *“Imana iramutse ihanywe ibiremwa byose byo mu ijuru ryayo n’ibyo mu isi yayo yabahana kandi ntiyaba ibahuguje, kandi inabahaye umugisha, umugisha wayo kuribo waba ari mwiza kuribo bitewe n’ibikorwa byabo, nubwo rero wowe muntu watanga zahabu zingana n’umusuzi wa uhudi mu nzira y’Imana ntabwo Imana izabikwakirira utaremeye igeno, kandi umenye ko icyakubayeho nta buryo cyagombaga kuguhusha, n’icyaguhushije nta buryo cyagombaga kukubaho, kandi uramutse upfuye utemera ibi uzinjira mu muriro”*

Yakiriwe na Ahmad na Abu Dauda.

Kwemera igeno rero bikubiyemo ibintu bine(4) Aribyo:

a. Kwemera ko Imana izi byose byibumbiye hamwe cyangwa bitandukanye.

b. Kwemera ko Imana ibyo byose yabyanditse k’urubaho rurinzwe.

Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe amahoro} n’imigisha) iti: *“Imana yanditse amageno y’ibiremwa mbere yuko irema amajuru n’isi ho inyaka ibihumbi mirongo itanu(50.000)”* Yakiriwe na Muslim.

c. Kwemera ugushaka kw’Imana gushobora byose ntagisubiza inyuma ugushaka kw’Imana, ukanemera n’ubushobozi bw’Imana butananirwa n’icyo aricyo cyose, kandi ko icyo Imana ishaka aricyo kiba, n’icyo idashaka ntikibeho.

d. Kwemera ko Imana ariyo Muremyi wahanze byose, ukemera ko ibitari yo byose ari ibiremwa byayo.

26. ESE IBIREMWA BIGIRA UBUSHOBOZI NO GUSHAKA KOKO?

Nibyo umuntu agira ugushaka no guhitamo, ariko ibyo ntibishobora kuva mu mbizi z’ibyo Imana ishaka. **Qor’an:** *(Ntabwo mushobora gushaka gukora ikintu keretse Imana ibishatse)* Sura Al Insaan (76) Ayat 30

Hadith: *“Nimukore ariko buri wese yoroherejwe icyo yaremewe”* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim. Imana yaduhaye ubwenge, kumva, kubona, kugira ngo tubashe gutandukanya ikiza n’ikibi, ese hari umuntu ufite ubwenge wa kwiba yarangiza akavuga ati : Imana yarabinyandikiye? anabivuze Abantu ntibabyemera, ahubwo bamuhana nabo bakavuga bati: ni Imana yakwandikiye ko unahanwa. Bityo rero kwitwaza igeno ntibyemewe, ahubwo biba ari uguhakana.

Qor’an: *(Ababangikanyamana bazavuga bati: Iyo Imana iza kubishaka nitwari kubangikanya ndetse n’ababyeyi bacu, ndetse ntanicyo twari kuziririza, uko niko n’aba babanjirije babeshyaga)* Sura Al An’am (6) Ayat 148

27. IH'SAN NI IKI? Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yavuze igihe yasubizaga uwari umubajije kuri Ih'san iti: *"Ih'san ni ugusenga Imana nkaho uyireba kuko niba utayireba yo irakureba"* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim. Ariko iyi Mvugo ni Iya Muslim.

Ih'san rero ikaba ari urwego rwo hejuru mu nzego z'idini uko ari eshatu(3).

28. TAUHIDI IRIMO IBICE BINGAHE? Ibice bya Tauhidi ni bitatu (3):

a.Tauhidi Rububiyat: Ariyo guharira Imana yonyine ibikorwa byayo, nko kurema, gutanga amafunguro, kuzura Iyi Tauhidi kuva kera n'abahakanyi barayemeraga mbere yuko intumwa Muhamad itumwa.

b.Tauhidi Uluhiyat: ni uguharira Imana yonyine ibikorwa bijyanye n'amasengesho, nko gusenga, nadhir,(umuhigo), amaturo...

*Kubera rero kugirango abantu baharire Imana ibikorwa by'amasengesho, Imana yohereje intumwa inamanura n'ibitabo.

c. Tauhidi As'mau wa Swifatu: Aribyo guhamya ibyo Imana yihamirije ubwayo n'intumwa yayo, mu mazina y'Imana n'ibisingizo byayo, nta guhindura cyangwa gupfobya inyandiko zibyemeza, nta gusanisha cyangwa kugereranya ibisingizo by'Imana.

29. WALIYU NINDE ? Waliyu: Ni umwemera ukora ibikorwa byiza ugandukira Imana. **Qor'an:** *(Mumenye! abakunzi b'Imana nta bwoba kuri bo nta n'agahinda. Babandi bemeye kandi bakaba ari n'abatinya Imana) Sura Yunus (10) Ayat 62-63*

Hadith : *«Mu kuri umukunzi wanjye ni Imana n'umwemera mwiza »* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Bukhariy na Muslim.

30. NI IKI TUGOMBA GUKORERA ABASANGIRANGENDO

B'INTUMWA? icyo dusabwa kubakorera: ni ukubakunda no kubasabira kwishimirwa n'Imana, tukarinda imitima n'indimi zacu kuribo, tukamamaza ibyiza byabo, tukirinda guca imanza ku bibi bakoze, kuko bari abantu nkatwe bashoboraga kuba bakosa, tukemera ko bagerageje uwageze k'ukuri muribo yahawe ibihembo bibiri, naho utarukugezeho ahabwa igihembo kimwe, n'uwakosheje yababarirwa kandi ibyiza bakoze bishobora gusiba ibibi baba barakoze, kandi bararutana mu nzego abaza ku isonga ry'abandi ni icumu Intumwa Muhamad babwiwe n'Intumwa Muhamad ko bazinjira mu ijuru akiriho. Aribo: Abubakar hanyuma Umari, hanyuma Othuman hanyuma Alliy hanyuma Twal'hat na Zubair na Abdurah'man mwene Aufi na Saadi mwene Abi Waqaswi na Saidi bun Zayidi na Abu Ubayidat mwene Jarah, hanyuma abimukira ba Makka bose hanyuma abarwanye urugamba rwa Badri mu bimukira n'abasangwa ba Madinat, hanyuma abasangwa ba Madinat basindi hanyuma n'abasigaye bose mu basangirangendo.

Hadith: *«Nti muzigere mutuka abasangirangendo banjye, kuko ndarahira k'uwo umutima wanjye uri mu kuboko kwe ko nubwo umwe muri mwe yatanga mu nzira y'Imana zahabu zingana n'umusuzi wa Uhudi ntiyagera ku rushyi rw'umwe muri bo yatanze cyangwa igice cyarwo»* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Nanone Intumwa Muhamad yaravuze ati: *"Uzatuka abasangirangendo banjye afite umuvumo w'Imana n'abamalayika n'abantu bose"* Yakiriwe na Twabraniy.

31. ESE DUSHOBORA GUKABYA MU GUSINGIZA INTUMWA TUKARENZA URUGERO IMANA YAMUHAYE? Nta gushidikanya ko

intumwa yacu Muhamad ariwe kiremwa cyubahitse kurusha ibindi byose ariko ntibyemewe ko tumusingiza tukarenza nkuko **Abakristu** bakabije mu gusingiza **Yesu** mwene **Mariya**, kuko intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} amahoro ^{n'imigisha}) yabitubujije igira iti: *“Ntimuzakabye mu kusingiza nkuko Abakristu bakabije mu gusingiza Yesu mwene Mariya mu kuri nje ndi umugaragu w’Imana, muje muvuga muti: umugaragu w’Imana n’intumwa yayo”* Yakiriwe na Bukhariy.

32. ESE ABAHAWE IGITABO NI ABEMERA? Abayahudi n'abakristu ndetse n'abakurikira andi madini bose ni abahakanyi. Nubwo idini bemera yari ukuri mbere, uzaramuka rero ataretse idini ye ngo Ayaboke intumwa Muhamad nyuma yo gutumwa kwe ngo abe umuyisumu **Qor’an:** *(Ntabwo azabyemererwa kandi uwo ku munsu w'imperuka azaba mu banyagihombo)* Sura Al Imran (3) Ayat 85

Umuyisumu rero aramutse atemera ubuhakanyi bwabo, cyangwa akaba agifite ugushidikanya mu kuba amadini yabo atari ukuri, nawe aba ari umuhakanyi kuko aba anyuranye n'inyigisho z'Imana n'amabwiriza y'Intumwa byose bibagira abahakanyi.

Imana iti: **Qor’an:** *(Nuzaramuka amuhakanye «Muhamad» mu bantu b'amadini yandi umuriro niryo sezerano rye)* Sura Huud (11) Ayat 17

Hadith: *«Ndahiye k'uwo umutima wanjye uri mu kuboko kwe ntawe uzumva ibyange mu Bantu b'iki gihe yaba umuyahudi cyangwa umukristu hanyuma ntanyemere uretse ko azinjira mu muriro»* Yakiriwe na Muslim.

33. ESE BIREMEWE GUHUGUZA ABAHAKANYI? Guhuguza uko ariko kose kuraziririjwe kubera ijamba ry'Imana rigira riti:

Hadith: *«Mu kuri nje naziririje guhuguza kuri nje ubwanjye, hanyuma mbigira ikizira muri mwe bityo rero ntimuzahuguzanye »* Yakiriwe na Muslim.

Abahakanyi rero gukorana nabo harimo ibice bibiri (2): **a. Abari ku isezerano:** nabo barimo Ibice bitatu (3): **1. Ahalu dhimat:** Aribo babandi batanga **Jiziyat** (umusoro utangwa n'abatari abayisumu batuye mu gihugu cya kislam) abo rero baba bafite ubwishingizi iteka ryose kuko baba baragiranye isezerano n'abayisumu ko bagomba gukurikiza amategeko y'Imana n'intumwa yayo, kubera ko batuye mu bihugu bya kislam. **2. Ahalul Hudunat:** Abo ni abo abayisumu baba baragiranye nabo amasezerano y'amahoro no guturana nabo, abo rero ntibyemewe kubashyiraho amategeko y'Imana nkuko twabibonye ku batambutse, gusa bo icyo basabwa ni ukutarwanya abayisumu nka bayahudi ku gihe cy'Intumwa Muhamad.

3. Ahalul Amani: Abo ni babandi bajya mu bihugu by'abayisumu kubera impamvu batagamije kuhatura, nk'intumwa batumye, abacuruzi, abakozi, abagenzi n'abandi.

Itegeko ryabo rero: Nuko batagomba kurwanywa, nti banatanga Jiziyat, ariko bagomba kubwirwa ubuyisumu, yakwinjira Islam bikaba ari byiza, yaba ashaka kujya aho abona atekanye akajyayo, kandi ntasagarirwe.

b. Ahalul Har'bi: Aribo babandi batari binjira mu masezerano, ndetse nta na masezerano y'amahoro bafitanye n'abayisumu.

Abo nabo rero barimo ibice (2): **1.** Hari abarwanya abayisumu ku mugaragaro, bakanabagirira imigambi mibi. **2.** Hari n'abandi bamaze gutangaza intambara kubuyisumu n'abayisumu, cyangwa bakifatanya n'abanzi b'idini kurwanya idini, abo rero bararwanywa bakicwa.

34. BIDIAT NI IKI? Umumenyi witwa **Ibun Rajab** yaravuze ati : iyo havugwa **Bidiat**: ni byabintu byose byashyizweho nta nkomoko bifite mu mategeko y’Imana, naho ibifite inkomoko mu mategeko nti byitwa **Bidiat** muri Islam, nubwo byakwitwa **Bidiat** mu rurimi rw’icyarabu.

35. ESE MU IDINI HARIMO IBIHIMBANO BYIZA N’IBIBI? Imirongo myinshi ya Qor’an na Hadith byaje bivuga ibibi bya **Bidiat** uko isobanurwa mu idini, ko ari: “Ibyabayeho bitagira intangiriro n’inkomoko mu mategeko y’idini.”

Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} amahoro n’imigisha) ati: *“Uzagira icyo akora kitari kubyacu icyo kizamugarikira”* Yakiriwe na Bukhari na Muslim.

Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} amahoro n’imigisha) ati: *“Kuko buri gihimbano ari Bidiat kandi na buri Bidiat yose ni ubuyobe”* Yakiriwe na Muslim.

Imam Maliki ati: Mu gisobanuro cya **Bidiat** mu idini: Uzaramuka ahimbye ikintu muri Islam akabona ko ari cyiza uwo azaba avuze ko intumwa Muhamad hari ibyo atatugejejeho, kandi tuziko Imana yavuze iti : **Qor’an: (Uyu munsu mbujurije idini yanyu “Islam” kandi mbuzurijeho n’inema zanjye)** Sura Maida (5) Ayat 3

Ariko hari amwe muma Hadith yaje yerekena ko **Bidiat** ari nziza hashingiwe kunyito y’icyarabu: Ariyo imwe mu migenzo yaje mu mategeko y’idini ariko ikaza kwibagirana, intumwa Muhamad akabwiriza abantu kuyibutsa.

Nko mu ijambo rye rigira riti: Hadith: “ Uzazana umugenzo mwiza muri Islam azawubonera igihembo, abone n’ibihembo by’uzawukoresha nyuma ye ntakigabanutse ku bihembo byabo na kimwe ” Yakiriwe na Muslim.

No kuri ibi bisobanuro rero haje n’ijambo rya **Umar**: “Iyo niyo **Bidiat** (igihimbano) nziza” ashaka kuvuga **Tarawehe** yari mu Mategeko y’idini n’intumwa Muhamad ayibwiriza abantu ndetse aranayisenga amajoro atatu (3) nyuma aza kuyireka atinya ko yazaba itegeko, **Umar** arayisenga ndetse ateranya abantu bayisengera hamwe.

36. UBURYARYA BURIMO IBICE BINGAHE? **Uburyarya**: burimo ibice bibiri aribyo: **1. Uburyarya bw’imyemerere**: (Bukomeye) aribyo: Kuba umuntu yagaragaza ko ari umwemera ariko ahishe ubuhakanyi. Bene ubwo buryarya bukaba bukura nyirabwo mu idini, kandi bene uyu muntu aramutse apfuye akiburimo apfa ari umuhakanyi.

Qor’an: (Mu kuri indyarya zizaba ziri mu ndiba y’umuriro) Sura Nisaai (4) Ayat 145

Bimwe mu biranga indyarya: Nuko bo bibwira ko bacenga Imana n’abemera, bakanannyega abemera, bafasha abahakanyi kwivuna abayisilamu, ibikorwa byabo byiza bakaba babikora bagamije mo ibyubahiro byo kw’isi gusa.

2. Uburyarya mu bikorwa (Butoya) budakura nyirabwo mu idini ariko nyine nyirabwo aba ari hafi kugera k’uburyarya bukomeye aramutse aticujije.

Bimwe mu biranga bene iyi Ndyarya: * Iyo aganira arabeshya. * Yatanga amasezerano ntayubahirize. * Yaba atonganye akandagaza cyane. * Yaba yarahawe amahoro akubikira. * Yaba yizewe agahemuka, no kubera ibyo abasangirangendo bajyaga batinya uburyarya bw’ibikorwa. Mwene Abi Mulayika yaravuze ati: Nasanze abasangirangendo b’Intumwa Muhamad mirongo itatu bose batinya uburyarya, na Ibrahimu Timiy aravugaga ati: Imvugo zanjye sinazishyize ku bikorwa

byanjye kubera gutinya ko nabeshya. Hasan Al baswariy yaravuze ati: Ntawatineye uburyarya uretse umwemera, nta n'uwiraye kuribwo uretse ko ari indyarya. Umari yabwiye Hudhayifat (Allah abishimire bombi) ati: Ndagusabye kubera Imana, ese Intumwa Muhamad yaba yaramvuzze mu indyarya? Aramubwira ati: Oya, kandi sinzeza undi nyuma yawe).

37. NI IKIHE CYAHA GIKOMEYE KANDI GIHAMBAYE IMBERE Y'IMANA? icyaha gihambaye imbere y'Imana ni : ukuyibangikanya ni kindi kintu.

Qor'an: *(Mu kuri ibangikanya ni uguhuguza guhambaye)* Sura Luq'man (31) Ayat 13

Intumwa Muhamad ubwo yabazwaga iti: Ni ikihe cyaha kiruta ibindi? yarasubije ati: *“Ni ugushyiraho ikigirwamana hamwe n’Imana kandi ariyo yakuremye”*

Yakiriwe na Bukhariy na Muslim

38. IBANGIKANYAMANA RIRIMO IBICE BINGAHE? Ibangikanyamana ririmo ibice bibiri (2) aribyo:

1. Ibangikanyamana rikomeye: Bene iri bangikanya rikura umuntu mu idini, nta nubwo Imana ibabarira nyiraryo. **Qor'an:** *(Imana ntibabarira uyibangikanya, ariko ibabarira ibindi byaha bitari ibangikanya kuwo ishatswe)* Sura Nisaa (4) Ayat 48

Iki gice cy'ibangikanya kikaba kirimo ibice bine (4): **a.** Kubangikanya Imana mu gusaba. **b.** Kubangikanya Imana mu migambi no gushaka no mu byifuzo k'ukuba yakora igikorwa gitunganye agikoreye utari Imana. **c.** Kubangikanya Imana mu kumvira: aribyo kubaha abamenyi mu kuziririza ibyo Imana yaziruye, cyangwa kuzirura ibyo Imana yaziririje. **d.** Kubangikanya mu rukundo: nko kuba wakunda umuntu nkuko ukunda Imana.

2. Ibangikanyamana rito: Iryo ntirikura nyiraryo mu idini, kandi ririmo ibice bibiri: **a:** Irigaragara: byaba bishingiye ku imvugo nko kurahira ikitari Imana, cyangwa kuvuga uti: Ugushaka kw'Imana n'ukwawe, cyangwa kuvuga uti: Iyo bitaba Imana na Kanaka. Cyangwa hashingiye ku bikorwa: Nko kwambara igikomo cyangwa urudodo kugirango bigukurireho ingorane wagize, cyangwa bizikumire. Nanone ni nko kwambara impigi utinya amaso mabi cyangwa wirinda imyaku y'inanyi n'amazina n'imvugo ndetse n'ahantu nibindi. **b:** Ibangikanya ryihishe: N'ibangikanya mu migambi no mubushake nko gukorera ijisho no gushaka ishimwe.

39. IBANGIKANYA RIKURU NI RITO BITANDUKANIYE HE?

Biratandukanye cyane amwe mu matandukaniro yabyo ni uko: * Ibangikanya rikuru nyiraryo itegeko rye aba yavuye mu idini hano ku isi, no kuzaba iteka mu muriro ubuzira herezo kumperuka. Naho ibangikanya ritoya ntirikura nyiraryo mu buyisumu ku isi, nta ntubwo azaba iteka mu muriro mu mpera. * Ni nkuko ibangikanya rikuru rituma ibikorwa byose umuntu yakoze biba impfabusa, ariko ibangikanya rito ryonona ibikorwa byagendanye naryo. * Hagasigara ikibazo kitavugwaho rumwe, nacyo ni: Ese ibangikanya rito ntiribabarirwa naryo hatabayeho kwicuza nkuko bimeze kw'ibangikanya rikuru? cyangwa ryo ni nk'ibindi byaha byoreka mu kuba rizababarirwa hashingiwe kubushake bw'Imana ? uko byaba biri kose, ikibazo kirakomeye cyane.

40. ESE IBANGIKANYAMANA RITO HARI UKO UMUNTU YARYIRINDA RITARAMUBAHO, CYANGWA HARI ICYIRU CYARYO

RYAMAZE KUMUBAHO ? Nibyo uko umuntu yakwirinda kwibona : Nuko buri gikorwa cyose yagikora kubera Imana gusa. Naho kwibona guke cyane : Kurangizwa no gusaba Imana cyane.

Hadith: “*Yemwe bantu nimutinye iri bangikanya kuko ryihishe cyane kurusha urushishi, bati: Twaryirinda dute yewe ntumwa y’Imana kandi ryihishe kurusha urushishi? aravuga ati: “Mujye muvuga muti: Mana tukwikinzeho ngo uturinde kukubangikanya n’icyo aricyo cyose twaba tuzi, tukanagusaba imbabazi z’ibyo tutazi”*”

Yakiriwe na Ahmad.

Naho icyiruru cyo kurahira utari Imana : Intumwa Muhammad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: **Hadith :** “*Uzahira ikigirwamana cya Laata n’icya Uzat aje avuga ati : “La Ilaha Ila Ilahu”*”

Yakiriwe na Bukhariy na Muslim•

Naho icyiruru cyo kwemera imyaku y’ibiguruka (A **tatwayur**): Intumwa Muhammad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) yaravuze iti: **Hadith:** “*Uzagarurwa mu rugendo rwe n’inanyi, uwo aba abangikanyije Imana” baravuga bati: ni icyihe cyiruru cyabyo? Aravuga ati: “Uvuge uti : Mana nta cyiza uretse icyawe, nta ni nyoni uretse iyawe, nta nindi Mana itari wowe”*”

Yakiriwe na Ahmad.

41. UBURAKANYI BURIMO IBICE BINGAHE? Ubuhakanyi burimo ibice bibiri (2): **a. Ubuhakanyi bukuru:** Bukuru umuntu mu idini, nabwo bukaba burimo ibice bitanu (5) : **1.**Ubuhakanyi bwo guhakana. **2.**Ubuhakanyi bwo kwikuzza ariko wemera. **3.**Ubuhakanyi bwo gushidikanya. **4.**Ubuhakanyi bwo kwirengagiza. **5.**Ubuhakanyi bw’uburyarya.

b. Ubuhakanyi butoya: aribwo bwitwa guhakana inema, ubwo buhakanyi n’ubw’ibyaha gusa, ntibukura nyirabwo mu idini nko kuba wa kwica umuyisumu.

42. NI IRIHE TEGEKO RYA NADHIR ? Intumwa Muhammad ntiyishimiraga umuhigo (Nadhir) aravuga ati: **Hadith:** « *Mu kuri umuhigo (Nadhir) nta cyiza uzana»*”

Yakiriwe na Bukhariy.

Ibyo ni igihe uba wagize umuhigo ku Mana, ariko umuntu ashyizeho umuhigo kutari Imana nko kuba umuntu yashyiraho umuhigo ku imva cyangwa umuntu w’umukiranutsi, uwo muhigo ntiwemewe kandi uraziririjwe, nta nubwo byemewe kuwubahiriza.

43. NI IRIHE TEGEKO K’UMUNTU UGIYE K’UMUPFUMU CYANGWA UMUNYAMASHITANI? Kujya kuri abo bantu ukagira icyo ubabaza kirazira, umuntu naramuka ageze kuri abo bantu abashakaho umumaro ariko atemera ibyo bamubwiye, uwo ntabwo amasengesho ye y’iminsi mirongo ine (40) yemerwa.

intumwa Muhammad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) iti : “*Uzajya k’umupfumu akagira icyo amubaza ntabwo amasengesho ye y’iminsi mirongo ine (40) azemerwa”*”

Yakiriwe na

Muslim•

Naramuka agiye yo akemera ibyo bavugaga ko bazi ubumenyi bw’ibyahishe: Uwo aba ahakanye idini ya Muhammad (**Islam**).

Intumwa Muhammad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) iti: **Hadith:** “*Uzaramuka agiye ku mupfumu cyangwa umunyamashitani akemera ibyo bamubwiye uwo azaba ahakanye ibyamanuriwe MUHAMAD”*”

Yakiriwe na Abu Dauda.

44. NI RYARI GUSABA IMVURA WIFASHISHIJE INYENYERI BIBA IBANGIKANYA RIKURU CYANGWA RITO? Uwemera ko inyenyeri ubwayo yagira icyo ikora atari ubushake bw’Imana akitirira iyo mvura inyenyeri ko ariyo iyigushije kandi ariyo iyitangije: Iryo riba ari ibangikanyamana rikuru.

Naho uwemera ko inyenyeri ifite uruhare ariko hakurikijwe ubushake bw’Imana akanemera ko Imana yagize iyo nyenyeri impamvu y’iyo mvura akemera ko muri kamere Imana yashyizeho imvura igihe iyo nyenyeri igaragara: Ibyo ni ibangikanyamana rito kandi ni ikizira, kuko uwo muntu aba agize ya nyenyeri impamvu y’imvura nta gihamba y’idini cyangwa ifatika cyangwa ijya mu bwenge ashingiyeho. Ariko gukoresha inyenyeri mu kumenya ibihe by’umwaka n’ibihe by’imvura ibyo biremewe.

45. NI IKI TUGOMBA GUKORERA ABAYOBOZI BA ABAYISLAMU ? Ningombwa ku bumva no kubumvira mu bihe byiza n’ibibi.

Ntabwo byemewe ku bigomekeho nubwo baba abahuguzi ndetse biranabujijwe no kubasabira nabi, no kureka ku bumvira, tukabasabira ngo batungane, bagire ubuzima bwiza, no gukora ibikorwa byiza, tukabona ko kubumvira ari ukumvira Imana igihe cyose bataradutegeka gukora ibibi. Aramutse agize umuyislamu ategeka gukora ibibi ntagomba kubikora, agomba gukora ibindi bitari ibibi yumviye kandi ku neza. Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}amahoro ^{n’imigisha}) iti: **Hadith: «Ugomba kumva no kumvira umuyobozi nubwo yaba agukubita ikiboko ku mugongo yatwaye n’umutungo wawe, jya wumva unumvire »** Yakiriwe na Muslim.

46. ESE BIREMEWE KO TUBARIRIZA IMPAMVU IMANA YATEGETSE IKANABUZA ? Biremewe ko umuntu yabaza impamvu y’itegeko runaka ariko ntagomba gushingira kuri iyo mpamvu ngo akore kuko wenda yamunyuze, ahubwo kumenya impamvu k’umwemera bigomba kumwongerera gushikama ku kuri, ariko kwemera gusesuye utabajije impamvu, ni ikimenyetso cyo kuganduka kuzuye, no kwemera Imana n’ubugenge bwayo bwuzuye nkuko byari bimeze ku basangirangendo.

47. NI IKI KIGAMBIRIWE MURI IRI JAMBO RY’IMANA ? Qor’an: *(Ibikubaho byiza biva ku Mana naho ibikubaho bibi bituruka kuri wowe ubwawe)*

Sura Nisaai (4) Ayat 79

Ikigambiriwe muri iri jambo: Ibyiza bivugwamo ni inema, naho ibibi bivugwamo ni ibigeragezo umuntu ahura nabyo kandi byose byagenwe n’Imana, ibyiza byitirirwa Imana kuko ariyo iba yarabigize byiza, naho ibibi Imana yabiremye kubera impamvu biba ari mu ineza yayo, kuko Imana idakora ikibi na rimwe ahubwo ibikorwa byayo byose ni byiza. Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}amahoro ^{n’imigisha}) iti: **Hadith: “N’ibyiza byose biri mu maboko yawe n’ibibi ntabwo biri iwawe”**

Yakiriwe na Muslim.

Ibikorwa by’abantu rero byaremwe n’Imana bigakorwa na bantu: Qor’an: *(Nuzaramuka atanze (umutungo) akanagira ugutinya, Akanemeza ijambo ry’ukuri, tuzamworohera ibyoroshye, naho uzagira ubugugu akagaragaza ko yihagije akanahakana ijambo ry’ukuri, tuzamworohera inzira igana mu muriro)*

Sura Allaili (92) Ayat 5-10

48. ESE BIREMEWE KO NAVUGA NTI KANAKA NI SHAHIID? Shahiid:

ni umuntu waguye ku rugamba rwa k'islam Jihad. Kuvuga rero ko umuntu ari Shahiid bisobanuye ko umuciriye Ijuru. Igihagararo rero cya **Ahalu Suna wal Jamaat** kuri ibyo: Nuko ntawe tugomba kuvuga ngo uyu azajya mu ijuru cyangwa mu muriro uretse babandi intumwa Muhamad yabibwiye, kuko ukuri kw'ijuru n'umuriro kuri mu byihishe, kandi ntidushobora kumenya uburyo umuntu yapfuye ahagaze, kuko ibikorwa bifite agaciro k'umuntu ni ibya nyuma, bimenywa gusa n'Imana, ariko twifuriza ibyiza uwakoze neza tugatinya n'ibihano kuwa koze nabi.

49. ESE BIREMEWE GUCA ITEKA KO UMUYISLAMU KANAKA ARI UMUHAKANYI?

Ntabwo byemewe kuvuga ko umuyislamu uyu n'uyu ari umuhakanyi cyangwa umubangikanyamana cyangwa indyarya nta kimenyetso na kimwe kiragaragara, hanyuma tukarekera ibyihishe Imana.

50. ESE BIREMEWE GUKORA TWAWAFU KU KITARI AL KAABAT?

Twawafu: ni ukuzenguruka ikintu by'amasengesho. Nta handi hantu kw'isi hemewe gukorera **Twawafu** uretse kuri **Al Kaabat** gusa, ntabwo byemewe rero kuba wayigereranya n'ahandi hantu uko haba hameze kose, nuzaramuka akoze **Twawafu** ahandi hantu akahaha icyubahiro azaba yigometse ku Mana.

IBIKORWA BY'UMUTIMA

Imana yaremye umutima uwugira umwami ibihimba ibigira abasirikare bawo, iyo umwami atunganye rero n'abasirikare baratungana, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} amahoro n'imigisha) yaravuze ati: **Hadith** *“No mumubiri harimo igice cy'inyama iyo gitunganye umubiri wose uratungana, n'iyonyononokaye umubiri wose urononokara, mu menyeko icyo gice ari umutima”* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Umutima nicyo cyicarwo cyo kwemera no kuganduka, cyangwa ubuhakanyi n'uburyarya n'ibangikanya, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} amahoro n'imigisha) yaravuze ati: **Hadith** *“Kuganduka biri hano yerekana ku gituza cy'e inshuro eshatu”* Yakiriwe na Muslim.

No Kwemera: ni imyizerere n'imvugo n'ingiro, ukwizera k'umutima no kuvugisha ururimi n'ibikorwa by'umutima n'ibihimba by'umubiri, umutima rero uremera ukanashimangira ibyo bikabyara imvugo y'ubuhamya kugaragara k'umutima, nyuma umutima ugakora akazi kawo karimo urukundo, gutinya, kwizera, ubwo ururimi rugatangira gukora igikorwa cyo gusingiza no gusoma Qor'an, ibihimba by'umubiri nabyo bigahagurukira kubama no kunama no gukora ibikorwa bitunganye byegereza umuntu kwa Nyagasani we, umubiri rero ukurira umutima nta kiba mu mutima uretse ko kigaragara no ku mubiri muburyo ubwo aribwo bwose. **N'ikigambiriwe ku bikorwa by'umutima:** ni ibikorwa biba mu mutima kandi bifitanye isano nawo, igikorwa cy'umutima gisumba ibindi ni ukwemera Allah no gushimangira no kwitwararika no kwicisha bugufi. Hiyongereye ho ibiba mu mutima w'umuntu kuri Nyagasani we nk'urukundo no gutinya no kwizera no kugaruka kwa Nyagasani no kwiringira no kugira icyizere no kwibombarika ni bindi nk'ibyo.

Na buri gikorwa cyose cy'umutima icyinyuranyo cyacyo ni indwara mu ndwara z'umutima: Kwiyereza Imana icyinyuranyo cyabyo ni ukwibona, n'icyizere ikinyuranyo cyako ni ugushidikanya, n'urukundo icyinyuranyo cyarwo ni urwango...bityo bityo, iyo twirengagije rero gutunganya imitima yacu ibyaha biyuzuraho bikayirimbura, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} amahoro n'imigisha) yaravuze ati: **Hadith** *“Umuntu iyo akoze icyaha kimwe k'umutima we hajyaho akadomo, yakireka agasaba imbabazi akanicuza, karahanagurika, yakongera gukora ikosa hakongerwaho akandi yakongera hakongerwaho akandi kugeza ubwo umutima urengerwa, uwo niwo mugese Imana yavuze igira iti: Qor'an “Sibyo ahubwo imitima yabo yatoye umugese kubera ibyo bakoraga”* Yakiriwe na Tirmidhiy.

Nanone Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} amahoro n'imigisha) yaravuze ati: **Hadith** *“Imitima nayo igerwaho n'ibigeragezo nk'umusambi usosoka agati ku kandi, buri mutima unyoye kuri ibyo bigeragezo biwushyiraho akadomo kirabura, n'umutima wose wanze ibyo bigeragezo k'umutima we hajyaho akadomo k'umweru, kuburyo imitima iba ibiri, k'umutima w'umweru kakererana cyane ibigeragezo ntibigire icyo biwutwara kibi mugihe cyose hakiriho ubuzima bw'isi, n'undi mutima wijimye nk'icuraburindi utamenya igikorwa cyiza ntunabuze igikorwa cyibi, uretse ko wikorera ibyo ushatse”* Yakiriwe na Muslim.

N'amasengesho y'umutima kuyamenya no kuyasobanukirwa ni itegeko ni nangombwa kuri buri muntu; kuko aribwo soko naho ibikorwa by'umubiri bikaba amashami yabyo bikanabyuzuzwa ndetse bikanaba n'imbuto zabyo, Intumwa Muhamad

(Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: **Hadith** “*Imana ntireba uburanga bwanyu cyangwa imitungo yanyu, ariko ireba imitima yanyu n'ibikorwa byanyu*” **Yakiriwe na Muslim**

M'umutima niho haba ubumenyi n'ubushishozi no gutekereza, bityo ukurutanwa kw'abantu imbere y'Imana biterwa n'ukwemera n'icyizere ndetse no kwiyereza Imana bishimangiye mu mutima n'ibindi nkibyo, Al hasan Al baswariy (Allah amwishimire) yaravuze ati: (Ndarahira Imana ko Abubakar (Allah amwishimire) atabarenze kubera iswala cyangwa gusiba, ahubwo yabatambutse kubera ukwemera gushikanye mu mutima we)

Bityo ibikorwa by'umutima biruta iby'umubiri mu buryo bwinshi aribwo:

1.Kuba amasengesho y'umutima iyo atuzuye bishobora gusenya amasengesho y'umubiri, nk'uburyo kwibona bisenya ibikorwa byiza. **2.**Ibikorwa by'umutima niyo soko, bityo igikorwa cyangwa ijambo bibayeho utabigambiriye nyirabyo ntabihanirwa. **3.**Ibikorwa by'umutima nko kutita kuby'isi niyo ntandaro yo kuzabona inzego zo hejuru mu ijuru. **4.**Ibikorwa by'umutima birakomeye kandi biragoye kuruta ibikorwa by'umubiri, Ibun Al munkadir (Allah amwishimire) yaravuze ati: (Nahanganye n'umutima wanjye imyaka mirongo ine kugeza ubwo utunganiye. **5.**Ibikorwa by'umutima nk'urukundo kubera Imana bigira ingaruka nziza. **6.**Ibikorwa by'umutima bigira ibihembo byinshi, Abu Dardau (Allah amwishimire) yaravuze ati: (Gutekereza isaha imwe biruta guhagarara igihagararo cy'ijoro. **7.**Ibikorwa by'umutima nibyo bikoresha iby'umubiri. **8.**Ibikorwa by'umutima nko kwibombarika mu iswala byongerera amasengesho y'umubiri ibihembo cyangwa bikabigabanyiriza cyangwa se bikabyangiza. **9.**Ibikorwa by'umutima bishobora gusimbura iby'umubiri nko kugira umugambi wo gutanga ituro kandi nta mutungo ufite. **10.**Ibihembo by'ibikorwa by'umutima nko kwihangana ntibigira igipimo. **11.**Ibihembo by'ibikorwa by'umutima birakomeza nubwo umubiri waba wahagaze cyangwa utakibasha gukora. **12.**Ibikorwa by'umutima biza mbere yuko umubiri ugira icyo ukora kandi bikanaba hamwe.

Umutima unyura mubyiciro byinshi mbere yuko umubiri ugira icyo ukora aribyo: **1.**Kugira igitekerezo mu mutima bwa mbere. **2.**Kushimangira igitekerezo mu mutima. **3.**Kubunza imitima yibaza gukora cyangwa kureka. **4.**Guhitamo gukora igikorwa. **5.**Gushimangira umugambi wo gukora igikorwa. Ibyiciro bitatu bibanza nyirabyo ntahabwa ibihembo iyo icyo yatekereje ari cyiza nta nubwo anabihanirwa iyo icyo yatekereje ari cyibi. Naho icyiciro cyo guhitamo gukora igikorwa iyo ari cyiza gihemberwa icyiza nkacyo, naho iyo ari kibi nta cyaha yandikirwa, iyo guhitamo rero bihindutse umugambi unoze, iyo igikorwa ari cyiza yandikirwa ibihembo cyaba kibi akandikirwa icyaha nubwo atagikora, kuko ugushaka n'ubushobozi bisaba kuba hariho igishoboka. Imana iti: **Qor'an** “*Babandi bashimishwa nuko inkuru z'ubukozi bw'ikibi zamamara ku bemera, abo bafite ibihano bibabaza*” Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: **Hadith** “*Abayisumu babiri nibahura bombi bafite imihoro yabo (bashaka kurwana) uwishwe n'uwishwe bose ni mu muriro, ndavuga nti: ntumwa y'Imana, ko uyu yishe uwishwe we arazira iki? Ati: nawe yarashishikajwe no kwica mugenzi we*” **Yakiriwe**

na Bukhariy.

Iyo umuntu aretse kugora icyaha nyuma yuko yari yakigambiriye aba ari mu

bice bine: 1. Kuba aretse kugikora kubera gutinya Imana, uwo ahabwa ibihembo. 2. Kuba aretse gukora icyaha kubera gutinya abantu: uyu abona icyaha kuko kureka gukora icyaha ari mu bikorwa by'amasengesho bitagomba gukorerwa utari Imana. 3. Kuba yaretse gukora icyaha kubera kunanirwa kugikora atanakoze n'impamvu zakimugezaho: uyu nawe abona icyaha kubera umugambi ntakuka yari afite. 4. Kuba yaretse gukora icyaha kubera kubura ubushobozi kandi yari yakoze impamvu zose zatuma akigeraho: ariko umugambi we ntugerweho, uyu yandikirwa icyaha cyuzuye, kuko umugambi ntakuka wazanye n'ubushobozi bwo gukora bishira nyirabyo mu mwanya w'uwoyakoze igikorwa cyuzuye, nkuko byagaragaye muri Hadith yatambutse, igihe cyase rero igikorwa kiri kumwe n'umushake ntakuka, nyirabyo arabihanirwa nubwo igikorwa cyaba kitarakorwa cyangwa cyakozwe, ukoze icyiziririjwe inshuro imwe, maze akagambirira kuzagikora igihe cyose azagirira ubushobozi, uwo abarwa ko atsimbaraye ku byaha, ahanirwa uwo mugambi nubwo waba utarashyirwa mu bikorwa. ^(Allah amugirire impuhwe)

BIMWE MU BIKORWA BY'UMUTIMA.

NIYAT (umugambi): Aribyo bisobanuye ubushake no kugambirira, nta gikorwa kwemerwa cyangwa gitungana nta mugambi n'ubushake, Intumwa Muhamad ^(Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: “*Buri gikorwa cyose kigendana n'umugambi kandi buri wese ahemberwa icyo yagambiriye*” Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Mwene Mubarak ^(Allah amugirire impuhwe) yaravuze ati: Hari igihe ibikorwa bike byongerwa n'umugambi, hakaba n'igihe igikorwa gihambaye gituba kubera umugambi, Al Fadhwilu ^(Allah amugirire impuhwe) yaravuze ati: Imana Nyagasani ntakindi igushakaho uretse umugambi wawe, n'ugushaka kwawe, iyo igikorwa gikozwe kubera Imana, icyo gihe byitwa kwiyereza Imana, aribyo kuba igikorwa cyakozwe kubera Imana nta ruhare rw'undi rurimo, niyo igikorwa gikorewe utari Imana, cyitwa ukwibona cyangwa uburyarya cyangwa ibindi.

Inyungu: Abantu bose bazarimbuka uretse gusa abamenyi muribo, n'abamenyi bose bazarimbuka uretse abakora ibikorwa muribo, abakora ibikorwa nabo bazarimbuka uretse gusa ababikora kubera Imana, umurimo wa mbere rero k'umuntu ushaka kugandukira Imana kwiga agasobanukirwa umugambi, hanyuma akawukosora akora ibikorwa byiza nyuma yo gusobanukirwa ukuri no kwiyereza Imana, igikorwa kitarimo umugambi nukwirushya gusa, n'umugambi utarimo kwiyereza Imana ni ukwibona, no kwiyereza Imana bitarimo ukwemera gushimangiye ni vumbi ritumuka.

Ibikorwa birimo ibice bitatu: 1.**Icyaha:** kugira umugambi mwiza ku cyaha ntibigihindura igikorwa cyiza, ahubwo iyo igikorwa cyibi kigeretsweho umugambi mubi ububi bwacyo buriyongera. 2.**Ibikorwa byemewe:**Nta gikorwa na kimwe mu bikorwa byemewe uretse ko kigendana n'umugambi, kandi birashoboka ko nyirabyo abishatse byahinduka ibikorwa byegereza Imana. 3.**Ibikorwa byo kugandukira Imana:** Ibyo bigendana n'umugambi kugirango byemerwe kandi

ibihembo byabyo bitubuke ¹Iyo agambiriye ukwibona igikorwa gihinduka icyaha n'ibangikanya rito ndetse rishobora no kuba ibangikanya rikuru, ibyo bikaba bibaho mu buryo butatu: **1. Kuba icyatumye ushaka gukora igikorwa cy'amasengesho ari ugushaka kwiyereka abantu gusa mbere na mbere:** ibyo n'ibangikanya kandi icyo gikorwa cy'amasengesho kiba kibaye impfabusa. **2. Kuba igikorwa cyakozwe kubera Imana hanyuma kikaza kwinjirwa mo no kwibona,** iyo icyo gikorwa cy'amasengesho intangiriro yacyo idafite aho ihuriye n'umusozi wacyo nk'ituro, intangiriro yaryo ni nziza n'iherezo ryaryo ni ribi. Naho iyo ari igikorwa intangiriro yacyo ifitanye isano n'iherezo ryacyo nk'Iswala icyo gikorwa kiba kiri mu buryo bubiri: **a.** Kuba yakumira uko kwibona ntikonone igikorwa. **b.** Kuba yishimiye kuba mu kwibona: Ibikorwa by'amasengesho bihinduka impfabusa byose. **3.** Kuba ukwibona kwaza nyuma yo gukora igikorwa, nk'izi mpagarara z'umutima ntacyo zitwara igikorwa ndetse n'awagikoze. Bityo rero hari uburyo bwinshi bwo kwibona bwihishe butagaragara bikaba ari ngombwa rero kubumenya no kubwirinda.

Ariko iyo umugambi we mu gukora igikorwa cyiza wari ukwibonera indonke y'isi: Ibihembo byicyo cyangwa ibihano byacyo bijyana n'umugambi we, ibyo bikaba birimo uburyo butatu: 1. Kuba icyamuteye gukora igikorwa ari indonke z'isi gusa:Nk'uyobora abantu mu masengesho kugirango ahabwe umutungo, uwo afite icyaha, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) yaravuze ati: **“Uziga ubumenyi ubundi bwigwa kubera Imana, akabwiga kubera kugirango agire icyo aronka mu ndonke z'isi, uwo ntazumva umwuka w'ijuru ku muni w'imperuka”** Yakiriwe na Abu Daudi. **2. Kuba yakora igikorwa kubera Imana no kubera isi:**Uwo aba afite ukwemera gucagase kandi aba nta kwiyereza Imana afite, nk'ujya gukora umutambagiro mutagatifu Hijat kubera ubucuruzi gusa, iyo Hijat rero

1 Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe amahoro n'imigisha}) yaravuze ati: **“N'uzagambirira gukora igikorwa cyiza ntakigore, Imana imwandikira icyiza cyuzuye, naho iyo akigambiriye akanagikora Imana ikimwandikira mo ibyiza icumi kugeza ku byiza magana arindwi kugeza ku byiza byinshi cyane, n'ugambiriye icyibi ntakigore, Imana imwandikira mo icyiza cyuzuye, naho iyo akigambiriye akanagikora Imana imwandikira icyaha kimwe gusa”** Yakiriwe na Bukhariy an Muslim. Intumwa Muhamad yaravuze ati: **“Aba bantu banjye bagereranywa nk'abantu bane: Umuntu Imana yahaye umutungo n'ubumenyi, akajya akoresha ubumenyi bwe mu mutungo we, akawutanga aho ugomba, n'umuntu Imana yahaye ubumenyi ariko ntimuhe umutungo, akajya avuga ati: iyo nza kugira nk'uyu mutungo nakora mo nkibyo uriya akora, Intumwa Muhamad aravuga ati: abo bombi ku bihembo baranganya, n'umuntu Imana yahaye umutungo ariko ntimuhe ubumenyi akajya ahuzagurika mu mutungo we awutanga aho utagomba, n'umuntu Imana itahaye umutungo cyangwa ubumenyi, akajya avuga ati: iyo nza kugira nkibi nari gukora nkibyo akora, Intumwa Muhamad aravuga ati: abo bombi ku byaha baranganya”** Yakiriwe na Tir'midhiy. Imvugo ya kabiri n'iya kane muri Hadith yayizanye hari ubushobozi aribwo umugambi no kwifuza ibyo bikaba bigaragarira mu mvugo zabo **“Iyo nza kugira nk'ibi nari gukora mo nkibyo akora”** maze buri wese ashirwa mu rwego rwa mugenzi we mu bihembo no mu bihano. Ibun Rajab aravuga ati: Ijambo ry'Intumwa rigira riti: **“Bombi ku bihembo baranganya”** iragaragaza ko mu bihembo by'intangiriro bareshya, ariko ku kwikuba ibihembo batareshya kuko ibyo bihabwa awakoze igikorwa nayo uwakigambiriye gusa we bitamureba, iyo baza kuba banganya ku bihembo byose, n'uwagambiriye icyiza ntakigore yari kwandikirwa ibyiza icumi, kandi ibyo siko bimeze mu mvugo zose.

ibihembo byayo bijyana n'ukwiyereza Imana yayikoranye. 3. Kuba yakora igikorwa kubera Imana ariko akaba ahabwa igihembo kimufasha gukora igikorwa: Uwo ibihembo bye ku Mana biba byuzuye igihembo ahabwa ntacyo kibigabanyaho, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}amahoro n'imigisha) yaravuze ati: ***“Icyo mukwiriye guhabwa ho ibihembo ni igitabo cy’Imana”*** Yakiriwe na Bukhariy.

Bityo mumenye ko abakora ibikorwa biyereza Imana barimo inzego:

1. Urwego rwo hasi: aribyo kuba yakora igikorwa cyiza ashaka ibihembo by’Imana cyangwa kubera gutinya ibihano by’Imana. **2. Urwego rwo hagati:** arirwo kuba yakora igikorwa cyiza kubera gushimira Imana no kumvira itegeko ryayo.

3. Urwego rwo hejuru: arirwo kuba yakora igikorwa cyiza kubera urukundo no kubaha no guha agaciro ndetse no gutinya Imana, uru ni urwego rw’abanyakuri¹.

kwicuza: Ni itegeko kwicuza igihe cyose, kuko gukora amakosa ari kamere muntu, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}amahoro n'imigisha) yaravuze ati: ***“Buri muntu wese ashobora gukosa, ariko abanyamakosa beza ni abicuza”*** Yakiriwe na Tir’midhiy. Nanone Intumwa Muhamad yaravuze ati: ***“Iyo muza kuba mudakora amakosa, Imana yari kubakuraho ikazana abantu bakosa bagasaba Imana imbabazi ikabababarira”*** Yakiriwe na Muslim.

Bityo gutinda kwicuza no gutsimbarara ku byaha ni amakosa, na shitani ishaka kuganza umuntu ikoresheje kimwe mu bisitaza birindwi, iyo inaniwe kumugushiriza kuri kimwe yimukira ku kindi, ibyo bisitaza rero ni ibi: **1.** Igisitaza cy’ibangikanya Mana n’ubuhakanyi. **2.** Iyo itabishoboye ikoresha gukoresha ibihimbano mu myizerere no kureka gukurikira Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}amahoro n'imigisha) ndetse n’abasangirangendo be. **3.** Iyo itabishoboye yifashisha gukora ibyaha bikomeye kuruta ibindi. **4.** Iyo itabishoboye igukoresha ibyaha bito. **5.** Iyo itabishoboye igukoresha Mubahu (ibyemewe) nyinshi. **6.** Iyo itabishoboye igukoresha ibikorwa byiza usize ibibiruta binabirusha ibihembo. **7.** Iyo itabishoboye iguteza amashitani y’amajini n’aya bantu. **Ibyaha birimo ibice byinshi:** **1. Ibyaha bikuru:** aribyo byabindi byashyiriwe ho ibihano hano ku Isi, cyangwa byateganyirijwe ibihano ku mperuka, cyangwa biteza uburakari cyangwa umuvumo by’Imana, cyangwa bituma ubikoze ahananwa ho ukwemera. **2. Ibyaha bito:** aribyo byaha biciye bugufi yibyo. **Impamvu zishobora gutuma ibyaha bito bihinduka ibikuru:** izi ngenzi murizo: Gutsimbarara ku byaha bito, cyangwa kubikora kenshi, cyangwa kubisuzugura, cyangwa kubyigamba, cyangwa kubikora ku mugaragaro. Ukwicuza rero kwakirwa kuri buri cyaha, kandi ukwicuzza kuzakomeza kubaho kugeza ku muni w’imperuka, cyangwa kugeza igihe umutima

¹Imana iti: ***“Naje nkwihutira Nyagasani kugirango unyishimire”*** Musa yihutiye kujya guhura n’Imana kugirango imwishimire, ntabwo ari ukumvira itegeko ryayo gusa, ibyo ni nko kugirira neza ababyeyi bombi, **Urwego rwo hasi cyane:** ni ukubagirira neza utinya ibihano byo kubasuzugura kandi ugirango ubone ibihembo byo kugira neza, **n’Urwego rwo hagati:** ni ukubagirira neza kubera kumvira Imana unishyura ibyiza bagukoreye bakurera ukiri umwana bakaba ari nabo mpamvu yo kubaho kwawe kuri iyi si. **Urwego rwo hejuru:** ni ukubagirira neza wubaha itegeko ry’Imana kuri wowe n’urukundo ufiteye Imana.

w'umuntu umugereye mu ngoto mu gihe cyo gupfa, naho ibihembo by'uwicujije by'ukuri: Nuguhindurwa ibibi yakoze ibyiza niyo byaba byinshi byenda kuzura Isi.

Ibisabwa kugirango ukwicuza kwakirwe ni ibi bikurikira: 1. Kureka no kuva mu cyaha burundu. 2. Kwicuza igihe wamazwe mu cyaha. 3. Kugambirira gukomeye kutazasubira mu cyaha ubutaha. Iyo icyaha gifite aho gihuriye n'ukuri kundi muntu ni ngombwa gusubiza ibyo wahuguje kwa nyirabyo¹.

Abantu ku kwicuza barimo inzego enye arizo: 1. Uwicuza agatunganya ukwicuza kwe kugeza ku mpera y'ubuzima bwe, ntiyigere atekereza gusubira mu cyaha, uretse kumwe mu kunyerera kutajya gutandukana ni kiremwa na rimwe, uku niko gutungana ku kwicuza na nyirako yitwa uwihutira gukora ibyiza, n'uko kwicuza kukitwa: ukwicuza gutunganye, uyu niwo mutima utuje. 2. Uwicujije agatungana ku gukora ibyiza, ariko adatandukana n'ibyaha bimugeraho atabigambiriye, ibigeragezo bikamugeraho nta bushake bwo kubikora, uko akoze icyaha icyo aricyo cyose akaveba umutima we, akanicuza impamvu agikoze, ariko anirinda impamvu zose zicyo cyaha, uyu niwo mutima uveba. 3. Ni uwicuza akanatungana igihe gito hanyuma akaza kuganzwa n'irari ry'umutima we muri bimwe mu byaha maze akabikora, ariko hamwe nibyo agakomeza kwitwararika gukora ibikorwa byiza, anareka ibyinshi mu byaha kandi afite ubushobozi bwo kubikora ndetse anabyifuzza, ariko akaneshwa n'irari inshuro imwe cyangwa ebyiri, maze yarangiza agatangira kwiveba, ariko agahora ategurira umutima we ukwicuza icyo cyaha, uwo niwo mutima uzabazwa, n'iherezo ryawo riteye ubwoba kubera gutinza ukwicuza, kuko hari igihe yapfa aticujije kandi ibikorwa shingiro ni ibya nyuma. 4. Kuba ashobora kwicuza agatungana ku kwicuza kwe igihe gito, hanyuma agasubira mu byaha yihuta atabanje kugisha umutima inama ku kwicuza kandi atanababajwe nuko yakoze icyaha, iyo niyo roho itegeka nyirayo ibibi, uwo mutima rero iherezo ryawo riteye ubwoba.

► KUVUGA UKURI: Ukuri niyo nkomoko y'ibikorwa byose by'umutima, n'imvugo "Ukuri" ifite ibisobanuro bitandatu: 1. Ukuri mu mvugo. 2. Ukuri mu bushake no mu migambi. 3. Ukuri mucyo wiyemeje. 4. Ukuri mu kubahiriza icyo wiyemeje. 5. Ukuri mubikorwa ibigaragara n'ibitaragara. 6. Ukuri mugushimangira inzego z'idini zose, ari narwo rwego rusumba izindi kandi rufite icyubahoro.

► KWICUZA: Ni itegeko kwicuza igihe cyose, kuko gukora amakosa ari kamere muntu, Intumwa Muhammad (^{Allah amuhe} amahoro ^{n'imigisha}) yaravuze ati: **"Buri muntu wese ashobora gukosa, ariko abanyamakosa beza ni abicuza"** Yakiriwe na Tir'midhiy. Nanone Intumwa Muhammad yaravuze ati: **"Iyo muza kuba mudakora amakosa,**

¹ Bavuga ko Intumwa Muhammad (^{Allah amuhe} amahoro ^{n'imigisha}) yaravuze ati: "Dosiye ziri ku Mana ziri ubwoko butatu: Izo Imana ititayeho na busa, n'izo Imana idasigamo na kimwe, n'izo Imana itazababarira, izo Imana itazababarira ni ibangikanyamana, Imana iti: "Mukuri ubangikanyije Imana aziririjwe kuri we ijuru ni ndiri ye ni mu muriro" naho dasiye Imana itazitaho na busa: ni umuntu wihuguje mubikorwa biri hagati ye na Nyagasani we. Imana izamubabarira nibishaka, naho dosiye Imana itareka mo ikintu na kimwe: ni abantu kuba barahuguzanyije ubwabo ku bwabo, guhora ni ngombwa" Yakiriwe na Ahmad. ariko ntikomeye.

Imana yari kubakuraho ikazana abantu bakosa bagasaba Imana imbabazi ikabababarira” Yakiriwe na Muslim.

ahiro, nko kugira ukuri mu gutinya Imana, no kwiringira no gukuza no kutita ku by’Isi cyane, no kunyurwa no kwiringira no gukunda nibindi bikorwa byose by’umutima. Uwo ariwe wese uzarangwa n’ukuri muri ibyo byose byavuzwe, uwo azaba ari umunyakuri kuko azaba ari murwego ruhanitse mu kuri. Intumwa Muhamad ^(Allah amuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati: ***“Mugomba kurangwa n’ukuri, kuko ukuri kuyobora nyirako kumuganisha ku byiza, kandi ibyiza biganisha nyirabyo mu ijuru, igihe cyose umuntu azaba umunyakuri akarangwa n’ukuri yandikwa ku Mana ko ari umunyakuri”*** Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Bityo uzaba ari mugihirahiro cyo gusobanukirwa ukuri, akaba umunyakuri mu gushaka Imana atitaye ku marangamutima ye, uwo biramuhira akenshi. Iyo adahiriwe Imana iramubabarira. icyinyuranyo cy’ukuri ni icyinyoma, aho icyinyoma gihera ni mumutima hanyuma kikagera ku rurimi cyikarwonona, hanyuma cyikagera mu ngingo z’umubiri cyikonona ibikorwa byazo, nkuko cyononnye imvugo z’ururimi, bityo icyinyoma kigakwira imvugo ze ibikorwa bye imibereho ye maze agacibwaho iteka ry’ubwononnyi.

URUKUNDO: Kubera urukundo rw’Imana n’Intumwa yayo n’Abemeramana bitanga uburyohe bwo kwemera, Intumwa Muhamad ^(Allah amuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati: ***“Ibintu bitatu uzarangwa nabyo uzumva uburyohe bwo kwemera, Kuba akunda Imana n’intumwa yayo kuruta byose, Gukunda mugenzi we kubera Imana, Kwanga kuba yasubira mu buhakanyi nyuma yuko Imana ibumurokoye mo nkuko yanga kuba yajugunwa wa Jahanamu”*** Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Iyo umuntu ateye igiti cy’urukundo akacyuhiza kwiyereza Imana no gukurikira Intumwa Muhamad, bibyara imbuto zitandukanye zifite uburyohe buhoraho k’ubushobozi bya Nyagasani. Izo mbuto rero ziri ubwoko bune: **1. Gukunda Imana;** aribyo soko y’ukwemera. **2. Gukunda kubera Imana no kwanga kubera yo kandi ibyo ni tegeko¹.** **3. Urukundo hamwe n’Imana:** Aribyo kubangikanya Imana nundi

1 Abantu mu rukundo n’urwango barimo ibice bitatu: **a. Umuntu ukunda urukundo rusukuye rurira urwango,** aribo abemeramana nyakuri nk’Intumwa n’abahanuzi n’abanyakuri kw’isonga yabo hakaba Intumwa Muhamad n’abagore be n’abakobwa be n’abasangirangendo be. **b. Umuntu wanga urwango rusesuye,** aribo bahakanyi n’ababangikanyamana n’indyarya. **c. Umuntu ukunda mu ruhande rumwe mu rundi akanga,** aribo abemera bakora ibikorwa bibi, abasha gukunda kubera ukwemera afite, akananga kubera ibyaha afite. Urukundo rw’abahakanyi rurimo ubwoko bubiri: **1. Urukundo rushobora gutuma ava mu buyisumu:** arirwo rukundo rw’idini yabo. **2. Urukundo ruziririje ariko rudakura umuntu muri Islam:** arirwo rukundo bakunda ibyi si yabo. Hari igihe habaho kuvanga no kwibeshya hagati yo kubanira neza abahakanyi (batari abagiranye n’abayisumu umasezerano) no kubanga ubaha akato, itandukanirwo riragaragara hagati yabyo: Kubagirira ubutabera no gukorana nabo neza nta rukundo mufitanye nko kugirira impuhwe abanyanteye nke muri bo, no kubaganiriza neza mu nzira yo kuborohera ibyo biremewe, Imana yabivuzeho iti: ***“Ntabwo Imana ibabuza kugirira neza no kugirira ubutabera babandi batabarwanya mu idini kandi batabarukana mu mazu yanyu”*** naho kubanga icyo ni ikindi kibazo, Imana yabitegetse mu mvugo igira iti: ***“Yemwe abemeye ntimuzagire abanzi banjye n’abanzi banyu abakunzi igihe muhuye mubereka urukundo”*** birashoboka kugira uburinganize mu gukorana nabo, ariko ntakubakunda, nkuko intumwa Muhamad yabigenzaga n’abayahudi ba Madina.

muntu m'urukundo rw'itegeko, nkuko ababangikanyamana bakunda ibigirwamana byabo ari nabyo soko y'ibangikanyamana. **4. Urukundo rusanze**, nk'urukundo rw'ababyeyi n'abana n'ibyokurya...urwo rukundo ruremewe, bityo kugirango Imana igukunde ntukite ku by'Isi cyane, Intumwa Muhammad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: **"Ntukite ku by'Isi cyane Imana izagukunda"** Yakiriwe na Ibum Majah.

► **KWIRINGIRA:** Aribyo guharira Imana umutima no kuyiringira mukubona ibyo wifuzaga, cyangwa gukurirwaho ibitagushimishije bikajyana no kwizera igisubizo ku Mana ndetse no gukora impamvu zose zemewe zatumye ubigeraho, bityo kureka kwiringira ku mutima ni ugukomeretsa tawuhidi, no kudakora impamvu zatumye ugera kucyacya ushaka n'ugutsindwa no kugira ubwenge buke, kwiringira rero bibaho mbere yo gukora igikorwa, ari nabyo mbuto yo kugira icyizere.

Kwiringira biri ubwoko butatu: 1. Kwiringira by'itegeko: Aribyo kwiringira Imana ku bitashoborwa nundi wese utari Imana, nko gukiza abarwayi.

2. Kwiringira biziririjwe: Ibyo birimo ubwoko bubiri: **a: Kwiringira by'ibangikanyamana rikuru:** Aribyo kuba umuntu yakwiringira burundu impamvu yakoze ko byanze bikunze zimuha ibyiza zikanamukuriraho ibibi¹.

► **GUSHIMIRA:** aribyo kugaragara kw'inema y'Imana k'umutima w'umuntu nko kwemera no ku rurimi rwe ashimira no ku mubiri we aganduka, gushimira rero bigaragarira mu mutima ku rurimi no ku mubiri, Gushimira rero bikaba bisobanuye gukoresha inema Imana yaguhaye mu kuyigandukira.

► **KWIHANGANA:** aribyo bisobanuye kureka gutakira akababaro k'ibigeragezo utari Imana, ugatakira Imana gusa, Imana iti: **"Mukuri abihangana bazahabwa ibihembo byabo nta kubarirwa"** Zumara: 10. Intumwa Muhammad (Allah amuhe amahoro n')

¹ Ese gukora impamvu ikugeza ku kintu binyuranye no kwiringira? Igisubizo kiri mu buryo butandukanye aribyo: **1.** kukuzanira icyiza utari ufite: ibyo bikaba birimo ibice bitatu: Impamvu yizewe: **a:** nko kurongora kugirango ubone umwana, kureka gukora iyo mpamvu ni ubusazi kandi uko nta kwiringira kurimo. **b:** Impamvu zitizewe: ariko akenshi igikorwa kikaba kitabaho zitabonetse, nk'umuntu ujya ku rugendo m'ubutayu nta mpamba yitwaje, icyo gikorwa aba yakoze ntabwo ari ukwiringira, no kwitaza impamba ni itegeko yategetswe, kuko n'Intumwa Muhammad igihe yajyaga k'urugendo yitwaje impamba ndetse anaha igihembo numuyobora inzira ijya Madina. **c:** impamvu zikekwa ko zageza nyirazo ku gikorwa ariko nta cyizere kigaragara: nk'uca mu nzira zidasobanutse neza mu gushaka umutungo, uwo ntabwo aba yavuye mu kwiringira ariko kureka gukora no gushaka umutungo ntabwo ari ukwiringira na gato. Umari (Allah amwishimire) yaravuze ati: (Umuntu wiringira ni wawundi utera imbuto ze mu murima yarangiza akiringira Imana). **2:** Kubika ibyabonetse: Umuntu ubonye amafunguro meza ataziririjwe akayazigama ntabwo aba acye ukubiri no kwiringira cyane cyane igihe afite umuryango, kuko Intumwa Muhammad yajyaga agura itende mu bwoko bwa Bani Nadwiri akazibikira abantu biwe nk'ibyo kurya by'umwaka wose. Yakiriwe na Bukhariy na Muslim. **3.** Gukuraha ibibi bitari byaba: Ntabwo ari ngombwa mu kwiringira kureka gukora impamvu ikugeza ku gikorwa kubera kwirinda guhura n'ibibazo, nko kwambara ingabo k'urugamba no kuzirika itungo kugirango ridatoroka, ibyo byose bigomba gukorwa bijyanye no kwiringira igikorwa utiringiye impamvu yacyo kandi umuntu akaba yishimiye icyo Imana imugenera. **4:** Gukuraha ibibi byamaze kubaho: Nabyo birimo ibice bitatu: **a:** Kuba byizewe cyane: Nkuko amazi amara inyota. ibi kubireka ntabwo ari ukwiringira na busa. **b:** Kuba bishidikanywa: Nko kwirumikisha ni bindi nkabyo kubikora ntibinyuranye no kwiringira, kuko Intumwa Muhammad yarivuye ndetse anategeka kwivuza. **c:** Kuba bitariho: Nko kotswa igihe uri muzima kugirango utarwara, kubikora binyuranye no kwiringira kuzuye.

imigisha) yaravuze ati: **“Uzagerageza kwihangana Imana izamuha kwihangana, nta mpano nziza kandi yagutse umuntu yahawe iruta kwihangana”** Yakiriwe na Bukhari na Muslim. Umari (Allah amwishimire) yaravuze ati: “Nta kigeragezo nigeze ngeragezwa uretse ko Imana yakimpaga mo inema enye, iyo kitabaga ari icyerekeye ku idini yanjye, ntikinabe igihambaye cyane, n’igihe ntanze kucyakira, kandi nkaba nkiringiye mo ibihembo.

Kwihangana kurimo inzego nyinshi: Urwego rwo hasi: arirwo kureka gutakira utari Imana ariko atabyishimiye. **Urwego rwo hagati:** aribyo kureka gutakira utari Imana kandi ubyishimiye. **Urwego rwo hejuru:** aribyo gushimira Imana ku bigeragezo yaguhaye, kandi n’uhugujwe agasabira umuhuguje ubusabe uwo aba yihoreye kandi afashe ukuri kwe ntabwo aba yihanganye.

Kwihangana kuri amoko abiri: 1. Kwihangana k’umubiri: ataribwo tugamije kuvuga hano. **2.** Kwihangana k’umutima: wihanganira ibyo umutima ushaka kandi urarikiye¹.

Ibyo umuntu ahura nabyo byose ku Isi birimo amoko abiri: a: Ibikorwa bijyanye n’amarangamutima ye: akaba asabwa kwihanganira kuzuza ibyo Imana imusaba kuzuza muri byo nko gushimira no kwirinda kubikoresha mu byaha.

b: Ibikorwa bitandukanye n’amarangamutima ibyo birimo amoko atatu:

1. Kwihanganira kugandukira Imana: Iby’itegeko muri byo ni ugukora ibyo wategetswe. N’ibishimishije muri byo ni ugukora ibikorwa by’umugereka.

2. Kwihanganira kureka ibyaha: Itegeko muri byo ni ukureka ibyaziririjwe. N’ibishimishije muri byo: ni ukureka ibidashimishize.

3. Kwihanganira igeno ry’Imana: Itegeko muri byo ni ugufata ururimi rukirinda gutaka, no gufata umutima ukirinda kwivovota no kurakarira igeno ry’Imana, no kurinda ingingo z’umubiri zikirinda gukora igikorwa icyo aricyo cyose kitashimisha Imana nko kuboroga no kwishwanyaguriza ho imyambaro no kwikubita ku matama ni bindi. N’ibishimishije muri byo ni umutima kwakira neza igeno ry’Imana.

Umukungu ubasha gushimira n’umukene ubasha kwihangana ninde uruta undi?

Umukungu iyo akoresha umutungo we mu kugandukira Imana cyangwa akawubika agamije icyo, uwo aba ariwe mwiza kuruta umukene, ariko iyo umukungu atanga cyane umutungo we mubyaziruwe, umukene aramuruta, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} amahoro ^{n’imigisha}) yaravuze ati: **“Umuntu uriye agashimira Imana, aba ari mu rwego rumwe n’uwasibye akihangana”** Yakiriwe na Ahmad.

► KUNYURWA: Ni ukunyurwa n’ikintu, bikaba biboneka nyuma yo kubaho igikorwa, kunyurwa n’igeno ry’Imana rero ni rumwe mu nzego zo hejuru zegereza Imana, kandi bikaba ari n’imbuto z’urukundo no kwiringira, no gusaba Imana ngo igukurireho ibitagushimishije ntibisobanura kuba utanyuzwe n’ibyo wagenewe.

¹ Ubu bwoko iyo ari ukwihanganira ugushimisha inda cyangwa igitsina byitwa: Kwiyubaha, naho iyo ari ku ntambara byitwa: Ubutwari, naho iyo ari igihe cy’uburakari n’umujinya byitwa: Ubushishozi, byaba ari uguhishara ikintu bikitwa: Kugira ibanga, byaba ari igihe cy’imibereho mibi bikitwa: Kutita ku by’isi cyane, byaba ari uguhazwa na bike bikitwa: Kunyurwa.

► KWIBOMBARIKA: Ni ukubaha cyane no guca bugufi, Hudhayifat (Allah amwishimire) yaravuze ati: (Mwirinde kwibombarika by'uburyarya, baramubwira bati: kwibombarika k'uburyarya ni ukuhe? Aravuga ati: Ni ukubona umubiri wicishije bugufi ariko umutima udaciye bugufi, aravuga ati: Ikintu cya mbere muzabanza kubura mu idini yanyu ni ukwibombarika), n'igikorwa cyose cy'amasengesho kigomba kubamo kwibombarika, ibihembo byacyo bigendana nuko kwibombarika bingana muri cyo, nk'iswala Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n' imigisha) yavuze k'umuntu usali ko ashobora kubona ibihembo bya kimwe cya kabiri cy'iswala yose cyangwa se kimwe cya kane cyayo cyangwa se kimwe cya cumi cyayo, ndetse hari igihe atagira igihembo na kimwe abona ku iswala ye kubera kutagira ukwibombarika muri yo.

► KWIZERA: aribyo kwizera inema z'Imana zagutse, n'ikinyuranyo cyo kwizera ni ukwiheba, n'igikorwa gishingiye ku kwizera cyira cyiri hejuru y'igikorwa gishingiye ku gutinya, kuko kwizera bitanga gukekera Imana ibyiza, n'Imana iravuga iti: *“Njye mba ndi aho umugaragu wanjye ankeka”* Yakiriwe na

Muslim. **Kwizera kurimo inzego ebyiri: a:** Urwego rwo hejuru: ukoze igikorwa cyiza yizeye ibihembo by'Imana, Aishat (Allah amwishimire) yaravuze ati: *(Yewe ntumwa y'Imana “Nababandi batanga ibyo batanga imitima yabo itinya ko bitamerwa” Muuminuna: 60 Ni wawundi wiba agasambana akanywa inzoga, kandi atinya Imana? Intumwa Muhamad aravuga ati: “Oya yewe mukobwa wa Swidiqi, ahubwo abo ni babandi basenga bakanasiba bagatanga amaturo, banatinya ko batabyakirirwa “Abo ni babandi bihutira gukora ibikorwa byiza”*

Yakiriwe na Tir'midhiy. **b:** Urwego rwo hasi: Ukora icyaha akicuza yizeye imbabazi z'Imana. Naho ukora icyaha akagitsimbarara ho akareka kwicuza akizera impuhwe z'Imana, ibyo ni ukwifuzza ntabwo ari ukwizera, kandi ibi ni bibi ntibyemewe ariko ubwoko bwa mbere ni bwiza kandi buremewe. **Umwemera afatanyaga kugira neza no kwibombarika, naho indyarya igafatanyaga ubukozi bw'ibibi no kwirara.**

► GUTINYA: aricyo igihunga kiba k'umutima kubera gutinya kugerwa ho n'ibibi, iyo ibibi byagaragaye icyo gihe byitwaga gutinya icyinyuranyo cyako cyikaba kwirara, bikaba atari icyinyuranyo cyo kwizera ahubwo bizanwa no gutinya, naho kwizera byo biterwa no gushaka, ni ngombwa rero gufatanyaga urukundo no gutinya no kwizera, kuko iyo ubwoba butuye mu mutima w'umuntu butwika imyanya yose y'irari ryawo, bukirukana gukunda isi muri wo. **Ubwoba bw'itegeko:** Ni bwabundi butuma nyirabwo akora ibikorwa byiza, akareka ibyaziririjwe.

Ubwoba bwiza: Ni ubutuma nyirabwo akora ibikorwa byemewe akirinda ibidashimishije, **ubu bukaba burimo ibice byinshi: 1. Gutinya kwibanga:** uko gutinya kugomba gukorerwa Imana gusa. No kubukorerwa utari Imana ni bangikanya rikuru, nko gutinya kw'ababangikanyamana ibigirwamana ko byabagirira nabi. **2. Gutinya kuziririjwe:** aribyo kureka gukora ibyo utegetswe gukora, cyangwa gukora ibyo uziririjwe gukora kubera gutinya abantu. **3. Gutinya kwemewe:** Ni ugutinya bisanzwe muri kamere nko gutinya inyamaswa ni bindi.

► KUDAKUNDA IBY'ISI CYANE: aribyo kureka ibyo ukunda, kubera ibyiza kurushaho, kutita ku by'isi biruhura umutima ndetse n'umubiri, no gukunda

isi cyane byongera umuruho n'umubabaro, ndetse gukunda isi cyane niyo ntango ya buri cyaha cyose, no kutayitaho niyo ntango ya buri gikorwa cyiza, kutita ku by'isi rero ni ukuyisohora mu mutima wawe, si ukuyikura mu ntoki zawe ngo isigare mu mutima wawe kuko ibyo ari ibyi njji, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}amahoro n' imigisha) yaravuze ati: ***“Umutungo mwiza ni uw'umuntu mwiza”*** Yakiriwe na Ahmad.

Umutindi k'umutungo hari uburyo bwinshi:

- 1.** Kuba yahunga gufata umutungo kubera kwanga ingaruka zawo mbi no kuba wamubuza umwanya wo gukora ibikorwa byiza: **Umuntu umeze utya yitwa utitaye ku by'isi.**
- 2.** Kuba atishimira kuba abonye umutungo, kandi ntanawange urwango rumubuza amahoro. **Umuntu umeze atya yitwa uwaguwe neza.**
- 3.** Kuba yishimira kugira umutungo kurusha kutawugira, kubera ko awukunda, ariko kuwukunda bikaba bitamuha intege zo kuwushaka, ahubwo iyo umugezeho atabitekerezaga arawufata kandi akawishimira, niyo kuwugeraho bimusaba guca bugufi arawureka. **Umuntu umeze atya yitwa yitwa uwanyuzwe.**
- 4.** Kuba kutawushaka biterwa n'ubushobozi buke kandi awukeneye cyane, aramutse abonye inzira nubwo yaba igoye yawubonamo yawushaka. **Umuntu umeze atya yitwa umunyamashyushyu.**
- 5.** Kuba agomba kuwushaka byanze bikunze, nk'ushonje, n'uwambaye ubusa. **Umuntu umeze atya yitwa ugeze kubwa burembe.**

IKIGANIRO GITUJE.

Umuntu witwa **Abdu llahi** yahuye n'uwitwa **Abdul Nabi**, **Abdu llahi** yanga iryo zina aravuga ati: Ni gute umuntu yaba umugaragu w'utari Imana?

Abdu llahi aravuga ati: usenga ikitari Imana?

Abdul Nabi ati: Oya, ntabwo nsenga ikitari Imana , njye ndi umuyislamu usenga Imana imwe.

Abdu llahi ati: Nonese iryo zina ni iry'iki rimeze nk'amazina y'abakristu? bita **Abdul Masihi**, kandi nta gitangaza kuribo kuko basenga Yesu, n'uwumvise iryo zina ryawe ahita yumvako nawe usenga intumwa kandi ataricyo umuyislamu aba agambiriye, ahubwo agomba kumenya ko Muhamad ari intumwa y'Imana n'umugaragu wayo.

Abdul Nabi: aravuga ati: Ariko intumwa Muhamad iruta ibiremwa byose, akaba na shebuja w'intumwa tugomba kwitwa iryo zina rero kugirango tubone imigisha, kandi twegere Imana kubera icyubahiro cy'intumwa yayo urwego rwayo ku Mana, kandi tunamushakaho ubuvugizi, ntutangare rero kuko umuvandimwe wanjye yitwa **Abdul Husein** na mbere ye data yitwa **Abdu Rasuli**, no kwita ayo mazina ni ibya kera bireze mu bantu.

Twasanze ababyeyi bacu bayita ntugakomeze ibintu rero, kuko biroroshye kandi n'idini iroroshye.

Abdu llahi ati: icyo ni ikindi cyaha ukoze gikomeye kuruta icya mbere, kuba wasaba umuntu icyo adafitiye ubushobozi uretse Imana, yaba usabwa ari intumwa cyangwa abandi bantu beza bose nka **Husain** n'abandi ibyo biciye ukubiri na Tauhidi twategetswe kugira n'ijambo **La ilaha ila llahu**.

Ngiye kukubaza ibibazo kugirango umenye ko icyo kintu gikomeye, n'ingaruka zo kwita bene ayo mazina, ntakindi ngamije uretse ukuri no kukuyobora, no kugaragaza ikitari ukuri tukakirinda no kubwiriza ibyiza nkabuza ibibi, Imana niyo isabwa inkunga ikaniringirwa ntabushobozi nta n'imbaraga bidaturuka ku Mana isumba byose, ariko mbere ya byose ndagirango nkwi butse ijambo ry'Imana rigira riti: **Qor'an**: « *Mu kuri imvugo y'abemera igihe bahamagariwe kuyoboka Imana n'intumwa yayo kugirango ice imanza hagati yabo bagomba kuvuga bati : turumvise kandi turumviye* » Sura Nuur (24) Ayat 51

N'irindi rigira riti : **Qor'an**: « *Ni muramuka mugize icyo mutavugaho rumwe muzakigarure ku Mana n'ntumwa niba koko muri abemera Mana n'umunsi w'imperuka* » Sura Nisaai (4) Ayat 59

Abdu llahi: Wowe wavuze ko usenga Imana imwe gusa, ukanahamya ko nta yindi Mana ibaho uretse Allah gusa, ese ushobora kunsobanurira icyo ibyo bivuze?

Abdul Nabi: Tauhidi : ni ukwemera ko Imana iriho ariyo yaremye amajuru n'isi, ko ariyo itanga ubuzima n'urupfu, Igenga byose, itanga amafunguro, izi byose kandi ishoboye byose....

Abdu llahi: Iyaba iyo ariyo Tauhidi gusa Farao n'abantu be na Abu Jahali bagombaga kuba ari abemera kuko ibyo byose bari babizi ni kimwe na benshi mu babangikanyamana. Farao wigiraga Imana yemeraga mu mutima we ko hariho Imana igenga byose inakora byose. Gihamya n'ijambo ry'Imana rigira riti: **Qor'an**: « *Barabihakana ariko mu mitima yabo babyemeza bitewe no guhuguza no kwikuza* » Sura Namli (27) Aya 14 Ibyo rero bikaba byaragaragaye ubwo **Farao**

yarohamaga. Ariko mu kuri Tauhidi intumwa zoherejwe kwigisha, ibitabo bikaza biyivuga, abakurayishi bagashorwaho intambara kubera yo ni : « ugharira Imana ibikorwa byose bijyana n'amasengesho ».

IBADAT: rero ni izina rikubiyemo buri kintu Imana ikunda ikanacyishimira mu bikorwa n'amagambo ibigaragara n'ibiyihishe. Ni ijambo (**Ilahu**) muri **La ilaha ila Ilahu** bisobanuye: Ukwiriye gusengwa nta wundi.

Abdu Ilahi: Ese uzi impamvu Imana yohereje intumwa ? iya mbere ari NUHU?

Abdul Nabi: Ni ukugirango bahamagarire ababangikanya gusenga Imana imwe banareke ibigirwamana.

Abdu Ilahi: Ni iyihe mpamvu yatumye abantu ba NUHU babangikanya Imana ?

Abdul Nabi: Ntabwo nyizi.

Abdu Ilahi: Imana yohereje NUHU mu bantu be mugihe bari batangiye gukabya mu kubaha abakiranutsi: **Wada, Suwaa, Yauqa, Yaghutha, Nas'ra.**

Abdul Nabi: Urashaka kuvuga ko Wada nabandi uvuze bose ari amazina yabantu beza, atari ibyigomeke by'abahakanyi?

Abdu Ilahi: Nibyo ni amazina y'abantu beza, abantu ba NUHU babagize Imana n'abarabu barabakurikira muri ibyo.

Gihamya ni ijambo rya **Ibun Abasi** rigira riti: Ibigirwa Mana by'abantu ba NUHU basengaga byageze mu barabu **Wada** cyari icy'ubwoko bwa Kal'bu bwari Dawumatu Jandali, **Yauqa:** cyari icy'ubwoko bwa Hamdani. Naho **Suwaa** cyari icy'ubwoko bwa Hudhayilu. **Yaghutha :** cyari icya Muradi, hanyuma kijya muri Bani Ghutwayifi hagati muri Sabai. Naho **Nasra:** cyari icya Himiyari ari icy'abantu ba Kilai. ***Bakaba bari abantu beza mu bantu ba NUHU bamaze gupfa shitani yegera abuzukuru babo ibabwira ko bagomba gushyira ibibumbe byabo mu byicaruro byabo bakabyita amazina yabo, barabikora ariko ntibabisenga kugeza ubwo nabo bapfuye, ubumenyi buza kuba buke nuko abantu batangira ku bisenga*** » Yakiriwe

na Bukhariy.

Abdul Nabi: Aya magambo aratangaje.

Abdu Ilahi : Ese nkubwire igitangaje kurushaho ? Ese ntuzi ko intumwa yasozeje izindi Muhamad Imana yamutumye ku bantu bicuza bagasenga, bagakora Twawafu na Saayi bagakora Hijat bakanatanga amaturo, ariko bagashyiraho bimwe mu biremwa kuba umuhuza wabo n'Imana, bati : Turashaka ko bitwegereza Imana, tukanashaka ko bituvuganira kuri yo, nk'abamarayika na Yesu n'abandi bantu beza, Imana yohereza Muhamad kugirango abagandurire idini y'umukambwe wabo Ibrahim (Imana imuhe amahoro n'umugisha), no kugirango ababwire ko ibyo byose bitemewe kuwo ariwe wese uretse Imana, kuko ariyo yaremye yonyine itagira uwo ibangikanye nawe, nta n'utanga amafunguro uretse yo gusa, n'amajuru arindwi n'ibiyarimo n'isi ndwi n'ibizirimo byose bigaragira Imana bikagendera ku mabwiriza yayo ndetse nibyo bigirwamana basenga bemera ko biri muni y'ubwami bw'Imana.

Abdul Nabi: Aya magambo arakaze kandi aratangaje, ese hari gihamya wampa?

Abdu Ilahi: Gihamya ni nyinshi murizo: **Qor'an:** «*Vuga uti ninde ubaha amafunguro aturutse mu ijuru no mu isi, ese ninde ugenga kumva no kubona, ninde uvana ikizima mu cyapfuye, akanakura igipfu mu kizima, ninde ugenga*

byose, bazavuga bati ni Imana, ubabwire uti : Ese ntimutinya? » Surat Yunus (10) Ayat 31
Qor'an nanone iti: «*Vuga uti isi ni iyande n'ibiyiraho niba mubizi, bazavuga bati : ni iy'Imana, vuga uti : Ese ntimwakwibuka? vuga uti : Ninde Nyagasani w'amajuru arindwi, na Nyagasani w'intebe ihambaye, bazavuga bati : ni Imana, vuga uti : Ese ntimutinya? vuga uti : Ninde ufite ubutware bwa buri kintu mu kuboko kwe, akaba arinda we atarindwa niba koko mubizi? bazavuga bati : ni iby'Imana, vuga uti: Murogwa mute? » Sura Al Muuminuna (23) ayat 84-89*

Ababangikanyamana bajyaga bavuga muri Hijat bati: «**LABAYIKA ALLAHUMA LABAYIKA LABAYIKA LA SHARIKA LAKA ILA SHARIKA HUWA LAKA TAM'LIKUHU WAMA MALAKAKA**» (Turakwitabye Nyagasani turakwitabye, turakwitabye ntugira uwo ubangikanye nawe, uretse uwawe mufatanyije uramugenga nta kugenga) Abakurayishi bakemera ko Imana ariyo igenga byose, aribyo byitwa «**Tauhidi Rububiyat**» ariko ntibyabinjije mubuyislam, hamwe nuko icyo bashakaga ku bamarayika n'intumwa n'abantu beza bandi byari ubuvugizi no kubegereza Imana, ariko Imana niyo yategetse kumena amaraso yabo no kwigarurira imitungo yabo, bityo rero ni ngombwa ko ugusaba kose gukorerwa Imana n'imihigo yose igakorerwa Imana, no kubaga, no gusaba inkunga na buri gikorwa cyose cy'amasengesho kigakorerwa Imana.

Abdul Nabi: Niba Tauhidi atari ukwemera ko Imana iriho igenga byose nkuko ubivuga noneho Tauhidi ni iki ?

Abdu llahi: Tauhidi yatumye Imana yohereza intumwa, ababangikanyamana bakanga kuyemera ni: Uguharira Imana ibikorwa byose by'amasengesho. ntiha gire igikorwa na kimwe cy'amasengesho gikorwa utari yo.

nko gusaba, imihigo, kubaga, gusaba inkunga, gusaba infashanyo n'ibindi. Iyi Tauhidi rero niyo gisobanuro cy'ijambo « **La ilaha ila llahu** » Kuko Imana mu babangikanyamana b'abakurayishi niyo ikorerwa ibyo byose, yaba umwami cyangwa intumwa cyangwa umuntu mwiza cyangwa igiti cyangwa imva cyangwa ishitani, ntabwo bari bagambiriye mu ijambo imana umuremyi, utanga amafunguro, ugenga byose kuko bari bazi ko ibyo byose ari iby'Imana nkuko twabibonye.

Hanyuma Intumwa Muhamad iza ibahamagarira ijambo Tauhidi: **La ilaha ila llahu** no gushyira mu bikorwa ibisobanuro byaryo, atari ukuvuga k'umunwa gusa.

Abdul Nabi: Urasa nushaka kuvuga ko ababangikanya Mana b'abakurayishi bari bazi ibisobanuro by'ijambo La ilaha ila llahu kurusha abenshi mu bayisumu b'iki gihe ?

Abdu llahi: Nibyo ahubwo ibyo nibyo biriho cyane kandi bibabaje, kuko abahakanyi binjiji baziko intumwa yari igamije muri iri jambo :Guharira Imana ibikorwa byose by'amasengesho, no guhakana ibisengwa bitari Imana no kwitandukanya nabyo, kuko ubwo yababwiraga ati: «**Ni muvuge muti : La ilaha ila llahu baravuze bati : Ese uragira Imana zacu Imana imwe, mu kuri iki ni ikintu gitangaje**» Sura Swad (38) Ayat 5

Bakabivuga bazi neza ko Imana ariyo igenga isi, niba injiji za bahakanyi zibizi, ni igitangaza ku wiyita umuyisumu kuba atazi ibisobanuro byiri jambo, bikaba bizwi ni njiji za bahakanyi, nubwo babivugaga ku rurimi gusa batemera ibisobanuro byaryo, ariko umunyabwenge muri bo atekereza ko ibisobanuro byaryo ari : Nta

urema, utanga amafunguro, ugenga byose, uretse Imana. Nta kiza rero cy'abantu biyitirira Islam kandi injiji z'abahakanyi baba kurayishi babarusha kumenya ibisobanuro bya **La ilaha ila llahu** .

Abdul Nabi: Ariko nje simbangikanya Imana, ahubwo mpamya ko ntawe urema, ntawe utanga amafunguro, ntawe ugira akamaro, ntawe ushobora kwambura inema uretse Imana yonyine itagira uwo ifatanyije nawe, nkanahamya ko Muhamad ntacyo yakwimarira ubwe, nta n'ikibi yagukorera nkanswe Alliy na Husein na Abdul Qadri n'abandi. Ariko nje ndi umunyabyaha. N'abantu beza bafite icyubahiro ku Mana nanabasaba kuntakambira ku Mana kubera icyubahiro cyabo iwayo.

Abdu llahi: Ndagirango ngusubize kuri biriya byahise: Abo intumwa yarwanyije bemeraga ibyo wavuze, bakanemera ko ibigirwamana byabo nta na kimwe bigenga ahubwo barabishakagaho icyubahiro n'ubuvugizi, kandi twari twatanze gihamya yabyo muri Qor'an.

Abdul Nabi: Ariko iyo mirongo ya Qor'an yamanukiye kubasengaga ibigirwamana, ni gute wagira abahanuzi n'abantu beza nk'ibigirwamana?

Abdu llahi: Twamaze kwemeranya ko bimwe muri ibi bigirwamana byiswe amazina y'abantu nkuko byagenze ku gihe cya NUHU, kandi ko abahakanyi ntakindi babishakagaho uretse ubuvugizi ku Mana gusa, kuko bifite umwanya ukomeye kuri yo, gihamya y'ibyo ni : **Qor'an:** *«Na babandi bagize Inshuti ibitari Imana baravuga bati ntitubisenga uretse kutwegereza Imana gusa»* Sura Zumar (39)

Ayat 3 **Naho ijambo ryawe rigira riti:** Ni gute mwagira intumwa n'abantu beza ibigirwamana? Turavuga tuti: Mu kuri abahakanyi babandi batumweho intumwa Muhamad muribo harimo abasabaga abantu beza, aribo Imana yavuzeho iti:

Qor'an: *«Abo ni babandi basaba bashaka uwabageza kwa Nyagasani wabo, ninde uri hafi yabo, biringira imigisha ye, banatinya ibihano bye, mu kuri ibihano bya Nyagasani wawe barabitinyishijwe»* Sura Israa (17) 57. **No muri bo harimo abasenga Yesu na Nyina Imana iti:** **Qor'an:** *«Mwibuke igihe Imana izavugaga iti :Yewe Issa mwene Mariyam ese ni wowe wabwiye abantu ngo ni mungire nje na mama Imana ebyiri mu cyimbo cy'Imana? »* Sura Maida (5) ayat 117. **No muri bo hari abasabaga abamarayika, Imana iti:** **Qor'an:** *«N'umunsi izabakusanya bese hanyuma ikabwira abamarayika iti:Ese bariya nimwe bajyaga basenga ? »* Sura

Saba'a (34) Ayat 40 Tekereza kuri Iyi mirongo ya Qor'an urasanga Imana yarise abahakanyi abantu bese basengaga ibigirwamana, inita abahakanyi abasabaga abantu beza babakiranutsi mu ntumwa na abamalayika nabo Imana ikunda kuburyo bungana, Intumwa Muhamad akaba yarabarwanyije atarobanuye.

Abdul Nabi: Ariko abahakanyi basenga ibigirwamana ngo bibafashe, naho nje mpamya ko Imana ariyo itanga ibyiza n'ibibi, igenga byose ntawe nsaba ibyo uretse yo, n'abakiranutsi nziko ntacyo bashoboye, ariko mbifashisha ngirango bamvuganire ku Mana.

Abdu llahi: Ayo magambo uvuze ni nkayo abahakanyi bavuze neza neza gihamya ni: **Qor'an:** *“Basenga cyimbo cy'Imana ibitagira ikibi byabakoraho, nta n'ikiza byabaha bakavuga bati: biriya ni bituvugira ku Mana”* Sura Yunus (10) Ayat 18

Abdul Nabi: Ariko Njye sinsenga ibitari Imana, ariko kubanyuraho no kubasaba ntabwo ari amasengesho.

Abdu llahi: Ariko ndagirango nkubaze :Ese wemera ko Imana yagutegetse kuyiharira amasengesho, kandi ko ari ukuri kwayo kuri wowe, nkuko biri mu ijambo ryayo rigira riti: **Qor'an:** *“Nta kindi bategetswe uretse gusenga Imana bayereza idini batayibangikanya”* Sura Al Bayina (98) Ayat 5

Abdul Nabi: Nibyo Imana yarabitegetse.

Abdu llahi: Nanjye ndashaka ko unsobanurira ibyo wemera ko yagutegetse aribyo : kuyiharira amasengesho.

Abdul Nabi: Ntabwo nsobanukiwe icyo ushaka kuvuga, nsobanurira.

Abdu llahi: Nyumva ngusobanurire Imana iragira iti: **Qor'an:** *“Musabe Nyagasani wanyu mwibombaritse kandi mu ibanga, kuko we adakunda abarengera”* Sura Aaraf (7) Ayat 55 Ese Gusaba nabyo ni amasengesho agomba gukorerwa Imana cyangwa ?

Abdul Nabi: Gusaba urebye ni nawo musingi w'amasengesho, nkuko: **Hadith** ibivuga iti: *“Ubusabe niyo masengesho”* Yakiriwe na Ahmad na Abu Dauda.

Abdu llahi: Ubwo rero wemeye ko gusaba ari amasengesho akorerwa Imana, hanyuma ukaba uyisaba amanywa n'ijoro, utinya kandi ufite ibyiringiro mu kibazo icyo aricyo cyose, hanyuma muri icyo kibazo ugasaba ni ntumwa cyangwa abamalayika cyangwa umukiranutsi runaka ku mva ye, ese uba ubangikanyije muri iryo sengesho?

Abdul Nabi: Nibyo uba ubangikanyije, ayo magambo ni ukuri kandi arasobanutse.

Abdu llahi: Reka nguhe urundi rugero: uramutse uzi neza ijambo ry'Imana rigira riti: **Qor'an:** *“Ujye usenga kubera Nyagasani wawe unabage kubera we”* Sura Al Kauthar (108) Ayat 2 Hanyuma ukumvira iri tegeko ry'Imana ukabaga kubera yo, ese uko kubaga kwawe ni mu bikorwa by'amasengesho bikorerwa Imana gusa cyangwa?

Abdul Nabi: Nibyo ni Isengesho.

Abdu llahi: Nonese kubagira ikiremwa, intumwa, ishitani, cyangwa ikindi hamwe n'Imana:Ese uba ubangikanyije muri iryo Sengesho?

Abdul Nabi: Nibyo uko ni ukubangikanyanya nta gushidikanya.

Abdu llahi: Njye nguhaye ingero ku gusaba no kubaga, kuko gusaba ni bumwe mu Bwoko bw'amasengesho, avugishwa umunwa akomeye.

No kubaga ni ubwoko bw'amasengesho y'ibikorwa akomeye, ariko amasengesho si ibyo bibiri gusa, ahubwo ni menshi kuri ayo, hakinjiramo: imihigo, kurahira, kwikinga, gusaba inkunga, n'ibindi, ariko ababangikanyamana babandi **Qor'an** yamanukiyeho: Ese basengaga abamalayika n'abakiranutsi na Lata n'ibindi?

Abdul Nabi: Nibyo barabikoraga.

Abdu llahi: Ese amasengesho yabo kuri byo yari ugusaba no kubaga, no kwikinga, no gusaba inkunga n'ubuhungiro, kandi bemeza ko bo ari abagaragu b'Imana, kandi bari muni y'ubushobozi bwayo, ko ni Imana ariyo igenga byose, ariko basabye ibyo banabihungiraho kubera icyubahiro n'ubuvugizi, ibyo biragaragara cyane.

Abdul Nabi: Ese Mugaragu w'Imana urahakana ubuvugizi bw'intumwa Muhamad ukanitandukanya nabwo?

Abdu llahi: Oya njye si mbuhakana nta nubwo nitandukanyije nabwo, ahubwo ndabwemera ndetse mbugurana data na mama.

Uzavugira abantu ni intumwa Muhamad, kandi niringiye ubuvugizi bwe, ariko ubuvugizi bwose buturuka ku Mana. **Qor'an:** *“Vuga uti: Imana niyo nyirubuvugizi bwose”* Sura Zumar (39) Ayat 44 Nta buvugizi rero bwabaho Imana idatanze uburenganzira, nkuko: **Qor'an** ibivuga iti: *“Ninde wagira ubuvugizi ku Mana adahawe uburenganzira na yo”* Sura Baqara (2) Ayat 255 Umuntu wese akorerwa ubuvugizi ari uko Imana itanze uburenganzira. **Qor'an:** *“Ntibashobora kuvuganira keretse uwo Imana yishimiye”* Sura Al Ambiaa (21) Ayat 28

Kandi nta wundi Imana yishimira uretse utayibangikanya, nkuko yabivuze iti: **Qor'an:** *“Uzaramuka akurikiye ikitari Islam nk'idini, ntazabyemererwa kandi uwo k'umunsi w'imperuka azaba mubanya gihombo”* Sura Al Imran (3) Ayat 85

Niba rero ubuvugizi bwose butangwa n'Imana, ntibwanabaho idatanze uburenganzira, nta nubwo Intumwa Muhamad cyangwa undi wese bazagira uwo bavuganira Imana itabahaye uburenganzira, nta nuwo Imana iha uburenganzira uretse utayibangikanya, bimaze gusobanuka ko ubuvugizi bwose butangwa n'Imana, nanjye ngomba kubusaba Imana ngira nti: Mana ntuzamvutse ubuvugizi bw'Intumwa Muhamad, Mana akira ubuvugizi bwe kuri njye n'ibindi.

Abdul Nabi: Twemeranyije ko bitemewe gusaba umuntu ikintu adafitiye ubushobozi, kandi intumwa Muhamad Imana yaramuhaye ubuvugizi, kubera ko rero yabuhawe ni ukuvuga ko abufite. Kubera iyo mpamvu rero biremewe ko na bumusaba kubera ko abufitiye ubushobozi, ndumva ibyo atari ibangikanya.

Abdu llahi: Nibyo ayo magambo ni ukuri iyo Imana iza kuba itayakubaza igihe yavugaga iti: **Qor'an:** *«Ntuzasabe uwo ariwe wese hamwe n'Imana »* Sura Jinn (72) Ayat 18 Kandi gushaka ubuvugizi ni ugusaba, kandi uwahaye intumwa Muhamad ubwo buvugizi ni Imana, ni nayo yakubujije kubusaba undi uwo yaba ariwe wese, kandi nanone ubuvugizi bwahawe n'abandi batari Intumwa Muhamad gusa kuko imvugo z'ukuri zigaragaza ko n'abamalayika nabo bazakora ubuvugizi, ndetse n'abana bapfuye batagejeje igihe cyo kurebwa n'amategeko, na bakunzi b'Imana bazagira ubuvugizi. **Ese ushobora kuvuga uti: Ubwo Imana yabahaye ubuvugizi reka mbubasabe?** Uramutse uvuze ayo magambo waba usubiye mu gusenga abakiranutsi byabindi Imana yavuze muri **Qor'an**. Nuramuka uvuze uti: Oya, ubwo ibyo wavuze ngo: intumwa yahawe ubuvugizi none ndayisaba ibyo yahawe, biraba nta gaciro bifite.

Abdul Nabi: Ariko njye si mbangikanya Imana, ariko guhungira ku bakiranutsi byo si ibangikanya.

Abdu llahi: Ese wemera kandi uhamya ko Imana yaziririje ibangikanya, kuruta uko yaziririje ubusambanyi, kandi ko Imana itaribabarira?

Abdul Nabi: Nibyo ndabihamya, kandi birasobanutse mu magambo y'Imana.

Abdu llahi: Wowe nonaha umaze guhakana ko utabangikanya kuko kizira, ese ushobora kunsobanurira ibangikanya utarakora, kandi wahakanye iryo ari ryo?

Abdul Nabi: Ibangikanya ni: ugusenga ibigirwamana, no kubyerekeraho, no kubisaba, no kubitinya.

Abdu llahi: Gusenga ibigirwamana bisobanuye iki? Ese wibaza ko abahakanyi baba kurayishi bemeraga ko biriya bibaho n'amabuye basengaga aribyo birema, bigatanga n'amafunguro bikagenga n'ibikorwa by'ubisabye, ntabwo bemeraga batyo nkuko nabikubwiye.

Abdul Nabi: Nanjye ntabwo mbyemera ahubwo uwegera igiti cyangwa ibuye cyangwa inyubako iri ku mva akabisaba akanabibagira avuga ati: biranyegereza Imana cyane, Imana iraturinda kubera umugisha wabyo, ibi nibyo bita gusenga ibigirwamana byo navugaga.

Abdu llahi: Uvuze ukuri, ariko ibyo nibyo namwe mukorera amabuye n'inyubako ziri ku mva ni bindi, kandi ijambo ryawe wavuze ngo: **Ibangikanyamana:** Ni ugusenga ibigirwamana, ese ugamije kumva ko ibangikanya ari ukoze atyo gusa? ko kwizera abakiranutsi no kubasaba byo bitari ibangikanya?

Abdul Nabi: Yego nibyo nari ngamije.

Abdu llahi: Nonese ubu wowe uhagaze he ku mironko myinshi ya **Qor'an** Imana yagaragajemo ko kwiringira abakiranutsi n'intumwa ari ikizira, ndetse n'abamarayika, no hanyuma ikagaragaza ko ubikora wese aba ari umuhakanyi nkuko twabibonye no mu bihamya naguhaye.

Abdul Nabi: ariko abasaba abamarayika n'intumwa ntabwo bo ari abahakanyi kubera iyo mpamvu, baba abahakanyi kubera kuvuga bati: abamarayika ni abakobwa b'Imana, na **Yesu** ni umwana w'Imana.

Natwe ntuvugaga ko **Abdul Qadri** ari umwana w'Imana cyangwa **Zayinabo** ko ari umukobwa w'Imana.

Abdu llahi: Kubyerekeye kwitirira Imana umwana, byo ni ubuhakanyi bwihariye, Imana iti: **Qor'an:** *“Vuga uti we ni Imana imwe, Imana yo yitabazwa kuri byose, ntiyabyaye kandi ntiyabyawe”* Sura Ikh'las (112) Ayat 1-2

Uzahakana ibi azaba ahakanye nubwo atahakana umusozo w'Isurat.

Imana iti: **Qor'an:** *“Ntabwo Imana yashyizeho umwana, nta nubwo yigeze ibana n'indi Mana, iyo biza kubaho buri Mana yari gutwara ibyo yaremye, kandi imwe yari kwikuza kuyindi”* Sura Al Muuminuna (23) Ayat 91

Imana yatandukanyije ubuhakanyi bubiri, na gihamya yibyo nuko babandi bahakanye kubera gusaba Lata nubwo yari umukiranutsi ntabwo bamugize umwana w'Imana, n'abahakanye kubera gusenga Amashitani nabo ntibayagize abana b'Imana, Ndetse na Madhehebu enye (4) bavuga mu gice bise: (Itegeko ry'uwavuye muri Islam): ko umuyislamu aramutse avuze ko Imana ifite umwana aba avuye mu idini, yanabangikanya Imana nabwo aba yavuye mu idini, nubwo batandukanya abo bantu bu bwoko bwombi.

Abdul Nabi: ariko Imana iravugaga iti: *“Mukuri abakunzi b'Imana nta bwoba kuribo, kandi ntibazagira agahinda”* Sura Yunus (10) Ayat 62

Abdu llahi: Twe ibyo twemera ko ari ukuri kandi turanabivuga, ariko ntibasengwa, twe ntakindi twanga uretse kubasenga gusa hamwe n'Imana, no kubabangikanya nayo, bitari ibyo icyangombwa kuri wowe ni ukubakunda no kubakurikira, no kwemera impano bahawe, ntawe uhakana impano y'abakunzi b'Imana, uretse abanyabihimbano, kandi idini y'Imana iri hagati yibyo bice byombi, ikaba ari nabwo buyobokeye hagati y'ubuyobe bubiri, ikaba n'ukuri kuri hagati y'amafuti abiri.

Abdul Nabi: Abo **Qor'an** yamanukiyeho ntibemera ko nta yindi Mana ibaho uretse Allah, bagahakana n'intumwa y'Imana, ntibemere izuka, bagahakana **Qor'an** bayigira uburozi, natwe twemera ko nta yindi Mana ibaho uretse Allah, na Muhamad akaba intumwa yayo, tukemera na **Qor'an** n'izuka, tugasenga, tugasiba, ni gute wa dufata kimwe na bariya?

Abdu llahi: Ariko abamenyi bese bemeranywa ko umuntu aramutse yemeye intumwa ku kintu akayihakana ku kindi, aba ari umuhakanyi atarinjiye muri Islam, ni kimwe n'uwakwemera kimwe muri Qor'an agahakana ibindi, kimwe na none n'uwakwemera kutabangikanya agahakana gusenga, cyangwa akemera ku tabangikanya no gusenga ariko agahakana ko gutanga Izakat atari itegeko, cyangwa akemera ibyo byose maze agahakana igisibo, cyangwa akemera ibyo byose maze agahakana ko gukora Hijat atari itegeko, ubwo abantu batitabiraga **Hijat** ighe cy'intumwa Muhamad Imana yamanuye umurongo ibavugaho iti: **Qor'an:** *“N'Imana itegeka abantu gukora Hijat ku nzu yayo ushoboye kugera yo, n'uzahakana mu kuri Imana ni umukungu kurusha ibiremwa byose ”* Sura Al

Im'ran (3) Ayat 97 N'uhakanye izuka aba ari umuhakanyi kubamenyi bese. No muri urwo rwego Imana yagaragaje mu gitabo cyayoko uzemera amategeko amwe agahakana andi aba ari umuhakanyi nyakuri, Imana itegeka ko tugomba gufata ubuyisumu uko bwakabaye, uzafata uruhande rumwe agasiga urundi azaba ari umuhakanyi.

Ese wowe wemera ko uwemera bimwe akareka ibindi aba ari umuhakanyi?

Abdul Nabi: Nibyo ndabyemera kandi birasobanutse muri Qor'an.

Abdu llahi: Niba rero wemera ko uwemeye intumwa ku kintu kimwe, maze agahakana ko isengesho atari itegeko cyangwa akemera byose ariko agahakana izuka, aba ari umuhakanyi, amarasoye aba aziruye kuyamena, n'umutungo we uba uziruye kuwigarurira, nkuko abamenyi bese babihurizaho, na Qor'an ikaba yarabivuzeho nkuko twabibonye. Menya ko rero kutabangikanya Imana ariryo tegeko rikomeye gusumba andi intumwa Muhamad yazanye rikaba rikomeye kuruta n'isengesho, no gutanga Zakat, no gukora Hijat byamera bite umuntu aramutse ahakanye kimwe muri ibyo bintu yaba ari umuhakanyi nubwo yakora ibindi byose intumwa yazanye, nanone aramutse ahakanye Tauhidi ariyo dini intumwa zose zazanye, ntabwo yaba Ahakanye! Ubwo ni ubujiji butangaje.

Nanone reba abasangirangendo b'intumwa Muhamad ubwo barwanyaga Bani Hanifa muri Yamamat kuko bari babaye abayisumu igihe cy'intumwa barahamije ko nta yindi Mana ibaho uretse Allah ko na Muhamad ari intumwa y'Imana bagasenga bagatora adhana.

Abdul Nabi: Ariko bo bakanahamya ko Musayilamat ari intumwa y'Imana, kandi twe tuvuga ko nta ntumwa nyuma ya Muhamad.

Abdu llahi: Ariko mwe muzamura Alliy cyane cyangwa Abdul Qadri, n'abandi mu ntumwa cyangwa mu bamarayika, mukabageza ku rwego rw'igihangange cya majuru n'isi, niba rero uwazamura umuntu akamushyira ku rwego rw'intumwa aba ahakanye, umutungo we bikaba byemewe kuwigarurira, n'amaraso ye bikaba byemewe kuyamena kandi ubuhamya yavuze yinjira islam bukaba ntacyo buba bukimumariye, nta n'isengesho, ese uwamuzamura akamugeza ku rwego rw'Imana, we nti

birushijeho gukara? Ndetse na bamwe Alliy yatwitse bose bavugaga ko ari abayislamu, kandi bo ari abantu bemera Alliy, bize ubumenyi kubasangirangendo, ariko baza kwemera Alliy nkuko mwemera Abdul Qadri na bandi, ni gute abasangirangendo bafashe icyemezo cyo kubica no kubita abahakanyi? Ese wibaza ko abasangirangendo bashobora kwita umuyislamu umuhakanyi? cyangwa wibaza ko kwemera shobuja n'abandi nkawe ntangaruka? Kandi kwemera Alliy bituma umuntu aba umuhakanyi? Biravugwa kandi ngo: Niba abo hambere barabaye abahakanyi kubera gukusanya ibigirwamana no guhakanya intumwa na Qor'an no kwanga izuka, ni bindi isomo abamenyi bavuze muri buri tsinda (Madhehebu) rigira riti: (**Isomo itegeko ry'umuntu wavuye muri Islam**) ryaba risobanura iki? Kandi ari umuyislamu ubuvamo nyuma yuko yari aburimo, hanyuma bavuze ibintu byinshi ariko buri kintu muri byo kibagira abahakanyi, kinazirura amaraso n'imitungo yabo, kugeza ubwo baje kuvuga n'utuntu duto cyane kuwadukora, nki jambo uburakari bw'Imana ku muntu uyivuga k'ururimi itari k'umutima we, cyangwa akayivuga akina anashyenga.

Ni nk'abantu Imana yavuzeho iti: Qor'an: “Vuga uti ese Imana n'ibimenyetso byayo n'intumwa yayo nibyo munnyega, ntimugire urwitwazo mwamaze guhakana nyuma yo kwemera kwanyu ” *Sura Tauba (9) Ayat 66*

Aba rero Imana yatangaje ko ari abahakanyi nyuma yo kwemera kwabo kandi bari kumwe n'intumwa yayo mu ntambara ya Tabuki, kuko bavuze ijambo nyuma bakavugaga ko bashyengaga. Bivugwa ko kandi inkuru Imana yavuze ku Bayisraheri hamwe n'ubuyislamu bwabo n'ubumenyi bwabo n'ubutungane bwabo ko babwiye Mussa bati: *“dushyirireho natwe Imana nkuko nabo bafite Imana”* *Surat Al Aaraf (7) Ayat 138* Ndetse n'ijambo rya bamwe mu basangirangendo b'intumwa bamubwiye bati: (dushyirireho natwe igiti tuzajya dusabiraho umugisha) intumwa Muhammad ararahira ati: **Hadith: “Muvuze nk'ibyo abayisraheri bavuze bati: (dushyirireho Imana nkuko na bariya bafite Imana)”** *Surat Al Aaraf (7) Ayat 138.*

Abdul Nabiyy: Ariko abayisraheri n'ababajije intumwa Muhammad ngo nabashyirireho igiti bazajya basabiraho umugisha, ntabwo ibyo byabagize abahakanyi.

Abdu llahi: Igisubizo nuko abayisraheri n'ababajije intumwa ngo nabashyirireho Igiti, ntabwo babikoze iyo baza kubikora baba barabaye abahakanyi, kubera iyo mpamvu, ndetse nabo intumwa yabujije iyo batamwumvira bagashyiraho koko icyo giti nyuma yuko ababuza bari kuba abahakanyi.

Abdul Nabiyy: Ariko nfite ikindi kibazo aricyo: Inkuru ya Usama bun Zayidi ubwo yicaga umuntu wavuze La ilaha ila llahu intumwa Muhammad ntiyabyishimira igihe yamubwiraga iti: **Hadith: “Usama wamwishe amaze kuvuga La ilaha ila llahu?”**

Ndetse n'ijambo rye rigira riti: **Hadith: “Nategetswe kurwanya abantu kugeza bavuze La ilaha ila llahu”** ni gute nahuza ibyo wambwiye n'izi **Hadith** ebyiri? Nyobora Imana yarakuyoboye.

Abdu llahi: Birazwi ko intumwa Muhammad yarwanyije abayahudi abagira n'ingaruzwamuheto kandi bavugaga La ilaha ila llahu, ndetse n'abasangirangendo be barwanyije Bani Hanifat kandi bavugaga La ilaha ila llahu na Muhammad ko ari Intumwa y'Imana, basenga, ndetse nabo Alliy yatwitse, kandi nawe wemera ko uhakanye izuka aba ari umuhakanyi, kandi kumwica nta kibazo nubwo yaba avugaga

La ilaha ila llahu. Ukanemera ko uhakanye inkingi imwe mu nkingi za Islam, aba ari umuhakanyi, yicwa nubwo yaba avuga iryo jambo, kuki ntacyo rimumarira se iyo agize ikindi ahakana? Ese ryagira icyo rimumarira ahakanye Tauhidi ariyo musingi w'idini n'umutwe wayo? Wenda ntiwasobanukiwe icyo ariya ma **Hadith** yashakaga kuvuga: **Hadith** ya Usama: Nuko yishe umuntu wavugaga ko ari umuyislamu, **Usama** we akeka ko yabivuze kubera gutinya urupfu, n'umutungo we, umuntu rero ugaragaje ko ari umuyislamu ni ngombwa ko wifata kugeza igihe bigaragaye ko ibyo avuga atari byo, Imana iti: **Qor'an: "Yemwe abemera ni muba murwana mu nzira y'Imana mujye mushishoza"** Sura Nissai (4) Ayat 94

Uyu murungo uragaragaza ko umuntu aramutse agaragaje ubuyislamu agomba kwitonderwa hakabaho gushishoza, yagaragaza nyuma ko atari umuyislamu akicwa, kubera ijambo ry'Imana rigira riti: **Qor'an: "Mujye mushishoza"** iyaba aticwaga igihe arivuze nta mpamvu yo kuvuga ngo bashishoze.

Naho **Hadith** yindi twabonye : Igisobanuro cyayo nicyo twavuze ko ugaragaje ko ari umuyislamu ni ukumwitondera, uretse igihe yagaragaza ibinyuranye na Islam, gihamya yabyo rero nuko intumwa Muhamad yavuze iti: **"Wamwishe amaze kuvuga La ilaha ila llahu ?"** Akanavuga ati: **Hadith: "Nategetswe kurwanya abantu kugeza bavuze La ilaha ila llahu"** Ni nawe wavuze ku byigomeke bya khawariji ati: **"Aho muzabasanga hose muzabice"** kandi barasengaga cyane, banasingiza Imana cyane kuburyo n'abasangirangendo babonaga ugusenga kwabo kutangana n'ukwabo bigometse kandi barigishijwe n'abasangirangendo. Iryo jambo La Ilaha ila llah cyangwa amasengesho menshi, cyangwa kwigaragazaho ubuyislam ntibyababujije kwicwa igihe bagaragaweho kunyuranya n'amategeko.

Abdul Nabi: Uvuga iki ku magambo yemejwe ko yavuzwe n'intumwa Muhamad agira ati: **Hadith:** "Abantu ku muni w'imperuka bazatakambira Adam, hanyuma Nuhu, hanyuma Ibrahim, hanyuma Mussa, hanyuma Yesu buri wese atanga impamvu ye kugeza ubwo bazajya ku intumwa Muhamad, ibi ntibigaragaza ko kwitabaza utari Imana atari ibangikanya?"

Abdu llahi: Uko ni ukuvanga ibintu kwawe kuko kwitabaza umuntu uriho ari muzima ku bintu ashoboye, ibyo rwose ntubonyanga, nkuko Imana ivuga iti: **Qor'an: "Atabazwa n'umuntu wo mu istinda rye, kugira ngo amufashe umwanzi We"** Sura Al Qaswas (28) Ayat 15 Nkuko umuntu atabaza bagenzi be mu ntambara, icyo twe twanga n'ukwitabaza mw'isengesho, byo mukora ku mva z'abakunzi b'Imana, cyangwa igihe badahari kandi mu bintu badafitiye ubushobozi, uretse Imana, n'abantu bazatabaza intumwa ku muni w'imperuka bashaka ko babasabira ku mana ko yacira abantu imanza kugira ngo baruhuke, abo mu ijuru bakire ingorane z'igihagararo, kandi ibi biremewe kw'isi no ku muni w'imperuka ko wasanga umuntu mwiza mukicarana akumva amagambo yawe, ukamubwira uti : Nsabira ku Mana. Nkuko abasangirangendo b'Intumwa babigenzaga Intumwa Muhamad ikiriho, ariko imaze gupfa nta na rimwe byabayeho, ntibigeze bajya ku musaba ku mva ye, ahubwo bamaganye umuntu wese usabira Imana kumva.

Abdul Nabi: Uvuga iki ku nkuru ya Ibrahim ubwo yajugunywaga mu muriro, maze Jibril aritambika mu kirere aramubaza ati: Hari icyo nakumarira? Ibrahim ati: wowe ntacyo, Iyo kwitabaza Jibril biba ari ibangikanya ntabwo Jibril yari ku bisaba

Ibrahim.

Abdu llahi: Ibyo nabyo ni ukuvanga nk'ukwa mbere, kandi niyi nkuru ntabwo ari ukuri, ariko reka twemere ko wenda ari ukuri: Jibril yamusabaga ko yakwemera ko amufasha ku kintu yari ashoboye, kuko Jibril ni nkuko Imana yamuvuzeho iti:

Qor'an: *“Yigishijwe (intumwa Muhamad) n'umunyembaraga zikaze”* Sura Annajim

(53) Ayat 5 Iyo Imana iza kumuha uburenganzira ngo aterure umuriro wa Ibrahim ni biwuri iruhande byose nk'isi n'imisozi ngo abijugunye iburasirazuba cyangwa iburengerazuba nti byarikumunanira, ibyo ni nkuko umukungu yabaza umuntu utishoboye ati: Nkugurize amafaranga wikenure akanga agahamana ukwihangana kwe kugeza Imana imuhaye amafunguro nta wundi iyanyujijeho, ese ibyo bihuriye he no gutabaza kw'amasengesho n'ibangikanya ukora ubu?

Menya ko muvandinwe abatubanjirije bo Imana yoherejemo intumwa Muhamad batinyaga ibangikanya kurusha abantu b'iki gihe cyacu mu buryo butatu (3):

① Abatubanjirije nti babangikanyaga Imana n'ikindi kintu, uretse mu gihe cy'umunezero, naho mu bihe bikomeye, berezaga Imana idini.

Gihama ni ijambo ry'Imana rigira riti: **Qor'an:** *“Iyo buriraga mu bwato basabaga Imana bayereza idini, yaba ibarokoye bageze imusozi bagatangira kubangikanya”* Sura Al Ankabuti (29) Ayat 65

N'ijambo ry'Imana rigira riti: Qor'an: *“Iyo igicu cyababudikagaho nk'umwijima basabaga Imana bayereza idini yaba ibarokoye bageze imusozi, muri bo harimo abahama mu cyeragati, Nta nuhakana ibimenyetso byacu uretse uhakana inema w'umuhakanyi”* Sura Luq'man (31) Ayat 32

Ababangikanyamana bamwe intumwa yarwanyije basabaga Imana, bakanasaba ibitari yo mu bihe by'umunezero, haba ari mu bihe bikaze bagasaba Imana imwe bakibagirwa abanyacyubahiro babo, Naho ababangikanyamana b'iki gihe, basenga ibigirwamana mu bihe by'umunezero no mu bihe bibi. Umwe muribo yaba ageze mu bibazo akavuga ati : Yewe ntumwa y'Imana, yewe Husein n'abandi ariko se arihe uwabumva?

② Nuko aba mbere basabaga Imana hamwe n'abantu bari bugufi yayo, nk'intumwa cyangwa umukunzi w'Imana, cyangwa marayika cyangwa se da ibuye, cyangwa igiti bisenga Imana ntibiyigomikeho, ariko abantu bo muri iki gihe basaba Imana hamwe n'abantu b'abononyi kurusha abandi bose, naho ufite imyizerere ku kintu kiza kitanagomera Imana nk'ibuye cyangwa igiti ibyo byaba byoroshye kurusha ufite imyizerere k'umuntu w'umwononyi n'ububi bugaragara.

③ Nuko abenshi mu babangikanyamana b'igihe cy'intumwa, ukubangikanya kwabo akenshi kwabaga ku ruhande rwa Tauhidi y'ubumana, ntabwo byari kuri Tauhidi Rububiyat, bitandukanye n'ibangikanya ry'abo hanyuma, kuko usanga ibangikanya ryabo ryibanda cyane kuri Tauhidi Rububiyat no kuri Uluhiyat, bakavuga ko kamere ariyo ikora byose ku isi nko gutanga ubuzima n'urupfu,

Wenda nshobora gusoza amagambo yanjye mvuga ku kibazo gikomere gishobora kumvikana mu masomo yatambutse aricyo: Nta tandukaniro ryo kuba Tauhidi igomba kuba kwizera k'umutima ukavugisha ururimi, ugakora n'ibikorwa by'umubiri, haramutse habuzemo na kimwe muri byo ntabwo umuntu aba ari umuyisumu. Kuko uzi Tauhidi ntayikoreshe aba ari umuhakanyi ukomeye nka Farao na Ibilisi. **Ibi rero abantu benshi bakunze ku bikoramo amakosa bavuga bati:**

Uku ni ukuri koko ariko ntidushoboye kugukora kandi ibyo ntibyemewe mu gihugu cyacu no mu bantu bacu, bati ni ngombwa gukora nkabo no kuborohera kugira ngo twirinde ibibi byabo. Ariko uwo mushoberwe utazi ko benshi mu bahakanyi baba bazi ukuri ariko bakakureka kubera impamvu zidafite ishingiro bababatanga.

Nkuko Imana ibivuga iti: **Qor'an:** *“Bagura ibimenyetso by’Imana igiciro gito, babuza abantu kuyoboka inzira yayo, mu kuri bo ibyo bakora ni bibi cyane”* Surat Tauba (9) Ayat 9 Nuzaramuka akoresheje Tauhidi ibikorwa bigaragara gusa kandi atayisobanukiwe no ku mutima we itariho, aba ari indyarya, uwo kandi aba ari mubi kuruta n’umuhakanyi wuzuye, Imana iti: **Qor'an:** *“Mu kuri indyarya zizaba ziri mu ndiba y’umuriro ntibazagira n’ubarokora”* Sura Nisaa (4) Ayat 145

Iki kibazo cyasobanuka neza ugiye ukurikira mubyo abantu bavuga, uzasanga uzi neza ukuri ariko atagukoresha, kubera gutinya kugira ibyo yatakaza mu mitungo y’isi, nka Qaruna, cyangwa icyubahiro cye nka Hamana, cyangwa ubwami bwe nka Farao, uzasanga na none ukoresha Tauhidi ku mugaragaro gusa nki ndyarya wamubaza ibyo yemera k’umutima we ugasanga nabyo atabizi.

NI NGOMBWA RERO GUSOBANUKIRWA IMIRONGO IBIRI MU GITABO CY’IMANA Ariyo:

1.Ni Umurongo watambutse ariwo: **Qor'an:** *“Ntimugire urwitwazo mwahakanye nyuma yuko mwari abemera”* Sura Tauba (9) Ayat 66 Nuramuka umenye ko bamwe muba rwanyije abaromani ni intumwa Muhamad bahakanye kubera ijambo bavuze kandi bashyenga banakina uzasobanukirwa ko uvuze ijambo ry’ubuhakanyi cyangwa akabukoresha kubera gutinya ko umutungo ugabanuka cyangwa icyubahiro cye cyangwa akorohera umuntu mu buhakanyi bwe, biremewe kuruta uwavuga ijambo ry’ubuhakanyi ashyinga, kuko umuntu ushyingira akenshi ntabwo ibyo avuga aba abikuye k’umutima we, aba abikorera gusetsa abantu gusa, naho uvuga ijambo ry’ubuhakanyi cyangwa akabukora atinya cyangwa hari icyo ashaka kubona ku bantu, uwo aba yaremeye shitani ibyo yamusezeranyije.

Qor'an: *“Shitani ibasezeranya ubutindi ikabategeka gukora ibiteye isoni”* Sura Al Baqara (2) Ayat 268 agatinya iterabwoba ryayo.

Qor'an: *“Mu kuri iyo ni shitani iba itera ubwoba abakunzi bayo”* Sura Al Imran(3) Ayat 175 Hanyuma ntiyemere isezerano rya Nyirimpuhwe, **Qor'an:** *“Naho Imana ibasezeranya imbabazi zayo n'ingabire nyinshi”* Sura Al Baqara (2) Ayat 268 hanyuma nanone ntatinye ibihano by’Imana Nyirubuhangange,

Qor'an: *“Nti muzabatinye muje muntinya Njye gusa”* Sura Ali Imran (3) Ayat 175 Ese umuntu umeze atya akwiriye kuba umukunzi w’Imana, cyangwa kuba mu bakunzi ba shitani?

2. Umurongo wa kabiri: ni ijambo ry’Imana rigira riti: **Qor'an:** *“Uzahakana Imana nyuma yo kwemera kwe, uretse uzashyirwaho agahato ariko umutima we utuje mu kwemera, ariko uzishimira abahakanyi abo uburakari bw’Imana bubariho kandi bafite ibihano bikaze”* Sura Nah’li (16) Ayat 106 Ntawe Imana yemerera Impamvu ye y’ubuhakanyi uretse uwashyizweho agahato muri bo, ariko nyine nawe afite ukwemera ku mutima, ariko utari uwo aba ari umuhakanyi, yaba yarahakanye kubera gutinya, cyangwa hari icyo ashaka guhabwa, cyangwa korohera umuntu runaka, cyangwa kugira ngo abe mu gihugu cye, cyangwa abane n’abantu

be, cyangwa umuryango we, cyangwa umutungo we, cyangwa akaba yabikoze ari ugushyenga gusa cyangwa ikindi cyose kitari ugushyirwaho agahato, kuko umurongo wa Qor'an ugaragaza ko umuntu ashyirwaho agahato kubera amagambo cyangwa igikorwa, ariko ukwemera kuri k'umutima ntawe ugushyirwaho agahato, ni jambo ry'Imana riti: **Qor'an:** *“Ibyo byose babitewe no gukunda cyane ubuzima bw'isi bakaburutisha ubw'imperuka, kandi mu kuri Imana ntiyobora abantu b'abahakanyi”* Sura Nah'li (16) Ayat 107 Imana isobanura ko ibihano byayo bitatewe no kwemera ko k'umutima, n'ubujiji, no kwanga idini, cyangwa gukunda ubuhakanyi ubwabyo, ahubwo impamvu ni uko hari inyungu runaka y'isi abufitemo, akazigurana idini. Imana niyo mumenyi. Nyuma y'ibi byose ese ntibiguha kuba wa kwicuza ku Mana, ukayigarukira, ukareka ibyo urimo, kuko ibintu bimeze uko wabyumvise, kandi bikaze cyane n'ikibazo kirakomeye.

Abdul Nabi: Imana imbabarire nyicujijeho ndanahamya ko nta yindi Mana ibaho uretse Allah wenyine na Muhamad akaba Intumwa yayo, ubu mpakanye ibintu byose nasengaga bitari Imana nkaba nsaba Imana ko yambabarira ku bikorwa byose byahise, impundagazeho ubuntu bwayo n'imbabazi zayo n'impuhwe zayo, kandi instimbataze kuri Tauhidi n'imyemerere myiza, kugeza igihe nzahura nayo, nkaba nayisaba ngo iguhe ibihembo muvandimwe Abdu llahi kubera inama zawe nziza, kuko idini ari ukugirana Inama, no kuba wambujije ibyo nari ndimo aribyo izina ryanjye **Abdul Nabi**, nkaba nkumenyesheje ko ubu ndihinduye nzitwa **Abdu Rah'mani**. No kuba namaganye ibibi nakoraga bitagaragara aribyo imyemerere itariyo iyo nza gupfa nyemera sinari kuzarokoka na rimwe, Ariko rero ndashaka ku gusaba ikindi kintu kimwe aricyo: Nagirango umbwire bimwe mu bintu bibi abantu bakora kenshi?

Abdu llahi: Nta kibazo utege amatwi:

★ Ujye wirinda kuba ugomba gukurikira ibyo abamenyi batavugaho rumwe muri **Qor'an** ushaka guteza ibibazo cyangwa kwitangira ibyawe bisobanuro, mu kuri nta wamenya ibisobanuro byihishe byayo uretse Imana. Ujye witwara nk'abamenyi bamwe iyo bumvise ibitaravuzweho rumwe baravuga bati: *“Turabyemera byose kuko byose bituruka kwa Nyagasani wacu”*. Sura Al Imran (3) Ayat 7 Naho kubitavugwaho rumwe, Intumwa Muhamad yaravuze iti: **Hadith:** *“Jya ureka ibyo ushidikanya ho, ukore ibyo udashidikanya ho”* Yakiriwe na Ahmad na Tir'midhiy.

N'ijambo ry'Intumwa Muhamad rigira riti: **Hadith:** *“Uzirinda ibitavugwaho rumwe, azaba akiranuye idini ye n'icyubahiro cye, n'uzajya muri ibyo bitavugwaho rumwe azaba aguye mu byaziririjwe”* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

N'ijambo ry'Intumwa Muhamad rigira riti: **Hadith:** *“N'icyaha ni ikiba k'umutima wawe ugatinya ko abantu bakibona”* Yakiriwe na Muslim.

N'ijambo ry'Intumwa Muhamad rigira riti: **Hadith:** *“Jya ugisha Inama umutima wawe na roho yawe gatatu (3) icyiza ni icyo umutima wawe uzatuza ho, ni icyaha ni ikizaba k'umutima wawe ukagishidikanya ho n'ubwo abantu bakugira Inama”*

★ Uzirinde nanone gukurikira irari ry'umutima wawe: Kuko Imana yaburiye abantu ibabwira ku byirinda igira iti: **Qor'an:** *“Ese ubona ute wa wundi wagize irari ry'umutima we Imana ye?”* Sura Al Furqan(25) Ayat 43

★ Uzirinde nanone gutsimbarara ku bitekerezo by'abantu runaka, kuko ibyo bitandukanya umuntu n'ukuri, kandi ukuri ni Umutungo w'Umwemera wabuze aho awusanze hose agomba Kuwutura.

Imana iti: **Qor'an:** *“Niyo babwiwe bati:ni muyoboke ibyo Imana yamanuye baravuga bati: Ahubwo turakurikira ibyo twasanze ababyeyi bacu bakora, niyo ababyeyi babo baba ntacyo bazi bataranayobotse”* Sura Baqara (2) Ayat 170

★ Uzirinde kwisanisha n'abahakanyi: Kuko ibyo aribyo ntangiriro ya buri kibi cyose; Intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *“Uzaramuka yisanishije n'abantu abo aribo bose, azaba muri bo”* Yakiriwe na Abu Dauda.

★ Uzirinde kwiringira utari Imana: Imana iti: **Qor'an:** *“Uziringira Imana izaba imuhagije”* Sura Twalaaq (65) Ayat 3

★ Ntuzagire umuntu wese wubaha ngo usuzugure Imana, intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *“Nta kumvira umuntu mu gihe urimo gusuzugura Imana”*

★ Uzirinde gukeka ibibi ku Mana: Kuko Imana yaravuze muri **Hadithil Qudusiy** iti: *“Njye mba hamwe nuko umugaragu wanjye aneketa”* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

★ Uzirinde kwambara igikomo cyangwa urudodo n'ibindi nkabyo kugira ngo bikurinde ibyago bitarakubaho cyangwa ngo bikureho ibyago byakubayeho.

★ Uzirinde kwambara amahirizi yakurinda amaso kuko ari ibangikanya intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *“Uwiringiye ikintu aragiharirwa”* Yakiriwe na Ahmad na Tir'midhiy.

★ Uzirinde gushakira umugisha ku biti, cyangwa amabuye cyangwa inyubako, kuko ibyo nabyo ari ibangikanya.

★ Uzirinde kwizera imyaku ku kintu icyo aricyo cyose kuko ari ibangikanya, Intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *“Uwizera imyaku y'inyoni aba ari umubangikanyi”* Yakiriwe na Ahmad na Abu Daudi.

★ Uzirinde kwemera uburozi n'abaraguza inyenyeri, n'abandi bavuga ko bazi ibyihishe bakerekana ko inyenyeri zikora byose, kubyemera rero ni ibangikanya kuko ntawe uzi ibyihishe uretse Imana.

★ Uzirinde kwitirira imvura inyenyeri, cyangwa ibihe runaka: Kuko ari ibangikanya, ahubwo ujye uyitirira Imana.

★ Uzirinde kurahira ibitari Imana: uwo yaba ariwe wese kuko ari ibangikanya, intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *“Uzarahira ibitari Imana azaba ahakanye cyangwa abangikanyije”* Yakiriwe na Ahmad na Abu Daudi.

Nko kurahira intumwa Muhamad cyangwa ubuzima n'ibindi.

★ Uzirinde gutuka ibihe cyangwa umuyaga cyangwa izuba cyangwa imbeho cyangwa icyokere, kuko ibyo byose Imana ariyo iba yabihaye kubaho, ubwo rero waba ututse uwabiremye.

★ Uzirinde kuvuga uti: (Iyo Nza) igihe ugezweho n'ibidashimishije, kuko ibyo bifungura umuryango w'ibikorwa bya shitani, kuko harimo no kutakira neza igeno ry'Imana, ariko ujye uvuga uti: Ni igeno ry'Imana, kandi icyo ishata nicyo ikora.

★ Uzirinde kugira ahantu hari imva urusengero kuko bitemewe gusengera ahantu hari imva, nkuko byaje muri Hadith igira iti: **Hadith:** *«Aisha aravugaga ati: Intumwa Muhamad yaravuze igihe umutima wendaga ku muvamo ati: «Umuvumo w'Imana ube ku Bayahudi na Bakristu kuko bagize imva z'intumwa zabo*

insengero, ababuza gukora nkibyo bakoze » Aisha ati: Iyo bitaba ibyo imva y'intumwa Muhamad yari gushyirwa k'umugaragaro» Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *“Mubyukuri abariho mbere yanyu bajyaga bagira imva z'intumwa zabo, n'abantu beza babo insengero, muramenye ntimuzagire imva insengero kuko mbibabujije”* Yakiriwe na Abu Awanat.

★Uzirinde kwemera **Hadith** z'ababeshyi bitirira intumwa Muhamad: Nk'izibwiriza gushyiraho umuhuza ku intumwa cyangwa abantu beza, kuko ari impimbano, kandi n'ibinyoma, murizo: **Hadith:** (Mujye musaba munyuze ku Cyubahiro cyanjye, kuko icyubahiro cyanjye ku Mana gikomeye) Nanone: **Hadith:** (Ni hagira ikibarushya mujye mwifashisha abo mu mva) Nanone: **Hadith:** (Imana ishyiraho marayika ku mva ya buri mukunzi w'Imana ukemura ibibazo by'abantu) Nanone: **Hadith:** (Umuntu aramutse agiriye icyizere cyuzuye ibuye rya mugirira akamaro) n'izindi nkazo. ★Uzirinde Kwizihiza ibyitwa byose iminsi mikuru y'idini, nko kwizihiza Mawulid (Kuvuka kw'Intumwa Muhamad) n'urugendo bita Is'rau wal Miiraji (Igihe intumwa Muhamad yavaga Makka akajya i Yeruzaremu hanyuma mu ijuru) n'ijoro ryo hagati mu kwezi kwa Shaabani n'indi. Kuko ari ibihimbano nta gihamya bifite ku Intumwa Muhamad ndetse n'abasangirangendo be, bakundaga intumwa kuturusha bakanashishikazwa n'ibyiza kuturusha, iyo ibyo biza kuba ari byiza nta warikubibatanga.

SHAHADATU AN LA ILAHA ILLA LLAHU

(Guhamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiriye gusengwa mukuri uretse Allah) Iri jambo rikubiyemo inkingi ebyiri:

1. (La ilaha) aribyo guhakana ubu mana bw'ukuri k'owo ariwe wese utari Allah,
2. (Ila llahu) aribyo guhamya no gushimangira ubu mana bw'ukuri kuri Allah wenyine, Imana yaravuze iti: *“Mwibuke igihe Ibrahimu yabwiraga Ise n'abantu be ati: Njye nitandukanyije n'ibyo musenga, uretse Imana yampanze kandi niyo izanyobora”* Zukh'ruf: 27. Ntibihagije rero gusenga Imana ahubwo ni ngombwa kuyisenga yonyine rukumbi. Nta nubwo kutaba umubangikanyamana byemerwa udafatanyije gusenga Imana imwe rukumbi no kwitandukanya n'ibangikanya ndetse n'abarikora byaje muri **Hadith**: *“Ko imfunguzo z'ijuru ari La Ilaha Ila llahu”*

Ariko se buri wese uvuze ayo magambo ni ngombwa ko afungurirwa ijuru?

babwiye Wahabu mwene Munabahu bati: Ese La ilaha ila llahu si imfunguzo z'ijuru? aravuga ati: nibyo ariko buri rufunguzo rwose rugomba kugira amenyo, iyo uzanye urufunguzo rufite amenyo ruragufungura rutayagira ntirugufungure.

Hadith nyinshi zaturutse ku intumwa Muhamad zigaragaza amenyo y'urwo rufunguzo nka: **Hadith** igira iti: *«Uzavuga La Ilaha Ila llahu abyereje Imana...»*

Hadith: *«Umutima we utayishidikanyaho...»*

Hadith: *«Akayivuga ivuye ku mutima we mu kuri...»* n'izindi kuko izo

Hadith zose yazifatanyije no kwinjira mu ijuru ku uzi ibisobanuro by'iri jambo kandi akaritsimbararaho kugeza apfuye, yemera neza ibisobanuro byaryo, n'ibindi. Muri izo Hadith rero abamenyi bashoboye gukuramo ibyo ugomba kuba wujuje kugirango La ilaha Ila llahu ikubere koko urufunguzo rw'ijuru, kandi igirire akamaro nyirayo aribyo menyo y'urufunguzo ni ibi:

① Kugira ubumenyi: kuko buri jambo rigira igisobanuro, ni ngombwa rero kumenya igisobanuro cya **La Ilaha Ila llahu** ubumenyi buzira ubujiji aribyo: guhakana ubumana ku bindi bitari Imana, ukemeza ubwo bu Mana kuriyo gusa uti : nta kigomba gusengwa mu kuri uretse Imana.

Imana iti: **Qor'an**: *“Uretse abazahamya mu kuri kandi banazi”* Sura Zukh'ruf (43)

Ayat 86

Intumwa Muhamad ati : **Hadith** : *“Uzapfa azi neza ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa mu kuri uretse Allah azinjira mu ijuru”* Yakiriwe na **Muslim**.

② Kugira icyizere: Ni ukuba wizeye neza ibisobanuro byaryo, kuko gushidikanya no gukeka bitemewe, bityo rero ni ngombwa guhagarara ku cyizere cyuzuye, kuko Imana yaravuze itaka abemera iti: **Qor'an**: *“Mu kuri abemera Mana nyakuri ni abemeye Imana n'intumwa yayo hanyuma ntibagire ugushidikanya, bakarwana mu nzira y'Imana bakoresheje imitungo yabo n'imitima yabo, abo nibo banyakuri”* Sura Al Hujurat (49) Ayat 15 Ariko ntibihagije kwivugira ku munwa gusa, ahubwo ni ngombwa kuba wizera ku mutima, hatabayeho rero kwizera k'umutima biba ari uburyarya. Intumwa Muhamad ati: **Hadith**: *“Ndahamya ko nta yindi Mana ibaho ikwiye gusengwa mu kuri uretse*

Allah, nanjye nkaba intumwa yayo, ibyo nta muntu uzahura n’Imana abifite atabishidikanya ho, uretse ko azinjira mu ijuru” Yakiriwe na **Muslim**.

3 Kwakira: Iyo umaze kumenya ukanizera ni ngombwa rero ko ubwo bumenyi bufite icyizere bugira icyo busiga: aricyo: Kwakira ibigendana niri jambo ku mutima no ku rurimi, uzaramuka yanze impamagaro ya **Tauhidi** aba ari umuhakanyi. Ni kimwe yaba abyanze kubera kwibona, cyangwa gutsimbarara, cyangwa ishyari. Imana yavuze kubahakanyi baryanze kubera kwikuza iti: **Qor’an:** *“Mu kuri bo iyo babwirwaga bati ntayindi Mana ibaho ikwiriye gusengwa mukuri uretse Allah barikuzaga”* Sura Swafaati (37) Ayat 35

4 Guca bugufi no gukurikiza: Bagakurikiza **Tauhidi** byuzuye, uko niko kuri kuzuye, ninaho ukwemera kugaragarira, iyo mirimo rero ikaba igaragarira mu mategeko Imana yategetse, no kureka ibyo yabujije.

Nkuko Imana ibivuga iti: **Qor’an:** *“Uzerekeza uburanga bwe ku Mana anakora neza, uwo azaba afashe ipfundo rikomeye kandi ku Mana niho herezo rya buri kintu”* Sura Luqman (31) Aya 22 Uko rero niko guca bugufi nyabyo.

5 Ukuri: Ni ukuba umunya kuri mu kuvuga iryo jambo bizira kubeshya. Kuko uzavuga iryo jambo ku rurimi rwe gusa umutima we utaryemera aba ari indyarya, gihamya ni ijambo ry’Imana rigira riti: **Qor’an:** *“Bavugisha indimi zabo ibitari ku mitima yabo”* Sura Al Fat’h (48) Ayat 11

6 Kugira urukundo: Umwemera akaba agomba gukunda iryo jambo, akanakunda gukora ibijyanye naryo, akanakunda bene ryo, barikoresha, no kwanga abaryanga, no gukurikira intumwa Muhamad ukora ibyo yakoze gusa, wemera umuyoboro we.

7 Kwereza Imana: Aribyo kuba waravuze iri jambo kubera Imana. Imana iti: **Qor’an:** *“Nta kindi bategetswe uretse gusenga Imana bayereza idini batayibangikanya”* Sura Al Bayyina (98) Ayat 5 Intumwa Muhamad iti : **Hadith:** *“Kuko Imana yaziririje ku muriro uwavuze La Ilaha Ila llahu nta kindi arivugiye uretse kwishimirwa ni Mana”* Yakiriwe na **Bukhariy**.

SHAHADATU ANA MUHAMADAN RASULU LLAHI.

(Guhama ko Muhamad (^{Allah amuhe amahoro n' imigisha}) ari Intumwa y'Imana)

Umuntu iyo apfuye mu mva ye ahura n'ibigeragezo akabazwa ibibazo bitatu (3): yaramuka abisubije akaba arokotse, atabasha kubisubiza akaba arimbutse, muri byo: Intumwa yawe ni iyihe? Nta muntu ubasha gusubiza icyo kibazo uretse uwafashijwe n'Imana kw'isi akabasha kuzuza ibigomba iryo Jambo nibwo Imana irimushikamishaho, akanaryongorerwa mu mva ye rikamugirira akamaro mu buzima bwe bwa nyuma, ku munsu umutungo n'abana biba nta kamaro.

Ibyo ugomba kuba wujuje rero kuri iryo jambo ni:

1 Kumvira Intumwa Muhamad mubyoyategetse:

Kuko Imana yadutegetse kumwumvira igira iti: *“Uzumvira intumwa uwo azaba yumviye Imana”* Sura Nisaai (4) Ayat 80

Na none Imana iti: *“Vuga uti niba mukunda Imana nimunkurikire Imana izabakunda”* Sura Al Imran (3) Ayat 31

No kwinjira mu ijuru muri rusange bishingiye ku kumvira intumwa.

Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe amahoro n' imigisha}) ati: *“Buri Muntu mu bantu banjye azinjira mu ijuru, keretse utazabishaka, bati: Yewe ntumwa y'Imana ninde wabyanga? Ati: Uzanyumvira azinjira mu ijuru, n'uzanyigomekaho uwo azaba yanze”* Yakiriwe na Bukhariy.

Umuntu wese rero ukunda intumwa ni ngombwa ko ayubaha, kuko kumvira ni Imbutu z'urukundo, nu zavuga ko akunda intumwa atayikurikira, atayumvira uwo aba ari umubeshyi.

2 Kumwemera mubyoyavuze: Uzaramuka ahakanye icyo aricyo cyose mu Mvugo z'ukuri z'intumwa Muhamad kubera amaranga mutima ye cyangwa gushyenga uwo aba ahakanye Imana n'intumwa yayo, kuko intumwa ari umuntu w'intungane warinzwe kubeshya.

Imana iti: *“Ntavuga bijyanye n'amaranga mutima...”* Sura Naj'mu (53) Ayat 3-4

3 Kwirinda ibyo Intumwa yabujije: Uhereye ku byaha bikomeye nk'ibangikanya n'ibirimbura ukageza kubitoya ndetse n'ibidashimishije, uburyo rero umuntu akunda intumwa bimwongerera ukwemera, niyo ukwemera kwiyongereye Imana imukundisha gukora ibyiza, ikamwangisha ubuhakanyi n'ubwononnyi no kwigomeka.

4 Ntugomba gusenga Imana bitandukanye nibyo Imana yategetse binyujijwe ku Ntumwa yayo: Ubundi gusenga ni ukwitondera amasengesho, ntibyemewe rero gusenga bitandukanye nibyo intumwa yazanye, intumwa Muhamad (^{Allah amuhe amahoro n' imigisha}) ati: *“Uzakora igikorwa kinyuranije n'itegeko ryacu ntikizakirwa”* Yakiriwe na Muslim. Bisobanuye ko kizamugarukira.

INYUNGU: Menya ko muby'ukuri gukunda intumwa amahoro n'umugisha biyisakareho no gukunda ibyo yazanye mumategeko ko ari ngombwa, uwanze icyo aricyo cyose mu byazanywe n'intumwa (Allah amuhe amahoro n'umugisha), kabone n'ubwo yaba agikora aba ari umuhakanyi. Urukundo rwonyine ntiruhagije ahubwo intumwa igomba kuba ikunditse kuri wowe kurusha buri cyose, kabone n'iyobyaba

umutima wawe. Kuko mubyukuri ukunze icyintu arakirutisha, kandi agashyira imbere guhuza nacyo, umunyakuri mu gukunda intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}amahoro ^{n'imigisha}) ni wawundi ugaragarwaho no kumukurikiza no gukurikira imigenzo ye yose yaba ari invugo cyangwa ingiro no kubaha amateko ye, no kugendera kure ibyo yabujije no kurangwa n'imico ye haba ari mu bimukomereye cyangwa bimworoheye, yaba anezerewe cyangwa atanezerewe. Kuko ukubaha no gukurikira ni umusaruro w'urukundo, iyo ibyo byombi bitariho urwo rukundo nta kuri ruba rufite.

No gukunda intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}amahoro ^{n'imigisha}) **bigaragazwa n'ibintu byinshi muribyo: Kumuvuga cyane no kumusabira amahoro n'umugisha,** ukunze ikintu agihoza ku ururimi, no muri byo kurarikira guhura nayo, kuko umukunzi ararikira guhura n'umukunzi we. No muri byo: **Kumuha agaciro, no kumwubaha igihe avuzwe.**

Is'haqa (Imana imugirire impuhwe) yaravuze ati: Abasangirangendo b'Intumwa y'Imana nyuma yayo, iyo Intumwa Muhamad yavugwaga baratinyaga, n'imibiri yabo igasesa urumeza bakanarira. No muribyo: **Kwanga uwanga Intumwa Muhamad,** no kwitarura abanyuranya n'imigenzo ye bakazana n'ibihimbano mw'idini ye, mu bantu bakora ibihimbano n'indyarya. No muribyo: **Gukunda uwakunzwe n'Intumwa Muhamad** mu bantu bo muro rwe n'abagore be n'abasangirangendo be mubimukiye i Madina (Muhajiruna) n'abari basanzwe i Madina (Answar) no kugirira urwango ababafitiye urwango no kwanga ubanga cyangwa akanabatuka. No muribyo: **Gukurikiza imico y'Intumwa Muhamad** myiza kuko yari umunyamico myiza mubantu bose. Kugeza ubwo **Aisha** (Imana imwishimire) yaravuze ati: (Imico y'Intumwa y'Imana yari Qoran). Bisobanuye ko yemeje umutima we gukora ibyo ategetswe n'igitabo cy'Imana Qor'an.

Naho ibigwi by'Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imugisha) yari Intwari kurusha bese, akaba intwari kurusha urugamba rumaze kurema, yari umunyabuntu kurusha bese, ikaba umunyabuuntu cyane iyo byabaga mukwezi kwa Ramadhani, yarushaga bese kugira inama ibiremwa, yari umuntu urusha bese kwihangana ntiyigeze yihorera kubera umutima we na rimwe. Akaba yari inkazi cyane mu mategeko y'Imana, akaba yaricishaga bugufi cyane akanubaha, akagira isoni cyane kurusha n'umwari uri murugo iwabo, akaba yararushaga bese gukunda abantu be, nuwarushaga bese impuhwe kubiremwa by'Imana, n'ibindi byinshi bitari ibyo.

A TWAHARATU

(Kwisukura¹)

Isengesho ni inkingi ya kabiri ya Islam ntabwo rero isengesho ryemerwa umuntu atisukuye, kandi kwisukura ntibibaho hadakoreshejwe amazi cyangwa umucanga.

Ibice by'amazi: 1. Atwahiru: Ariyo mazi asukuye ubwayo kandi ashobora gusukura ikindi kintu. Ayo mazi ashobora gukuraho ubuhumane (Hadath) n'umwanda (Najisi).

2. Najisu: Ni amazi yaguyemo Najisi iyo ari make, cyangwa agahindura uburyohe, ibara, cyangwa impumuro kubera iyo Najisi iyo ibaye nyinshi.

Icyitonderwa: Amazi menshi nta kiyanduza uretse Najisi yahindura kimwe mu ibara, uburyohe, cyangwa impumuro. * Ariko amazi make yandura iyo aguyemo Najisi. * Amazi bavuga ko ari menshi iyo arenze hafi Ritiro (210).

Ibyombo: ni buri cyombo cyose gifite isuku biremewe ku gikoresha uretse ibyombo bya Zahabu na Feza, bikaba byemewe rero kwisukura ubikoresheje, ariko nyine ukabona icyaha, biremewe rero gukoresha ibyombo by'abahakanyi n'imyenda yabo umaze kumenya niba nta Najisi irimo.

Uruhu rw'Ikipfishije: ni umwanda rwose.

N'ikipfishije ni kimwe mu bwoko bubiri (2): a. Ikitaribwa inyama muri rusange. **b.** Ikiribwa inyama ariko kitabazwe, n'ikiribwa inyama kitabazwe, uruhu rwacyo iyo rutunganyijwe rushobora gukoreshwa kubantu byumutse bitari ibitemba.

Gusitanji: ni ugukuraho icyasohotse mu mwanya w'imbere cyangwa inyuma ukoresheje amazi, aribyo byitwa Istinjau (gusitanji) naho wakoresha amabuye cyangwa impapuro zabugenewe n'ibimeze nkabyo, bikitwa Istijimaru.

Ni ngombwa rero kugira ngo ukore Istijimaru kuba wujuje ibi: Igomba gukoreshwa ikintu gifite isuku, cyemewe gisukura koko, kitaribwa, ugomba gukoresha amabuye atatu (3) no kurenza ho.

Istinjau na Istijimaru: ni itegeko igihe hari icyasohotse.

* Kirazira rero ku muntu wituma guhama aho yitumiye yarangije.

* Kwituma cyangwa kwihagarika mu isoko y'amazi, cyangwa mu muhanda w'abantu, cyangwa muni y'igicucu, cyangwa muni y'igiti cy'imbutu, no kwerekera kiblat mu kigarama, ibyo byose birabujijwe.

* Birabujijwe umuntu kwituma yinjije muri W.C ikintu kiriho izina ry'Imana, no kuvuga igihe wituma, no kwihagarika mu kobo n'ibindi no gufatisha ubwambure ukuboko kw'iburyo, no kwerekera Kiblat mu nyubako, ibyo bikaba byakwemerwa gusa iyo ufite impamvu. Ni byiza ku Muntu wituma koza gatatu gatatu ahasohotse umwanda cyangwa agahanagura atyo, no gukoresha amazi n'amabuye hamwe.

Gutera umuswaki (koza mu kanwa): Ni ngombwa koza mu kanwa ukoresheje agati koroshye nka Araki, bikarushaho rero igihe cy'isengesho, no

¹ Igice cya Fiqih muri icyi gitabo (Twahara- Iswala- Zakat- Swawum- Hijat) amategeko yose yavuzwemo ni imvugo zatoranyijwe mu zindi zose z'abanditsi bagerageje kwandika, imvugo zitavuzweho rumwe muri cyo ni nke, bityo umuyislam agomba gukurikira mu nyigisho za Fiqih uwo abona yizeye imyemerere ye, nk'aba Imamu bane aribo: Abuhanifa – Maliki – Shafii – Ahmad bun Hambal) n'abandi nkabo Imana ibagirire impuhwe nyinshi.

gusoma **Qor'an**, no gutawaza n'igihe ubyutse, n'igihe winjiye mu musigiti, no mu nzu, n'igihe cyose mu kanwa umwuka wahindutse, ni byiza kubanza iburyo igihe woza mu kanwa no kwisukura, no gukoresha imoso igihe wiyozaho umwanda.

GUTAWAZA: Inkingi zo gutawaza: **1.**Koza mu maso, harimo koza mu kanwa no mu mazuru. **2.**Koza amaboko kuva ku ntoki kugeza hejuru y'inkokora. **3.**Gusiga amazi mu mutwe wose na matwi. **4.**Koza amaguru kugeza hejuru y'utubumbankore. **5.**Ku bikurikiranya. **6.**Kubikorera icya rimwe.

Ibyangombwa byo Gutawaza: -Kuvuga Bismilahi mbere yo gutawaza. -Koza ibiganza k'umuntu ubyutse mu bitotsi by'ijoro gatatu mbere yo kubyinjiza mu mazi.

Sunat zo Gutawaza: ✨Koza mu kanwa. ✨Koza ibiganza mbere yo gutawaza. ✨Koza mu kanwa no mu mazuru utaroza mu maso. ✨Koza mu kanwa no mu mazuru ugakabya ku muntu udasibye. ✨Kunyuzwa intoki mu bwanwa bwinshi. ✨Kunyuzwa intoki mu mano. ✨Kubanza indyo. ✨Koza kabiri na gatatu. ✨Gushyira amazi mu Mazuru ukoresheje indyo, ukayapfuna ni imoso. ✨Gutsirita aho utawaza. ✨Gutawaza neza. ✨Gusaba ubusabe bwaje muri Hadith nyuma yo gutawaza.

Ibitari byiza mu Gutawaza: ✨Gutawaza amazi akonje cyane, cyangwa ashushye cyane. ✨Kurenza gatatu igihe woza ahantu hamwe. ✨Gukunguta amazi ku mubiri. ✨Kogera mu mugezi. **Ariko kwihanagura umaze gutawaza nta kibazo.**

Icyitonderwa: Koza mu kanwa ni ngombwa kuzunguza amazi mu kanwa, no koza mu mazuru ni ngombwa kwinjiza amazi mu mazuru ukoresheje kuyashoreza ntabwo ukoresha ukuboko gusa, ndetse no kuyapfuna ntibyemerwa bidakozwe bityo.

Uko Gutawaza bikorwa: Ni umuntu kugambirira ku mutima we, hanyuma akavuga Bismilahi, akoza ibiganza bye, agashyira amazi mu kanwa no mu mazuru, akoza mu maso ahereye aho imisatsi itangiriye akageza muni ya kananwa, no kuva kugutwi kugera ku kundi, akoza amaboko kugeza hejuru y'inkokora, agasiga amazi mu mutwe wose ahereye imbere akageza inyuma, ukanyuzwa intoki mu matwi imbere n'inyuma, akoza amaguru kugeza hejuru y'utubumbankore.

Icyitonderwa: Ubwanwa iyo ari bukeya ni ngombwa kugeza amazi ku mubiri, bwaba ari bwinshi ukabunyuzwa amazi hejuru, ukanyuzamo intoki.

GUHANAGURA KURI KHOFU EBYIRI:

Khofu: ni umwambaro w'ikirenge ukozwe mu ruhu cyangwa ikindi.

Iyo zikozwe mu ipamba n'ibindi nkaryo byitwa Isogisi, no gusiga ku masogisi biremewe mu gutawaza gusa.

Ibyo ugomba kuba wujuje kugirango usige kuri Khofu: **1.**Kuba wazambaye zifite isuku yuzuye. **2.**Kuba zihishe ahantu hose ha ngombwa mu gutawaza. **3.**Kuba ziziruwe. **4.**Kuba ubwazo zisukuye.

GUHANAGURA KU KIREMBA:

Biremewe guhanagura ku kiremba igihe utawaza, nanone igihe wujuje ibi: **1.**Kigomba kuba ari icy'umugabo. **2.**Kigomba kuba gifunze mu mutwe ku buryo busanzwe. **3.**Ugomba guhanaguraho igihe ukuraho ubuhumane buto gusa (hadath nto). **4.**Ugomba kuba ukoresha amazi.

GUHANAGURA IGITAMBARO CYO MU MUTWE (Umujitandiyu):

Biremewe guhanaguraho igihe wujuje ibi: **1.**Kuba ari igitambaro cy'umugore.

2.Kuba ugeze muni y'umuhogo. **3.**Agomba kuba ari ubuhumane buto (hadath nto). **4.** Agomba kuba akoresha amazi. **5.**Igitambaro kigomba kuba gitwikiriye ahagomba gutwikirwa. **Igihe guhanagura kuri Khofu bigomba kumara:** -Umuntu utuye utari k'urugendo, ni umunsi n'ijoro. -Naho uri kurugendo – aho umuntu yemerewe kugabanya Iswala (85km) ni iminsi itatu n'amajoro yayo.

Igihe guhanagura kuri Khofu bitangirira: Ni igihe umaze kwikuraho umwanda uzambaye, kugeza ejo nanone nkicyo gihe k'umuntu utari ku rugendo (amasaha **24**).

Inyungu: Uzahanagura ari k'urugendo hanyuma rukarangira, cyangwa akaba yari aho nta rugendo akarujyamo cyangwa agashidikanya ku gihe atangirira guhanagura uwo ahanagura nk'umuntu utari k'urugendo.

GUHANAGURA KU GIPFUKO CYANGWA ISIMA:

Igipfuko n'isima: n'ibyo bafatisha amagufa cyangwa ikindi bikaba byemewe guhanagura kuri byo igihe wujuje ibi: **1.** Ugomba kuba ubikeneye. **2.** nti kibe kirenze ahakenewe. **3.** Agomba gukurikiranya ako kanya hagati yo guhanagura kuri byo n'ibindi bice mu gutawaza. Iyo birenze ahakenewe agomba gukuraho aharenga, iyo atinya ingaruka zo kuhakoraho arahaganagura gusa bikaba bihagije.

Uko ahaganagurwa hagomba kuba hareshya kuri Khofu: Ahare hare ni uguhera ku mano ukageza k'umurundi wawe, gusiga bikoreshwa intoki gusa zitatanye.

Inyungu: ★Ibyiza ni uguhanagura kuri Khofu zombi icyakimwe utabanje indyo. ★Ntibyemewe guhanagura muni ya Khofu, cyangwa inyuma yazo. ★Si byiza koza Khofu mu mwanya wo kuzihanaguraho, ndetse no kuzihanaguraho inshuro irenze imwe. ★ikiremba n'igitambaro ni ngombwa guhanaguraho kenshi.

IBYANGIZA ISUKU YO GUTAWAZA: **1.** Icyasohoka cyose muri imwe mu nzira ebyiri z'ubwambure, cyaba atari umwanda nk'umusuzi cyangwa amasohoro cyangwa umwanda nk'inkari cyangwa amabyi, na Madhiyu. **2.** Gutakaza ubwenge kubera gusinzira, cyangwa kuzimira, uretse agatotsi gakeya wicaye cyangwa uhagaze, nti kangiza isuku. **3.** Gusohoka inkari n'amabyi mu nzira itari iyabyo. **4.**Gusohoka najisi iyo ariyo yose itari inkari n'amabyi mu mubiri we nka maraso menshi. **5.** Kurya inyama z'ingamiya. **6.** gukora ku bwambure ni ntoki. **7.** Gukora k'umugore cyangwa k'umugabo umwifuzza nta mwenda uriho. **8.** Kuva mu buyisumu.

N'uzaba yizeye isuku, agashidikanya kukuba yahumanye, cyangwa ikinyuranyo ashingira kucyo adashidikanyaho.

KOGA: Ibituma umuntu yoga: **1.**Gusohoka intanga uryohewe, cyangwa uryamye. **2.**Kuba ubwambure bw'umugabo bwahura n'ubwo mugore nubwo utarangiza. **3.**Umuhakanyi kwinjira Islam, nubwo yaba uwari uyirimo. **4.**Gusohoka amaraso y'imihango. **5.**Gusohoka amaraso y'ibisanza. **6.**Gupfa k'umuyisumu.

Inkingi zo Koga: Birahagije ko umuntu akwiza umubiri we wose amazi no mu kanwa no mu mazuru.

Koga kuzuye rero kurangwa n'ibintu icyenda (9): **1.**Kugira umugambi (Niyat). **2.**Kuvuga Bismilahi. **3.**Koza ibiganza mbere yo kubyinjiza mu mazi. **4.**Koza ubwambure bwe imbere n'inyuma. **5.**Gutawaza. **6.**Koza mu mutwe gatatu. **7.**Gukwiza amazi umubiri we wose. **8.**Gutsirira umubiri we n'intoki. **9.**Kubanza indyo.

Kirazira k'umuntu ufite ubuhumane buto: **1.**Gukora ku Musafu.

2.Gusenga. 3.Gukora Twawafu.

Kirazira k'umuntu ufite ubuhumane bukomeye: 1.2.3. Ibi tumaze kuvuga wongeyeho: 4.Gusoma Qor'an. 5.Gutinda mu musigiti nta atatawaje. Si byiza k'umuntu ufite ubuhumane bukomeye (**Ijanaba**) kuryama adatawaje, no konona amazi mu koga.

TAYAMAMU:

Ibyo ugomba kuba wujuje ku girango ukore Tayamamu: 1.Kubura amazi burundu. 2.Gukoresha umucanga usukuye, wemewe ufite akavumbi, udatwitswe.

Inkingi za Tayamamu: Gusiga mu maso hose, hanyuma amaboko abiri kugeza mu bujana, no kubikiriranya, hanyuma kubikorera icyarimwe.

Ibyangiza isuku ya Tayamamu: 1.Ni bimwe byangiza isuku yo gutawaza. 2.Kuboneka kw'amazi iyo wakoze Tayamamu kubera kubura kwayo. 3.Kuvaho kw'impamvu yaguteye Tayamamu, nko kuba wari urwaye ugakira.

Isunat za Tayamamu : 1. Gukurikiranya no gukorera icyarimwe Tayamamu yo ubuhumane bukomeye (hadath nini). 2. Gutinza Tayamamu kugeza ku munota wa nyuma. 3. Gusoma ubusabe bwo gutawaza urangije Tayamamu.

Ibitari Byiza muri Tayamamu: Gukubita hasi ibiganza kenshi.

Uko Tayamamu Ikorwa: Agomba kugambirira k'umutima, hanyuma akavuga Bismilahi, agakubita ibiganza bye rimwe mu mucanga, agahanagura mu maso he, arambitse ibiganza bye mu maso he no mu bwanwa bwe hanyuma agahanagura ibiganza bye, umugongo w'ikiganza cye cy'iburyo kunda y'ikiganza cye cy'ibumoso, n'umugongo w'icyi bumoso kunda y'iki buryo.

GUSUKURA NAJISI:

Ibintu	Itegeko
Inyamaswa	<p>Najisi murizo</p> <p>Imbwa, Ingurube, n'Inyoni zitaribwa, n'inyamaswa zisumba injangwe ho gato: Itegeko ryabyo: Zo ubwazo n'ibice byazo n'imyanda yazo ni najisi, nk'inkari zazo amabyi yazo, n'inkonda zazo n'ibyuya byazo n'amasohora yazo n'amata yazo, n'ibirutsi byazo.</p>
	<p>Izitari Najisi</p> <p>1. Umuntu, Itegeko: Ibimukomokaho byose bifite isuku, nk'amasohora, icyuya, inkonda, amata, n'ubuherehe bw'ubwambure bw'umugore bufite isuku. Uretse inkari n'amabyi na Madhiy (umurenda uturuka mu gitsina kubera kwifuza imibonano) n'amaraso ibyo ni Najisi.</p> <p>2. Inyamaswa ziribwa inyama: Itegeko: Imyanda yazo yose ifite isuku, nk'inkari, amase, amasohora, amata, icyuya, inkonda, ibirutsi na madhiy byazo.</p> <p>3. Inyamaswa zigoye kuzirinda, nk'indogobe, injangwe, n'iziri muni yazo nk'imbeba nizindi nkazo. Itegeko: Inkonda zabyo n'icyuya cyabyo gusa nibyo bifite isuku.</p>
Ibyapfuye	Byose ni Najisi, uretse umurambo w'umuntu, isamake, isenene, n'udusimba tutagira amaraso atemba, nk'isazi imibu ibyo byo bifite isuku.
Ibitari inyamaswa	Isi n'amabuye n'ibindi nkabyo. Itegeko: byose bifite isuku (uretse gusa ibiremereye mu bintu twavuze haruguru)

ZIMWE MU NYUNGU: Amaraso n'ibirutsi n'amashyira ni umwanda ubabarirwa mu isengesho iyo ari muke cyane wavuye ku nyamaswa itari umwanda.

Amaraso agira isuku mu bwoko bubiri: a.Isamake. **b.**Amaraso yasigaye mu nyama n'imitsi itungo ryamaze kubagwa.

★Icyacibwa cyose ku inyamaswa nzima, n'ikiremve byose ni umwanda. ★Gusukura inajisi ntibigombera kuba ufite umugambi, kandi ikuweho ni mvura ikintu kiba gifite isuku. ★Gukora kuri najisi ni ntoki cyangwa kuyinyura hejuru, ntibyica isuku yo gutawaza, gusa ni ngombwa kuyikura ho no gusukura aho yageze ku mubiri no ku myambaro.

Najisi zisukuka iyo hakurikijwe ibi: 1.Kuyoza n'amazi asukuye. **2.**Ikintu kigomba gukamurwa k'uruhande, hagati mu mazi niba cyakamurwa. **3.**Igomba gukubwa ikavaho niba bitashoboka kuyoza. **4.**Igomba kozwa inshuro zirindwi iya mu nani ugashyiraho umucanga cyangwa isabune iyo ari Najisi y'imbwa.

Ibyitonderwa: ★Najisi iri hasi iyo ari Itemba nk'inkari: Birahagije kuyimenaho amazi, ikavaho n'ibara n'impumuro. ★Naho iyo Idatamba: ni ukuyikura ho ntihagire n'ibisigisigi byayo. ★Iyo gukuraho Najisi binaniranye igomba gukurwaho n'amazi gusa, ni ngombwa ko yozwa n'amazi. ★Iyo ahari Najisi hatagaragara woza ahakewe hose. ★Uramutse utawaje kugira ngo usenge i Sunat biremewe ko iyo suku wayisengana isengsho ry'Itegeko. ★Ntabwo umuntu wasinziriye yari yatawaje cyangwa uwasuze bagomba gusanjira, kuko umusuzi si umwanda gusa bagomba gutawaza iyo bashaka gusenga cyangwa gukora ikindi.

AMATEGEKO AGENGA UMUGORE.

AMATEGEKO AGENGA AMARASO YA KAMERE Y'ABAGORE.

1. Amaraso y'imihango n'Amaraso ya Istihadwa:

Ikintu.	Itegeko ryacyo.
Imyaka mike ni myinshi umugore atangiriramo imihango.	Imyaka mikeya y'imihango ni 9, iyo habonetse amaraso mbere yayo biba ari Istihadwa, nta rugero rw'imyaka myinshi.
Iminsi mikeya imihango imara.	Ni umunsi n'ijoro, amasaha (24), iyo itagezeho biba ari Istihadwa.
Iminsi myinshi imihango imara.	Ni iminsi cumi n'itanu (15), Iyo iyo minsi irenze biba nabyo ari Istihadwa.
Isuku hagati y'imihango ibiri.	Ni iminsi cumi n'itatu (13), Iyo habonetse amaraso iyo minsi ituzuye, nayo aba ari Istihadwa ¹ .

¹ **Imihango:** Ni amaraso ya kamere aza mu nzira z'ubuzima atari impamvu zo kubyara.

Istihadwa: Ni ukuva amaraso mu gihe kitari icyayo kubera uburwayi.

Itandukaniryo ry'amaraso y'imihango na istihadwa: 1. Amaraso y'imihango araturuka ariko umutuku wenda kwijima, naho istihadwa amaraso yayo araturuka cyane. **2.** Amaraso y'imihango aba aremereye hari igihe azana n'uduce tw'ibiremve, naho istihadwa amaraso yayo aroroshye amanuka amezwe nk'ayi gikomere. **3.** Amaraso y'imihango aba anuka nabi akenshi naho istihadwa amaraso yayo ahumura nk'amaraso asanzwe. **Kirazira k'umugore uri mu mihango ibintu byinshi:** gukorerwa imibonano mpuzabitsina mu bwambure, kumuha ubutane, gusenga, gusiba, gukora twawafu, gusoma Qor'an, gufata umusafu, gutinda mu musigiti.

Abenshi mu bagore imihango yabo ni:	Iminsi itandatu cyangwa irindwi (6-7).
Abenshi mu bagore igihe isuku imara ni:	Iminsi makumyabiri n'itatu cyangwa n'ine (23-24).
Ese amaraso ava mu mugore utwite aba ari imihango ?	Ibiva mu mugore utwite amaraso cyangwa (Al kadirat) ¹ , cyangwa (Swafurat) ² ntabwo aba ari imihango ahubwo biba ari Istihadwa.
Ni ryari umugore amenya ko afite isuku?	Abagore bari ukubiri: a. Abazana ibizi by'umweru (quswatu bayidwau) ³ igihe bafite isuku. b. Abumagana ntihaze ikintu na kimwe.
Ibiva mu bwambure bw'umugore ufite isuku:	Iyo ibimuvamo ari umweru biba bifite isuku byaba ari amaraso cyangwa ibintu by'umuhondo, bikaba ari Najisi, ariko byose byangiza isuku yo gutawaza, iyo bikomeje kuza: biba nabyo ari Istihadwa.
Amaraso y'ikigina cyangwa ayu muhondo ava mu bwambure bw'umugore.	Iyo ayo maraso akurikiranye n'imihango mbere cyangwa nyuma yayo aba ari imihango, naho aje atandukanye n'igihe cy'imihango: akaba ari Istihadwa.
Uwari ufite iminsi runaka afatiraho imihango buri kwezi hanyuma imihango ikarangira iyo minsi ituzuye:	Uwo mugore aba afite isuku iyo amaraso ahagaze akagira isuku, nubwo iminsi yari amenyereye kubona mo imihango yaba itararangira.
Imihango kuza mbere y'igihe cyayo, cyangwa kuza nyuma y'igihe cyayo.	Amaraso yose afite ibimenyetso by'imihango aba ari imihango, igihe yazira cyose, apfa kuba hagati yayo nandi hanyuze mo iminsi cumi n'itatu(13), ariyo minsi mike yo kuba umugore afite isuku, bitaba ibyo akaba ari Istihadwa .
Iyo imihango irengeje inshuro yazaga zimenyereye, cyangwa ikagabanuka :	Iba ari imihango ipfa kuba itarengeje iminsi myinshi y'imihango ariyo cumi n'itanu(15).
Iyo umugore agiye mu mihango igihe kirekire nku kwezi cyangwa kurenga:	Kuri ibyo hari Uburyo bwinshi: 1. Umugore uzi igihe cy'imihango ye mu kwezi n'iminsi ayimarana: Uwo yicara igihe cy'iminsi y'imihango ye, amaraso ye yaba asobanutse cyangwa adasobanutse. 2. Ni uzi neza igihe cy'imihango ye mu kwezi ariko atazi umubare w'iminsi yayo: Uwo yicara iminsi itandatu cyangwa irindwi (6,7), (igihe kirekire cy'imihango) nk'iminsi asanzwe azi. 3. N'uzi umubare w'iminsi y'imihango ye, ariko atazi igihe izira mu kwezi: Uwo yicara umubare w'iminsi azi buri ntangiriro ya buri kwezi.

¹ Al Kadirat: ni amaraso asohoka mu bwambure bw'umugore afite ibara risa n'ikigina.

² Swafurat: ni amaraso asohoka mu bwambure bw'umugore afite ibara rijya kuba umuhondo.

³ Quswatu bayidwau: ni ibintu by'umweru bisohoka mu bwambure bw'umugore igihe afite isuku, kandi ibyo bintu bw'umweru biba bifite isuku ariko byangiza isuku yo gutawaza.

2. Ibisanza:

Ikintu.	Itegeko ryacyo.
Umugore ubyaye ntabone amaraso.	Ntabwo ahabwa itegeko ry'ibisanza nta nubwo ari ngombwa ko yoga, nta nubwo igisibo cye cyangirika.
Iyo umugore abonye ibimenyetso byo kubyara.	Amaraso umugore abona n'amazi hamwe n'ububabare mbere yo kubyara ho gato, ntibihabwa itegeko ry'ibisanza, ahubwo ni Istihadwa.
Amaraso ava mu bwambure bw'umugore iyo abyara.	Ayo maraso aba ari ibisanza nubwo umwana yaba atarasohoka, cyangwa haje igice kimwe cye ntabwo ari ngombwa ko yishyura amasengesho yahise kuri uwo mugore muri icyo gihe.
Ni ryari batangira kubara iminsi y'ibisanza?	Nyuma yuko umwana avuka ava mu nda ya nyina wese yuzuye akagera kw'Isi.
Iminsi mike y'ibisanza ni ingahe ?	Nta minsi mikeya y'ibisanza ibaho, umugore ubyaye hanyuma amaraso agahita arangira nyuma yo kubyara ako kanya, ni ngombwa ko yoga agasenga ntagomba gutegereza iminsi mironko ine (40).
Iminsi myinshi y'ibisanza ni ingahe ?	Ni iminsi mironko ine (40) Iyo irenze ho ntabwo ayita ho aroga agasenga, uretse igihe yagwa mu minsi ye y'imihango ya mbere yo gusama icyo gihe byitwa imihango.
Umugore ubyaye impanga ebyiri cyangwa nyinshi.	Atangira kubara iminsi y'ibisanza, iyo amaze kubyara umwana wa mbere.
Amaraso asohoka nyuma yo gukuramo inda.	Iyo inda ivuyemo yari igejeje ku minsi mironko inani (80) cyangwa munsu yayo, amaraso aza nyuma yuko ivamo aba ari Istihadwa , naho iyo yari irengeje iminsi mironko cyenda (90), Amaraso aza nyuma yuko ivamo aba ari ibisanza, naho iyo inda yari hagati y'iminsi mironko inani (80) na mironko cyenda (90), icyo gihe itegeko rikurikizwa niryo kuba umwana agaragaza ishusho, iyo yagaragaje ishusho y'umuntu, amaraso ya nyuma ye aba ari ibisanza, yaba yavuyemo ataragaragaza ishusho, ayo maraso ya nyuma ye akaba ari Istihadwa .
Iyo umugore ibisanza birangiye hagati y'iminsi (40) hanyuma amaraso akaza kugaruka itaruzura.	Kurangira kwa maraso umugore abona hagati mu minsi (40) y'ibisanza iba ari isuku agomba koga agasenga, amaraso yagaruka muri iyo minsi (40) ahabwa itegeko ry'ibisanza, bityo kugeza iminsi mironko ine (40) irangiye.

Icyitonderwa: *Ni itegeko k'umugore uri muri Istihadwa gusenga ariko agomba gutawaza kuri buri swala. *Umugore iyo avuye mu mihango cyangwa ibisanza mbere yuko izuba riranga, ningombwa kuwe gusenga Adhuhur na Alaswir z'uwo munsu, yagarukana isuku mbere yuko umuseke utambika, agomba gusenga Magh'rib na Al ishau by'iryo joro. *Iyo umugore igihe cy'isengesho kimugereye ho hanyuma akajya mu mihango cyangwa ibisanza atarasenga iryo sengesho, ntabwo ari ngombwa kuri we kuzaryishyura amaze kugira isuku. *Ni ngombwa ko umugore afungura imisatsi ye igihe agiye koga imihango cyangwa ibisanza, ariko singombwa ko yayihambura agiye koga ijanaba. *Sibyiza gukora imibonano n'umugore uri muri Istihadwa mu bwambure bwe, keretse gusa umugabo aramutse abishaka cyane. *Ningombwa k'umugore uri muri istihadwa gutawaza kuri buri swala amaze kwiyozaho amaraso kugeza ahagaze kuza. * Biremewe ko umugore yafata imiti ihagarika imihango igihe gito kugirango akore ibikorwa bya Hijat na Umrat, cyangwa kugirango arangize igisibo cya Ramadwani, ariko ibyo abikora iyo yizeye ko uwo muti nta ngaruka wamugiraho.

UMUGORE MURI ISLAM

Umugore aringaniye n’umugabo ku bihembo n’impano ku Mana, haba kubyerekeye ukwemera cyangwa ibikorwa, Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}_{amahoro} n’imigisha) yaravuze ati: **“Mukuri abagore ni abavandimwe ba bagabo”** Yakiriwe na Abu Daudi. Bityo agamba gusabirwa ukuri kwe yahugujwe, no gukuraho amahugu yamukorerwa, kuko invugo zose z’idini bibwira umugore n’umugabo hamwe, uretse invugo zigaragaza ugutandukana kwabo kuri bimwe, kandi ayo ni amategeko make cyane ugereranyije nandi mategeko y’idini. Kandi idini yita k’umwihariko w’umugabo n’uwu mugore haba mu miterere no m’ubushobozi, Imana iti: **“Ese uwa remye ntazi ibiremwa bye, kandi azi ibyihisha cyane akagira n’amakuru yabyo”** **Mulku: 14.** Umugore afite imirimo yamugenewe n’umugabo afite iyamugenewe, iyo habayeho kwivanga mu mirimo yagenewe undi rero bigira ingaruka k’ubuzima, ahubwo umugore yahawe ibihembo bingana n’ibyu mugabo kandi yibereye iwe, biturutse kuri Asmau mwene Yazidi **yagiye ku Intumwa Muhamad (Allah amwishimire) ari mu basangirangendo be, aravuga ati: Yewe ntumwa y’Imana nje nje hano mparariye abandi bagore nje kwiga, nta mugore uri iburasirazuba cyangwa iburengerazuba wumvise kuza kwanjye hano uretse ko nawe afite igitekerezo nkicyo nfite, Imana yakohereje mu kuri ku bagabo n’abagore, turakwemera twemera n’Imana yagutumye, twebwe abagore tuboheye mu mazu yanyu, tukabakemurira ikibazo cy’umubiri, tugatwita abana banyu, ariko mwebwe abagabo muturusha ibihembo kubera gusenga ijuma no gusenga amasengesho y’imbaga no gusura abarwayi no guherekeza imirambo no gukora Hijat nyuma yindi ikiruta ibyo byose ni ukujya muri Jihad mu nzira y’Imana, iyo umugabo muri mwe agiye gukora Hijat cyangwa Umrat cyangwa k’urugamba, dusigara tubacungiyeye imitungo tukabamesera imyenda tukabarerera abana, ese twafatanye namwe ibihembo gute yewe ntumwa y’Imana? Aravuga ati: Intumwa Muhamad ahindukiza uburanga bwe bwose areba abasangirangendo be, maze aravuga ati: “Mwumvise umugore uvuga amagambo meza kuruta ikibazo cy’uyu ku idini ye? Baravuga bati: ntumwa y’Imana ntidukeka ko umugore yasobanukirwa nk’ibi, Intumwa Muhamad arahindukira aramureba, maze aramubwira ati: mugore genda wigisha abagore wasize inyumwa ko gukora neza ibyo usabwa k’umugabo wawe akanamusaba kumwishimira no kutanyuranya nawe, ibyo bingana nibyo byose, aravuga ati: Umugore asubiraye agenda asingiza Imana anayikuzza kubera ibyishimo”** Yakiriwe na Bayihaqiy. Haza abagore ku Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}_{amahoro} n’imigisha) baravuga bati: **Yewe ntumwa y’Imana abagabo batwaye ibyiza byinshi kubera kujya muri Jihad mu nzira y’Imana, ese twakora ikihe gikorwa kugirango tugere ku byiza by’abajya muri Jihad mu nzira y’Imana? Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe}_{amahoro} n’imigisha) aravuga ati: “Umwe muri mwe gukorera urugo rwe anganya n’abagiye muri Jihad mu nzira y’Imana”** Yakiriwe na Bayihaqiy. Ahubwo Imana yanagennye ibihembo bihambaye ku kugirira neza abo mu muryango wawe b’igitsina kobwa aravuga ati: **“Uzagira icyo atanga ku bakobwa babiri cyangwa ku bavandimwe babiri babakobwa cyangwa kubakobwa bafitanye isano, yizeye ibihembo ku Mana, maze Imana ikabafasha cyangwa ikabaha ubukungu mu ngabire zayo, bazaba igikinga cy’umuriro kuri we”** Yakiriwe na Ahmad na Twabaraniy.

AMWE MU MATEGKO Y'ABAGORE

✱ Kirazira ko umuntu atemberana n'umugore utari uwe atari kumwe n'umuziririjweho¹. Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: ***“Umugabo ntagatemberane n'umugore utari uwe atari kumwe n'umuziririjweho”*** Yakiriwe na

Bukhariy na Muslim.

✱ Biremewe ko umugore asengera mu musigiti, ariko igihe hatinywa fitina si byiza kujyayo. ***Aishat yaravuze ati: (Iyo Intumwa Muhamad aza kumenya ibyo abagore bazakora yari kubabuza kugera ku musigiti, nkuko abagore baba yisraheri babujijwe”*** Yakiriwe na Bukhariy na Muslim. Nkuko umugabo gusengera mu

musigiti ibihembo byikuba inshuro nyinshi ni kimwe n'umugore gusengera iwe mu rugo, umugore yaje ku Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) aramubwira ati: Njyewe nkunda gusengana nawe, aramubwira ati: ***“Nabimenye ko ukunda gusengana nanjye, ariko isengesho ryawe mu nzu yawe riruta iryo mu cyumba cyawe, n'isengesho ryawe mu cyumba cyawe riruta iryo mu rugo iwawe, n'isengesho ryawe mu rugo iwawe riruta iryo mu musigiti w'abantu bawe, n'isengesho ryawe mu musigiti w'abantu bawe riruta iryo mu musigiti wanjye”*** Yakiriwe na Ahmad.

Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: ***“Imisigiti myiza y'abagore ni amazu yabo”*** Yakiriwe na Ahmad.

✱ Ntabwo ari itegeko k'umugore gukora Hijat cyangwa Umrat hatabonetse umuziririjweho wamuherekeza, kandi urugendo rwe ntirwemerwa atabonye umuziririjweho bajyana, kubera ijambo ry'Intumwa Muhamad rigira riti: ***“Ntabwo umugore agomba kujya mu rugendo rurenza iminsi itatu atari kumwe n'umuziririjweho”*** Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

✱ Umugore kirazira gusura amarimbi no guherekeza umurambo, kubera ijambo ry'Intumwa Muhamad rigira riti: ***“Imana yavumye abagore yasura amarimbi”, “Umu atwiyat (Allah amwishimire) aravuga ati: Twabujijwe gusura amarimbi ariko intumwa ntibabikajije kuri twe”*** Yakiriwe na Muslim.

✱ Biremewe k'umugore gusiga mu musatsi we ibara ashaka, ariko umukara simwiza igihe waba ari uwo kushukisha urambagiza.

✱ Ningombwa guha umugore umugabane Imana yamugeneye mu izungura, kandi kirazira kumwima umugabane we muriryo, imvugo yakiriwe ku Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) iragira iti: ***“Uzakata umugabane w'umuzungura we Imana izakata umugabane w'izungura rye mu ijuru ku muni w'imperuka”***

Yakiriwe na Ibun Majah.

✱ Ningombwa ko umugabo atanga umutungo k'umugore we amubonera ibyangombwa byose by'ibanze, nko kurya kunywa kwambara n'aho kuba kuneza, Imana iti: ***“Umukungu ajye atanga k'umugorewe hakurikijwe ubukungu bwe, naho udafite ubushobozi ajye atanga mubyo Imana yamuhaye”*** Twalaq: 7.

Igihe umugore adafite umugabo ni ngombwa ko Ise cyangwa musaza we cyangwa umwana we amufasha, iyo adafite abavandimwe ni byiza ko abantu bandi

¹Uziririjwe k'umugore: ni wawundi udashobora kumurongora burundu aribo: Ise, Sekuru, umwana we, n'umwana w'umwana we, n'umuvandimwe we n'abana b'umuvandimwe, abana ba mushiki wawe, Se wabo, Nyirarume, Sebukwe, uwo mwonse rimwe, umukwe, umugabo wa nyoko.

bamufasha, kubera Hadith igira iti: *“Ufasha umupfakazi n’umukene ni nk’urwana mu nzira y’Imana, cyangwa nk’urara ahagaze asenga akirirwa asibye”* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

★ Umwana w’umugore ukiri muto utararongorwa afite uburenganzira bwo kurerwa, kandi Ise ni ngombwa ko amufasha aha nyina igihe umwana abana nawe.

★ Sibyiza kubanza gusuhuza umugore cyane cyane igihe akiri inkumi, cyangwa hatinywa fitina.

★ Ningombwa kogosha insya no gupfura ubucakwaha no guca inzara buri kuwa gatanu, kandi sibyiza kubireka iminsi irenga mirongo ine.

★ Kirazira gupfura ingohi, kubera ijambo ry’Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) rigira riti: *“Imana yavumye upfura ingohi n’usaba kuzipfurirwa”* Yakiriwe na Abu Daudi.

KWIRABURIRA UWAPFUYE: Kirazira k’umugore kwiraburira umuntu wapfuye igihe kirenze iminsi itatu, uretse umugabo we gusa, kubera ijambo ry’Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) rigira riti: *“Ntibyemewe k’umugore wemera Imana n’umunsi w’imperuka ko yiraburira umuntu igihe kirenze iminsi itatu uretse umugabo we”* Yakiriwe na Muslim.

Ningombwa ko umugore yiraburira umugabo we igihe kingana n’amezi ane n’iminsi icumi, kandi mugihe ari muri icyo gikorwa agomba kwirinda kurimba no kwisiga amarashi ndetse no kwambara zahabu nubwo yaba impeta, akanirinda kwambara imyenda y’amabara nk’umutuku umuhando, ndetse akirinda kwisiga ihina naza makiyaje no kwisiga iwanja, biremewe kuriwe guca inzara no gupfura umusatsi no koga, kandi kwiraburira uwapfuye ntibisaba kwambara imyenda runaka nk’umukara, kandi ni ngombwa ko umugore akorera Eda mu nzu umugabo we yapfuye arimo, kandi kirazira guhindura aho akorera Eda nta mpamvu, kandi ntiyemerewe gusohoka mu rugo iwe kumanywa nta mpamvu.

★ Kirazira ko umugore yogosha umusatsi we nta mpamvu ikomeye, ariko biremewe ko yawugabanya ariko kuburyo butamusanisha n’abagabo, kubera Hadith igira iti: *“Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) yavumye abagore bisanisha n’abagabo”* Yakiriwe na Tir’midhiy. Cyangwa imusanisha n’abahakanyikazi, kubera Hadith igira iti: *“Uwisanishije n’abantu abo aribo bose aba muribo”* Yakiriwe na Abu Daudi.

★ Ningombwa ko umugore yambara akwije umubiri we igihe asohotse ku rugo iwe, akoresheje umwambaro wujuje ibi bikurikira: **1.**Kuba ukwiriye umubiri wose. **2.**Kuba atari umurimbo. **3.**Kuba unyerera udakanyaraye. **4.**Kuba wagutse utamwegereye. **5.**Kuba udasize amarashi. **6.**Kuba udasa n’imyambaro y’abagabo. **7.**Kuba uwo mwambaro udasa niy’abahakanyikazi. **8.**Ntugomba kuba umwambaro wamamaye. kirazira kandi kwambara umwambaro uriho ifoto y’umuntu cyangwa iy’inyamaswa, kirazira no kuwumanika no kuwukingisha k’urukuta ndetse no kuwugurisha.

UBWAMBURE BW’UMUGORE HAMWE N’ABANDI BANTU BURIMO IBICE BITATU: **1.K’umugabo we:** Uwo yemerewe kumureba aho ashaka. **2.Abandi bagore n’abamuziririjweho:** abo bamureba ku bihimba bikunze kugaragara kenshi, nk’umutwe, imisatsi, ijosi, amaboko, ibirenge n’ahandi. **3.Abandi bagabo:** ntibemerewe kumureba aho ariho hose uretse igihe ari

ngombwa nko kuba umurambagiza cyangwa ku mpamvu z'ubuvuzi nibindi, kuko ibigeragezo by'umugore biba mu buranga bwe, Fatwimat mwene Mundhir yaravuze ati: (Twajyaga dutwikira uburanga bwacu ku bagabo) Aishat aravuga ati: ***“Abantu bari kubyo bagendaho bajyaga batunyura ho turi kumwe n’Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n’imigisha), baba batwegereye umwe buri wese agashyira igitambaro cye mu mutwe no muburanga bwe barenga tukabikuramo”*** Yakiriwe na

Abu Daudi.

KWICARA EDA:

Irimo amoko: **1.Umugore utwite:** yaba yahawe ubutane cyangwa yapfushije umugabo, Eda ye ni ukumara kubyara. **2.Uwapfushije umugabo:** Eda ye ni amezi ane n'iminsi icumi. **3.Uhawe ubutane kandi ari mu mihango:** Eda ye ni ukujya mu mihango itatu, Eda ye irangira ari uko agarukanye isuku ku mihango ya gatatu. **4.Eda y'umugore utakijya mu mihango:** Eda ye ni amezi atatu. Umugore uri muri Eda ariko azasubirana n'umugabo we ni ngombwa ko ahamana n'umugabo we igihe cyose ari muri Eda kandi umugabo yemerewe kuba yamureba aho ashaka, akaba yanatemberana nawe kugeza Eda ishize wenda Imana yabafasha bagasubirana, kandi gusubirana ntibitegereza ko umugore abanza kubyemera igihe ari m'ubutane bwo gusubirana, kandi gusubirana bibaho iyo umugabo avuze ati: Ndakugaruye cyangwa agakorana nawe imibonano mpuza bitsina.

★ Umugore ntabwo yishyingira, Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: ***“Umugore wese uzishyingira nta burenganzira bw'umuhagarariye ubushyingirwe bwe ntibwemerwa”*** Yakiriwe na Abu Daudi.

★ Kirazira ko umugore yunga umusatsi we ho undi, cyangwa kwishushanya k'umubiri we ibintu ibi bikorwa byombi ni mubyaha bihambaye, kubera ijambory'Intumwa Muhamad rigira riti: ***“Imana yavumye uwunga umusatsi n'usaba kungirwa umusatsi, n'usharambura k'umubiri we n'usaba gusharamburwa”***

Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

★ Kirazira ko umugore yisabira ubutane umugabo we nta mpamvu kubera ijambory'Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) rigira riti: ***“Umugore wese uzasaba umugabo we ubutane nta kibazo gikomeye, kirazira kuri we kumva n'umwuka w'ijuru”*** Yakiriwe na Abu Daudi.

★ Umugore agomba kumvira umugabo we ku neza, cyane cyane igihe amuhamagaye k'uburiri, Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: ***“Umugabo nahamagara umugore we k'uburiri akanga, umugabo akarara arakaye, abamarayika barara bavuma uwo mugore bugacya”*** Yakiriwe na Bukhariy na

Muslim.

★ Kirazira ko umugore yisiga amarashi azi neza ko agiye kunyura mu nzira irimo abagabo batari uwe, kubera Hadith igira iti: ***“Umugore naramuka yisize amarashi akanyura ku bantu ngo bumve impumuro ye aba ari umusambanyi”*** Yakiriwe na Abu

Daudi.

ISENGESHO.

(Iswala)

Adhana na Iqamat: ni itegeko ritari rusange ku bantu bose batuye, kandi ku bagabo gusa, bikaba Isunat ku muntu usenga wenyine cyangwa ari kurugendo, Si byiza kandi ku bagore, ntabwo byemerwa igihe kitaragera, uretse Adhana ya mbere ya Al Fajir ishobora gutorwa nyuma ya saa sita z'ijoro.

Ibyo umuntu agomba kuba yujuje kugirango asenge: 1.Kuba ari umuyislamu. 2.Kuba afite ubwenge. 3.Kuba agejeje igihe. 4.Kuba ashoboye kwisukura. 5.Kuba igihe cy'isengesho kigeze. **Adhuhuri:** Igihe cyayo ni ukuva izuba rivuye hagati gato kugeza ubwo igicucu cy'ikintu kireshya nacyo. **Al Aswiri:** Igihe cyayo cyatoranijwe n'igihe igicucu cy'ikintu kiba kireshya n'inshuro ebyiri zacyo, Naho igihe cyayo cy'amaburakindi, ni ukugeza izuba rirenze. **Magharibi:** ni ukuva izuba rirenze, kugeza ibicu by'umutuku birangiye. **Al Ishau:** Igihe cyatoranijwe cyayo ni ukugeza saa sita z'ijoro, naho igihe cy'amaburakindi cyayo ni ukugeza kuri Al Fajir. **Al Fajir:** ni ukuva umuseke utambitse kugeza izuba rirashe.

6. Guhisha ubwambure¹.

ubwambure bw'umwana w'umuhungu w'imyaka icumi: ni ukuva hejuru y'umukondo gato kugeza munsu y'amavi.

ubwambure bw'umukobwa ugejeje igihe cy'imihango: ni umubiri we wose mu isengesho uretse mu maso he.

7. Kuba utarangwaho Najisi k'umubiri n'imyambaro, n'aho usengera. 8.Kwerekera Kiblat, igihe ubishoboye. 9. Kugira umugambi (Iniyat)

INKINGI Z'ISENGESHO:

Inkingi z'isengesho ni icumi ne nye (14): 1.Gusenga uhagaze igihe ubishoboye, mu masengesho y'itegeko. 2.Tak'biratul Ih'rami. 3.Gusoma Surat Al Fatihat. 4.Kunama (Rukuu) kuri buri Rakat. 5.Kunamuka uvuye Rukuu. 6.Kwema ugahagaze uvuye Rukuu. 7.Kubama (Sujud) ku bihimba birindwi. 8.Kwicara hagati ya Sijida ebyiri. 9.Gutanga ubuhamy bwa nyuma (Atahiyatu ya Nyuma). 10.Kwicara kuri iyo Atahiyatu ya Nyuma. 11.Gusabira Intumwa Muhammad kuri Atahiyatu ya nyuma. 12.Gutora Salam ya mbere. 13.Gutuza kuri buri nkingi yose y'ibikorwa. 14.Gukurikiranya izo nkingi. Ntabwo isengesho ryemerwa utujuje izo nkingi, i Rakat ikaba yakwangirika iyo uretse inkingi imwe muri zo, waba wibagiwe cyangwa ubishaka.

IBYANGOMBWA BY'ISENGESHO:

Ibyangombwa by'isengesho ni umunani (8) aribyo: 1.Tak'birat zindi zitari Tak'biratul Ih'rami. 2.Kuvuga uti: Samia llahu liman hamidahu kuri imamu n'umuntu usenga wenyine. 3.Kuvuga uti: Rabana wa lakal hamudu, uvuye Rukuu. 4.Kuvuga uti: Subuhana Rabiya Adwimi, kuri Rukuu rimwe gusa. 5.Kuvuga uti:

¹ **Ubwambure:** Ni ubusa bw'umuntu agira isoni zo kugaragaza, ubwambure bw'umugabo ugejeje imyaka irindwi ni ubusa bw'imbere n'inyuma gusa, naho ugejeje imyaka icumi ni hagati y'umukondo n'amavi, naho umugore ukuze ugejeje igihe umubiri we wose ni ubwambure uretse mu maso, sibyiza gupfuka mu maso igihe arimo gusenga, uretse igihe haba hari abagabo ni ngombwa guhisha mu maso, iyo akoze isengesho cyangwa agakora twawafu hari ikintu kigaragara k'umubiri we nk'umurundi amasengesho ye ntiyakirwa, **naho ubwambure bukomeye ni:** Imbere n'inyuma. Ni ngombwa kubuhisha n'igihe kitari icy'isengesho, kandi sibyiza kubugaragaza nta mpamvu nubwo byaba mu mwijima cyangwa uri wenyine.

Subuhana Rabiyaal Aalaa, kuri Sijida rimwe gusa. **6.**Kuvuga uti : Rabi Gh'firiliy, hagati ya Sijida ebyiri. **7.**Gutora Atahiyatu ya mbere. **8.**Kwicara kuri iyo Atahiyatu. **Ibyo byangombwa iyo ugize icyo ureka muri byo ubishaka isengesho rirangirika. waba wibagiwe ugakora Sujudu Sahawi (Sijida yo kwibagirwa).**

SUNAT Z'ISENGESHO: Hari Sunat z'amagambo na Sunat z'ibikorwa.

Ntabwo kureka imwe muri zo byangiza isengesho niyo waba ubigambiriye.

Sunat rero z'Amagambo ni izi: ★Kuvuga ubusabe bufungura isengesho.

★ Kuvuga *Audhu bilahi mina Shayitwani Rajimi na Bismilahi Rahmani Rahimi.*

★Kuvuga *Amina* mu ijwi riranguruye, mu masengesho yo kurangurura.

★Gusoma Isura yindi ushoboye nyuma ya Surat Al Fatihat. ★Gusoma mu ijwi riranguruye kuri Imam, naho maamuma we birabujijwe, naho rero usenga wenyine we ahitamo. ★Kuvuga uti: «*Hamudan Kathiran Twayiban mubarak fih Miliu Samawati wa Miliul Ar'dwi....* » Nyuma yo gushimira. - Ibirenze ku nshuro imwe mu gusingiza kuri Rukuu na Sijida na **Rabi Ghifiriliy.** - Ubusabe mbere ya Salam.

Sunat z'Ibikorwa: ★Kuzamura amaboko kuri Tak'biratul Ih'rami, n'igihe ugiye Rukuu, n'igihe wunamutse uvuye Rukuu, n'igihe uhagurutse uvuye kuri Atahiyatu ya mbere. ★Gushyira ukuboko kw'indyo hejuru y'ukwimoso muni y'igituza iyo uhagaze. ★Kureba aho ugomba Gusujudu. ★Gutandukanya ibirenge igihe uhagaze.

★Gusujudu ubanje amavi hasi, hanyuma amaboko hanyuma agahanga n'izuru. ★Gutandukanya inkokora ze n'imbavu ze, n'inda ye igatandukana n'ibibero bye ni bibero bye bigatandukana n'impfundiko ze. ★Gutandukanya amavi ye.

★Guhagarika ibirenge bitanye ugashyira inda z'amano ku butaka. ★gushyira amaboko impande y'intugu arambuye intoki zibumbye. ★Guhagarara ukoresheje intangiriro z'ibirenge yishingikirije amavi ye n'amaboko. ★Kwicara ushashe ibibero hagati ya Sijida ebyiri, no kuri Atahiyatu, ya mbere, no kugeza hasi ibibero kuri Atahiyatu ya Kabiri. ★Gushyira Amaboko ku Bibero arambuye Intoki zikunje Hagati ya Sijida ebyiri no kuri Atahiyatu, ariko agafata mu kuboko kw'indyo intoki ebyiri ntoya agakunja igikumwe n'urutoki rwo kagati, agakoresha urutoki rwa Mukubita rukoko igihe usingiza Imana, n'igihe uyisaba ugaragaza ko ariyo mana imwe rukumbi, hanyuma guhindukira iburyo n'ibumoso igihe cya Salam ahereye iburyo mu guhindukira.

SIJIDA YO KWIBAGIRWA: Ikorwa igihe umuntu azanye ijambo ry'itegeko mu mategeko y'idini mu mwanya utari uwaryo yibagiwe nko gusoma **Qor'an** kuri Sijida.

Iyo Sijida kandi yemewe: Iyo umuntu yaretse imwe muri Sunat z'isengesho.

Ikaba Itegeko: Aiyo yarengereje za Rukuu cyangwa Sijida cyangwa guhagarara cyangwa kwicara cyangwa ugatora Salam isengesho rituzuye cyangwa agakosa ikosa rihindura igisobanuro, cyangwa akaba yasize icyangombwa cy'isengesho cyangwa agashidikanya ko yongereye igihe yakoraga igikorwa. isengesho rirangirika iyo uretse Sijida yo kwibagirwa y'itegeko ubishaka. Iyo ubishaka ukora Sijida ebyiri zo kwibagirwa mbere ya Salam cyangwa nyuma yayo. Iyo wibagiwe gukora Sijida hagacaho umwanya mure mure urayireka.

UKO ISENGESHO RIKORWA.

Iyo umuntu agiye gusenga yerekera Kiblat akavuga ati: Allahu Ak'bar, Imam akayivuga mu ijwi riranguruye ni zindi Tak'bira kugira ngo abari inyuma ye bumve, utari Imam we ayivuga mu ibanga, agomba kuzamura amaboko atangiye Tak'bira, akayageza aharinganiye n'intugu, hanyuma akayamanura agafatisha ikiganza cye cy'indyo icy'ibumoso akabishyira munsu y'igituza cye, amaso ye akaba areba aho agomba gusujudu, agafungura isengesho akoresheje ubusabe bwaje muri **Hadith**: aribwo: «*Subhanaka Allahuma wa Biham'dika wa Tabaraka Is'muka wa Taala Jaduka wa La ilaha Ghayiruka*» Hanyuma akavuga ati: (*Audhu bi Lahi mina Shayitwani Rajimi na Bismilahi Rah'mani Rahimi*) (Mu ibanga), agasoma Surat Al Fatihat, ni byiza ko maamuma yasoma ibyo byose mu bihe imam aba acecetse ho gato; hamwe n'amasengesho imam atavuga ni ngombwa ko ibyo bisomwa kandi mu masengesho y'ibanga, hanyuma agasoma indi Surat imworoheye, ni byiza ko kuri Al Fajir asoma Isurat ndende, naho kuri Magh'ribi ingufi, naho muyandi masengesho agasoma iziringaniye. Isura ndende rero ni nka (Qaf kugeza kuri Amaa), naho iziringaniye ni nka (Dwuha) naho ingufi ni kugeza kuri (Naasi), Imam agomba kurangurura ijwi kuri Al Fajir, no kuri Rakat ebyiri zibanza za Magh'ribi na Al Ishau, agasoma ahandi mu ibanga, hanyuma agatora Tak'bira akajya Rukuu azamuye amaboko nkuko yayazamuye kuri Tak'biratul Ih'rami, agashyira amaboko ku mavi ye, intoki ze zitatanye, umugongo we urambuye, umutwe udacuramye, akavuga ati: (*Subhana Rabiya Adhimi*) Gatatu (3), akeguka akavuga ati: (*Samia llahu li man Hamidahu*), azamuye amaboko nko kuri Tak'biratul Ih'rami, yamara guhagarara neza yemye, akavuga ati: (*Rabana wa Lakal Ham'du Ham'dan Kathira Twayiban Mubaraka fihili miliu Samawati wa miliu Ar'dwi, wa miliu ma Shiita min Shaiyin Baadahu*), Hanyuma akajya Sijida adashyize amaboko mu mbavu ze, n'inda ye ntiyegere ibibere bye, agashyira amaboko ye hafi y'intugu ze, intoki ze n'amano byerekeye Kiblat, akavuga ati: (*Subhana Rabiya Aalaa*) gatatu(3), ariko ushobora no kurenza gatatu, cyangwa ugasaba uko ushaka, akegura umutwe agasasa ukuguru kwe kw'ibumoso akakwicarira, ukwiburyo amano yako yerekeye Kiblat, akavuga ati: (*Rabi Ghifiriliy*) kabiri, ashobora no kurenzaho ati: (*Wa Riham'niy wa Jiburiniy, wa R'fauniy, wa Ruzuquniy, wa Nsuruniy, wa H'diniy, wa Aafiniy, wa Afu aniy*) Agakora sijida bya kabiri, nka mbere, hanyuma agahaguruka agasenga Rakat ya kabiri nkuko yasenze iya mbere, yarangiza akicara Atahiyatu, agashyira ukuboko kwe kw'imoso ku kibero cye cy'ibumoso, ni cy'iburyo ku kibero cy'iburyo, akavuga ati: (*Atahiyatu lilahi wa Swalawatu wa Twayibatu, Asalam Alayika ayuha Nabiyyu wa Rah'matu llahi wa Barakatuhu, Asalam Alayina wa ala Ibadi lahi Swalihina, Ash'hadu an la ilaha ila llahu, wa Ash'hadu ana Muhamadan Abduhu wa Rasuluhu*) ryaba ari isengesho rya Rakat eshatu cyangwa enye, agahaguruka na none azamuye amaboko agasenga Rakat zisigaye atyo. Ariko adasohora ijwi, asomye Surat Al Fatihat gusa hanyuma akicara atahiyatu ya nyuma akavuga Atahiyatu twabonye mbere, maze akongeraho: (*Allahuma Swali ala Muhammad wa ala ali Muhammad, Kama Swalayita ala*

Ibrahima wa ala ali Ibrahima, wa Bariki ala Muhamad wa ala ali Muhamad, kama Barak'ta ala Ibrahima wa ala ali Ibrahima, Inaka Hamidun Majidun) Ni byiza ko avuga ati: ***(Audhu bilahi min Adhabi Nari wa Adhabil Qabri, wa Fitinatil Mah'ya wal Mamati, wa Fitinatil Masihi Dajali)*** n'ubundi busabe bwose bwaje muri Hadith, hanyuma agatora Saalam ebyiri, agahindikira iburyo akavuga ati: ***Asalam Alayikum wa Rah'matu Ilahi***, hanyuma ibumoso, ni byiza nyuma yaho gushyiraho ubusabe bwaje muri **Hadith**.¹

ISENGESHO RY'UMURWAYI: Iyo umurwayi guhagarara bimwongerera uburwayi, cyangwa akaba atabishoboye, asenga yicaye, yaba atabishoboye akaryamira urubavu, yaba atabishoboye akagarama, yaba adashoboye kujya Rukuu na Sijida, agakora ikimenyetso gusa, agomba kwishyura amasengesho yose yamucitse, iyo gusenga buri sengesho ku gihe cyaryo bimugora agomba gufatanya A dhuhur na Al aswir, na Magh'ribi na Al Ishau.

ISENGESHO RY'URI KU RUGENDO: Iyo umuntu ari ku rugendo rurengeje (80.km) ariko ari urugendo rw'ibyiza, ningombwa kugabanya isengesho, irya Rakat enye(4) agasenga ebyiri(2) iyo abona ko ari bumare ahantu iminsi ine (4), agomba gusenga yuzuza igihe ageze aho ajya.

Iyo uri k'urugendo asengeshejwe n'utuye, cyangwa akaba yibagiwe isengesho akaryibuka ari kurugendo cyangwa ikinyuranyo, agomba kuyishyura yuzuza, naho uri kurugendo ashobora gusenga yuzuza, ariko kugabanya kuri we ni byiza.

ISENGESHO RY'IJUMA: Ijuma ni nziza kuruta gusenga A dhuhur, ijuma kandi ni isengesho ryihariye riri ukwaryo ntabwo ijuma ari A dhuhur ntibyemewe kuyisenga rero Rakat enye (4) ntabwo yakwemerwa ku muntu wagambiriyeho Adhuhur, ntibyemewe kandi kuyifatanya na Al aswir nubwo haboneka impamvu yo gufatanya.

¹ - (Ubusabe bwa nyuma y'iswala) Uravuga uti: ***Asstagh'firu Ilaha*** (gatatu), ***Allahuma anta ssalam wa minka ssalam, tabarak'ta yaa dhal jalali wal ik'ram.***
La ilaha illa llahu wahdahu laa sharika lahu, lahul mulku wa lahul hamdu wa huwa alaa kulli shai'in qadir.

Laa haula wa laa quwata illa billahi.

Laa ilaha illa llahu wa laa na'abudu illa iyaahu, lahuu ni'ima walahul fadw'lu wa lahu-thanaa-ul hasan. La ilaaha illa llahu mukh'liswina lahu din, walau karihal kaafirun.

Allahuma laa maani'a limaa a'atwaita, wa laa mu'utwia limaa mana'ita wa laa yanfa'u dhal Jadi minkal jadu.

Hanyuma ukavuga nyuma y'iswala ya mugitondo (Subuhi) n'iya nimugoroba (Magh'rib) hamwe n'ibyamazwe ukuvugwa uti: Laa ilaha ila llahu wah'dahu laa sharika lahu, lahul mulku wa lahu l'hamdu, yuh'yi wa yumiiitu wa huw alaa kulli shaiin qadir. (inshuro cumi)

Nyuma y'ibyo ukavuga uti: Sub'haanallah (inshuro 33), **Wal hamdu lillah** (inshuro 33) , **Wa llahu ak'bar** (inshuro 33). Hanyuma mukuzuzwa ijana ukavuga uti: ***Laa ilaha illa llahu wah'dahu laa sharika lahu, lahul mulku wa lahul hamdu wa huwa alaa kulli shai'in qadir.***

Nyuma agasoma Ayat ala Kursiy, hanyuma agasoma Qul huwa llahu ahad, na Qul Audhu birabbil falaq, na Qul Audhu birabbinnas; izi Sura akazisubiramo inshuro eshatu eshatu nyuma y'iswala ya Mugitondo na nimugoroba (Subuhi na Maghribi)

ISENGESHO RYA WITRI: Witri: ni isengesho ry'Isunat, **Igihe cyaryo:** risengwa nyuma ya Al ishau kugeza kuri Al fajir, **Rakat nkeya zayo:** ni rikat imwe (1), **Rakat nyinshi zayo:** ni cumi n'imwe(11) ugatora Salam kuri buri Rakat ebyiri ni nabyo byiza, **Rakat nke za witri zuzuye:** Ni eshatu na salam ebyiri, ni byiza gusoma ku irakat ya mbere yazo surat Aalaa, ku irakat ya kabiri ugasoma Al kafiruna, na surat Al ikh'lasw ku iraka ya gatatu, ni byiza gusoma ubusabe bwa Qunut nyuma ya rukuu ukanazamura amaboko kandi akayisoma mu ijwi riranguruye nubwo yaba ari wenyine.

ISENGESHO RY'UWAPFUYE: Koza umurambo w'umuyisumu no kumwambika isanda, no kumusengera no kumujiyana kumushyungura: **byose ni itegeko ritari rusange ku bantu bose.** Ariko uwaguye ku rugamba rwa kislamu Jihad we ntiyozwa nta nubwo yambikwa isanda, biremewe ku musengera agahambwa uko yapfuye ameze. Umugabo ashyingurwa mu myenda itatu (3) y'umweru, naho umugore agashyingurwa mu myenda itanu (5), umukenyero, igitambaro cyo mu mutwe, ikanzu, n'amashuka abiri (2), ni byiza ko Imam ahagarara agiye gusengera uwapfuye, aharinganiye n'igituza cyo iyo uwapfuye ari umugabo, yaba ari umugore agahagarara hagati, agatora Tak'bira enye (4) azamura amaboko kuri buri Tak'bira, kuya mbere akavuga ati: ***(Audhu bilahi mina Shayitwani Rajimi Bismilahi Rah'mani Rahimi,*** hanyuma agasoma Surat Al fatihat yonyine mu ibanga. Agatora Tak'bira ya kabiri agasabira intumwa Muhamad, hanyuma iya gatatu (3) agasabira uwapfuye, hanyuma iya kane (4) agahagarara ho gato, agatora Salam. **Birabujijwe** kuzamura imva ikaba ndende aharuta ikiganza, no kuyisoma, kuyishyiraho ibihumura, kuyandikaho, kuyihagararaho, kuyicaraho byose n'ikizira, **birabujijwe** no kuyishyiraho urumuri, no kuyikoraho Twawafu, no kuyubakaho umusigiti, cyangwa guhamba mu musigiti, ni ngombwa gusenya n'ibibumbe biri hejuru y'imva. **★**Mu magambo bavuga bihanganisha umuntu wapfushije nta jambo runaka ribujijwe, no muyakoreshwa harimo ijambo rigira riti: ***(Adwama llahu Ajiraka wa Ah'sana azaaka wa Ghafara li Mayitika)*** Naho iyo umuyisumu abwira umuhakanyi wapfushije aravuga ati: ***(Adwama llahu Ajiraka wa Ah'sana azaaka)*** kirazira umuyisumu kwihanganisha umuhakanyi nubwo yaba yapfushije umuyisumu. **★**Ningombwa ku muntu uzi neza ko napfa abantu be bazamuririra kubabuza mbere y'igihe. Atabikoze abona ibihano mu mva ye uko abantu be bamuririra. **★Shafiyy** (Allah amugirire impuhwe) aravuga ati: Si byiza kwicara igihe wihanganisha uwapfushije, aribyo kuba bene wabo w'uwapfuye bateranira mu nzu kugirango uje kubihanganisha ahabasange, ni ngombwa ko bajya mu mirimo yabo abagore n'abagabo. **★**Ni byiza gutekera abapfushije ibiryo, kandi sibyiza kurya ku biryo byabo, cyangwa gutekera abahateraniye. **★**Nibyiza kujya gusura imva y'umuyisumu utarinze ku bikorera urugendo, biremewe no gusura imva y'umuhakanyi, ndetse n'umuhakanyi ashobora gusura imva y'umuyisumu. **★Nibyiza ku muntu winjiye mu marimbi kuvuga ati: *(Asalam Alayikum Dara qaumi Muuminina wa ina Inshaa llahu bikum lahiquna, yar'hamu llahu Al Mustaq'dimina wal Mustaakhirina, Nas'alu llaha lana wa lakumul Afiyat, Allahuma la Tah'rimuna Ajirahum wala taf'tina baadahum wa Ghafir lana wa***

lahum.) Ubusabe bwuzuye bw'uwapfuye ni ubw'intumwa Muhamad yavuze ati: Hadith: (Allahuma Gh'fir lahu, wa Rihamuhu, wa Afihi, wa Afu an'hu, wa Akrimu nuzulahu, wa Wasii Mudikhalahu, wa Gh'siluhu bil Mai wa Thal'ji, wal Baradi, wa Naqih minal Khatwaya kama yunaqa Thaubul ab'yadwu mina Danasi, wa Abdiluhu Dara Khayira min Darihi, wa Ah'lan khayira min Ah'lihi, wa Zaujan khayiran min Zaujhi, wa Adikhiluhul Janata, wa Aidhuhu min Adhakil Qabri wa min Adhabi Nari) Yakiriwe na Muslim.

ISENGESHO RY'IRAYIDI EBYIRI:

Gusenga Irayidi ebyiri: ni itegeko ritari rusange.

Igihe risengerwa: ni nacyo gihe cya Dwuha. Iyo bimenyekanye ko ari irayidi nyuma yuko izuba riva hagati ho gato, igomba gusengwa ku munsu ukurikiyeho yishyurwa. Ibyo usabwa kugirango usenge Irayidi: ni nkibyo ku Ijuma uretse Khutubat, birabujijwe gusenga Sunat mbere y'Irayidi na nyuma yayo.

Uko Irayidi isengwa: Irayidi ni Rakat ebyiri utoramwo Tak'birat esheshatu(6) nyuma ya Tak'biratul Ih'rami, no kuvuga Audhubilahi mina Shayitwani Rajimi, no ku Irakat ya kabiri mbere yuko usoma Surat Al fatihat agatora Tak'birat eshanu (5) uzamura amaboko kuri buri Tak'birat uvuga hagati ya Tak'birat nindi uti: (*Alhamudu lilahi wa Swalatu wa Salam ala Rasuli lahi*) yarangiza akavuga: (Audhubilahi mina Shayitwani Rajimi), hanyuma agasoma Surat Al fatihat aranguruye ijwi, hanyuma (Sabih) ku irakat ya mbere na (Al ghashiyat) kuya kabiri, yarangiza gutora Salam agatanga Khutubat ebyiri nkiz'ijuma, ariko ni byiza ko muri Khutubat agwiza mo Tak'birat nyinshi. Aramutse asenze Irayidi nka Sunat nta Tak'birat yakwemerwa kuko Tak'birat ari inyongera, naho amagambo avugwa hagati yazo ni Sunat.

ISENGESHO RY' UBWIRAKABIRI (Kusufu): Kusufu: ni ubwirakabiri. Isengesho ry'ubwirakabiri iyo bubaye ni Sunat, **Igihe risengerwa:** ni uguhera bumaze kubaho, kugeza burangiye, ntabwo ryishyurwa iyo butakiriho. Rikaba rero rigizwe na Rakat ebyiri, usoma kuri Rakat ya mbere Surat Al fatihat nindi Surat ndende mu ijwi riranguruye, hanyuma akajya Rukuu ndende, akunamuka akema ariko ntajye Sijida, ahubwo agasoma Surat Al fatihat nindi Surat ndende, hanyuma akajya Rukuu ndende akunamuka hanyuma akajya Sijida ebyiri ndende, hanyuma agasenga Rakat ya kabiri nk'iya mbere, hanyuma agatora Atahiyatu na Salam. Haramutse haje Maamuma nyuma ya Rukuu ya mbere ntaba asenze iyo Rakat.

ISENGESHO RYO GUSABA IMVURA (Istisqau): Iyo amapfa yataye ni byiza gusenga isengesho ryo gusaba imvura. **Igihe risengerwa:** ni kimwe ni gihe cy'Irayidi n'amategeko arigenga ni kimwe nay'isengesho ry'Irayidi, uretse ko ryo Khutubat iba imwe gusa nyuma y'isengesho. Ni byiza kandi guhindura umwitero nyuma y'iryo sengesho, wenda ibihe nabyo byahinduka.

UMUGEREKA W'ISENGESHO: Imvugo zakomotse ku Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) zemeza ko yasengaga rakat cumi nebyiri zitari itegeko, arizo: Rakat ebyiri mbere y'isengesho rya al fajir, na rakat enye mbere ya dhuhur, na rakat ebyiri nyuma yayo, na rakat ebyiri nyuma ya magh'rib, na rakat ebyiri nyuma ya al ishau, kandi hari nizindi mvugo zakomotse kuri we ziyindi migereka itari iyo.

Ibihe bibujijwe gusengamo: Kirazira gusenga amasengesho y'umugereka mu bihe byakomotse ku Intumwa Muhamad ko yabujije kubisengamo, aribyo: **1.**Kuva umuseke utambitse kugeza izuba rirashe, rikazamuka ahangana n'umuhunda w'icumu. **2.**Kuba izuba riri mu kirere hagati kugeza rihavuye. **3.**Nyuma y'isengesho rya al aswir kugeza izuba rirenze, ariko isengesho rifite impamvu zemewe wemerewe kurisenga no muri ibi bihe tumaze kuvuga, nk'isengesho ryo gusuhuza umusigiti, na rakat ebyiri za twawafu, na suna ya al fajir, n'isengesho rw'uwapfuye, na rakat ebyiri za nyuma yo gutawaza. Na sijida y'igisomo cya Qor'an no gushimira Imana.

AMATEGEKO Y'IMISIGITI: Kubaka imisigiti ni ngombwa uko bishoboka, imisigiti ikaba ari nabwo butaka Imana ikunda, **kikaba kizira** kuririmbira mo no gukomeramo amashyi no kuvugiramo ibisigo biziririjwe, no kutivanga mo abagore n'abagabo no kuwusambanira mo no gucururiza mo, **ni byiza** kubwira ushaka kuwucururizamo uti: Imana ntizungure ubucuruzi bwawe, **biremewe** kwigishirizamo abana no gukoreramo umuhango w'ishyingiranwa, no guciramo imanza, no kuvugiramo ibisigo byemewe, ndetse no kuryama mo haba k'uwukora Itikafu cyangwa undi wese, yaba umurwayi cyangwa umushyitsi ndetse no kuruhukira mo, **ni ngombwa** kurinda imisigiti umwanda n'imvururu n'ibiganiro byinshi no kuzamura mo amajwi ndetse no kwirinda gucamo inzira nta mpamvu, si byiza kuganiriramo ibiganiro bidafashije nko kuvugiramo ibijyane n'iby'isi, kandi sibyiza gukoresha amatapi cyangwa imikeka y'umusigiti mu biriyo cyangwa amakwe ndetse n'amatarata yawo.

IZAKA. (Amaturo)

Amoko y'Izaka: Izaka ni ngombwa gutangwa ku bintu bine (4) aribyo: **1.**Amatungo. **2.**Ibiva mu butaka. **3.**Ibifite agaciro. **4.**Ibicuruzwa.

Kugirango Izaka ibe itegeko: ni ngombwa kuba huzuye ibintu bitanu (5) aribyo: **a.**Kuba uri umuyisumu. **b.**Kuba utari umucakara. **c.**Kuba umutungo ugeze ku mubare runaka. **d.**Kuba ari uwawe. **e.**Kuba umaze umwaka wose. Uretse ku biva mu butaka gusa.

IZAKA Y'AMATUNGO: Amatungo arimo ubwoko butatu (3): Ingamiya-Inka – Ihene. **Kugirango rero izaka ibe itegeko muri byo ni ngombwa kuba byujuje ibintu bibiri (2):** **1.**Bigomba kuba biragiwe umwaka cyangwa urenga. **2.**Amatungo agomba kuba ari ayo gukama no kororoka, atari ayo gukora imirimo, Naho iyo ayo matungo ari ayo kugurisha, ni ngombwa kuyatangira zaka nk'ibicuruzwa.

IZAKA Y'INGAMIYA ni iyi:

Umubare	Zaka
1 - 4	Nta Zaka itangwa
5 - 9	Intama imwe.
10 - 14	Intama Ebyiri.
15 - 19	Intama eshatu.
20 - 24	Intama enye.
25 - 35	Bintu Mahadwi.
36 - 45	Bintu Laboni.
46 - 60	Hiqatu.
61 - 75	Jadhaat.
76 - 90	Bintaa Laboni.
91 - 120	Hiqatu 2.

Iyo zirenze **120** utanga kuri buri **50** zirenzeho **Hiqatu**, no kuri buri **40** zirenzeho **Bintu Laboni**. ***Bintu Mahadwi:** Ingamiya y'Umwaka **1**. ***Bintu Laboni:** Ingamiya y'Imyaka **2**. ***Hiqatu :** Ingamiya y'Imyaka **3**. ***Jadhaat:** Ingamiya y'Imyaka **4**.

IZAKA Y'INKA:

Umubare	1-29	30 - 39	40 - 59
Zaka	Nta Zaka Utanga.	Tabiat / Ingore cyangwa Ingabo.	Musina / Ingabo cyangwa Ingore.

Iyo inka zigeze kuri **60** no kurengaho, utanga kuri buri **30** zirenzeho **Tabiat**, no kuri buri **40** **Musina**. ***Tabiat:** Inka y'umwaka**1**. ***Musina:** Inka y'umyaka**2**.

IZAKA Y'IHENE CYANGWA INTAMA:

Umubare	1 - 39	40 - 120	121 - 200	201 - 399
Zaka	Nta Zaka itangwa.	Intama imwe.	Intama ebyiri.	Intama eshatu.

Iyo ihene zigeze kuri **400** no kurengaho, kuri buri **100** zirenzeho utanga intama imwe (1), Ntabwo mu gutanga **Zaka** y'ihene batanga isekurume cyangwa ishaje, cyangwa ipfuye ijisho, cyangwa iyonsa, cyangwa ihaka, cyangwa ngo utange igiciro cyayo.

IZAKA Y'IBIVA MU BUTAKA:

Ni ngombwa gutanga Zaka y'ibimera ibinyampeke ni imbuto iyo byujuje ibi bikurikira: **a.** Ibyo bimera bigomba kuba ari ibishobora gupimwa, no kubikwa igihe, nk'ingano, imizabibu, itende mu mbuto. Naho ibitapimwa ngo byemerere kubikwa, nk'imboga nta Zaka bitangirwa. **b.** Kuba bigejeje ku mubare runaka

ariwo: Kuba ari ibiro 653kg no kurengaho. **c.** Ibyo bimera bigomba kuba ari ibyawe igihe cyo gutanga Zaka.

IZAKA Y'IBIFITE AGACIRO:

Igihe Itangirwa: Kuba imbuto zimaze kwera.

Kwera kw'imbuto ni: Kuba zaraturukye cyangwa zarabaye umuhondo.

Naho Ibinyampeke: ni ukuba mimaze gukomera no kuma. Ni ngombwa gutanga 10% ku bihingwa bisukirwa nta ngorane, nki bisukirwa n'imvura cyangwa imigezi.

Na 5% ku bisukirwa bigoranye mu bihe bimwe by'umwaka, mu bindi bihe ntibigorane, umuntu atanga akurikije igihe cyinini akora muri ibyo bibiri, ikigoranye ni kitagoranye. Iyo umwenda ufitwe n'umuntu wa hombye nta Zaka atanga kuko nawe aba ntacyo ashoboye.

IZAKA Y'IDENI:

Umuntu urimo umwenda umukungu runaka cyangwa akaba afite umutungo ushobora kumarwa nuwo mwenda agomba kuwutangira Zaka, iyo ayafashe kubera imyaka ishize nubwo yaba ari menshi.

IZAKA Y'IBICURUZWA:

Ntabwo ibicuruzwa bitangirwa Zaka bitujuje ibi bikurikira: **a.**Kuba ubitunze.

b.Kuba ugambiriye kubicuruzwa. **c.**Kuba agaciro kabyo kagejeje ku mubare wa genwe, ni ukuvuga muni ya zahabu na Feza. **d.**Kuba bimaze umwaka wose. Iyo ibi bintu byose bikwiye atangira Zaka ibyo bicuruzwa akurikije agaciro kabyo.

Iyo afitemo na Zahabu na Feza cyangwa amafaranga byose abikusanyiriza hamwe muri ako gaciro kibyo bicuruzwa kugirango umubare wagenwe wuzure.

Ariko aramutse agambiriye ko ibyo bicuruzwa ari ibyo gukoresha nku mwenda, inzu, imodoka, ni bindi nta Zaka bitangirwa, hanyuma iyo abihinduye akabigira ibyo gucuruzwa, ubwo umwaka wabyo utangirira aho¹.

ZAKATUL FITRI:

Zakatul Fitri: ni Itegeko kuri buri muyisilamu ufite amafaranga arenga kubyo we n'umuryango we bakeneye ku muni w'Irayidi.

Uko Igomba kuba Ingana: Ni ibiro bibiri n'irobo 2 ¼ kg igatangwa mu biribwa bimenyerewe muri ako karere, kuri buri muntu umuhungu n'umukobwa, n'uwo ariwe wese ushinzwe ukamutangira, ni byiza kuyitanga batarasenga i rayidi, Ntibyemewe kuyikerereza kugeza bamaze gusenga i rayidi. Biremewe kandi kuba wayitanga mbere y'irayidi ho umuni umwe cyangwa ibiri, biranemewe kandi ko ibyagombaga guhabwa benshi bihabwa umuntu umwe, n'ibihabwa umwe bigahabwa benshi.

GUTANGA IZAKA:

Ningombwa gutanga Zaka ako kanya n'uhagarariye umwana muto cyangwa umusazi akayimutangira. Ni byiza kuyigaragaza nyirayo akayitandukanya ubwe, ningombwa rero kuyitanga iyo ari mukuru kuba afite i Niyat ntishobora kwemerwa

¹ Igipimo fatizo cy'ibicuruzwa: Ni agaciro ka 85g za Zahabu ari nacyo gipimo fatizo cya Zahabu, cyangwa agaciro kangana na 595g aricyo gipimo fatizo cya Feza, kandi ashobora gutanga ibike kuri byo igihe cyo gutanga Zakat.

nka Zaka wagambiriye Swadaqa, nubwo yatanga Swadaqa y'umutungo we wose, ibyiza rero ni ugutanga Zaka yose kubakene baho hantu, ariko biranemewe kuba yajyanwa ahandi kubera inyungu runaka. Biremewe gutanga Zaka zi myaka ibiri iyo umubare wagenwe wuzuye.

ABAGOMBA GUHABWA IZAKA:

Abahabwa Zaka ni abantu b'ubwoko umunani (8) aribo: **1.** Abatindi. **2.** Abakene. **3.** Abayikoreye. **4.** Abinjiye idini vuba. **5.** Abacakara. **6.** Abananiwe kwishyura imyenda. **7.** Abari mu nzira y'Imana. **8.** Abari ku rugendo. Buri wese ahabwa hakurikijwe ibibazo afite, uretse uwayikoreye niwe uhabwa umushahara nubwo yaba ari umukungu. Biremewe kuyiha abigometse ku buyobozi iyo bigaruriye igihugu cyawe, uyitanze arabihemberwa nubwo umuyobozi yaba yayifashe ku gahato, cyangwa ku bushake, yaba ari umunyakuri cyangwa ahuguza. Ntabwo byemewe gutanga Zaka ku bahakanyi, n'abacakara n'abakungu, n'uwo ushinzwe na Bani hashimu kuko kuyiha uwo itagenewe utabizi hanyuma ukaza kubimenya utabihemberwa, uretse kuyiha umuntu ukeka ko ari umutindi hanyuma ukaza kumenya ko yishoboye urayihemberwa icyo gihe.

ISADAKA Y'UBUSHAKE:

Intumwa Muhamad yaravuze ati: **Hadith:** *«Mu bintu bikurikira umuntu amaze gupfa mu bikorwa bye byiza ni ubumenyi yize akabukwirakwiza, n'umwana mwiza warezwe asiga, n'umusafu araga, cyangwa umusigiti yubatse, cyangwa inzu ya bagenzi yubatse, cyangwa umugezi yacukuye, cyangwa isadaka yatanze mu Mutungo we, atarwaye ari muzima, ibyo byose bimugeraho nyuma yo gupfa kwe»* Yakiriwe na Ibum Majaah.

IGISIBO

Gusiba ukwezi kwa Ramadhvani: ni itegeko kuri buri muyislamu, ufite ubwenge, ugejeje igihe, ushoboye gusiba, kandi utari mu mihango cyangwa ibisanza, n'umwana muto agomba gutozwa gusiba, kugirango amenyere.

Kugirango tumenye ko Ramadhvani yinjiye ni kimwe mu bintu bibiri:

1. Kubona ukwezi, kubuhamya bw'umuyislamu w'inyangamugayo, ukuze nubwo yaba umugore. **2.** Kuzuzwa iminsi mirongo itatu (30) ya **Shaabani**.

Itegeko ryayo ritangira: kuva mu museke kugeza izuba rirenze.

Ningombwa kugirango usibe igisibo cy'itegeko: kuba ufite umugambi (iniyat) mbere yuko umuseke utambika.

Ibyangiza Igisibo: **1. Gukora imibonano mpuzabitsina:** Ukaba ugomba kwishyura no gutanga icyiru, aricyo: Kurekura umucakara, utamugira ugasiba amezi abiri akurikirana, utabishobora ukagaburira abakene mirongo itandatu (60), Ibyo byose utabishobora ntacyo utanga. **2. Gusohora Intanga:** Kubera gukorakora cyane cyangwa gusomana cyangwa kwikinisha, naho uwiroteye nta kibazo kuri we.

3. Kurya no kunywa ubishaka. Naho iyo wibagiwe igisibo cyawe kiba gitunganye. **4. Gutanga amaraso uyaha undi muntu, cyangwa kuyasohora**

ukoze Hijamat: Naho amaraso make yo gipima cyangwa asohotse utabishaka, nko gukomerera cyangwa imyuna ntiyangiza igisibo. **5. Kuruka Ubishaka.** Iyo mu muhogo hageze ivumbi, cyangwa ukoza mu kanwa no mu mazuru cyane amazi akagera mu muhogo, cyangwa umuntu agatekereza intanga zigasohoka, cyangwa akirotera, cyangwa amaraso agasohoka n'ibirutsi utabishaka ibyo ntibyangiza igisibo cye.

Umuntu uriye akeka ko bwije butarira: Agomba kwishyura uwo muni.

Umuntu urya ni njoro, ashidikanya ko umuseke watambitse, ntibyangiza igisibo cye.

Niyo ariye ku manywa ashidikanya ko izuba ryarenze: Agomba kwishyura uwo muni.

Amategeko agenga abemerewe kurya mu gisibo: -Kirazira kurya ku muntu wese udafite impamvu imubuza gusiba muri Ramadhvani. -Naho uri mu mihango no mu bisanza agomba kurya, n'umuntu ugomba kurya kugirango arokore ubuzima bwe. -Ni byiza ku muntu uri ku rugendo rumwemerera kugabanya amasengesho kurya iyo igisibo kimutera ingorane, ndetse n'umurwayi utinya kumererwa nabi agomba kurya. -Biremewe k'umuntu utuye hanyuma akajya mu rugendo kumanywa kurya. -Ndetse no ku mugore utwite, n'uwonsa batinya kugubwa nabi ubwabo cyangwa ku bana babo : bagomba kurya.

Ariko umugore utwite n'uwonsa iyo bariye kubera gutinya ingaruka ku bana babo: mu kwishyura bongeraho no kugaburira umukene umwe kuri buri muni basibye. ***Unaniwe gusiba kubera izabukuru cyangwa uburwayi budakira:** Uwo agaburira kuri buri muni umukene umwe, ntagomba kwishyura igisibo. ***Umuntu utinze kwishyura kugeza**

kuyindi Ramadhvani: Agomba kwishyura gusa, iyo yari afite impamvu, naho iyo nta mpamvu yari afite : Agaburira umukene umwe kuri buri muni yishyuye. ***Iyo aretse kwishyura nanone kubera impamvu agapfa:** Ntacyo abazwa, yaba nta mpamvu yari afite : Buri muni abantu be bakamugaburirira umukene umwe.

Nibyiza abantu be kumusibira iminsi yishe muri Ramadhvani, ndetse ni gisibo cya nadhir, bagatanga buri muhigo wose yahize kubera Imana. ***Umuntu wariye kubera impamvu hanyuma iyo mpamvu ikaza kuvaho ku manywa ya Ramadhvani,**

cyangwa umugore akava mu mihango, cyangwa umurwayi agakira, cyangwa uwari ku rugendo akaza, cyangwa uwari umwana agakura, cyangwa umusazi akagira ubwenge ku manywa ya Ramadhani bari bariye: Bagomba gusiba amasaha asigaye yuwo muni hanyuma bakazishyura. *Ntabwo byemewe ku muntu wemerewe kurya muri ramadhani gusibamo ikindi gisibo.

IGISIBO CY'UBUSHAKE:

Igisibo cyiza cy'ubushake: ni ugusiba umunsi undi ukarya, hanyuma kuwa mbere no kuwa kane, hanyuma gusiba iminsi itatu ya buri kwezi bita **Ayamul Bidhwi** (Tariki ya 13 niya 14 niya 15) za buri kwezi hashingiwe ku mboneko y'ukwezi.

*Ni byiza gusiba kenshi ukwezi kwa Muharam na Shaabani, n'umunsi bita Ashuraa, n'umunsi wa Arafat, n'iminsi itandatu y'ukwezi kwa Shawali.

*Si byiza gusiba Rajabu yonyine, n'umunsi w'ijuma, n'uwa gatandatu, n'umunsi bashidikanyaho, ariwo uwa 30 wu kwezi kwa Shaabani. *Kirazira gusiba umunsi w'Irayidi isozza igisibo cy'ukwezi kwa Ramadhani, n'Irayidi y'ibitambo, n'iminsi itatu ikurikira ilayidi y'ibitambo bita (**Ayamu Tashiriqi**), uretse k'umuntu wagombaga kubaga ntabage kubera Hijat ya Tamatuu cyangwa Qiranu.

Icyitonderwa:

★ Umuntu ufite umwanda ukomeye nk'ijanaba, imihango, ibanza iyo bagize isuku mbere yuko umuseke utambika: Biremewe ko batinda koga kugeza nyuma ya adhana, bakabanza kurya idaku, igisibo cyabo kiba gitunganye.

★ Biremewe ko umugore yafata imiti itinza imihango kugirango abashe gusibana na bandi, igihe nta ngaruka yizeye.

★ Biremewe ku muntu usibye kumira amacandwe ari mu mihogo asibye.

★ **Hadith:** Intumwa Muhammad ati: *«Abantu banjye bazahama mu byiza igihe cyose bihutisha gusiburuka, bakanatinza idaku»* Yakiriwe na Ahmad. **Hadith** nanone ati: *«Idini izahorana instinzi igihe abantu bihutisha gusiburuka, kuko abayahudi na abakristu babitinz»* Yakiriwe na Abu Dauda.

★ Ni byiza gusaba ubusabe igihe ugiye gusiburuka, intumwa Muhammad ati:

Hadith: *«Umuntu wasibye igihe agiye gusiburuka, ubusabe bwe ntibugaruka»*

Yakiriwe na Ibn Majaah. Ubusabe rero bwaje umuntu yakoresha agiye gusiburuka, intumwa Muhammad iti: **Hadith:** *«Dhahaba dhwamau wab'talatil uruqu wa Thabatal Ajiru Inshaallah» Bivuze: Inyota yashize, imitsi iraherera, n'ibihembo biremezwa kububasha bw'Imana»* Yakiriwe na Abu Dauda.

★ Ibyiza umuntu yasiburuka ahereye ku itende bita Rutwabu (Zahiriye ku biti) yaba atazibonye agakoresha itende bita Tamuratu (Izo bataze) yaba nazo atabashije kuzibona akanywa amazi.

★ Ni ngombwa k'umuntu usibye kwirinda kwisiga iwanja no gushyira imiti mu maso y'ibitonyanga, no mu matwi igihe asibye, kugira ngo yirinde ibitaravuzweho rumwe, ariko aramutse abikeneye nk'umuti nta kibazo, nubwo uburyohe bw'umuti bwagera mu mihogo, igisibo cy'e kiba ari kizima.

★ Ni byiza koza mu kanwa ukoresheje umuswaki, kenshi mu gisibo nta kibi kirimo.

★ Umuntu usibye agomba kirinda gusebanya, no kubunza amagambo, no kubeshya ni bindi, niyo hagize umutuka akavuga ati: (Njye ndasibye) no murwego rwo

kurinda ururimi rwe, n'ibindi bice bye by'umubiri ibyaha, agomba kurinda igisibo cye. **Hadith:** Intumwa Muhamad iti: *«Utazareka kuvuga ibinyoma no kubikoresha, Ntabwo Imana ikeneye kuba yareka ibiribwa bye n'ibinyobwa bye»*

Yakiriwe na Bukhariy.

*Ni byiza k'umuntu uhamagawe ku biryo kandi asibye ko yasabira ku Mana nyirukubiteka, yaba atasibye agomba kubirya.

***Layilatul qadri:** n'ijoro riruta ayandi mu mwaka wose, rikaba riboneka mu minsi icumi ya nyuma y'ukwezi kwa Ramadhani, n'ijoro rikekwa cyane ko ryaba ariryo **Layilatul Qadri** ni irya (27), n'ibikorwa byiza bikozwe muri iryo joro biruta ibya korwa mu mezi igihumbi (1000).

* **Iryo joro rero rigira ibimenyetso muri byo:**

- Izuba kurasa mu gitondo cy'iryo joro ryera nta mirasire myinshi rifite.

- Kuba igihe kiba kiringaniye nta bushyuhe nta bukonje.

* Umuyisumu ashobora kuba yarigezeho ariko ntabimenye, icy'ingenzi kuri we ni ugushyiraho umwete mu masengesho muri Ramadhani cyane cyane mu minsi icumi ya nyuma, agaharanira kutagira ijoro na rimwe apfusha ubusa atarikoze ibihagararo, yaba asenze Tarawehe nta sohoke Imam atarangije isengesho rya Tarawehe, kugirango yandikirwe ko yasenze ijoro ryose.

*Umuntu utangiyeye gusiba iminsi y'i Sunat ni byiza ko yayirangiza, ariko si itegeko, niyo ayishe ku bushake nta kibazo kuri we, nta nubwo ayishyura.

AL ITIKAFU: Itikafu: ni ukuba umuyisumu ufite ubwenge agomba guhama mu musigiti kubera kumvira Imana.

***Kugirango umuntu ayikore rero agomba kuba:** Afite isuku nta buhumane bukomereye afite. Ntiyemerewe gusohokamo keretse ku bintu bya ngombwa kuri we akeneye, nko kurya, kwituma, koga...

***Itikafu rero yangirika:** Iyo umuntu asohotse nta mpamvu, ndetse no gukora imibonano.

*Ni byiza gukora itikafu buri gihe cyane cyane muri Ramadhani, cyane ariko mu minsi icumi ya nyuma.

*Igihe gito itikafu ishobora kumara ni isaha imwe.

* Ni byiza ariko ko itikafu itajya muni y'umunsi ni joro.

*Umugore ntiyemerewe gukora itikafu nta burengangiza bw'umugabo we afite.

*Ni byiza ku muntu uri muri itikafu ko yakora gusa amasengesho no kugandukira Imana, no kureka byinshi yemerewe kuba yakora, no kwirinda ibitamureba.

HIJAT NA UMRAT

Hijat na Umurat: ni Itegeko ku bikora inshuro imwe mu buzima.

Kugirango Hijat na Umurat bibe itegeko ku muntu agomba kuba yujuje ibikurikira: 1.Ugomba kuba uri umuyisumu. 2.Kuba ufite ubwenge. 3.Kuba ugejeje igihe. 4.Kuba utari umucakara. 5.Kuba ufite ubushobozi, aribyo: Kuba ufite impamba n'ikikugezayo. Iyo umuntu adakoze Hijat akarinda apfa atayikoze, hafatwa mu mutungo we agakorerwa Hijat na Umurat. *Ntabwo Hijat yemerwa ku muhakanyi n'umusazi, Hijat yemerwa ku mwana n'umucakara, nta nubwo bibakuraho Hijat ya Islam, n'umuntu udafite ubushobozi nk'umutindi iyo agurijwe Hijat iremerwa, umuntu akoreye undi Hijat ariko we ubwe atarayikora, ubwo iba ibaye iye y'itegeko.

Kugambirira gukora Hijat: Ni byiza k'umuntu ushaka kugambirira Hijat ko yoga, akisukura, akisiga amarashi, akiyambura imyenda idoze akambara umukenyero n'umwitero by'umweru bifite isuku, yarangiza agafata umugambi agira ati: *(Labayika Allahuma Umurat cyangwa Hijat)* cyangwa *Hijat wa Umurat*, yaba afite ubwoba akavuga ati: *(Fa in Habasani Haabisu fa Mahiliy Hayithu Habasatiniy)* *Umuntu ushaka gukora Hijat, agomba gutoranya imwe muri eshatu (3) akora arizo: **Ifradu**, na **Qiraanu**, ariko inziza muri zo ni **Tamatuu**

***Tamatuu** ariyo: Kugambirira gukora umurat mu mezi ya Hijat akayirangiza, hanyuma akagambirira gukora Hijat igihe cyayo kigeze.

***Ifradu:** Ni ukugambirira gukora Hijat yonyine.

***Qiraanu:** Ni ukugambirira gukora Hijat na Umurat hamwe, cyangwa akagambirira gukora Umurat, akajya yinjizamo ibikorwa bya Hijat, mbere yuko atangira Twawafu.

*Iyo umuntu agiye gukora Hijat, amaze kurira icyo agendaho, atangira kwitaba avuga ati: *(Labayika Allahuma Labayika, Labayika la Sharika laka Labayika Inal Hamda wa Niimata Laka wal Mulku La Sharika Laka)* ni byiza kuvuga aya magambo cyane, no kuzamura ijwi cyane kuri yo, ku bagabo gusa.

***Ibibujijwe ku muntu umaze gufata umugambi:**

Umuntu umaze gufata umugambi abujijwe ibintu (9) aribyo: 1.Kogosha umusatsi. 2.Guca inzara. 3.Kwambara imyenda idoze, ku bagabo uretse igihe yaba yabuze iyabugenewe ya kwambara ipantaro, cyangwa yabuze inkweto zifunguye, yakwambara Khofu akazica k'uburyo zigera muni y'utubumbankore, kandi nta cyiru agomba gutanga. 4.Gupfuka umutwe ku bagabo. 5.Kwisiga amarashi, ku mubiri no kumyambaro. 6.Kwica umuhigo: ariyo nyamaswa y'ishyamba iribwa. 7.Kurongora: ni ikizira kandi nta nshungu utanga.

8.Gukinisha umugore, ahatari ku bwambure ubishaka: Inshungu yabyo ni intama cyangwa gusiba iminsi itatu, cyangwa kugaburira abakene batandatu (6). 9.Gukora imibonano mpuzabitsina: Iyo uyikoze utarakora ibikorwa bituma ahabwa uburenganzira bwa mbere Hijat irononekara, akaba asabwa kuyuzuzura, cyangwa kuyishyura umwaka utaha, hamwe no kubaga ingamiya akayigabanya abatindi ba Makka, naho iyo abikoze nyuma yo guhabwa uburenganzira bwa mbere, ntabwo Hijat yononekara, ariko aba agomba gutanga ingamiya y'igitambo, yaba akoze imibonano muri Umurat irononekara, akaba agomba gutanga intama y'igitambo, anasabwa ku yishyura.

Nta kica Hijat na Umurat kitari imibonano, kandi umugore nawe ni nk'umugabo byose nawe biramureba, uretse we ko yambara imyenda idoze, ntiyambara **Niqabu** (Igitambaro gihishe amaso) cyangwa **Gant**.

Icyiru: Icyiru kirimo ibice bibiri: **1.Icyo utanga uhisemo:** aricyo gitangwa kubera, kogosha, cyangwa kwisiga amarashi, cyangwa guca inzara, cyangwa gutwikira umutwe, cyangwa kwambara imyenda idoze ku mugabo. Umuntu rero ahitishwamo hagati yo gusiba iminsi itatu, cyangwa kugaburira abakene batandatu (6), buri mukene ikiro n'inusu, cyangwa kubaga intama.

***Ighano cyo Kwica Umuhigo:** Utanga mu matungo irimeze nkicyo wishe, iyo gifite itungo bimeze kimwe, haba ntacyo bisa ugatanga ikiguzi cyaryo. **2.Ni inshungu ugomba gutanga uko itondetse:** aricyo cyiru cy'umuntu wakoze Hijat ya **Tamatuu** na **Qiraanu:** agatanga intama.

***Naho icyiru cyo gukora imibonano:** ni ugutamba ingamiya, yaba atayibonye agasiba iminsi itatu(3) muri Hijat ni rindwi (7) igihe yagarutse. ***Ibitambo** no kugaburira abakene bikorerwa gusa abakene ba Makka.

Kwinjira mu muji wa Makka: Iyo umuntu yinjiye mu musigiti wa Makka avuga ubusabe bwagenwe bwo kwinjira mu Musigiti, hanyuma agahera kuri Twawafu ya Umurat iyo ari bukore **Tamatuu**, cyangwa Twawafu y'itegeko iyo ari bukore **Ifradu** cyangwa **Qiraanu**. Umwitero we hagati yawo akahanyuza mu kwaha kw'iburyo naho imitwe yawo ikajya kurutugu rw'ibumoso, agahera ku ibuye ryarabura, akarikoraho akarisoma, cyangwa akerekeza ho ikiganza avuga ati: **(Bismilahi wa llahu Ak'bar)** agakora atyo kuri buri nshuro, Al Kaabat akayishyira ibumoso bwe agakora Twawafu inshuro zirindwi (7) yihuta kandi intambwe zegeranye cyane ku nshuro eshatu zibanza, uko aringaniye na Rukunul Yamani ayikoraho iyo abishoboye, hagati y'izo nkingi uko ari ebyiri akavuga ati: **(Rabana atina fi Duniya Hasanatan, wa fil Akhirati Hasanatan, wa Qina Adhaba Nari)**, naho kuzindi nshuro agasaba icyo ashaka. Hanyuma agasenga Rakat ebyiri inyuma ya **Maqamu Ibrahim** (ahari ikimenyetso cy'ibirenge bya Ibrahim), aramutse abishoboye agasoma muri izo Rakat **Surat Al Kafiruna** na **Ikh'laswu**, hanyuma akanywa ku mazi ya **Zam Zam** menshi, akagaruka ku ibuye akarikoraho, agasaba ubusabe ari hagati y'ibuye ryarabura n'umuryango wa Al Kaabat, yarangiza akajya Swafa (umusozi) akawurira akavuga ati: (Ndahera aho Imana yahereye agasoma uyu murongo wa Qor'an: **"Ina Swafaa wal mar'wata min shaa iril llahi, faman hajjal baita awi'itamara fala junaha alaihi an yatwawafa bihimaa, wa man tatwawa'a khairan, fa ina llaha shaakirun alim"** **Baqarat: 158.** (Mu kuri Swafa na Mar'wa biri mu birango by'Imana, uzaramuka akoze Hijat cyangwa umurat nta kibazo kuri we kuzunguruka hagati yabyo, nuzakora icyiza mu kuri Imana ni Nyirugushimira n'Umumenyi). Agatora **Tak'bira** na **La ilaha ila llahu**, akerekera Al Kaabat akazamura ibiganza agasaba, yarangiza akahava akagenda, mu matara y'icyatsi akihuta kugeza ku itara rya nyuma, hanyuma akajya kuri Mar'wa agakora nkibyo yakoze kuri Swafa usibye gusoma ayat gusa, Agakomeza atyo kugeza arangije inshuro zirindwi (7), kuva kuri **Swafa** kugera kuri **Mar'wa** ni nshuro no kuva kuri **Mar'wa** kugera kuri **Swafa** ni indi, yarangiza akagabanya umusatsi cyangwa akogosha, ariko kogosha nibyo byiza, uretse muri Umurat y'umuntu ari

bukore Hijat ya **Tamatuu**, kuko aba agomba gukora Hijat nyuma ya Umurat, naho ukora **Qiraanu** cyangwa **Ifradu**, we ntabwo abohoka nyuma ya Twawafu y'itegeko, kugeza amaze gutera amabuye ku i Layidi, umugore ni kimwe n'umugabo, uretse ko we atihuta muri Twawafu, no muri Swafa na Mar'wa.

UKO HIJAT IKORWA: Iyo bigeze ku munsu wa munani (8) bita: Yaumu Tar'wiyat, umuntu waje gukora Hijat, arongera akagambirira Hijat iyo yari yaribohoye mu nzu ye aho Makka, akajya Mina akararayo Ijoro rya cyenda (9) izuba ryarasa kugasusuruko ku itariki ya cyenda (9) akajya Arafati, izuba ryamara kuva hagati agasenga Adhuhur na Al swir azifatanyije anazigabanyije. Arafati hose harahagararwa uretse ikibaya cya (**Uranat**) umuntu agomba kuvuga kenshi ati: (***La ilaha ila llahu wah'dahu la sharika lahu lahul Mulku wa lahul Ham'du wa huwa ala kuli Shayiin Qadiru***)

Akagerageza gusaba no kwicuza yifuza kwishimirwa ni Imana, iyo izuba rirenze ajya Muz'dalifa yitonze atuje, yitaba asingiza Imana, igihe ageze Muz'dalifa ahasengera Magh'ribi na Al Ishau, azifatanyije kandi azigabanyije, akarara aho akahasengera Al fajir ku gihe cyayo cya mbere, akahahama agasaba kugeza igicu cyimaze kuba umuhondo, mbere yuko izuba rirasa akahava yagera mu kibaya cya Muhasiri akihuta cyane abishoboye akajya Mina agahera kuri Jamuratu Aqabatu akayitera utubuye turindwi (7) avuga kuri buri kabuye ateye ati: **Allahu Ak'bar**, agomba kuzamura ukuboko kwe mu gutera amabuye, ni ngombwa ko utubuye tugwa ahabugenewe, nubwo katahamya inkingi, ahagarika kwitaba iyo atangiye gutera amabuye, hanyuma akabaga itungo rye maze akogosha umusatsi, akaba abohotse yemerewe gukora ibyari biziririjwe kuri we uretse gukora imibonano n'umugore we, uko niko kubohoka kwa mbere. Hanyuma akajya Makka agakora Twawafu y'itegeko ariyo yuzuzza Hijat, hanyuma akajya Swafa na Mar'wa iyo arimo gukora **Tamatuu**, cyangwa akaba atakoze saayi mugihe cya Twawafu yo kugera kuri Al kaabat, iyo arangije ibyo aba abohotse kuri byose ndetse no kubonana n'umugore we, uko niko kubohoka kwa kabiri, yarangiza agasubira Mina akararayo amajoro yayo yose ni itegeko, atera amabuye Jamarati, nyuma yuko izuba riva hagati mu kirere muri iyo minsi agatera Jamarati zose amabuye arindwi (7) ahereye kuri Jamuratu ya mbere akayitera utubuye turindwi (7) akigira imbere agahagarara agasaba Imana, hanyuma akajya hagati nayo akayitera utubuye turindwi (7) agasaba nyuma yaho, hanyuma agatera iya nyuma, ariko ntahagarare kuri yo, no ku munsu wa kabiri akabikora atyo. Yaba ashaka kwihuta akagenda mbere yuko izuba rirenga. Iyo izuba rirenze ari Mina ni ngombwa ko aharara, ejo akazatera amabuye, uretse igihe yaba yatindijwe nu mubyigano, kandi yagambiriye kugenda, nta kibazo aragenda, nubwo izuba ryaba ryarenze. Uwakoze **Qiraanu** ni kimwe nuwa koze **Ifradu**, uretse ko we ni ngombwa kuri we gutanga igitambo nku wakoze **Tamatuu**. Iyo umuntu ashatse gutaha agomba gusezera Al Kaabat akora Twawafu, kugirango igikorwa cye cya nyuma kibe Twawafu. Uretse umugore uri mu mihango cyangwa ibisanza abo bo nta Twawafu yo gusezera bakora, iyo agiye mu bucuruzi bukamutinda arongera agakora Twawafu yo gusezera. Ugiye atayikoze iyo ajeze hafi aragaruka akayikora, yaba ari kure ni ngombwa kubaga kuri we.

INKINGI ZA HIJAT: Inkingi za Hijat ni enye (4): 1.Ih'ram: ariyo: Kugambirira kwinjira muri Hijat cyangwa Umrat. 2.Guhagarara Arafat. 3.Twawafu ya Umrat cyangwa y'itegeko. 4.Saayi (Kugenda hagati ya **Swafa** na **Mar'wa**) ya Hijat.

IBYANGOMBWA BYA HIJAT: Ibyangombwa bya Hijat ni umunani (8): 1.Kugambirira kuri **Miqati** (Imipaka yabugenewe). 2.Guhagarara Arafat kugeza bwije. 3.Kurara **Muzidalifa** kugeza mu ijoro hagati. 4.Kurara Mina iminsi n'amajoro ya **Ayamu Tashiriqi** (Iminsi itatu ikurikira ilayidi y'igitambo). 5.Gutera amabuye. 6.Kogosha cyangwa kugabanya. 7.Twawafu yo gusezera. 8.Kubaga igitambo k'uwakoze Hijat ya Tamatuu na Qiranu.

INKINGI ZA UMURAT: Umurat ifite inkingi eshatu (3): 1.Kugambirira. 2.Twawafu ya Umurat. 3.Saayi ya Umurat.

IBYANGOMBWA BYA UMURAT: Ibyangombwa bya Umurat ni bibiri (2): a.Kugambirira kuri **Miqati**. b.Kogosha cyangwa kugabanya.

***Uretse Inkingi:** Ntabwo ibikorwa bye byemerwa atayikoze.

***Uretse Icyangombwa:** icyiru kiba kubaga.

***Uretse Sunat:** Ntacyo agomba.

***Kugirango Twawafu kuri Al Kaabat itungane igomba kuba yujuje ibintu (13) aribyo:** 1.Kuba umuyislam. 2.Kuba ufite ubwenge. 3.Niyat (umugambi) usobanutse. 4.Kuba igihe cya Twawafu kigeze. 5.Kwambara ukikwiza. 6.Kwisukura wikuraho umwanda utari uw'uruhinja. 7.Kuzuza inshuro zirindwi koko. 8.Kuba Al Kaabat iri ibumoso bwawe, gusubiramo aho wakosheje. 9.Kudasubira aho uturutse. 10.Kugenda muri Twawafu ku bishoboye. 11.Gukurikiranya inshuro icyarimwe. 12.Twawafu igomba kubera mu musigiti wa Makka. 13.Intangiriro ya Twawafu igomba kuba ku ibuye ryirabura.

* **SUNAT ZA TWAWAFU:** Gukora ku ibuye ryirabura, no kurisoma, no gukuza Imana kuri ryo, gukora kuri **Rukunul Yamani**, gushyira Ih'ram munsu yu kwaha, no kwihuta no kugenda buhoro iyo ugeze aho bigomba, gusaba no gusingiza Imana muri Twawafu, kwegera Al Kaabat, gusenga Rakat ebyiri nyuma ya Twawafu, inyuma ya **Maqamu Ibrahim**.

***IBYO UGOMBA KUBA WUJUJE KUGIRANGO UKORE SAAYI ITUNGANE: Ni ibintu icyenda (9) aribyo:** 1.Kuba umuyislamu. 2.Kuba ufite ubwenge. 3.Kugambirira. 4.Kubikorera icyarimwe. 5.Kugenda hagati ya **Swafa** na **Mar'wa** k'ubishoboye. 6.Kuzuza inshuro zirindwi. 7.Kwibuka ibyo bavuga ku misozi Ibiri. 8.Kuba uri muzima nyuma ya Twawafu. 9.Guhera kuri **Swafa** ku nshuro ya mbere iya kabiri igahera kuri **Mar'wa**.

* **SUNAT ZA SAAYI:** Kwisukura wikuraho umwanda, no kwikwiza, gusaba no gusingiza Imana muri **Saayi**, kwihuta no kugenda buhoro aho bigomba, kurira imisozi ibiri **Swafa** na **Mar'wa**, gukurikiranya **Saayi** na Twawafu.

***Icyitonderwa:** Ibyiza ni ugutera amabuye kuri uwo munsu, ariko anateye ku bukeye, cyangwa yose akayatera mu minsi ya **Tashiriqi** biremewe.

***Ibitambo:** Ibitambo ni Sunat ikomeye, iyo iminsi icumi ya Dhul Hijat yinjiye kirazira ku muntu ushaka kuzatanga igitambo gukora icyo aricyo cyose k'umusatsi we n'inzara ze, cyangwa umubiri we kugeza amaze kubaga.

***Al Aqiqat:** Gutangira umwana wavutse igitambo.

Aqiqat: ni isunat, k'umwana w'umuhungu akaba agomba kubagirwa ihene ebyiri, naho umukobwa akabagirwa ihene imwe, ni byiza ku mubagira amaze iminsi irindwi (7) avutse, bikaba ari byiza kogosha umusatsi we, no gatanga Feza zingana n'uburemere by'uwo musatsi i Sadaka. Akitwa izina kuri uwo muni, amazina meza ni Abdullahi na Abdurahmani, kirazira kwita umwana izina ririmo ubugaragu k'utari Imana nko kumwita Abdul nabiy na Abdurasuli, iyo igihe cya Aqiqat gihuriranye n'icyi gitambo, birahagije gutanga kimwe muri byo.

Inyungu: Umuntu winjiye mu musigiti w'Intumwa Muhamad (^{Allah amuhe} ^{amahoro} n'imigisha), ahera kugusenga rakat ebyiri zo gusuhuza umusigiti, maze akajya k'umva y'Intumwa Muhamad ayerekeye ateye Qiblat umugongo, umutima we wuzuye igitinyiro, nkaho amureba, agasuhuza avuga ati: **Asalam alayika ya rasula Ilahi**, aramutse arengejeho ibindi byaba byiza, maze ikigira iburyo gato akavuga ati: Asalam alayika ya Ababakar Swidiqi, Asalam alayika ya Umari Al faruqi, allahuma ajizihima ani Nabiyihima wa anil Islam khayira, yarangiza akerekera Qiblat, icyumba gihereye ibumoso bwe agasaba ubusabe.

IYI NI INSHAMAKE Y'IBIKORWA BYA HIJAT UKO BIKURIKIRANA:

Isengesho	Tamatui	Qirani	Ifradu
Mutangiro: Ihram na Talbiya	Labayika Umrat iyo ukora Tamatuu.	Labayika Hijat wa Umrat.	Labayika Hijat
Nyuma	Twawafu ya Umrat	Twawafu yo kwinjira Makka.	Twawafu yo kwinjira Makka.
Nyuma	Saayi ya Umrat.	Saayi ya Hijat.	Saayi ya Hijat.
Nyuma	Kugabanya umusatsi no kubohoka.	Azaguma muri Ihram ze.	Azaguma muri Ihram ze.
Umunsi wa munani (8) mbere ya Dhuhuri	Kugambira Hijja i Makka no kujya Mina.	Kujya Mina	Kujya Mina
Umunsi wa cyenda (9) nyuma y'izuba kurasa	Kujya Arafat no kuhasarira Dhuhuri na Al Asr uzifatanyije ukanazigabanya, hanyuma ugakora ubusabe kugeza izuba rirenze.		
Nyuma y'izuba kurenga	Kwerekera Muzdalifa ukahasarira Maghribi na Al ishai uzifatanyije unagabanyije, ukaharara kugeza mu gitondo ukahasarira Al fajir.		
Umunsi wa cumi (10) wo kubaga (no gusenga irayidi nyuma ya Al fajiri mbere yuko izuba rirasa)	Kwerekera Mina ugatera amabuye arindwi (7) Jamratul Aqabat.		
	Arabaga	Arabaga	=====
	Kogosha cyangwa kugabanya umusatsi nyuma hagakorwa Twawafu Ifadhwa no mu gukora bibiri muri ibi bitatu ukubohoka kwa mbere kuba kuzuye no gukora byose bitatu ukubohoka kwa kabiri nako kukaba kuruzuye.		
	Saayi ya Hijja	=====	=====
Umunsi wa 11, 12, 13 kuwakerewe.	Gutera amabuye iminara itatu, umuto n'uwo hagati, n'uhera. Ibyo bigakorwa nyuma y'izuba kurenga umurongo wo hagati.		
Igihe cyo kuva i Makka	Twawaf yo gusezera n' iyi twawaf ntireba umugore uri mu mihango cyangwa igisanza.		

INYUNGU ZITANDUKANYE

*** ICYIBI:** *Icyibi gihanagurwa kikanakurwaho n'ibintu byinshi: muri byo: Kwicuza k'ukuri, gusaba imbabazi, gukora ibikorwa byiza, kugeragezwa ku bibazo byinshi, gutanga isadaka, ubusabe bw'undi muntu, iyo hagize icyaha kimusigaraho Imana itababariye, agihanirwa mu mva ye, cyangwa ku munsu w'imperuka, cyangwa mu muriro wa jahamana, kugeza ubwo asukuka kikamuvaho, hanyuma akinjira mu ijuru, iyo yapfuye atari umubangikanyamana, naho iyo yapfuye ari umuhakanyi cyangwa umubangikanyamana cyangwa indyarya, ahezwa mu muriro wa jahanama iteka.

***Ibyaha n'ibikorwa bibi bigira ingaruka nyinshi k'umuntu:**

- **Ingaruka zabyo k'umutima:** Nuko umutima ugira ubwigunge n'umwizima, no gusuzugurika, n'uburwayi bikawutandukanya n'Imana.

- **Ingaruka zabyo ku Idini:** Nuko ibyaha bibuza umuntu kuganduka, bigatuma atabona ubusabe bw'Intumwa, n'abamalayika n'abemera.

- **Ingaruka zabyo ku mafunguro y'umuntu:** Nuko ibyaha bituma Imana igabanya amafunguro, bigakuraho inema, bigahanagura umugisha mu mutungo.

- **Ingaruka z'ibyaha k'umuntu ku giti cye:** Nuko bihanagura umugisha wo kubaho, bigatera kubaho ubuzima bw'inzitane, n'ibintu byose bikagukomerera.

- **Ingaruka zabyo ku bikorwa:** Ibyaha bituma ibikorwa ukoze bitemerwa.

- **Ingaruka zabyo ku bantu bose muri rusange:** Nuko ibyaha bikuraho inema y'umutekeno, bikazana ububandi bigatuma abayobozi n'abanzi bibasira abantu, bikabuza imvura kugwa nibindi.... »

*** IMPAGARARA Z'UMUTIMA:** Umunezero w'umutima n'ibyishimo byawo no kutagira impagarara mu mutima ni ikintu buri wese yifuzaga, ni nabyo bitanga imibereho myiza, kugirango rero ubigereho hari impamvu nyinshi z'idini n'iza kamere n'izibikorwa, ntawundi byahuriraho utari umwemera, murizo:

1.Kwemera Imana. **2.**Gukora ibyo wategetswe, ukirinda ibyo wabujijwe. **3.**Kugirira neza ibiremwa mu magambo no mu bikorwa, n'ibindi byiza byose bitandukanye.

4.Kwibanda ku gukora cyangwa gushaka ubumenyi bufite akamaro bwaba ubw'idini cyangwa ubw'isi. **5.**Kudatekereza cyane ku bikorwa by'igihe kizaza, cyangwa ibyahise, ahubwo ukibanda ku bikorwa byawe bya buri munsu.

6.Gusingiza Imana cyane. **7.**Kuganira ku nema z'Imana izigaragara n'izitagaragara.

8.Kureba abantu bari munsu yacu buri gihe aho guhora ureba abo Imana yahaye inema zayo za hano ku isi. **9.**Gukora ibishoboka ugakuraho impamvu zose zitera impagarara, ukabona umunezero. **10.**Guhungira ku Mana uyikingaho ngo ikurinde, ukoresheje bumwe m'ubusabe burinda impagarara z'umutima.

Inyungu: Ibrahim Al Khawaswu (Allah amugirire impuhwe): aravugaga ati: Umuntu w'umutima ni ibintu bitanu (5): **1.**Gusoma Qor'an, uyitekereza ho. **2.**Kugira igihe usonza. **3.**Ibihagararo bya ni njoro. **4.**Kwicisha bugufi cyane mu gicuku. **5.**Kwicirana na bantu beza b'abakiranutsi.

***KURONGORA:** *Kurongora ni byiza k'umuntu ufite ubushyuhe mu mubiri, ariko adatinyaga ko yakora ubusambanyi. *Kurongora bikaba byemewe: nanone k'umuntu udafite ubushyuhe. *Kurongora bikaba itegeko: k'umuntu utinyaga ubusambanyi ndetse akabanza kurongora mbere yo gukora Hijat y'itegeko.

*Kirazira kureba umugore, no kureba umugore mukuru umwifuza birushijeho.

Ibigomba kuba byuzuye kugirango Nikahi ibeho: **1.**Umugore kuba azwi: ntabwo byemewe ko uhagarariye umukobwa avuga ati: Ngushyingiye umwe mu bakobwa banjye, kandi afite benshi. **2.**Kuba umugabo yemera kurongora, akaba ari mukuru afite ubwenge, no kuba umukobwa yemera kurongorwa, akaba atari umucakara, kandi afite ubwenge. **3.**Kuba hari uhagarariye umukobwa, ntibyemewe ko umukobwa yishyingira, nta nubwo ashyingirwa nu tamuhagarariye, uretse igihe azanga ku mushyingira kuwo badakwiranye. Ufite uburenganzira bwo kumushyingira ni Se, cyangwa sekuru, kuzamuka, hanyuma umwana we, n'umwana we kumanuka, hanyuma musaza we kwa se na nyina, hanyuma musaza we kwa se, n'abandi. **4.**Abahamya: Ni ngombwa kuba ari abagabo babiri bakuru, bafite ubwenge, binyanga mugayo. **5.**Kuba abarongorana nta miziro bafite ibabuza kuba barongorana, nko kuba baronse ibere rimwe, cyangwa bafitanye isano yi miryango, cyangwa isano yo gushyingiranwa.

ABO UMUNTU AZIRIRIJWE KURONGORA: Abo umuntu aziririjwe kurongora barimo ibice bibiri:

a.Abaziririjwe burundu: nabo barimo ibice aribyo:

* *Abaziririjwe kubera isano y'umuryango* aribo: -Nyina w'umuntu. -Nyrakuru, kuzamuka. -Umukobwa wawe. -Umukobwa w'umuhungu wawe kumanuka. -Bashiki bawe muri rusange. -Umukobwa wa mushiki wawe. -Umukobwa w'umuhungu wa mushiki wawe, cyangwa uwu mukobwa we. -Abakobwa bu muvandimwe wawe, muri rusange. -Abakobwa babo. -Abakobwa ba bahungu babo, n'abakobwa babo, kumanuka. -Nyoko wanyu. -Nyogosenge, kuzamuka.

* *Abaziririjwe kubera ko bonse rimwe:* Kuziririzwa kwa bonse rimwe ni kimwe no kuziririza kw'abafitanye isano y'umuryango, kimwe nabafitanye isano yo gushyingirwa. **Abaziririjwe kubera isano yo gushyingirwa:* aribo:

-Nyoko bukwe, na ba nyirakuru, n'abagore b'abavandimwe mu muryango, n'abakobwa b'umugore warongoye kumanuka.

b.Abaziririjwe kugeza ku gihe runaka: Nabo barimo amoko abiri:

1.Kubera gufatanya: nko gufatanya abavandimwe babiri, cyangwa umukobwa na nyirasenge cyangwa na nyina wabo.

2.Uziririjwe kubera impamvu ishobora kuvaho igihe icyo aricyo cyose: Nko kuba umuntu ari umugore w'umugabo. **Inyungu:** Ntabwo byemewe ko ababyeyi b'umuhungu bamutegeka kurongora uwo adashaka, ndetse ntagomba kubumvira kuri ibyo, kandi ntabwo aba asuzuguye ababyeyi.

***UBUTANE:** Kirazira guha umugore ubutane ari mu mihango cyangwa ibisanza, cyangwa afite isuku ariko warabonanye nawe. ***Si byiza gutanga ubutane nta mpamvu.** ***Biremewe** kubutanga igihe hari impamvu. ***Ubutane ni bwiza** k'umuntu kubana n'umugore bitera ingorane. *Ntabwo ari ngombwa kumvira ababyeyi ku gutanga ubutane. *Ushaka guha umugore we ubutane kirazira kumuha ubutane burenze bumwe. *Kandi ni ngombwa ko ubutane butangwa umugore ari mu isuku utarabonanye nawe muri iyo suku, ukamuha ubutane bumwe ukamureka akarangiza Eda ye. *Kirazira ku mugore uri mu butane bita Rajia ko yahukana agasohoka mu nzu ye, cyangwa umugabo we kuba ya musohora mu nzu Eda ye itarangiye. *Ubutane bubaho iyo ubusohoye mu kanwa,ariko ntibubaho iyo ubutekereje gusa.

***INDAHIRO:** Kugirango uwarahiye ategewe gutanga icyiru hagomba kuzura ibintu bine:

a.Kuba ugambiriye gukora indahiro: Ntabwo indahiro ibaho iyo ivuzwe ku rurimi gusa, nyirayo adakomeje. Iyo ndahiro ikaba yitwa (Indahiro y'impfabusa, **Yaminul Ghamusi**) nko kuvuga uti: (**La wallahi**) na (**Bilaa wallahi**) mu magambo gusa. **b.Kuba indahiro yakorewe ku kintu ki gihe kizaza, kandi gishoboka:** Ntabwo iba ari indahiro rero ku gihe cya hise, utabizi, cyangwa ukeka ko ari ukuri, cyangwa ubeshya ubizi. Kuba yitwa (**Yaminul Ghamusi**) indahiro y'impfabusa ikaba ibarwa mu byaha bikomeye, cyangwa akarahira ikintu cy'igihe kizaza akeka ko ari ukuri akaza gusanga atari ukuri. **c.Urahira kuba arahiye abishaka nta gahato ashyizweho.** **d.Kuba umunyamakosa mu ndahiro ye,** nko kuba atakoze icyo yarahiriye, iyo umuntu arahiye ariko akavugaga ati: (**Imana ni bishaka**) nta cyiru atanga, **Iyo iyo ndahiro ye yujuje ibintu bibiri:** -Kuba iryo jambo ngo (**Imana ni bishaka**) rikurikiranye ni ndahiro. - Kuba agamije ko indahiro ye iri kumwe niryu jambo, nko kuvuga ati : (**Wallahi Imana ni bishaka**).

***Umuntu urahiye ikintu ariko akabona inyungu ziri ku kitari cyo:** Ibyiza ni ugutanga icyiru kindahiro ye, hanyuma agakora icyo abona ari cyiza.

ICYIRU CY'INDAHIRO:

Ni ukugaburira abakene icumi (10), buri mukene agahabwa ikiro n'irobo cy'ibiryo, cyangwa kubambika, cyangwa kurekura umucakara, atabibonye agasiba iminsi itatu (3) ikurikirana, usibye kandi afite ubushobozi, bwo kugaburira abakene cyangwa kubambika ntabwo indahiro iba imuvuyeho. Biremewe gutanga icyiru, mbere yo gukora amakosa, cyangwa nyuma yaho.

***Uzahira inshuro zirenze imwe ku kintu kimwe:** Icyiru kimwe kiramuhagije.

***Niyo indahiro iri ku bintu bitandukanye:** Icyiru nacyo kigomba kuba cyinshi.

***NADHIRI (Umuhigo):**

Umuhigo urimo Amoko menshi: **1.Umuhigo muri rusange:** nko kuvuga uti: (**Ni nkira nzatanga ikintu**), ugaceceka ntusobanure: Ugomba gutanga icyiru cy'indahiro iyo ukize. **2.Umuhigo urakaye:** Nko kuba umuntu yatanga umuhigo wo kudakora igikorwa runaka, cyangwa kugikora: nko kuvuga uti: (**Ni nkuvugisha nzafunge umwaka**): Itegeko ryayo rero ni uguhitishwamo gukora ibyo yahigiye, cyangwa gutanga icyiru cy'indahiro igihe amuvugishije. **3.Umuhigo wemewe:** nko kuvuga uti: (**Kubera Imana ni ngombwa ko nambara umwenda wanjye**). Itegeko ryayo: Ahitishwamo kwambara uwo mwenda, cyangwa gutanga icyiru cy'indahiro ye.

4.Umuhigo udashimishije: nko kuvuga uti: (**Kubera Imana ngomba gutana n'umugore wanjye**). Itegeko ryawo: ni byiza kuri we gutanga icyiru cy'indahiro, ariko ntibyemewe gukora icyo yahigiye, niyo agikoze nta cyiru atanga.

5.Umuhigo w'icyaha: nko kuvuga uti: (**Kubera Imana ngomba kwiba**). Itegeko ryayo: Kirazira gukora uwo muhigo, ugutanga icyiru cy'indahiro, niyo ugikoze ubona icyaha, nta cyiru icyo gihe.

6.Umuhigo wo kumvira: nko kuvuga uti: (**Kubera Imana ndasenga ibi nibi**), ugamije kwiyegereza Imana, iyo uramutse ubifatanyije n'ikindi kintu, ni ngombwa kuwuhigura muri rusange.

***KONSA: Umuntu mwonse ibere rimwe, aba aziririjwe kuri wowe, nkuwo**

muvukana mu muryango iyo huzuye ibi bikurikira: **a.**Kuba ari amashereka yakugiriye akamaro, kandi akomoka ku kubyara gusa. **b.**Agomba kuba uwonka ari umwana muto mu myaka ibiri ya mbere y'amavuko. **c.**Agomba kuba yarayonse inshuro eshanu (5) cyangwa zirenga by'ukuri.

***Iyo tuvuga konsa:** ni ukuvuga umwana gukurura amashereka mu ibere kugeza arirekuye, atari uguhaga. Umuntu wonkeje rero si ngimbwa kumuha ibimutunga, ntanazungura uwo yonkeje.

★UMURAGE:

Nigombwa nyuma yo gupfa k'umuntu ufite uburenganzira, kuba yatanga umurage yasigiwe na mugenzi we. **Ni byiza** k'umuntu ufite umutungo mwinshi gutanga umurage wo gutanga isadaka ya kimwe cya gatanu $1/5$ cy'umutungo we ku batishoboye bo mu muryango we batemerewe kumuzungura, bataboneka bigahabwa abakene, cyangwa umumenyi, cyangwa umuntu w'umukiranutsi wese.

Si byiza kandi kuraga umutindi wo mu muryango wawe ugomba kuzungura uretse hamwe n'ubukungu bwabo biremewe. **Kirazira** gutanga umurage urenze kimwe cya gatatu $1/3$ cy'umutungo, ku muntu utari mu muryango. Kirazira ku muntu ugomba kuzungura guhabwa icyo aricyo cyose mu murage, uretse igihe abazungura babyemeye, nyuma yo gupfa kwe. **Umurage wangirika** kubera ijambo ry'uraga iyo avuze ati: Nisubiyeho, cyangwa ndabihinduye. Ni byiza ko ku mutwe w'inyandiko y'umurage handikwaho **Bismilahi rah'mani rahimi**, ibi nibyo kanaka yaraze ko ahamya ko nta yindi Mana ibaho uretse Allah wenyine, utagira uwo abangikanye nawe, na Muhamad akaba Intumwa n'umugaragu wayo, ko ni juru ari ukuri, n'umuriro ukaba ari ukuri, ko imperuka izaza nta gushidikanya, ko Imana izazura abantu mu mva zabo, ndaze abo nsize mu muryango wanjye, gutinya Imana no gutunganya imibereho yabo, bakubaha Imana n'Intumwa yayo, niba ari abemera, nkaba mbaraze ibyo **Ibrahimu** yaraze abana be na **Yaqubu**: **“Yemwe bana banjye Imana yabahitiyemo idini bityo ntimuzapfe mutari abayislamu”** Baqarat: 132.

★Ni ngombwa ko usabira Intumwa Muhamad, ko yayisabira amahoro n'umugisha ntayisabire kimwe gusa, naho abatari intumwa ntabwo bakorerwa ibyo.

Ntiwavuga uti **Abubakar**: (Imana imuhe amahoro n'umugisha), cyangwa ngo: (Agire amahoro), birabujijwe. Gusa biremewe ko abatari Intumwa basabirwa nyuma y'Intumwa, ukavuga uti: Mana ha Intumwa Muhamad amahoro n'umugisha, n'abiwe, n'abasangirangendo be, n'abagore be, n'urubyaro rwe.

***Ni byiza** ko abasangirangendo basabirwa kwishimirwa n'Imana, n'ababakurikiye, n'abaje nyuma yabo, mu bamenyi n'intungane, ukavuga uti: **Abu Hanifa** na **Maliki** na **Shafii** na **Ahmad**, Imana ibishimire, cyangwa Imana ibahe umugisha.

★**KUBAGA:** Ni ngombwa kubaga itungo kugirango byemerwe kuribwa.

Itungo rigomba kuba ryujuje ibi bikurikira: **1.**Rigomba kuba rizirurwa kurirya. **2.**Inyamaswa igomba kuba bishoboka kuyigeraho. **3.**Kuba ari inyamaswa y'imusozi.

Kubaga nabyo bigomba kuba byujuje ibintu bine bikurikira: **1.**Kuba ubaga afite ubwenge. **2.**Igikoresho kibaga kigomba kuba atari igufa cyangwa urwara kuko bitemewe kubibagisha. **3.**Gukata umuhogo n'indi mitsi yose y'amaraso. **4.**Kuvuga Bismilahi igihe utangiye kubaga, nta kibazo iyo wibagiye kuyivuga kandi biremewe kutabivuga mu cyarabu, ni byiza kuvuga **Bismilahi** na **Allahu Akbar**.

***GUHIGA:** Ni ukwica inyamaswa iribwa y'ishyamba, umuntu adashobora kwegera. **Inyamaswa ihigwa igomba kuba yujuje ibi bikurikira:** **1.**Kuba iziruwe iribwa. **2.**Kuba ari inyamaswa itinyitse. **3.**Kuba idashobora kwegerwa.

Itegeko ryo guhiga: **Biremewe** k'umuntu ukeneye uwo muhigo. ***Si byiza** guhiga ugamije kwishimisha gusa no gukina. Iyo uhiga abuza abantu amahoro kubera gukurikirana inyamaswa kirazira kuriwe guhiga.

Biremewe guhiga igihe wujuje ibintu bine (4): **a.**Kuba igihigwa cyemewe kubagwa. **b.**Kuba igikoresho kigaga kiri mu byemewe kubagisha, kikaba gityaye, nk'umwambi icumu n'ibindi. Naho iyo guhiga bikorwa n'inyamaswa ikomeretsa nk'igisiga, imbwa n'ibindi, iyo nyamaswa igomba kuba yarigishijwe guhiga.

c.Kuba ugambiriye umuhigo, ukohereza umwambi cyangwa ikindi ugamije kwica inyamaswa, naho iyo umuntu ahiga adafite umugambi, ntabwo byemewe kurya icyo yahize. **d.**Kuvuga **Bismilahi** igihe wohereje umwambi, ntabwo ugomba kurasa utaravuga **Bismilahi**, iyo wibagiye kuyivuga inyamaswa ntabwo.

***IBIRIBWA: Ibiribwa:** ni buri kintu cyose kiribwa n'ikinyobwa, muri rusange byaraziruwe.

Ibiribwa byose bizirurwa iyo byujuje ibintu bitatu(3): **1.**Kuba ari ibiribwa bisukuye. **2.**Kuba nta ngaruka zirimo. **3.**Kuba atari umwanda. Kirazira kurya Ibiribwa bya **Najisi**, nk'amaraso n'ibyipfushije, n'ibifite ingaruka k'ubuzima nk'uburozi, n'ibyumwanda nk'amabyi y'inyamaswa, inkari, inda, imbaragasa.

***Ibiziririjwe mu nyamaswa z'agasozi:** ni indogobe n'inyamaswa ihigisha amenyo nk'intare, ingwe, imbwebwe, imbwa, ingurube, inkende, injangwe ni bindi uretse dubu. *** Mu biguruka haziririjwe:** Ibifite inzara bihigisha nka sakabaka inkongoro, agaca, igihunyira nibindi. **Hamwe n'ibirya intumbi**, nk'agaca n'ibindi hamwe n'ibyo abarabu bashyize mu myanda nk'agacurama, imbeba, inzuki, isazi, ibinyugunyugu, ibinyogote, inzoka n'ibindi. ***N'udusimba:** nk'inyo n'utundi nkazo.

Ni bindi byose Islam yategetse ko byicwa nka Aqrabu (Scorpio) cyangwa yabujije kwica nk'inshishi. **N'icyavuka hagati y'ikiribwa n'ikitaribwa** nk'ikivutse hagati ya Dubu n'imbwebwe kiraziririje. Ntabwo ikivutse hagati y'inyamaswa ebyiri ziziruwe nk'imparage n'ifarasi kiziririjwe. Ibindi bitari ibyo mu matungo n'ifarasi biraziruwe. Nk'inyamaswa z'agasozi nk'intwiga, urukwavu n'ibindi, mu nyoni, otriche, inkoko, Tausi, gasuku, inuma, intashya, imbata ndetse n'inyoni zo mu mazi zose. *** N'inyamaswa zo mu mazi zose ziraziruwe uretse ibiceri, inzoka, n'ingona.**

*** N'ibihingwa byuhiwe najisi, cyangwa byafumbiwe nayo biremewe ku birya, uretse igihe hagaragaye mo uburyohe bwa Najisi, cyangwa impumuro yayo muri ibyo bihingwa, icyo gihe biba biziririjwe. *Kirazira** kurya amakara, itaka, n'icyondo, naho ibitunguru, tungurusumu biremewe kubirya bitetse. ***Iyo umuntu ageze kubwa burembe:** Agomba kurya ku kiziririjwe cyose icyaramira ubuzima bwe gusa.

***Kirazira** kwifuriza abahakanyi iminsi myiza mu minsi yabo ndetse no kuyijyamo no kubabanza indamutso, iyo babanje kudasuhuzwa tubikiriza tuvuga tuti: Wa alayikum (no kuri mwe), kirazira kandi guhagararana nabo ndetse n'abanyabihimbano, kandi si byiza kubasuhuzwa ubaha ukuboko, naho kubihanganisha bapfushije ndetse no kubasura igihe baryaye ntibyemewe igihe nta nyungu yemewe y'idini.

RUQIYAT YEMEWE.

Ruqiyat: ni ukwivuza ukoresheje imwe mu mironko ya Qor'an, na bumwe mu busabe bwakomotse ku ntumwa Muhamad. Iyo umuntu yitegereje gahunda z'Imana usanga kugeragezwa biri muri gahunda y'Imana ya hano ku isi, Imana iti:

Qor'an: *“Tuzabagerageresha ikintu nk'ubwoba n'inzara, kugabanyukirwa imitungo no gupfusha abantu, n'inyaka, maze uhe inkuru nziza abihangana”*

Sura Al Baqarat (2) Ayat 155. Bityo rero umuntu uvuga ko abakiranutsi bo batagerwa ho n'ibigeragezo aba yibeshya, ahubwo ibigeragezo n'ikimenyetso cyo kwemera, intumwa Muhamad yarabajijwe ati: **Hadith:** *«Ni abahe bantu bagerwaho n'ibigeragezo bikaze? aravugaga ati: ni intumwa hanyuma abakiranutsi, hanyuma abeza mu bantu mu nzego zabo, umuntu akaba ahabwa ibigeragezo bihwaye nu kwemera kwe, iyo ukwemera kwe ari kw'inshi yongererwa ibigeragezo, naho iyo ukwemera kwe kworoshye, nawe yoroherezwa ibigeragezo»* Ibigeragezo ni mu bimenyetso bigaragaza ko Imana ikunda umugaragu wayo, Intumwa Muhamad ati:

Hadith: *«Iyo Imana ikunze abantu irabagerageza»* Yakiriwe na Ahmad na Tir'midhiy.

N'ibigeragezo ni ikimenyetso cyuko Imana yifuriza umugaragu wayo ibyiza, intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *«Imana iyo ishakira umugaragu wayo ibyiza, imwihutishiriza ibihano kw'isi, naho iyo ishakira umuntu ibibi, ihagarika ibigeragezo kuri we kugira ngo azabihanirwe ku munsu w'imperuka»* Yakiriwe na Tir'midhiy.

Ni bigeragezo bihanagura ibyaha nubwo byaba bikeya, intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *«Nta muyisumu ugerwaho n'ikimubabaza nubwo ryaba ari ihwa kuzamura, uretseko Imana imuhanagurira ibyaha kubera icyo kigeragezo, nkuko igiti gita amababi yacyo»* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Bityo rero umuyisumu ugezweho n'ibigeragezo iyo ari umukiranutsi, ibyo bigeragezo bihanagura ibyaha bye byahise, cyangwa bikamuzamura urwego, naho iyo ari umunyabyaha, ibigeragezo bihanagura ibyaha bikanamwibutsa n'ingaruka z'ibyaha. Imana iti: **Qor'an:** *«Ubwononnyi bwamamaye ku butaka no mu nyanja, kubera ibikorwa by'abantu»* Sura Ruum (30) Ayat 41.

Ibigeragezo rero birimo amoko: 1.Ibigeragezo by'ibyiza: Nko kongererwa imitungo. **2.Ibigeragezo by'ibibi:** nk'ubwoba, inzara, kugabanyuka kw'imitungo.

Imana iti: **Qor'an:** *«Tukabagerageresha ibibi n'ibyiza»* Sura Al Ambiaa (21) 35.

Ndetse hari n'ibigeragezo by'uburwayi no gupfusha, impamvu zabyo nkuru ni amaso mabi n'uburozi biterwa n'ishyari. Intumwa Muhamad ati: **Hadith:** *«Abenshi bapfa mu bantu banjye, nyuma y'itegeko n'igeno ry'Imana bicwa n'amaso mabi»* Yakiriwe na Twayalis.

KWIRINDA INGARUKA Z'IJISHO RIBI N'UBUROZI:

Urukungu ruruta kwivuza, ni ngombwa rero kuri twe kwita ku kwirinda, ibyi ngenzi mu kwirinda ni ibi: **★**Gukomeza umutima wawe kuri Tauhidi, no kwemera ko ukora byose kw'isi ari Imana, no gukora ibyiza byinshi. **★**Kudakekera Imana ibibi, no kuyiringira, ntuhore wikanga uburwayi n'amaso kuri buri kantu, kuko guhora wikanga ubwabyo ari uburwayi¹. **★**Iyo umuntu yamamaye ho amaso mabi cyangwa

¹Abaganga b'inzobere bemeza ko bibiri bya gatatu by'indwara zi ngingo zikomoka k'uburwayi bw'umutima no guhora witeguye ukeka uburwayi kandi ntawo.

kuba umurozi, uwo aririndwa mu rwego rwo gushyira ho impamvu zo kwirinda bitari ubwoba. ✨Gusingiza Imana no gusaba umugisha iyo ubonye ikigutangaje, Intumwa Muhamad yaravuze ati: **Hadith: «Umuntu niyibona ho cyangwa akabona k'umutungo we, cyangwa k'umvandimwe we, icyo akunda aje agisabira umugisha, kuko amaso mabi ni ukuri»** Yakiriwe na Hakimu. gusabira umugisha ni ukuvuga uti: (Baraka Ilahu Iaha) ntabwo ari ukuvuga uti: (Tabaraka Ilah), ✨ Kubyuka urya itende zirindwi za Madinah, ✨Guhungira ku Mana no kuyiringira ukayikekera ibyiza, no kwikinga kuri yo ngo ikurinde amaso mabi n'uburozi, no guhora usingiza Imana no kwikinga ku Mana buri muni mu gitondo na nimugoroba¹.

Uko Gusingiza Imana no gusaba bigira inkurikizi zakwiyongera cyangwa zikagabanuka kubushobozi bw'Imana kubera impamvu ebyiri (2): a.Kwemera ko ibikubiye muri ubwo busabe ari ukuri, kandi bifite akamaro kubushobozi bw'Imana. b.Agomba kubivugisha ururimi rwe, amatwi ye akabyumva, abishyizeho umutima we, kuko ari ubusabe kandi ubusabe ntibwemerwa iyo buturutse ku mutima utabwitayeho, nkuko byaturutse ku Intumwa Muhamad.

Igihe cyo gusingiza Imana no kwikinga kuri yo: Ubusabe bwa mugitondo: buvugwa nyuma y'isengesho rya **Al fajir**, naho **Ubusabe bwa kumanywa bwo:** Busabwa nyuma y'isengesho rya **Al aswir**, iyo umuyisumu yibagiwe kubivuga muri ibyo bihe, abivuga aho yibukiye.

IBIMENYETSO BY'UWAFASHWE N'AMASO MABI NI BINDI NKABYO:

Nta kuvuguruzanya hagati y'ubuvuzi na **Ruqiyat** yemewe kuko Qor'an irimo umuti w'indwara z'umubiri n'iza roho, iyo umuntu nta ndwara nimwe y'umubiri afite icyo gihe ikimenyetso cyuko yafashwe n'amaso mabi akenshi ni umutwe ugenda wimuka, kuba umuhondo mu maso, kubira ibyuya cyane no kunyara gurika, kumva adashaka kurya, kugira imbeho cyangwa ubushyuhwe mu ngingo, umutima gutera cyane, ububabare bugenda bwimuka muni y'umugongo no mu ntugu, kugira agahinda no kubura amahoro mu mutima, kugira ubwoba cyane n'umujinya bidasanze, kwigunga, gucika imbaraga, no kugira ubunabwwe, kumva ushaka kuryama, ibindi bibazo by'ubuzima abaganga batabasha gusobanura, ibyo bimenyetso bishobora kuboneka byose cyangwa bimwe muri byo, hakurikijwe ingufu z'uburwayi no kworoha kwabwo.

*Ni ngombwa ko umuyisumu agira ingufu z'ukwemera n'umutima ukomeye agatuzwa, ntiyishyire mo ko yafashwe n'uburwayi runaka, kubera kubona kimwe muri ibi bimenyetso, kuko gutinya tinya ari indwara iruhije kuvura, kuko hari igihe abantu bamwe baba bafite bimwe muri ibi bimenyetso kandi ari bazima, bishobora kandi kubaho ari impamvu z'uburwayi bw'umubiri gusa, bishobora guterwa nanone n'ukwemera guke, nko kubura amahoro mu mutima, umubabaro, icyo gihe umuntu agomba kureba ikitagenda neza hagati ye n'Imana.

Iyo uburwayi buterwa na maso² mabi, umuti k'ubushobozi bw'Imana ni kimwe mu bintu bibiri (2): 1.Iyo uramutse umenye uwo ufite ayo maso:

¹Reba ubusabe bw'ijoro n'amanya Page: 120.

²Amaso n'ingorane ziterwa na shitani zigera k'umuntu kubera uko nyiri amaso ugerwaho na shitani

ni ukumutegeka akoga, hanyuma ugafata ayo mazi¹ maze ukayoga. **2.Iyo utabashije ku mumenya:** Ubwo umuti ushakirwa muri Ruqiyat, n’ubusabe no kurasaga umutwe amaraso akameneka.

Naho iyo uburwayi ari uburozi²:

Umuti k’ubushobozi bw’Imana uba kimwe muri ibi: 1.Kuba uzi aho ubwo burozi buherereye: Iyo ubuhasanze urabuhambura amapfundo yabwo urimo gusoma (Muawidhatayini) Surat Al falaq, na Surat A naasi warangiza ukabutwika.

2.Gukora ruqiyat yemewe: Ukoresheje imirongo ya Qor’an cyane cyane (Muawidhatayini, na Al baqarat), n’ubundi busabe turi bubone.

3.Gukora (Nashiratu) Nabyo bikaba ari ubwoko bubiri (2): a.Iziririjwe: ariyo kuvuza uburozi ubundi, ukajya ku barozi kugirango babwangize. **b.Iyemewe :** nko gufata ibibabi birindwi (7) bya Sidiri ukabihondera hagati ya mabuye abiri, hanyuma ukabisomeraho Surat Al kafiruna gatatu (3) na Al ikh’laswu, na Al falaqi na A naasi, hanyuma ukabishyira mu mazi, maze ukayanywa, ukanayoga ho, ukabikomeza kugeza ukize k’ubushobozi bw’Imana) Yakiriwe na Abu Razaqu mu gitabo cye.

4.Gukuramo uburozi: Ukoresheje imiti irutsa, iyo ari ubwo munda, no gukora Hijama³ (kurasaga) umutwe amaraso akameneka, iyo atari ubwo munda.

RUQIYATU:

Ibyo ruqiyat igomba kuba yujuje: 1.Kuba yakozwe mu mu mirongo ya Qor’an n’ubusabe bwemewe. **2.**Igomba gukorwa mu rurimi rw’icyarabu, ariko biremewe ubundi busabe kubushyira m’urundi rurimi. **3.**Kwizera ko ruqiyat ubwayo ntacyo yamara ko ubuvuzi butangwa n’Imana. Kugirango ruqiyat igire ingufu cyane ugomba gusoma Qor’an cyane ufite umugambi wo gukira no kuyobora⁴ kw’abantu

yyemera akaba adafite ikimubuza gusingiza Imana no gusenga n’ibindi, ibyo bikaba bishimangirwa na Hadith (Amaso ni ukuri) Yakiriwe na Bukhariy. N’indi mvugo (agerwaho na shitani n’ishyari ry’umuntu) Yakiriwe na Ahmad. Bavuze ijoshho kuko ari igikoresho gikoreshwa mugushima si uko ariryo rigirira umuntu nabi kuko iyo umunya maso ari impumyi nawe agirira nabi umuntu kandi atamureba.

¹Icyo umunyamaso yasigaje cyangwa yakozeho cyangwa yariyeho, ni ukugicaho cyangwa ukahahanaguza umusworo n’ibindi nkabyo, agafata amazi akayasuka ho andi akayanywa.

²Kuroga ni amapfundo cyangwa amagambo umurozi avuga, cyangwa agakora igikorwa kigira ingaruka k’umubiri w’uwarozwe cyangwa umutima we cyangwa ubwenge bwe ako kanya kandi buriho koko hari ubwica hakaba uburwaza hakaba ubugira umugabo ikiremba hakaba n’ubutandukanya abashakanye, harimo n’ubwibangikanyamana n’ubuhakanyi hari n’ubwi cyaha gikomeye.

³Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati: “Umuti mwiza muzajya mwivuzi ni Hijama” Imana ikiza uburwayi bw’imitsi kubera yo, cyangwa uburwayi bukomoka ku maso cyangwa uburozi na kanseri kubera ibyo ubushakashatsi bwagezeho.

⁴Umugambi wo kuyobora: ni uguhamagarira buri wese wumva Qor’an idini y’Imana no gukora ibyiza no kwirinda ibibi, uwo mugambi rero ufite ingaruka zikomeye zageragejwe kuko Qor’an igira ingaruka ku ijini rikareka ibibi rikorera uwo ririmo ryihuse akenshi na kenshi, bitandukanye gusoma Qor’an ufite umugambi wo kwica kuko utuma ryigomeka rikanga rikaba ryagirira nabi ukora ruqiyat ndetse n’umurwayi. Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n’imigisha) yaravuze ati: “Imana iroroherana kandi ikunda ubworoherane, ikanaha uworoheye abandi ibyo idaha ukoresha ingufu” Yakiriwe na Muslim.

n'amajini, kuko Qor'an yamanutse ari umuti n'umuyoboro, ntigomba gusomwa k'umugambi wo kwica ijini uretse igihe ryananiranye gusohoka.

Ibyo ukora ruqiyat agomba kuba yujuje: 1. agomba kuba ari umuyisumu utinya Imana, uko ukwemera k'umuntu kurushaho gukomera, niko Ruqiyat igira Imbaraga. **2.** Kwerekera ku Mana mu kuri igihe cya ruqiyat k'uburyo umutima uba hamwe, ibyiza kandi nuko umuntu yakwikorera ruqiyat ubwe, kuko undi muntu umutima we uba uhuze akenshi, kandi nta n'umwe ushobora kumva ingorane urimo nkawe kandi abari mu ngorane Imana yabasezeranyije kubakirira ubusabe.

Ibyo ukorerwa ruqiyat agomba kuba yujuje: 1. Ni byiza kuba ari umwemera nyakuri, kuko ruqiyat igira ingufu kubera ukwemera k'uyikorera, Imana iti: **Qor'an: «Twamanuye muri Qor'an ibirimo umuti n'umugisha ku bemera, kandi abahuguzi nta kindi bongererwa uretse igihombo»** Sura Israa (17) Ayat 82 **2.** Kwerekera ku Mana mu kugirango imukize. **3.** Kutarambirwa ngo abone ko gukira bitinze, kuko ruqiyat ni ubusabe, iyo ufite ubwira bwo gusubizwa ushobora kudasubizwa, Intumwa Muhamad (Allah amuhe amahoro n'imigisha) yaravuze ati: **“Umwe muri mwe yakirirwa ubusabe bwe igihe cyose atagize ubwira bwo gusubizwa, akavuga ati: Nasabye Imana ntiyansubiza”** Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Ruqiyat igira inzira nyinshi ikorwamo: 1. Gusoma Ruqiyat n'uducandwe. **2.** Gusoma nta ducandwe. **3.** Gufata uducandwe k'urutoki ukatuvanga n'itaka, ugasiga aho uribwa. **4.** Gusoma Ruqiyat uhanagura aho uribwa.

Imwe mu mirongo ya Qor'an na Hadith bikoreshwa muri Ruqiyat y'umurwayi :

1 ﴿فَسَيَكْفِيكَهُمُ اللَّهُ وَهُوَ السَّمِيعُ الْعَلِيمُ﴾
 ﴿اللَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ الْحَيُّ الْقَيُّومُ لَا تَأْخُذُهُ سِنَّةٌ وَلَا نَوْمٌ لَهُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ مَنْ ذَا الَّذِي يَشْفَعُ عِنْدَهُ إِلَّا بِإِذْنِهِ يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ وَلَا يُحِيطُونَ بِشَيْءٍ مِّنْ عِلْمِهِ إِلَّا بِمَا شَاءَ وَسِعَ كُرْسِيُّهُ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضَ وَلَا يَئُودُهُ حِفْظُهُمَا وَهُوَ الْعَلِيُّ الْعَظِيمُ﴾
2 ﴿أَمَّا الرَّسُولُ بِمَا أُنزِلَ إِلَيْهِ مِنْ رَبِّهِ وَالْمُؤْمِنُونَ كُلٌّ آمَنَ بِاللَّهِ وَمَلَكَيْهِ وَكُتُبِهِ وَرُسُلِهِ لَا تَفَرُّقَ بَيْنَ أَحَدٍ مِنْ رُسُلِهِ وَقَالُوا سَمِعْنَا وَأَطَعْنَا غُفْرَانَكَ رَبَّنَا وَإِلَيْكَ الْمَصِيرُ﴾ (Qor'an 2:255)
 ﴿لَا يُكَلِّفُ اللَّهُ نَفْسًا إِلَّا وُسْعَهَا لَهَا مَا كَسَبَتْ وَعَلَيْهَا مَا اكْتَسَبَتْ رَبَّنَا لَا تُؤَاخِذْنَا إِن نَّسِينَا أَوْ أَخْطَأْنَا رَبَّنَا وَلَا تَحْمِلْ عَلَيْنَا إصْرًا كَمَا حَمَلْتَهُ عَلَى الَّذِينَ مِنْ قَبْلِنَا رَبَّنَا وَلَا تُحَمِّلْنَا مَا لَا طَاقَةَ لَنَا بِهِ ۗ وَاعْفُ عَنَّا وَارْحَمْنَا أَنْتَ مَوْلَانَا فَانصُرْنَا عَلَى الْقَوْمِ الْكَافِرِينَ﴾
3

¹ Imana izabagutsindira, kandi Imana irumva cyane ikaba umumenyi cyane (Qor'an 2:137)

² ALLAH, nta yindi mana ikwiriye gusengwa mu kuri uretse we, Uhoraho, Uwigize. Ntafatwa no guhunyiza cyangwa ibitotsi, ibiri mu birere no mu isi ni ibye. Ni nde wakora ubuvugizi iwe uretse ku bushake bwe? Azi ibiri imbere yabo n'ibiri inyuma yabo, nyamara nta kintu bahetura mu bumenyi bwe uretse icyo ashatse. Intebe ye y'ubwami ikwiriye ibirere n'isi, ntananzwa no kubirinda. Ni We Uwukirenga, Uhambaye. (Qor'an 2:255)

³ Intumwa n'abemera, bemeye ibyo yamanuriwe biturutse kwa Nyagasani wayo. Bose bemeye ALLAH, Abamala'ika be, Ibitabo bye n' Intumwa ze. Nta n' imwe tuvangura mu ntumwa ze. Baravuga: Turumvise kandi turumviye, turagusaba ukuduhanaguraho ibyaha kwawe, Nyagasani wacu, kandi iwawe ni ho garukiro. ALLAH ntagereka umuntu keretse ikiri mu bushobozi bwe. Ahemberwa ibyo yakoze akanahanirwa ibyo yakoze. Ayi Nyagasani wacu! Ntuturyoze ibyo twakoze twibagiwe cyangwa twibeshye. Ayi Nyagasani wacu! Ntuzatwikoreze ingorane nk' uko wazikorere abatubanjirije. Ayi Nyagasani wacu! Ntuzaduhore ibyo tudafitiye ubushobozi. Tubabarire, duhanaguraho ibyaha, tugirire impuhwe, ni wowe Murinzi wacu, dutabare udukize

﴿ وَأَوْحَيْنَا إِلَىٰ مُوسَىٰ أَنْ أَلْقِ عَصَاكَ فَإِذَا هِيَ تَلْقَفُ مَا يَأْفِكُونَ ﴿١٣٧﴾ فَوَقَّعَ الْحَقُّ وَبَطَلَ مَا كَانُوا يَعْمَلُونَ ﴿١٣٨﴾
 1 فَعَلِبُوا هُنَالِكَ وَانْقَلَبُوا صَغِيرِينَ ﴿١٣٩﴾
 2 أَمْ يَحْسُدُونَ النَّاسَ عَلَىٰ مَا آتَاهُمُ اللَّهُ مِنْ فَضْلِهِ ﴿١٤٠﴾ وَيَشْفِ صُدُورَ قَوْمٍ مُّؤْمِنِينَ ﴿١٤١﴾
 3 قَالُوا لَيَمُوسَىٰ إِمَّا أَنْ تَلْقَىٰ وَإِمَّا أَنْ تَكُونَ أَوَّلَ مَنْ أَلْقَىٰ ﴿١٤٢﴾ قَالَ بَلِ الْقَوْمِ فَأِذَا جَاهَهُمْ وَعَصِيَّتُهُمْ بِخَلْقِ إِلَهِهِ مِنْ
 4 سِحْرِهِمْ إِنَّمَا تَسْعَىٰ ﴿١٤٣﴾ فَأَوْحَسَ فِي نَفْسِهِ خِيفَةَ مُوسَىٰ ﴿١٤٤﴾ فَلَمَّا لَا تَخَفُ أَنْتَ الْإِعْلَىٰ ﴿١٤٥﴾ وَالْقِيَامَ فِي
 5 يَمِينِكَ نَلْقَفُ مَا صَنَعُوا إِنَّمَا صَنَعُوا كُذَّ سِحْرٍ وَلَا يَفْلِحُ السَّاحِرُ حَيْثُ أَتَىٰ ﴿١٤٦﴾
 6 وَنَزَلَ مِنَ الْقُرْآنِ مَا هُوَ شِفَاءٌ وَرَحْمَةٌ لِلْمُؤْمِنِينَ وَلَا يَزِيدُ الظَّالِمِينَ إِلَّا خَسَارًا ﴿١٤٧﴾
 7 قُلْ هُوَ لِلَّذِينَ ءَامَنُوا هُدًى وَشِفَاءٌ ﴿١٤٨﴾ فَارْجِعِ الْبَصَرَ هَلْ تَرَىٰ مِنْ فُطُورٍ ﴿١٤٩﴾
 8 لَوْ أَنْزَلْنَا هَذَا الْقُرْآنَ عَلَىٰ جَبَلٍ لَرَأَيْتَهُ خَاشِعًا مُتَصَدِّعًا مِنْ خَشْيَةِ اللَّهِ ﴿١٥٠﴾
 9 وَإِنْ يَكَادُ الَّذِينَ كَفَرُوا لَيُزْلِقُونَكَ بِأَبْصِهِمْ لَمَّا سَمِعُوا الذِّكْرَ وَيَقُولُونَ إِنَّهُ لَمَجْنُونٌ ﴿١٥١﴾ وَإِذَا مَرِضْتَ فَهُوَ يَشْفِينِ ﴿١٥٢﴾
 10 يَقُومُونَ أَحِبُّوا دَاعِيَ اللَّهِ وَعَآمِنُوا بِهِ يَغْفِرَ لَكُمْ مِنْ ذُنُوبِكُمْ وَيُجِرْكُمْ مِنْ عَذَابِ أَلِيمٍ ﴿١٥٣﴾
 11 ثُمَّ أَنْزَلَ اللَّهُ سَكِينَتَهُ عَلَىٰ رَسُولِهِ وَعَلَى الْمُؤْمِنِينَ وَأَنْزَلَ حُنُودًا لَهُمْ لِيُرَوْهَا ﴿١٥٤﴾
 12 فَأَنْزَلَ اللَّهُ سَكِينَتَهُ عَلَىٰ رَسُولِهِ وَعَلَى الْمُؤْمِنِينَ وَأَلْزَمَهُمْ كَلِمَةَ التَّقْوَىٰ وَكَانُوا أَحَقَّ بِهَا وَأَهْلَهَا ﴿١٥٥﴾
 13 لَقَدْ رَضِيَ اللَّهُ عَنِ الْمُؤْمِنِينَ إِذْ يُبَايِعُونَكَ تَحْتَ الشَّجَرَةِ فَعَلِمَ مَا فِي قُلُوبِهِمْ فَأَنْزَلَ السَّكِينَةَ عَلَيْهِمْ وَأَثَبَهُمْ فَتْحًا قَرِيبًا ﴿١٥٦﴾
 14 هُوَ الَّذِي أَنْزَلَ السَّكِينَةَ فِي قُلُوبِ الْمُؤْمِنِينَ لِيُذْأَدُوا إِيمَانًا مَعَ إِيْمَانِهِمْ وَلِلَّهِ جُنُودُ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضِ ﴿١٥٧﴾

NAHO HADITH ZIKORESHA MURI RUQIYAT:

Hadith: «As'alu llahal Adwima, Rabal Ar'shil Adwimi, an Yash'fika » (x7)¹

abantu b'abahakanyi. (Qor'an 2:285-286)

- 1 Duhishurira Muusa tuti : Naga inkoni yawe. Ihita imiragura ibyo bahimbaga. * Ukuri kuragaragara. Ibyo bakoraga bipfa ubusa. * Aho barahatsindirwa, bahinduka abasuzuguritse. (Qor'an 7:117-119)
- 2 Cyangwa baragirira ishyari abantu ku byo ALLAH yabahaye mu ngabire ze? Mu by' ukuri, twahaye umuryango wa Ibraahim ibitabo, ubushishozi, tunabaha ubwami buhambaye. (Qor'an 4:54)
- 3 Anakize ibituza by' abantu bemera (Qor'an 9:14)
- 4 Baravuga: Yewe Musa! Wanaga cyangwa twe tukaba aba mbere banaga!* Aravuga: Ahubwo nimunage! Ubwo imigozi yabo n' inkoni zabo bimugararira -kubera uburozi bwabo - ko bigenda. * Muusa yiyumvamo ubwoba. * Turavuga: Witinya! Mu by'ukuri ni wowe wo hejuru. * Naga ikiri mu ndyo yawe kimiragure ibyo bakoze! Mu by'ukuri ibyo bakoze ni imigambi ya kirozi kandi umurozi ntatsinda uko aje kose. (Qor'an 20:65-69)
- 5 Tumanura muri Qor'an ibiri umuti n' impuhwe ku bemera. Nyamara nta cyo yongerera abahuguza uretse igihombo. (Qor'an 17:82)
- 6 Vuga : Yo ku bemeye, ni Ubuyoboke n' umuti. (Qor'an 41:44)
- 7 Ngaha garura amaso. Ese urabona imyenge? (Qor'an 67:3)
- 8 Iyo tumanura iyi Qur'aan ku musozi, wari kuwubona wibombaritse, usatagurika kubera gutinya ALLAH. (Qor'an 59:21)
- 9 Abahakanye bari hafi kugupfumuza amaso yabo ubwo bumvaga urwibutso. Baravuga: Rwose we ni umusazi. (68:51)
- 10 N' iyo ndwaye ni We unkiza. (Qor'an 26:80)
- 11 Yemwe bagenzi bacu ni mwitabe uhamagarira ALLAH munamwemere abahanagureho ibyaha anabakize ibihano bihambaye (Qor'an 46:31)
- 12 Hanyuma ALLAH amanura ituze rye ku Ntumwa ye no ku bemera, anamanura ingabo mutabonye, ahana abahakanye. icyo ni cyo gihembo cy' abahakanyi. (Qor'an 9:26);
- 13 ALLAH amanurira intumwa ye n'abemera ituze rimuturutseho, abahitiramo ijamba ryo kuganduka. (Qor'an 48:26)
- 14 Rwose ALLAH yishimiye abemera ubwo bagukoreraga Ba'iah muni y'igiti. Yamenye ibiri mu mitima yabo, abamanurira ituze anabahemba intsinzi ya hafi. (48:18)
- 15 Ni We wamanuye ituze mu mitima y'abemera kugira ngo bongere ukwemera ku kwemera kwabo. (Qor'an 48:4)

Hadith: (أَعِيذُكَ بِكَلِمَاتِ اللَّهِ التَّامَةِ مِنْ كُلِّ شَيْطَانٍ وَهَامَّةٍ وَمِنْ كُلِّ عَيْنٍ لَامَّةٍ) «*Uidhuka Bikalimati lahi Taamat, min kuli Shayitwani wa Hamatin wa min kuli Ayini Lamat*» (x3)²

Hadith: (اللَّهُمَّ رَبَّ النَّاسِ أَذْهِبِ الْبَاسَ إِشْفِ أَنْتَ الشَّافِي لَا شِفَاءَ إِلَّا شِفَاؤُكَ شِفَاءً لَا يُعَادِرُ سَقَمًا) «*Allahuma Raba Naasi Adhibul Baasi Ash'fi Anta Shafiy, La Shifaa ila Shifauka Shifaa La yughadiru Sagamaa*» (x3)³

Hadith: (اللَّهُمَّ أَذْهِبْ عَنْهُ حَرَّهَا وَبَرِّدْهَا وَوَصِّبْهَا) «*Allahuma Adhibu an'hu Haraha, wa Bar'daha, wa waswabaha*» (1)⁴

Hadith: (حَسْبِيَ اللَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ عَلَيْهِ تَوَكَّلْتُ وَهُوَ رَبُّ الْعَرْشِ الْعَظِيمِ) «*Hasibiya llahu, la Ilaha ila Huwa, Alayihi Tawakal'tu, wa Huwa Rabul Ar'shil Adhwimi*» (x7)⁵

Hadith: (بِسْمِ اللَّهِ أَرْقِيكَ مِنْ كُلِّ دَاءٍ يُؤْذِيكَ وَمِنْ شَرِّ كُلِّ نَفْسٍ أَوْ عَيْنٍ حَاسِدٍ، اللَّهُ يَشْفِيكَ بِسْمِ اللَّهِ أَرْقِيكَ) «*Bismilahi Ar'qika min Kuli Dain yuudhika, wa min Shari kuli Naf'si au Ayinin Hasidin, Allahu Yash'fika Bismilahi Ar'qika*» (x3)⁶

Ugashyira ukuboko kwawe aharibwa ukavuga uti: (بِسْمِ اللَّهِ) «*Bismilahi (x3)*»
(أَعُوذُ بِعِزَّةِ اللَّهِ وَقُدْرَتِهِ مِنْ شَرِّ مَا أَجِدُ وَأَحِذُ) «*Audhu bi Izati lahi wa Qudratihi min Shari ma Ajidu wa Uhadhiru*» (x7)⁷

Icyitonderwa:

① Ntibyemewe gukurikiza amagambo y'ibinyoma, ko ugomba kunywa inkari z'uwo munya maso, cyangwa gukira amaso ari uko apfuye n'ibindi.

② Ntibyemewe kwambara amahirizi y'impu n'imigozi, ku muntu utinya ko yafatwa n'amaso. Intumwa Muhamad ati: **Hadith:** «*Uwambaye ikintu kiramwokama*» Yakiriwe na Tir'midhiy.

Naho iyo izo hirizi zikoze mu magambo ya Qor'an: Hari imvugo nyinshi za bamenyi, ariko kudakoresha bene izo hirizi nibyo byiza.

③ Kwandika ijambo ngo: (**Mashaallah**)(**Tabaraka llahu**), cyangwa gushushanya umuhoro cyangwa icyuma, cyangwa ijisho, cyangwa kumanika Qor'an mu modoka cyangwa mu nzu, ibyo byose ntibishobora kukurinda amaso mabi. Ndetse hari igihe izo hirizi ziba ari mu zaziririjwe.

④ Ni ngombwa ko umurwayi yizera ko Imana izamusubiza, ntabone ko bitinze, kuko niyo ubwiwe ko umuti runaka uzawunywa ubuzima bwawe bwose urihangana, ariko ukananirwa kwihangana iyo **Ruqiyat** itinze, kandi abona kuri buri nyuguti asoma ibyiza, n'icyiza kimwe gihemberwa ibyiza icumi(10) nkacyo,

¹ Ndasaba Nyagasani nyiri ubuhangange Nyagasani wa Arishi (Intebe y'ubwami) ihambaye, kugirango aagukize”

² Ngukinze ku magambo y'Imana yuzuye buri shitani na buri kiguruka mwijoro na buri jisho ribi. (X3).

³ Mana Nyagasani w'abantu mukureho ububabare unamukize kuko ari wowe ukiza, nta gukira uretse gukizwa nawe gukira kutabererera uburwayi na bumwe.(X3).

⁴ Mana Nyagasani mukize icyokere cyabwo n'ubukonje bwabwo n'uburwayi bwabwo” Allah arampagije nya yindi Mana ibaho itari yo, niyo niringiye kandi niyo nyiri ntebe y'ubwami ihambaye.

⁴ Ku izina ry'Imana nkuvuje amagambo y'Imana (Ruqiyat) kuri buri burwayi bukubuzza amahoro na buri kibi cya buri kiremwa, cyangwa ijisho ry'umunyeshyari, Imana igukize noku izina ry'Imana ndakuvuye”

⁵ Ku izina ry'Imana.

⁶ Nikinze kucyubahiryo cy'Imana n'ubushobozi bwayo ibibi niyumvamo nibyo nishisha.

agomba guhora asaba Imana, anayisaba imbabazi, no gutanga swadaqa cyane kuko ibyo bivuganira umuntu.

5 Gusoma abantu benshi hamwe ntibyemewe, ndetse no kureka gusoma ukumva **Cassette** ntibyemewe, kuko **Cassette** nta niyat iba ifite, kandi Iniyat ningombwa k'umuntu ukora Ruqiyat, nubwo kuyumva nabyo ari byiza.

Nibyiza gusubiramo **Ruqiyat** kenshi, kugeza umuntu akize, naho gusubiramo imirongo ya Qor'an y'ubusabe, umubare runaka ntibyemewe, keretse ibifite gihamya.

6 Hari ibimenyetso bigaragaza ko ukora **Ruqiyat** akorana n'uburozi atari Qor'an, ntuzakangwe nuko umubona agaragara nk'umunyedini, ashobora gufunguza igisomo cye Qor'an mu kanya akaba arahinduye, ashobora kuba ari umuntu uhora mu musigiti kugirango ajijishe abantu, ushobora kubona asingiza Imana cyane imbere yawe, ibyo byose ntibizagukange.

IBIMENYETSO BIGARAGAZA ABAROZI: ★ Kubaza umurwayi izina rye, cyangwa irya nyina, kuko kumenya izina no kutarimenya ntacyo bihindura na kimwe k'ubuvuzi. ★ Gusaba imwe mu myenda y'umurwayi nk'ikanzu cyangwa umupira. ★ Ashobora gusaba umurwayi itungo rifite ibimenyetso runaka nk'ibara rimwe kugirango aribagire ijini, rimwe na rimwe agasiga umurwayi amaraso yaryo. ★ Kwandika cyangwa gusoma ibishushanyo bitumvikana bidafite n'icyo bisobanuye. ★ Guha umurwayi udupapuro turiho utuzu, twanditsemo inyuguti cyangwa imibare byitwa (**Hijabu**). ★ Gutegeka umurwayi kwiherera mu cyumba cya wenyine cyijimye bita : (**Al Hij'batu**).

★ Gutegeka umurwayi kudakora amazi igihe runaka. ★ Guha umurwayi ikintu ajya guhamba ahantu cyangwa urupapuro agomba gutwika umwotsi warwo ukamujiyaho. ★ Kubwira umurwayi bimwe mu bintu bye bwite bitazwi n'umuntu wese, cyangwa akamubwira izina rye, naho akomoka, n'uburwayi bwe, mbere yuko agira icyo avuga. ★ Kumenya icyo umurwayi arwaye akinjira iwe, cyangwa hakoreshejwe telefone cyangwa iposita.

7 Ahalu Sunat: Bemera ko ijini ryivanga n'abantu, gihamya Imana iti: **Qor'an:** *«Babandi barya riba ntibazazuka mu mva zabo uretse ko bazazivamo barindagira nk'umuntu wahanzweho n'amashitani amurimo»* Sura Al Baqara (2) Ayat 275 abasobaye Qor'an bese bemeza ko guhangwaho kuvugwa ari uko umuntu wafashwe n'amashitani.

Kuzuzwa: Uburozi: Uburozi burahari kandi burakora koko bikaba bishimangirwa na Qor'an na Hadith, uburozi ni ikizira kandi ni cyaha gikomeme kubera ijambo ry'Intumwa Muhammad (^{Allah amuhe} amahoro n'imigisha) rigira riti: *“Mwirinde ibyaha birindwi birimbura, baravuga bati: ni ibihe? Aravuga ati: kubangikanya Imana, kuroga....”* Yakiriwe na Bukhariy na Muslim. N'ijambo ry'Imana rigira riti: *“Abayahudi bamenye ko uzahitamo uburozi akareka ukuri nta geno ry'ibyiza afite k'umunsi w'imperuka”* Baqarat: 102.

Uburuzi burimo ibice bibiri: **1.** Amapfundo n'amagambo umurozi yifashisha kugirango akoreshe amashitani kubyo ashaka kugirira nabi uwo aroga. **2.** Imiti igira ingaruka k'uwurogwa haba k'umubiri we ubwenge bwe ubushake bwe n'ibyifuzo bye, bikaba byitwa guhindura no gufatanya, bikagaragarira uwarozwe ko ikintu runaka cyahindutse cyangwa kigenda n'ibindi nkabyo. Inzira ya mbere n'ibangikanyamana kuko shitani ntikorera umuntu atabanje kuhakana Imana, naho inzira ya kabiri ni cyaha gikomeme kandi kirimbura kandi ibyo byose bibaho k'ubushake bw'Imana Nyagasani.

UBUSABE

Ibiremwa byose aho biva bikagera bikenera inkunga y'Imana, n'imigisha yayo, kuko Imana ni umukungu kubarusha bose, nta nubwo Imana igira icyo ibakenera ho na kimwe bityo rero Imana yategetse abantu ko bagomba kuyisaba.

Imana iti: Qor'an: *«Ni munsaba nzabaha, mu kuri abikuza banga kungaragira (bansaba) bazinjira muri Jahanama basuzuguritse»* Sura Al Ghafir (40) Ayat 60

Intumwa Muhammad ati: **Hadith:** *«Umuntu udasaba Imana iramurakarira»* Yakiriwe na Ibn Majah. Hamwe nibyo rero Imana ishimishwa nuko abagaragu bayo bayisaba, igakunda abasaba bahatiriza. Abasangirangendo rero bamenye uburemere bw'icyi kintu, bityo ntawajyaga agira icyo asuzugura, kugisaba Imana, nta nuwo banyuzagaho ubusabe bwabo kubera uko bizeraga Imana, no kuba hafi yayo cyane, kandi nayo ikabegera cyane, bashingiye ku ijambo ryayo rigira riti: **Qor'an:** *«N'abagaragu banjye nibakubaza aho ndi, ubabwire uti : njye ndi hafi»* Sura Al

Baqarat (2) Ayat 186

Ubusabe rero bufite urwego rukomeye ku Mana, kuko ari ikintu cyiza ku Mana, ubusabe kandi bushobora guhindura igeno ry'Imana, n'ubusabe bw'umuyisumu burakirwa nta gushidikanya iyo impamvu zihari, kandi nta miziro ihari, umuntu rero agahabwa kimwe mu bintu Intumwa Muhammad yavuze mu ijambo rye ati :

Hadith: *«Nta muyisumu usaba ubusabe butarimo ibibi, no gucana umubano mu muryango, uretse ko Imana imuha kimwe mu bintu bitatu(3): -Ashobora guhabwa icyo yasabye ako kanya.-cyangwa akakibikirwa akazagihabwa ku muni w'imperuka.-cyangwa akababarirwa ibyaha bimeze nka bwo, bati ese turushaho ? ati: Imana nayo irushaho»* Yakiriwe na Ahmad na Tir'midhiy.

Amoko y'ubusabe: Ubusabe buri amoko abiri (2): **1.**Ubusabe bw'amasengesho: nk'iswala n'igisibo. **2.**Ubusabe bwo gusaba icyo ukeneye.

UKURUTANA KW'IBIKORWA: Ese gusoma Qor'an bisumba byose? cyangwa gusingiza Imana? cyangwa gusaba ubusabe? Mu kuri gusoma Qor'an ni gikorwa gisumba ibindi byose muri rusange, hanyuma gusingiza Imana, hanyuma gusaba ubusabe, ibi ni muri rusange, ariko hari igihe igikorwa cyiri muni y'ikindi, gishobora kukijya hejuru kikakiruta, nko gusaba ubusabe ku muni wa **Arafat**, biruta gusoma Qor'an, no gusoma ibisingizo byuzuye muri Hadith nyuma ya buri masengesho atanu (5) ya buri muni, biruta gusoma Qor'an.

IMPAMVU ZITUMA UBUSABE BWAKIRWA:

Hari impamvu zituma ubusabe bwemerwa izigaragara n'izitagaragara:

1.Impamvu zigaragara: Kubanza gukora ibikorwa byiza, nko gutanga isadaka, gutawaza, gusenga, kwerekera Kiblat, kuzamura amaboko, gusingiza Imana, kwifashisha amazina y'Imana n'ibisingizo byayo, bijyanye nibyo usaba, niba usaba ijuru ukifashisha ubuntu bw'Imana n'impuhwe zayo, waba usabira umuntu waguhuguje ntugomba gukoresha **Arah'manu**, cyangwa **Al karimu**, ahubwo ugakoresha **Al jabaru Al qaharu**).

No mu mpamvu zituma ubusabe bwemerwa: ni ugusabira Intumwa Muhammad, kuntangiriro y'ubusabe, no hagati yabwo, no kumpera yabwo, ukemera ko uri umunyabyaha, ugashimira Imana kubera inema zayo, gusaba mu bihe byiza byavuzwe ko muri byo ubusabe wenda bwakirwa, ni byinshi muri byo twavuga:

★ **Ku muni n'ijoro:** ni igice cya gatatu cya nyuma cy'ijoro, igihe Imana imanuka ku ijuru ry'isi, no hagati ya **Adhana** na **Iqamat**, na nyuma yo gutawaza, no mugihe umuntu ari **Sijida**, na mbere yo gutora **Salamu** y'isengesho, na nyuma y'amasengesho, na nyuma yo guhetura igisomo cya Qor'an, ni gihe inkoko ibitse, n'igihe uri ku rugendo, n'igihe wahugujwe, n'igihe uri mu bibazo byinshi, n'ubusabe bw'umubyeyi ku mwana we, n'ubusabe bw'umuyislamu kuri mugenzi we, n'igihe muhuye n'umwanzi k'urugamba.

★ **Mu cyumweru:** ni kumuni w'ijuma, by'umwihariko kw'isaha ya nyuma y'uwo muni.

★ **Mu kwezi:** ni ukwezi kwa **Ramadwan**, igihe ugiye gusiburuka, no mugicuku, no mu ijoro rya **Layilatul Qadri**, no ku muni wa **Arafat**.

★ **Ahantu hatagatifu:** mu misigiti muri rusange, no kuri **Al kaabat** cyane cyane hagati y'ibuye ryirabura n'umuryango wa Al kaabat, no kuri **Maqamu Ibrahimu**, no hejuru y'umusozi wa **Swafa** n'uwa **Mar'wa**, na **Arafat**, na **Muz'dalifat**, na **Mina** mu minsi ya **Hijat**, no mugihe unywa amazi ya **Zam Zam**, n'ahandi.

2.Impamvu zitagaragara: mbere y'ubusabe: ni ukubanza ukwicuza k'ukuri, no kugarura ibyo wambuye, no kuba ibyo urya bikomoka mu umutungo uziruye, nibyo unywa, nibyo wambara, naho utuye. Kurushaho kugandukira Imana, kwirinda ibyo uziririjwe, kwirinda ibishidikanywaho ndetse n'irari, **mu busabe:** kuba usaba ubishyizeho umutima igihe usaba, kwizera Imana, kwiringiye cyane gusubizwa, guhungira ku Mana no kwicisha bugufi, no guhatiriza, guharira ibyawwe byose Imana, no kureka abatari yo no kwizera igisubizo.

IBIBUZA UBUSABE KWAKIRWA:

Umuntu ashobora gusaba kenshi ariko ntasubizwe cyangwa igisubizo kigatinda cyane, ibyo rero biterwa n'impamvu nyinshi murizo: ★ Gusaba Imana n'ikindi kintu. ★ Gusaba usobanura cyane kuri buri kantu: nko kuba wasaba Imana ko yakurinda umuriro, icyokere cyawo, ibibazo birimo, umwijima wawo, kandi byari bihagije gusaba ko Imana yakurinda umuriro gusa. ★ Umuyislamu kwisabira ubusabe bubi, cyangwa agasabira mugenzi we amuhuguza. ★ Gusaba ubusabe burimo ibyaha. ★ Gucana umubano n'umuryango. ★ Gufatany ubusabe n'ugushaka kw'Imana, ukavuga uti: (**Mana mbabarira nubishaka**). ★ Gusaba ko Imana yakwihutisha igisubizo cyawe, nko kuvuga uti: (**Mana naragusabye ntiwansubiza**). Gucika intege zo gusaba, no kurambirwa. ★ Gusabisha umutima utitaye k'ubusabe. ★ Kutagira ikinyabupfura imbere y'Imana. intumwa Muhammad yigeze kumva umuntu usaba mu isengesho rye, ariko ntiyasabira intumwa Muhammad, intumwa Muhammad iravuga iti: **Hadith: «Uyu arahubutse» maze aramuhamagara aramubwira ati: «Umwe murimwe najya asaba aje abanza gushimira Imana, no kuyisingiza, hanyuma ansabire, hanyuma asabe ibyo ashaka»** Yakiriwe na Tir'midhiy.

★ Gusaba ikintu kidashoboka: nko gusaba kubaho iteka ryose ku isi. ★ Gukoresha amagambo yenda gusa mu busabe bwawe. Imana iti: **Qor'an: «Musabe Nyagasani wanyu mwicishije bugufi kandi mu ibanga, kuko Imana idakunda abarengera»** Sura Al 'araf (7) Ayat 55 **Ibun Abasi** aravuga ati: **“Ujye ureba amagambo ajya gusa mu**

busabe bwawe uyirinde, kuko nabanye n'intumwa Muhamad n'abasangirangendo be bajyaga babyirinda" Yakiriwe na Bukhariy.

★ No kuzamura ijwi cyane m'ubusabe. Imana iti: **Qor'an:** «*Ntukavuge cyane ubusabe bwawe ntuzanongorere cyane ahubwo ujye hagati yabyo byombi*» Sura

Israa (17) Ayat 110

Ni byiza ko umuntu atondeka ubusabe bwe kuburyo bukurikira : 1. Gushimira no gusingiza. 2. Gusabira intumwa Muhamad. 3. Kwicuza no kwemera ibyaha. 4. Gushimira Imana kubera inema zayo. 5. Gusaba ubusabe wihatira kuvunagura amagambo, ugenda kubyaje muri Hadith nibyo abakurambere bakoraga. 6. Gusozza ubusabe bwawe usabira intumwa Muhamad.

UBU NIBWO BUSABE BW'INGENZI UMUNTU AGOMBA GUFATA MU MUTWE NO GUSABA UBUKORESHEJE:

Aho buvugirwa.	Ubusabe Intumwa Muhamad yaravuze ati :
Mbere na nyuma yo kuryama.	« بِسْمِكَ اللَّهُمَّ أَمُوتَ وَأَحْيَا » <i>Bismika Allahuma Amutu wa Ah'yaa.</i> ¹ yabyuka ati: « الْحَمْدُ لِلَّهِ الَّذِي أَحْيَانَا بَعْدَمَا أَمَاتَنَا وَإِلَيْهِ النُّشُورُ » <i>Al hamudu lilahi ladhi ah'yana baada ma Amatana wa Ilayihi Nushuru.</i> ²
Umuntu uterwa ubwoba n'inzozi ze.	« أَعُوذُ بِكَلِمَاتِ اللَّهِ التَّامَّاتِ مِنْ غَضَبِهِ وَعِقَابِهِ، وَمِنْ شَرِّ عِبَادِهِ، وَمِنْ هَمَزَاتِ الشَّيَاطِينِ، وَأَنْ يَحْضُرُونِ » <i>Audhu bikalimati lahi Taamati min Ghadwabihii, wa min Shari Ibadhihi, wa min Hamazati Shayitwani wa an Yah'dwuruniy</i> ³
Iyo umuntu aroze inzozi.	Umwe muri mwe narota inzozi zimushimishije izo ziba zivuye ku Mana, aje ashimira Imana, anazivuge, ariko nabona izitamushimishije ziba zivuye kwa Shitani, aje asaba ko Imana yamurinda ibibi byazo, ntanagire uwo azibwira, icyo gihe nta ngaruka yazo kuri we.
Gusohoka mu nzu.	« اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ أَنْ أَضِلَّ أَوْ أُضَلَّ، أَوْ أَزِلَّ أَوْ أُزَلَ، أَوْ أَظْلِمَ أَوْ أُظْلَمَ، أَوْ أَجْهَلَ أَوْ يُجْهَلَ عَلَيَّ » <i>Allahuma Iniy Audhubika an Adwila au Udwala au Azala au Uzala au Adhwilimu au Udhwylamu au Ajihala au Yujihala Alaya.</i> ⁴ « بِسْمِ اللَّهِ تَوَكَّلْتُ عَلَى اللَّهِ لَا حَوْلَ وَلَا قُوَّةَ إِلَّا بِاللَّهِ » <i>Bismilahi tawakaltu ala Ilahi wala haula wala quwata illa billahi.</i> ⁵
Kwinjira mu musigiti.	Umuntu niyinjira mu musigiti aje abanza ukuguru kw'indyo avuge ati: <i>Bismilahi wa salamu ala Rasuli lahi, Allahuma Agh'firiliy dhunubiy wa futahu liy Abuwaba rah'matika.</i> ⁶
Gusohoka mu musigiti.	Iyo umuntu asohotse mu musigiti abanza ukuguru kw'imoso akavuga ati : <i>Bismilahi wa Salamu ala Rasuli lahi, Allahuma Agh'firiliy dhunubiy wa f'tahu liy Abuwaba Fadwilika.</i> ⁷

¹ Ku bw'Izina ryawe nzapfa kandi kubw'izina ryawe mbasha kubaho.

² Ishimwe n'iryi Mana yo yadukanguye nyuma yuko yadusinzirije, kandi iwayo niho tuzagaruka.

³ Nikinze ku magambo y'Imana yuzuye indinde uburakari bwayo n'ibihano byayo, n'ububi bw'abagaragu bayo, n'impagarara z'amashitani no kuba yanyegera mu masengesho yanjye.

⁴ Mana Nyagasani nkwiwizeho undinde kuyoba no kuyobywa no guteshuka no guteshuzwa no guhuguza no guhuguzwa no kujijwa no kujijishwa.

⁵ Ku izina ry'Imana, niringiye Imana nta mbaraga nta n'ubushobozi uretse ibyo nkesha Allah.

⁶ Ku Izina ry'Imana, amahoro nabe ku Ntumwa y'Imana Nyagasani Mana mbabarira ibyaha byanjye unfungurire n'imiryango y'impuhwe zawe.

⁷ Ku izina ry'Imana amahoro nabe ku Intumwa y'Imana, Nyagasani Mana mbabarira ibyaha byanjye unanfungurire imiryango y'Ingabire zawe.

Umuntu urongoye vuba.	بارك الله لك، وبارك عليك، وجمع بينكما في خير. <i>Baraka llahu laka wa Baraka</i> <i>Alayika wa Jamaa Bayinakuma fi Khayiri.</i>
Uwumvise isake ibika n'indogobe ivuga.	Nimwumva indogobe ivuga: Mujye mwikinga ku Mana shitani, kuko iba ibonye shitani, nimwumva isake ibitse: Mujye musaba Imana ingabire zayo, kuko iba ibonye Malayika (Nimwumva imbwa irira cyangwa indogobe ivuga ni njoro mujye mwikinga ku Mana)
Umuntu ukubwiye ko agukunda kubera Imana.	Biturutse kuri Anasi ati: Umugabo yari ku Intumwa Muhamad haza kunyuraho umuntu abwira Intumwa Muhamad ati: Yewe ntumwa y'Imana njye nkunda uriya muntu, ati: «Warabimubwiye?» ati: Oya, ati: «Bimubwire » aragenda arabimubwira ati: Njye ndagukunda kubera Imana, ati: Iyo unkundira nayo igukunde)
Iyo umuyisumu yitsamuye.	«Umwe muri mwe niyitsamura aje avuga ati : <i>Al ham'dulilahi</i> , (Imana ishimwe) Mugenzi we amubwire ati: Yar'hamuka llahu, (Imana ikugirire impuhwe) nawe avuge ati: <i>Yah'dikum llahu wa Yusw'lihu balakum</i> , (Imana ibayobore kandi itunganye ibyanyu) naho umuhakanyi niyitsamura akavuga ati: <i>Al ham'dulilahi</i> , mujye muvuga muti: Imana ikuyobore gusa.
Ubusabe mu bibazo bikomeye.	« لا إله إلا الله العظيم الحليم، لا إله إلا الله رب العرش العظيم. لا إله إلا الله رب السموات ورب الأرض ورب العرش الكريم. » <i>«La ilaha ila llahu Al adwimu Al halimu, La ilaha ila llahu, Rabul Ar'shil Adwimi, La ilaha ila llahu Rabu Samawati wa Rabul Ar'dwi wa Rabul Ar'shil Karimi »</i> ² * « لا أشرك به شيئاً » ³ * «Allahu Allahu Rabiyy la Ushiriku bihi Shayiaa» ³ * « يا حي يا قيوم برحمتك استغيث » ⁴ * «Subuhana llahil Adwimi » ⁵
Gusabira abanzi.	« اللهم منزل الكتاب ومجري السحاب سريع الحساب اهزم الأحزاب. اللهم اهزمهم وزلزلهم » <i>Mujiriya Sahabu, Munzilul Kitabi, Sariul Hisabi, Ah'zimuliy Ahzaba, Allahuma Ah'zimuhum wa Zalziluhum»</i> ⁶
Kwicura mu bitotsi ninjoro	Uwicuye ninjoro akavuga ati: (<i>La ilaha ila llahu wah'dahu la sharika lahu, lahul mulku wa lahul hamdu wa huwa ala kuli shayiin qadiir, al hamdu lilahi wa sub'hana llahi wa la ilaha ila llahu wa allahu akbar wa lahawula wala quwata ila bilahi</i>) ⁷ maze akavuga ati: <i>Allahuma agh'firi liy</i> , cyangwa agasaba ubusabe burakirwa, niyo atawaje agasali iswala ye irakirwa.
Iyo ikintu kigukomereye.	« اللهم لا سهل إلا ما جعلته سهلاً وأنت تجعل الحزن إذا شئت سهلاً » <i>Allahuma la Sahala ila ma Jaal'tahu Sahala, wa Anta Taj'alul Huzuna in Shiita Sahalan</i> ⁸
Ubusabe bwo kwishyura umwenda.	« اللهم إني أعوذ بك من الهم والحزن، والعجز والكسل، والنجس والبخل، وطلع الدين، وغلبة الرجال » <i>«Allahuma Iniy Audhubika Minal Hami wal Huzuni wal Ajizi wal Kasali wal Jubuni wal Bukhuli wa Dwalai Dayini wa Ghalabati Rijali »</i> ⁹

¹ Imigisha y'Imana ibe kuri wowe, kandi imigisha yayo ibe kuri wowe, Imana yabahuje mu byiza.

² Nta yindi Mana ibaho uretse Allah wenyine nyirubuhangange wihanganira, nta yindi Mana ibaho uretse Allah Nyagasani wa Arishi ihambaye, nta yindi Mana ibaho uretse Allah Nyagasani w'ibirere akaba na Nyagasani w'Isi ndetse akaba na Nyagasani wa Arishi y'icyubahiro.

³ Allahu Allahu Nyagasani wanjye simubangikanya nicyo aricyo cyose.

⁴ Nyagasani nyirubugingo Nyagasani uwihagije, ndagutabaza kubw'impuhwe.

⁵ Aratagatituse Allah Nyirubuhangange.

⁶ Mana Nyagasani wamanuye igitabo (Qor'an), ukagenza ibicu, uzihutisha ibarura, dutsindire udutsiko, Nyagasani badutsindire kandi ubajujubye.

⁷ Nta yindi Mana ibaho uretse Allah wenyine utagira uwo abangikanye nawe, niwe nyirubwami no gushimwa, kandi ashoboye byose, ishimwe n'iryi Mana n'ubutagatifu ni ubwayo nta nindi Mana ibaho itari Allah n'Imana niyo nkuru, nta buryo nta n'imbaraga uretse ibikomoka ku Mana.

⁸ Nyagasani ntacyoroha uretse icyo woroheje, kandi ni wowe woroshya agahinda iyo ubishatse.

⁹ Nyagasani Mana nkwikinzeho ngo undinde ibimbangamiye n'agahinda no kunanirwa no kunebwa n'ubugwari n'ubugugu n'uburemere bw'umwenda no gutsindwa n'abantu.

Kwinjira muri W.C	Iyo Umuntu yinjiye muri W.C aravuga ati: «اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ مِنَ الْخِيَاثِ وَالْخِيَاثِ» «Allahuma Iniy Audhubika minal Khubuthi wal Khabaithi» ¹ Yasohoka akavuga ati: «غُفْرَانِكَ» <i>Ghufranaka</i>
Muri Sijida.	«اللَّهُمَّ اغْفِرْ لِي ذُنُوبِي كُلَّهَا وَاجْهَلْ وَجْهَهُ وَأَوَّلَهُ وَآخِرَهُ وَعَلَانِيَتَهُ وَسِرَّهُ» <i>Allahuma Agh'firiliy dhambiy kulahu Diqahu wa Jilahu wa Awalahu wa Akhirahu wa Alaniyatahu wa Sirahu</i> ² * «سُبْحَانَكَ رَبِّي وَيَحْمَدُكَ اللَّهُمَّ اغْفِرْ لِي» <i>Subuhanaka Rabiyy wa Bihamudika, Allahuma Agh'firiliy</i> ³ * «اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِرِضَاكَ مِنْ سَخَطِكَ وَبِمَعَاذِكَ مِنْ عِقَابِكَ وَأَعُوذُ بِكَ مِنْكَ لَا أُحْصِي ثَنَاءً عَلَيْكَ أَنْتَ كَمَا أَثْنَيْتَ عَلَيَّ نَفْسِكَ» <i>Allahuma Iniy Audhu biridwaka min Sakh'twika wabi Muafatika min Uqubatika...</i> ⁴
Sujudu Tilawat (Sijida y'igisomo)	«اللَّهُمَّ لَكَ سَجَدْتُ وَبِكَ آمَنْتُ وَلَكَ اسْلَمْتُ سَجَدَ وَجْهِي لِلَّذِي خَلَقَهُ وَصَوْرَهُ وَشَقَّ سَمْعَهُ وَبَصَرَهُ تَبَارَكَ اللَّهُ أَحْسَنَ الْخَالِقِينَ» <i>Allahuma laka Sajad'tu wa Bika Amantu wa Laka As'lamutu, Sajada Wajihiy liladhi Khalaqahu wa Swawarahu wa Shaqa Samuahu wa Baswarahu Tabaraka llahu Ah'sanul Khaliqina</i> ⁵
Gufungura isengesho.	«اللَّهُمَّ بَاعِدْ بَيْنِي وَبَيْنَ خَطَايَايَ كَمَا بَاعَدْتَ بَيْنَ الْمَشْرِقِ وَالْمَغْرِبِ، اللَّهُمَّ تَقْنِي مِنْ خَطَايَايَ كَمَا يَنْقِي الثَّوْبَ الْأَبْيَضَ مِنَ الدَّنَسِ، اللَّهُمَّ اغْسِلْنِي بِالْمَاءِ وَالشَّلْحِ وَالْبَرْدِ» <i>Allahuma Baidi bayiniy wa Bayina Khatwayaya kama Baad'ta bayinal Mashiriqi wal Magh'ribi Allahuma Naqiniy min Khatwayaya kama Yunaqa Thaubul Ab'yadwu mina Danasi Allahuma Agh'siliniy bil Mai wa Thal'ji wal Baradi</i> ⁶
Nyuma y'isengesho	«اللَّهُمَّ إِنِّي ظَلَمْتُ نَفْسِي ظُلْمًا كَثِيرًا وَلَا يَغْفِرُ الذُّنُوبَ إِلَّا أَنْتَ فَارْجُوهُ لِي مَغْفِرَةً مِنْ عِنْدِكَ وَارْحَمْنِي إِنَّكَ أَنْتَ الْغَفُورُ الرَّحِيمُ» <i>Allahuma Iniy Dhalamutu Naf'siy Dhuluman Kathira wala Yagh'firu Dhunuba ila Anta Fagh'firi liy Magh'firata min Indika wa Rihamuniy Inaka Antal Ghafuru Rahimu</i> ⁷
Isengesho rirangiye.	«اللَّهُمَّ اغْفِرْ لِي ذُنُوبِي كُلَّهَا وَاجْهَلْ وَجْهَهُ وَأَوَّلَهُ وَآخِرَهُ وَعَلَانِيَتَهُ وَسِرَّهُ» <i>Allahuma Agh'firiliy dhambiy kulahu Diqahu wa Jilahu wa Awalahu wa Akhirahu wa Alaniyatahu wa Sirahu</i> ⁸ * «اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ مِنَ الْكُفْرِ وَالْفَقْرِ وَعَذَابِ الْقَبْرِ» <i>Allahuma Iniy Audhubika minal Kufri wal Fakri wa Adhabil Qabri</i> ⁹
Uwakoze neza.	«Uwakorewe neza akabwira akabwira uwamukoreye neza ati: <i>Jazaka llahu Khayira</i> uwo aba asingije byuzuye. Undi nawe agasubiza ati: <i>Wa jazaka</i> cyangwa <i>wa Iyaka</i> »

¹ Nyagasani Mana nkwikinzeho ngo undinde amashitani y'igitsina gabo n'ayi gitsina gore. Wasohoka muri wc ukavuga uti: kubabarira ni ukwawe.

² Mana Nyagasani mbabarira ibyaha byanjye byose ibito n'ibinini ibya mbere nibya nyuma ibigaragara n'ibiyihishe.

³ Uratagatifutse Nyagasani wanjye ni shimwe ni iryawe Nyagasani Mana mbabarira.

⁴ Nyagasani Mana nikinze kukwishima kwawe uburakari bwawe no kubw'imbabazi zawe undinde ibihano byawe kandi nkwikinzeho ibihano biguturutseho, sinabasha kubarura ibisingizo byawe, ibisingizo byawe biri nkuko wisingije.

⁵ Mana Nyagasani nubamye kubera wowe kandi ni wowe nemeye nicishije bugufi kuri wowe, uburanga bwanjye bwubamiye uwaburemye abuha ishusho, amatwi n'amaso, aratagatifutse Allah we muremyi mwiza.

⁶ Mana Nyagasani ntandukanya n'ibyaha byanjye nkuko watandukanyije hagati y'iburasisirazuba n'iburengerazuba, Nyagasani nyezaho ibyaha byanjye nkuko umwenda w'umweru wezwaho ikizinga, Nyagasani nyogesho amazi n'urubura.

⁷ Mana Nyagasani nje nahuguye umutima wanjye cyane mta nubabarira ibyaha utari wowe mpa imbabazi ziguturutseho anangirire impuhwe kuko ni wowe Nyirimbabazi Nyirimpuhwe.

⁸ Mana Nyagasani nshoboza kugusingiza no kugushimira no kukugaragira uko bikwiye.

⁹ Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde ubuhakanyi n'ubutindi n'ibihano byo mu mva.

Ubonye Imvura.	<p>★ « اللهم صيبنا نافعاً »¹ «Allahuma Swayiban Nafian»(x2-3)¹</p> <p>★ « مطرنا بفضل الله ورحمته »² «Mutwir'na bi Fadwililahi wa Rah'matihi» Hanyuma agasaba icyo ashaka, kuko ubusabe mu mvura burakirwa.²</p>
Iyo umuyaga ukaze.	<p>« اللهم اني اسألك خيرها وخير ما فيها وخير ما أرسلت به وأعوذ بك من شرها وشر ما فيها وشر ما أرسلت به »³</p> <p>«Allahuma Iniy As'aluka Khayiraha wa Khayira ma Ur'silati bihi, wa Audhubika min Shariha wa Shari ma fiha wa Shari ma Ur'silati Bihi »³</p>
Ubonye ukwezi.	<p>« اللهم أهله علينا باليمن والإيمان والسلامة والإسلام، هلال خير ورشد، ربي وربك الله »⁴</p> <p><i>Ahiluhu Alayina bil Yumni wal Imani wa Salamatu wal Islam Hilalu Khayirin wa Rush'din Rabiyy wa Rabuka llahu</i>⁴</p>
Usezera agiye ku rugendo.	<p>« أستودع الله دينك وأمانتكم وعهكم »⁵ «Astaudiu llaha Dinaka wa Amanataka wa Khawatima Amalika»⁵</p> <p>Nawe agasubiza ati: « أستودعكم الله الذي لا تضيع ودائعه »⁶ «Astaudiukum llahu Ladhi la Tadwiu Wadaaiuhu»⁶</p>
Iyo ubonye icyigushimishije cyangwa wanga	<p>Intumwa Muhamad (Allah amuhwe amahoro n'imigisha) iyo yabonaga icyo akunda yaravugaga ati: «Al hamdu lilahi biniimatihi tatimu swalihati»⁷ yabona icyo yanga akavuga ati: «Al hamdu lilahi ala kuli hali»⁸</p>
UBUSABE BW'URUGENDO.	<p>اللَّهُ أَكْبَرُ، اللَّهُ أَكْبَرُ، اللَّهُ أَكْبَرُ ﴿سُبْحَانَ الَّذِي سَجَرْنَا لَنَا هَذَا وَمَا كُنَّا لَهُ مُقْرِنِينَ﴾ * وَإِنَّا إِلَىٰ رَبِّنَا لَمُنْقَلِبُونَ ﴿اللَّهُمَّ إِنَّا نَسْأَلُكَ فِي سَفَرِنَا هَذَا الْبَرِّ وَالْبَحْرِ، وَمِنَ الْعَمَلِ مَا تَرْضَىٰ، اللَّهُمَّ هَوِّنَا عَلَيْنَا سَفَرِنَا هَذَا وَاطْوِ عَنَّا بُعْدَهُ، اللَّهُمَّ أَنْتَ الصَّاحِبُ فِي السَّفَرِ وَالْخَلِيفَةُ فِي الْأَهْلِ، اللَّهُمَّ إِنِّي أَعُوذُ بِكَ مِنْ وَعَثَاءِ السَّفَرِ وَكَآبَةِ الْمَنْظَرِ وَسَوْءِ الْمُنْقَلَبِ فِي الْمَالِ وَالْأَهْلِ.﴾</p> <p>Allahu Ak'bar, Allahu Ak'bar, Allahu Ak'bar (<i>Subuhana Ladhi Sakhara lana Hadha, wa ma kuna Muqrinina, wa Ina ila Rabina lamunqalibuna,</i>) «Allahuma Ina Nas'aluka fi Safarina Hadha Al bira wa Taq'wa, wa minal Amali ma Tar'dwa, Allahuma Hawin Alayina Safarana Hadha wa Tuwi ana Buudahu, Allahuma Anta Swahibu fi Safariyy, wal Khalifatuu fil Ahali, Allahuma Iniy Audhubika min Waathai Safari wa Kaabatil Man'dhari, wa Suuil Munqalabi fil Mali wal Ah'li »⁹</p> <p>Yagaruka akabivuga nanone ariko akongera ho: « آيِبُونَ تَائِبُونَ عَابِدُونَ لِرَبِّنَا حَامِدُونَ »¹⁰</p> <p>« Ayibuna Taibuna Abiduna li Rabina Hamiduna ».</p>

¹ Mana Nyagasani iyi mvura yigire iyu mumaro.

² Twabonye imvura kubw'ingabire z'Imana n'impuhwe zayo.

³ Mana Nyagasani ndagusaba ibyiza byayo n'ibyiza biyirimo n'ibyiza yohererejwe, nka nikinga kuri wowe ibibi byayo n'ibibi biyirimo n'ibibi yohererejwe.

⁴ Mana Nyagasani izi mboneka z'ukwezi zigire kuritwe iz'ibyiza no kwemera n'amahoro n'ubuyisumu, ukwezi kw'ibyiza n'ubuyobo, Nyagasani wanjye ni nawe Nyagasani wawe (ukwezi).

⁵ Ndagije Imana idini yawe n'indagizo zawe n'impera z'ibikorwa byawe.

⁶ Mbaragije Imana yo ibiyiragijwe bidatara.

⁷ Nihashimwe Allah we k'ubwi nema ze ibyiza biratungana.

⁸ Ni hashimwe Allah mu buryo bwose.

⁹ Imana niyo nkuru, Imana niyo nkuru, Imana niyi nkuru, ubutagatifu ni ubw'uwatworohereje ibi ntitwari kugira ubutwari bwo kubyegeza, kandi twe kwa Nyagasani wacu niho tuzasubira, Nyagasani turagusaba ineza no kuganduka muri uru rugendo rwacu n'ibikorwa wishimira, Nyagasani tworohereze uru rugendo kandi uhine uburebure bwawo, Nyagasani ni wowe nshuti mu rugendo n'umusimbura mu banjye, Nyagasani njyewe nikinga kuri wowe ngo undinde ingorane z'urugendo, no kugaragara nabi no gusoraza nabi.

¹⁰ Tugarutse twicujije tugandukiye Nyagasani wacu kandi tunashimira.

UWAPFUYE	<p>« اللهم اغفر له وارحمه وعافه واعف عنه وأكرم نزله ووسع مدخله واغسله بالماء والثلج والبرد ونقه من الخطايا كما نقيت الثوب الأبيض من الدنس وأبدله داراً خيراً من داره وأهلاً خيراً من أهله وزوجاً خيراً من زوجته وأدخله الجنة وأعدّه من عذاب القبر ومن عذاب النار»</p> <p><i>Allahuma agh'fir lahu war'hamuhu waafihii waafu an'hu waakrimu nuzulahu wawasii mudikhalahu wagh'siluhu bil mai wa thalji wal baradi wa naqih minal khatwaya kama naqayita thaubul ab'yadwu mina danasi, wa abdiluahu dara khayira min darihi, wa ah'lan khayira min ah'lihi, wa zawuja khayira min zawujihi, wa ad'khiluhul janat, wa aidhuhu min adhabil qabri wa min adhabi nari»¹</i></p>
UBUSABE IYO UMUNTU AGEZE KU BURIRI	<p>« اللهم أسلمت نفسي إليك وفوضت أمري إليك وألجأت ظهري إليك رهبةً ورغبةً إليك لا ملجأ ولا منجى منك إلا إليك أمنت بكتابتك الذي أنزلت وبنبيك الذي أرسلت »</p> <p><i>« Allahuma As'lamutu Naf'siy Ilayika, wa Fawadw'tu Amuri Ilayika, wa Aljaatu Dhahariy Ilayika, Rah'batan wa Ragh'batan, Ilayika, La Mal'jaa wala Manjaa minka ila Ilayika, Amantu bi Kitabika Ladhi Anzalita, wa bi NABIYIKA Ladhi Ar'salita »²</i></p> <p>« الحمد لله الذي أطعنا وسقانا وكفانا وأوانا فكم ممن لا كافي له ولا مؤوي »</p> <p><i>« Al Ham'du lilahi Ladhi Atw'amana wa Saqana wa Kafana wa Awana fa kam mim Man la Kaafi lahu wala Muuwiya »³</i></p> <p>« اللهم قنني عذابك يوم تبث عبادك »</p> <p><i>« Allahuma Qiniy Adhaba Yauma Tab'athu Ibadaka »⁴</i></p> <p>« سبحانك اللهم ربّي بك وضعت جنبي وبك أرفعه إن أمسكت نفسي فاغفر لها وإن أرسلتها فاحفظها بما تحفظ به »</p> <p><i>« Subuhanaka Allahuma Rabiyy bika Wadwaatu Jan'biy, wa bika Ar'fauhu, in Amusak'ta Naf'siy fagh'fir laha, wa in Ar'sal'taha fah'fadwuha, bima Tah'fadwu biha Ibadaka Swalihina »⁵</i></p> <p>* Agacira mu ntoki ze agasoma Mawuidhatayini, ibiganza bye akabihanaguza umubiri wose. * Ntagomba kuryama ijoro ryose adasomye (Alif Lam Mim) A sajida na (Tabarakal Mul'ku).</p>
UBUSABE IGICHE USOHOTSE UGIVE	<p>« اللهم اجعل في قلبي نوراً وفي لساني نوراً وفي سمعي نوراً وفي بصري نوراً ومن فوقى نوراً ومن تحتي نوراً وعن يميني نوراً وعن شمالي نوراً ومن أمامي نوراً ومن خلفي نوراً واجعل في نفسي نوراً وأعظم لي نوراً وأعظم لي نوراً واجعل لي نوراً واجعلني نوراً اللهم أعطني نوراً واجعل في عصبي نوراً، وفي لحمي نوراً، وفي دمي نوراً، وفي شعري نوراً، وفي بشري نوراً »</p> <p><i>« Allahuma Ijial fi Qal'biy Nuura, wa fi Lisaniy Nuura, wa fi Samuiy Nuura, wa fi Baswariy Nuura, wa min Fauqiy Nuura, wa min Tah'tiy Nuura, wa an Yaminiy Nuura, wa an Shimaliy Nuura, wa min Amamiy Nuura, wa min Khal'fiy Nuura, wa Jial fi Naf'siy Nuura, wa Adwimu liy Nuura, wa Jial liy Nuura, wa Jial'niy Nuura, Allahuma Aatwiniy Nuura, wa Jiali fi Aswabiyy Nuura, wa fi Lah'mi Nuura, wa fi Damiy Nuura, wa fi Shaariy Nuura, wa fi Bashariy Nuura »⁶</i></p>

¹ Mana Nyagasani mubabarire umugirire impuhwe unamuhe kubaho neza unamubabarire, umuhe iruhukiro ryiza wagure imva ye unamwogeshe amazi n'urubura, umwezeho ibyaha nkuko umwenda w'umweru wezwaho umwanda, umuguranire inzu iruta iyo yarafite n'umuryango uruta uruta uwe n'umufasha uruta uwe, umwinjize mu ijuru umurinde ibihano byo mu mva n'ibihano byo mu muriro.

² Mana Nyagasani nshyize roho yanjye iwawe, kandi nguhariye ibyanjye mpungishirije umugongo wanjye iwawe ntinya ibihano byawe kandi niringiye impuhwe zawe, nta buhungiro nta no kukurokoka uretse guhungira iwawe, nemeye igitabo cyawe wamanuye n'Intumwa yawe wohereje.

³ Ni hashimwe Allah we udufunguriye akanatwicira inyota akanaduhaza akanaduha icumbi ni bangahe badafite uwabahaza n'uwabacumbikira.

⁴ Mana Nyagasani ndinda ibihano byawe umunsi uzazura abagaragu bawe.

⁵ Ubutagatifu ni ubwawe Nyagasani wanjye, k'ubwawe ndambitse urubavu rwanjye no k'ubwawe mbasha kubyuka, nuramuka usigaranye roho yanjye uyibabarire kandi nuyohereza uyirindishe ibyo urindisha abagaragu bawe beza.

⁶ Mana Nyagasani shyira mu mutima wanjye urumuri no ku rurimi rwanjye urumuri no mu matwi yanjye urumuri no mu maso yanjye urumuri no hejuru yanjye urumuri no muni yanjye urumuri n'iburyo bwanjye urumuri n'ibumoso bwanjye urumuri n'imbere yanjye urumuri

Umwe muri mwe nagira icyo ashaka gukora aje asenga Rakat ebyiri zitari itegeko hanyuma avuge ati:

« اللَّهُمَّ إِنِّي أَسْتَخِيرُكَ بِعِلْمِكَ، وَأَسْتَقْدِرُكَ بِقُدْرَتِكَ، وَأَسْأَلُكَ مِنْ فَضْلِكَ فَإِنَّكَ تَقْدِرُ وَلَا أَقْدِرُ وَتَعْلَمُ وَلَا أَعْلَمُ وَأَنْتَ عَلَامُ الْغُيُوبِ، اللَّهُمَّ فَإِنْ كُنْتَ تَعْلَمُ هَذَا الْأَمْرَ (نَمْ تَسْمِيهِ بِعَيْنِهِ) خَيْرًا لِي فِي دِينِي وَمَعَاشِي وَعَاقِبَةِ أَمْرِي - أَوْ قَالَ: عَاجِلِ أَمْرِي وَأَجَلِهِ - فَاقْدِرْهُ لِي وَيَسِّرْهُ لِي ثُمَّ بَارِكْ لِي فِيهِ وَإِنْ كُنْتَ تَعْلَمُ أَنَّ هَذَا الْأَمْرَ شَرٌّ لِي فِي دِينِي وَمَعَاشِي وَعَاقِبَةِ أَمْرِي - أَوْ قَالَ فِي عَاجِلِ أَمْرِي وَأَجَلِهِ - فَاصْرِفْهُ عَنِّي وَاصْرِفْنِي عَنْهُ وَاقْدِرْ لِي الْخَيْرَ حَيْثُ كَانَ ثُمَّ رَضِنِي بِهِ »

« *Allahuma Iniy Astakhiruka bi Il'mika wa Astaq'diruka bi Qudratika, wa As'aluka min fadwilika, fa inaka Taq'diru wala Aq'diru, wa Taalamu wala Aalamu, wa Anta Alamul Ghuyubi, Allahuma fa in kunta Taalamu Hadhal Amura (Akavuga icyo Ashaka) Khayira liy fi Diniy wa Maashiy, wa Aqibati Amuriy, cyangwa Akavuga ati : fi Ajili Amuriy wa Ajilili fa Aqdiruhu liy, wa Yasiruhu liy, thuma Bariki liy fih, wa in kunta Taalamu ana Hadhal Amura Sharu liy fi Diniy wa Maashiy, wa Aqibati Amuriy, fa Asw'rifuhu Aniy, wa Asw'rifuniy an'hu, wa Aqdiru liy Al khayira Hayuthu Kana, thuma Ar'dwiniy bihi »*

Ntabwo umuntu agira impagarara mu mutima cyangwa agahinda maze akavuga ati:

« اللَّهُمَّ إِنِّي عَبْدُكَ وَإِبْنُ عَبْدِكَ وَإِبْنُ أُمَّتِكَ نَاصِبَتِي بِيَدِكَ مَاضٍ فِي حُكْمِكَ عَدْلٌ فِي قَضَائِكَ أَسْأَلُكَ بِكُلِّ اسْمٍ هُوَ لَكَ سَمِيَتْ بِهِ نَفْسُكَ أَوْ عَلِمْتَهُ أَحَدًا مِنْ خَلْقِكَ أَوْ أَنْزَلْتَهُ فِي كِتَابِكَ أَوْ اسْتَأْتَرْتَهُ بِهِ فِي عِلْمِ الْغَيْبِ عِنْدَكَ أَنْ تَجْعَلَ الْقُرْآنَ رِبْعِي قَلْبِي وَنُورَ صَدْرِي وَجِلَاءَ حَزَنِي وَذَهَابَ هَمِي. إِلَّا أَذْهَبَ اللَّهُ هَمَهُ وَحَزَنَهُ وَأَبْدَلَهُ مَكَانَهُ فَرِحًا »

(*Allahuma iniy abduka wa ibun abdika wa ibun amatika naswiyatiy bi yadika madwi fi hukumika adilu fi qadwaika asialuka bikuli ismi huwa laka samayita bihi nafsaka ao alamutahu ahada min khalqika, ao anzaltahu fi kitabika, ao istaatharta bihi fi il'mil ghayibi indaka, an tajjalal qor'an rabia qalibiy wa nuru swadiriy wa jalau huzuniy wa dhihabu hamiy*)²

uretse ko Imana imukuriraho impagarara afite n'agahinda afite ikabihindura umunezero.

n'inyuma yanjye urumuri ushyire mu mutima wanjye urumuri kandi uhanike kuri njye urumuri unahambaze kuri njye urumuri ungenere urumuri kandi ungire urumuri, Mana Nyagasani mpa urumuri ushyire no mu mitsi yanjye urumuri no mu munyama zanjye urumuri no mu maraso yanjye urumuri no mumusatsi yanjye urumuri no mu mubiri yanjye urumuri.

¹ Mana Nyagasani nkugishije inama kubw'ubumenyi bwawe, nkanagusaba kubw'ubushobozi bwawe nkanagusaba mu ngabire zawe kuko wowe ufite ubushobozi nkaba ntabwo nfite, ukanagira ubumenyi njyewe ntabwo nfite, ni wowe uzi cyane ibyihishe, Mana Nyagasani niba ubona ko iki (ukavuga icyo ari cyo) ari cyiza kuri njye mu idini yanjye no mumibereho yanjye no mwiherezo ryanjye, cyangwa aravuga ati: Bibangutse cyangwa bitanze, cyingenere kandi ucyinyorohereze hanyuma ikimpemo imigisha. Kandi niba ubona iki ari cyibi kuri njye mu idini yanjye n'imibereho yanjye n'iherezo ryanjye, cyangwa aravuga ati: Bibangutse cyangwa bitanze, cyindinde unyigize kure yacyo, ungenere ibyiza aho byaba biri kandi umpe kubyishimira.

² Mana Nyagasani njyewe ndi umugaragu wawe n'umwana w'umugaragu wawe n'umwana w'umujakazi wawe, nta bubasha nta n'imbaraga uretse ibyo ngukeshya, itegeko ryawe kuri njye rirubahirizwa, urubanza rwawe kuri njye ntirubogama, nkusabishije buri zina ryane wiyise wowe ubwawe cyangwa wigishije umwe mu biremwa byawe cyangwa wamanuye mu gitabo cyawe cyangwa wihariye mu bumenyi bw'ibanga bwawe ngo ugire Qor'an umutako w'umutima wanjye n'urumuri rw'igituza cyanjye n'igikuraho umubabaro wanjye, uretse ko Nyagasani amukuriraho umubabaro we n'agahinda ke akabihindura mo ibyishimo.

IBICURUZA BYUNGUKA.

Imana yarutishije umuntu ibindi biremwa, imuha inema yo kuvuga, igikoresho kimufasha kuvuga ikigira ururimi, iyo ikaba ari inema ishobora gukoreshwa mu byiza no mu bibi, uyikoresheje mu byiza imugeza ku byiza by'isi, no mu nzego zo hejuru mu ijuru, naho uzayikoresha mu bitari ibyo, rumuzanira kurimbuka kw'Isi no ku mperuka, icyo umuntu rero akwiye gushyiramo igihe nyuma yo gusoma Qor'an ni ugusingiza Imana.

IBYZA BYO GUSINGIZA IMANA:

Ibyiza byo gusingiza Imana byaje muri **Hadith** nyinshi murizo twavugaga: **Hadith:** *“Ese mbabwire ibiruta ibindi mu bikorwa byanyu, bikaba bisukuye kwa Nyagasani wanyu kandi byo mu Rwego rwo hejuru kuri mwe, bikaba biruta kuba mwatanga Zahabu na Feza, bikanaruta kuba mwahura na banzi banyu, mubatema amajosi nabo babatema ayandi? Bati: Nibyo yewe ntumwa y’Imana, Ati: Ni ugusingiza Imana”* Yakiriwe na Tir'midhiy. **Hadith:** *«Urugero rw’umuntu usingiza Imana n’utayisingiza, ni nk’urugero rw’umupfu n’umuzima»* Yakiriwe na

Bukhariy na Muslim.

Ni Ijambo ry’Imana muri Hadith Al quduziy rigira riti: *«Njye ndi aho umugaragu wanjye ankeka, kandi ndikumwe nawe iyo ansingiza, Iyo ansingije mu mutima we nanjye muzirikana mu wanjye, ya nsingiza mu bantu be, nanjye nkamuvuga mu babaruta, yansanga ikirenge kimwe nkamwegera intambwe»*

Yakiriwe na Bukhariy. **Hadith:** *«Al Mufariduna baratambutse, baramubaza bati Mufariduna niki yewe ntumwa y’Imana? ati: Ni abasingiza Imana cyane, abagabo na abagore»* Yakiriwe na Muslim. Ni ijambo ry’Intumwa Muhammad agira inama umwe mu basangirangendo be ati: *«Ururimi rwawe rujye ruhora rutose kubera gusingiza Imana»* Yakiriwe na Tir'midhiy. N'izindi nyinshi.

UBURYO IBIHEMBO BYIYONGERA:

Ibihembo by'ibikorwa byiza biriyongera, nkuko ibihembo byo gusoma Qor'an byiyongera kubera: **1.** Kubera ukwemera kuri mu mutima w'umuntu, nu buryo yiyereza Imana, nu buryo ayikunda, ni bigendana n'ibyo. **2.** Uburyo umutima w'umuntu utekereza Imana, no kuyibandaho cyane, ntibibe k'ururimi rwe gusa.

Iyo ibyo byose bibonetse, Imana iguhanagurira ibyaha byose, ikanaguha ibihembo byuzuye, bikaba byagabanuka kandi kubera izo mpamvu.

INYUNGU ZO GUSINGIZA IMANA:

Sheikhul Islam Ibus Tayimiyat: yaravuze ati: Gusingiza Imana k'umutima bigereranywa n'amazi ku isamake, isamake yamera ite iramutse itandukanye n'amazi? **★**Gusingiza Imana byirukana shitani, bikayimwaza, bikayisuzuguzwa, bikanezeza Imana. **★**Bituma umuntu akundwa n'Imana, akayiba hafi, akayitinya, akayicuza ho, binafasha umuntu kuganduka. **★**Bikura impagarara mu mutima w'umuntu bikazana umunezero, bigaha umutima ubuzima, imbaraga n'umucyo. **★**Umwirato n'uburwayi bw'umutima ntakindi kibizitira atari ugusingiza Imana, n'umutima mubi nta kiworoshya, uretse gusingiza Imana. **★**Gusingiza Imana ni umuti w'umutima, ni biryo byawo, n'uburyohe bwawo utagereranya nu bundi, naho kutayisingiza ni uburwayi bw'umutima. **★**Gusingiza Imana gake ni ikimenyetso cy'uburyarya, no kuyisingiza cyane, ni ikimenyetso cy'ukwemera gukomeye, no gukunda Imana by'ukuri, kuko iyo umuntu akunda ikintu arakirata

cyane. ✨ Iyo umuntu amenyereye gusingiza Imana, mu bihe amerewe neza, Imana nayo imuzirikana igihe ari mu bibazo, cyane cyane iyo agiye gupfa. ✨ Gusingiza Imana ni impamvu yo kurokoka ibihano by’Imana, no kumanukirwa Ituze, no gutwikirwa n’impuhwe zayo, no gusabirwa imbabazi na abamarayika. ✨ Gusingiza Imana bituma ururimi ruhuga, ntirujye mu bidafite akamaro, ntiruvuge abandi, Ntirubunze amagambo, ntirubeshye, n’ibindi byose biziririjwe. ✨ Gusingiza Imana niyo masengesho atavunanye, kandi afite agaciro, kandi atunganyiriza nyirayo ijuru rye. ✨ Usingiza Imana yambikwa igitinyiro, no kuryoherwa n’amasengesho, no kugira uburanga bukeye, n’urumuri hano ku isi, no mu mva, no ku muni, w’izuka. ✨ Gusingiza Imana bituma Imana iguha amahoro, n’abamarayika bayo bakagusabira amahoro, n’Imana ivuga neza abayisingiza ku bamalayika bayo. ✨ Abanyabikorwa byiza baruta abandi, ni abarusha abandi gusingiza Imana, n’abasiba igisibo cyabo neza, ni abasingiza Imana cyane mu gisibo cyabo. ✨ Gusingiza Imana byoroshya ibikomeme, n’ibigoye, bikagabanya ibibazo, bikazana amafunguro, bigakomeza umubiri.

UBUSABE BWAKOMOTSE KU INTUMWA MUHAMAD BWA BURI MUNSI, MU GITONDO NA NIMUGORоба.

No	Ibyo uvuga buri munsi	Umubare n’igihe	Inyungu n’ibyiza
1	Ayatul Kurusiy ¹ .	Rimwe mu gitondo, ni mugoroba, na nyuma y’isengesho.	Shitani ntikwegera, ni impamvu yo kwinjira mu ijuru.
2	Ayat ebyiri zisheruka Surat Al baqarat ² .	Rimwe ni mugoroba cyangwa mbere yo kuryama.	Birinda ingorane za buri kintu.
3	Surat Al Ikh’laswu, na Al falaqi, na A naasi.	Gatatu mugitondo na nimugoroba.	Ziraguhagije kuri buri kintu.
4	"بِسْمِ اللَّهِ الَّذِي لَا يَضُرُّهُ شَيْءٌ فِي الْأَرْضِ وَلَا فِي السَّمَاءِ وَهُوَ السَّمِيعُ الْعَلِيمُ" <i>Bismilahi ladhi la yadwuru maa Ismihi Shayiu fil Ar’dwi wala fi Samai wa Huwa Samiul alim.</i> ³	Gatatu mu gitondo na nimugoroba.	Ntakibazo kimugeraho kimutunguye.
5	"أعوذ بكلمات الله التامات من شر ما خلق" <i>Audhu bi Kalimaati lahi Tamaati, min Shari ma Khalaqa</i> ⁴	(3) ni mugoroba n’igihe ushyitse ahantu.	Irinda ahantu buri kibi.

✨ اللَّهُ لَا إِلَهَ إِلَّا هُوَ الْحَيُّ الْقَيُّومُ لَا تَأْخُذُهُ سِنَّةٌ وَلَا نَوْمٌ لَهُ مَا فِي السَّمَوَاتِ وَمَا فِي الْأَرْضِ مَنْ ذَا الَّذِي يَشْفَعُ عِنْدَهُ إِلَّا بِإِذْنِهِ يَعْلَمُ مَا بَيْنَ أَيْدِيهِمْ وَمَا خَلْفَهُمْ وَلَا يُحِيطُونَ بِشَيْءٍ مِّنْ عِلْمِهِ إِلَّا بِمَا شَاءَ وَسِعَ كُرْسِيُّهُ السَّمَوَاتِ وَالْأَرْضَ وَلَا يَئُودُهُ حِفْظُهُمَا وَهُوَ الْعَلِيُّ الْعَظِيمُ

✨ ءَامَنَ الرَّسُولُ بِمَا أُنزِلَ إِلَيْهِ مِنْ رَبِّهِ وَالْمُؤْمِنُونَ كُلٌّ آمَنَ بِاللَّهِ وَمَلَائِكَتِهِ وَكُتُبِهِ وَرُسُلِهِ لَا تَفْرِقَ بَيْنَ أَحَدٍ مِنْ رُسُلِهِ وَقَالُوا سَمِعْنَا وَأَطَعْنَا غُفْرَانَكَ رَبَّنَا وَإِلَيْكَ الْمَصِيرُ ﴿٣٨٥﴾ لَا يُكَلِّفُ اللَّهُ نَفْسًا إِلَّا وُسْعَهَا لَهَا مَا كَسَبَتْ وَعَلَيْهَا مَا اكْتَسَبَتْ رَبَّنَا لَا تُؤَاخِذْنَا إِنْ نَسِينَا أَوْ أَخْطَأْنَا رَبَّنَا وَلَا تَحْمِلْ عَلَيْنَا إَصْرًا كَمَا حَمَلْتَهُ عَلَى الَّذِينَ مِنْ قَبْلِنَا رَبَّنَا وَلَا تُحَمِّلْنَا مَا لِإِطَاقَةِ لِنَابِكَ وَاعْفُ عَنَّا وَارْحَمْنَا أَنْتَ مَوْلَانَا فَانصُرْنَا عَلَى الْقَوْمِ الْكَافِرِينَ

³ (Kwizina ry’Imana yo ntakigira nabi hamwe n’izina ryayo ku isi cyangwa mu kirere kandi Imana irumva iranasobanukiwe)

⁴ (Ndikingiza amagambo y’Imana yuzuye ibibi by’ibiremwa yaremye)

<p>حسبي الله لا إله إلا هو عليه توكلت وهو رب العرش العظيم 6 <i>Hasibiya llahu La ilaha ila huwa, Alayihi Tawakal'tu, wa huwa Rabul Ar'shil Adwimi.</i>"¹</p>	(7) mu gitondo na nimugoroba.	Imana ikurangiriza ibibazo ufite kw'isi no ku mperuka.
<p>يا محمد <small>صلى الله عليه وسلم</small> وبالإسلام ديننا، وبمحمد <small>صلى الله عليه وسلم</small> نبينا 7 <i>Lahi raban, wabil Islami Dinan, wabil Muhamadi Nabiyan</i>"²</p>	(3) mu gitondo na nimugoroba.	Imana iramwishimira.
<p>اللهم بك أصبحنا وبك أمسينا وبك نحيا وبك نموت وإليك النشور: إذا أصبح قال 8 <i>Allahuma bika Asw'bahana wa bika Am'sayina, wa bika nah'ya wa bika Namutu, wa Ilayika nushuru.</i>³ اللهم بك أمسينا وبك أصبحنا وبك نحيا وبك نموت وإليك المصير: وإذا أمسى قال <i>Allahuma bika Am'sayina wa bika Asw'bah'na, wa bika nah'ya wa bika Namutu, wa Ilayikal maswiiru.</i>"⁴</p>	(1) mu gitondo na nimugoroba.	Intumwa Muhamad yarayitegetse cyane.
<p>أصبحنا على فطرة الإسلام، وكلمة الإخلاص، ودين نبينا محمد <small>صلى الله عليه وسلم</small> وملة أبينا إبراهيم <small>عليه السلام</small> حنيفا مسلما وما كان من المشركين 9 <i>Asw'bahana ala Fitratil Islam, wa Kalimatil Ikh'laswi, wa Dinu Nabiyyina Muhamad, wa Milati Abina Ibrahim Hanifa Muslima, wama Kana minal Mushirikina.</i>"⁵</p>	(1) mu gitondo.	Intumwa Muhamad yarayisabaga.
<p>اللهم ما أصبح بي من نعمة أو بأحد من خلقك فمنك وحدك لا شريك لك فلك: إذا أصبح قال 10 <i>Allahuma ma Asw'baha biy min niimati au bi Ahadi min Khal'qika, fa min'ka wah'daka, lasharika laka, falakal Ham'du, wa laka Shukru..</i>"⁶ (Nimugoroba ukavuga uti: اللهم ما أمسى بي من نعمة أو بأحد من خلقك فمنك وحدك لا شريك لك فلك الحمد ولك الشكر <i>" Allahuma ma am'sa biy min niimati ao bi ahadi min khal'qika faminka wah'daka la sharika laka falakal hamdu wa laka shukru"</i>⁷</p>	(1) ni mugoroba na mugitondo.	Umuntu abarangije gushimira kwe ku munsini joro.
<p>اللهم إني أصبحت أشهدك وأشهد حملة عرشك وملائكتك وأنبيائك وجميع خلقك بأنك أنت الله لا إله إلا أنت وأن محمدا عبدا ورسولا 11</p>	(4) mu	Ubivuze

¹ (Imana irahagije nta yindi Mana ibaho itariyo niyo niringiye kandi niyo Nyagasani w'intebe ihambaye)

² (Nishimiye ko Allah yaba Nyagasani wanjye na Islam ikaba idini yanjye na Muhamad akaba intumwa yanjye)

³ (Nyagasani twabyutse ku bwawe kandi twiriwe ku bwawe, kandi turiho ku bwawe tuzanapfa ku bwawe kandi iwawe niho tuzazurirwa).

⁴ Mana Nyagasani k'ubwawe twiriwe no k'ubwawe twaramutse no k'ubwawe tubaho no k'ubwawe tuzapfa kandi iwawe niho tuzagaruka.

Iyo yiriwe aravuga ati: Mana Nyagasani k'ubwawe twiriwe no k'ubwawe twaramutse no k'ubwawe tubaho no k'ubwawe tuzapfa kandi iwawe niho tuzagaruka.

⁵ (Tubyutse turi kuri kamere ya Islam no kw'ijambo rihamyeye no mu idini y'intumwa yacu Muhamad na gahunda ya data Ibrahim umukiranutsi akaba n'umuyislam kandi nti yari mu babangikanyamana)

⁶ Iyo aramutse aravuga ati: (Mana Nyagasani inema mbyukanye cyangwa zibyukanye umwe mu biremwa byawe zikomoka iwawe wenyine ntawe ubangikanye nawe ishimwe ni ryawe n'ishimwe).

⁷ Iyo wiriwe uravuga uti: Mana Nyagasani inema niriranywe cyangwa iziriranywe umwe mu biremwa byawe zakomotse kuri wowe gusa ntawe ubangikanye nawe mu bwami bwawe, gusingizwa ni ibyawe no gushimirwa.

	" <i>Allahuma Iniy Asw'bah'tu ushihiduka wa Ushihidu Hamalata Ar'shika, wa Malaikatika wa Ambiyaaka, wa jamii Khal'qika bi anaka anta ilahu la ilaha ila Anta, wa ana Muhamad Abduka wa Rasuluka.</i> " ¹	gitondo na (4) nimugoroba.	kane Imana imurokora mu muriro.
12	اللهم فاطر السموات والأرض عالم الغيب والشهادة رب كل شيء ومليكه أشهد أن لا إله إلا أنت، أعوذ بك من شر نفسي ومن شر الشيطان وشركه وأن أقترف على نفسي سوءاً أو أجره إلى مسلم <i>Allahuma fatwir Samawati wal Ar'dwi, Alimul Ghayibi wa Shahada, Rabu kuli Shayii wa Malikuhu, Ash'hadu an la ilaha ila Anta Audhubika min Shari Nafsiy wa min Shari Shayitwani wa Shir'kuhu wa an Aq'tarifu ala nafsy suan au ajurah ala muslim.</i> " ²	(1) mu gitondo na nimugoroba n'igihe ugiye kuryama.	Irinda umuntu impagarara za Shitani.
13	اللهم إني أعوذ بك من الهم والحزن وأعوذ بك من العجز والكسل وأعوذ بك من الجبن والبخل وأعوذ بك من غلبة الدين وقهر الرجال <i>Allahuma Iniy Audhubika minal Hami wal Huzuni, wa Audhubika minal Ajizi wal Kasali, wa Audhubika minal Jubuni wal Bukhuli, wa Audhubika min Ghalabati Dayini wa Qahari Rijali.</i> " ³	(1) mu gitondo na nimugoroba.	Ikurinda ibibazo n'umwenda ukarihwa.
15	اللهم أنت ربي لا إله إلا أنت خلقتني وأنا عبدك وأنا على عهدك ووعدك ما استعطيت أعوذ بك من شر ما صنعت أبوء لك بنعمتك علي وأبوء لك بدنبي فاعفر لي فإنه لا يغفر الذنوب إلا أنت <i>Allahuma Anta Rabi la ilaha ila Anta Khalaq'taniy wa Ana Abduka wa Ana ala Ah'dika wa waadika mas'tatwaatu, Audhubika min Shari ma Swanaatu Abuu laka bi Niimatika alaya wa Abuu laka bidhambi fagh'fir liy fa inahu la yagh'firu dhunuba ila anta.</i> " ⁴	Shebuja wo Gusaba imbabazi (1) mu gitondo na nimugoroba.	Uyivuze mu gitondo cyangwa nimugoroba agapfa ajya mu ijuru.
16	يا حي يا قيوم برحمتك استغيث أصلح لي شأني كله ولا تكلني إلى نفسي طرفة عين <i>Ya hayu ya Qayumu birah'matika As'taghithu Asw'lihul liy Shaaniy kulahu wala Tukil'niy ila nafsy twarafata ain.</i> " ⁵	(1) mu gitondo na Nimugoroba	Intumwa Muhamad yayitegetse Fatwimat.
17	اللهم عافني في بدني، اللهم عافني في سمعي، اللهم عافني في بصري، اللهم إني أعوذ بك من الكفر والفقير، اللهم إني أعوذ بك من عذاب القبر لا إله إلا أنت <i>Allahuma Afiniy fi badaniy, Allahuma afiniy fi Sam'iy, Allahuma Afiniy fi Baswariy, Allahuma Iniy</i>	(3) mu gitondo na nimugoroba	Intumwa Muhamad yarayisabye. Ni nko kurekura umucakara, no guhabwa ibyiza

¹ (Mana Nyagasani njyewe byutse ngutangaho umuhamya n'abamalayika bikoreye intebe yawe n'abamalayika bawe n'intumwa zawe n'ibiremwa byawe byose ko ari wowe Mana nta yindi Mana itari wowe na Muhamad akaba intumwa yawe n'umugaragu wawe)

² (Mana wahanze amajuru n'Isi wowe uzi ibyihishe n'ibigaragara Nyagasani wa buri kintu ukaba n'umugenga wacyo ndahamya ko nta yindi Mana itari wowe ndikinga kuri wowe ibibi by'umutima wanjye n'ibibi bya shitani no kukubangikanya no gukorera umutima wanjye ibibi cyangwa guhuguza umuyislam)

³ (Mana Nyagasani nkwikinzeho ngo undinde impagarara z'umutima n'agahinda nkaba nkwikinzeho ngo undinde gutsindwa n'ubunbwe n'ubwoba n'ubugugu no kunanirwa kwishyura umwenda no kuneshwa)

⁴ (Mana Nyagasani ni wowe murezi wanjye warandemye nkaba umugaragu wawe kandi ndi kw'isezerano ryawe uko nshoboye nikinze kuri wowe ngo undinde ibibi nakoze nemera inema zawe kuri nje nemera ibyaha byanjye mbabarira kuko ntawubabarira ibyaha utari wowe)

⁵ (Yewe Mana nzima igenga byose kubw'impuhwe zawe ndagutabaza none ntunganyiriza ibyange byose ntubimparire na gato)

<p><i>Audhubika minal Kufri, wal Fakri, Allahuma Iniy audhu bika min adhabil qabri, laa ilaha ila anta.</i>¹</p>	<p>icumi, no gukurirwaho ibibi icumi, no kuzamurwa inzego icumi, no kurindwa shitani.</p>
<p>18 اللهم اني اسألك العافية في الدنيا والآخرة، اللهم اني اسألك العافية في ديني ودنياي وأهلي ومالي، اللهم استر عوراتي وأمن روعاتي، اللهم احفظني من بين يدي ومن خلفي وعن يميني وعن شمالي ومن فوقي وأعوذ بعظمتك أن أغتال من تحتي</p> <p><i>Allahuma iniy as'alukal afiya fiy duniya wal akhirat Allahuma iniy as'alukal afiyat fi diniy wa duniyaya wa ahliy wa maliy, allahuma s'tur auratiy wa aamin rauatiy, allahumah'fidh'niy min baini yadaya wa min fauqiy, wa audhu biadhamatika ani ugh'taala min tah'tiy.</i>²</p>	<p>Igitondo n'ikigoroba Intumwa y'Imana ntiyarekaga gukoresha aya magambo iyo bwabaga bwije cyangwa bukeye.</p>
<p>19 سبحان الله ويحمده عدد خلقه، ورضا نفسه، وزنة عرشه، ومداد كلماته</p> <p><i>'Subuhana llahi wa Biham'dihi Adada khal'qih, wa Ridwa Nafsihi wa Zinatu arshihi wa midada kalimatih</i>³</p>	<p>(3) mu gitondo. Ni byiza kuruta gusingiza kuva mugitondo kugera kugasusuruko.</p>

¹ (Mana mpa ubuzima bwiza mu mubiri wanjye, no mu matwi yanjye no mu maso yanjye, Mana nkwikinzeho ngo undinde ubuhakanyi n'ubutindi, Mana nkwikinzeho ngo undinde ibihano byo mu mva nta yindi Mana ibaho itari wowe)

² (Mana ndagusaba ubuzima bwiza ku Isi no mumpera Mana Nyagasani ndagusaba ubuzima bwiza mu Idini yanjye no mu Isi yanjye no ku bantu banjye n'umutungo wanjye, Mana hisha ubwambure bwanjye unampumurize Mana rinda imbere yanjye no hejuru yanjye nikinze k'ubuhambare bwawe ngo ntazacicwa hasi)

³ (Ubutagatifu ni ubw'Imana n'ishimwe ni iryayo bingana n'ibiremwa byayo no kunezerwa k'umutima wayo n'uburemere bw'intebe yayo)

**BIMWE MU BIKORWA N'AMAGAMBO
BYAVUZWE KO BIFITE IBIHEMBO BYINSHI:**

No	Ijambo cyangwa igikorwa cyiza.	Ibihembo byacyo muri Hadith Intumwa Muhamad ati:
1	Kuvuga: “La ilaha ila llahu wah’dahu la sharika lahu, lahul Mul’ku wa lahul Ham’du, wa Huwa ala kuli Shayiin Qadiir”	“Uzavuga aya magambo buri muni inshuro (100) uwo abarwa nkuwarekuye abacakara icumi, akandikirwa Ibyiza (100), agahanagurirwa ibibi (100), kandi aba arinzwe Shitani kuri uwo muni, nta nuwamurusha ibikorwa byiza, kereka uwamurusha kuvuga ayo magambo kenshi”
2	Kuvuga: “Subuhana llahil adhimi wa biham’dihi”	Uzavuga <i>“Sub’hana llahil adhimi wa biham’dihi”</i> atererwa igiti cy’itende mu ijuru.
3	Kuvuga: “Subuhana llahi wa biham’dihi, Subuhana llahil adhimi”	“Uzavuga: (<i>Sub’hana llahi wa biham’dihi sub’hana llahil adhimi</i>) inshuro (100), ahanagurirwa ibyaha nubwo byaba bingana n’umucanga wo mu nyanja, nta nuzazana k’umuni w’imperuka ibikorwa biruta ibye, uretse uzavuga nk’ibyo yavuze cyangwa akarenzaho” “Amagambo abiri yoroshye k’ururimi aremereye ku munzani, akundwa cyane n’Imana.
4	Kuvuga: “Lahaula wala Quwata ila bilahi”	“Ese nkubwire ubutunzi bwo mu ijuru? ndavuga nti: nibyo. intumwa Muhamad ati: ni <i>“Lahaula wala Quwata ila Bilahi”</i>
5	Gusaba ijuru no kwikinga umuriro.	Uzasaba Imana ijuru inshuro eshatu, ijuru riravuga riti: Nyagasani mwinjize mu ijuru, n’uwikinze ku Mana umuriro inshuro eshatu, umuriro uravuga uti: Nyagasani murinde umuriro.
6	Ubusabe buhanagura ibyaha by’ikicar.	Uzicara mu cyicaro akahavugira amagambo menshi maze mbere yuko ahaguruka muri icyo cyicaro cye akavuga ati: (<i>Sub’hana llahi wa biham’dihi wa ash’hadu an la ilaha ila anta astaghafiruka wa atubu ilayika</i>), ahanagurirwa ibyaha yakoreye muri icyo cyicaro byose.
7	Gufata mu mutwe zimwe muri ayat za suratul kah’fi	Uzafata mu mutwe ayat icumi za mbere za surat al kah’fi azarindwa ibigerageze bya Dajali.
8	Gusabira Intumwa Muhamad.	“Uzansabira rimwe Imana imuhemba inshuro cumi (10), agahanagurirwa ibyaha (10), akazamurwa inzego (10)” no muyindi Mvugo: “Yandikirwa ni byiza (10)”
9	Gusoma amwe mu masura ya Qor’an cyangwa imwe mu mirongo yayo.	“Uzasoma buri muni imirongo (50) nta zigera yandikwa mu ndindagizi, nuzasoma imirongo (100) yandikwa mu baca bugufi, nusomye (200), Qor’an ku Muni w’imperuka ntizamuburanya, nusomye (500) yandikirwa ibihembo byinshi”
10	Ibihembo by’umuntu utora Adhana	“Nta kintu na kimwe cyumva ijwi ry’utora Adhana amajini n’abantu, uretse ko kizaba umuhama kuri we ku muni w’imperuka” “Abatora Adhana nibo bazaba bafite amajosi maremare k’umuni w’imperuka”
11	Gukurikira utora Adhana igihe ayitora, no gusaba ubusabe nyuma yayo.	“Uzavuga igihe yumvise Adhana ati: <i>Allahuma Raba hadhihi daawati tamat wa Swalatul Qaimati Aati Muhamadan Al wasilata wal fadwilata wa buathuhu Maqaman Mah’muda aladhi waad’tahu</i> ” Ubuvugizi bwanjye ni ngombwa kuriwe”
12	Gutawaza neza.	“Uzatawaza neza ibyaha bye bimuvaho, kuburyo biva no muni y’inzara ze”
13	Ubusabe nyuma yo gutawaza.	“Nta Muntu numwe muri mwe uzatawaza neza yarangiza akavuga ati: <i>Ash’hadu an la ilaha ila llahu, wa ana Muhamada</i>

		<i>abduhu wa Rasuluhu</i> , uretse ko azafungurirwa imiryango (8) y'ijuru akazinjira muwo ashaka”
14	Gusenga rakat (2) nyuma yo gutawaza.	“Nta muntu uzatawaza neza hanyuma agasenga Rakat (2) azishyizeho umutima n’uburanga uretse ko biba ngombwa ko yinjira mu ijuru.
15	Gutera intambwe nyinshi ujya mu musigiti.	“Uzajya mu musigiti w’imbaga buri ntambwe imuhanagurira ibyaha, indi akayandikirwa ibyiza, kujya yo no kuva yo”
16	Kwitegura no kuzinduka ukajya gusenga i Juma.	“Uzoga ku muni w’ijuma, akazinduka, akagenza amaguru, akegera Iman, akumviriza inyigisho nta kine, kuri buri ntambwe abona ibihembo by’igisibo n’igihagararo cya nijoro by’umwaka wose” “Ntabwo umuntu azoga ku ijuma akanisukura uko ashoboye akanisiga amavuta cyangwa amarashi y’iwe agasohoka ntatandukanye abicaye ari babiri agasenga ibyo agomba gusenga maze agatuzza igihe Imamu atangiye kuvuga, uretse ko ababarirwa ibyaha hagati yiyo Juma n’iyikurikiye”
17	Kudacikwa na Tak’biratul ih’rami	“Umuntu uzasenga kubera Imana iminsi mirongo ine mu mbaga adacikwa na Tak’bira ya mbere, yandikirwa kurokoka ibintu ibiri: Kurokoka umuriro no kurokoka uburyarya”
18	Gusenga isengesho ry’itegeko mu mbaga.	“Isengesho ry’imbaga rirusha iry’umuntu ku giti cye inzego (27)”
19	Gusenga Al ishau na Al fajir mu mbaga.	“Uzasenga Al ishau mu mbaga abarwa nkuwahagaze igice cy’ijoro, n’uzasenga Al fajir mu mbaga ni nkaho aba asenze ijoro ryose”
20	Gusengera ku murongo w’imbere.	“Iyaba abantu bamenyaga ibyiza byo gutora Adhana n’umurongo w’imbere, hanyuma ntibawubone hatabayeho Tombora bayikora”
21	Guhozaho amasengesho y’isunat za mbere na nyuma y’iswala	“Uzasenga buri muni Rakat (12) azubakirwa inzu mu ijuru, Rakat (4) mbere ya Adhuhur ne (2) nyuma yayo, na Rakat(2) nyuma ya Magh’ribi, na Rakat (2) nyuma ya Al Ishau, na Rakat (2) mbere ya Al Fajir”
22	Gusenga sunat nyinshi no kwihatira kuzihisha	“Ningombwa kuri wowe kubamira Imana cyane, kuko ntuzubamira Imana rimwe uretse ko ikuzamura urwego, ikanaguhaganurira icyaha” “Isengesho ry’ubushake ry’umuntu aho abantu batamureba, ringana n’isengesho rye aho bamureba inshuro 25”
23	Isunat mbere ya Al fajir n’isengesho rya Al fajir.	“Rakat (2) za Al Fajir ziruta Isi n’ibiyiri ho” “Nuzasenga Al Fajir aba ari mu bwishingizi bw’Imana”
24	Isengesho rya Dwuha.	“Uko bukeye igikorwa cy’umwe muri mwe kibarwa nk’isadaka, buri Tas’bihi ni isadaka, na buri shimwe, na buri La ilaha ila Ilahu, na buri Tak’bira, kubwiriza ibyiza, kubuza ibibi ni isadaka, akanahemba atyo kuri buri Rakat ebyiri za Dwuha asenga”
25	Uwicaye mu cyicaro yasengeyemo asingiza Imana.	“Abamalayika basabira umuntu igihe akicaye mu kicaro cye yasengeyemo, agifite isuku, bakavuga bati: Mana mubabarire Mana mugirire impuhwe”
26	Gusingiza Imana nyuma ya Al fajir mu mbaga kugeza izuba rirashe maze agasenga Rakat ebyiri.	“Uzasenga Al fajir mu mbaga hanyuma akicara asingiza Imana izuba rikarasa agasenga Rakat ebyiri, uwo ahabwa ibihembo nki bya Hijat na Umurat byuzuye, byuzuye, byuzuye”
27	Umuntu ubyutse ni joro gusenga akabyutsa	“Umuntu ubyutse ni Joro gusenga akabyutsa umugore we bagasenga Rakat ebyiri hamwe bandikwa mu

	umugore we.	basingiza Mana cyane b'abagore n'abagabo”
28	Umuntu agambiriye gusenga ni joro ibitotsi bikamuganza.	“Nta Muntu ugambirira gusenga n'ijoro hanyuma ibitotsi bikamuganza, uretse ko Imana imwandikira ibihembo by'isengesho rye, n'ibitotsi bye akabyandikirwa isadaka”
29	Ububabw'umuntu winjiye mu isoko	“ <i>La ilaha ila llahu wahdahu la sharika lahu lahul mulku wa lahul hamdu yuhyi wa yumitu wa huwa hayu la yamutu biyadihil khayiru wa huwa ala kuli shayiin qadir</i> ” (Nta yindi Mana ibaho uretse Allah wenyine utagira uwo abangikanye nawe nyiru bwami no gushimwa arica kandi agakiza kandi ni muzima ntajya apfa kubera ukuboko kwe kw'ibyiza kandi we ashoboye byose)
30	Kuvuga: Subuhana llahi wal Hamdu lilahi wa Allahu Ak'bar (33) agasoza na La ilaha ila llahu...nyuma ya buri sengesho.	“Uzasingiza Imana (33) Agashimira (33) Agakuza Imana (33) byose hamwe bikaba (99) akavuga: <i>La ilaha ila llahu wah'dahu la sharika lahu lahul Mulku wa lahul Ham'du wa huwa ala kuli Shayiin Qadiir</i> , ababarirwa ibyaha bye nubwo byaba bingana n'umusenye wo mu nyanja”
31	Gusoma Ayatul kurusiy nyuma ya buri sengesho ry'itegeko.	“Uzasoma Ayatul Kurusiy nyuma ya buri sengesho ry'itegeko, nta kizamutinzira kwinjira mu ijuru uretse gupfa”
32	Gusura umurwayi.	“Nta muyisumu uzasura undi arwaye mu gitondo, uretse ko azasabirwa n'abamarayika ibihumbi mirongo irindwi, kugeza bwije. Yamusura ikigoroba nabwo bakamusabira kugeza bukeye, kandi azagira ubusitani bw'amatunda mu ijuru”
33	Gusabira umuntu ufite ibigeragezo	Uzabona umuntu uri mu bigeragezo maze akavuga ati: “ <i>Al hamdu lilahi ladhiy afaniy mima ibtalaka bihi wa fadwalaniy ala kathiri mima khalaka tafdwila</i> ” ntabwo ibyo byago bimugeraho.
34	Umuntu wihanganishije uwagize ibyago.	“Uzihanganisha uwagize ibyago abona ibihembo nk'ibye” “Nta muyisumu wihanganisha mugenzi we wagize ibyago uretse ko Imana imwambika imitako y'ubuntu bwayo”
35	Gusengera umurambo ukawuherekeza kugeza ushyingwe.	“Umuntu wageze k'umurambo kugeza usengewe afite Qiratwu (1), nuri kumwe nawo kugeza ushyingwe afite Qiratwu (2), bati Qiratwu ni iki yewe ntumwa y'Imana? Ati: ni nk'imisozi ibiri minini” Ibun Umari aravuga ati: twirengagije ibihembo bya qararitwi cyane.
36	Kubaka imisigiti kubera Imana.	“Uzubaka umusigiti kubera Imana nubwo waba ungana n'icyare cy'inyoni, Imana imwubakira ingoro mu ijuru”
37	Gutanga	“Nta muni numwe bucya abamalayika babiri batamanutse umwe akavuga ati: Mana ha umuntu utanga inshungu y'ibyo yatanze, undi ati: Mana utatanze umuhe kubura n'ibyo yari afite”
38	Gutanga isadaka.	“Idirihamu rimwe (1) rishobora kuruta ibihumbi ijana(100.000), bati: gute yewe ntumwa y'Imana? Ati: umuntu ufite amadirihamu abiri rimwe akaritanga isadaka, n'umuntu ufite umutungo mwinshi agakuramo ibihumbi ijana akabitanga” “Nta muyisumu uzatera igiti cyangwa agahinga imyaka maze ikaribwaho n'inyoni cyangwa umuntu cyangwa inyamaswa, uretse ko biba ari isadaka kuri we”
39	Inguzanyo idatangirwa inyungu.	“Nta muyisumu uzaguzanya mugenzi we inguzanyo kabiri uretse ko imwe ibarwa nk'isadaka”
40	Kwihanganira uwananiwe	“Uzihanganira uwananiwe kwishyura, kuri buri muni yandikirwa isadaka mbere yuko ideni ritinda, iyo ritinze

	kwishyura umwenda.	akamwihanganira, buri muni yandikirwa inshuro ebyiri ziryo isadaka”
41	Gusiba umunsi umwe (1) mu nzira y’Imana.	“Uzasiba umunsi umwe mu nzira y’Imana, Imana itandukanya uburanga bwe n’umuriro ibirometero (70)”
42	Gusiba iminsi itatu ya buri kwezi n’umunsi wa Arafat n’umunsi wa Ashuurau.	“Gusiba iminsi itatu ya buri kwezi na Ramadwani kugeza kuyindi Ramadwani, ni ugusiba igihe cyose” “Intumwa Muhamad yanabajijwe gusiba umunsi wa Arafat ati: bihanagura ibyaha by’umwaka ushize n’utaha” “abazwa Ashuurau ati: Ihanagura ibyaha by’umwaka ushize”
43	Gusiba iminsi itandatu (6) ya Shawali.	“Uzasiba Ramadwani agakurikiza ho iminsi itandatu y’ukwezi kwa Shawali amera nk’usibye umwaka wose”
44	Gusenga Tarawehe na Imam ikarangira.	“Umuntu nasengana na Imam kugeza asohotse, yandikirwa ko yasenze igihagararo cy’ijoro”
45	Gukora Umurat muri Ramadwani.	“Gukora Umura muri Ramadwani bingana na Hijat” “cyangwa Hijat hamwe nanjye” “Uzakora twawafu inshuro zirindwi maze agasenga rakat ebyiri, bingana no kurekura umucakara”
46	Hijat ikozwe neza	“Uzakora Hijat kubera Imana ntayanduze, cyangwa ngo ayonone, agaruka ameze nkuko nyina yamubuyaye ameze”
47	Ibikorwa byiza mu minsi (10) ya mbere ya Dhul Hijat.	“Nta minsi ikorwamo ibikorwa byiza bigashimisha Imana nkiyi minsi” avuga iminsi icumi (10) bati: yewe ntumwa y’Imana na Jihadi mu nzira y’Imana? Ati: nayo, uretse umuntu wagenda n’umutungo we ntihagire na kimwe kigaruka”
48	Ibitambo.	“Abasangirangendo babajije Intumwa Muhamad bati: Ibi bitambo ni ibyiki? ati: ni umugenzo w’umukambwe wanyu Ibrahim, bati: Twe biturebaho iki? Ati: kuri buri moya mufite ho icyiza, bati: ubwoya yewe ntumwa y’Imana? Ati: Buri rwoya mufiteho icyiza”
49	Ibihembo by’umumenyi n’agaciro ke.	“Agaciro k’umumenyi k’usenga nta bumenyi ni nk’agaciro ka nyje n’umuntu wo hasi muri mwe” “nuko ati: Imana n’abamalayika bayo ni biremwa byo mu majuru no mu mazi n’inshishi mu myobo yazo n’ifi bisabira uwigisha abantu ibyiza”
50	Gusaba Imana gupfira mu nzira yayo mu kuri.	“Usabye Imana gupfira mu nzira yayo mu kuri Imana imugeza ku rwego rw’abayipfiriye mu nubwo we yapfira ku buriri bwe”
51	Kurira kubera gutinya Imana, no kurinda mu nzira yayo.	“Amaso abiri ntazakorwaho n’umuriro: Ijisho ryarize kubera gutinya Imana, n’ijisho ryaraye k’uburinzi mu nzira y’Imana”
52	Kwiringira Imana no kureka kwicisha indasago no gusaba gukorerwa Ruqiyat no kutemera imyaku.	“Intumwa Muhamad yeretswe abantu mu nzozi, aza kubona abantu be barimo (70.000) bazinjira mu ijuru batabaruriwe nta n’ibihano banyuze mo, ni babandi baticisha indasago, ntibanasabe gukorerwa Ruqiyat , ntibemere imyaku y’inanyi biringira Nyagasani wabo gusa”
53	Ibihembo by’umuntu upfuye asize abana bato.	“Nta muntu w’umuyisumu uzapfa asize abana batatu (3) bato batarageza igihe, uretse ko Imana izamwinjiza mu ijuru kubera impuhwe zayo kuri abo bana”
54	Kubura amaso ukabyihanganira.	“Imana yaravuze iti: Ningerageza umugaragu wanjye kubura abakunzi be babiri (amaso), akihanganira, nyamushumbusha ijuru”
55	Kureka ikintu kubera gutinya Imana.	“Mu kuri wowe ntuzareka ikintu kubera gutinya Imana Nyagasani, uretse ko Imana izaguhaha ikiza kikiruta.”

56	Kurinda ubwambure n'ururimi.	“Umuntu uzandindira ikiri hagati y'inzasaya ze, n'ikiri hagati y'amaguru ye, nanjye mwijeje ijuru” “Ucecetse ararokoka”
57	Kuvuga Bismilahi winjira mu nzu noku biryo.	“Umuntu niyinjira iwe mu nzu akavuga izina ry'Imana yinjira noku biryo bye, Shitani iravuga ibwira bene wayo iti: Nta buryamo nta n'amafunguro byanyu hano, naho iyo yinjiye ntavuge izina ry'Imana, shitani iravuga iti: Mubonye aho kurara, atavuga izina ry'Imana no ku biryo bye, ikavuga iti: mubonye aho kurara n'ifunguro”
58	Umuntu ushimira Imana amaze kurya no kwambara umwenda mushya.	“Uzarya ibiryo akavuga ati: <i>(Al Ham'du lilahi ladhi Atwaamaniy hadha wa Razaqanihi min Ghayiri Hauli miniy wala Quwata)</i> , Azababarirwa ibyaha yakoze mbere” “Yakwambara umwenda mushya akavuga ati: <i>(Al ham'du lilahi ladhiy Kasaniy...)</i> ”
59	Umuntu ushaka ko Imana imworohera ingorane ku kazi ke.	“Fatwima yasabye Intumwa Muhammad umukozi, aramubwira we na Alliy ati: Ese mbarangire ibiruta ibyo munsaba? Ni muba mugiyeye kuryama mujye muvuga: Allahu Ak'bar (34) , na Subuhanallah (33) , na Al ham'dulilahi(33) , ibyo ni byiza kuri mwe kuruta umukozi”
60	Ubusabe mbere yo gukora imibonano mpuzabitsina n'umugore wawe.	“Iyaba umwe muri mwe Igihe ashatse kubonana n'umugore we yavugaga ati: <i>(Bismilahi Allahuma Janibuna Shayitwani, wa Janibu Shayitwana ma razaq'tana)</i> iyo Imana yabageneye umwana muri iyo mibonano, ntabwo Shitani yagira ikibi imukoraho na rimwe”
61	Umugore kunezeza umugabo we.	“Umugore uzasenga amasengesho ye (5), agasiba ukwezi kwe, akarinda ubwambure bwe, akumvira umugabo we, azabwirwa ati: injira mu ijuru mu muryango uwo ariwo wose ushaka” “Umugore uzapfusha umugabo, yari amwishimiye azinjira mu ijuru”
62	Kugirira neza ababyeyi bombi no kunga ubuvandimwe mu muryango.	“Kwishimirwa n'Imana bishingiye ku kwishimirwa n'umubyeyi” “Umuntu uzashimishwa no kugira ngo yongererwe amafunguro kandi azasige ibimukomoka ho, azunge ubuvandimwe mu muryango we”
63	Kurera imfubyi.	“Njye n'umuntu urera imfubyi mu ijuru tuzaba tumeze nkizi ntoki ebyiri, yerekana intoki ze ebyiri (mukubita rukoko na musumbazose)”
64	Imico myiza.	“Umwemera kubera imico ye myiza, azamurwa urwego akagera k'urwego rw'umuntu wirirwa asibye, akarara mu bihagararo” “Njyewe ndi umuyobozi.....azarara mu ijuru ryo hejuru uzarangwa n'imico myiza”
65	Kugirira impuhwe ibiremwa no kubibabarira.	“Abantu Imana igirira impuhwe mu bagaragu bayo, ni abagira impuhwe” “Ni mugirire impuhwe ibiri ku isi, azabagirira impuhwe uri mu ijuru”
66	Kwifuriza abayislahu ibyiza.	“Ntabwo umwe muri mwe azaba umwemera, atifurije mugenzi we icyo yiyifuriza ubwe”
67	Kugira isoni.	“Isoni nta kindi zizana kitari ibyiza” “Kugira isoni biri mu kwemera” “Ibintu bine (4) biri mu migenzo y'Intumwa zose: 1.Kugira isoni, 2.Kwisiga amarashi, 3.Gutera umuswaki, no 4.Kurongora ”
68	Kubanza gusuhuza abantu.	“Umugabo yaraje abwira Intumwa Muhammad ati: Asalam Alayikum , Intumwa Muhammad ati: Ubonye Ibyiza cumi (10),Haza Undi ati: Asalam alayikum wa rah'matullahi , Intumwa Muhammad ati: Ubonye makumyabiri (20), haza undi ati: Asalam Alayikum wa rah'matullahi wa barakatuhu , Intumwa Muhammad ati: Ubonye ibyiza mirongo itatu (30)”

69	Guhana ibiganza igihe musuhuzanya.	“Nta bayislamu babiri bazahura bagahana ibiganza, basuhuzanya, uretse ko bababarirwa ibyaha mbere yuko batandukana”
70	Kurwana ku cyubahiro cy’umuyislamu.	“Uzarwana ku cyubahiro cy’umuvandimwe we, Imana izakumira uburanga bwe umuriro k’umunsi w’imperuka”
71	Gukunda abakiranutsi no kwicarana nabo.	“Wowe uzaba hamwe nuwo ukunda” Anasi aravuga ati: Nta kintu cyashimishije abasangirangendo nk’iyi Hadith.
72	Abakundanye kubera Imana.	“Imana iti: Abakundana kubera nje, bazaba bari kuri Mimbar z’urumuri bagirirwe ishyari n’Intumwa n’abaguye k’urugamba mu nzira y’Imana”
73	Gusabira abayislamu	“Ubusabe bw’umuyislamu usabiye mugenzi we adahari burakirwa, k’umutwe we hashyirwa marayika uko asabiye umuvandimwe we ibyiza akavuga ati: Amina, nawe ubone nkabyo”
74	Gusabira abemera abagabo n’abagore imbabazi z’ibyaha.	“Usabiye imbabazi abemera n’abemerakazi, yandikirwa ibyiza kuri buri mwemera, umugabo n’umugore”
75	Gukura ikintu kibi mu nzira.	“Nabonye umuntu yidegembya mu ijuru kubera igiti yatemye akagikura mu nzira cyabuzaga abantu amahoro”
76	Kureka impaka no kubeshya.	“Njye ndi umuyobozi w’inzu iri mu ntangiriro z’ijuru, izahabwa umuntu uzareka impaka niyo yaba abifitiye uburenganzira” “N’inzu iri hagati mu ijuru y’umuntu uzareka kubeshya nubwo yaba ashyenga”
77	Gucubya uburakari	“Umuntu ucubya uburakari bwe yari ashoboye kugira icyo akora, Imana izamuhamagara ari imbere y’ibiremwa k’umunsi w’Imperuka ahitishwe mo umugore mwiza ashaka”
78	Kuvugaho umuntu ibyiza cyangwa ibibi	“Uwo muvuze ho ibyiza agomba kubona ijuru, n’uwo muvuze ho ibibi agomba umuriro, kuko mwe muri abahamya b’Imana hano ku isi”
79	Kudohorera umuyislamu no kumufasha no kumugirira ibanga.	“Uzakurira ho umwemera ingorane imwe mu ngorane z’isi, Imana izamukurira ho ingorane k’umunsi w’imperuka, uworohereje umuntu uremerewe, Imana imworohereza ku Isi no ku mperuka, n’uzagirira umuyislamu ibanga, Imana izarimugirira nawe ku isi no k’umunsi w’imperuka”
80	Gushyira imbere ubuzima bwa nyuma	Uzagira gushaka ubuzima bwa nyuma umugambi we, Imana imuha ubukungu bw’umutima, ikanamubungabunga, kandi ubukungu bw’Isi bukamwizanira bwanze bukunze”
81	Ubutabera bw’umuyobozi, umusore utunganye, guhoza umutima ku misigiti, gukunda kubera Imana	“Abantu barindwi Imana izabatwikira mu gicucu cyayo umunsi nta kindi gicucu kizaba gihari uretse icye gusa, umuyobozi utabogama, n’umusore wabyirukiye mu kugandukira Imana, n’umuntu umutima we uhora utekereza imisigiti, n’abantu babiri bakundanye kubera Imana bahujwe nayo banatandukana kubera yo, n’umuntu wahamagawe n’umugore w’umunyacyubahiro n’ubwiza ngo baryamane akavuga ati: njyewe ndatinya Imana, n’umuntu utanga isadaka akayigira ibanga kuburyo ukuboko kwe kw’ibumoso kutamenya icyo ukw’iburyo kwatanze, n’umuntu usingiza Imana yihereye amaso ye akamanuka mo amarira”
82	Gusaba imbabazi z’ibyaha	Umuntu wibanda kugusaba imbabazi z’ibyaha, Imana imucira icyanzu kuri buri ngorane, ikanamukiza imihangayiko, ikanamuha amafunguro k’uburyo adatekereza”

IBINTU BIBUJIJWE KANDI KIZIRA KUBIKORA.

№	IGIKORWA KIBUJIJWE.	INTUMWA MUHAMAD YARAVUZE ATI:
1	Gukora ugamije kwiyerekera abantu.	Imana iti: “Njyewe ndihagije ku bigirwamana, uzakora igikorwa ambangikanyamo, murekera mu ibangikanya rye”
2	Gutungana inyuma no kwangirika mu mutima	“Nzi abantu bazaza k’umunsi w’imperuka bafite ibyiza bingana n’imisozi ya Tihama byera cyane maze Imana ikabigira ivumbi ritumuka, Thaubanu aravuga ati: Yewe ntumwa y’Imana batubwire badusobanurire kugirango tutazaba muribo kandi tutabizi, aravuga ati: Ni abavandimwe banyu kandi ni bene wanyu, basenga mu ijoro ntuko namwe murisengamo, ariko iyo biherereye bakora ibyo Imana yaziririje”
3	Ubwirasi	“Ntawe uzinjira mu ijura afite kwiyemera mu mutima we nubwo kwaba kungana n’impeke y’ururo” Kwibona: ni ukwanga ukuri no gusuzugura abantu”
4	Kwambara imyambaro irenga utubumbankore	Kwambara imyambaro irenze biba k’umukenyero, ikanzu n’ikirema “Umuntu uzambara imyambaro miremire ikurura hasi agamije kwiyemera Imana ntizamureba k’umunsi w’imperuka”
5	Ishyari	“Mwirinde ishyari kuko rirya ibyiza by’umuntu nkuko umuriro urya inkwi” cyangwa ibyatsi.
6	Riba	“Intumwa Muhamad yavumye Riba n’uyitanga” “Idirihamu rimwe umuntu ari abizi ko ari riba rikaze kurusha gusambana inshuro mirongo itatu nesheshatu”
7	Unywa inzoga	“Ntabwo azinjira mu ijoro unywa inzoga n’uwemera uburozi, n’uca umubano mu muryango” “Umuntu unywa inzoga ntiyemererwa amasengesho ye iminsi mirongo ine”
8	Kubeshya.	“Ibihano bikaze bizaba k’umuntu uganira akabeshya kugira ngo asetse abantu, ibihano bikaze bizamubaho, bizamubaho”
9	Guperereza	“Umuntu wumviriza amagambo y’abantu kandi batabishaka, azasukwa mu matwi umushonge w’umuringa k’umunsi w’imperuka”
10	Gukora ibishusho.	“Mu kuri abafite ibihano bikaze k’umunsi w’imperuka kurusha abandi ni abakora ibishushanyo” “Abamarayika ntibinjira mu nzu irimo imbwa n’ibishusho”
11	Kubunza amagambo.	“Ubunza amagambo ntabwo azinjira mu ijuru” Kubunza amagambo: Ni ugukwirakwiza amagambo mu bantu ugamije konona.
12	Kuvuga umuntu adahari.	“Ese muzi kuvuga umuntu icyo aricyo? bati Imana n’intumwa yayo nibo babizi, ati: ni ukuvuga mugenzi wawe ibitamushimisha, bati: Ese niyo byaba aribyo? Ati: Niyo byaba aribyo, uba umuvuze udahari, byaba atari byo ukaba umusebeje”
13	Kuvuma	“Kuvuma umwemera bingana no kumwica” Ntimukavume umuyaga kuko urategekwa” “Ntabwo umuntu azavuma ikintu kidakwiriye umuvumo uretse ko umuvumo umugaruka ho”
14	Kumena ibanga.	“Umuntu mubi imbere y’Imana, kandi w’agaciro gake, ni umuntu uryamana n’umugore, hanyuma akamumenera ibanga”
15	Gukora ibiteye isoni	“Umuntu mubi imbere y’Imana kandi w’agaciro gake k’umunsi w’imperuka ni uwo abantu bacikaho kubera ibibi bye”

16	Gucyeka ho umuyisumu ubuhakanyi.	“Umuntu uzabwira mugenzi we ati: Yewe wa muhakanyi we, umwe muri bo aba ariwe, iyo ibyo avuze ari ukuri, bitaba ukuri bukamugaruka ho”
17	Kwiyitirira utari umubyeyi wawe.	“Uziyitirira utari se kandi abizi, ijuru kuri we ni ikizira” “Uzihakana se aba ahakanye”
18	Gutera umuyisumu ubwoba.	“Ntibyemewe umuyisumu gutera ubwoba mugenzi we” “Nuzereka mugenzi we icyuma abamarayika baramuvuma kugeza agishyize hasi”
19	Kwica uwahawe amutekano mu gihugu cya kislamu	“Uzica umuntu wahawe umutekano nta kuri, ntabwo azumva n’impumuro y’ijuru, kandi impumuro y’ijuru yumvwa mu ntera y’imyaka ijana”
20	Kwanga abakunzi b’Imana	Imana yaravuze iti: “Uzanyangira umukunzi, azaba antangarije intambara”
21	Kwita indyarya cyangwa umwononnyi databuja	“Ntuzite indyarya databuja, kuko abaye we muzaba murakaje Nyagasani wanyu”
22	Kurimanganya abo uyobora	“Nta muntu Imana yahaye kuyobora abantu, agapfa umunsi yapfuye yarabahuguje, uretse ko Imana iziririza kuri we ijuru”
23	Gutanga Fatuwa nta bumenyi.	“Uzatanga Fatuwa nta bumenyi, ibyaha bye bizaba kuwo ayihaye”
24	Kureka Ijuma cyangwa Al aswir.	“Umuntu uzareka ijuma eshatu (3), kubera ubunabwira Imana itera Cashet ku mutima we” “Nuzareka isengesho rya Al aswir ibikorwa bye biba impfabusa”
25	Kunabwira mu masengesho no kuyareka	“Itandukaniro riri hagati yacu n’abuhakanyi ni sengesho, uriretse aba ahakanye”
26	Kunyura imbere y’usenga	“Iyaba unyura imbere y’usenga yamenyaga ibyaha abona, guhagarara iminsi mirono ine kuri we byaba ari byiza kuri we kuruta kunyura imbere y’usenga”
27	Kubuza amahoro abasenga	“Uzaba yariye igitunguru cyangwa tungurusumu, ntazegere umusigiti wacu, kuko abamalayika babuzwa amahoro n’ikiyabuza abantu”
28	Kwiba ubutaka	“Uzatwara igice cy’ubutaka agihuguje, Imana izakimukubita hejuru ku Isi zirindwi k’umunsi w’imperuka”
29	Kuvuga amagambo arakaza Imana.	“Umuntu ashobora kuvuga ijamba rirakaza Imana ataryitaye ho, azaryumvira mu muriro wa Jahanama mu birometero (70)”
30	Kuvuga amagambo menshi udasingiza Imana.	“Ntimukavuge amagambo menshi mudasingiza Imana, kuko amagambo menshi yangiza umutima”
31	Kugira amagambo menshi	“Abantu nanga cyane kandi bazaba kure yanjye k’umunsi w’imperuka ni injajwa n’abanyamagambo menshi n’abiyemera”
32	Kwabagira gusingiza Imana	“Ntabwo abantu bazicara mu cyicaro badasingizamo Imana, cyangwa badasabiramo Intumwa yabo, uretse ko biba icyaha kuribo iyo Imana ishata irabahana yashaka ikabababarira”
33	Kugaragaza kwishimira ingorane zabaye k’umuyisumu	“Ntukagaragaze kwishimira ingorane za mugenzi wawe, kuko Imana ishobora kumugirira impuhwe ikaguha ibigeragezo wowe” “Uzasebya mugenzi we ku cyaha runaka ntabwo apfa atagikoze”
34	Kwangana kw’abayisumu	“Ntabwo byemewe ko umuntu atandukana na mugenzi we w’umuyisumu igihe kirenze iminsi itatu, uzatandukana na

		mugenzi we igihe kirenze iminsi itatu agapfa ajya mu muriro”
35	Gukora ibyaha k’umugaragaro	“Buri wese mu bantu banjye azababarirwa ibyaha uretse abagaragaza ibyaha”
36	Imico mibi	“Imico mibi yangiza ibikorwa by’umuntu nkuko vinegre yangiza ubuki”
37	Umuntu usubira kucyo yatanze ho izawadi.	“Umuntu wisubiraho ku izawadi yatanze, ni nk’imbwa iruka hanyuma ikarya ibirutsi byayo” “Ntibyemewe ko umuntu atanga ikintu hanyuma akisubiraho”
38	Guhuguza umuturanyi	“Kuba umuntu yasambanya abagore icumi byoroshye kuri we kurita kuba yasambanya umugore w’umuturanyi we, no kuba umuntu yakwiba amazu icumi biroroshye kuri we kuruta kuba yakwiba inzu y’umuturanyi we”
39	Kureba ibiziririje	“Umuntu yandikiwe uruhare rwe mu busambanyi ko agomba kubukora byanga bikunda, ubusambanyi bw’amaso ni ukureba, amatwi ubusambanyi bwayo ni ukumva, ubusambanyi bw’ururimi ni ukuvuga, ubusambanyi bw’ukuboko ni ugukora, ubusambanyi bw’ukuguru ni ukugenda, umutima urifuzza kandi ugashaka igitsina kikemeza cyangwa kigahakana”
40	Umugabo gukora k’umugore utamuziruriwe	“Kuba umuntu yajombwa igisongo cy’icyuma mu mutwe ni byiza kuri we kurusha kuba yakora k’umugore utari uwe” “Njyewe si nkora mu ntoki z’abagore”
41	Gushyingirana abantu babiri hatabayeho inkwano.	“Intumwa Muhamad yabujije Shigharu” Shigharu: ni Umuntu gushyingira undi umukobwa we nawe akamushyingira uwe nta nkwano bahanye”
42	Kuboroga igihe wapfushije	“Umuntu uborogerwa n’abantu be azahabwa ibihano bijyanye nuko yaborogewe k’umunsi w’imperuka” “Uwapfuye abona ibihano mu mva ye uko abantu be bamuborogera”
43	Kurahira ikitari Imana.	“Uzarahira ikitari Imana uwo aba ahakanye, cyangwa abangikanyije” “Uzajya arahira ajye arahira Imana cyangwa yicecekere” “Uzarahira ibikorwa by’itegeko (Iswala, izaka..) uwo ntari muri twe”
44	Indahiro y’ikinyoma.	“Umuntu uzarahira indahiro kugirango abone ibya mugenzi we w’umuyisumu kandi abeshya, azahura n’Imana imurakariye”
45	Kurahira mu bucuruzi.	“Mwirinde indahiro nyinshi mu bucuruzi kuko zimara ibicuruzwa, hanyuma zigakuramo umugisha” “Indahiro zimara ibicuruzwa zikanabikuramo umugisha”
46	Uwisanisha n’abahakanyi.	“Uwisanisha n’abantu aba muribo” “Ntabwo azaba muri twe uwisanisha nabatari twe”
47	Kubaka hejuru y’imva.	“Intumwa Muhamad yabujije gusiga irangi imva no kuyicara hejuru, no kuyubaka hejuru”
48	Ubuhemu.	“Ubwo Imana izakusanya abambere n’abanyuma ku munsi w’imperuka, buri muhemu azashyirwa ho idarapo, bavuge bati: ubu ni ubuhemu bwa kanaka mwene kanaka”
49	Kwicara hejuru y’imva.	“Kuba umuntu yakwicarira igishyitsi cyaka kigatwika umwenda we n’umubiri we biroroshye kuruta kwicara hejuru y’imva”
50	Uwishimira guhagurukirwa igihe yinjye	“Uwishimira ko abantu bamuhagurukira, ateganyeye icyicaro cye mu muriro”
51	Gusabiriza nta	“Ntabwo umuntu azatangira gusabiriza uretse ko Imana

	mpamvu.	imufungurira umuryango w'ubutindi" "Umuntu usaba abantu agakabwa uwo aba asaba igishyitsi cy'umuriro nashaka azagabanye cyangwa yongere ugusaba kwe"
52	Gupandishanya ibiciro mu bucuruzi.	"Intumwa Muhamadi yabujije umuntu utuye kugurisha umugenzi, no gupandishanya ibiciro, n'umuntu kugereka icyo mugenzi we yageretse"
53	Kurangisha mu musigiti.	"Uzumva umuntu arangisha ibyabuze mu musigiti aje avuga ati: Imana ntizabikugarurire, kuko imisigiti ntiyubakiwe ibyo"
54	Gutuka shitani	"Ntimugatuke shitani ahubwo mujye mwikinga ku Mana ibibi byayo" "Umwe muba sangirangendo yaravuze ati: Nari inyuma y'intumwa Muhamad maze indogobe ye irananirwa, ndavuga nti: shitani irarimbutse, arambwira ati: Ntukavuge ngo shitani irarimbutse, kuko iyo uvuze utyo, irikuza kugeza ubwo ingana n'inzu, ikavuga iti: k'ubwi ngufu zanjye, ariko ujye uvuga uti: Bismilahi , iyo uvuze utyo shitani irafobagana ikangana n'isazi"
55	Gutuka umuriro uterwa n'uburwayi	"Ntimugatuke uburwayi bw'umuriro kuko bukuraho ibyaha by'umuntu nkuko umuriro ukura imyanda ku cyuma"
56	Gukwiza ibiziririjwe no guhamagarira kubikora	"Uzahamagarira ubuyobe abona ibyaha nk'ibyo abamukurikiye, kandi ntacyo bigabanyije ku byaha byabo nabo"
57	Ibibujijwe mu kunywa	"Intumwa Muhamad yabujije kunywera k'umunwa w'ikirimo amazi" "Intumwa Muhamad yabujije kunywa uhagaze" "Yanabujije guhumekera mucyo unyweramo"
58	Kunywera mu gikoresho cya Zahabu na Feza.	"Ntimuzanywere mu byombo bya Zahabu na Feza, ntimukanambare Hariri n'imitako kuko ari ibyabahakanyi hano ku isi, bikazaba ibyanyu mu ijuru"
59	Kunyweshwa imoso.	"Ntihakagire muri mwe urisha ukuboko kw'imoso, kandi ntimuzanakunyweshe, kuko shitani irisha ikananyweshwa imoso"
60	Uciye ubuvandimwe.	"Ntabwo azinjira mu ijuru uca ubuvandimwe"
61	Kureka gusabira Intumwa Muhamad.	"Arahombye umuntu izina ryanjye rivugwa iruhande rwe ntanyifurize amahoro" "Umunyabugugu nyawe ni uwo mvugwa iruhande rwe ntanyifurize amahoro"
62	Gutunga imbwa.	"Umuntu uzatunga imbwa itari iyo guhiga, cyangwa iyo kurinda amatungo, buri muni igabanya ku bihembo bye ibingana n'imisozi ibiri minini"
63	Kugirira nabi inyamaswa.	"Umugore yahawe ibihano kubera injangwe, yarayifunze kugeza ipfuye yinjira mu muriro kubera yo" "Ntimukagire ikiremwa gifite ubuzima intego (icyo bigiraho kurasa)"
64	Kwambika inyamaswa inzogera	"Ntabwo abamalayika baherekeza urugendo rurimo imbwa cyangwa inzogera" "Inzogera n'indirimo za shitani"
65	Umunyabya ha iyo ahawe inema	"Nubona Imana yarahaye umugaragu wayo ibimunejeje ku isi kandi ikiri mu byaha bye, ibyo biba ari ukumwoshyosha, maze asoma ijambo ry'Imana rigira riti: <i>"Maze bamaze kwibagirwa ibyo bategetse tubafungurira imiryango ya buri bukungu, igihe batangiye kwishimira ibyo bahawe, tubafata tubatunguye, maze batakaza icyizere"</i>
66	Kurutisha ubuzima bw'isi ubwa nyuma	"Uzagira ubuzima bw'isi intego, Imana izashyira ubutindi bwe imbere ye, ikanasenyaga gahunda ze, kandi igeno rye rikaba ariryoro rimugeraho gusa"

URUGENDO RW'UBUZIRA HERESO.

Inzira yawe ijya mu ijuru cyangwa mu muriro: Imana iti: **Qor'an:** *“Yemwe abemeye nimutinye Imana na buri wese ashake icyo yiteganyiriza ejo hazaza.”* Sura Al Hash'r (59) Ayat 17

★**IMVA:** Ariyo ntangiriro y'ubuzima bwa nyuma, ikaba ari umwobo w'umuriro ku bahakanyi ni indyarya, ikaba n'ubusitani ku bemera. hari invugo zigaragaza ko hari ibihano mu mva ku byaha runaka muribyoye: * Kuba umuntu atirinda inkari zamutarukira. * Kubunza amagambo. * Kwiha mu minyago. * Kubeshya. * Kureka isengesho wiryamiye. * Kudasoma Qor'an. * Ubusambanyi. * Imibonano abagabo ku bagabo. * Kurya ibyiranga. * Kutishyura ideni. n'ibindi.

★ **Ikirinda umuntu ibihano byo mu mva:** Ibikorwa byiza ukoze kubera Imana, gusaba Imana ko yakurinda ibihano byo mu mva, gusoma Surat Al Mulku, n'ibindi.

★ **Abarindwa ibihano byo mu mva:** Ufufiye ku rugamba rwa **Jihadi**, umuntu wagiye ku birindiro mu nzira y'Imana, umuntu ufufiye ku **Munsi w'Ijuma**, ufufiye kubera indwara zo munda. N'abandi.

★**KUVUZA IMPANDA:** Impanda ni ihembe rinini riri mu kanwa ka marayika Israfil, akaba ategereje igihe azategekwa kurivuzwa: ubwa mbere: ibiriho byose bigahwera. Imana iti: **Qor'an:** *“Hakavuzwa impanda ibiri mu majuru no kw'isi bigahwera uretse ibyo Imana izashaka”* Sura Azumar (39) Ayat 68

Isi yose igatakaza gahunda, nyuma ya mirongo ine (40) Hakavuzwa indi mpanda yo kuzuka. Imana iti: **Qor'an:** *“Hanyuma ivuzwe bwa kabiri abantu bahaguruke mu mva zabo bakanuye amaso”* Sura Azumar (39) Ayat 68

★**IZUKA:** Hanyuma Imana yohereze imvura imeze imibiri y'abantu (Ihereye ku igufa ry'uruti rw'umugongo) abantu bakaba ibiremwa bishya bitazongera gupfa, nta nkweho bambaye, nta myenda, babone abamalayika n'amajini, bazazurirwa ku bikorwa byabo.

★**IGITERANE:** Imana izateranyiriza abantu hamwe kubera urubanza, bameze nk'abasinzi ku munsi ukomeye ungana n'Imyaka mirongo Itanu (50), ari nkaho bamaze isaha (1) kw'isi, izuba rikamanuka rikabegera cyane, bakabira ibyuya, hakurikijwe ibyaha byabo, aho niho abanyantegenke bazasubiranamo n'abirasi abahakanyi bagasubiranamo, shitani nayo igasubiranamo na bene wayo, bamwe bavuma abandi, abahuguje biruma intoki, Jahanama igakururwa n'imigozi (70) biri muguzi ukururwa n'abamarayika (70.000), abahakanyi nibayibona, bazifuzwa uwababera inshungu cyangwa kuba bahinduka itaka.

★**Naho Abanyabyaha:** Utaratanga i Zakat, imitungo ye izahindurwa umuriro ariyo yokeshwa, abirasi bazazurwa nk'ubushishi, umuhemu akozwe isoni, n'umujura asubize ibyo yibye, ibyahishwe byose bijye ahagaragara.

★**Naho abagandukira Mana:** Ntabwo ibiterane kizabatera ubwoba bo bazabona gihise nk'isengesho rya Adhuhur.

★**UBUVUGIZI:** Ubuvugizi bukomeye: ni umwihariko w'Intumwa Muhamad ku biremwa byose ku munsi w'igiterane, kugirango boroherezwe ingorane barimo kandi batangire kubarurirwa.

★**Ubuwugizi rusange:** Buzakorwa n'intumwa nabandi, nkubwo gukura abemera mu muriro, no kuzamurwa mu nzego.

★**IBARURA:** Abantu bazahagarikwa imbere ya Nyagasani wabo k'umurongo, Imana ibereke ibikorwa byabo bakoze, inababaze impamvu zabyo, inababaze

ubuzima babayeho uko babukoresheje, ubusore, umutungo, ubumenyi, Amasezerano, inema, kumva, kubona, umutima nama, uko ibyo byose babikoresheje.

Abahakanyi n'indiyarya bo bazabarurirwa imbere y'abantu bose, kugira ngo bacyahwe kandi bashinjwe n'abantu n'isi n'iminsi, amajoro, umutungo, abamarayika, ingingo z'umubiri wabo, kugeza ubwo babyemera.

Naho abemera bo Imana izabaha kwemera ibyaha byabo, kugeza ubwo abonye ko arimbutse birangiye, Imana imubwire iti: ***“Narabiguhishiriye ukiri ku isi none uyu muni ndabikubabariye”*** abambere bazabanza kubarurirwa ni abantu bi Intumwa Muhamad, n'igikorwa cyambere kizabanza kubarurirwa ni amasengesho no kwishyura amaraso.

KUNYANYAGIZA IBITABO BY'IBIKORWA:** Hanyuma hazabaho kunyanyagiza ibitabo by'ibikorwa by'abantu bakabifata (Kitarasize icyaha gito n'ikinini kitakibaruye - ***Sura Al Kafh (18) Ayat 49), umwemera azahabwa igitabo cye mu kuboko kw'indyo, naho umuhakanyi n'indiyarya babihabwe mu kuboko kw'imoso, inyuma y'umugongo we.

UMUNZANI:** Hanyuma hazabaho gupima ibikorwa by'abantu kugirango babihemberwe hakoreshejwe umunzani w'ukuri utibeshya ufite imitwe ibiri, ukazaremerezwa n'ibikorwa bijyanye n'amategeko y'Imana, byakozwe kubera Imana, mu bizaremereza umunzani ni; (La ilaha ila llahu***), imico mwiza, gusingiza Imana nka (***Al hamudu lilahi***) na (***Subuhana llahi wa bihamudihi subuhana llahil adhimi***), abantu bagahabwa ibihembo by'ibikorwa byiza bakoze, bakanahanirwa ibibi byabo.

***IKIZENGA:** Hanyuma abemera bakagezwa ku kizenga cy'amazi, uzakinywa ho ntazongera kugira inyota na rimwe, kandi buri ntumwa izaba ifite ikizenga ikini muri byo ari icy'intumwa Muhamad, amazi yacyo azaba yera kurusha amata, aryoshye kurusha ubuki, ahumura kurusha Miski, ibikombe byayo bikozwe muri Zahabu na Feza, ari byinshi nk'umubare w'inyenyeri, uburebure bw'icyo kizenga buruta kuva mu gihugu cya Jordan kugera Adin muri Yemeni, amazi y'icyo kizenga azaba aturuka mu mugezi wo mu ijuru witwa Kauthar.

***IKIZAMINI KU BEMERA:** Ku muni wa nyuma w'igiterane abahakanyi bazakurikira ibigirwamana byabo basengaga bibageze mu muriro ari imikumbo nk'iya matungo bagenza amaguru, cyangwa uburanga bwabo, hasigare abemera gusa n'indiyarya, Imana ibazire ibabaze iti: (Mutegereje iki?) bavuge bati : dutegereje Nyagasani wacu, bakazamumenyera ku murundi we awugaragaje bakikubita hasi bubanye uretse indiyarya.

Imana iti: ***Qor'an: “Umuni umurundi uzagaragazwa bagahamagarirwa kubama maze Ntibabishobore”*** ***Sura Al Qlam (68) Ayat 42*** Hanyuma bakurikire Imana, bashyirirwe ho inzira, Imana ibahe Urumuri, ariko urw'indiyarya ruzime.

***SIRATWA:** Ni ikiraro kiri hejuru y'umuriro wa Jahanama, abemera bazanyuraho bajya mu ijuru, intumwa Muhamad yasobanuye ibyicyo kiraro ati :

Hadith: “Ni nzira inyerera, ijomba nk'amahwa, ntoya cyane kurusha umusatsi, ityaye kurusha umuhoro” Yakiriwe na Muslim.

Hadith: “Abemera bakazahabwa urumuri hakurikijwe ibikorwa byabo, uzakabwa urumuri runini ruzaba rungana n'umusozi, uruto ni uruzaba ruri ku ino

ry'igikumwe rukabamurikira uko ibikorwa byabo bizaba bimeze, umwemera akanyura kuri Siratwa nko guhumbya no guhumbura, cyangwa nk'umurabyo, cyangwa nk'umuyaga, abandi nk'inyoni, abandi nk'ifarasi” Yakiriwe na Bukhariy na Muslim.

Naho indyarya nta rumuri zizaba zifite, bazasubira inyuma hanyuma hashyirwe igikinga hagati yabo n'abemera, nibagerageza kwambuka siratwa bajye bagwa mu muriro.

★ **UMURIRO:** Umuriro uzinjira mu abahakanyi, hamwe na bamwe mu bigometse mu bemera, hanyuma indyarya muri buri (1000) hazajya hinjira mu Muriro (999), umuriro ufite imiryango (7), uwo muriro urakaze kuruta uwa hano ku isi inshuro (70), abahakanyi mu muriro bazabyibuka kugirango bawumve kurushaho, kuburyo hagati y'urutugu rwe n'urundi hazabamo urugendo rw'iminsi (3), iryinyo ry'ikijigo cye rizaba ringana n'umusozo wa uhudi, uruhu nirushya rugashira ahindurirwe urundi kugirango yumve ibihano, ibinyobwa byabo mu muriro ni amazi yatuye acagagura amara, ibiribwa byabo mu muriro ni amahwa n'amashyira, uzaba afite igihano cyoroheje mu muriro azaba ahagaze ku bishyitsi bibiri byaka ubwonko butogota, ubujyakuzimu bw'umuriro ni kure cyane, hanazwemo nk'umwana akivuka yagera mu ndiba yawo amaze kuzuza imyaka (70), inkwi zawo ni abahakanyi n'amabuye, umwuka uvamo ni isumu, n'umwambaro wawo ni umuriro urya buri kintu, ntacyo usiga, uba ugurumana kandi uvugiriza, utwika uruhu ukagera ku magufa n'umutima.

★ **AL QINTWARAT:** (Hagati y'ijuru n'umuriro) Intumwa Muhammad ati: **Hadith:** *“Abemera nibamara gukiranuka n'umuriro bazahama Hagati y'ijuru n'umuriro, Hanyuma habeho kwishyurana, buri wese asubiza ibyabandi yambuye ku isi kugeza ubwo bazaba bamaze gucya neza, noneho bahabwe uburenganzira bwo kwinjira mu ijuru, ndarahira kuwo umutima wa Muhammad uri mu kuboko kwe buri wese azamenya inzu ye n'umwanya we mu ijuru, kurusha uko yamenyaga iwe ku isi”* Yakiriwe na Bukhariy.

★ **IJURU:** Ijuru aricyo cyicarwo cy'abemera, ryubakishije Zahabu na Feza, impumuro yaryo ni Miski, utubuye turimo ni Lulu na Yuquti, ubutaka bwaho ni Zaafarani, rifite imiryango (8), Ubugari bw'umuryango umwe ni urugendo rw'iminsi (3), ariko izuzura kubera umubyigano, Harimo inzego (100) hagati y'urwego n'urundi ninko hagati y'Ijuru ni isi.

★ **AL FIR'DAWUSI:** Niryo Juru ryo hejuru riruta ayandi, ariho imigezi yose ituruka, igisenge cyaryo ni intebe y'Imana, imigezi yaryo ni ubuki n'amata, inzoga, amazi atemba atagira iherezo, umwemera akayiyobora aho ashaka, ibiryo byaho ni bya buri gihe biri hafi cyane, harimo ihema rya Lulu ritarimo ikintu, ubugari bwaryo ni (60 km), rifite kuri buri nguni abantu, ubusore bwabo budashira imyenda yabo ntisaza, mu ijuru ntibituma, nta Mwanda ubamo, ibisokozo byabo ni Zahabu, impumuro yabo ni Miski, abagore babo ni beza, kandi ni amasugi, uwa mbere uzaryinjira ni Intumwa Muhammad n'izindi ntumwa, uzahabwa bike ni uzifuza ikintu agahabwa icumi, abakozi bo mu ijuru ni abana bato bameze nka Lulu zinyanyagiye, inema ihambaye mu ijuru, ni ukuzabona Imana, nno kwishimirwa nayo, no kubaho ubuzira herezo.

***Icyitonderwa:** Ibintu bikomeye umwemera, indyarya, umuhakanyi, banyuramo birakurikirana kuburyo umuntu agera mu cyicarwo cye ku mperuka.

UKO GUTAWAZA BIKORWA



Gutawaza byemerwa iyo bikoreshajwe amazi asukuye ari kuri kamere yayo cyangwa ayahinduye ibara n'impumuro n'uburyohe kubera ikintu gisukuye, nko guhinduka kubera kumara igihe kirekire.

★ Sibyiza gutawaza amazi akonje cyangwa ashyushye. ★ Amazi make iyo aguye mo Najisi, ahita yandura, naho amazi menshi (210L), ntiyandura keretse yahinduye ibara, impumuro cyangwa uburyohe.



Umuntu atangira gutawaza avuze bismilahi, ni byiza koza ibiganza buri gihe utawaje, bikaba itegeko iyo umuntu abyutse mu bitotsi gatatu.

★ Iyo Umuntu yibagiwe kuvuga Bismilahi, isuku ye iremerwa, yayibuka agitawaza akayivuga, ariko singombwa kongera gutangira gutawaza. ★ Sibyiza kurenza gatatu igihe woza aho utawaza.



Hanyuma agashyira amazi mu kanwa rimwe ubirindura amazi mu kanwa na gatatu nta kibazo.

★ Ntibubujijwe kumira amazi umaze kwiyunyuguza. ★ Ni byiza kunyuzwa umuswaki mu kanwa igihe wozamo. ★ Ni byiza gufatanya koza mu kanwa no gushyira amazi mu mazuru, ku tushyi rumwe, igice mu kanwa ikindi mu mazuru.



Hanyuma agashyira amazi mu mazuru rimwe ni ngombwa kuyashoreza gatatu.

★ Gushyira amazi mu mazuru ntibyemerwa bitakozwe bityo. ★ Ni byiza Gushyirisha amazi mu mazuru ukuboko kw'indyo, ugapfunisha imoso. ★ Ni byiza kwiyunyuguza cyane igihe udasibye.



Hanyuma koza mu maso, uherye ku gutwi ukagera kukundi, no kuntangiriro y'imisatsi kugera ku kananwa.

★ Ni tegeko kunyuzwa intoki mu bwanwa buke, bikaba byiza iyo ari bwinshi. ★ Ntibyemewe guhanagura mu maso amazi. ★ Ni byiza kubanza mu kanwa no mu mazuru mbere yo mu maso. ★ Si byiza koza mu maso imbere igihe woza uburanga. ★ Ni byiza kurenza amazi igihe woza mu maso ariko udasesagura.



Hanyuma akoza amaboko ye kuva ku ntoki kugeza hejuru y'inkokora.

★ Ni byiza kubanza indyo ku imoso iyo woza ukanayatsirita. ★ Koza ibiganza igihe utangiye gutawaza ni byiza ariko, ariko iyo woza amaboko ni itegeko. ★ Ni byiza gutandukanya intoki na amano.



Hanyuma ugasiga amazi umutwe wose uherye imbere ukageza inyuma, ukagarura imbere, ntagire icyo asiga, hanyuma akinjiza intoki mu matwi igikumwe kigahanagura inyuma yayo, uko wahanagura kose Biremewe.

★ Singombwa guhanagura imisatsi miremire irenga. ★ Iyo umuntu adafite imisatsi ahanagura uruhu rw'umutwe. ★ Ni byiza guhanagura hagati yugutwi n'umusatsi, kuko hari mu hagomba guhanagurwa. ★ Si byiza guhanagura inshuro renze imwe. ★ Si byiza gufura imisatsi mu mwanya wo gusiga nubwo byemewe.



Hanyuma akoza ibirenge n'utubumbankore.

- * Ni byiza kubanza indyo hanyuma imoso, unatsirita, no kunyuzwa intoki mu mano.
- * Ni ngombwa gukurikiranya ibi bikorwa.
- * Ni ngombwa kandi kubikorera icyarimwe.
- * Biremewe guhanagura amazi umaze gutawaza, ariko kuyareka nibyo byiza.
- * Gutawaza ntibyemerwa igihe ibihimba byose byogerejwe icyarimwe, nko kuba wakwibira mu mazi ugambiriye gutawaza.
- * Ni byiza kuvuga nyuma yo gutawaza uti: ***(Ash'hadu an La ilaha ila llahu wah'dahu la Sharika lahu, wa Ash'hadu ana Muhamada Abduhu wa Rasuluhu)*** no Gusenga Rakat ebyiri nyuma yo gutawaza.

UKO ISENGESHO RIKORWA



Iyo umuntu agiye gusenga abanza kuvuga ati: **Allahu Ak'bar**, Imam akavuga cyane ndetse n'izindi Tak'birat kugirango abari inyuma ye bumve, utari Imam akavuga buhoro, akazamura amaboko intoki z'ibiganza zegeranye, igihe atangiye Tak'bira akayageza hafi y'intugu, usengeshwa nawe atora Tak'birat nyuma ya Imam.

★ Ni itegeko ko umuntu atora Tak'birat ahagaze yemye, ntibyemewe k'uwunamye cyangwa uwicaye keretse udashoboye guhagarara. ★ Umuntu usenga agomba gushyiraho igikinga akakegera, ariko Imam arahagije kuri Maamumat. ★ I niyat iba mu mutima ntibyemewe kuyivuga. ★ Ntugomba kurenza cyangwa ukagira ubunembwe mu kuzamura amaboko kuri Tak'birat nkuko bigaragara ku gishushanyo.



Agafatisha indyo ye ikiganza cy'imoso ye akayashyira muni y'igituza cye, amaso areba aho yubama, agafunguza isengesho bumwe mu busabe bwaje, akikinga ku Mana akavuga bismilahi, ibyo byose abivuga bucece. Hanyuma agasoma Al fatihat n'indi Surat imworoheye Imam agasoma cyane kuri Al fajir na Rakat ebyiri za Magh'rib na Al Ishau no mu ibanga ahandi hasigaye.

★ Sibyiza gusoma Al fatihat kenshi mu i Rakat imwe, si byiza kandi kuyisoma yonyine mu i Rakat ebyiri zibanza. ★ Si itegeko kuri Maamumat gusoma ku i Rakat zo kurangurura kuko Imam aba amuhagiriye, ariko ni byiza gusoma Al fatihat igihe Imam aba acetsetse gato. ★ Ntabwo ari bibi gusoma i Surat imwe muri Rakat ebyiri, no kuyigabanya Rakat ebyiri. ★ Ntugomba gusoma i Surat nyinshi muri Rakat imwe, nta no gusoma i Surat umurungo wanyuma, cyangwa hagati, cyangwa kwibanda ku I Surat imwe kandi uziko nizindi zemewe. ★ Ni byiza gusoma Qor'an nkuko iri mu gitabo ikurikirana, si byiza kubusanya, kirazira gutandukanya amagambo cyangwa imirongo mu i Surat imwe.



Hanyuma agatora Tak'birat azamuye amaboko akajya Rukuu ashyize amaboko ku mavi ye nkaho ayafashe intoki zitatanze, kandi umugongo we urambuye n'umutwe akavuga ati: **Subuhana Rabiyal Adhimi**. Si byiza kubivuga rimwe gusa nibura gakeya kakaba.

★ Ni ngombwa kuvuga Tak'birat na (**Samia llahul man hamidahu**) muri ibyo bikorwa, kubivuga mbere cyangwa nyuma y'igikorwa sibyo, kuko uwo aba ari umwanya w'ikindi, ikigero cyemewe muri rukuu ni ugushobora gufatisha ibiganza byawe amavi nta bunembwe cyangwa gukabwa, nkuko bigaragara ku gishushanyo. ★ Iyo usanze Rukuu i Rakat uba uyisanze, gusa ni ngombwa gusanga yo Imam atareguka, kugirango Rakat yawe yemerwe. ★ Umuntu ushaka gusenga iyo yinjijye mu musigiti agasanga Imam yamaze kuva Rukuu, ni byiza kumukurikira aho ageze hanyuma ukaza kwishyura iyo Rakat.



Hanyuma akegura umutwe we avuga ati: (**Samia llahul Man Hamidahu**) akazamura amaboko, yamara kwema neza akavuga ati: (**Rabana wa Lakal Hamdu...**)

* Ntabwo usenga avuga : (Rabana wa Lakal Hamdu), atarema neza ntabwo avuga amagambo igikorwa kitarabaho. ★ Ashatse arekura amaboko nyuma ya Rukuu, yashaka akongera akayafunga. ★ Amagambo akoreshwa umuntu avuye Rukuu yaturutse ku intumwa Muhammad ni : Ubwoko bune (4) : **1. Rabana wa Lakal Hamdu. 2. Rabana Lakal Hamdu. 3. Allahuma Rabana wa Lakal Hamdu. 4. Allahuma Rabana Lakal Hamdu.** Ni byiza rero kuzinyuranya ntiwibande kuri imwe.



Hanyuma akamanuka akubama avuze Tak'birat inkokora ze akazitandukanya n'imbavu ze, n'inda ye igatandukana n'ibibero bye n'ibibero ntibyeegerane n'imfundiko ze, amaboko ye akayageza hafi y'intugu ze, amano ashinze hasi, intoki n'amano byerekeye Qiblat, akavuga ati: (**Sub'hana Rabiyal Aalaa**), ni byiza kubivuga gatatu(3), ashobora ariko no kurenza ho cyangwa agasaba ubusabe.

★ Ntibyemewe gusoma amaboko igihe uri Sijida nk'inyamaswa, nkuko bigaragara ku gishushanyo. ★ Gutandukanya amaboko ukayabamba byemerwa iyo ntawe biri bubangamire mu isengesho. ★ Ni ngombwa ko Sijida iba kubihimba (7), Amano abiri, amavi abiri, ibiganza bibiri, agahanga n'izuru. Isengesho riba imfabusa iyo uretse kubama kuri bimwe muri ibyo bihimba ubishaka.



Hanyuma akegura umutwe we avuze Tak'birat akicara ariko kwicara hagati ya Sijida ebyiri birimo ishusho ebyiri zemewe arizo: **1.** Kuba yasasa ukuguru kwe kw'imoso akakwicarira, akarambura indyo amano yayerekeje Kiblat. **2.** Kurambura amaguru akicara ku birenge amano yabyo areba Kiblat, akicarira udutsitsino akavuga ati: (*Rabi Gh'firiliy*), ashobora no kurenza ho aya magambo: (*Warhamniy, wa Jiburniy, wa Rifauniy, wa R'zuquniy, wa Nsur'niy, wa h'diniy, wa Afiniy, wa Afu Aniy*) Hanyuma akubama bwa kabiri nka mbere, hanyuma akegura umutwe we avuga Tak'birat

agahaguruka akoresheje intangiriro z'ibirenge, agasenga Rakat ya kabiri nk'iya mbere.

★ Si byiza kwicara ubundi buryo butandukanye nubwo twavuze, nkuko bigaragara ku gishushanyo, kuko ibyo aribyo byakomotse ku intumwa Muhamad. ★ Biremewe kwicara gato uruhuka ugiye guhaguruka ku i Rakat ya kabiri, nkaho wicaye hagati ya Sijida ebyiri, uretse ko ho udatinda uhita uhaguruka, iyo wicaye rero ako kanya ko kuruhuka uvuga Tak'birat wanahaguruka ukavuga indi. ★ Ntugomba gusoma Surat Al fatihat utarahagarara neza ngo weme, kuko aho igomba gusomerwa ari igihe uhagaze, iyo uyisomye utarahagarara neza ugomba kuyisubira mo umaze kwema, utabikora isengesho ryawe rikaba imfabusa.



Iyo urangije Rakat ebyiri uricara kuri Atahiyatu ya mbere ushashe ibibero, ugashyira ukuboko kw'imoso ku kibero cy'ibumoso, n'ukuboko kw'iburyo ku cy'iburyo, uhinnye intoki ebyiri, ugakunja igikumwe kigahura n'urutoki rururure, ukarambura urugomba kuramburwa, ukavuga uti: (*Atahiyatu Lilahi wa Swalawatu wa Twayibatu....*), warangiza ugahaguruka iyo ari isengesho rya Rakat (3-4) uvuze Tak'birat, akazamura amaboko ye, n'izindi Rakat zisigaye akazisenga atyo, uretse ko zo atumvikanisha ijwi nko kuzambere, agasoma Surat Al fatihat gusa.

★ Ni byiza amaso ye kuyerekeza k'urutoki rwa Shahadu, igihe wicaye atahiyatu. ★ Ni byiza gutunga urutoki rwa Shahadu ariko ruhinye ho gato kuri atahiyatu. ★ Si byiza kwicara ugatinda cyane birenze iyo urangije atahiyatu.



Hanyuma akicara kuri atahiyatu ya nyuma ashyikije ikibuno hasi, nabyo bigira ishusho, zemewe, kwicara tumaze kuvuga bikorwa gusa kuri atahiyatu ya nyuma, ku masengesho afite atahiyatu ebyiri, akavuga ati: (*Atahiyatu Lilahi wa Swalawatu wa Twayibatu....*), hanyuma agasabira Intumwa Muhamad agira ati : (*Allahuma Swali Ala Muhamad wa Ala Ali Muhamad....*), yarangiza agasaba icyo ashaka.

★ **Ishusho yo kwicaza ikibuno:** 1. Usasa ukuguru kw'imoso kugasohokera mu kw'iburyo muni y'umurundi, ukarambura ukw'indyo gukoze hasi. 2. Ni kimwe n'ishusho ya mbere, uretse ko usasa ukuguru kw'indyo. 3. Ni kimwe n'ishusho ya mbere, uretse ko ushyira ukuguru kw'imoso hagati y'imfundiko n'ikibero cyawe.

★ Ni byiza ko hano usaba ubusabe bwaturutse ku Intumwa Muhamad muribwo: (*Audhu bilahi min Adhabi Nari, wa Adhabil Qabri, wa Fitnatil Mah'ya wal Mamati, wa Fitnatil Masihi Dajali*) **Murizo nanone:** (*Allahuma Iniy Dhalamtu*

Naf'siy Dhul'man Kathira, wala Yagh'fir Dhunuba ila Anta, Fa gh'fir liy Magh'firatan min indika wa Riham'niy inaka Antal Ghafuru Rahimi) ★ Igihe wicaye si byiza kwishingikiriza ukuboko nta mpamvu.



Hanyuma ugatora salamu ebyiri ugahindikira iburyo ukavuga uti: (*Assalam Alayikum wa Rah'matu ilahi*), n'ibumoso ukabikora utyo. Warangiza gutora salamu ukavuga ubusabe bwabugenewe wicaye aho wasengeye.

★ Ni byiza guhindukira igihe utora salamu, ukabanza iburyo mbere y'ibumoso, si byiza kubanza ibumoso. ★ Si byiza kuzunguza ukuboko, iburyo n'ibumoso, cyangwa kuyegura no kuyabumba, igihe utora salamu, nkuko bigaragara ku gishushanyo.

Ubumenyi butagendana n'Ibikorwa, Imana irabwanga n'Intumwa yayo n'Abemera.

Imana iti : **Qor'an**: *“Yemwe Abemeye kuki muvuga ibyo Mudakora ni icyaha gikomeye ku Mana kuvuga ibyo Mudakora”*

Abu Hurayirat aravuga ati: (Ubumenyi budakoreshwa ni nk'Umutungo udatangwa mu Nzira y'Imana)

Al Fadwilu aravuga ati: (Umumenyi ahora ari Injiji iyo Atarakoresha Ubumenyi bwe)

Maliki bun Dinar aravuga ati: (Ushobora Guhura n'Umuntu yarize atakosa ni Nyuguti ni mwe, ariko Ibikorwa bye byose ari Amakosa)

UBUMENYI KUGENDANA N'IBIKORWA.

Muvandimwe Muyisumu n'Umuyislamukazi, Imana yakoroherereje Gusoma iki Gitabo gifite Akamaro, Inyungu rero yo Kugisoma Isigaye ni Ugukora ibyo wasomye mo.

☛ Hari Qor'an n'Ibisabanuro byayo byatambutse ugeregeze ujye ushyira mu Bikorwa ibyo wamenye mu Bisabanuro by'iyi Mironko kuko Abasangirangendo b'Intumwa Muhamad basomaga Imironko Icumi ku Intumwa Muhamad ntibagire Indi basoma bataramenya Ubumenyi bwose buri muri iyi mirongo, bakanashyira mu Bikorwa ibyo basabwa gukora nayo, bakavuga bati: (Twize Ubumenyi n'Ibikorwa) nkuko Idini Ibisaba.

Ibun Abasi aravuga ati : (Ijambo ry'Imana rigira riti : **Qor'an** : *“ Bayisoma (Qor'an) Ukuri ko Kuyisoma”*

Ni abayikurikiza Ukuri ko Kuyikurikiza.

Al Fadwilu aravuga ati : (Mu kuri Qor'an yamanutse kugirango Ikoreshwe, maze Abantu bayisoma babigira Umurimo)

☛ Nkuko nanone hari amwe muma Hadith yatambutse ihutire Kwitabira no Gushyira mu Bikorwa, kuko Abantu beza muri aba Bantu b'Intumwa Muhamad iyo Bigaga ikintu Barushanwaga kugishyira mu Bikorwa, no Guhamagarira Abantu kukiyo boka, bakurikiza Ijambo ry'Intumwa Muhamad rigira riti :

Hadith: *“Ni mbategeka Ikintu mujye mugikora uko Mushoboye, nicyo mbabujije mucyirinde”*

bakanabikora kandi banatinya Ibihano by'Imana bikaze bivugwa muri uyu Murongo: **Qor'an**: *“Nibatinye bamwe baca ukubiri n'Amabwiriza ye (Intumwa Muhamad) ko Bagerwaho n'Ibigeragezo, cyangwa Bakagerwaho n'Ibihano bibabaza”*

Muri abo Bantu twavuga :

☛ **Umu Muminina Umu Habibata** : yakiriye

Hadith igira iti: *“Uzasenga kumanywa na ni Joro Rakat Cumi ne byiri, Azubakirwa kubera zo Ingoro mu Ijuru”*

☛ **Umu Habibat** aravuga ati : (Ntabwo nigeze ndeka kuzisenga, kuva mbyumvise ku Intumwa Muhamad.

☛ **Ibun Umari** nawe Yakiriye

Hadith igira iti : *“ Ntabwo ari byiza k'Umuyisumu ufite icyo araga kuba kuba yamara Iminsi itatu Atarandika Umurage we”*